شرح

# العقيدة الواسطية

بيان عقيدة أهل السنة والجماعة

IBISOBANURO

# BY'IMYEMERERE YA AL WASITWIYAT

*Kugaragaza imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu sunat wal Djama-at)*

لإمام أحمد ابن عبد الحليم المتوفى ٦٦١ هجرية

*Cyanditswe na Imam Ahmad Ibun Abdul Halim wapfuye mu mwaka wa 661 Hijiriyat*

**Maktabat Al Qalam**

بِسْمِ ٱللَّهِ ٱلرَّحْمَٰنِ ٱلرَّحِيمِ

Birabujijwe gukoporora cyangwa se gufotora ibyanditswe
muri iki gitabo utabiherewe uburenganzira na nyiracyo

**Email: maktabaalqalam1@gmail.com**
**Maktbat Al Qalam**
**Kigali - Rwanda**
**2020**

## IJAMBO RY'IBANZE RY'UMUSEMUZI

Ikuzo n'ishimwe bikwiriye guharirwa Imana Nyagasani, amahoro n'imigisha nibisakare ku wasozereje Intumwa n'Abahanuzi ari we Muhamadi we n'umuryango we n'abasangirangendo be ndetse n'abazabakurikiza mu gukora ibyiza kugeza ku munsi w'ingororano.

Nyuma y'ibyo;
Mu by'ukuri imyemerere n'imyizerere (Aqidat) nyayo niyo musingi idini ryubakiyeho, ni nabwo bumenyi bwubahitse ndetse bunafite agaciro kuruta ubundi. Abatubanjirije mu kwemera no mu gukora ibyiza (A-Salaf) bakundaga ubu bumenyi bakanabwitaho cyane babwigisha abantu ndetse banabusakaza. Uyu murongo ukaba ari na wo abamenyi bakomeye b'ahantu hatandukanye ndetse n'ibihe bitandukanye bagendeyeho.

Ni ku bw'iyo mpamvu, twe abasemuzi ba Maktabat Al Qalam twabonye ko ari ngombwa kugeza ku basomyi iki gitabo cya ***Aqidat Al Wasitwiyat***: [Imyemererere n'imyizerere ya Wasitwiyat]. Abamenyi ku bijyanye n'inyito y'iki gitabo babivuze mu buryo bubiri:

1. Kuba iyi nyito Wasitwiyat ikomoka ku izina ry'umujyi witwa *Waasitw* mu gihugu cya Iraki, ubwo umwe mu bari bahatuye witwaga Al Qadwi Radwiyu A-Din yaje kwa Sheikh Al Islam Abul Abas Ahmad ibun Abdul Halim amusobanuza ku bijyanye n'imyemerere nyayo, nuko amwandikira iki gitabo kugira ngo azakigeze ku bantu bo muri uwo mujyi wa *Waasitw*, hari mu mwaka wa 698H. Binavugwa ko yacyanditse hagati y'isengesho ryo ku manywa (A-Dhuh'ri) n'iryo ku gicamunsi (Al Asri).

2. Kuba iyi nyito yaba iva mu ijambo *Al Wasatw* ari byo bisobanuye kuba hagati no gushyira mu gaciro. Uyu mumenyi rero akaba yaranditse iki gitabo agira ngo

agaragaze imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) kubera ko imyemerere yabo iri hagati kandi ishyira mu gaciro, bakirinda kurangwa n'ibihimbano ugereranyije n'utundi dutsiko twitiririrwa Islam twayobye.

Nkuko bishimangirwa n'umurongo wa Qur'an aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَكَذَٰلِكَ جَعَلْنَٰكُمْ أُمَّةً وَسَطًا ﴾ البقرة: ١٤٣

*"Ni nk'uko twabagize umuryango (Umat) wo hagati (ushyira mu gaciro)[1] "*

[1] Qur'an 2:143

## Umurongo twagendeyeho dusobanura iki gitabo:

1. Mu gusobanura iki gitabo twifashishije imirongo ya Qur'an na Hadith z'impamo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ndetse n'ibindi bisobanuro by'abamenyi batandukanye basobanuye iki gitabo.

2. Twagaragaje aho imirongo ya Qur'an iherereye ndetse n'ibitabo bibonekamo Hadithi twifashishije mu mpezarupapuro (footnotes).

3. Twagiye tugaragaza imyemerere ya tumwe mu dutsiko tw'abayobye n'utw'abanyabihimbano, ndetse tukanasubiza imyemerere yabo kuri bimwe mu byo batandukanyeho n'imyemerere y'abagendera ku migenzo y'intumwa (Ahlu Sunat wal Djamaat).

4. Twatandukanyije amagambo ya nyirigitabo tuyashyira mu nyuguti z'umukara cyane (**Bold**), naho ibiri munsi yayo ni ibisobanuro byacu mu buryo burambuye twagiye dukura mu bitabo bitandukanye.

5. Muri iki gitabo hagaragaramo amazina ya tumwe mu dutsiko dutandukanye twiyitirira Islam, twagiye tuyarekera uko ari ariko ibisobanuro byayo ku burebure tubikorera urutonde rwabyo mu mpera z'igitabo.

Ikindi turashima itsinda ryashyizweho na Nyakubahwa Mufti w'u Rwanda mu ishami rishinzwe ivugabutumwa n'imigenzo y'idini mu muryango w'abayisilamu mu Rwanda (R.M.C) mu gusubiramo iki gitabo.

Mu gusoza turasaba uwo ari we wese wazabona ikosa mu byo twasemuye, nko kunyerera kw'ikaramu ko yazabitumenyesha kuko abantu ntidutana n'amakosa.

Turasaba Allah ko yadutunganyiriza iki gikorwa kikaba ku bwe, ndetse kikazagirira umumaro abagaragu be, tunasabira Intumwa y'Imana Muhamad amahoro n'imigisha n'abiwe n'abasangirangendo be n'abazamukurikira kuzageza ku munsi w'imperuka.

Allah niwe Mumenyi uhebuje.

بِسۡمِ ٱللَّهِ ٱلرَّحۡمَٰنِ ٱلرَّحِيمِ

**KU IZINA RY'IMANA, NYIRIMPUHWE, NYIRIMBABAZI.**

<u>*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*</u>

Impamvu umwanditsi w'igitabo yatangije igitabo cye *Bismillah Rahman Rahim,* yari agamije gukurikiza uburyo igitabo cya Qur'an gitangira, kuko buri gice *(Surat)* gitangizwa n'ijambo (*Bismillah Rahman Rahim*) uretse Surat Tawbat. Ikindi yari agamije ni ukugera ikirenge mu cy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kuko nayo inyandiko zayo zose yazitangizaga ijambo (*Bismillah Rahman Rahim*). Ikindi yari agamije ni ugushyira mu bikorwa Hadith y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

كُلُّ أمرٍ ذي بالٍ لا يبدأُ فيهِ ببسمِ اللَّهِ الرَّحمنِ الرَّحيمِ فَهوَ أقطعُ. أخرجه أبو داود والنسائي في «السنن الكبرى.

"Buri gikorwa cyose cy'agaciro, kidatangijwe ijambo *Bismillah Rahman Rahim*, kiba nta migisha gifite[1]." Kuvuga *Bismillah Rahman Rahim* mbere y'igikorwa icyo ari cyo cyose ntabwo wari umugenzo w'Intumwa y'Imana Muhamad gusa, ahubwo n'izindi Ntumwa z'Imana iyo zajyaga kwandikira abantu, cyangwa hari icyo zigiye gukora zabanzaga *Bismillah Rahman Rahim.* Bishimangirwa n'umurongo wa Qur'an uvuga ku Ntumwa y'Imana Sulayman ubwo yandikiraga umwamikazi Balqis yatangiye agira ati:

[1] Yakiriwe na Abu Daud na A-Nasa-i mu gitabo cye cya *(A-Sunan Al Kubra)*

قَالَ تَعَالَى:﴿ إِنَّهُۥ مِن سُلَيۡمَٰنَ وَإِنَّهُۥ بِسۡمِ ٱللَّهِ ٱلرَّحۡمَٰنِ ٱلرَّحِيمِ ۝٣٠ أَلَّا تَعۡلُواْ عَلَيَّ وَأۡتُونِي مُسۡلِمِينَ ۝٣١﴾ النمل: ٣٠ – ٣١

*“Mu by’ukuri (uru rwandiko), rwaturutse kwa Sulayimani, kandi rwose ruragira ruti "Ku izina rya Allah Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi; Ntimunyiboneho ahubwo munsange mwicishije bugufi[1]".* Bityo ni byiza ko umuyisilamu ugiye gukora igikorwa runaka, cyangwa agiye kwandika ko nawe atangiza ijambo *Bismillah Rahman Rahim.*

Ikindi twavuga nuko impuhwe za Allah zivugwa muri uyu murongo zigabanyijemo ibice bibiri:

1. Hari impuhwe za Allah agirira ibiremwa bye byose *(A-Rahman).*
2. Hakaba hari n’impuhwe z’umwihariko ku bemeramana *(A-Rahiim).* Nk’uko Allah abishimangira mu murongo wa Qur’an agira ati:

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ:﴿ ...وَكَانَ بِٱلۡمُؤۡمِنِينَ رَحِيمٗا ۝٤٣﴾ الأحزاب: ٤٣

*“...Kandi (Allah) ni Nyirimbabazi ku bemera.[2]”*

الحمد لله الَّذي أَرْسَلَ رَسُولَهُ بِالْهُدَى وَدِينِ الْحَقِّ لِيُظْهِرَهُ عَلَى الدِّينِ كُلِّهِ وَكَفَى بِاللهِ شَهِيدًا. وأَشْهَدُ أَن لاَّ إِلَهَ إِلاَّ اللهُ وَحْدَهُ لا شَرِيكَ لَهُ إِقْرَارًا بِهِ وَتَوْحِيدًا. وَأَشْهَدُ أَنَّ مُحَمَّدًا عَبْدُهُ وَرَسُولُهُ صَلَّى اللهُ عَلَيْهِ وَعَلَى آلِهِ وَصَحْبِهِ وَسَلَّمَ تسليمًا مَزِيدًا.

**Ishimwe n’ikuzo byuzuye ni iby’Imana, yo yohereje Intumwa yayo (Muhamad) imuhaye umuyoboro n’idini by’ukuri, kugira**

[1] Qur’an 27:30-31
[2] Qur’an 33:43

**ngo iryo dini arisumbishe andi madini yose, kandi Imana irahagije kuba umuhamya wabyo. Ndahamya ntashidikanya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Imana imwe rukumbi, yo yonyine idakwiye kugira icyo ibangikanywa nayo, ndabivuga mbishimangira ndetse mpamya ko ari yo yonyine ikwiye gusengwa. Kandi nkanahamya ko Muhamad ari umugaragu wayo ndetse akaba n'intumwa yayo, impuhwe z'Imana n'amahoro yayo nibimusakareho, hamwe n'ab'iwe n'abasangirangendo be.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Umwanditsi yatangiye ashimira Allah, nkuko bisanzwe mu nyigisho z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yazitangiraga ishimira Imana ku bw'ingabire zayo, kandi ko ariyo ikwiye gusengwa by'ukuri. Naho **Intumwa** umwanditsi yari agamije ni Intumwa Muhamad, kubera ko ari ingabire Allah yahaye abo yamwoherejeho. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَقَدْ جَآءَكُمْ رَسُولٌ مِّنْ أَنفُسِكُمْ عَزِيزٌ عَلَيْهِ مَا عَنِتُّمْ حَرِيصٌ عَلَيْكُم بِٱلْمُؤْمِنِينَ رَءُوفٌ رَّحِيمٌ ۝١٢٨﴾ التوبة: ١٢٨

*"Rwose, mwagezweho n`Intumwa ibakomokamo, iremererwa n'ingorane muhura na zo. Ibitaho (kugira ngo muyoboke by`ukuri), kandi ku bemera, ni Inyempuhwe nyinshi, Inyembabazi.[1]"*

Naho **Umuyoboro w'ukuri** ugamijwe muri uku gushimira Imana, ni ubumenyi ngirakamaro bw'idini y'Ubuyisilamu. Naho **Idini ry'ukuri** rigamijwe ni ugukora ibikorwa bitunganye bituma umuntu azagira intsinzi hano ku isi ndetse no ku munsi w'imperuka.

---

[1] Qur'an 9:128

Naho ijambo **kugira arisumbishe ayandi madini**, bisobanuye ko idini rya Isilamu rigomba kuba hejuru yayo hifashijijwe gihamya no kurisobanura byimbitse, no guharanira inzira y'Imana *(Djihad),* kugira ngo abanyuranya naryo mu batuye isi babashe kurimenya. Baba abarabu cyangwa se abatari bo, kandi ibi byarabaye kubera abayisilamu baharaniye inzira y'Imana ukuri ko kuyiharanira, kugeza ubwo ubuyisilamu bwogeye hose, kuko ari bwo musingi wo kwakirirwa ibikorwa. Allah aragira ati:

﴿وَمَن يَبْتَغِ غَيْرَ ٱلْإِسْلَٰمِ دِينًا فَلَن يُقْبَلَ مِنْهُ وَهُوَ فِى ٱلْءَاخِرَةِ مِنَ ٱلْخَٰسِرِينَ﴾ آل عمران: ٨٥

*"Uzahitamo idini ritari Isilamu, nta bwo azaryakiririwa, kandi ku munsi w'imperuka azaba mu banyagihombo.[1]"*

**Imana irahagije kuba umuhamya** umwanditsi yashatse kugaragaza yuko niyo abantu bagira ugushidikanya ku butumwa bw'Intumwa y'Imana no kuzajya hejuru kw'idini ya Isilamu ntabwo ari uko bizaba bimeze ku Mana, kuko Imana yo izagumya kubihamya inagumye kurokora Intumwa yayo, ndetse inagumye kwimakaza imisingi y'idini ryayo Isilamu. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿هُوَ ٱلَّذِىٓ أَرْسَلَ رَسُولَهُۥ بِٱلْهُدَىٰ وَدِينِ ٱلْحَقِّ لِيُظْهِرَهُۥ عَلَى ٱلدِّينِ كُلِّهِۦ ۚ وَكَفَىٰ بِٱللَّهِ شَهِيدًا ﴿٢٨﴾﴾ الفتح: ٢٨

*"Ni we wohereje Intumwa ye (Muhamadi) izanye umuyoboro (Qur'an) n'idini by'ukuri, kugira ngo arisumbishe andi madini yose. Kandi Allah arahagije kuba umuhamya[2]."*

**No guhamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Imana imwe rukumbi**, aha umwanditsi yashatse

[1] Qur'an 3:85
[2] Qur'an 48:28

kugaragaza yuko ubuhamya umuntu abuvugisha urulimi abikuye ku mutima, akemera Imana ashingiye

ku misingi itatu ariyo;

1. ***Tauhid A-Rububiyat***: Guharira Imana ibikorwa byayo nko kurema, aribyo kwemera ko Allah ariwe wihariye kurema, gutanga amafunguro, ugena urupfu, utanga ubuzima, ugenzura buri kimwe. Kandi iki gice cy'iyobokamana ababangikanyamana baracyemera, ariko kuba bacyemera batemera ibindi bisigaye, ntikibagira abayisilamu. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ:﴿وَلَئِن سَأَلْتَهُم مَّنْ خَلَقَ ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلْأَرْضَ وَسَخَّرَ ٱلشَّمْسَ وَٱلْقَمَرَ لَيَقُولُنَّ ٱللَّهُ ۖ فَأَنَّىٰ يُؤْفَكُونَ ﴿٦١﴾

﴾ العنكبوت: ٦١

*"N'iyo ubabajeje uti: "Ni nde waremye ibirere n'isi akanacisha bugufi izuba n'ukwezi?" Rwose baravuga bati: "Ni Allah". Nonese ni gute bareka ukuri bagakurikira ikinyoma[1]."*

2. ***Tauhid Al Uluhiyat***: Guharira Imana ukugaragirwa, iki gice nicyo cyatumye Imana yohereza intumwa, kugira ngo zigishe abantu ko kwemera ibikorwa Imana ikora no kwemera ko ari yo yaremye bidahagije umuntu atayihariye amasengesho. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ:﴿ وَلَقَدْ بَعَثْنَا فِى كُلِّ أُمَّةٍ رَّسُولًا أَنِ ٱعْبُدُوا۟ ٱللَّهَ وَٱجْتَنِبُوا۟ ٱلطَّٰغُوتَ ۖ فَمِنْهُم مَّنْ هَدَى ٱللَّهُ وَمِنْهُم مَّنْ حَقَّتْ عَلَيْهِ ٱلضَّلَٰلَةُ ۚ فَسِيرُوا۟ فِى ٱلْأَرْضِ فَٱنظُرُوا۟ كَيْفَ كَانَ عَٰقِبَةُ ٱلْمُكَذِّبِينَ ﴿٣٦﴾﴾ النحل: ٣٦

*"Kandi rwose twohereje muri buri muryango (umat) intumwa (kugira ngo ibabwire iti) "Nimugaragire Allah kandi mwirinde*

[1] Qur'an 29:61

*ibigirwamana". Muri bo harimo abo Allah yayoboye, ndetse no muri bo hari abokamwe n'ubuyobe. Bityo nimutambagire ku isi, maze murebe uko iherezo ry'abahinyuye ukuri ryagenze.[1]"*

Iki gice kandi nicyo cyatumye habaho kutavuga rumwe hagati y'Intumwa n'abo zabaga zoherejweho. Kubera ko zabaga zigiye kubakura ku byo babaga bamenyereye kugaragira harimo ibigirwamana. Nkuko Allah abishimangira agaragaza uburyo ababangikanyamana bamaze kubwirwa ko Imana igomba kugaragirwa ari imwe (Allah) uburyo bitwaye.

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ أَجَعَلَ ٱلۡأٓلِهَةَ إِلَٰهٗا وَٰحِدًاۖ إِنَّ هَٰذَا لَشَيۡءٌ عُجَابٞ ۝٥ ﴾ ص: ٥

*""Ese (uwo muhanuzi) arashaka ko imana (zacu) zose ziba Imana imwe? Mu by' ukuri, iki ni ikintu gitangaje![2]"*

Ikindi cyatumaga ababangikanyamana barwanya intumwa zabaga ziboherejweho, nuko zabaga zigamije kubakura ku mico mibi babaga bamenyereye, nko guterekera, kurya ibyipfushije n'ibiremvi, kunywa inzoga, ubusambanyi n'ibindi, zibigisha imico myiza nko guharira Imana amasengesho, kubaha ababyeyi, kuvugisha ukuri, kunga isano ry'imiryango, kurinda indagizo, ndetse n'ibindi byiza babaga banyuranya nabyo. Allah yavuze abanenga agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَإِذَا قِيلَ لَهُمُ ٱتَّبِعُواْ مَآ أَنزَلَ ٱللَّهُ قَالُواْ بَلۡ نَتَّبِعُ مَآ أَلۡفَيۡنَا عَلَيۡهِ ءَابَآءَنَآۚ أَوَلَوۡ كَانَ ءَابَآؤُهُمۡ لَا يَعۡقِلُونَ شَيۡـٔٗا وَلَا يَهۡتَدُونَ ۝١٧٠ ﴾ البقرة: ١٧٠

*"N'iyo babwiwe bati: "Nimukurikire ibyo Allah yahishuye" baravuga bati: "Ahubwo turakurikira ibyo twasanganye abakurambere bacu". Ese n'ubwo abakurambere babo nta cyo*

---

[1] Qur'an 16:36
[2] Qur'an 38:5

*baba bari bazi cyangwa bataranayobotse (bari kubakurikira)!?"*[1] Hari gihamya nyinshi zigaragaza ko ukwiye guharirwa amasengesho ari Allah. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى:﴿ وَمَآ أُمِرُوٓاْ إِلَّا لِيَعۡبُدُواْ ٱللَّهَ مُخۡلِصِينَ لَهُ ٱلدِّينَ حُنَفَآءَ وَيُقِيمُواْ ٱلصَّلَوٰةَ وَيُؤۡتُواْ ٱلزَّكَوٰةَۚ وَذَٰلِكَ دِينُ ٱلۡقَيِّمَةِ ٥﴾ البينة: ٥

*"Kandi (no mu bitabo byabo) nta kindi bari barategetswe kitari ugusenga Allah bamwiyegurira, bahozaho amasengesho, ndetse bakanatanga amaturo. Iryo ni ryo dini ritunganye."* Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى:﴿ قُلۡ إِنِّيٓ أُمِرۡتُ أَنۡ أَعۡبُدَ ٱللَّهَ مُخۡلِصٗا لَّهُ ٱلدِّينَ ١١ ..... قُلِ ٱللَّهَ أَعۡبُدُ مُخۡلِصٗا لَّهُۥ دِينِي ١٤ ﴾ الزمر: ١١ – ١٤

*"Vuga uti "Mu by'ukuri, njye executegetswe kugaragira Allah (wenyine) nkora ibikorwa byiza kubera we; ....Vuga uti "Ngaragira Allah wenyine nkora ibikorwa byiza kubera we*[2]*".*

3. ***Tauhid Asma-i llah waswifatihi***: Guharira Imana amazina yiyise yo ubwayo akaba ari nayo natwe tuyita, tukayiharira ibigwi n'ibisingizo yivuzeho ubwayo, ndetse tukanayiharira amazina Intumwa yayo yayise n'ibigwi n'ibisingizo yayivuzeho. Tukemera ayo mazina n'ibyo bigwi tutabisanishije n'iby'ibiremwa cyangwa se ngo tubigereranye n'ibya byo, cyangwa se ngo tabihakane cyangwa se ngo tubishakire ibisobanuro binyuranye nabyo. Allah agaragaza umwihariko w'amazina ye meza n'ibisingizo bye bihebuje agira ati:

---

[1] Qur'an 2:170
[2] Qur'an 39:11-14

قَالَ تَعَالَى: ﴿ قُلِ ٱدْعُوا۟ ٱللَّهَ أَوِ ٱدْعُوا۟ ٱلرَّحْمَـٰنَ ۖ أَيًّا مَّا تَدْعُوا۟ فَلَهُ ٱلْأَسْمَآءُ ٱلْحُسْنَىٰ ۚ وَلَا تَجْهَرْ بِصَلَاتِكَ وَلَا تُخَافِتْ بِهَا وَٱبْتَغِ بَيْنَ ذَٰلِكَ سَبِيلًا ﴿١١٠﴾ وَقُلِ ٱلْحَمْدُ لِلَّهِ ٱلَّذِى لَمْ يَتَّخِذْ وَلَدًا وَلَمْ يَكُن لَّهُۥ شَرِيكٌ فِى ٱلْمُلْكِ وَلَمْ يَكُن لَّهُۥ وَلِىٌّ مِّنَ ٱلذُّلِّ ۖ وَكَبِّرْهُ تَكْبِيرًۢا ﴿١١١﴾ ﴾ الإسراء: ١١٠ - ١١١

"*Vuga (yewe Muhamadi) uti "Mwasaba muvuga (izina) Allah cyangwa muvuga (izina) Rahmani (Nyirimpuhwe). Izina iryo ari ryo ryose mwakoresha musaba, (mumenye ko Allah) afite amazina meza". No mu isengesho ryawe ntukazamure ijwi cyane, kandi ntukarimanure; ahubwo ujye uba hagati aho. Unavuge (yewe Muhamadi) uti "Ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya Allah, we utagira umwana, ntagire uwo babangikanye mu bwami bwe, kandi utanagira uwamufasha kubera ko (atajya agira) intege nke". Unamukuze ikuzo rihambaye cyane.*[1]" Ikindi nuko iyi misingi itatu ari yo ihatse imyemerere y'intumwa z'Imana ndetse nibyo zahishuriwe. Ibyo iyi misingi itatu igaragaza nibyo bijyananye n'ubwenge buzima Imana yahaye umuntu.

**Naho kuvuga ko Muhamad ari umugaragu w'Imana akaba n'Intumwa yayo,** umwanditsi yashatse kugaragaza ko kugira ngo umuntu abe umuyisilamu, ari uko agomba guhamya n'ubu buhamya. Akabuvugisha urulimi rwe akebyemera ku mutima we ko Imana yamwohereje ku bantu bose. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَآ أَرْسَلْنَـٰكَ إِلَّا كَآفَّةً لِّلنَّاسِ بَشِيرًا وَنَذِيرًا وَلَـٰكِنَّ أَكْثَرَ ٱلنَّاسِ لَا يَعْلَمُونَ ﴿٢٨﴾ ﴾ سبأ: ٢٨

[1] Qur'an 17:110-111

*"Kandi nta kindi cyatumye tukohereza usibye kuba utanga inkuru nziza no kuba umuburizi ku bantu bose; ariko abenshi mu bantu ntibabizi.[1]"*

Ikindi nanone nuko ubu buhamya bugomba kugendana no guhamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Imana imwe rukumbi (Allah), bityo rero ubuhamya bumwe ntibuhagije. Naho **ijambo umugaragu w'Imana akaba n'Intumwa yayo**, aha harimo gusubiza abarengereye bagakabiriza Intumwa y'Imana ndetse n'abarengereye bakayimanura mu rwego rwayo. Kuko abarengereye bakayikabiriza bayizamuye mu rwego rurenze urw'ubugaragu, naho abarengereye bakayimanura mu rwego rwayo barayihakanye, kugeza ubwo bayambuye n'ukuri kwayo ko kuba ari Intumwa. **Ikindi nuko guhamya ko Muhamad ari Intumwa y'Imana** bisobanuye kumwemera no kumwumvira mu byo yategetse, no kwemera ko ibyo yavuze ari ukuri, no kwirinda ibyo yabujije, no gusenga Imana bigendanye n'uburyo yigishije.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ فَلَا وَرَبِّكَ لَا يُؤْمِنُونَ حَتَّىٰ يُحَكِّمُوكَ فِيمَا شَجَرَ بَيْنَهُمْ ثُمَّ لَا يَجِدُوا۟ فِىٓ أَنفُسِهِمْ حَرَجًا مِّمَّا قَضَيْتَ وَيُسَلِّمُوا۟ تَسْلِيمًا ﴿٦٥﴾ ﴾ النساء: ٦٥

*"Oya! Ndahiye ku izina rya Nyagasani wawe! Ntibazemera by'ukuri, keretse babanje kukugira (yewe Muhamadi) umucamanza mu makimbirane ya kuva hagati yabo, hanyuma ntibasigarane ingingimira mu mitima yabo ku buryo wabakiranuye, kandi bakabyakira banyuzwe.[2]"*

[1] Qur'an34:28
[2] Qur'an 4:65

Naho gusabirwa **imbabazi n'impuhwe z'Imana,** ibitabo by'ibisobanuro ya Qur'an byagaragaje ko Allah aha impuhwe Intumwa ye Muhamad. Abamalayika bakayisabira imbabazi kuri Allah. Naho abemeramana bakayisabira ibindi byiza n'amahoro ko byayibaho. Ibi bishimangirwa n'umurongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ إِنَّ ٱللَّهَ وَمَلَٰٓئِكَتَهُۥ يُصَلُّونَ عَلَى ٱلنَّبِيِّۚ يَٰٓأَيُّهَا ٱلَّذِينَ ءَامَنُواْ صَلُّواْ عَلَيۡهِ وَسَلِّمُواْ تَسۡلِيمًا ٥٦ ﴾ الأحزاب: ٥٦

*"Mu by'ukuri, Allah ahundagaza impuhwe ze ku Muhanuzi (Muhamadi) ndetse n'Abamalayika bakazimusabira. Yemwe abemeye! Nimumusabire impuhwe munamwifurize amahoro.*[1]*"*

Hari n'abandi bamenyi basobanuye ko impuhwe z'Imana *(A-Swalat)* zivugwa aha, ni ukuba Allah avuga ibigwi Intumwa ye Muhamad mu Bamalayika.

Naho gusabira **imbabazi n'impuhwe ab'iwe,** umwanditsi agamije kuvuga ko iyo bavuzwe bonyine haba hagamijwe abayoboke b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), naho iyo bavuzwe hamwe n'abayoboke b'Intumwa y'Imana, icyo gihe ab'iwe baba bagamijwe ni abo mu muryango we bamwemeye, nk'abana be ndetse n'abagore be n'abandi batari bemerewe kwakira amaturo.

Naho gusabira **imbabazi n'impuhwe z'Imana abasangirangendo bayo,** abamenyi bagaragaza ko umusangirangendo ari uwo ari we wese wahuye n'Intumwa y'Imana, akayemera kandi agapfa akiri umwemera.

---

[1] Qur'an 33:56

أَمَّا بَعْدُ؛

فَهَذَا اعْتِقَادُ الْفِرْقَةِ النَّاجِيَةِ الْمَنْصُورَةِ إِلَى قِيَامِ السَّاعَةِ: أَهْلِ السُّنَّةِ وَالْجَمَاعَةِ: وَهُوَ الإِيمانُ بِاللهِ وَمَلاَئِكَتِهِ، وَكُتُبِهِ، وَرُسُلِهِ، وَالْبَعْثِ بَعْدَ الْمَوْتِ، والإِيمَانِ بِالْقَدَرِ خَيْرِهِ وَشَرِّهِ.

**Nyuma y'ibyo;**

**(Ibi bikubiye muri iki gitabo) ni imyemerere n'imyizerere y'itsinda rizarokoka, kandi rizatabarwa kuzageza ku munsi w'imperuka, ari ryo: Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ndetse bakanayihurizaho *(AHLU SUNAT WAL DJAMA-AT). Iyo* myemerere ni: Ukwemera Imana, Abamalayika bayo, Ibitabo byayo, Intumwa zayo, Izuka nyuma yo gupfa, ndetse no kwemera igeno; ibyiza byaryo n'ibibi byaryo[1].**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

**Imyemerere n'imyizerere** ni ibyo umutima w'umuntu uba wemera kandi ukabyitwararikaho ndetse ukanabigenderaho.

**Naho itsinda rizarokoka** umwanditsi yari agamije kwerekana abantu batazahura n'ibihano haba hano ku isi ndetse no ku munsi w'imperuka, ahubwo bazaba bafite umunezero kubera kugira igihagararo mu idini no kugendera ku byo Intumwa y'Imana yahishuriwe, n'ibyo abasangirangendo bayo bari bariho. Nkuko bigaragara mu mvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) aho igira iti:

[1] Bizasobanurwa imbere Inshallah

عن أبي هريرة رضي الله عنه ,عن النبي ﷺ قال: "تفرقت اليهود على إحدى وسبعين فرقة ,وتفرقت النصارى على إحدى أو اثنتين وسبعين فرقة, وتفرقت أمتي على ثلاث وسبعين فرقة"رواه أحمد. وفي حديثه : قالوا :ومن هي يا رسول الله؟ قال: "ما أنا عليه وأصحابي ".

"Abayahudi bacitsemo ibice mirongo irindwi na kimwe, naho abanaswarat bacikamo ibice mirongo irindwi na bibiri, ariko abayoboke banjye (abayisilamu) bazacikamo ibice mirongo irindwi na bitatu. Ibyo bice byose bizajya mu muriro usibye igice kimwe. Nuko barayibaza bati: Icyo gice kizarokoka ni icy'abantu ki yewe Ntumwa y'Imana? Irabasubiza iti: "Ni abazakurikiza ibyo ndiho n'abasangirangendo banjye." No mu zindi mvugo Intumwa y'Imana yarabasubije iti: "Ni abazaba barahurije ku migenzo yanjye *(Al Djama-at).*[1]".

**Naho ijambo itsinda rizatabarwa kuzageza ku munsi w'imperuka** rishimangirwa na Hadithi y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), yaturutse kwa Al Mughirat Ibun Shuubat (Imana imwishimire) yemeranyijweho na Bukhari na Muslim igira iti:

عَنْ النّبِيّ ﷺ قَالَ: "لَا تَزَالُ طَائِفَةٌ مِنْ أُمّتِي ظَاهِرِينَ على الحق لَا يَضُرُّهُمْ مَنْ خَذَلَهُمْ ولا مَنْ خَالَفَهُمْ حَتّى تقوم الساعة" .

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Hari itsinda mu bayoboke banjye rizagumya kuba ku kuri (rigendera kuri Qur'an na Hadith), ntirizabangamirwa n'abazashaka kurisuzuguza cyangwa se kunyuranya naryo kugeza ku munsi w'imperuka." Ibi niko kurokorwa kw'iri tsinda kuko Imana izagumya kurishoboza kuguma ku misingi

[1] Yakiriwe na Abu Daud na Tir'midh na Ibun Madjah na Al Hakim

ryigishijwe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amhoro n'imigisha). Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّا لَنَنصُرُ رُسُلَنَا وَٱلَّذِينَ ءَامَنُوا۟ فِى ٱلْحَيَوٰةِ ٱلدُّنْيَا وَيَوْمَ يَقُومُ ٱلْأَشْهَٰدُ ﴾ غافر: ٥١

*"Mu by'ukuri dutabara intumwa zacu, na ba bandi bemeye (Intumwa bakazikurikira), bakiri mu buzima bw' isi, no ku munsi abahamya bazahagarara (babashinja ibyo bakoze)[1]."*

Naho inyito ***Ahlu Sunat wal Djama-at:*** Ijambo ***Ahlu Sunat*** ni abantu bagendera bakanita cyane ku migenzo y'Intumwa y'Imana, bakayikoresha haba muri bike cyangwa muri byinshi. Iyo migenzo y'Intumwa ikaba ari: Imvugo ze, ibikorwa bye ndetse n'ibyo yabonye bikorwa cyangwa bivugwa ntiyabibuza ahubwo irabishyigikira. Naho ***Al Djama-at*** ivugwa hano ni abasangirangendo b'Intumwa y'Imana n'ababakurikiye mu gukora ibikorwa byiza, bahurije kuri iyi migenzo y'Intumwa y'Imana tuvuze hejuru, kuzageza ku munsi w'imperuka kabone nubwo umubare wabo waba aru muke.

Imvugo zaje ari nyinshi zishishikariza abantu kuba hamwe mu kuri, hadithi yaturutse kwa Ibun Abass (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عن ابن عباس رضي الله عنهما قال: قال رسول الله ﷺ (فعليكم بالجماعة فإن الله عز وجل لن يجمع أمتي إلا على هدى)

"Nimube hamwe, kuko Allah ntashyira hamwe abayoboke banjye uretse igihe bari mu kuri.[2]"

[1] Qur'an 40:51
[2] Yakiriwe na Ahmad

عن أبي ذر رضي الله عنه عن النبي ﷺ، أنه قال (فمن خرج من الجماعة قيد شبر فقد خلع ربقة الإسلام من عنقه)

Hadithi yaturutse kwa Abi Dhari (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Uzitandukanya n'abishyize hamwe intera ingana n'ikiganza, azaba yiyambuye ikamba ry'Ubuyisilamu.[1]"

**Naho Kwemera Imana** n'ibindi byakurikiyeho umwanditsi yavuze bigize uko kwemera, ni ibigaragara muri Hadithi izwi ya Malayika Djibril ubwo yabazaga Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibijyanye no kwemera, Intumwa y'Imana ikamusubiza ko ari ukwemera gukubiye mu byo umwanditsi yagaragaje. Abamenyi bagaragaje ko kwemera Imana bikubiye mu bintu bine:

1. Kwemera ko Imana iriho. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ أَمْ خُلِقُوا۟ مِنْ غَيْرِ شَىْءٍ أَمْ هُمُ ٱلْخَٰلِقُونَ ﴿٣٥﴾ ﴾ الطور: ٣٥

*" Ese bibwira ko baremwe ntawe ubaremye, cyangwa ni bo biremye!?*[2] Ubwo uwemera ko yaremwe agomba kwemera ko umuremyi ariho kandi ari umwe ari we Allah.

2. Kwemera ibikorwa Imana yihariye, nko kurema, no kugenga imibereho ya buri kimwe n'ibindi.

3. Kwemera ko Imana ari yo ikwiye guharirwa amasengesho yonyine.

---

[1] Yakiriwe na Ahmad na Abu Daud.
[2] Qur'an 52:35

4. Kwemera amazina y'Imana yayo meza n'ibisingizo byayo bihebuje. Ntabwo umuntu yavuga ko yemera Imana atemeye ibi bintu uko ari bine.

**Naho kwemera Abamalayika** ni ukwemera udashidikanya ko bariho, ukanemera ibigwi byabo nkuko Allah yabivuze mu gitabo cye cya Qur'an mu mirongo ibiri igira iti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ...بَلْ عِبَادٌ مُّكْرَمُونَ ۝٢٦ لَا يَسْبِقُونَهُۥ بِٱلْقَوْلِ وَهُم بِأَمْرِهِۦ يَعْمَلُونَ ۝٢٧ ﴾ الأنبياء: ٢٦ – ٢٧

*"...Ahubwo (abo bamalayika) ni abagaragu bubashywe. Ntacyo bavuga batategetswe (na Allah), ahubwo bubahiriza itegeko rye.*[1]*"* Qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) zagiye zigaragaza amoko y'Abamalayika n'ibigwi byabo, ndetse zigaragaza n'imirimo bashinzwe bashyira mu bikorwa nkuko Allah abibategeka, bikaba ari itegeko ku muyisilamu kwemera ibyo byose. Ikindi nuko umuyisilamu agomba kwemera Abamalayika mu buryo bwa rusange no mu buryo bw'umwihariko.

**Naho Kwemera ibitabo** ni uguhamya ibitabo Allah yahishuriye Intumwa ze, ukanahamya ko ari amagambo ye kandi y'ukuri, akaba ari n'urumuri ndetse n'umuyoboro. Bikaba ari itegeko kwemera ibitabo Allah yavuze amazina yabyo nka *SUHUF (Yahishuriwe Intumwa Ibrahim na Mussa), TAWURAT (yahishuriwe Intumwa Mussa), A-ZABURI (Yahishuriwe intumwa Daud), AL INJIILI (Yahishuriwe Intumwa Issa) na QUR'AN (Yahushuriwe Intumwa Yimana Muhamad),* ukanemera n'ibitabo Allah yahishuye ariko ntayatubwira amazina yabyo.

---

[1] Qur'an 21:26-27

قَالَ تَعَالَى:﴿ لَقَدۡ أَرۡسَلۡنَا رُسُلَنَا بِٱلۡبَيِّنَٰتِ وَأَنزَلۡنَا مَعَهُمُ ٱلۡكِتَٰبَ وَٱلۡمِيزَانَ ... ﴾ الحديد: ٢٥

Allah aragira ati: "*Rwose twohereje intumwa zacu tuzihaye ibimenyetso bigaragara n'ibitangaza, ndetse tunazihishurira ibitabo n'ubutabera...*[1]"

**Naho kwemera Intumwa** Imana yohereje ku biremwa byayo, ni uguhamya ubutumwa bwazo zose, ukanahamya ko zari abanyakuri ku byo zavugaga, kandi ukanemera ko zasohoje ubutumwa zahawe na Allah. Ikindi ni ukuzemera utazirobanuye hagati yazo, ahubwo ukazemera zose uko zakabaye, zaba izo Allah yavuze mu gitabo cye cya Qur'an n'izo atavuze, nkuko Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى:﴿ وَرُسُلٗا قَدۡ قَصَصۡنَٰهُمۡ عَلَيۡكَ مِن قَبۡلُ وَرُسُلٗا لَّمۡ نَقۡصُصۡهُمۡ عَلَيۡكَۚ ... ﴾ النساء: ١٦٤

"*Kandi (twohereje) intumwa twakubwiye ibyazo mbere (y'ihishurwa ry'uyu murongo), hakaba n'intumwa tutakubwiye ibyazo...*[2]"

Ikindi kandi nuko Intumwa yazibanjirije ari Nuhu naho iyazisozereje ni Muhamad (Imana ibahe amahoro n'imigisha) Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى:﴿ ۞ إِنَّآ أَوۡحَيۡنَآ إِلَيۡكَ كَمَآ أَوۡحَيۡنَآ إِلَىٰ نُوحٖ وَٱلنَّبِيِّـۧنَ مِنۢ بَعۡدِهِۦۚ ﴾ النساء: ١٦٣

"Mu by'ukuri, twaguhishuriye (ubutumwa) nk'uko twahishuriye Nuhu (Nowa) n'abahanuzi baje nyuma ye"[3]

Nanone Allah aragira ati:

---

[1] Qur'an 57:25
[2] Qur'an 4:164
[3] Qur'an 4:163

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَلَٰكِن رَّسُولَ ٱللَّهِ وَخَاتَمَ ٱلنَّبِيِّـۧنَۗ وَكَانَ ٱللَّهُ بِكُلِّ شَيۡءٍ عَلِيمًا ﴿٤٠﴾ ﴾ الأحزاب: ٤٠

*"Ahubwo ni intumwa ya Allah akaba n'uwasozereje abahanuzi. Kandi Allah ni Umumenyi wa byose."[1]*

Tunemera kandi ko intumwa ziruta izindi ari izari zifite umuhate kurusha izindi *(Ulu Al Azmi)* arizo: Nuhu, Ibrahim, Mussa, Issa, ndetse na Muhamad (Imana izihundagazeho amahoro yayo). Hanyuma hakaza izindi ntumwa zisigaye, nyuma yazo hakaza abahanuzi, n'Intumwa iruta izindi zose ni Intumwa y'Imana Muhamad (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

**Naho kwemera izuka nyuma yo gupfa,** ni uguhamya izuka ry'abapfuye ku munsi w'imperuka bava mu mva zabo ari bazima kugira ngo bacirirwe imanza zabo, bahemberwe cyangwa bahanirwe ibyo bazaba barakoze nk'uko Allah yabigaragaje mu gitabo cye cya Qur'an n'Intumwa ye ikabigaragaza mu mvugo zayo (Hadith). Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ زَعَمَ ٱلَّذِينَ كَفَرُوٓاْ أَن لَّن يُبۡعَثُواْۚ قُلۡ بَلَىٰ وَرَبِّي لَتُبۡعَثُنَّ ثُمَّ لَتُنَبَّؤُنَّ بِمَا عَمِلۡتُمۡۚ وَذَٰلِكَ عَلَى ٱللَّهِ يَسِيرٞ ﴿٧﴾ ﴾ التغابن: ٧

*"Abahakanyi bakeka ko batazazurwa (ngo babazwe). Vuga (yewe Muhamadi) uti "Yego! Ndahiye ku izina rya Nyagasani wanjye, rwose muzazurwa maze mubwirwe ibyo mwakoze, kandi kuri Allah ibyo biroroshye.[2]"* Ibyo bikanashimangirwa n'ubusabe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasabaga ibyutse bugaragara muri Hadithi ya Al Bara-u igira iti:

[1] Qur'an 33:40
[2] Qur'an 64:7

عن البراء ابن عازب رضي الله عنهما قال: كان النبي ﷺ إذا استيقظ من نومه قال (الْـحَمْدُ لِلَّهِ الَّذِي أَحْيَانَا بَعْدَ مَا أَمَاتَنَا وإِلَيْهِ النُّشُورُ) رواه مسلم

Hadithi yaturutse kwa Al Bara-u Ibun Azib (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana Imana iyihe amahoro n'imigisha iyo yabyukaga yaravugaga iti: "Ishimwe n'ikuzo ni ibya Allah we udusubije ubuzima nyuma y'uko yari yabwisubije kandi iwe niho tuzasubira igihe cy'izuka.[1]"

**Naho kwemera igeno; ibyiza byaryo n'ibibi byaryo** ni uguhamya no kwemeza ko Allah yari azi igeno rya buri kimwe n'ibihe byacyo mbere yuko biba, maze Allah aryandika kurubaho rurinzwe *(Lawhul Mahfudh*) hanyuma arishoboza kubaho mu gihe cyaryo ku bushobozi bwe n'ubushake bwe bihuye n'uburyo yarigennye. Bityo buri icyo ari cyo cyose cyaba icyiza cyangwa ikibi kiba, kiba kigendanye n'ubumenyi bwa Allah n'igeno rye n'ubushake bwe. Icyo ashatse kiraba nicyo adashatse ntikiba. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى:﴿ إِنَّا كُلَّ شَيْءٍ خَلَقْنَٰهُ بِقَدَرٍ ﴿٤٩﴾ ﴾ القمر: ٤٩

*"Mu by'ukuri, buri kintu twakiremeye igeno ryacyo.[2]"* Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى:﴿ وَمَا تَشَآءُونَ إِلَّآ أَن يَشَآءَ ٱللَّهُ رَبُّ ٱلْعَٰلَمِينَ ﴿٢٩﴾ ﴾ التكوير: ٢٩

*"Kandi nta cyo mwashaka (ngo kibe) keretse Allah, Nyagasani w'ibiremwa (byose) aramutse agishatse.[3]"*

---

[1] Yakiriwe na Muslim iturutse kwa Al Bara-a Ibun Azib
[2] Qur'an 54:49
[3] Qur'an 81:29

وَمِنَ الإِيمَانِ بِاللهِ: الإِيمَانُ بِمَا وَصَفَ بِهِ نَفْسَهُ فِي كِتَابِهِ الْعَزِيزِ، وَبِمَا وَصَفَهُ بِهِ رَسُولُهُ مُحَمَّدٌ ﷺ؛ مِنْ غَيْرِ تَحْرِيفٍ وَلاَ تَعْطِيلٍ، وَمِنْ غَيْرِ تَكْيِيفٍ وَلاَ تَمْثِيلٍ. بَلْ يُؤْمِنُونَ بِأَنَّ اللهَ لَيْسَ كَمِثْلِهِ شَيْءٌ وَهُوَ السَّمِيعُ البَصِيرُ.

**No mu kwemera Imana: Harimo kwemera Allah tugendeye ku bisingizo n'ibigwi bye yivuzeho mu gitabo cye gitagatifu, no ku byo Intumwa ye Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yamuvuzeho, ntacyo duhinduyeho (ngo tugihe ibisobanuro bitari ibyacyo), cyangwa ngo tubihakane, kandi tukabyemera hatabayeho kugaragaza imiterere yabyo cyangwa ngo tubisanishe n'iby'ibiremwa. Ahubwo abemera nyabo bemera ko Imana itagira icyo isa na cyo, kandi ko ariyo Uwumva cyane, Ubona bihebuje.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Umwanditsi hano yashatse kwibutsa uburyo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) *Ahlu Sunat wal Djama-at* bemeramo amazina y'Imana meza n'ibisingizo byayo bihebuje . Umwanditsi aha yibanze kukuvuga ibisingizo ariko ntiyavuga amazina; bamwe mu bamenyi babona ko yari akwiriye no kuvuga amazina ariko bakabona ko impamvu ishobora kuba yaramuteye kutayavuga ari uko buri zina riba rikubiyemo n'igisingizo cyangwa se ko ibigendanye n'amazina abamenyi batigeze babitandukanaho cyane. Ayo mazina n'ibyo bisingizo bigaragarira muri Qur'an no mu mvugo z'Intumwa y'Imana. Ikindi umwanditsi yagaragaje nuko imiterere y'ibisingizo by'Imana n'ibigwi byayo n'imiterere y'Imana ubwayo biri mu bintu bitagaragara umuyisilamu nyawe aba asabwa kwemera nkuko byavuzwe, hatabayeho ubundi bushakashatsi budashingiye kuri Qur'an na Hadith, kuko byakwinjiza umuntu mu cyaha gikomeye

cyo ku kuvuga ku Mana ibyo adafitiye ubumenyi. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ قُلۡ إِنَّمَا حَرَّمَ رَبِّيَ ٱلۡفَوَٰحِشَ مَا ظَهَرَ مِنۡهَا وَمَا بَطَنَ وَٱلۡإِثۡمَ وَٱلۡبَغۡيَ بِغَيۡرِ ٱلۡحَقِّ وَأَن تُشۡرِكُواْ بِٱللَّهِ مَا لَمۡ وَأَن تَقُولُواْ عَلَى ٱللَّهِ مَا لَا تَعۡلَمُونَ ﴿٣٣﴾ ﴾ الأعراف: ٣٣

*"Vuga uti "Mu by'ukuri, Nyagasani wanjye yaziririje ibicumuro, byaba ibikozwe ku mugaragaro cyangwa mu ibanga, n'ibyaha (ibyo ari byo byose), n'ibikorwa by'ubugome, no kubangikanya Allah n'ibyo atabahereye gihamya (ko bigomb a gusengwa), no guhimbira Allah ibyo mutazi.*[1]"

Ijambo **Imana itagira icyo isa na cyo,** iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an gisubiza babandi basanisha ibisingizo by'Imana n'iby'ibiremwa, naho ijambo **kandi ko ariyo Uwumva cyane, Ubona bihebuje,** iki gice cyo gisubiza abahakana ibisingizo by'Imana n'ibigwi byayo, bibwira ko baramutse babyemeye baba babisanishije n'iby'ibiremwa.

فَلاَ يَنْفُونَ عَنْهُ مَا وَصَفَ بِهِ نَفْسَهُ، وَلاَ يُحَرِّفُونَ الْكَلِمَ عَن مَّوَاضِعِهِ، وَلاَ يُلْحِدُونَ فِي أَسْمَاءِ اللهِ وآيَاتِهِ، وَلاَ يُكَيِّفُونَ وَلاَ يُمَثِّلُونَ صِفَاتِهِ بِصِفَاتِ خَلْقِهِ. لأَنَّهُ سُبْحَانَهُ: لاَ سَمِيَّ لَهُ، وَلاَ كُفْءَ لَهُ، وَلاَ نِدَّ لهُ. ولاَ يُقَاسُ بِخَلْقِهِ سُبْحَانَهُ وَتَعَالَى. فَإِنَّهُ أَعْلَمُ بِنَفْسِهِ وَبِغَيْرِهِ، وَأَصْدَقُ قِيلاً، وَأَحْسَنُ حَدِيثًا مِنْ خَلْقِهِ. ثُمَّ رُسُلُه صَادِقُونَ مُصَدَّقُون؛ بِخِلاَفِ الَّذِينَ يَقُولُونَ عَلَيْهِ مَا لاَ يَعْلَمُونَ.

**Bityo *Ahlu Sunat Wal Djama-at* ntibahakana ibisingizo Allah yivuze, kandi ntibahindura amagambo (ya Allah) cyangwa ngo bayasobanure uko atari, nta n'ubwo bapfobya amazina ya Allah n'ibimenyetso bye. Nta n'ubwo bagereranya ibisingizo n'ibyo Allah yivuzeho ko bimuranga ngo babigereranye**

[1] Qur'an 7:33

**cyangwa babisanishe n'iby'ibiremwa. Kubera ko Allah Nyirubutagatifu nta we bitiranwa, nta n'uwo agereranywa nawe, nta n'uwo asanishwa nawe. Nta n'uwo areshyeshywa nawe mu biremwa bye. Kubera ko mu by'ukuri Allah niwe wiyizi cyane akanamenya n'ibindi bitari we, ni nawe munyakuri mu mvugo, kandi imvugo ze nizo nziza zinasobanutse kurusha iz'ibiremwa bye. Hanyuma tugahamya ko intumwa z'Imana zari abanyakuri ndetse n'ibyo zahishuriwe ari ukuri; binyuranye na babandi bavuga kuri Allah ibyo batazi.**

<u>*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*</u>

Ijambo **ntibahakana ibisingizo Allah yivuze;** bivuze ngo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) ukwemera kwabo ko Imana ntacyo isa nacyo ntibiba impamvu y'uko bahakana ibisingizo n'ibigwi Imana yivuze, nkuko byagenze ku barengereye mu gutagatifuza Imana bikabaviramo guhakana ibisingizo bya Allah, bibwira ko baramutse babyemeye baba babisanishije n'iby'ibiremwa (aribo agatsko k'abitwa Al *Asha-irat* n'akabitwa *Al Djah'miyat*). Naho *Ahlu Sunat Wal Djama-at* bo bavuga ko Imana ifite ibisingizo yihariye biyikwiye, n'ibiremwa bikagira ibisingizo byabyo byihariye binabikwiriye, nta n'ihuriro hagati y'ibisingizo by'Imana n'iby'ibiremwa.

Naho Ijambo **ntibahindura amagambo (ya Allah) cyangwa ngo bayasobanure uko atari**, umwanditsi agamije kuvuga ko batayasobanura binyuranye n'ikigambiriwe muri yo, nkuko bikorwa n'agatsiko k'abitwa *Al Mu-atwilat*, nk'aho gasobanura ko ukuza kwa Nyagasani kugaragara muri uyu murongo wa Qur'an ugira uti: "*Nuko Nyagasani wawe akaza (guca imanza), ndetse n'abamalayika bari ku mirongo*"[1]; aka gatsiko kasobanuye ko ari ukuza kw'itegeko rye atari ukuza kwe ubwe. Urundi rugero naho gasobanura ko iyo havuzwe ukuboko kwa Allah mu mirongo

[1] Qur'an 88:22

itandukanye ya Qur'an ndetse no mu mvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ari ubushobozi bwa Allah buba bugamijwe ndetse n'ibindi kagenda gasobanura bihabanye n'ukuri.

Naho imvugo igira iti: **nta n'ubwo bapfobya amazina ya Allah n'ibimenyetso bye;** gupfobya kuvugwa mu mazina y'Imana n'ibimenyetso byayo, abamenyi bagaragaje ko gushobora gukorwa mu buryo butandukanye:

**Uburyo bwa mbere:** Nko kuba bamwe mu bantu bafata amazina y'Imana yihariye bakayitirira bimwe mu bigirwamana basenga, nk'ababangikanyamana b'abarabu bise ibigirwamana byabo *Lata*, *U'uzat* na *Manata*, babikomoye muri amwe mu mazina y'Imana.

**Uburyo bwa kabiri:** Ni ukuba bamwe mu bantu bakita Imana amazina atagendanye n'ubuhambare bwayo; nk'abitwa *A-Naswarat* bayita Data, cyangwa se abitwa *Abafilozofe* bita Imana ko ariyo mpamvu ituma ibikorwa bikorwa (*Muujibu* cyangwa *Ilatun Fa'ilat*). Abahakanyi bajyaga bagereranya amazina ya Allah n'ay'ibigirwamana byabo; izina ry'ikigirwamana Lata barigereranyaga n'izina ry'Imana Allah; Uza bakarigereranya n'izina rya Allah *Al Aziz*; *Manata* bakarigereranya n'izina rya Allah *Al Mananu*.

**Uburyo bwa gatatu:** Ni ukuba bamwe mu bantu bayivugaho ibitayikwiriye, bitanajyanye n'ubuhambare bwayo, ahubwo bifatwa nk'inenge kuri yo. Aha twatanga urugero rw'imvugo yavuzwe n'Abayahudi, ubwo bavugaga ko Imana ari umukene bo bakaba ari abakire.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ لَّقَدْ سَمِعَ ٱللَّهُ قَوْلَ ٱلَّذِينَ قَالُوٓا۟ إِنَّ ٱللَّهَ فَقِيرٌ وَنَحْنُ أَغْنِيَآءُ ۘ سَنَكْتُبُ مَا قَالُوا۟ وَقَتْلَهُمُ ٱلْأَنۢبِيَآءَ بِغَيْرِ حَقٍّ وَنَقُولُ ذُوقُوا۟ عَذَابَ ٱلْحَرِيقِ ١٨١ ﴾ آل عمران: ١٨١

Allah aragira ati: "*Rwose, Allah yumvise imvugo ya babandi bavuze bati "Mu by'ukuri, Allah ni umutindi naho twe tukaba abakungu". Tuzandika ibyo bavuze, no kwica kwabo abahanuzi babarenganyije, tunababwire tuti "Nimwumve ububabare bw'ibihano bitwika*[1]".

N'aho bavuze ko ukuboko kw'Imana kugundira

﴿ وَقَالَتِ ٱلْيَهُودُ يَدُ ٱللَّهِ مَغْلُولَةٌ ۚ غُلَّتْ أَيْدِيهِمْ وَلُعِنُوا۟ بِمَا قَالُوا۟ ۘ بَلْ يَدَاهُ مَبْسُوطَتَانِ يُنفِقُ كَيْفَ يَشَآءُ ۚ وَلَيَزِيدَنَّ كَثِيرًا مِّنْهُم مَّآ أُنزِلَ إِلَيْكَ مِن رَّبِّكَ طُغْيَٰنًا وَكُفْرًا ۚ وَأَلْقَيْنَا بَيْنَهُمُ ٱلْعَدَٰوَةَ وَٱلْبَغْضَآءَ إِلَىٰ يَوْمِ ٱلْقِيَٰمَةِ ۚ كُلَّمَآ أَوْقَدُوا۟ نَارًا لِّلْحَرْبِ أَطْفَأَهَا ٱللَّهُ ۚ وَيَسْعَوْنَ فِى ٱلْأَرْضِ فَسَادًا ۚ وَٱللَّهُ لَا يُحِبُّ ٱلْمُفْسِدِينَ ﴾ المائدة: ٦٤

Allah aragira ati: "*Kandi Abayahudi baravuze bati "Ukuboko kwa Allah kurahinnye (kuragundira)". Nyamara amaboko yabo ni yo ahinnye, kandi baravumwe kubera ibyo bavuze. Ahubwo amaboko ye (Allah) ararambuye, atanga uko ashaka. Kandi rwose ibyo wahishuriwe biturutse kwa Nyagasani wawe byongerera abenshi muri bo ubwigomeke n'ubuhakanyi. Twanashyize ubugome n'urwango hagati yabo kugeza ku munsi w'imperuka. Buri uko bakongezaga umuriro w'intambara, Allah yarawuzimyaga, bakanaharanira gukwirakwiza ubwangizi ku isi. Kandi Allah ntakunda abangizi.*"[2]

Ndetse n'aho bavuze ko Imana yaruhutse ku munsi w'isabato! Allah abasubiza agira ati:

﴿ وَلَقَدْ خَلَقْنَا ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلْأَرْضَ وَمَا بَيْنَهُمَا فِى سِتَّةِ أَيَّامٍ وَمَا مَسَّنَا مِن لُّغُوبٍ ﴾ ق: ٣٨

"*Rwose twaremye ibirere n'isi n'ibiri hagati yabyo mu minsi itandatu, kandi ntitwagize umunaniro.*[3]"

---

1 Qur'an 3: 181.
2 Qur'an 5: 64
3 Qur'an 50: 38.

**Uburyo bwa kane:** Ni uguhakana ibisobanuro by'ayo mazina n'icyo agamije, nk'imvugo y'abitwa *Al Djahmiyat* bavuga ko ayo mazina ari amagambo gusa adafite icyo asobanuye ndetse n'icyo agamije. Bityo kuba Allah yaravuze ko ari Uwumva bihebuje (*A-Samii-u*), ntibisobanuye ukumva, no kuba yaravuze ko ari Ubona bihebuje (*Al Baswiiru*) ntibisobanuye ukubona, no kuba yaravuze ko ari Uhoraho (*Al Hayyu*) ntibisobanuye ubuzima.

**Uburyo bwa gatanu:** Ni ukugereranya ibyo Imana yivuzeho ko biri mu biyiranga (*A-Swifaat*) nk'iby'ibiremwa. Nk'aho yavuze ko ifite amaboko, abitwa *Al Mumathilat* bakayagereranya n'amaboko yabo!

Ubu buryo tuvuze uko ari butanu, ni uburyo bwo gupfobya amazina y'Imana ndetse n'ibimenyetso bye. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَلِلَّهِ ٱلْأَسْمَآءُ ٱلْحُسْنَىٰ فَٱدْعُوهُ بِهَا ۖ وَذَرُوا۟ ٱلَّذِينَ يُلْحِدُونَ فِىٓ أَسْمَٰٓئِهِۦ ۚ سَيُجْزَوْنَ مَا كَانُوا۟ يَعْمَلُونَ ﴿١٨٠﴾ ﴾ الأعراف: ١٨٠

Allah aragira ati: "*Kandi Allah afite amazina meza, bityo mujye muyifashisha mumusaba, munitandukanye na babandi bagoreka amazina ye. Bazahemberwa ibyo bakoraga.*"[1]**.**

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّ ٱلَّذِينَ يُلْحِدُونَ فِىٓ ءَايَٰتِنَا لَا يَخْفَوْنَ عَلَيْنَآ ۗ ... ﴾ فصلت: ٤٠

Allah aragira ati: "*Mu by'ukuri, abagoreka amagambo yacu (ibimenyetso byacu) ntitubayobewe...*[2]"

Naho imvugo igira iti: **Nta n'ubwo bagereranya ibisingizo n'ibyo Allah yivuzeho ko bimuranga ngo babigereranye cyangwa babisanishe n'iby'ibiremwa**, ibisobanuro mu magambo arambuye bw'ibi twamaze kubibona mu magambo yabanje.

---

[1] Qur'an 7: 180
[2] Qur'an 41: 40

Naho imvugo igira iti: **Kubera ko Allah Nyirubutagatifu nta we bitiranwa, nta n'uwo agereranywa nawe, nta n'uwo asanishwa nawe, nta n'uwo areshyeshywa nawe mu biremwa bye.** Kwemera Allah muri ubu buryo ni bimwe mu misingi y'imyemerere n'imyizerere y'abakurikiye imigenzo y'Intumwa y'Imana (Ahl Sunat wal Djama'at).

قَالَ تَعَالَى: ﴿ رَّبُّ ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلۡأَرۡضِ وَمَا بَيۡنَهُمَا فَٱعۡبُدۡهُ وَٱصۡطَبِرۡ لِعِبَٰدَتِهِۦۚ هَلۡ تَعۡلَمُ لَهُۥ سَمِيّٗا ﴾ مريم: ٦٥

Allah aragira ati: "*Nyagasani w'ibirere n'isi n'ibiri hagati yabyo; bityo mugaragire kandi unashikame mu kumugaragira. Ese hari uwo waba uzi witiranwa na we?*"[1]

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَلَمۡ يَكُن لَّهُۥ كُفُوًا أَحَدُۢ ۝٤ ﴾ الإخلاص: ٤

Allah aragira ati: "*Ndetse nta na kimwe wamugereranya na cyo.*[2]"

قَالَ تَعَالَى: ﴿ فَلَا تَجۡعَلُواْ لِلَّهِ أَندَادٗا وَأَنتُمۡ تَعۡلَمُونَ ۝٢٢ ﴾ البقرة: ٢٢

Allah aragira ati: "*Ntimukabangikanye Allah n'ibigirwamana kandi mubizi.*[3]"

قَالَ تَعَالَى: ﴿ فَلَا تَضۡرِبُواْ لِلَّهِ ٱلۡأَمۡثَالَۚ إِنَّ ٱللَّهَ يَعۡلَمُ وَأَنتُمۡ لَا تَعۡلَمُونَ ۝٧٤ ﴾ النحل: ٧٤

Allah aragira ati: "*Bityo, ntimukagire icyo mugereranya na Allah. Mu by'ukuri, Allah azi (ibyo mukora) ariko mwe ntimuzi (ingaruka zabyo).*[4]"

Naho imvugo igira iti: **Kubera ko mu by'ukuri Allah niwe wiyizi cyane akanamenya n'ibindi bitari we, ndetse ni nawe munyakuri mu mvugo, kandi imvugo ze nizo nziza**

---

[1] Qur'an 19: 65
[2] Qur'an 112: 4
[3] Qur'an 2: 22
[4] Qur'an 16: 74

**zinasobanutse kurusha iz'ibiremwa bye**; ibi ni ibisobanura ibyo twamaze kubona ko ari ngombwa gushimangira ibyo Allah yivuzeho ubwe ndetse akanabishimangira, haba mu mazina ye, ibisingizo bye ndetse no mu miterere ye, no kubuza kubisanisha n'iby'ibiremwa. Kubera ko niba Allah ari we wiyizi kurusha ibiremwa akaba anazi ibindi bitari we, ningombwa gushimangira ibyo yivuzeho ubwe ndetse n'ibyo Intumwa ye yamuvuzeho.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَنْ أَصْدَقُ مِنَ ٱللَّهِ قِيلًا ﴾ النساء: ١٢٢

Allah aragira ati: "*Ni nde munyakuri mu mvugo kurusha Allah?*"[1]

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَنْ أَصْدَقُ مِنَ ٱللَّهِ حَدِيثًا ﴾ النساء: ٨٧

Allah aragira ati: "*Ni na nde munyakuri mu mvugo kurusha Allah?*"[2]

Naho imvugo igira iti: **Hanyuma tugahamya ko intumwa z'Imana zari abanyakuri ndetse n'ibyo zahishuriwe ari ukuri; binyuranye na babandi bavuga kuri Allah ibyo batazi;** ibi ni ibiza byunganira ibyo twari tumaze kubona, ko tugomba kwemera ko ibyo intumwa zatubwiye byari ukuri, harimo n'ibyo zatubwiye ku Mana Nyirubutagatifu. Bitandukanye n' abavuga ibyo batazi ku byerekeye Imana, amazina yayo n'ibyo yivuzeho ko biyiranga, usibye gucyekacyeka no guhimba. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَلَا تَقُولُوا۟ لِمَا تَصِفُ أَلْسِنَتُكُمُ ٱلْكَذِبَ هَٰذَا حَلَٰلٌ وَهَٰذَا حَرَامٌ لِّتَفْتَرُوا۟ عَلَى ٱللَّهِ ٱلْكَذِبَ ۚ إِنَّ ٱلَّذِينَ يَفْتَرُونَ عَلَى ٱللَّهِ ٱلْكَذِبَ لَا يُفْلِحُونَ ﴾ النحل: ١١٦

*"Ntimukavuge ibinyoma mukoresheje indimi zanyu (ntacyo mushingiyeho), mugamije guhimbira Allah mugira muti "Iki*

---

[1] Qur'an 4: 122
[2] Qur'an 4: 87

*kiraziruye n'iki kirazirirjwe". Mu by'ukuri, abahimbira Allah ibinyoma ntibazakiranuka."*[1]

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ فَوَيْلٌ لِّلَّذِينَ يَكْتُبُونَ ٱلْكِتَٰبَ بِأَيْدِيهِمْ ثُمَّ يَقُولُونَ هَٰذَا مِنْ عِندِ ٱللَّهِ ﴾ البقرة: ٧٩

Allah aragira ati: "*Kubera ibyo, bazabona akaga gakomeye babandi biyandikira igitabo n'amaboko yabo, nyuma bakavuga bati: Iki giturutse kwa Allah...*"[2]

وَلِهَذَا: قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ سُبْحَٰنَ رَبِّكَ رَبِّ ٱلْعِزَّةِ عَمَّا يَصِفُونَ ﴿١٨٠﴾ وَسَلَٰمٌ عَلَى ٱلْمُرْسَلِينَ ﴿١٨١﴾ وَٱلْحَمْدُ لِلَّهِ رَبِّ ٱلْعَٰلَمِينَ ﴿١٨٢﴾ ﴾ الصافات: ١٨٠ – ١٨٢. فَسَبَّحَ نَفْسَهُ عَمَّا وَصَفَهُ بِهِ الْمُخَالِفُونَ لِلرُّسُلِ، وَسَلَّمَ عَلَى الْمُرْسَلِينَ؛ لِسَلاَمَةِ مَا قَالُوهُ مِنَ النَّقْصِ وَالْعَيْبِ. وَهُوَ سُبْحَانَهُ قَدْ جَمَعَ فِيما وَصَفَ وَسَمَّى بِهِ نَفْسَهُ بينَ النَّفْيِ وَالإِثْبَاتِ. فَلاَ عُدُولَ لأَهْلِ السُّنَّةُ وَالْجَمَاعَةِ عَمَّا جَاءَ بِهِ الْمُرْسَلُونَ؛ فَإِنَّهُ الصِّرَاطُ الْمُسْتَقِيمُ، صِرَاطُ الَّذِينَ أَنْعَمَ اللهُ عَلَيْهِم مِّنَ النَّبِيِّينَ وَالصِّدِّيقِينَ وَالشُّهَدَاءِ والصَالِحِينَ.

**Ku bw'ibyo Allah yaravuze ati: "*Ubutagatifu ni ubwa Nyagasani wawe, Nyagasani w'icyubahiro. Ari kure y'ibyo bamwitirira. Amahoro ni abe ku ntumwa. Kandi ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibya Allah Nyagasani w'ibiremwa byose.*" Qur'an 37:180-182. Allah yitagatifuje binyuranye n'abamusingiza mu buryo bunyuranye n'ubw'intumwa, ndetse anahundagaza ku ntumwa ze amahoro n'imigisha byuzuye kubera uburyo zavuzemo Imana mu buryo bwuzuye buzira inenge, bityo rero ubutagatifu ni ubwe we wahurije**

[1] Qur'an 16:116
[2] Qur'an 2: 79

**hamwe ibisingizo bye n'amazina ye akabishyira hagati yo guhakana ibifite inenge no kwemeza ibisingizo bye byuzuye bizira inenge. Ubwo rero abakurikira imigenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) ntibanyuhranya n'ibyo Intumwa z'Imana zahishuriwe, kuko ibyo zahishuriwe ariyo nzira igororotse, inzira yabo Allah yahaye ingabire ze mu bahanuzi, abemeye by'ukuri, abaguye ku rugamba baharanira inzira ya Allah, ndetse n'intungane.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Ijambo **Ku bw'ibyo** aha risobanuye ko ibyo umwanditsi yari amaze kugaragaza yuko ibyo Imana yivuzeho n'intumwa zayo zayivuzeho ari ukuri. Ikindi nuko umwanditsi yazanye iyi mirongo ya Qur'an nka gihamya yo gushimangira ukuri kw' Intumwa z'Imana ndetse no kwemeza ibyo zahishuriwe (Imana izihe amahoro n'imigisha) kandi ko ari ukuri kugomba kwemerwa, ndetse nanone umuyisilamu akemeza ko abahanuzi (Imana ibahe amahoro n'imigisha) basohoje ubutumwa bahawe ndetse banageza indagizo kuri ba nyirazo, ndetse banasingiza Allah mu buryo bumukwiye kandi bwuzuye bumuvanaho inenge. Ubwo rero uzavuga ku Mana binyuranye nibyo intumwa zayo zahishuriwe azaba ari umunyakinyoma ku Mana, kuko azaba avuga ibyo adafitiye ubumenyi. Ndetse ko amahoro ya Allah ahundagazwa ku ntumwa ze haba hano ku isi no ku munsi w'imperuka, kubera ukuri zavuze ku Muremyi wazo mu buryo buzira inenge.

# القسم الأول :

# الاستدلال على إثبات أسماء الله وصفاته من القران الكريم

# IGICE CYA MBERE:

# GIHAMYA ZIGARAGAZA AMAZINA Y'IMANA IBISINGIZO, IBIGWI N'IBIRANGA ALLAH MURI QUR'AN NTAGATIFU.

## الجمع بين النفي والإثبات في وصفه تعالى

**Gihamya zigaragaza ko amazina y'Imana n'ibisingizo byayo biri hagati yo guhakana amazina n'ibisingizo bifite inenge, no guhamya ibyuzuye bizira inenge.**

وَقَدْ دَخَلَ فِي هِذِهِ الْجُمْلَةِ مَا وَصَفَ اللهُ بِهِ نَفْسَهُ فِي سُورَةِ الإِخْلاَصِ الَّتِي تَعْدِلُ ثُلُثَ الْقُرْآنِ، حَيثُ يَقُولُ: تَعَالَى:﴿ قُلْ هُوَ ٱللَّهُ أَحَدٌ ۝١ ٱللَّهُ ٱلصَّمَدُ ۝٢ لَمْ يَلِدْ وَلَمْ يُولَدْ ۝٣ وَلَمْ يَكُن لَّهُۥ كُفُوًا أَحَدٌۢ ۝٤ ﴾ الإخلاص: ١ – ٤. وَمَا وَصَفَ بِهِ نَفْسَهُ فِي أَعْظَمِ آيَةٍ فِي كِتَابِهِ؛ حَيْثُ يَقُولُ تَعَالَى:﴿ ٱللَّهُ لَآ إِلَٰهَ إِلَّا هُوَ ٱلْحَيُّ ٱلْقَيُّومُ ۚ لَا تَأْخُذُهُۥ سِنَةٌ وَلَا نَوْمٌ ۚ لَّهُۥ مَا فِى ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَمَا فِى ٱلْأَرْضِ ۗ مَن ذَا ٱلَّذِى يَشْفَعُ عِندَهُۥٓ إِلَّا بِإِذْنِهِۦ ۚ يَعْلَمُ مَا بَيْنَ أَيْدِيهِمْ وَمَا خَلْفَهُمْ ۖ وَلَا يُحِيطُونَ بِشَىْءٍ مِّنْ عِلْمِهِۦٓ إِلَّا بِمَا شَآءَ ۚ وَسِعَ كُرْسِيُّهُ ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلْأَرْضَ ۖ وَلَا يَـُٔودُهُۥ حِفْظُهُمَا ۚ وَهُوَ ٱلْعَلِىُّ ٱلْعَظِيمُ ۝٢٥٥ ﴾ البقرة: ٢٥٥. ولهذا كان من قرأ هذه الآية في ليلة لم يزل عليه من الله حافظ ولا يقربه شيطان حتى يصبح.

**Ibigwi n'ibisingizo n'imiterere Imana yivuzeho hinjiramo ibyo Allah yivuzeho bigaragara mu *Isurat ya Ikhilaswi* ingana na kimwe cya gatatu cya Qur'an agira ati: "*Vuga (yewe Muhamadi) uti: "We ni Allah, umwe Rukumbi. Allah, Uwishingikirizwa. Ntiyabyaye kandi ntiyanabyawe. Ndetse nta na kimwe wamugereranya na cyo.*" Qur'an 112: 1-4. Hakaninjiramo ibisingizo Allah yisingije mu murongo wa Qur'an uhambaye kuruta iyindi uri mu gitabo cye ubwo yavugaga ati: "*Allah, nta yindi mana ikwiye gusengwa mu kuri uretse we, Uhoraho, Uwigize akanabeshaho ibiriho byose. Ntafatwa no guhunyiza habe n'ibitotsi. Ibiri mu birere n'ibiri mu isi ni ibye. Ni nde wagira uwo atakambira iwe uretse ku burenganzira bwe? Azi ibibabaho n'ibizababaho.***

***Nta n'icyo bamenya mu bumenyi bwe uretse icyo ashatse. Ahajya ibirenge bye (Kursiyu) hakwiriye ibirere n'isi kandi ntananizwa no kubirinda. Ni na we Uwikirenga (uri hejuru y'icyo ari cyo cyose), Uhambaye."*** **Qur'an 2:255. Ku bw'iyo mpamvu nta muntu uzasoma uyu murongo wa Qur'an mu ijoro usibye ko azaguma kuba mu burinzi bwa Allah, ndetse na Shitani ntizamwegera kugeza bukeye.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Impamvu **Surat Al Ikh'las ingana na kimwe cya gatatu cya Qur'an**, ni uko ibisobanuro bya Qur'an bigizwe n'ibice bitatu ari byo; Kwemera Imana imwe (*Tauhidi*), Inkuru (*Qaswasw*), Amategeko (*Ahkam).* Kandi iyi surat ikaba ikubiyemo ibisingizo bya Allah Nyirimpuhwe, ikigisha uguharira Imana ibikorwa byayo, amasengesho ndetse n'amazina n'ibisingizo byayo (A-Taw'hid). Niyo mpamvu iyi Surat ingana na kimwe cya gatatu cya Qur'an, ndetse bishimangirwa na Hadith **yakiriwe na Bukhari**

عَنْ أَبِي سَعِيدٍ الْخُدْرِيِّ أَنَّ رَجُلاً سَمِعَ رَجُلاً يَقْرَأُ: {قُلْ هُوَ اللَّهُ أَحَدٌ} يُرَدِّدُهَا فَلَمَّا أَصْبَحَ جَاءَ إِلَى رَسُولِ اللَّهِ ﷺ فَذَكَرَ ذَلِكَ لَهُ وَكَأَنَّ الرَّجُلَ يَتَقَالُّهَا، فَقَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: وَالَّذِي نَفْسِي بِيَدِهِ إِنَّهَا لَتَعْدِلُ ثُلُثَ الْقُرْآنِ.

Hadith yaturutse kwa Abi Said Al Khudriy (Imana imwishimire) yavuze ko umugabo umwe yumvise mugenzi we ari gusoma *QUL HUWA LLAH AHAD (Surat Al Ikhilasw)*, ndetse ayisubiramo kenshi. Wa mugabo wamwumvise bukeye ajya ku Ntumwa y'Imana arabiyibwira ameze nkaho yabihaye agaciro gake, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: "Ndahiriye k'ufite roho yanjye mu kuboko kwe ko (*Surat Al Ikh'las*) ingana na kimwe cya gatatu cya Qur'an." Impamvu y'ihishurwa ry'iyi *Surat* nuko ababangikanyamana babajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bati: Tubwire

inkomoko y'Imana yawe! Nuko Allah ahita ahishura iyi Surat.[1]" Iyi surat mu bintu bikomeye yigishije nuko amazina y'Imana n'ibisingizo byayo Allah yabikusanyirije hagati yo guhakana ibifite inenge no guhamya ibyuzuye bizira inenge. Naho ijombo **Hakaninjiramo ibisingizo Allah yisingije mu murongo wa Qur'an uhambaye kuruta iyindi uri mu gitabo cye.** Impamvu uyu murongo wa **Qur'an 2:255** uhambaye kurusha iyindi, ukanaba umwe mu mirongo ishingirwaho mu kugaragaza amazina y'Imana n'ibisingizo byayo bihebuje, nuko uyu murongo (*Ayatul Kur'siyu*) uhurije hamwe inyungu zikurikira:

1. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an **"Allah, nta yindi mana ikwiye gusengwa mu kuri uretse we"** kirashimangira ko Allah Nyirubutagatifu ari we ukwiye kugaragirwa, ndetse ko bitemewe kugira ikindi kigaragirwa mu cyimbo cye usibye we.

2. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an "**Uhoraho"** kirashimangira ko Allah Nyirubutagatifu ari we ufite ubuzima bwuzuye kandi buhoraho butazigera burangira na rimwe, kandi ubu buzima bwe bushimangirwa na gihamya ndetse n'ubwenge.

3. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an ***"Uwigize akanabeshaho ibiriho byose."*** kirashimangira ko Allah yibeshejeho akaba ari na we ubeshejeho n'ibindi bitari we, bisobanuye ko ariho kandi akanabeshaho ibindi biremwa bye mu bugenzuzi bwe, nkuko agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ أَفَمَنْ هُوَ قَآئِمٌ عَلَىٰ كُلِّ نَفْسٍۭ بِمَا كَسَبَتْ ۗ وَجَعَلُوا۟ لِلَّهِ شُرَكَآءَ ... ﴿٣٣﴾ ﴾ الرعد: ٣٣

"*Ese umugenzuzi wa buri muntu mu byo akora (ariwe Allah, ni kimwe n'ibigirwamana bidafite icyo bizi)!? (Ariko kubera ubujiji) babangikanyije Allah n'ibigirwamana...*" [2]

---

[1] Yakiriwe na Tirmidhi
[2] Qur'an 13:33

4. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an "***Ntafatwa no guhunyiza habe n'ibitotsi.***" Kirashimangira ko Allah ntaho ahuriye n'ibisingizo bifite inenge nko guhunyiza, gusinzira, kunanirwa, ubukene ndetse n'ibindi. Ibi bikaba bishimangira ko yihagije ntacyo akeneye, kuko uwarangwa n'ibi tumaze kuvuga ntabwo byashoboka ko yaba yihagije.

5. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an "***Ibiri mu birere n'ibiri mu isi ni ibye***" kirashimangira ko ubwami bwa Allah Nyirubutagatifu bukwiriye ibirere n'isi n'ibibirimo byose, ubwo ibyo byose biri munsi y'ubwami bwe n'ubugenzuzi bwe.

6. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an "***Ni nde wagira uwo atakambira iwe uretse ku burenganzira bwe?***" Kigaragaza ubuhambare bwa Allah ndetse n'ubushobozi bwe, kubera ko ntawe uzagira uwo atakambira iwe uretse nyuma yo kubihererwa uburenganzira na Allah ndetse no kwishimira utakambirwa, kikanashimangira ibijyanye n'amabwiriza yo gutakambira ariyo uburenganzira Allah aha utakambira, ndetse no kuba Allah yishimiye utakambirwa. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَكَم مِّن مَّلَكٍ فِي ٱلسَّمَٰوَٰتِ لَا تُغْنِي شَفَٰعَتُهُمْ شَيْـًٔا إِلَّا مِنۢ بَعْدِ أَن يَأْذَنَ ٱللَّهُ لِمَن يَشَآءُ وَيَرْضَىٰٓ ﴿٢٦﴾﴾ النجم: ٢٦

*"Nonese ni bangahe mu bamalayika bari mu birere, ubuvugizi bwabo butagira icyo bumara Allah atabanje kubihera uburenganzira uwo ashatse kandi yishimira?"*[1]

7. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an "***Ni nde wagira uwo atakambira iwe uretse ku burenganzira bwe?***" nanone kirasubiza ababangikanyamana bekeka ko ibigirwamana basenga bibatakambira. Bityo biragaragara ko ugutakamba kurimo ibice bibiri: A: Ugutakamba kutemerwa kubera kuba

[1] Qur'an 53:26

kudakurikije ibisabwa (Shafa-atu Man'fiyat). B: Ugutakamba Kwemerwa kubera ko kuba gukurikije ibisabwa (Shafa-atu Muth'bata).

8. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an "***Ni nde wagira uwo atakambira iwe uretse ku burenganzira bwe?"*** nanone kirashimangira ko Allah avuga, kandi ko avuga igihe ashakiye, iyo abishatse, ko anavuga amagambo agizwe n'inyuguti n'ijwi ariko bigendanye n'ubutagatifu ndetse n'ubuhambare bwe, kandi ko avuga amagambo yumvwa nkuko yabivuze mu murongo wa Qur'an ugira uti "*Ni nde wagira uwo atakambira iwe uretse ku burenganzira bwe?*" Ubwo rero usaba uburenganzira ntiyakumva ko yabuhawe igihe ubumuha atavuze amagambo ngo ayumve.

9. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an ***"Azi ibibabaho n'ibizababaho. Nta n'icyo bamenya mu bumenyi bwe uretse icyo ashatse",*** kirashimangira ko Allah afite ubumenyi kandi ko ubumenyi bwe ari ubwa buri kimwe, akaba azi ibyabaye, ibiba ndetse n'ibizaba n'ibitarabaye iyo biza kuba uburyo byari kuba bimeze, mu rwego rwo kugaragaza ko Allah atajya yibagirwa cyangwa se ngo azindare, cyangwa ngo yunguke ubumenyi bushya atari azi.

10. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an "***Azi ibibabaho n'ibizababaho. Nta n'icyo bamenya mu bumenyi bwe uretse icyo ashatse."*** Nanone kirasubiza agatsiko k'abitwa *Al Qadariyat* n'ak'abitwa *A-Rafidwat* n'utundi nkatwo, bavuga ko Allah atamenya ikintu uretse nyuma yuko kibaye. Nanone ugasubiza abavuga ko Allah atajya amenya uretse iby'ingenzi (*Kuliyaat*). Ariko Allah ari kure y'izo mvugo zabo.

11. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an "***Azi ibibabaho n'ibizababaho. Nta n'icyo bamenya mu bumenyi bwe uretse icyo ashatse."*** Uyu murongo nanone uragaragaza umwihariko wo kuba Allah ariwe soko y'ubumenyi, kandi ko ibiremwa ntacyo

byamenya uretse ibyo yabishoboje kumenya. Nkuko Allah yavuze abinyujije mu mvugo y'Abamalayika agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ قَالُواْ سُبۡحَٰنَكَ لَا عِلۡمَ لَنَآ إِلَّا مَا عَلَّمۡتَنَآۖ إِنَّكَ أَنتَ ٱلۡعَلِيمُ ٱلۡحَكِيمُ ٣٢ ﴾ البقرة: ٣٢

*"Ubutagatifu ni ubwawe, nta bumenyi dufite uretse ubwo watwigishije. Mu by'ukuri ni wowe Mumenyi uhebuje, Ushishoza"*[1]

12. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an "**Ahajya ibirenge bye (kursiyu) hakwiriye ibirere n'isi kandi ntananizwa no kubirinda.**" kirashimangira ubuhambare bwa bimwe mu biremwa Allah yaremye (nka *Kursiyu* ye), byumvikane ko niba ikiremwa gihambaye bingana gutyo, ubwo nyiri kukirema yaba ahambaye bingana bite!? Nanone uyu murongo urasubiza abavuga ko *Kur'siyu* ya Allah ari ubumenyi bwe, nyamara ni ibintu bibiri bitandukanye.

13. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an "***Nta n'icyo bamenya mu bumenyi bwe uretse icyo ashatse.***" kirashimangira ko Allah afite ubushake bwo gukora icyo ashatse, igihe ashakiye, no mu buryo ashatse kandi ko n'ibiremwa ntacyo byakora uretse icyo ashatse.

14. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an "***Ahajya ibirenge bye (Kursiyu) hakwiriye ibirere n'isi kandi ntananizwa no kubirinda.***" Uyu murongo kandi urashimangira ubuhambare bwa Allah ndetse n'ubushobozi bwe kuri buri kintu. Nanone ugashimangira ko ibirere biriho ndetse ko birenze kimwe.

15. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an "***kandi ntananizwa no kubirinda***" kiragaragaza ubuhambare no kuzura k'ubumenyi bwe, n'impuhwe ze, no kurinda kwe, n'imbaraga ze.

---

[1] Qur'an 2:32

16. Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an "***Ni na we Uwikirenga (uri hejuru y'icyo ari cyo cyose), Uhambaye.***" kirashimangira ko Allah ari hejuru y'ibiremwa bye byose, kandi mu buryo buhambaye ubwenge bw'umuntu butabasha kumenya imiterere yabwo

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti**: Ku bw'iyo mpamvu nta muntu uzasoma uyu murongo wa Qur'an mu ijoro usibye ko azaguma kuba mu burinzi bwa Allah, ndetse na Shitani ntizamwegera kugeza bukeye.** Ibyo bishimangirwa na Hadith yaturutse kwa Ubay Ibun Ka'abi (Imana imwishimire) igira iti:

عن أُبَيِّ بن كعبٍ رضي الله عنه قال: قال رسول الله ﷺ: "يا أبا المنذر أتدري أيُّ آيةٍ من كتاب الله معك أعظمُ؟ قلت: الله لا إلٰه إلا هو الحي القيومُ، فضرب في صدري وقال: "لِيَهْنَك العِلمُ أبا المنذر" رواه مسلم

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Yewe Abal Mundhir! Ese uzi umurongo uruta iyindi mu gitabo cy'Imana (Qur'an) ufite?" Ndavuga nti: "Ni *Allahu La ilaha ila huwa Al Hayyu Al Qayumu* (*Allah, nta yindi mana ikwiye gusengwa mu kuri uretse we, Uhoraho, Uwigize akanabeshaho ibiriho byose).*" Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) inkomanga mu gituza iravuga iti: "Ubumenyi buzaguhire, yewe Abal Mundhir!" **Yakiriwe na Muslim.**

# الجمع بين علوه وقربه وأزليته وأبديته.

## Gihamya zihurije hamwe ukuba Allah ari hejuru y'ibiremwa bye, ndetse no kuba ari bugufi yabyo, kandi ko yahozeho ndetse azanahoraho.

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿ هُوَ ٱلْأَوَّلُ وَٱلْآخِرُ وَٱلظَّٰهِرُ وَٱلْبَاطِنُ وَهُوَ بِكُلِّ شَيْءٍ عَلِيمٌ ۝ ﴾ الحديد: ٣

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿ وَتَوَكَّلْ عَلَى ٱلْحَيِّ ٱلَّذِى لَا يَمُوتُ ... ۝ ﴾ الفرقان: ٥٨

وَقَوْلُهُ : ﴿ وَهُوَ ٱلْحَكِيمُ ٱلْخَبِيرُ ۝ ﴾ سبأ: ١

**Ibi bishimangirwa n'imvugo ya Allah Nyirubutagatifu igira ati: "*(Allah) ni we Ntangiriro (wahozeho) akaba n'Iherezo (azahoraho), Uri hejuru ya buri kintu akaba n'Uwegereye buri kintu. Kandi ni we Mumenyi uhebuje wa buri kintu.*" Qur'an 57:3. N'indi mvugo igira iti: "*Ujye uniringira Uhoraho, Udapfa. Kandi arahagije kumenya ibyaha by'abagaragu be.*" Qur'an 25: 58. N'indi mvugo igira iti: "*kandi ni we Ushishoza, Uzi byose.*" Qur'an 34:1**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Naho imvugo igira ati: "***(Allah) ni we Ntangiriro (wahozeho) akaba n'Iherezo (azahoraho)***", yavuzwe muri uyu murongo wa Qur'ani mutagatifu, wasobanuwe na Hadithi yakiriwe na Muslim, aho Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

"اللّهم أنت الأول فليس قبلك شيء، وأنت الآخر فليس بعدك شيء، وأنت الظاهر فليس فوقك شيء، وأنت الباطن فليس دونك شيء"

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mana Nyagasani niwowe Ntangiriro udafite icyakubanjirije kubaho, ni nawe Herezo udafite ikizabaho nyuma ye, ni nawe Uri hejuru ya buri kintu udafite ikikuri hejuru, ni nawe Uwegereye buri kintu udafite ikikwisoba." **Yakiriwe na Muslim.** Ni Imana Nyirubutagatifu ya mbere idafite intangiriro.

Naho imvugo igira ati: "***Kandi ni we Mumenyi uhebuje wa buri kintu*"**, iragaragaza ko Allah ari umumenyi wa buri kintu, haba mu bihe byashize cyangwa se iby'ubu, cyangwa se ibizaza. Icyo kintu cyaba mu birere cyangwa mu isi, kigaragara cyangwa kitagaragara, nta kimwisoba kabone n'iyo cyaba kingana n'impeke y'ururo haba mu birere cyangwa mu isi.

Iyi mvugo ikaba ari n'igisubizo cy'abitwa *Al Muutazilat* ndetse na *A-Raafidwat* bemera ko Allah ntacyo ajya amenya cyeretse kimaze kuba. Ni n'igisubizo kandi kuri babandi bavuga ko Allah ajya amenya iby'ingenzi gusa.

Naho imvugo igira iti: **"*Ujye uniringira*"*;*** Kwiringira Imana ubusanzwe bisobanuye Kwegurira ikintu undi, ari byo mu myemerere ya Isilamu bisobanuye Kugirira Imana icyizere ko ariyo iha abantu ibyiza ikaba ari nayo ibarinda ibibi. Ikindi nuko Kwiringira Imana ari bumwe mu moko akomeye yo Kuyigaragira. Ikindi nuko ari itegeko ku mwemeramana kurangwa nabyo, bitabujije gukora impamvu, kuko byombi bigomba kunganirana.

Naho imvugo "***Uhoraho, Udapfa***"; igamije kugaragaza ko ufite ubuzima buhoraho ari we ukwiye kwiringirwa ibihe byose. Kandi nta n'umwe uzahoraho ibihe byose uretse Allah, naho ibindi biremwa bizagira ubuzima budahoraho, ibyo ntabwo ari ibyo kwiringirwa. Uyu murongo ukaba ari gihamya ko Allah Nyirubutagatifu ari we ufite ubuzima bwuzuye, kandi ko atazapfa. Bityo uwo murongo ukusanyirije hamwe guhakana bimwe mu bisingizo bidakwiye Imana, no gushimangira ibisingizo biyikwiye.

Naho imvugo igira iti: “***Kandi ni we Ushishoza***”; Iyi mvugo ifite ikindi gisobanuro cy’uko Allah ari we Nyir’uguca iteka akaba n’umucamanza hagati y’ibiremwa bye, haba hano ku isi ndetse no ku munsi w’imperuka. Bityo Allah Nyir’ubutagatifu ni we nyir’uguca iteka.

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ أَلَيْسَ ٱللَّهُ بِأَحْكَمِ ٱلْحَٰكِمِينَ ﴿٨﴾ ﴾ التين: ٨

Allah aragira ati: “*Ese Allah si we Mucamanza usumba abandi?*[1]”

Ikindi twavuga nuko iteka rya Allah ririmo amoko abiri:

1. Iteka rigendana na kamere (*Hukmu Kawuni*) aririyo risobanuye ibyo Allah yaciyeho iteka ku biremwa bye, nko kubirema, kubiha amafunguro, kubiha ubuzima, urupfu ndetse n’ibindi byose bifitanye isano no guharira Imana ibikorwa byayo (*Tauhid A-Rububiyat*). Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ فَلَنْ أَبْرَحَ ٱلْأَرْضَ حَتَّىٰ يَأْذَنَ لِىٓ أَبِىٓ أَوْ يَحْكُمَ ٱللَّهُ لِى ۖ وَهُوَ خَيْرُ ٱلْحَٰكِمِينَ ﴿٨٠﴾ ﴾ يوسف: ٨٠

*“Bityo, sinzava kuri ubu butaka (Misiri) keretse data abimpereye uburenganzira, cyangwa Allah agaca iteka (ryo kuhava kandi mujyanye), kuko ari we Mukiranuzi mwiza”.*[2]

2. Ni iteka rya Allah ryerekeranye n’ibyo Intumwa ze zose zaje zigisha, n’ibitabo bye zahishuriwe bikubiyemo amategeko y’idini. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ذَٰلِكُمْ حُكْمُ ٱللَّهِ ۖ يَحْكُمُ بَيْنَكُمْ ۚ وَٱللَّهُ عَلِيمٌ حَكِيمٌ ﴿١٠﴾ ﴾ الممتحنة: ١٠

---

[1] Qur’an 95: 8

[2] *Qur’an 12:80*

*“Iryo ni itegeko rya Allah abakiranurisha. Kandi Allah ni Umumenyi uhebuje, Ushishoza.”*[1]

Naho imvugo igira iti: “***Uzi byose***” Iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an kigaragaramo igisingizo kigendana n’igisingizo cyakibanjirije cy’ubushishozi, bisobanuye ko icyo ari cyo cyose Allah arakizi kandi agikorana ubushishozi.

## إحاطة علمه بجميع مخلوقاته

**Kuba Allah afite ubumenyi bwa buri icyo ari cyo cyose mu biremwa bye, nta kimwisoba.**

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿يَعْلَمُ مَا يَلِجُ فِي ٱلْأَرْضِ وَمَا يَخْرُجُ مِنْهَا وَمَا يَنزِلُ مِنَ ٱلسَّمَآءِ وَمَا يَعْرُجُ فِيهَاۚ ... ﴿٢﴾﴾ سبأ: ٢

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿وَعِندَهُۥ مَفَاتِحُ ٱلْغَيْبِ لَا يَعْلَمُهَآ إِلَّا هُوَۚ وَيَعْلَمُ مَا فِي ٱلْبَرِّ وَٱلْبَحْرِۚ وَمَا تَسْقُطُ مِن وَرَقَةٍ إِلَّا يَعْلَمُهَا وَلَا حَبَّةٍ فِي ظُلُمَٰتِ ٱلْأَرْضِ وَلَا رَطْبٍ وَلَا يَابِسٍ إِلَّا فِي كِتَٰبٍ مُّبِينٍ ﴿٥٩﴾﴾ الأنعام: ٥٩

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿...وَمَا تَحْمِلُ مِنْ أُنثَىٰ وَلَا تَضَعُ إِلَّا بِعِلْمِهِۦ ... ﴿١١﴾﴾ فاطر: ١١

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿...لِتَعْلَمُوٓاْ أَنَّ ٱللَّهَ عَلَىٰ كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ وَأَنَّ ٱللَّهَ قَدْ أَحَاطَ بِكُلِّ شَيْءٍ عِلْمَۢا ﴿١٢﴾﴾ الطلاق: ١٢

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿إِنَّ ٱللَّهَ هُوَ ٱلرَّزَّاقُ ذُو ٱلْقُوَّةِ ٱلْمَتِينُ ﴿٥٨﴾﴾ الذاريات: ٥٨

[1] Qur’an 60:10

**Kuba Allah afite ubumenyi bwa buri icyo ari cyo cyose mu biremwa bye nta kimwisoba, bishimangirwa n'imvugo ya Allah igira iti: *"(Allah) Azi ibyinjira mu butaka n'ibibusohokamo, ibimanuka mu kirere ndetse n'ibikizamukamo…"* Qur'an 34:2**

**Allah nanone aragira ati: "*Ninawe ufite imfunguzo z'ibitagaragara ntawe uzizi uretse we (Allah). Kandi azi ibiri imusozi no mu nyanja. Nta n'ikibabi gihanuka uretse ko aba akizi, ndetse nta n'impeke iri mu butaka, nta n'ikibisi nta n'icyumye kitavuzwe mu gitabo gisobanutse.*" Qur'an 6:59.**

**Allah nanone aragira ati:: "*…Kandi nta gitsina gore gitwita cyangwa ngo kibyare (Allah) atabizi …*" Qur'an 35:11**

**Allah nanone aragira ati:: "*… (Ibyo ni) ukugira ngo mumenye ko Allah ari Ushobora byose kuri buri kintu, ndetse ko Allah azi neza buri kintu.*" Qur'an 65:12.**

**Allah nanone aragira ati: "*Mu by'ukuri, Allah ni we Utanga amafunguro, Nyirimbaraga, Ukomeye bihebuje.*" Qur'an 51:58.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an ***"Azi ibyinjira mu butaka"*** ibyinjira mu butaka ni byinshi kandi biri mu buryo butandukanye twavuga nk'imvura, ibihingwa, imitungo kamere nk'amabuye y'agaciro, ibikomoka kuri peteroli, abapfuye, n'ibindi.

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an ***"n'ibibusohokamo"*** ibisohoka mu butaka ni byinsi twavugamo nk'ibiribwa, umutungo kamere nk'amabuye y'agaciro n'ibindi.

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an ***"ibimanuka mu kirere"*** twavuga nk'ubutumwa bwahabwaga Intumwa z'Imana *(Wahyu),*

imvura, itegeko ry’Imana, Abamalayika, imigisha y’Imana ndetse n’ibindi.

Naho iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an “***ndetse n’ibikizamukamo”*** ibizamuka mu kirere twavuga nk’ibikorwa bituganye, Abamalayika, roho z’abapfuye ndetse n’ubusabe (Dua).

Naho iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an ***“Ninawe ufite imfunguzo z’ibitagaragara, ntawe uzizi uretse we (Allah)”,*** ibitagaragara biri mu bumenyi bwa Allah bw’umwihariko, uzavuga ko hari icyo azi muri ubwo bumenyi azaba ahakanye. Hari Hadithi igaragaza ibisobanuro by’ikigamijwe ku byerekeranye n’ubumenyi bw’ibitagaragara, ni hadithi yakiriwe na Ibun Umar (Imana imwishimire) iboneka mu bitabo bya **Bukhari na Muslim** (A-Swahihayni) ivuga ko Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yavuze iti: “Imfunguzo z’ibitagaragara ni eshanu ntawe uzizi usibye Allah Nyirubutagatifu. Nuko asoma umurongo wa Qur’an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّ ٱللَّهَ عِندَهُۥ عِلْمُ ٱلسَّاعَةِ وَيُنَزِّلُ ٱلْغَيْثَ وَيَعْلَمُ مَا فِى ٱلْأَرْحَامِ ۖ وَمَا تَدْرِى نَفْسٌ مَّاذَا تَكْسِبُ غَدًا ۖ وَمَا تَدْرِى نَفْسٌۢ بِأَىِّ أَرْضٍ تَمُوتُ ۚ إِنَّ ٱللَّهَ عَلِيمٌ خَبِيرٌۢ ﴿٣٤﴾ ﴾ لقمان: ٣٤

*“Mu by’ukuri, Allah niwe ufite ubumenyi bw’igihe imperuka izabera; amanura imvura kandi azi n’ibiri muri nyababyeyi. Nta muntu umenya icyo azakora ejo ndetse nta n’umenya aho azagwa. Mu by’ukuri, Allah ni Umumenyi uhebuje, Uzi byose.”*[1]

Iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an **“*Kandi azi ibiri imusozi no mu nyanja”*** Ibiri imusozi bivugwa muri uyu murongo ni abayituyeho, inyamaswa, ibimera ndetse n’ibindi.

[1] Qur’an 31 :34

Naho ibiba mu nyanja ni inyamaswa ziba mu nyanja, amabuye y'agaciro ndetse n'ibindi.

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an ***"Nta n'ikibabi gihanuka uretse ko aba akizi"*** ugamije ibabi biri ku biti byo mu nyanja cyangwa iby'imusozi, Allah aba akizi, azi n'igihe kiri bugwire ndetse naho kiri bugwe.

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an ***"ndetse nta n'impeke iri mu butaka nta n'ikibisi nta n'icyumye uretse ko byavuzwe mu gitabo gisobanutse"*** Ugamije kuvuga ko nta na kimwe mu byavuzwe muri uyu murongo wa Qur'an gishobora kuba uretse ko kiba cyaranditswe ku rubaho rurinzwe *(Lawhul Mah'fudh).* Ikigamijwe muri iyi mirongo ya Qur'an ni ukwerekana ko Allah ariwe wihariye ubumenyi bw'ibitagarara, kandi ko Allah azi buri kimwe nta kimwisoba. Nanone iyi mirongo irashimangira igeno ndetse no kwandikwa kwaryo ku rubaho rurinzwe *(Lawhul Mahfudh).*

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an ***"Kandi nta gitsina gore gitwita cyangwa ngo kibyare (Allah) atabizi,*** ugamije kuvuga ko nta gitsina gore gishobora gutwita cyangwa se ngo kibyare uretse ko Allah aba abizi. Allah Nyirubutagatifu aba azi igihe icyo gitsina gore kizatwitiraho, igihe kizabyarira, ndetse n'igitsina kizabyara.

Naho ***"(Ibyo ni) ukugira ngo mumenye ko Allah ari Ushobora byose kuri buri kintu, ndetse ko Allah azi neza buri kintu "*** Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an cyaje nyuma y'uko Allah yari amaze kuvuga ko ari we waremye ibirere birindwi (anarema) isi (zirindwi) nkabyo. Bisobanuye ko ibi yabikoze kugira ngo abantu bamenye ko ari we ufite ubumenyi bwa buri kimwe nta kimwisoba ndetse ko ari nawe ufite ubushobozi bwuzuye kuri buri kintu.

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an ***"Mu by'ukuri, Allah ni we Utanga amafunguro"*** bisobanuye ngo nta wundi utanga amafunguro uretse Allah, we uha amafunguro ibiremwa bye, akanabikorera ibibifitiye umumaro. Nyiri mafunguro yagutse, muramenye ntimakagire undi wese musenga utari we. ***"Nyirimbaraga"*** bisobanuye umunyembaraga zuzuye utagerwaho no kugira intege nke. ***"Ukomeye bihebuje."*** Ufite imbaraga zihambaye zihoraho, utagorwa n'ibyo akora uko byaba bihambaye kose. Ikigambiriwe muri uyu murongo wa Qur'an ni ugushimangira amazina abiri y'Imana matagatifu Utanga amafunguro *(A-Razaq),* ndetse n'Ukomeye bihebuje *(Dhul Quwat Al Matiin).* Nkuko nanone uyu murongo wa Qur'an ari gihamya y'uko ari itegeko gusenga Allah wenyine atabangikanyijwe n'icyo ari cyo cyose.

Iyi mirongo ya Qur'an kandi irashimangira ko Allah afite ubumenyi bijyanye n'cyubahiro cye n'ubuhambare bwe. Ndetse ikanasubiza agatsiko k'abitwa *Al Mu-utazilat* bavuze ko Allah ari Umumenyi ariko nta bumenyi! Ndetse iranashimangira ko Allah afite ubumenyi bwa buri kintu kandi ko nta kimwisoba. Azi ibyabayeho, ibiri kuba, ibitarabayeho iyo biza kubaho uko byari kuba bimeze.

Nanone iyi mirongo ya Qur'an irasubiza abavuga ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ifite ubumenyi bw'ibitagaragara.

# إثبات السمع والبصر لله سبحانه

## Gushimangira ko Allah Nyirubutagatifu yumva kandi anareba.

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿...لَيۡسَ كَمِثۡلِهِۦ شَيۡءٞۖ وَهُوَ ٱلسَّمِيعُ ٱلۡبَصِيرُ ۝١١﴾ الشورى: ١١

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿... إِنَّ ٱللَّهَ نِعِمَّا يَعِظُكُم بِهِۦٓۗ إِنَّ ٱللَّهَ كَانَ سَمِيعَۢا بَصِيرٗا ۝٥٨﴾ النساء: ٥٨

**Gushimangira ko Allah Nyirubutagatifu yumva kandi anareba bishimangirwa n'imvugo ya Allah igira iti: "...*Ntagira icyo asa na cyo, kandi we ni Uwumva cyane, Ubona bihebuje.*" Qur'an 42:11. Allah nanone aragira ati: "...*Mu by'ukuri, inyigisho Allah abaha ni nziza. Mu by'ukuri Allah ni Uwumva bihebuje, Ubona cyane.*" Qur'an 4:58.**

<u>*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*</u>

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an **"*Ntagira icyo asa na cyo*"** iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an gisubiza babandi basanisha ibisingizo by'Imana n'iby'ibiremwa. *(Al Mushabihat)*

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an **"*kandi we ni Uwumva cyane, Ubona bihebuje*"** iki gice cyo gisubiza abahakana ibisingizo by'Imana n'ibigwi byayo, bibwira ko baramutse babyemeye baba babisanishije n'iby'ibiremwa. *(Al Mu-atwilat). Ikindi twavuga kuri iyi mirongo igamije kugaragaza, ni uko Izina Uwumva bihebuje (A-Samii) rifite ibisobanuro bibiri:*

1. *Asubiza umusabye (Al Mudjiib). Nkuko Allah agira ati:*

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿... إِنَّ رَبِّي لَسَمِيعُ ٱلدُّعَآءِ ٣٩﴾ إبراهيم: ٣٩

*"...Mu by'ukuri, Nyagasani wanjye ni Uwumva ubusabe bihebuje."*[1]

2. *Uwumva amajwi yose. (A-Samii liswaw'ti), Nkuko Allah agira ati:*

﴿قَدْ سَمِعَ ٱللَّهُ قَوْلَ ٱلَّتِي تُجَٰدِلُكَ فِي زَوْجِهَا وَتَشْتَكِيٓ إِلَى ٱللَّهِ وَٱللَّهُ يَسْمَعُ تَحَاوُرَكُمَآ إِنَّ ٱللَّهَ سَمِيعُۢ بَصِيرٌ ١﴾ المجادلة: ١

*"Mu by'ukuri, Allah yumvise imvugo (ubusabe) ya wa wundi (Khaulat bint Tha'labah) wakugishaga impaka (wowe Muhamadi) ku bijyanye n'umugabo we (Awus bin As-Samit), anaregera Allah. Kandi Allah yumvise ikiganiro cyanyu mwembi. Mu by'ukuri, Allah ni Uwumva bihebuje, Ubona cyane."*[2]

Naho izina ry'Imana Ubona bihebuje (Al Baswiir) rifite ibisobanuro bibiri:

1 Uzi neza ibikorwa by'ibiremwa bye. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿وَٱللَّهُ بَصِيرُۢ بِمَا تَعْمَلُونَ ١٨﴾ الحجرات: ١٨

*"...Kandi Allah ni Ubona bihebuje ibyo mukora."*[3]

2 Ureba agaheza buri icyo ari cyo cyose. Allah aragira ati:

---

[1] Qur'an 14:39
[2] Qur'an 58:1
[3] Qur'an 49:18

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّنِي مَعَكُمَا أَسْمَعُ وَأَرَىٰ ﴾ طه: ٤٦

*"Allah) aravuga ati "Ntimutinye! Mu by'ukuri, Njye ndi kumwe namwe, ndumva kandi ndabona".*[1]

## إثبات المشيئة والإرادة لله سبحانه

## Gushimangira ubushake bwa Allah Nyirubutagatifu

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَلَوْلَا إِذْ دَخَلْتَ جَنَّتَكَ قُلْتَ مَا شَاءَ اللَّهُ لَا قُوَّةَ إِلَّا بِاللَّهِ ... ﴾ الكهف: ٣٩

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿...وَلَوْ شَاءَ اللَّهُ مَا اقْتَتَلُوا وَلَٰكِنَّ اللَّهَ يَفْعَلُ مَا يُرِيدُ ﴾ البقرة: ٢٥٣

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿ أُحِلَّتْ لَكُم بَهِيمَةُ الْأَنْعَامِ إِلَّا مَا يُتْلَىٰ عَلَيْكُمْ غَيْرَ مُحِلِّي الصَّيْدِ وَأَنتُمْ حُرُمٌ إِنَّ اللَّهَ يَحْكُمُ مَا يُرِيدُ ﴾ المائدة: ١

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿ فَمَن يُرِدِ اللَّهُ أَن يَهْدِيَهُ يَشْرَحْ صَدْرَهُ لِلْإِسْلَامِ وَمَن يُرِدْ أَن يُضِلَّهُ يَجْعَلْ صَدْرَهُ ضَيِّقًا حَرَجًا كَأَنَّمَا يَصَّعَّدُ فِي السَّمَاءِ ... ﴾ الأنعام: ١٢٥

**Gushimangira ubushake bwa Allah Nyirubutagatifu bishimangirwa n'imvugo ya Allah igira iti: "*Iyo uza kwinjira mu murima wawe (ugashimira Allah) uvuga uti "Ibi ni ibyo***

[1] Qur'an 20:46

***Allah yanshoboje. Ntacyo nakwishoborera ku bwanjye uretse ku bushobozi bwa Allah...*" Qur'an 18:39**

**Allah nanone aragira ati: "*...Kandi iyo Allah aza kubishaka ntibari kugirana amakimbirane, ariko Allah akora ibyo ashaka.*" Qur'an 2:253**

**Allah nanone aragira ati: "*...Mwaziruriwe (kurya) mu nyamaswa amatungo, usibye izo musomerwa ko mwaziririjwe. Muziririjwe kandi guhiga igihe mwagambiriye gukora umutambagiro mutagatifu (Hijat). Mu by'ukuri, Allah ategeka ibyo ashaka.*" Qur'an 5:1**

**Allah nanone aragira ati: "*Kandi uwo Allah ashatse kuyobora, yagurira igituza cye Isilamu. N'uwo ashatse kuyobya, afunganya igituza cye cyane akamera nk'uwihatira kuzamuka ajya mu kirere ...*" Qur'an 6:125.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an ***"Ibi ni ibyo Allah yanshoboje, ntacyo nakwishoborera ku bwanjye uretse ku bushobozi bwa Allah"*** Bisobanuye ko ibi yampaye ishaka yabindekera cyangwa se inabishaka yabyisubiza. Aha harimo umuntu kwemera ko ari umunyantege nke. No gushimangira ko ububasha n'ubushobozi bwuzuye ari ubwa Allah.

Umwe mu batubanjirije mu kwemera *(A-Salaf)* yaravuze ati: Uzashimishwa n'ikintu runaka ajye avuga ati: *Ma sha Allah! La Quwata ila Billah*: Ibi biri mu gushobozwa na Allah! Ntacyo nakwishoborera ku bwanjye uretse ku bushobozi bwa Allah!

Muri uyu murongo wa Qur'an harimo ko Allah ari umunyemebaraga, no gushimangira ubushake bwe bwuzuye bugera kuri buri icyo ari cyo cyose. Bityo icyo ari cyo cyose kiba

aba yagishatse. Kandi ntawasubiza inyuma itegeko rye cyangwa ngo akereze icyo yagennye ko kiba.

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an **"*Kandi iyo Allah aza kubishaka ntibari kugirana amakimbirane, ariko Allah akora ibyo ashaka*"** aha Allah arashimangira ko ubushake bwe ari bwo butuma icyo ari cyo cyose cyubahirizwa kandi ko ntawagihundura, nicyo atashatse ko kiba mu bwami bwe ntigishobora kuba kabone niyo ibiremwa byakwifuza ko kiba. Bityo buri kimwe cyose kiba, kiba cyabaye ku bushake bwa Allah. Nkuko Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَٱللَّهُ يَحۡكُمُ لَا مُعَقِّبَ لِحُكۡمِهِۦۚ ﴾ الرعد: ٤١

*"...Allah ni we utegeka, kandi nta wuvuguruza itegeko rye."*[1] Ibi bigaragaza ko imvugo y'agatsiko k'abitwa *Al Muutazilat* ari ibinyoma, kuko Allah yivugiye ko iyo ashaka ko batagirana amakimbirane ntibari kuyagirana. *Al Muutazilat* bakavuga ko Allah yashatse ko batayagirana bo barayagirana. Na gihamya zigaragaza uburyo imvugo yabo ifutamye ni nyinshi.

Ikindi nuko uyu murongo ari igisubizo ku gatsiko k'abitwa *Al Qadariyat* gahakana ko ibikorwa by'abantu bishingira ku bushake bw'Imana.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an **"... *Mu by'ukuri, Allah ategeka ibyo ashaka*"** Allah niwe ushyiraho amategeko ashatse azirura cyangwa se aziririza kandi ntawe umuvuguruza. Kuko Allah niwe utegekana ubushishozi, nta wundi utegeka mu kuri uretse we.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an **"*Kandi uwo Allah ashatse kuyobora, yagurira igituza cye Isilamu*"** bisobanuye ko uwo Allah ashaka guha amahirwe y'ibyiza aha umutima we

[1] Qur'an 13:41

gukunda ukuri ariko Ubuyisilamu, ubwo bikamworohera kubukurikiza.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an ***"N'uwo ashatse kuyobya, afunganya igituza cye cyane akamera nk'uwihatira kuzamuka ajya mu kirere"*** bisobanuye ko uwo Allah ashatse ko adakurikira ukuri (Ubuyisilamu) atamushoboza kugukurikira, icyo gihe ukuri kuramuremerera. Aha Imana yerekanaga uburyo umuhakanyi aremererwa n'ukuri akamera nk'aho ari guhatiriza gukora ibyo atashobora, nk'umuntu kuba yazamuka ajya mu kirere. Icyari kigamijwe muri iyi mirongo ya Qur'an ni ugushimangira ubushake bwa Allah kuri buri icyo ari cyo cyose, cyaba cyiza cyangwa kibi nko kuyobora no kuyobya.

Ikindi twavuga kuri uyu murongo nuko ubushake buri mu biranga ukora igikorwa. Bityo ubushake bwa Allah bwagaragaye mu mirongo ya Qur'an burimo ibice bibiri:

1. Ugushaka kwa Allah kugendanye n'igeno rya kamere ndemano (*Iradat Kawniyat Qadariyat)*; ubu bushake bugomba gusohora ku biremwa byose, haba mu byo Allah akunda no mu byo adakunda. Aha twavuga nko kuba mu byo Allah yashatse kugena ko bigomba kubaho, harimo kuba abantu bamwe bazaba abemera abandi bakaba abahakanyi, ariko birazwi ko Allah adakunda ubuhakanyi n'abahakanyi.

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِن تَكْفُرُوا۟ فَإِنَّ ٱللَّهَ غَنِىٌّ عَنكُمْ ۖ وَلَا يَرْضَىٰ لِعِبَادِهِ ٱلْكُفْرَ ۖ...٧﴾ الزمر: ٧

*"(Yemwe bantu) nimuramuka muhakanye, mu by'ukuri, Allah arihagije (ntacyo abakeneyeho), ndetse ntiyishimira ubuhakanyi ku bagaragu be..."*[1]

[1] Qur'an 39:7

Ikindi nuko hari ibindi bikorwa Allah ashaka ko biba, bishingiye kuri ubu bushake (*Iradat Kawniyat Qadariyat)*; Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَإِذَآ أَرَدۡنَآ أَن نُّهۡلِكَ قَرۡيَةً أَمَرۡنَا مُتۡرَفِيهَا فَفَسَقُواْ فِيهَا فَحَقَّ عَلَيۡهَا ٱلۡقَوۡلُ فَدَمَّرۡنَٰهَا تَدۡمِيرٗا ١٦ ﴾

الإسراء: ١٦

*"Kandi iyo dushatse kurimbura umudugudu (kubera ubwangizi bwabo), dutegeka abakungu muri wo (kumvira amategeko yacu), ariko bagakomeza kuwukoramo ubwangizi. Nuko ijambo (ry'ibihano) rigasohora kuri bo, maze tukawurimbura bikomeye.*

2. Ugushaka kwa Allah kujyanye n'amategeko y'idini (*Iradat Shar-iyat Diiniyat),* urugero rw'ibi ni nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَٱللَّهُ يُرِيدُ أَن يَتُوبَ عَلَيۡكُمۡ وَيُرِيدُ ٱلَّذِينَ يَتَّبِعُونَ ٱلشَّهَوَٰتِ أَن تَمِيلُواْ مَيۡلًا عَظِيمٗا

٢٧ ﴾ النساء: ٢٧

*"Kandi Allah arashaka kwakira ukwicuza kwanyu, naho babandi bakurikira irari barashaka ko mwatana bihambaye (inzira igororotse)."*[1] Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿... مَا يُرِيدُ ٱللَّهُ لِيَجۡعَلَ عَلَيۡكُم مِّنۡ حَرَجٖ وَلَٰكِن يُرِيدُ لِيُطَهِّرَكُمۡ وَلِيُتِمَّ نِعۡمَتَهُۥ

عَلَيۡكُمۡ لَعَلَّكُمۡ تَشۡكُرُونَ ٦ ﴾ المائدة: ٦

*"Allah ntashaka kubashyiraho amananiza, ahubwo arashaka kubasukura no kubasenderezaho inema ze kugira ngo mushimire."*[2]

Allah nanone aragira ati:

---

[1] Qur'an 4:27
[2] Qur'an 5:6

قَالَ تَعَالَى:﴿ ...إِنَّمَا يُرِيدُ ٱللَّهُ لِيُذۡهِبَ عَنكُمُ ٱلرِّجۡسَ أَهۡلَ ٱلۡبَيۡتِ وَيُطَهِّرَكُمۡ تَطۡهِيرٗا ﴾ الأحزاب: ٣٣

*"... Mu by'ukuri, yemwe bantu bo mu rugo (rw'Intumwa)! Allah arashaka kubezaho (ibibi n'ibyaha) kandi (arashaka) kubasukura byimazeyo"* [1]

**Itandukaniro riri hagati y'uku gushaka kwombi:**

1. Ugushaka kwa mbere (*Iradat Kawniyat Qadariyat)*; Allah ashobora kugukunda akanakwishimira, cyangwa nta gukunde ngo anakwishimire. Kandi uku gushaka kugera ku biremwa byose. Urugero rw'ibi; ni nko gusinzira no kuryama, kurya, kurwara, no kuba yarashatse ko ibyaha bibaho ariko ntiyigeze abitegeka abantu, ndetse n'ibindi.

Ariko ugushaka kwa kabiri (*Iradat Shar-iyat Diiniyat);* Allah aba agukunda anakwishimira. Nko kugaragira Allah *(Ibadat).*

2. Ugushaka kwa mbere (*Iradat Kawniyat Qadariyat)*; Allah agushaka atari ko kugamijwe ubwako, ahubwo hagamijwe ikindi. Nko kuba Imana yararemye shitani ndetse n'ibindi bibi, byari ukugira ngo abantu bagire umuhate mu kugandukira Imana no kwicuza, kuyisaba imbabazi no gukora ibindi Imana ikunda biganisha mu kuyigandukira.

Naho uku gushaka (*Iradat Shar-iyat Diiniyat);* Allah agushaka ariko agambiriye ubwako. Ikindi nuko uku gushaka Allah agutegeka, akagukunda ndetse akanakwishimira Urugero nk'itegeko ry'amasengesho *(A-Swalat),* gusiba ukwezi gutagatifu kwa Ramadhan ndetse n'ibindi.

3. Ugushaka kwa mbere (*Iradat Kawniyat Qadariyat)*; uku gushaka kugomba gusohoza kukabaho, nko kuba Allah yarashatse ko buri gihumeka cyose kizapfa. Ariko gushaka kwa

---

[1] Qur'an 33:33

kabiri (*Iradat Shar-iyat Diiniyat);* si ngombwa ko kuba, kuko gushobora kuba cyangwa ntikube. Nko kuba Allah yarashatse akanategeka ko abantu bose basenga gatanu ku munsi *(A-Swalat),* ariko ntibabyubahiriza.

**Icyitonderwa:** Ugushaka kwa (*Iradat Kawniyat Qadariyat*), n'ukwa (*Iradat Shar-iyat Diiniyat);* zihurira ku muntu w'umuyisilamu wiyeguriye Imana akanayumvira. Nko kuba Imana yarashatse kurema umuntu, ikamurema yarangiza igashaka ko aba umuyisilamu wiyeguriye Imana akanayumvira.

Ariko ugushaka *(Iradat Kawniyat Qadariya*t) kwonyine, ni umwihariko ku bahakanyi. Nko kuba Imana yarashatse kurema umuntu, ikamurema yarangiza igashaka ko ataba umuyisilamu ahubwo aba umuhakanyi.

**Ikindi cyitonderwa:** Utazemera uku gushaka kwombi ntanemere ko gutandukanye azaba yarayobye, nk'agatsiko k'abitwa *Al Djabriyat* ndetse na *Al Qadariyat.* Kuko abitwa *Al Djabriyat* bemeza ugushaka kwa *(Iradat Kawniyat Qadariyat)* kwonyine. Naho *Al Qadariyat* bo bemeza ugushaka kwa *(Iradat Shar-iyat Diiniyat)* gusa. Ariko abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djama-at)* ubusanzwe bagendera hagati no hagati, bemeje uko gushaka kwombi ndetse banemeza ko gutandukanye. Allah niwe mumenyi uhebuje.

**Ikindi cyitonderwa:** Hari ubwo umuntu yakwibaza ati: Kuki Imana yashatse ko ibintu bibi bibaho kandi itabikunda? Nk'ubuhakanyi, kuyigomekaho, ubuyobe ndetse n'ibindi bibi.

**Igisubizo**: Ni uko hari ibintu bibi Imana ishaka ko bibaho ibikunze mu buryo bumwe, kuko hari inyungu runaka ziba zibikubiyemo ari nazo urwo rukundo rushingiyeho, ndetse itanabikunze mu bundi buryo kubera ko ari ibyaha.

Urugero rw'ibi ni nk'urw'umubyeyi utwara umwana we akunze ku muganga kugira ngo amubage kandi abikunze. Wa muganga agafata ibikoresho bye kugira ngo abage wa mwana imbere y'umubyeyi we n'ububare bwinshi umwana aba afite ndetse n'umubyeyi we! Kubera iki umubyeyi yakishimira ko umwana we abagwa, kandi biri bubabaze umwana we akunda atanishimira na rimwe ko ababara? Igisubizo cyabyo ni uko abyemera akanabyishimira kubera inyungu zirimo zo kugira ngo akire indwara aba afite.

Ikindi ni uko Imana yaremye ubuhakanyi kugira ngo abemeramana bamenye agaciro ko kwemera *(Imani),* no kugira ngo bazaryoherwe n'ingororano z'ijuru yabategenyirije.

## إثبات محبة الله ومودته لأوليائه على ما يليق بجلاله

## Gushimangira ko Allah akunda, ndetse ko akunda abakunzi be bijyanye n'icyubahiro cye.

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿... وَأَحْسِنُوٓاْۚ إِنَّ ٱللَّهَ يُحِبُّ ٱلْمُحْسِنِينَ ١٩٥﴾ البقرة: ١٩٥

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿... وَأَقْسِطُوٓاْۖ إِنَّ ٱللَّهَ يُحِبُّ ٱلْمُقْسِطِينَ ٩﴾ الحجرات: ٩

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿... فَمَا ٱسْتَقَٰمُواْ لَكُمْ فَٱسْتَقِيمُواْ لَهُمْۚ إِنَّ ٱللَّهَ يُحِبُّ ٱلْمُتَّقِينَ ٧﴾ التوبة: ٧

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿... إِنَّ ٱللَّهَ يُحِبُّ ٱلتَّوَّٰبِينَ وَيُحِبُّ ٱلْمُتَطَهِّرِينَ ٢٢٢﴾ البقرة: ٢٢٢

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿قُلۡ إِن كُنتُمۡ تُحِبُّونَ ٱللَّهَ فَٱتَّبِعُونِي يُحۡبِبۡكُمُ ٱللَّهُ ...٣١﴾ آل عمران: ٣١

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿...فَسَوۡفَ يَأۡتِي ٱللَّهُ بِقَوۡمٖ يُحِبُّهُمۡ وَيُحِبُّونَهُۥٓ ... ٥٤﴾ المائدة: ٥٤

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿إِنَّ ٱللَّهَ يُحِبُّ ٱلَّذِينَ يُقَٰتِلُونَ فِي سَبِيلِهِۦ صَفّٗا كَأَنَّهُم بُنۡيَٰنٞ مَّرۡصُوصٞ ٤﴾ الصف: ٤

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿وَهُوَ ٱلۡغَفُورُ ٱلۡوَدُودُ ١٤﴾ البروج: ١٤

Gushimangira ko Allah akunda, ndetse ko akunda abakunzi be bijyanye n'icyubahiro cye, bishimangirwa n'imirongo ya Qur'an ikurikira:

**Allah aragira ati: "...Munagire neza, mu by'ukuri, Allah akunda abagiraneza." Qur'an 2:195**

**Allah nanone aragira ati: "... Mujye mubunga mu butabera mutabogamye. Mu by'ukuri, Allah akunda abatabera." Qur'an 49:9**

**Allah nanone aragira ati: "...Igihe cyose bazabatunganira (bubahiriza amasezerano), namwe muzabatunganire (muyubahirize). Mu by'ukuri, Allah akunda abamutinya." Qur'an 9:7**

**Allah nanone aragira ati: "...Mu by'ukuri, Allah akunda abicuza akanakunda abisukura." Qur'an 2:222.**

**Allah nanone aragira ati: "Vuga (yewe Muhamadi) uti "Niba koko mukunda Allah, nimunkurikire, Allah azabakunda..." Qur'an 3:31.**

**Allah nanone aragira ati: “(Yemwe abemeye! Muri mwe uzava mu idini rye (Isilamu), (amenye ko) Allah azazana abandi bantu akunda kandi nabo bakamukunda…” Qur’an 5:54**

**Allah nanone aragira ati: “Mu by’ukuri, Allah akunda abarwana mu nzira ye bari ku mirongo (bashyize hamwe), bameze nk’inyubako isobetse.” Qur’an 61:4**

**Allah nanone aragira ati: “Kandi ni we Munyembabazi uhebuje, Umukunzi (w’abemeramana).” Qur’an 85:14**

*Ibisobanuro mu buryo burebure:*

Ubwo umwanditsi yari amaze kugaragaza imirongo ya Qur’an ishimangira ubushake bwa Allah, yakurikijeho kugaragaza imirongo ya Qur’an ishimangira ko Allah akunda. Aha hakaba harimo igisubizo kuri babandi babona ko ubushake bwa Allah n’urukundo rwe ari bimwe bidatandukanye. Hari n’ababona ko bigendana, kubera ko icyo Allah ashatse cyose aba yagikunze. Kandi twamaze kubona ibisobanuro bihagije kuri ibyo, kuko Allah hari ubwo yashaka ikintu ariko atagikunze nk’ubuhakanyi n’ibindi byaha, nk’uko ashobora gushaka ikintu agikunze nk’ukwemera ndetse n’ibindi bikorwa byiza.

Iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an ***“…Munagire neza”;*** iri ni itegeko rya Allah ategeka ibiremwa bye kugirira neza ibiremwa, ndetse no gutunganya ibyo umuntu akora agaragira Imana. Gutunganya ibyo umuntu akora agaragira Imana, Intumwa y’Imana yabisobanuye mu mvugo yayo yaturutse kwa Umar Ibun Al Khatwab (Imana imwishimire), ubwo Malayika Djibrilu yabiyibazaga ikamusubiza iti:

قَالَ مَا الإِحْسَانُ قَالَ " أَنْ تَعْبُدَ اللَّهَ كَأَنَّكَ تَرَاهُ، فَإِنْ لَمْ تَكُنْ تَرَاهُ فَإِنَّهُ يَرَاكَ ".

"Ni ukugaragira Allah nk'aho umureba, niba kandi utamureba ukamenya ko we akureba.[1]"

Ikindi twavuga nuko kugira neza *(Al Ih'san)* ari rwo rwego rusumba izindi mu kumvira Allah no kumugaragira. Niyo mpamvu Allah arukunda ndetse akanakunda abarangwa narwo. Kugira neza kuri buri kimwe bishimangirwa na Hadithi y'Intumwa y'Imana aho igira iti:

وَعَنْ شَدَّادِ بنِ أَوْسٍ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: «إِنَّ اللَّهَ كَتَبَ الإِحْسَانَ عَلَى كُلِّ شَيْءٍ، فَإِذَا قَتَلْتُمْ فَأَحْسِنُوا الْقِتْلَةَ، وَإِذَا ذَبَحْتُمْ فَأَحْسِنُوا الذِّبْحَةَ، وَلْيُحِدَّ أَحَدُكُمْ شَفْرَتَهُ وَلْيُرِحْ ذَبِيحَتَهُ» رَوَاهُ مُسْلِمٌ.

Hadithi yaturutse kwa Shadad Ibun Awusi (Imana imwishimire) yara vuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu by'ukuri Allah yategetse kugirira neza buri kintu; ubwo rero nimujya kwica (igihe cyo gutanga igihano cy'urupfu cyangwa guhora, cyangwa gutanga igitambo) mujye mwica mu buryo bwiza, nimunajya kubaga mujye mubaga mu buryo bwiza. Kandi umwe muri mwe najya kubaga ajye atyaza icyuma cye neza, anaruhure itungo rye. [2]"

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an ***"...Mu by'ukuri, Allah akunda abagiraneza";*** Iki nicyo gihembo cy'abagira neza cy'uko Allah abakunda. Gukundwa na Allah nirwo rwego ruhambaye kuruta izindi, rukaba runaruta urwo kuba umugaragu yakunda Allah. Ikindi twavuga nuko iyo Allah akunze umugaragu ategeka Abamalayika kumukunda, hanyuma Allah akamuha igikundiro mu batuye isi nabo bakamukunda. Nk'uko bishimangirwa na Hadith y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze iti:

[1] Yakiriwe na Muslim
[2] Yakiriwe na Muslim

عن أبي هريرة رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ "إِذَا أَحَبَّ اللَّهُ الْعَبْدَ نَادَى جِبْرِيلَ إِنَّ اللَّهَ يُحِبُّ فُلَانًا فَأَحْبِبْهُ فَيُحِبُّهُ جِبْرِيلُ فَيُنَادِي جِبْرِيلُ فِي أَهْلِ السَّمَاءِ إِنَّ اللَّهَ يُحِبُّ فُلَانًا فَأَحِبُّوهُ فَيُحِبُّهُ أَهْلُ السَّمَاءِ ثُمَّ يُوضَعُ لَهُ الْقَبُولُ فِي الْأَرْضِ " رواه البخاري

"Iyo Allah akunze umugaragu ahamagara Malayika Djibrilu akamubwira ati: Mu by'ukuri Allah akunda runaka nawe mukunde. Nuko Malayika Djibrilu akamukunda, maze agamahagara abandi bamalayika bari kumwe mu ijuru ababwira ati: Mu byukuri Allah yakunze runaka namwe nimumukunde, nuko nabo bakamukunda. Hanyuma Allah akamuha igikundiro mu batuye isi nabo bakamukunda. [1]"

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an ugira uti: **"...Mujye mubunga mu butabera mutabogamye. Mu by'ukuri, Allah akunda abatabera."** Aha Allah ategeka abantu kutabogama mu mikorere yabo ya buri munsi barangwa n'ubutabera k'uwo ari we wese, yaba uwo bafitanye isano cyangwa uwo batarifitanye. Ikindi nuko Allah yerekanye ko mu bisingizo bye harimo gukunda abubahiriza ibyo yabategetse, uko kubakunda kandi bigendana n'ibihembo byiza yabateganyirije. Bishimangirwa na Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Amri (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عن عبد الله بن عمرو رضي الله عنه قال: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ "إِنَّ المُقْسِطِينَ عِنْدَ اللهِ علَى مَنابِرَ مِن نُورٍ، عن يَمِينِ الرَّحْمَنِ عزَّ وجلَّ، وكِلْتا يَدَيْهِ يَمِينٌ، الَّذِينَ يَعْدِلُونَ في حُكْمِهِمْ وأَهْلِيهِمْ وما وُلُّوا" صحيح مسلم

"Abakoresha ubutabera bazaba bari ku ruhimbi rw'urumuri ku munsi w'imperuka iburyo bw'Imana Nyirubutagatifu, kandi n'amaboko ya Allah yombi ni indyo.

[1] Yakiriwe na Bukhari

Abo bazaba bari kuri urwo ruhimbi ni ba bandi bakoreshaga ubutabera iyo bategekaga, bakanabukoresha no ku miryango yabo, ndetse bakanabukoresha kubo bashinzwe.[1]"

Ikindi twavuga nuko ubutabera bugamijwe hano budasobanuye uburinganire, ahubwo ari uguha buri wese ibimukwiye. Ku bw'iyo mpamvu imirongo myinshi ya Qur'an yaje ihakana ukuringaniza, nta na hamwe muri Qur'an wasanga umurongo n'umwe utegeka kuringaniza, ahubwo yose itegeka ubutabera no kutabogama. Urugero: Ni nko mu mategeko ajyanye n'iby'izungura muri Isilamu, hakoreshwa ubutabera ntabwo ari uburinganire. Nko kuba igitsinagabo kizungura ibyikubye kabiri iby'igitsinagore, rero ntabwo kubaringaniza aribwo butabera, ahubwo ubutabera nuko buri umwe azungura umugabane Allah yamugeneye, kandi Allah ntabogama.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an ugira uti: **"...Igihe cyose bazabatunganira (bubahiriza amasezerano), namwe muzabatunganire (muyubahirize)"** Aha Allah ategeka Abayisilamu gutunganira ababangikanyamana igihe nabo batunganyije amasezerano bagiranye nabo batanyuranyije nayo. Allah akomeza agira ati: "**Mu by'ukuri, Allah akunda abamutinya"** kubera ko yabategetse kubahiriza amasezerano kandi bikaba biri mu bikorwa biranga abamutinya babandi akunda. Naho igisobanuro cyo gutinya Imana; ni ukurangwa no kuyumvira wirinda kuyigomera, wiringiye kubona ingororano zayo, unatinya ibihano byayo.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an ugira uti: **"...Mu by'ukuri, Allah akunda abicuza akanakunda abisukura"** Iki n'igisobanuro cy'ijambo *Tawabu* kuruhande rw'abagaragu ba Allah. Naho kuruhande rwa Allah ijambo *A-Tawabu* ni rimwe mu mazina ya Allah. Ibun Al Qayyim yagaragaje aho aya mazina abiri atandukaniye agira ati: Umugaragu ni *Tawabu,* aribyo

---

[1] Yakiriwe na Muslim

bisobanuye uwicuza. Na Allah akaba *Tawabu,* bisobanuye uwakira ukwicuza.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an ugira uti: **"...Akanakunda abisukura"** bisobanuye kwisukura imyanda yaba igaragara ndetse n'itagaragara. Urugero rw'umwanda utagaragara ni nk'ibangikanyamana *(Shirki),* naho imyanda igaragara ni nk'inkari ndetse n'iyindi.

Naho impamvu umwanditsi yazanye iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an muri iki cyigwa, yashaka kugaragaza ko Allah akunda, nkuko yabyivugiye ko akunda abicuza ndetse akanakunda abisukura.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an ugira uti: **"...Vuga (yewe Muhamadi) uti "Niba koko mukunda Allah, nimunkurikire..."** impamvu uyu murongo wa Qur'an wahishuwe nk'uko Ibun Kathiir n'abandi babivuga, nuko bamwe mu bantu bavuze ko bakunda Allah maze arabagerageza akoresheje uyu murongo wa Qur'an ababwira ko niba koko bamukunda nibakurikize ibyo Intumwa y'Imana Muhamad yahishuriwe. Ibikubiye muri uyu murongo bikaba ari cyo gipimo cy'uwo ari we wese uvuga ko akunda Allah. Iyo atari ku murongo twasigiwe n'Intumwa y'Imana Muhamad aba ari umunyabinyoma ku byo aba avuga. Naho igice cya Qur'an kigira giti: "**Allah azabakunda..."** bisobanuye ko niba koko muvuga ko mukunda Allah, muzakurikire imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Icyo gihe muzabona ibihambaye birenze ibyo mwavuze by'uko mukunda Allah. Ibyo bihambaye muzabona ni urukundo rwa Allah azabakunda, bityo ukunzwe na Allah aba abonye igifite agaciro kuruta icyo we yakoze ari cyo cyo kumukunda.

Imvugo igaragaza ko Allah akunda ndetse akanakundwa niyo myemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djama-at).* Naho agatsiko k'abitwa *Al Djahmiyat na Al Muutazilat* bo imyemerere yabo ni ikinyuranyo cy'ibi. Kuko bo

bemera ko Imana idakunda kandi idakundwa, ariko byarabagoye guhinyuza imirongo myinshi ya Qur'an na Hadithi z'Intumwa y'Imana zaje zishimangira ko Imana ikunda kandi igakundwa. Bityo byabasabye guhindura ibisobanuro by'urukundo ibiremwa bikunda Imana bavuga ko ikigambiriwe ari ugukunda kuyigaragira atari ugukunda Imana. Ndetse banahinduye ibisobanuro by'urukundo Allah akunda ibiremwa bavuga ko ikigambiriwe ari urukundo rw'ineza abagirira, ndetse n'ingororano abaha n'ibindi bisobanuro bihabanye n'ibisobanuro by'imvugo za Qur'an ndetse n'iz'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an ugira uti: **"(Yemwe abemeye! Muri mwe uzava mu idini rye (Isilamu), (amenye ko) Allah azazana abandi bantu akunda kandi nabo bakamukunda…"** Uyu murongo wa Qur'an urashimangira ko kutemera Imana cyangwa se kuyihakana ntacyo biyitwaye, kuko yihagije ntacyo ikeneye ku bagaragu bayo. Nkuko bishimangirwa n'undi murongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ... وَإِن تَتَوَلَّوْا۟ يَسْتَبْدِلْ قَوْمًا غَيْرَكُمْ ثُمَّ لَا يَكُونُوٓا۟ أَمْثَٰلَكُم ﴿٣٨﴾ ﴾ **محمد: ٣٨**

*"Ariko nimwanga (gutanga mu nzira ya Allah) azabakuraho abasimbuze abandi batari mwe hanyuma ntibabe nka mwe.* [1]*"*

Ikindi uyu murongo ugaragaza nuko biri mu bushobozi bwa Allah gusimbuza abavuye mu buyisilamu bakaba abahakanyi akazana abeza bamwemera, bamwubaha kandi banamukunda kurusha babandi bamuhakanye.

Ikindi nuko niba bakunda Allah nawe akaba abakunda bisobanuye ko bakora ibikorwa byo kumwumvira, bakaba ari abantu barangwa n'ibintu byiza byinshi. Abari bagambiriwe kuvugwa aha ni Abubakar A-Swidiq hamwe n'ingabo ze mu

[1] Qur'an 47:38

basangirangendo b'Intumwa y'Imana, ndetse n'ababakurikiye (Imana ibishimire bose) barwanyije udutsiko tw'Abayisilamu twari twavuye mu Idini. Si n'aba gusa ahubwo hinjiramo n'abazaza nyuma yabo mu bazarwanya abantu bava mu idini ry'Ubuyisilamu kuzageza ku munsi w'imperuka.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an ugira uti: **"...Mu by'ukuri, Allah akunda abarwana mu nzira ye bari ku mirongo (bashyize hamwe), bameze nk'inyubako isobetse."** Aha Allah aragaragaza anashimangira ko akunda abanntu barangwa n'ibyo yavuze. Ikigambiriwe kuri aba, ni babandi baharanira inzira y'Imana bagambiriye ko idini rye ryogera hose bakoresheje imitungo yabo nabo ubwabo.

Aba Allah yagaragaje ko abakunda, yanagaragaje muri uyu murongo ibibaranga:

1. Barwana mu nzira y'Imana, bityo ntibabe abanebwe mu kurwana mu nzira ye.
2. Baba ari we wenyine baharira ibikorwa byabo (Ikh'lasw)
3. Barwana bashyize hamwe bunze ubumwe.
4. Barwana mu nzira y'Imana bameze nk'inyubako isobetse.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an ugira uti: **"...Kandi ni we Munyembabazi uhebuje"** bisobanuye nyirimababazi nyinshi. Imbabazi mu rulimi rw'icyarabu hinjira no guhishira uwakoze icyaha. Bityo Allah ababarira uwo ari we wese umwicujijeho, bivuze ko amuhishira ibyo byaha bye akanabimubabarira.

Naho igice cy'uyu murongo kigira kiti: **"Umukunzi (w'abemeramana)"** ijambo *Wadud* mu rulimi rw'icyarabu riva kuri *Wud* ari byo bisobanuye urukundo nyarwo. Bityo Allah akunda abamwumvira. Naho kuvuga aya mazina abiri y'Imana akurikiranye ariyo (Umunyembabazi uhubuje, n'Umukunzi w'abamenramana) bifite igisobanuro cy'uko Allah akunda abagaragu be nyuma yo kubagirira imbabazi.

Ikindi twakongeraho nuko hari urundi rwego rusumba izi zose tumaze kubona Qur'an yise ubushuti magara *(Al Khulat).* Uru rwego rw'ubushuti magara na Allah ntawundi uwo ari we wese wigeze urugereho mu ntumwa zeuretse Intumwa ebyiri arizo; Ibrahimu nkuko Allah abishimangira agaira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿... وَٱتَّخَذَ ٱللَّهُ إِبْرَٰهِيمَ خَلِيلًا ﴿١٢٥﴾﴾ النساء: ١٢٥

*"Kandi Allah yagize Aburahamu inshuti magara.*[1]*"* Ndetse n'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), nkuko yo ubwayo ibishimangira aho igira iti:

قال رسول الله ﷺ: (وإن الله قد اتخذني خليلاً، كما اتَّخذ إبراهيم خليلاً...)

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Mu by'ukuri Imana yangize inshuti magara nkuko yagize Ibrahim inshuti yayo magara.[2]"

Ikigambiriwe muri iyi mirongo ya Qur'an yose, ni ukugaragaza tunashimangira ko Allah akunda, bityo rero Allah akunda bamwe mu bantu na bimwe mu bikorwa n'imwe mu mico bigendanye n'ubushishozi bwe buhebuje.

Allah akunda abagiraneza, abakoresha ubutabera, abamutinya, abakurikira inzira y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), abaharanira inzira ye, abamwicuzaho, ndetse n'abisukura.

[1] Qur'an 4:125
[2] Yakiriwe na Muslim

## إثبات اتصافه بالرحمة والمغفرة سبحانه وتعالى

### Gushimangira ko Allah Nyirubutagatifu buhebuje arangwa n'impuhwe n'imbabazi.

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿ بِسْمِ ٱللَّهِ ٱلرَّحْمَٰنِ ٱلرَّحِيمِ ۝١ ﴾ الفاتحة: ١

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿ ... رَبَّنَا وَسِعْتَ كُلَّ شَيْءٍ رَّحْمَةً وَعِلْمًا ... ۝٧ ﴾ غافر: ٧

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿ ...وَكَانَ بِٱلْمُؤْمِنِينَ رَحِيمًا ۝٤٣ ﴾ الأحزاب: ٤٣

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿ ... وَرَحْمَتِي وَسِعَتْ كُلَّ شَيْءٍ ... ۝١٥٦ ﴾ الأعراف: ١٥٦

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿ ...كَتَبَ رَبُّكُمْ عَلَىٰ نَفْسِهِ ٱلرَّحْمَةَ ... ۝٥٤ ﴾ الأنعام: ٥٤

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿ ...وَهُوَ ٱلْغَفُورُ ٱلرَّحِيمُ ۝١٠٧ ﴾ يونس: ١٠٧

وَقَوْلُهُ سُبْحَانَهُ: ﴿ ... فَٱللَّهُ خَيْرٌ حَٰفِظًا وَهُوَ أَرْحَمُ ٱلرَّٰحِمِينَ ۝٦٤ ﴾ يوسف: ٦٤

Impuhwe n'imbabazi biranga Allah bishimangirwa n'iyi mirongo ya Qur'an ikurikira;

**Allah aragira ati: "Ku izina rya Allah Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi." Qur'an 27:30**

**Allah nanone aragira ati: "...Nyagasani wacu! Impuhwe n'ubumenyi byawe byageze kuri buri kintu..." Qur'an 40:7**

**Allah nanone aragira ati: "...Kandi (Allah) ni Nyirimbabazi ku bemera." Qur'an 33:43**

**Allah nanone aragira ati: "...Kandi n'impuhwe zanjye zigera ku biremwa byose ..." Qur'an 7:156**

**Allah nanone aragira ati: "...Nyagasani wanyu yiyemeje kugira impuhwe...." Qur'an 6:54.**

**Allah nanone aragira ati: "...Kandi ni we Ubabarira ibyaha, Nyirimbabazi." Qur'an 10:107.**

**Allah nanone aragira ati: "...Allah ni we murinzi mwiza, kandi ni we munyembabazi usumba abandi." Qur'an 12:64.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Iki gice cy'uyu murongo ugira uti: **"Ku izina rya Allah Nyirimpuhwe Nyirimbabazi",** umwanditsi yawuvuze atagamije kuwutangiza ibyo agiye kuvuga, ahubwo yari agamije kugaragaza ko Allah ari Nyirimpuhwe. Ikindi twavuga nuko ibisobanuro mu buryo burambuye by'uyu murongo twabivuzeho mu ntangiriro z'iki gitabo.

Naho igice cy'uyu murongo kigira kiti: **"...Nyagasani wacu! Impuhwe n'ubumenyi byawe byageze kuri buri kintu..."** iyi ni imvugo y'Abamalayika bateruye *Arshi*[1] ya Allah ndetse n'abandi bayizengurutse bavuga basabira imbabazi abemeramana. Ikindi nuko uyu murongo ugaragaza uburyo impuhwe za Allah n'ubumenyi bwe bugera kuri buri kiremwa bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe. Ikindi twavuga nuko buri wese yaba umwemera cyangwa umuhakanyi atahakana ko atagezweho n'izo

---

[1] ***Arshi*** ubusanzwe mu rulimi rw'icyarabu ni igitanda cy'umwami cyangwa umutware. Ariko nk'uko izindi mvugo na gihamya zaba muri Qur'an cyangwa se Sunat zibigaragaza Arshi ni igitanda gifite amaguru giteruwe n'abamalayika, kikaba kimeze nk'umutemeri hejuru y'ibirere n'isi. Kikaba ari nacyo gisenge kiri hejuru y'ibiremwa byose. (*Sharhul Aqiidat Al Wasitwiyat cya Sheykhul Fawuzani, paji ya 103*).

mpuhwe za Allah hano ku isi, naho ku munsi w'imperuka zikazaba ari umwihariko ku bemeramana. Bishimangirwa na Hadith y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze iti:

« إنَّ للَّهِ تَعَالى مائَةَ رَحْمَةٍ أَنْزَلَ مِنْهَا رَحْمَةً وَاحِدَةً بَيْنَ الجِنِّ والإِنْسِ وَالبَهَائِمِ وَالهَوامِّ ، فَبهَا يَتَعاطَفُونَ ، وبها يَتَراحَمُونَ ، وَبها تَعْطِفُ الوَحْشُ عَلى وَلَدِهَا ، وَأَخَّرَ اللَّهُ تَعالى تِسْعاً وتِسْعِينَ رَحْمَةً يَرْحَمُ بها عِبَادهُ يَوْمَ القِيَامَةِ » متفقٌ عليه .

"Mu by'ukuri, Imana Nyagasani ifite impuhwe ijana, ikaba yarohereje igice kimwe cy'izo mpuhwe ku isi, igikwiza hagati y'amajini, abantu, inyamaswa ndetse n'udukoko, kikaba ari nacyo byose bikoresha bigirirana impuhwe; inyamaswa z'inkazi zikagirira impuhwe abana bazo. Imana yasigaranye ibice mirongo cyenda n'icyenda by'impuhwe izagirira abagaragu bayo (Abemera) ku munsi w'imperuka.[1]"

Naho igice cy'uyu murongo kigira kiti: **"...Kandi (Allah) ni Nyirimbabazi ku bemera",** Allah ari kwivuga ko ariwe Nyirimpuhwe ku bemeramana ndetse azibagirira hano ku isi no ku munsi w'imperuka. Impuhwe abagirira hano ku isi ni ukuba yarabayoboye ku kuri (Isilamu) abenshi batahawe amahirwe yo kumenya ngo bayiyoboke, no kubayobora ku nzira y'ukuri abenshi bayobye. Naho impuhwe azabagirira ku munsi w'imperuka, ni ukuba azabaha umutekano ku munsi w'igihunga gikomeye, ndetse no kuba azabinjiza mu ijuru rye.

Naho igice cy'uyu murongo kigira kiti: **"...Kandi n'impuhwe zanjye zigera ku biremwa byose...",** Allah Nyirubutagatifu arivuga ko impuhwe ze zakwiriye buri kintu cyaba kiri mu birere cyangwa mu isi. Ikindi uyu murongo ushimangira nuko mu

[1] Yakiriwe na Bukhari na Muslim.

biranga Allah ari umunyempuhwe ku biremwa bye muri rusange no ku bemeramana mu buryo bw'umwihariko.

Naho igice cy'uyu murongo kigira kiti: **"...Nyagasani wanyu yiyemeje kugira impuhwe...",** uyu murongo ushatse gusobanura ko Allah Nyirubutagatifu kubera ubuntu bwe n'ineza ye yiyemeje kugira impuhwe, ndetse akaba yarazibanje mbere y'uburakari bwe. Ku bw'iyo mpamvu ntahaniraho abanyabyaha ahubwo arabarindiriza kugira ngo abahe igihe cyo kwicuza. Allah abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَلَوْ يُؤَاخِذُ ٱللَّهُ ٱلنَّاسَ بِمَا كَسَبُواْ مَا تَرَكَ عَلَىٰ ظَهْرِهَا مِن دَآبَّةٍ وَلَٰكِن يُؤَخِّرُهُمْ إِلَىٰٓ أَجَلٍ مُّسَمًّى ﴿٤٥﴾ ﴾ فاطر: ٤٥

*"N'iyo Allah aza kuba ari uhanira abantu ibyo bakoze, nta kiremwa na kimwe kigenda ku isi yari gusigaho; ariko arabarindiriza kugeza igihe cyagenwe...[1]"*

No mu mpuhwe ze nuko Allah ababarira uwakoze icyaha igihe yagikoze atabigambiriye cyangwa atakizi. Allah arabishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿...كَتَبَ رَبُّكُمْ عَلَىٰ نَفْسِهِ ٱلرَّحْمَةَ أَنَّهُۥ مَنْ عَمِلَ مِنكُمْ سُوٓءًۢا بِجَهَٰلَةٍ ثُمَّ تَابَ مِنۢ بَعْدِهِۦ وَأَصْلَحَ فَأَنَّهُۥ غَفُورٌ رَّحِيمٌ ﴿٥٤﴾ ﴾ الأنعام: ٥٤

*"...Nyagasani wanyu yiyemeje kugira impuhwe z'uko uzakora ikibi muri mwe kubera ubujiji, nuko nyuma yo kugikora akicuza akanakora ibikorwa bitunganye, mu by' ukuri, we (Allah) ni Ubabarira ibyaha, Nyirimbabazi.[2]"*

[1] Qur'an 35:45
[2] Qur'an 6:54

Nanone bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko  Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

وعن أبي هريرة ، رضي اللَّهُ عنه ، قال: قال رسُــولُ اللَّهِ ﷺ : « لما خَلَقَ اللَّهُ الخَلْقَ، كَتَبَ في كِتَابٍ ، فَهُوَ عِنْدَهُ فَوْقَ العَرْشِ: إِنَّ رَحْمتي تَغْلِبُ غَضَبِي » . وفي روايةٍ : « غَلَبَتْ غَضَبِي » وفي روايةٍ « سَبَقَتْ غَضَبِي » متفقٌ عليه.

“Imana imaze kurema ibiremwa, yanditse mu gitabo kiri iwayo hejuru ya Ar'shi  igira iti: “Mu by'ukuri, impuhwe zanjye ziruta uburakari bwanjye. ”

**No mu yindi mvugo,** Allah yaravuze ati: “Impuhwe zanjye zaruse uburakari bwanjye”. No mu yindi mvugo Allah yaravuze ati: “Impuhwe zanjye zabimburiye uburakari bwanjye. [1]”

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: “**Nyagasani wanyu yiyemeje kugira impuhwe**” kirasubiza tumwe mu dutsiko twahakanye ko Allah agira impuhwe, tukavuga ko igisobanuro cy'impuhwe cyaje muri Qur'an ari ugushaka gutanga ingabire ndetse n'ibindi ibisobanuro bihabanye n'ukuri bagiye bavuga.

Icyatumye basobanura impuhwe za Allah ni ugutinya kumugereranya n'ibiremwa, ariko twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djama-at)* tubasubiza tugira tuti: Ese izi mpuhwe za Allah mwasobanuye ko ari ugushaka gutanga ingabire, uko gushaka ko kwaba kumeze gute? Nibasubiza ko ari ugushaka nk'ukw'ibiremwa, turabasubiza tugira tuti: N'ubundi musanishije Imana n'ibiremwa. Nibavuga ko ari ugushaka kugendanye n'icyubahiro n'ubuhambare bwa Allah, turabasubiza tuti: Kuki impuhwe zayo mutavuga ko zigendanye n'icyubahiro cyayo n'ubuhambare bwayo? Bityo rero twe

[1] Yakiriwe na Bukhari na Muslim

abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djamaat)* twemera ko Imana ari Nyirimpuhwe nkuko yabyivugiye mu gitabo cyayo bigendanye n'icyubahiro cyayo n'ubuhambare bwayo.

Naho igice cy'uyu murongo kigira kiti: **"...Kandi ni we Ubabarira ibyaha, Nyirimbabazi"** Aha Allah arashimangira ko ariwe ubabarira ibyaha, akanashimangira ko ari umunyembabazi k'uwo ari we wese umwicujijeho ku cyaha icyo ari cyo cyose, kabone n'ubwo cyaba ari icyo kumubangikanya *(Shir'ki).* Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ قُلْ يَٰعِبَادِيَ ٱلَّذِينَ أَسْرَفُواْ عَلَىٰٓ أَنفُسِهِمْ لَا تَقْنَطُواْ مِن رَّحْمَةِ ٱللَّهِۚ إِنَّ ٱللَّهَ يَغْفِرُ ٱلذُّنُوبَ جَمِيعًاۚ إِنَّهُۥ هُوَ ٱلْغَفُورُ ٱلرَّحِيمُ ۝٥٣ ﴾ الزمر: ٥٣

*"Vuga (Yewe Muhamadi) uti "Yemwe bagaragu banjye bahuguje imitima yabo! Ntimwihebe kuko impuhwe za Allah (zikiriho kandi ntaho zizajya). Mu by'ukuri, Allah ababarira ibyaha byose. Kandi ni Ubabarira bihebuje, Nyirimbabazi".*[1]

Naho igice cy'uyu murongo kigira kiti: **"Allah ni we murinzi mwiza, kandi ni we munyembabazi usumba abandi",** aha Allah yarimo avuga ku Intumwa ye Yaaqub igihe yasubizaga abana be ubwo bamusabaga ko abaha umuvandimwe wabo ngo bajyane, maze bamuha isezerano ry'uko bari bumurinde. Nuko Yaaqub arababwira ati: Mu by'ukuri uburinzi bwa Allah ku muvandimwe wanyu nibwo bwiza kurusha ubwanyu. Ibi bikaba bigaragaza ko Intumwa y'Imana Yaaqub uburinzi bw'umwana we yabuhariye Imana. Ikindi twavuga nuko mu mazina y'Imana harimo *Al Hafiidh:* bisobanuye Umurinzi, urinda abagaragu be korama, akabarindira n'ibikorwa byabo, n'ibindi mu buryo bwa rusange, ndetse akarinda abagaragu be b'abemeramana by'umwihariko,

---

[1] Qur'an 39:53

abarinda ibyakwangiza ukwemera kwabo ndetse n’ibyabagiraho ingaruka mu bigendanye n’idini ryabo n’isi yabo.

Ikigambiriwe muri iyi mirongo ya Qur’an ni ugushimangira ko Allah ababarira ibyaha, akaba ari Umunyempuhwe kandi ari Umunyembabazi bigendanye n’icyubahiro cye n’ubuhambare bwe. Ikindi iyi mirongo ikaba isubiza udutsiko tw’abitwa *Al Djahmiyat,* na *Al Muutazilat* ndetse n’abandi nkabo mu bahakana ko Allah ari Umunyempuhwe kandi ari Umunyembabazi bibwira ko kubihakana kwabo ari uguhunga kuyisanisha n’ibiremwa. Naho kuba amazina y’Imana yasa n’ay’ibiremwa ntibivuze ko iyo ubyemeye uba ubisanishije, kuko Allah Umuremyi afite ibisingizo bimukwiye bigendanye nawe ndetse anihariye. N’ibiremwa nabyo bikagira ibisingizo bibikwiye ndetse binihariye. Allah niwe mumenyi uhebuje.

## ذكر رضى الله وغضبه وسخطه وكراهيته في القرآ ن الكريم وأنه متصف بذلك

### Imvugo muri Qur'an zigaragaza ukwishimira kwa Allah, uburakari bwe, kwanga kwe, ndetse ko ibyo biri mu bimuranga.

قَالَ تَعَالَى: ﴿... رَّضِيَ ٱللَّهُ عَنۡهُمۡ وَرَضُواْ عَنۡهُۚ ذَٰلِكَ ٱلۡفَوۡزُ ٱلۡعَظِيمُ ١١٩﴾ المائدة: ١١٩

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَمَن يَقۡتُلۡ مُؤۡمِنٗا مُّتَعَمِّدٗا فَجَزَآؤُهُۥ جَهَنَّمُ خَٰلِدٗا فِيهَا وَغَضِبَ ٱللَّهُ عَلَيۡهِ وَلَعَنَهُۥ... ٩٣﴾ النساء: ٩٣

قَالَ تَعَالَى: ﴿ذَٰلِكَ بِأَنَّهُمُ ٱتَّبَعُواْ مَآ أَسۡخَطَ ٱللَّهَ وَكَرِهُواْ رِضۡوَٰنَهُۥ ... ٢٨﴾ محمد: ٢٨

قَالَ تَعَالَى: ﴿فَلَمَّآ ءَاسَفُونَا ٱنتَقَمۡنَا مِنۡهُمۡ ... ٥٥﴾ الزخرف: ٥٥

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَلَٰكِن كَرِهَ ٱللَّهُ ٱنۢبِعَاثَهُمۡ فَثَبَّطَهُمۡ ... ٤٦﴾ التوبة: ٤٦

قَالَ تَعَالَى: ﴿كَبُرَ مَقۡتًا عِندَ ٱللَّهِ أَن تَقُولُواْ مَا لَا تَفۡعَلُونَ ٣﴾ الصف: ٣

**Allah aragira ati: "...Allah yarabishimiye nabo baramwishimira..." Qur'an 5:119**

**Allah aragira ati: "Naho uwica umwemera abigambiriye, igihano cye ni umuriro wa Jahanamu azabamo ubuziraherezo, kandi Allah aramurakarira, akamuvuma ndetse yamuteguriye ibihano bihambaye." Qur'an 4:93.**

**Allah aragira ati: "Ibyo (bizaba bitewe) n'uko bakurikiye ibirakaza Allah, bakanga ibimushimisha..." Qur'an 47:28.**

**Ni mvugo ya Allah igira iti: "Nuko bamaze kuturakaza twarihoreye..." Qur'an 43:55**

**Ni mvugo ya Allah igira iti: "...ariko Allah yanze ko mujyana, abateza ubunebwe..." Qur'an 9:46.**

**Ni mvugo ya Allah igira ati: "Ibyo Allah abyanga bikomeye kuba muvuga ibyo mudakora!" Qur'an 61:3.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: ***"...Allah yarabishimiye nabo baramwishimira..."***, yabishimiye ku bw'ibikorwa byiza byo kumwumvira bakoze kubera we, nabo bamwishimira ku bw'ingabire nyinshi yabahundagujeho. No kwishimirwa na Allah biri mu ngororano zo mu rwego rwo hejuru. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... وَرِضۡوَٰنٞ مِّنَ ٱللَّهِ أَكۡبَرُۚ ذَٰلِكَ هُوَ ٱلۡفَوۡزُ ٱلۡعَظِيمُ ٧٢ ﴾ التوبة: ٧٢

*"...No kwishimirwa na Allah ni ko gusumba byose. Uko ni ko gutsinda guhambaye.[1]"*

[1] Qur'an 9:72

Ikindi nuko uyu murongo wa Qur'an ushimangira ko Allah yishima bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe. Kandi ukwishimira kwe ntigusobanurwa ko ari ugushaka kugira neza, cyangwa se ngo kurakara kwe kube ari ugushaka kwihorera nkuko bamwe mu banyabihimbano babivuga.

Ikindi twavuga nuko hari ubwo Allah ashobora guha ingabire nyinshi umuhakanyi ndetse n'inkozi z'ibibi atari uko abishimiye, ahubwo ari mu rwego rwo kubarindiriza ntabahanireho akazabahana baramaze kwirara. Nkuko bishimangirwa n'imirongo ya Qur'an ikurikira;

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ فَلَمَّا نَسُواْ مَا ذُكِّرُواْ بِهِۦ فَتَحۡنَا عَلَيۡهِمۡ أَبۡوَٰبَ كُلِّ شَيۡءٍ حَتَّىٰٓ إِذَا فَرِحُواْ بِمَآ أُوتُوٓاْ أَخَذۡنَٰهُم بَغۡتَةٗ فَإِذَا هُم مُّبۡلِسُونَ ﴿٤٤﴾ فَقُطِعَ دَابِرُ ٱلۡقَوۡمِ ٱلَّذِينَ ظَلَمُواْۚ وَٱلۡحَمۡدُ لِلَّهِ رَبِّ ٱلۡعَٰلَمِينَ ﴿٤٥﴾ ﴾

**الأنعام: ٤٤ – ٤٥**

*"Ubwo bari bamaze kwibagirwa ibyo bibukijwe, twabafunguriye imiryango ya buri kintu, kugeza ubwo badamarajwe n'ibyo bahawe. Nuko tubahana tubatunguye, nuko bariheba. Maze babandi bahuguje bararimburwa kugeza ku wa nyuma. Kandi ishimwe n' ikuzo ni ibya Allah, Nyagasani w' ibiremwa byose."*[1]

وعن أَبي موسى رضي اللَّه عنه قال : قال رســول اللَّه ﷺ : « إِنَّ الله لَيُمْلِي لِلظَّالِمِ فَإِذَا أَخَذَهُ لَمْ يُفْلِتْهُ ، ثُمَّ قَرَأَ : { وَكَذَلِكَ أَخْذُ رَبِّكَ إِذَا أَخَذَ الْقُرَى وَهِي ظَالِمَةٌ إِنَّ أَخْذَهُ أَلِيمٌ شَــديدٌ } .**هود 102**

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragira iti: "Mu by'ukuri, Allah arindiriza umunyamahugu (nta muhanireho) kugeza ubwo amufashe, kandi iyo amufashe nta mucika". Nuko Intumwa y'Imana isoma umurongo wa Qur'an ugira uti *"(Nk'uko*

1 Qur'an 6:44-45

*twarimbuye abari batuye mu midugudu bigometse) ni na ko Nyagasani wawe arimbura (indi) midugudu igihe yahuguje. Mu by'ukuri, ibihano bye birababaza kandi birakaze."*[1]

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti**: "...Naho uwica umwemera abigambiriye, igihano cye ni umuriro wa Jahanamu azabamo ubuziraherezo, kandi Allah aramurakarira, akamuvuma ndetse yamuteguriye ibihano bihambaye",** uyu murongo wa Qur'an urashimangira ko Allah arakara bigendanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe.

Ikindi nuko ku bijyanye n'iki gihano cyo kuba mu muriro ubuziraherezo, abamenyi bagaragaje igisobanuro cy'ikigamijwe kuvugwa hano mu buryo burambuye, uwashaka kubona ibyo bisobanuro yazareba mu bitabo by'ibisobanuro bya Qur'an (*Tafsir*) bitandukanye.

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti**: "Ibyo (bizaba bitewe) n'uko bakurikiye ibirakaza Allah, bakanga ibimushimisha..."** bakurikiye ibirakaza Allah nk'ubuhakanyi, kugirira urwango intumwa ze, ndetse no kwijandika mu byaha, kandi banze ibishimisha Allah nko kumwemera no gukora ibikorwa byiza.

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti**: "*Nuko bamaze kuturakaza twarihoreye...*",** bisobanuye ko twabahanishije kwihorera. Kandi kwihorera kw'Imana ku biremwa byayo nicyo gihano gihambaye kuruta ibindi.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti**: "*...ariko Allah yanze ko mujyana, abateza ubunebwe...*"** uyu murongo uragaragaza ko Allah Nyirubutagatifu yanga igikorwa nk'uko bishimangirwa n'uyu murongo wa Qur'an ugira uti:

---

[1] Qur'an 11: 102

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ كُلُّ ذَٰلِكَ كَانَ سَيِّئُهُۥ عِندَ رَبِّكَ مَكۡرُوهٗا ٣٨ ﴾ الإسراء: ٣٨

*"Ibibi muri ibyo byose (byavuzwe hejuru), byangwa na Nyagasani wawe."*[1]. Bikanashimangirwa na Hadithi y'Intumwa y'Imana aho igira iti:

وعن أبي عِيسى المُغِيرةِ بنِ شُعْبَةَ رضي اللّه عنه عن النبيِّ ﷺ قال : « إنَّ اللّهُ تعالى حَرَّمَ عَلَيْكُمْ عُقُوقَ الأُمهَاتِ ، ومنْعاً وهات ، ووأْدَ البنَاتِ ، وكَرِهَ لكُمْ قِيل وقالَ ، وكثرة السَؤالِ ، وإِضَاعة المالِ » متفقٌ عليه .

Hadithi yaturutse kwa Abi Issa, Al Mughirat Ibun Shu'ubat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mu by'ukuri Imana ntagatifu yabaziririje gusuzugura ba nyoko, kwima abandi ibyo bagomba no kwaka ibitari ibyanyu, no guhamba abana banyu b'abakobwa ari bazima; kandi Imana ntiyishimira kwo mwarangwa no kuvuga vuga, no kubaza ibibazo byinshi ndetse no gusesagura umutungo.[2]"

Allah kandi ashobora no kwanga ukora igikorwa nk'uko bishimangirwa n'imvugo ye muri Hadith Al Qudus igira iti:

قال رسولُ اللّه ﷺ : « إنَّ اللّه تعالى ...إذا أَبْغَضَ عَبداً دَعا جِبْريلَ ، فيَقولُ : إِنِّي أُبْغِضُ فُلاناً ، فَأَبْغِضْهُ ، فَيُبْغِضُهُ جِبْرِيلُ ، ثُمَّ يُنَادِي في أَهْلِ السَّماءِ : إنَّ اللّه يُبْغِضُ فُلاناً ، فَأَبْغِضُوهُ ، فَيُبْغِضُهُ أَهْلُ السَّماءِ ثُمَّ تُوضَعُ له البَغْضَاءُ في الأَرْضِ » متفقٌ عليه وهذا اللفظ لمسلم

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Iyo Imana Nyagasani … yanze umuntu, ihamagara Djibrilu ikamubwira iti 'Nanga kanaka, bityo nawe mwange.' Djibrilu nawe

[1] Qur'an 17:38
[2] Yakiriwe na Bukhari na Muslim

akamwanga, maze agahamagara ibiremwa byo mu ijuru akabibwira ati "Imana yanga kanaka, namwe nimumwange! Ibiremwa byo mu ijuru byose bikamwanga. Hanyuma akagirirwa urwango n'ibiri mu isi.[1]"

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Ibyo Allah abyanga bikomeye kuba muvuga ibyo mudakora!"** Kuvuga ibyo abantu badakora Imana yanze muri uyu murongo, ni abantu biyemeza gukora ibintu byiza runaka maze ntibabyubahirize. Impamvu yo guhishurwa kw'uyu murongo wa Qur'an nuko mbere y'uko itegeko ryo guharanira inzira y'Imana *(Djihad)* rijyaho, bamwe mu bemeramana bavugaga bati: Iyaba Imana yari itubwiye igikorwa cyiza ikunda kuruta ibindi tukagikora! Nuko Imana ibwira Intumwa yayo ko igikorwa ikunda kuruta ibindi ari ukuyemera utajijinganya, no guharanira inzira yayo *(Djahad)* urwanya abanyabyaha babandi banyuranyije n'uko kwemera. Maze rero itegeko rimaze kujyaho bamwe mu bemeramana ntibaryishimiye riranabaremerera, nuko Imana ihishura umurongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ يَٰٓأَيُّهَا ٱلَّذِينَ ءَامَنُواْ لِمَ تَقُولُونَ مَا لَا تَفۡعَلُونَ ٢ ﴾ الصف: ٢

*"Yemwe abemeye! Kuki muvuga ibyo mudakora!?"*[2]

Ikigambiriwe muri iyi mirongo ya Qur'an ni ugushimangira ko mu biranga Allah harimo: Kwishima, kurakara, kuvuma, guhora, ndetse no kwanga. Ikindi twavuga nuko ibi byose, Allah abikora igihe ashakiye, iyo abishatse, uko abishatse. Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djama-at)* babishimangira nk'uko Imana yabishimangiye ko irangwa nabyo bigendanye n'icyubahiro cyayo n'ubuhambare bwayo.

---

[1] Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim, iyi ikaba ari imvugo ya Muslim

[2] Qur'an 61:2

Ikindi twakwibutsa nuko itegeko rigenga amazina y'Imana n'ibisingizo byayo rigira riti: Buri zina ry'Imana ryose rikubiyemo igisingizo cyayo, ariko ntabwo buri gisingizo cyayo cyose gikubiyemo izina ryayo. Aha twatanga urugero rwa bimwe mu bisingizo byayo byagaragaye muri iki cyigwa nko kurakara, kwanga, kuvuma (inkozi z'ibibi), ngo bikurwemo amazina yakwitirwa kubera ko bitubahirije igishingirwaho kugira ngo izina rimwitirirwe ari cyo kuba amazina agomba kuba ari meza bihebuje.

Ikindi twavuga nuko iyi mirongo ya Qur'an tumaze kubona ari igisubizo kuri tumwe mu dutsiko tutemera ko Allah arangwa n'ibi tumaze kuvuga. Bo bakabisobanura ko uburakari bwa Allah ari ugushaka guhora. Ariko twe tubasubiza tubabwira tuti: Niba Allah aha ingororano uwo ashatse mu bagaragu be kubera ko yamwishimiye ku bw'ibikorwa bye byiza, ni nkuko n'ibihano bya Allah aha bamwe mu bantu bamwigometseho, biterwa n'uburakari no kutabishimira ku bw'ibikorwa byabo bibi.

## ذكر مجيء الله سبحانه لفصل القضاء بين عباده على ما يليق بجلاله

### Gihamya muri Qur'an zigaragaza ko Allah azaza bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe, kugira ngo acire abagaragu be imanza[1].

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿هَلْ يَنظُرُونَ إِلَّآ أَن يَأْتِيَهُمُ ٱللَّهُ فِى ظُلَلٍ مِّنَ ٱلْغَمَامِ وَٱلْمَلَٰٓئِكَةُ وَقُضِىَ ٱلْأَمْرُ ۚ ... ﴿٢١٠﴾﴾ البقرة: ٢١٠

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿هَلْ يَنظُرُونَ إِلَّآ أَن تَأْتِيَهُمُ ٱلْمَلَٰٓئِكَةُ أَوْ يَأْتِىَ رَبُّكَ أَوْ يَأْتِىَ بَعْضُ ءَايَٰتِ رَبِّكَ ...﴾ الأنعام: ١٥٨

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿كَلَّآ إِذَا دُكَّتِ ٱلْأَرْضُ دَكًّا دَكًّا ﴿٢١﴾ وَجَآءَ رَبُّكَ وَٱلْمَلَكُ صَفًّا صَفًّا ﴿٢٢﴾﴾ الفجر: ٢١ – ٢٢

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿وَيَوْمَ تَشَقَّقُ ٱلسَّمَآءُ بِٱلْغَمَٰمِ وَنُزِّلَ ٱلْمَلَٰٓئِكَةُ تَنزِيلًا ﴿٢٥﴾﴾ الفرقان: ٢٥

Ukuza kwa Allah bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe bishimangirwa n'iyi mirongo ya Qur'an ikurikira;

**Allah aragira ati: "Ese hari ikindi bategereje kitari uko Allah abageraho hamwe n'igicucu cy'ibicu, cyangwa Abamalayika, maze urubanza (rwabo) rugacibwa? ..." Qur'an 2:210**

**Allah nanone aragira ati: "Ese hari ikindi bategereje kitari ukugerwaho n'abamalayika (babakuramo roho), cyangwa ukuza kwa Nyagasani wawe, cyangwa ukuza kwa bimwe mu**

[1] Aha ni hamwe hagaragazwa n'imirongo herekana ko Allah ku munsi w'imperuka azaza gucira imanza ibiremwa. Hakaba hari n'izindi gihamya zerekana ko Allah aza mu gice cya gatatu cy'ijoro aje kugabira abamusaba no kubabarira abamusaba imbabazi. Hakaba hari n'izindi mvugo zigaragaza ko Allah aza ku manywa y'umunsi wa cyenda *(Arafat)* ubanziriza umunsi mu kuru w'igitambo *(Idil Adw'ha).*

**bimenyetso bya Nyagasani wawe (nk'izuba kurasira i Burengerazuba)? ..." Qur'an 6:158.**

**Allah nanone aragira ati: "Oya! Ubwo isi izasandazwa (igacikamo ibice), Nuko Nyagasani wawe akaza (guca imanza), ndetse n'abamalayika bari ku mirongo." Qur'an 89 :21-22**

**Allah nanone aragira ati: "(Unibuke yewe Muhamadi) umunsi ikirere kizasatagurika (mu myenge yacyo hagaragamo) ibicu, maze Abamalayika bakamanurwa ari benshi." Qur'an 25:25.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Ese hari ikindi bategereje",** ababwirwa aha ni abahakanyi banze kwinjira mu idini y'Ubuyisilamu bagakurikira inzira za shitani.

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Ese hari ikindi bategereje kitari uko Allah abageraho hamwe n'igicucu cy'ibicu, cyangwa Abamalayika, maze urubanza (rwabo) rugacibwa? ..."** Aha Allah arashimangira ko we ubwe azaza ku rubuga rw'ibarura agahembera buri umwe ibyo yakoze. Ikindi nuko mu kuza kwe azazana n'Abamalayika.

Ikindi twavuga muri uyu murongo n'ubwo hakoreshejwe muri wo inyuguti *(Fii)* isobanura *(mu kintu),* aha ntabwo ari cyo yari igamije, ahubwo *(Fii)* aha igamije gusobanura *(hamwe),* bisobanuye ko Allah atazaza mu bicu, ahubwo azaza hamwe n'ibicu. Kubera ko mu by'ukuri, Allah ari Ukwiriye hose, Umumenyi uhebuje. Bityo nta na kimwe mu byo yaremye cyamuhetura.

Iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"Ese hari ikindi bategereje kitari ukugerwaho n'Abamalayika (babakuramo roho),** Abamalayika bavugwa aha ni Abamalayika bashinzwe gukuramo roho z'ibiremwa. Aha Allah akaba abaza abantu b'inkozi z'ibibi

niba ari bo bategereje umunsi baje kubakuramo roho kugira ngo bazabone kwemera Imana ndetse no gukora ibikorwa byiza!

Iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"Cyangwa ukuza kwa Nyagasani wawe,** ukuza kwa Nyagasani wabo kuvugwa aha ni ukuza aje kubacira imanza ku munsi w'imperuka.

Iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"Cyangwa ukuza kwa bimwe mu bimenyetso bya Nyagasani wawe (nk'izuba kurasira iburengerazuba)?..."** Ibimenyetso bivugwa aha ni izuba kuzarasira mu burenganzuba bwaryo. Bishimangirwa na Hadithi y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) igira iti:

عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه أَنَّ رَسُولَ اللهِ ﷺ قَالَ: لاَ تَقُومُ السَّاعَةُ حَتَّى تَطْلُعَ الشَّمْسُ مِنْ مَغْرِبِهَا. فَإِذَا طَلَعَتْ مِنْ مَغْرِبِهَا آمَنَ النَّاسُ كُلُّهُمْ أَجْمَعُونَ فَيَوْمَئِذٍ ﴿لَا يَنفَعُ نَفْسًا إِيمَٰنُهَا لَمْ تَكُنْ ءَامَنَتْ مِن قَبْلُ أَوْ كَسَبَتْ فِىٓ إِيمَٰنِهَا خَيْرًا ۗ ١٥٨﴾ الأنعام: ١٥٨

"Umunsi w'imperuka ntuzigera uba cyeretse izuba rirasiye iburengerazuba. Nirimara kurasira iburengerazuba abantu bakaribona bose bazahita baba abemera, ariko umunsi bimwe mu bimenyetso bya Nyagasani wawe byaje, ukwemera k'umuntu atagize mbere nta cyo kuzamumarira, cyangwa (uwemera) utaragize icyiza akora mu kwemera kwe.[1]"

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Oya! Ubwo isi izasandazwa (igacikamo ibice), nuko Nyagasani wawe akaza (guca imanza), ndetse n'abamalayika bari ku mirongo."** Aha Allah yari amaze gucyaha bamwe mu bantu bitwaye nabi bagakora ibikorwa bidakwiye birimo kudafasha imfubyi, abatishoboye, kurya imitungo y'abandi mu mahugu, ndetse no gukunda bikabije iby'isi bakibagirwa umunsi w'imperuka. Nuko

---

[1] Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim.

Allah abibutsa ubuzima bw'imperuka uburyo isi izasatagurika ikaba umukungugu, noneho Allah ubwe akaza aje gucira imanza ibiremwa. Aha ninaho hashimangira ko mu biranga Allah harimo ko aza bijyanye n'ubuhambare bwe n'icyubahiro cye. Ikindi ni ugushimangira ukuza kw'Abamalayika bari ku mirongo ikurikiranye.

Naho uyu murongo wa Qur'an ugira uti: **"(Unibuke yewe Muhamadi) umunsi ikirere kizasatagurika (mu myenge yacyo hagaragamo) ibicu, maze Abamalayika bakamanurwa ari benshi."** Uyu murongo uragaragaza ko Abamalayika ari bo bazabanza kuza ku rubuga rw'ibirura bakurikiranye, maze bazenguruke ibiremwa byose, hanyuma Allah abone kuza gucira imanza ibiremwa nkuko bigaragara mu mirongo yabanje.

Ikindi twavuga nuko uyu murongo n'ubwo uterura ko Allah azaza, ariko waciye amarenga yabyo, kuko gusatagurika kw'ikirere ku munsi w'imperuka, kuzabaho ari uko Allah aje gucira imanza ibiremwa, kubera gihamya zabanje zagaragaje ko Abamalayika atari bo bazaza bonyine.

Ikindi nuko twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djamaat*) twemera ko uko kuza kwa Allah ari ukuza kwa nyako bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe, kudafite ikindi gisobanuro gitandukanye nako, nk'uko abanyabihimbano baguhakana bavuga ko ikigambiriwe ari ukuza kw'itegeko rye, cyangwa se kumanuka kw'imigisha ye, cyangwa Abamalayika be, ndetse n'ibindi bisobanuro babiha bitari ukuri.

Hari tumwe mu dutsiko twifashisha umurongo wa mbere wo muri Surat A-Nahli ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ أَتَىٰٓ أَمۡرُ ٱللَّهِ فَلَا تَسۡتَعۡجِلُوهُۚ سُبۡحَٰنَهُۥ وَتَعَٰلَىٰ عَمَّا يُشۡرِكُونَ ١ ﴾ النحل: ١

*“Itegeko rya Allah (ryo kuza kw’imperuka) riregereje, bityo ntimuryihutishe. Ubutagatifu ni ubwe (Allah), arenze ibyo bamubangikanya na byo.”* Utwo dutsiko dusobanura ko n’indi mirongo yose ya Qur’an ivuga ku kuza kwa Allah ikwiye gusobanurwa muri ubu buryo ko ari ukuza kw’itegeko rye, ariko iyi gihamya batanga ubwayo irabasubiza, kubera ko yaratomoye igaragaza ko ari itegeko rya Allah, nk’uko n’indi mirongo ya Qur’an yatomoye ikagaragaza ko ari Allah ubwe uzaza. Bityo Allah ntibyari bimunaniye gukoresha *(itegeko rye)* mu mirongo yose twabonye.

## إثبات الوجه لله سبحانه فى القرآن الكريم

### Gihamya za Qur’an zigaragaza ko Allah afite uburanga.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ... وَيَبْقَىٰ وَجْهُ رَبِّكَ ذُو الْجَلَالِ وَالْإِكْرَامِ ﴿٢٧﴾ ﴾ الرحمن: ٢٧

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ... كُلُّ شَيْءٍ هَالِكٌ إِلَّا وَجْهَهُ ... ﴿٨٨﴾ ﴾ القصص: ٨٨

Gihamya za Qur’an zishimangira ko Allah mu bimugize harimo kuba afite uburanga n’izi zikurikira;

**Allah aragira ati: “...Maze hasigare gusa uburanga butagatifu bwa Nyagasani wawe, Nyir’ikuzo n‘icyubahiro.” Qur’an 55:27.**

**Allah nanone aragira ati: “...Buri kintu cyose kizarimbuka usibye uburanga bwe (Allah)...” Qur’an 28:88.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Maze hasigare gusa uburanga butagatifu bwa Nyagasani wawe, Nyir'Ikuzo n'Ubuhambare."** Uyu murongo wa Qur'an waje wunganira uwawubanjirije ugira uti:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ كُلُّ مَنۡ عَلَيۡهَا فَانٖ ۝٢٦ ﴾ الرحمن: ٢٦

*"Buri ikiyiriho cyose (isi) kizapfa."* [1]

Uyu murongo waje ugaragaza ko Allah mu bimugize harimo kuba afite uburanga bujyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe budasa n'uburanga bw'icyo ari cyo cyose. Ikindi nuko nyuma yo kuvaho kwa buri kimwe hazasigara Uwabihanze ariwe Allah *(Al Bari-u).* Ikindi twakwibutsa nuko aha Allah yavuze kimwe mu bimugize ariko agambiriye kwivuga we wese.

Umumenyi A-Sha'abiyu yaravuze ati: Uyu murongo ntukwiriye gusomwa wonyine ngo umuntu aceceke adasomye uwukurikira, kuko ubuhambare bwa Allah ntibwasobanuka turamutse tuvuze gusa ko buri kiriho cyose kizapfa, ahubwo busobanuka iyo twongeyeho umurongo ugaragaza ko hazasigara uburanga bwa Allah. Bityo iyo tuvuze iyi mirongo yombi, nibwo tugaragarirwa no kutuzura n'intege nke z'ibiremwa, ndetse no kuzura n'ubutungane bw'Umuremyi!

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"...Buri kintu cyose kizarimbuka usibye uburanga bwe (Allah)..."** iki gice kiragaragaza ko mu bigize Allah harimo uburanga, kandi bukaba ari uburanga bwa nyabwo, ariko uburanga bwe bujyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe, ntibusa n'uburanga bw'icyo ari cyo cyose, nkuko yivugiye agira ati: "*Ntagira icyo asa na cyo.*"[2]

[1] Qur'an 55:26.
[2] Qur'an 42:11.

Ntabwo ari nk'uko abahakana ibisingizo bya Allah babivuga, bavuga ko ikigambiriwe atari uburanga buzwi, ahubwo ari Allah we ubwe, cyangwa se ingororano ze, cyangwa se aho aherereye, cyangwa se n'ibindi. Ariko ibi bisobanuro byose bavuga ntabwo ari ukuri, kubera impamvu ikurikira:

Nuko uburanga bw'Imana bwavuzwe, nayo ubwayo ikavugwa nk'uko bigaragara muri Hadithi igira iti:

وفي الحديث: أعوذ بالله العظيم، وبوجهه الكريم، وسلطانه القديم؛ من الشيطان الرجيم.

***AUDHU BILLAH AL ADHWIM, WABI WADJIHIHI AL KARIM, WA SUL'TWANIHI AL QADIIM, MIN SHAY'TWANI RADJIIM:*** Nikinze kuri Allah Uhambaye, no ku buranga bwe butagatifu, no ku bwami bwe bwahozeho (kandi buzahoraho), ngo andinde shitani w'ikivume." Ndetse Allah yabivuze muri uyu murongo wa Qur'an aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ... وَجْهُ رَبِّكَ ... ﴾ الرحمن: ٢٧

"*Uburanga bwa Nyagasani wawe.*"

## إثبات اليدين لله تعالى فى القرآن الكريم

### Gihamya muri Qur'an zishimangira ko Allah afite amaboko abiri.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ مَا مَنَعَكَ أَن تَسْجُدَ لِمَا خَلَقْتُ بِيَدَيَّ ... ﴾ ص: ٧٥

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَقَالَتِ ٱلْيَهُودُ يَدُ ٱللَّهِ مَغْلُولَةٌ غُلَّتْ أَيْدِيهِمْ وَلُعِنُوا۟ بِمَا قَالُوا۟ بَلْ يَدَاهُ مَبْسُوطَتَانِ يُنفِقُ كَيْفَ يَشَآءُ ﴾ المائدة: ٦٤

Gihamya za Qur'an zishimangira ko Allah mu bimugize harimo amaboko n'izi zikurikira;

**Allah aragira ati: "(Allah aravuga ati) "(Yewe Ibilis!) Ni iki cyakubujije kubamira uwo naremye n'amaboko yanjye yombi? ..." Qur'an 38:75**

**Allah nanone aragira ati: "Kandi Abayahudi baravuze bati: "Ukuboko kwa Allah kurahinnye (kuragundira)". Nyamara amaboko yabo ni yo ahinnye, kandi baravumwe kubera ibyo bavuze. Ahubwo amaboko ye (Allah) ararambuye, atanga uko ashaka..." Qur'an 5:64.**

*<u>Ibisobanuro mu buryo burambuye:</u>*

Iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: "**Ni iki cyakubujije kubamira uwo naremye n'amaboko yanjye yombi? ...**" Aha Allah yabwiraga Ibilisi (shitani) ubwo yari yanze kubamira Adamu. Naho amaboko avugwa aha ni amaboko azwi ariko aya Allah ntameze nk'ay'ibiremwa, ahubwo aye agendanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe. Ikindi nuko uyu murongo wa Qur'an ugaragaza icyubahiro n'agaciro Allah yahaye Adamu ubwo yamuremeshaga amaboko ye yombi, nkuko Allah yanditse Tawurat, akanatera ibiti mu ijuru rya Eden n'ukuboko kwe.[1] N'ikigaraza ko ari amaboko nanone ni nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَمَا قَدَرُواْ ٱللَّهَ حَقَّ قَدۡرِهِۦ وَٱلۡأَرۡضُ جَمِيعٗا قَبۡضَتُهُۥ يَوۡمَ ٱلۡقِيَٰمَةِ وَٱلسَّمَٰوَٰتُ مَطۡوِيَّٰتُۢ بِيَمِينِهِۦۚ سُبۡحَٰنَهُۥ وَتَعَٰلَىٰ عَمَّا يُشۡرِكُونَ ٦٧ ﴾ الزمر: ٦٧

*"Kandi (ababangikanyamana) ntabwo bahaye Allah icyubahiro kimukwiye. No ku munsi w' imperuka ibiri mu isi byose bizaba biri mu kuboko kwe, ndetse n'ibirere bizazingazingirwa mu kuboko*

[1] Iyi mvugo ni iya Ibun Umar yakiriwe na Al Hakim na A-Darimiy na Al Bay'haqiy.

*kwe kw'indyo. Ubutagatifu ni ubwe kandi arenze ibyo bamubangikanya (nabyo)."*[1]

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"Kandi Abayahudi baravuze bati: "Ukuboko kwa Allah kurahinnye (kuragundira)". Nyamara amaboko yabo ni yo ahinnye..."** Aha Allah aravuga ku bayahudi bavuze ko Allah ari umunyabugugu, nkuko nanone bavuze ko ari umukene bo bakaba abakire. Allah abasubiza ababwira ko aribo banyabugugu kandi ni nako kuri kuko abayahudi ni abanyabugugu bakaba abanyeshyari cyane kurusha ibindi biremwa bya Allah.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"kandi baravumwe kubera ibyo bavuze..."** Bisobanuye ko birukanywe mu mpuhwe za Allah kubera amagambo bavuze, nkuko twabigaragaje ruguru.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **Ahubwo amaboko ye (Allah) ararambuye, atanga uko ashaka..."** Aha nanone Allah aracyasubiza abayahudi ku magambo bavuze agira ati: Ahubwo amaboko ye ararambuye, aratanga ariko gutanga kwa Allah kugendana n'ubushake bwe, iyo abishatse aratanga byinshi n'iyo abishatse atanga bike bigendanye n'ubushishozi bwe.

Ikigambiriwe muri iyi mirongo ibiri ya Qur'an ni ukugaragaza ko Allah afite amaboko abiri kandi akaba ari aya nyayo, ariko akaba agendanye n'ubushobozi bwe n'ubuhambare bwe, atari nk'ay'ibiremwa nkuko Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ لَيْسَ كَمِثْلِهِۦ شَىْءٌ ۖ ﴾ الشورى: ١١

*"Ntagira icyo asa na cyo."* [2]

[1] Qur'an 39:67
[2] Qur'an 42:11

Nanone iyi mirongo irasubiza udutsiko twahakanye ko Allah agira amaboko abiri aritwo *Al Djah'miyat, Al Mu-utazilat* n'utundi tuvuga ko icyari kigamijwe ari ubushobozi n'ingabire. Ibi bikaba atari ukuri kandi bikaba ari uguhindura ibisobanuro bya Qur'an. Ikindi kigaragaza ko ibi bavuze atari ukuri nuko iyo amaboko ya Allah aza kuba ari ubushobozi nkuko babivuga, nta mwihariko Adam yari kuba afite kurusha ibindi biremwa kuko mu mwihariko wa Adam arusha ibindi biremwa nuko yaremwe n'amaboko ya Allah. Ikindi nanone iyo igisobanuro cy'amaboko kiza kuba ari ubushobozi cyangwa ingabire byari kuba bivuze ko ubushobozi bwa Allah ari bubiri n'ingabire ze ari ebyiri, Kandi ubushobozi bwa Allah n'ingabire ze nta herezo bigira cyangwa ngo bibarwe ahubwo ni ubushobozi bwuzuye. Bityo rero Allah ashimangira ko icyo yavuze ari amaboko atari ubushobozi cyangwa ingabire agira ati: **Ni iki cyakubujije kubamira uwo naremye n'amaboko yanjye yombi?** Ibi kandi bishimangirwa na Hadith yaturutse kwa Abdilah Ibun Am'ri (Imana imwishimire) aho Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: N'amaboko ya Allah uko ari abiri ni indyo."[1]

Ikindi twavuga nuko hari indi Hadithi yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عن عبد الله بن عمر قال: قال رسول الله ﷺ: يطوي الله عز وجل السماوات يوم القيامة، ثم يأخذهن بيده اليمنى، ثم يقول: أنا الملك، أين الجبارون؟ أين المتكبرون؟ ثم يطوي الأرضين بشماله، ثم يقول: أنا الملك، أين الجبارون؟ أين المتكبرون؟.

"Ku munsi w'imperuka Allah azazingazinga ibirere maze abifate mu kuboko kwe kw'indyo, hanyuma avuge ati: Ninjye mwami, babandi bigiraga ibihangange barihe? Babandi bibonaga barihe? Maze Allah azingazinge isi n'ukuboko kwe kw'imoso, maze avuge

[1] Yakiriwe na Muslim

ati: Ninjye mwami, babandi bigiraga ibihangange barihe? Babandi bibonaga barihe?[1]

Abamenyi ntibavuze rumwe ku bijyendanye n'amaboko ya Allah uko ari abiri; bamwe bavuga ko amaboko ye yose ari indyo nkuko twabibonye muri Hadith yabanje ya Abdilahi Ibun Am'ri, abandi bakavuga ko Allah afite amaboko abiri indyo n'imoso bashingiye kuri iyi Hadithi. Mu guhuza izi mvugo zombi abamenyi baravuze bati: Allah afite indyo n'imoso ugendeye ku nyito gusa, ariko ugendeye ku bisobanuro amaboko ye yombi ni indyo mu rwego rw'uko ari meza, yuje imigisha n'imbaraga, kugaba ndetse n'ibindi. Bityo ntawe ukwiye kwibaza ko kuba Allah afite imoso bivuze ko iyo moso ifite intege nke kurusha indyo nk'uko bimeze ku biremwa.

Ikindi twavuga nuko hari ubwo umuntu yakwibaza ko Allah afite amaboko menshi ashingiye kuri uyu murongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ أَوَلَمْ يَرَوْا أَنَّا خَلَقْنَا لَهُم مِّمَّا عَمِلَتْ أَيْدِينَآ أَنْعَـٰمًا فَهُمْ لَهَا مَـٰلِكُونَ ﴿٧١﴾ ﴾ يس: ٧١

"*Ese (abahakanyi) ntibabona ko twabaremeye amatungo mu byo amaboko yacu yakoze, bakaba bayatunze.*"[2]

Igisubizo twamusubiza nuko uyu murongo wasobanuwe n'abasobanuzi ba Qur'an mu buryo bubiri:

**Ubwa mbere:** Bavuze yuko ubusanzwe ubwinshi iyo umuntu agiye kubara buhera kuri kabiri, ubwo amaboko avugwa ahangaha rero akaba ari abiri.

**Ubwa kabiri:** Bavuga ko amaboko yakoreshejwe aha, mu buryo bwo kugaragaza icyubahiro nk'uko ubusanzwe umuntu uri

[1] Yakiriwe na Muslim
[2] Qur'an 36:71

kuvugana n'umunyacyubahiro, yivuga mu bwinshi cyangwa akamuvuga mu bwinshi kandi ari umwe!

Urugero twatanga ni nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ نَحْنُ خَلَقْنَاكُمْ فَلَوْلَا تُصَدِّقُونَ ﴿٥٧﴾ ﴾ الواقعة: ٥٧

*"Ni twe twabaremye. Nonese kuki mutemera (izuka)?"*[1]

## اثبات العينين لله تعالى

### Gihamya za Qur'an zishimangira ko Allah afite amaso abiri.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَاصْبِرْ لِحُكْمِ رَبِّكَ فَإِنَّكَ بِأَعْيُنِنَا ﴿٤٨﴾ ﴾ الطور: ٤٨

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَحَمَلْنَاهُ عَلَىٰ ذَاتِ أَلْوَاحٍ وَدُسُرٍ ﴿١٣﴾ تَجْرِي بِأَعْيُنِنَا جَزَاءً لِّمَن كَانَ كُفِرَ ﴿١٤﴾ ﴾ القمر: ١٣ – ١٤

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَأَلْقَيْتُ عَلَيْكَ مَحَبَّةً مِّنِّي وَلِتُصْنَعَ عَلَىٰ عَيْنِي ﴿٣٩﴾ ﴾ طه: ٣٩

Gihamya za Qur'an zishimangira ko Allah afite amaso abiri ni izi zikurikira:

**Allah aragira ati: "*Bityo (yewe Muhamadi), ihanganire itegeko rya Nyagasani wawe, kuko mu by'ukuri tuguhozaho amaso yacu...*" Qur'an 52 :48**

**Allah nanone aragira ati: "*Maze (Nuhu) tumutwara mu (nkuge) ikozwe mu mbaho n'imisumari. Yagenderaga (hejuru***

[1] Qur'an 56:57

***y’amazi) tuyihanze amaso; (ibyo) biba igihembo cy’uwahakanyijwe.”* Qur’an 54:13-14**

**Allah nanone aragira ati: “*Kandi naguhundagajeho urukundo rwanjye kugira ngo ukure nguhojejeho ijisho ryanjye (nkurinze*).” Qur’an 20:39**

<u>*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*</u>

Igice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti: **“Bityo (yewe Muhamadi), ihanganire itegeko rya Nyagasani wawe,”** kwihanganira amategeko ya Allah ndetse n’ibigeragezo biri mu byo Allah yategetse abagaragu be mu mirongo itandukanye ya Qur’an. Kwihangana rero birimo amoko atatu : Kwihangana wubahiriza ibyo Imana yagutegetse, nkuko Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ٱدۡعُ إِلَىٰ سَبِيلِ رَبِّكَ بِٱلۡحِكۡمَةِ وَٱلۡمَوۡعِظَةِ ٱلۡحَسَنَةِۖ وَجَٰدِلۡهُم بِٱلَّتِي هِيَ أَحۡسَنُۚ إِنَّ
رَبَّكَ هُوَ أَعۡلَمُ بِمَن ضَلَّ عَن سَبِيلِهِۦ وَهُوَ أَعۡلَمُ بِٱلۡمُهۡتَدِينَ ١٢٥ ﴾ النحل: ١٢٥

*“Hamagarira (abantu) kugana inzira ya Nyagasani wawe ukoresheje ubushishozi n’inyigisho nziza, unabagishe impaka mu buryo bwiza. Mu by’ukuri, Nyagasani wawe ni we uzi neza uwayobye inzira ye, ni na we uzi neza abayobotse.”*

Naho ku bijyanye no kwihangana ureka gukora ibyo Imana yakubujije, Allah agira ati ategeka Intumwa ye:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَلَا تَكُونَنَّ مِنَ ٱلۡمُشۡرِكِينَ ١٤ ﴾ الأنعام: ١٤

*“Kandi rwose ntuzabe mu babangikanyamana.”*[1]

Naho kwihanganira igeno ribabaza (ibigeragezo), Intumwa y’Imana yaratotejwe, iratukwa iterwa amabuye ahitwa *Twaif,*

[1] Qur’an 6:14

ariko byose yarabyihanganiye. Izi ngero zose tumaze kubona nizo Itumwa y'Imana yasabwaga kwihanganira muri uyu murongo.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"kuko mu by'ukuri tuguhozaho amaso yacu"** bisobanuye ko tukureba kandi tukurinda. Bityo, uramenye ntuzahangayikishwe n'ibibi abahakanyi bagukorera, kuko ntacyo bazagutwara.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Maze (Nuhu) tumutwara mu (nkuge) ikozwe mu mbaho n'imisumari. Yagenderaga (hejuru y'amazi) tuyihanze amaso yacu; (ibyo) biba igihembo cy'uwahakanyijwe."** Aha naho Allah yagaragaje ko yarebaga iriya nkuge yari itwaye Nuhu n'abo bari kumwe, kandi ko Allah ari we wari ubarinze. Naho uwahakanyijwe uvugwa aha ni Intumwa y'Imana Nuhu (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

Naho igice cy'umurongo wa Qur'an kigira kiti: **"kandi naguhundagajeho urukundo rwanjye,"** uvugwa aha ni Intumwa y'Imana Mussa (amahoro n'imigisha by'Imana bimubeho), aho Imana yamugaragarizaga ko yamukunze kandi ikamukundisha n'ibindi biremwa.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: "***kugira ngo ukure nguhojejeho ijisho ryanjye (nkurinze*)",** aha naho Allah yamwerekaga ko amureba kandi ko amurinze. Icyari kigambiriwe muri iyi mirongo ya Qur'an ni ukugaragaza ko Allah afite amaso abiri nyayo bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe, ariko ko ayo maso atameze nk'ay'ibiremwa. Ikindi nuko iyo turebye muri Qur'an dusanga harimo ahavuzwe ijisho rimwe, hari n'ahavuzwe amaso, ariko icyari kigamijwe ni amaso abiri nkuko bishimangirwa na Hadithi y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yakiriwe na Bukhari igira iti: "Mu by'ukuri, Nyagasani wanyu (Allah) ntarebesha ijisho rimwe." Kuko kurebesha ijisho rimwe ni inenge. Ikindi twakwibutsa nuko uwakwibaza ibi byo kuba hari imirongo yavuze amaso mu

bwinshi cyangwa ijisho mu buke, igisubizo twamuha ni nk'icyo twatanze ku bigendanye n'icyigwa kigaragaza ko Allah afite amaboko.

Abahakanye ibisingizo n'ibiranga Allah n'ababigoretse (*Ahlu Ta-twil, na Ahlu Tah'rif*), basobanuye amaso ya Allah bavuga ko ahavugwa amaso muri Qur'an atari amaso nyayo, ahubwo ko ikiba kigamijwe ari ukugaragaza ko Allah areba ariko nta maso, bakavuga bati: Ntibishoboka ko dushimangira ko Allah afite amaso, kuko amaso ni kimwe mu bice bigize umubiri, bityo rero turamutse twemeye ko Allah afite amaso twaba tuvuze ko Allah agira ibice bimugize akagira n'umubiri, kandi ibi ntibishoboka kuri Allah. Bakavuga ko kuvugwa kw'amaso kugaragara muri iyi mirongo ya Qur'an byari ugushimangira ko Allah areba nta maso. Ariko twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) tukabasubiza tubabwira duti: Iyi myemerere yanyu ni amakosa kubera impamvu zikurikira:

1. Kubera ko itandukanye n'ijambo ubwaryo n'igisobanuro cyaryo kigaragarira buri umwe.
2. Kubera ko bitandukanye n'ibyo abamenyi batubanjirije mu kwemera bemeranyijweho.
3. Kubera ko iyo mvugo yabo nta gihamya ifite.
4. Kubera ko turamutse tuvuze ko icyari kigambiriwe havugwa amaso ari ukureba, kandi Allah we ubwe yarivugiye ko afite amaso, bihita byumvikana ko Allah arebesha ayo maso, ubwo rero ni gihamya igaragaza ko Allah afite amaso ya nyayo.

# إثبات السمع والبصر لله تعالى

## Gihamya zishimangira kumva no kureba bya Allah Nyirubutagatifu.

قَالَ تَعَالَى:﴿ قَدْ سَمِعَ ٱللَّهُ قَوْلَ ٱلَّتِي تُجَٰدِلُكَ فِي زَوْجِهَا وَتَشْتَكِيٓ إِلَى ٱللَّهِ وَٱللَّهُ يَسْمَعُ تَحَاوُرَكُمَآۚ إِنَّ ٱللَّهَ سَمِيعُۢ بَصِيرٌ ١ ﴾ المجادلة: ١

قَالَ تَعَالَى:﴿ لَّقَدْ سَمِعَ ٱللَّهُ قَوْلَ ٱلَّذِينَ قَالُوٓاْ إِنَّ ٱللَّهَ فَقِيرٌ وَنَحْنُ أَغْنِيَآءُ ...١٨١ ﴾ آل عمران: ١٨١

قَالَ تَعَالَى:﴿ أَمْ يَحْسَبُونَ أَنَّا لَا نَسْمَعُ سِرَّهُمْ وَنَجْوَىٰهُمۚ بَلَىٰ وَرُسُلُنَا لَدَيْهِمْ يَكْتُبُونَ ٨٠ ﴾ الزخرف: ٨٠

قَالَ تَعَالَى:﴿ قَالَ لَا تَخَافَآۖ إِنَّنِي مَعَكُمَآ أَسْمَعُ وَأَرَىٰ ٤٦ ﴾ طه: ٤٦

قَالَ تَعَالَى:﴿ أَلَمْ يَعْلَم بِأَنَّ ٱللَّهَ يَرَىٰ ١٤ ﴾ العلق: ١٤

قَالَ تَعَالَى:﴿ ٱلَّذِي يَرَىٰكَ حِينَ تَقُومُ ٢١٨ وَتَقَلُّبَكَ فِي ٱلسَّٰجِدِينَ ٢١٩ إِنَّهُۥ هُوَ ٱلسَّمِيعُ ٱلْعَلِيمُ ٢٢٠ ﴾ الشعراء: ٢١٨ – ٢٢٠

قَالَ تَعَالَى:﴿ وَقُلِ ٱعْمَلُواْ فَسَيَرَى ٱللَّهُ عَمَلَكُمْ وَرَسُولُهُۥ وَٱلْمُؤْمِنُونَۖ ... ١٠٥ ﴾ التوبة: ١٠٥

Gihamya zishimangira kumva kwa Allah no kureba kwe ni izi zikurikira:

**Allah aragira ati: "Mu by'ukuri, Allah yumvise imvugo (ubusabe) ya wa wundi (Khaulat bint Tha'labah) wakugishaga impaka (wowe Muhamadi) ku bijyanye n'umugabo we (Awus bin As-Samit), anaregera Allah. Kandi Allah yumvise ikiganiro cyanyu mwembi. Mu by'ukuri, Allah ni Uwumva bihebuje, Ubona cyane." Qur'an 58:1**

**Allah nanone aragira ati: “Rwose, Allah yumvise imvugo ya babandi bavuze bati “Mu by’ukuri, Allah ni umutindi naho twe tukaba abakungu.” Qur’an 3:181.**

**Allah nanone aragira ati: “Cyangwa bakeka ko tutumva amabanga yabo n’ibyo bongorerana!? Yego (turabyumva rwose)! Kandi n’intumwa zacu (Abamalayika) ziba ziri hafi yabo zandika.” Qur’an 43:80.**

**Allah nanone aragira ati: “...Mu by’ukuri, njye ndi kumwe namwe, ndumva kandi ndabona” Qur’an 20:46.**

**Allah nanone aragira ati: “Ese ntabwo azi ko Allah abona (ibyo akora)? Qur’an 96:14**

**Allah nanone aragira ati: “We ukureba igihe uhagaze ukora amasengesho (Swalat), ndetse n’ibyo ukora (wunama, ununamuka mu isengesho) uri kumwe n‘abubama. Mu by’ukuri, we ni Uwumva bihebuje, Umumenyi uhebuje.” Qur’an 26:218-219-220**

**Allah nanone aragira ati: “Unavuge uti "Nimukore; Allah azabona ibikorwa byanyu, Intumwa ye ibibone ndetse n’abemeramana...” Qur’an 9:105**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Uyu murongo wa Qur’an ugira uti: **“Mu by’ukuri, Allah yumvise imvugo (ubusabe) ya wa wundi (Khaulat bint Tha'labah) wakugishaga impaka (wowe Muhamadi) ku bijyanye n‘umugabo we (Awus bin As-Samit), anaregera Allah. Kandi Allah yumvise ikiganiro cyanyu mwembi. Mu by’ukuri, Allah ni Uwumva bihebuje, Ubona cyane.”**

Impamvu yatumye uyu murongo wa Qur’an uhishurwa byari bitewe n’uyu mugore Khaulat Bin’t Tha’alabah ubwo umugabo we yamubwiraga ati: “Mu by’ukuri wowe kuri njye, umeze

nk'umugongo wa mama", agamije ku mwiziririza. Uyu mugore yagiye kuregera Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) Intumwa y'Imana iramubwira iti: Niba ari gutyo byagenze ubwo wabaye ikizira kuri we! Umugore nawe arayibwira ati: Ndahiye ku izina ry'Imana ko we atigeze yerura avuga ko ansenze! Akomeza abwira Intumwa y'Imana ati: Akababaro kanjye no kuba nasigara njyenyine mbituye Allah! Kandi ikindi mfite abana bakiri bato, nimbamurekera ntabwo bazitabwaho, kandi ninabatwara bazicwa n'inzara. Nuko atangira kwerekeza uburanga bwe hejuru avuga ati: Mana Nyagasani ni wowe ntuye agahinda kanjye!

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Rwose, Allah yumvise imvugo ya babandi bavuze bati "Mu by'ukuri, Allah ni umutindi naho twe tukaba abakungu."** Abavuze iyi mvugo bavugwa muri uyu murongo ni Abayahudi, ubwo Allah yari amaze guhishurira Intumwa y'Imana umurongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ مَّن ذَا ٱلَّذِى يُقْرِضُ ٱللَّهَ قَرْضًا حَسَنًا فَيُضَٰعِفَهُۥ لَهُۥٓ أَضْعَافًا كَثِيرَةً ۚ وَٱللَّهُ يَقْبِضُ وَيَبْصُۜطُ وَإِلَيْهِ تُرْجَعُونَ ﴿٢٤٥﴾ ﴾ البقرة: ٢٤٥

Allah aragira ati: *"Ni nde waguriza Allah inguzanyo nziza maze akayimutuburira inshuro nyinshi?..."*[1] Ibi bakaba barabivuze mu rwego rwo kuyobya uburarì atari uko babyemera, kuko bari mu bahawe igitabo, ahubwo babivuze kugira ngo batere urujijo muri Isilamu.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Cyangwa bakeka ko tutumva amabanga yabo n'ibyo bongorerana!? Yego (turabyumva rwose)! Kandi n'intumwa zacu (Abamalayika) ziba ziri hafi yabo zandika."** Allah agamije

[1] Qur'an 2:245

kuvuga ko byaba imvugo cyangwa ibikorwa, byose abyumva kandi anabimenya, ndetse n'Abamalayika be bakabyandika.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"...Mu by'ukuri, Njye ndi kumwe namwe, ndumva kandi ndabona"**, aha Allah yabwiraga Intumwa y'Imana Mussa n'umuvandimwe we Haruna ubwo yari abohereje kwa Farawo, ababwira ko ari kumwe nabo, kandi abarinze kandi yanabatabara.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: "**Ndumva kandi ndabona"** usobanuye ko Allah yumva amagambo ya Mussa na Haruna, ndetse n'amagambo y'umwanzi wabo Farawo, kandi ko ababona aho bahererereye hose. Iyi ikaba ari nayo mpamvu Allah yababwiye ati: Mwigira ubwoba!

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti **"Ese ntabwo azi ko Allah abona (ibyo akora)?** Ugamijwe kuvugwa muri uyu murongo wa Qur'an ni Abu Djahal umwe mu bikomerezwa byo mu bwoko bw'Abaqurayishi, ubwo yamubuzaga gukora isengesho (A-Swalat). Aha Allah yari agamije kwibutsa Abu Djahal ko yumva amagambo ye ndetse abona imigambi ye, kandi azamuhanira ibyo bikorwa bye bigayitse.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"We ukureba igihe uhagaze ukora amasengesho (Swalat), ndetse n'ibyo ukora (wunama, ununamuka mu isengesho) uri kumwe n'abubama. Mu by'ukuri, we ni Uwumva bihebuje, Umumenyi uhebuje."** Uyu murongo wa Qur'an ugamije kuvuga ko Allah amenya ibyo Intumwa y'Imana ikoze, yaba ihagaze iri mu isengesho, cyangwa na mbere y'uko irikora, yaba iri yonyine cyangwa se iri mu mbaga.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: "**Nimukore; Allah azabona ibikorwa byanyu, Intumwa ye ibibone ndetse n'abemeramana..."** Muri uyu murongo wa Qur'an ubwirwa n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kugira ngo

ibwire indyarya ko n'ubwo zakora ibyo zishatse ndetse zigakomeza kwibera mu buyobe bwazo, ntizikeke ko ibyo zikora biyoberana. Ahubwo Allah arabibona ndetse n'Intumwa ye n'abemeramana muri rusange bakabibona. Kandi n'igihe izi ndyarya zizapfa zigarutse kwa Nyagasani wazo, Allah azazihanira ibyo zajyaga zikora.

Ikigambiriwe muri iyi mirongo ya Qur'an ni ugushimangira ko mu biranga Allah harimo kuba yumva ndetse akanareba kandi ko ntakimwisoba, ndetse ko kumva kwe no kureba kwe ari ibya nyabyo bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe, kandi ko atagereranywa n'ibiremwa.

Ikindi iyi mirongo itwigisha ni agaciro k'ingabire yo kumva kuruta iyo kureba, kuko iyi mirongo ya Qur'an yabanje kumva mbere yo kureba.

Nkuko twabibonye ukumva kwa Allah kurimo ibice bibiri:

1 Kumva amajwi yose na buri gikomye cyose.

2 Kumva bisobanuye ugusubiza abamusabye, bitari ukumva gusa, kuko icyo gihe nta mumaro byaba bifite hatabaye ugusubiza abasaba.

Abamenyi bagaragaje ko kumva amajwi na buri gikomye cyose birimo ibice bitatu:

1 Hari aho Allah yerekana ko yumva ariko bikanagendana no kwihanangiriza abamukekera uko atari. Nkuko bishimangirwa n'uyu murongo ugira uti:

﴿ أَمْ يَحْسَبُونَ أَنَّا لَا نَسْمَعُ سِرَّهُمْ وَنَجْوَاهُم ۚ بَلَىٰ وَرُسُلُنَا لَدَيْهِمْ يَكْتُبُونَ ﴿٨٠﴾ ﴾ الزخرف: ٨٠

*"Cyangwa bakeka ko tutumva amabanga yabo n'ibyo bongorerana!? Yego (turabyumva rwose)! Kandi n'intumwa zacu*

*(Abamalayika) ziba ziri hafi yabo zandika.* [1]" N'indi mirongo imeze nk'uyu.

2 Hari aho Allah yerekana ko yumva ariko bikanagendana no kwereka abakunzi be ko ari we ubatera ingabo mu bitugu no ku bahumuriza. Nkaho yabwiye Mussa na Haruna ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... إِنَّنِي مَعَكُمَآ أَسۡمَعُ وَأَرَىٰ ۝٤٦ ﴾ طه: ٤٦

Allah aragira ati: "*...Mu by'ukuri, njye ndi kumwe namwe, ndumva kandi ndabona.* [2]" Nindi mirongo imeze nk'iyi.

3 Hari naho Allah avuga ko yumva ariko bikanagendana no kwerekana ko nta kimwisoba. Nkaho yavuze ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ قَدۡ سَمِعَ ٱللَّهُ قَوۡلَ ٱلَّتِي تُجَٰدِلُكَ فِي زَوۡجِهَا وَتَشۡتَكِيٓ إِلَى ٱللَّهِ وَٱللَّهُ يَسۡمَعُ تَحَاوُرَكُمَآۚ إِنَّ ٱللَّهَ سَمِيعُۢ بَصِيرٌ ۝١ ﴾ المجادلة: ١

Allah aragira ati: *"Mu by'ukuri, Allah yumvise imvugo (ubusabe) ya wa wundi (Khaulat bint Tha'labah) wakugishaga impaka (wowe Muhamadi) ku bijyanye n'umugabo we (Awus bin As-Samit), anaregera Allah. Kandi Allah yumvise ikiganiro cyanyu mwembi. Mu by'ukuri, Allah ni Uwumva bihebuje, Ubona cyane.* [3]"

Ikindi twavuga nuko kureba kwa Allah kugizwe n'ibice bibiri:

1 Hari ukuba Allah areba buri ikirebwa cyose.

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ أَلَمۡ يَعۡلَم بِأَنَّ ٱللَّهَ يَرَىٰ ۝١٤ ﴾ العلق: ١٤

---

1 Qur'an 43:80
2 Qur'an 20:46
3 Qur'an 58:1

Allah aragira ati: “*Ese ntabwo azi ko Allah abona (ibyo akora*)?[1]

2 Hari ukuba Allah kureba kwe haba hagamijwe kureba bigendanye n’ubumenyi.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّهُمْ يَرَوْنَهُۥ بَعِيدًا ۝٦ وَنَرَىٰهُ قَرِيبًا ۝٧ ﴾ المعارج: ٦ - ٧

Allah aragira ati: *“Mu by’ukuri, bo babona (imperuka) iri kure. Nyamara twe tukabona iri hafi.”*[2]

Kubona kwa Allah kuvugwa muri uyu murongo ni ukuba azi igihe uyu munsi uzabera, ntabwo ari ukureba kw’ibibonwa byose, kuko umunsi ntabwo ari ikintu gifatika ku buryo cyarebeshwa amaso.

## إثبات المكر والكيد والمحال لله تعالى

### Gihamya zishimangira ko Allah Nyirubutagatifu ariwe uhebuje mu kuburizamo imigambi mibisha [y’inkozi z’ibibi, n’abagambanyi], ndetse akaba Nyir’ibihano bikomeye.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ...وَهُوَ شَدِيدُ ٱلْمِحَالِ ۝١٣ ﴾ الرعد: ١٣

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَكَرُواْ وَمَكَرَ ٱللَّهُۖ وَٱللَّهُ خَيْرُ ٱلْمَٰكِرِينَ ۝٥٤ ﴾ آل عمران: ٥٤

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَكَرُواْ مَكْرًا وَمَكَرْنَا مَكْرًا وَهُمْ لَا يَشْعُرُونَ ۝٥٠ ﴾ النمل: ٥٠

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّهُمْ يَكِيدُونَ كَيْدًا ۝١٥ وَأَكِيدُ كَيْدًا ۝١٦ ﴾ الطارق: ١٥ – ١٧

Gihamya zishimangira ko Allah Nyirubutagatifu ariwe uhebuje mu kuburizamo imigambi mibisha [y’inkozi z’ibibi,

---

[1] Qur’an 96:14
[2] Qur’an 70:6-7

n'abagambanyi], ndetse akaba Nyir'ibihano bikomeye ni izi zikurikira:

**Allah aragira ati: "...Kandi (Allah) ni Nyir`ibihano bikaze." Qur'an 13:13.**

**Allah nanone aragira ati: "Banacuze imigambi (ubwo abahakanyi bashakaga kwica Yesu), Allah nawe aburizamo imigambi yabo. Kandi Allah ni we uhebuje mu kuburizamo imigambi y`abantu babi." Qur'an 3:54.**

**Allah nanone aragira ati: "Nuko bacura umugambi mubisha, maze natwe tuburizamo umugambi wabo batabizi." Qur'an 27:50**

**Allah nanone aragira ati: "Mu by'ukuri, (abahinyura ukuri) bacura umugambi mubisha (wo kurwanya ubutumwa bw'ukuri). Maze nanjye (Allah) nkaburizamo umugambi wabo." Qur'an 86:15-16.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Uyu murongo wa Qur'an ugira uti: **"...Kandi ni Nyir´ibihano bikaze",** aha Allah aragaragaza ko ari we Nyir'ibihano bikomeye ku bantu bamuhakanye, indyarya, n'abandi bamwigomekaho. Kandi ko ari we urindiriza inkozi z'ibibi akazifata mpiri no kuzihana mu buryo zitazi.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: "**Banacuze imigambi (ubwo abahakanyi bashakaga kwica Yesu)",** aha ni igihe Intumwa y'Imana Issa (Amahoro n'imigisha bya Allah bimubeho), yari imaze gutahura ubuhakanyi ku bari bamwijeje ko bamwemeye muri bene Isiraheri, bagashaka kumwica no kumubamba. Iyi niyo migambi bacuze ivugwa muri uyu murongo. Ubundi ijambo *(Makri)* risobanuye ubutiriganya bukaba bukorwa k'ushaka kugirira undi nabi, aha ni mu bikorwa by'abantu, ariko

iyo bivuzwe kuri Allah haba hagamijwe kuburizamo ubutiriganya bw’abagambanyi no kububahanira.

Naho igice cy’uyu murongo kivuga kiti: “**Allah nawe aburizamo imigambi yabo. Kandi Allah ni we uhebuje mu kuburizamo imigambi y`abantu babi.”** Mu kuburizamo imigambi y’abantu babi harimo kubarindiriza bakirara, bakabona ko nta cyabakoma imbere Allah akabafata mpiri akabahana mu buryo bubababaza. Ku bijyanye no kuburizamo imigambi mibisha y’abahakanyi bo ku gihe cya Issa ubwo bashakaga kumwica, Allah yamusanishije n’undi utari we, maze bica uwo bari bafatanyije muri uwo mugambi mubisha, nuko Allah azamura Issa iwe mu ijuru. Allah rero niwe mwiza mu kuburizamo imigambi y’inkozi z’ibibi, no kuzishyura aziha ibihano by’imigambi mibisha yazo, akazibabaza mu buryo zitazi kandi zidasobanukiwe.

Naho igice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti: **“Nuko bacura umugambi mubisha”,** aha Allah yatubwiraga inkuru y‘abahakanyi bo ku gihe cy’Intumwa y’Imana Swaleh (Amahoro n’imigisha bya Allah bimubeho), igihe bahurizaga hamwe umugambi mubisha wo gushaka kumwica, batinya abari baramwemeye.

Naho igice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti: **“Maze natwe tuburizamo umugambi wabo batabizi.”** Bisobanuye ko Allah yabahaye inyishu y’imigambi yabo mibisha araboreka arokora Intumwa ye Swaleh, kandi uko yabikoze ntibigeze basobanukirwa uko byagenze.

Naho igice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti: **“Mu by’ukuri, (Abahinyura ukuri) bacura umugambi mubisha (wo kurwanya ubutumwa bw’ukuri).”** Aha Allah yavugaga abahakanyi bari mu bakurayishi ubwo bashakaga ku rwanya no ku burizamo ubutumwa bw’Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amakuru n’imigisha).

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: "**Maze nanjye (Allah) nkaburizamo umugambi wabo**" Allah yarabaretse barirara aza kuzabaha inyishu y'imigambi yabo abafata mpiri bagerwaho n'ibihano mu buryo batazi.

## وصف الله بالعفو والمغفرة والرحمة والعزة والقدرة.

## Gihamya zishimangira ko Allah arangwa no kugira imbabazi, impuhwe, icyubahiro ndetse n'ubushobozi.

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ إِن تُبْدُوا۟ خَيْرًا أَوْ تُخْفُوهُ أَوْ تَعْفُوا۟ عَن سُوٓءٍ فَإِنَّ ٱللَّهَ كَانَ عَفُوًّا قَدِيرًا ﴾ النساء: ١٤٩

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... وَلْيَعْفُوا۟ وَلْيَصْفَحُوٓا۟ ۗ أَلَا تُحِبُّونَ أَن يَغْفِرَ ٱللَّهُ لَكُمْ ۗ وَٱللَّهُ غَفُورٌ رَّحِيمٌ ﴿٢٢﴾ ﴾ النور: ٢٢

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... وَلِلَّهِ ٱلْعِزَّةُ وَلِرَسُولِهِۦ وَلِلْمُؤْمِنِينَ وَلَٰكِنَّ ٱلْمُنَٰفِقِينَ لَا يَعْلَمُونَ ﴿٨﴾ ﴾ المنافقون: ٨

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ قَالَ فَبِعِزَّتِكَ لَأُغْوِيَنَّهُمْ أَجْمَعِينَ ﴿٨٢﴾ ﴾ ص: ٨٢

Gihamya zishimangira ko Allah arangwa no kugira imbabazi, impuhwe, icyubahiro ndetse n'ubushobozi buhebuje ni izi zikurikira:

**Allah aragira ati: "Nimuramuka mugaragaje icyiza, cyangwa mukagihisha, cyangwa mukababarira ikibi, mu by'ukuri, Allah ni Ubabarira, Ushobora byose." Qur'an 4:149.**

**Allah nanone aragira ati: "Bityo bajye bababarira banarenzeho. Ese ntimwakwishimirako Allah yababarira!? Kandi Allah ni Ubabarira ibyaha, Nyirimbabazi." Qur'an 24:22.**

**Allah nanone aragira ati: "...Nyamara icyubahiro nyacyo ni icya Allah n'Intumwa ye (Muhamadi) ndetse n'abemera..." Qur'an 63:8.**

**Allah nanone aragira ati: "(Ibilisi) iravuga iti" Ndahiye ku bw'icyubahiro cyawe, ko rwose nzabayobya bose." Qur'an 38:82.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Nimuramuka mugaragaje icyiza, cyangwa mukagihisha",** bishatse gusobanura ko icyiza umuntu yakora agamije kucyereka abantu cyangwa se kukibahisha, Allah arakimenya kuko nta na kimwe kimwisoba.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Cyangwa mukababarira ikibi, mu by'ukuri, Allah ni Ubabarira, Ushobora byose."** bishatse gusobanura ko igihe umuntu aguhemukiye ukamubabarira ntumuhane kandi wari ubishoboye, ibyo nabyo Allah arabimenya, kandi niwe Nyir' ukubabarira guhebuje, Ushobora byose. Bityo dukwiye kumufataho urugero. Ikindi twakongeraho nuko impamvu Allah yahuje kubabarira n'ubushobozi ari uko ubabarira bya nyabyo, ari wawundi uba afite ubushobozi bwo kwihorera. Naho iyo ababariye kubera ko yabuze ubushobozi bwo guhora, ibyo ntibyitwa kubabarira nyabyo. Niyo mpamvu Allah yivuzeho muri uyu murongo ko ari Ubabarira, Ushoboye byose.

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Bityo bajye bababarira banarenzeho. Ese ntimwakwishimira ko Allah yababarira!? Kandi Allah ni Ubabarira ibyaha, Nyirimbabazi."** Uyu murongo wa Qur'an wamanutse ubwo uwitwa Mis'twah Ibun Uthathat (Imana imwishimire) umwana wa nyina wabo wa Abubakar A-Swidiq (Imana imwishimire), yari umwe mu bakwirakwije inkuru y'ikinyoma yuko Aishat

umukobwa wa Abubakar (Imana imwishimire we na se), akaba yari n'umwe mu bagore b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ko yasambanye. Nuko Abubakar arahira ko atazongera kugira icyo amuha mu byo yamugeneraga bimutunga. Nibwo Allah yahishuraga uyu murongo ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَلَا يَأْتَلِ أُوْلُواْ ٱلْفَضْلِ مِنكُمْ وَٱلسَّعَةِ أَن يُؤْتُوٓاْ أُوْلِى ٱلْقُرْبَىٰ وَٱلْمَسَٰكِينَ وَٱلْمُهَٰجِرِينَ فِى سَبِيلِ ٱللَّهِ ۖ وَلْيَعْفُواْ وَلْيَصْفَحُوٓاْ ۗ أَلَا تُحِبُّونَ أَن يَغْفِرَ ٱللَّهُ لَكُمْ ۗ وَٱللَّهُ غَفُورٌ رَّحِيمٌ ﴿٢٢﴾ ﴾ النور: ٢٢

*"Kandi abahawe ingabire ndetse n'abakungu muri mwe ntibakarahire bavuga ko badashobora guha (ubufasha) abo bafitanye isano (kubera amakosa bakoze), abakene ndetse n'abimutse kubera Allah. Bityo bajye barenzaho banababarira (banirengagize ibyabaye). Ese ntimwakwishimira ko Allah yabababarira!? Kandi Allah ni Ubabarira ibyaha, Nyirimbabazi."*[1]

Nuko Abubakar A-Swidiq aravuga ati: Niko bimeze! Turashaka ko Allah atubabarira! Nuko akomeza kumuha inkunga yajyaga amugenera.

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"...Nyamara icyubahiro nyacyo ni icya Allah n'Intumwa ye (Muhamadi) ndetse n'abemera..."** Uyu murongo wa Qur'an uri gusubiza indyarya zibwiye yuko icyubahiro ari icyazo kitari icy'abemeramana. Ijambo *Izzat*, risobanuye kugira imbaraga no kunesha. Kandi ibi ni ibya Allah wenyine ndetse n'abandi abigenera mu ntumwa ze n'abagaragu be beza.

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"(Ibilisi) iravuga iti": Ndahiye ku bw'icyubahiro cyawe, ko rwose nzabayobya bose."** Aha Ibilis yarahiriye ku cyubahiro cya Allah, nkuko kuba Allah ari Nyir'icyubahiro byashimangiwe n'imirongo ya Qur'an twabonye hejuru. Ikindi nuko muri uyu murongo

---

[1] Qur'an 24:24

hagaragaramo ko Ibilis ubwe yemera ibigwi n'ibisingizo bya Allah nko kuba ariwe Nyir'icyubahiro gihebuje! Byaba bitangaje rero ukuntu mu bantu harimo abahakana ibi bigwi n'ibisingizo cyangwa bimwe muri byo! Ukibaza niba Ibilis ari we ubarusha ubwenge bikakuyobera!?

Ikindi nuko icyo Ibilis yarahiriyeho, umurongo wakurikiyeho wagaragaje ko abo azayobya ari babandi bazaba barabigizemo uruhare, ariko abaziyegurira Imana nta mbaraga Ibilisi azaba abafiteho, nkuko bishimangirwa n'umurongo wa Qur'an wakurikiyeho ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِلَّا عِبَادَكَ مِنْهُمُ ٱلْمُخْلَصِينَ ٨٣ ﴾ ص: ٨٣

*"Uretse abagaragu bawe b'indobanure muri bo."*[1] Ibun Al Qayim (Allah amugirire impuhwe) mu gitabo cye (*Al Madaridj*), yavuze ko izina rya Allah Nyir'icyubahiro rikubiyemo ko ari Nyir'imbaraga zihebuje zidafite undi uwo ari we wese, kuko haramutse hari undi wazigira ntabwo zaba zigihebuje. Ikindi nuko byemewe kurahira ukoresheje icyubahiro cya Allah no kurahira ku bindi bigwi bya Allah, kandi ko ibi bigwi bya Allah bitaremwe, kuko kurahirira ku biremwa ari ibangikanyamana. Ikindi nuko aha harimo gusubiza abemera amazina ya Allah ariko ntibashimangire ibigwi biyakubiyemo, nk'abavuga ko Allah ari Nyir'icyubahiro nta cyubahiro n'ibindi. Ikindi nuko icyubahiro cya Allah kirimo ibice bibiri:

1- Icyubahiro Allah yaremye akagiha ibiremwa bye harimo Intumwa ze n'abandi bakunzi be.
2- Icyubahiro cya Allah nyir'izina, iki kikaba kitararemwe ahubwo kiri mu bimugize.

---

[1] Qur'an 38:83

Ikigamijwe muri iyi mirongo ya Qur'an twabonye ni ugushimangira ko Allah arangwa no kugira imbabazi, impuhwe, icyubahiro ndetse n'ubushobozi.

Ikindi nuko ibi bigwi byuzuye ndetse bizira inenge, bikaba bigendanye n'icyubahiro cya Allah n'ubuhambare bwe.

## اثبات الاسم لله ونفي المثل عنه

**Gihamya zishimangira ko Allah afite amazina (ahebuje mu bwiza) kandi ko ntacyo agereranywa nacyo.**

قَالَ تَعَالَى: ﴿ تَبَٰرَكَ ٱسۡمُ رَبِّكَ ذِي ٱلۡجَلَٰلِ وَٱلۡإِكۡرَامِ ٧٨ ﴾ الرحمن: ٧٨

قَالَ تَعَالَى: ﴿ فَٱعۡبُدۡهُ وَٱصۡطَبِرۡ لِعِبَٰدَتِهِۦۚ هَلۡ تَعۡلَمُ لَهُۥ سَمِيّٗا ٦٥ ﴾ مريم: ٦٥

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَلَمۡ يَكُن لَّهُۥ كُفُوًا أَحَدُۢ ٤ ﴾ الإخلاص: ٤

قَالَ تَعَالَى: ﴿ فَلَا تَجۡعَلُواْ لِلَّهِ أَندَادٗا وَأَنتُمۡ تَعۡلَمُونَ ٢٢ ﴾ البقرة: ٢٢

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمِنَ ٱلنَّاسِ مَن يَتَّخِذُ مِن دُونِ ٱللَّهِ أَندَادٗا يُحِبُّونَهُمۡ كَحُبِّ ٱللَّهِۖ ١٦٥ ﴾ البقرة: ١٦٥

Zimwe muri gihamya zishimangira ko Allah afite amazina (ahebuje mu bwiza) kandi ko ntawe agereranywa nawe ni izi zikurikira:

**Allah aragira ati: "Izina rya Nyagasani wawe, Nyir'ikuzo n'icyubahiro, ryuje ubutungane n'imigisha." Qur'an 55:78.**

**Allah nanone aragira ati: "...bityo mugaragire kandi unashikame mu kumugaragira. Ese hari uwo waba uzi witiranwa na we?" Qur'an 19:65.**

**Allah nanone aragira ati: "*Ndetse nta na kimwe wamugereranya na cyo.*" Qur'an 112:4**

**Allah nanone aragira ati: "*Ntimukabangikanye )Allah( n'ibigirwamana kandi mubizi.*" Qur'an 2:22**

**Allah nanone aragira ati: "No mu bantu hari abishyiriraho ibigirwamana baretse Allah, bakabikunda urukundo nk'urwo bakunda Allah..." Qur'an 2:165.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye*

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: ***"Izina rya Nyagasani wawe, Nyir'ikuzo n'icyubahiro, ryuje ubutungane n'imigisha."*** Uyu murongo wa Qur'an ugamije gushimangira ko amazina ya Allah yose yuje ubutungane n'imigisha, n'ubwo muri uyu murongo havuzwe izina rimwe ariko ikigamijwe ni amazina ya Allah yose. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَلِلَّهِ ٱلۡأَسۡمَآءُ ٱلۡحُسۡنَىٰ فَٱدۡعُوهُ بِهَاۖ وَذَرُواْ ٱلَّذِينَ يُلۡحِدُونَ فِيٓ أَسۡمَٰٓئِهِۦۚ سَيُجۡزَوۡنَ مَا كَانُواْ يَعۡمَلُونَ ١٨٠ ﴾ الأعراف: ١٨٠

*"Kandi Allah afite amazina meza, bityo mujye muyifashisha mumusaba, munitandukanye na babandi bakerensa amazina ye[1]. Bazahemberwa ibyo bakoraga."[2]*

---

[1] Abahakanyi bajyaga bagereranya amazina ya Allah n'ay'ibigirwamana byabo;izina ry'ikigirwamana Lata barigereranyaga n'izina ry'Imana Allah; Uza bakarigereranya n'izina rya Allah Al Aziz; Manata bakarigereranya n'izina rya Allah Al Mananu.

[2] Qur'an 7:180

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: "***Ryuje ubutungane n'imigisha***'', bisobanuye ko buri icyo ari cyo cyose umuntu akoze abanje izina rya Allah nacyo kiba cyuje imigisha, nkuko Intumwa y'Imana ibishimangira igira iti:

كُلُّ أمرٍ ذي بالٍ لا يبدأُ فيهِ ببسمِ اللّهِ الرَّحمنِ الرَّحيمِ فَهوَ أقطعُ. أخرجه أبو داود والنسائي في «السنن الكبرى».

"Buri gikorwa cyose cy'agaciro, kidatangijwe ijambo *Bismillah Rahman Rahim*, kiba nta migisha gifite.[1]" Ikindi twavuga nanone nuko gutangiza izina ry'Imana ugiye kubaga itungo riziruwe kuribwa, bizirura iryo tungo ubusanzwe riba riziririjwe kuribwa igihe ribazwe hatabanje kuvugwa izina ry'Imana iyo ubaga yabiretse ku bushake. Hakaba hari n'ibindi bikorwa abamenyi batavuzeho rumwe niba byakwemerwa bigatungana bikagira imigisha yuzuye, iyo bitabanjirijwe no kuvuga izina ry'Imana, nko gutawaza, kurya ndetse no gukora imibonano mpuzabitsina kw'abashakanye.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"...bityo mugaragire kandi unashikame mu kumugaragira,"** Iki gice cyabanjirijwe n'umurongo ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ رَّبُّ ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلۡأَرۡضِ وَمَا بَيۡنَهُمَا ﴿٦٥﴾ ﴾ مريم: ٦٥

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: "***Nyagasani w'ibirere n'isi n'ibiri hagati yabyo;*** bisobanuye ngo niba Allah ari we Nyagasani w'ibi tumaze kuvuga (*Tauhid A-rububiyat*), ni nawe ukwiye guharirwa amasengesho wenyine no kugaragirwa (*Tauhid Al Uluhiyat*), Hakaba nta wundi ukwiye gusengwa no kugaragirwa usibye we.

---

[1] Yakiriwe na Abu Daud na A-Nasa-i mu gitabo cye cya *(A-Sunan Al Kubra)*

Naho ijambo kugaragira Imana (Ibadat) nkuko Sheikh Al Islam Taqiyyu Din Ibun Tay'miyat yabisobanuye agira ati: Ni izina rikusanyije buri icyo Allah akunda akanishimira haba mu mvugo, mu bikorwa, byaba ibigaragara ndetse n'ibitagaragara, nk'amasengesho, gusiba, umutambagiro mutagatifu n'ibindi. Ikindi nuko kugaragira Imana (Ibadat) bifite amabwiriza bigenderaho iyo umuntu atayujuje ntibyakirwa, ari yo:

1.Guharira Allah ibikorwa (*Ikhlasw*).

2.Kubikora nkuko Intumwa y'Imana yabikoze (*Al Mutaba-at*).

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: ***"kandi unashikame mu kumugaragira,"*** Aha Allah arategeka uwo ari we wese uba wiyemeje kumugaragira wenyine, ko agomba gushikama akanihanganira ibigeragezo yahura nabyo muri uko kumugaragira.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: ***"Ese hari uwo waba uzi witiranwa na we?"*** Aha Allah yabazaga acyaha agamije kwerekana yuko atagereranywa n'icyo ari cyo cyose, kugira ngo abantu birinde kugira uwo bamubangikanya nawe muri kwa kumugaragira. Naho igisubizo cy'iki kibazo kizwi n'uwo ari we wese hashingiwe kuri kamere Imana yaremyeho ibiremwa y'uko biba bizi ko ntacyo agereranywa nacyo cyangwa ngo bitiranwe.

Ikindi twavuga nuko muri uyu murongo harimo ko umuntu iyo avuze ko Allah atarangwa n'ibigwi ndetse n'ibisingizo bifite inenge (*Swifat Man'fiyat*), aba ahamije ko Allah afite ibisingizo n'ibigwi byuzuye (*Swifat Thubutiyat*). Urugero rwabyo twavuga nk'iyo umuntu avuze ko Imana itabyara aba ahamije ko Allah yihagiije ntacyo akeneye.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"Ndetse nta na kimwe wamugereranya na cyo."** Uyu murongo wa Qur'an nawo urashimangira ko Allah Nyir'ubutagatifu nta cyo wamugereranya

nacyo kubera ko ari Nyir'ibisingizo byuzuye bizira inenge. Bityo ntawe bahwanye haba mu bumenyi bwe, cyangwa se amazina ye ndetse n'ibisingizo bye n'ibindi.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"Ntimukabangikanye Allah n'ibigirwamana kandi mubizi."** Bisobanuye ngo ntimukamubangikanye nabyo mumusanisha nabyo, mubisenga nkuko mumusenga cyangwa se mubikunda nkuko mumukunda.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: "**kandi mubizi."** Bivuze ngo kandi muzi ko Allah ariwe Nyagasani wanyu, Umuremyi wanyu waremye buri kimwe, munazi ko ntawe bafatanyije iby'irema.

Uyu murongo wabanjirijwe n'indi mirongo mitagatifu ishimangira ko Allah ariwe ukwiye guharirwa ibikorwa bye (*Tauhid A-rububiyat*) Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ يَٰٓأَيُّهَا ٱلنَّاسُ ٱعۡبُدُواْ رَبَّكُمُ ٱلَّذِي خَلَقَكُمۡ وَٱلَّذِينَ مِن قَبۡلِكُمۡ لَعَلَّكُمۡ تَتَّقُونَ ٢١ ٱلَّذِي جَعَلَ
لَكُمُ ٱلۡأَرۡضَ فِرَٰشٗا وَٱلسَّمَآءَ بِنَآءٗ وَأَنزَلَ مِنَ ٱلسَّمَآءِ مَآءٗ فَأَخۡرَجَ بِهِۦ مِنَ ٱلثَّمَرَٰتِ رِزۡقٗا لَّكُمۡۖ فَلَا تَجۡعَلُواْ
لِلَّهِ أَندَادٗا وَأَنتُمۡ تَعۡلَمُونَ ٢٢ ﴾ البقرة: ٢١ – ٢٢

*"Yemwe bantu! Nimugaragire Nyagasani wanyu wabaremye mwe n'abababanjirije, kugira ngo mugandukire Allah, We wabagiriye isi kuba isaso (kugira ngo muyigubweho neza) n'ikirere kuba igisenge, anamanura amazi (imvura) mu kirere ayameresha imbuto ziba amafunguro yanyu."*[1]

Bityo kwemera ko Allah ariwe ukwiye guharirwa ibikorwa bye bigomba kugendana no kwemera ko ari we ukwiye guharirwa amasengesho. Ikindi uyu murongo urashimangira ko Allah atarangwa n'ibigwi ndetse n'ibisingizo bifite inenge, kuko ntacyo

[1] Qur'an 2:21-22

wamugereranya nacyo kubera ko ari we ufite ibisingizo byuzuye bizira inenge.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"No mu bantu hari abishyiriraho ibigirwamana baretse Allah, bakabikunda urukundo nk'urwo bakunda Allah..."** Ubwo Allah yari amaze kugaragaza gihamya zigaragaza ko ari umwe wihariye mu murongo wabanjirije uyu, Allah yakomeje avuga ko hamwe n'izi gihamya zitomoye zinagaragaza ko Allah ari umwe wihariye Nyir'ubwami buhambaye, ubushobozi, ndetse n'icyubahiro no kuba ariwe wihariye kurema, hari abantu babirengaho bakamubangikanya n'ibindi bidafite icyo byabagezaho "**bakabikunda urukundo nk'urwo bakunda Allah...".** Abo babangikanyamana ntibagarukiye ku gusenga ibigirwamana gusa, ahubwo baranabikunze urukundo rungana nk'urwo bakunda Allah, bamubangikanya n'ibyo bigirwamana mu rukundo (*Ibadat*), ntibamubangikanyije nabyo mu byerekeye no gutanga amafunguro no mu kuba Allah ariwe mugenga wa buri kintu (*Tauhid A-Rububiyat*) kuko byo barabimuhariye.

Ikindi twavuga nuko urukundo rurimo amoko atandukanye nkuko Ibun Al Qayyim n'abandi babivuze:

1. Gukunda Imana, uru rukundo rwonyine ntiruhagije kuba rwarokora umuntu umuriro ngo rumuheshe ijuru, adahariye Imana kuyigaragira (*Ibadat*), kuko n'ababangikanyamana barayikunda.

2. Gukunda ibyo Imana ikunda, uru rukundo nirwo rutuma umuntu aba umuyisilamu rukamukura mu buhakanyi, kandi ukundwa cyane imbere y'Imana kurusha abandi, ni uba abarusha kugira uru rukundo.

3. Gukunda umuntu kuko akunda Imana, kandi ukamukunda kubera Imana. Uru rukundo ni itegeko nko gukunda abakunzi

b'Imana no kwanga abanzi b'Imana. Iki kikaba ari nacyo kimenyetso cy'umuntu ufite urukundo rw'Imana nyarwo.

4. Gukunda ikintu urukundo nk'urwo ukunda Allah, uru rukundo iyo umuntu arugize aba aguye mu ibangikanyamana. Kuko aba asabwa gutinya no guha icyubahiro icyo aba yakunze birenze, kandi nta wundi ubigomba usibye Allah.

5. Gukunda bya kamere, nko gukunda ibyo kurya, umutungo n'ibindi. Uru rukundo ruremewe, ariko ruba ikizira iyo ruhugishije nyirarwo ku byo yategetswe na Allah. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ يَٰٓأَيُّهَا ٱلَّذِينَ ءَامَنُواْ لَا تُلۡهِكُمۡ أَمۡوَٰلُكُمۡ وَلَآ أَوۡلَٰدُكُمۡ عَن ذِكۡرِ ٱللَّهِۚ وَمَن يَفۡعَلۡ ذَٰلِكَ فَأُوْلَٰٓئِكَ هُمُ ٱلۡخَٰسِرُونَ ٩ ﴾ المنافقون: ٩

*"Yemwe abemeye! Imitungo yanyu n'abana banyu ntibikabarangaze ngo bibabuze kwambaza Allah. Abakora ibyo, ni bo bazaba abanyagihombo."*

Ikigamijwe muri iyi mirongo ya Qur'an ni ugushimangira amazina ya Allah no gushimangira ubuhambare bwe, nkuko nanone harimo kugaragaza ko Allah ntawe babangikanye. Iyo ikaba ari nayo nzira ya nyayo yo kwemera amazina, ibisingizo n'ibigwi bya Allah nkuko byaje muri Qur'an no mu mvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ariyo nzira yo gushimangira ko Allah atarangwa n'inenge iyo ari yo yose.

Ikindi nanone iyi mirongo irasubiza udutsiko twose twayobye nk'agatsiko k'abitwa (*Al Mushabihat*) kagereranya amazina, ibigwi n'ibisingizo bya Allah n'iby'ibiremwa. Ikindi nanone iyi mirongo irasubiza agatsiko k'abitwa (*Al Qadariyat*) bavuga ko abagaragu ba Allah aribo biremera ibikorwa, ku bw'ibyo bakaba babangikanye na Allah Umuremyi. Nanone iyi mirongo irasubiza agatsiko k'abitwa (*Al Mu-atwilat)* bahakanye ibigwi n'ibisingizo

bya Allah bibwira ko bari guhunga kuyisanisha n'ibiremwa. Ikindi nuko iyi mirongo ari gihamya yuko kumenya Imana no kubihamya ari kamere ndemano Imana yaremanye ibiremwa byayo. Nanone iyi mirongo irasubiza babandi bavuga ko Qur'an ari ikiremwa bagendeye ku murongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّا جَعَلْنَٰهُ قُرْءَٰنًا عَرَبِيًّا لَّعَلَّكُمْ تَعْقِلُونَ ﴿٣﴾ ﴾ الزخرف: ٣

*"Mu by'ukuri, (icyo gitabo) twakigize Qur'an iri mu rurimi rw'icyarabu kugira ngo mubashe gusobanukirwa."* [1]

Bibwira ko ijambo (twakigize) riboneka muri uyu murongo wa Qur'an risobanuye twaremye. Imam Ahmad abasubiza ababwira ko buri gihe iryo jambo iyo rikoreshejwe muri Qur'an ritaba risobanuye kurema nkuko bigaragara mu murongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ فَلَا تَجْعَلُوا۟ لِلَّهِ أَندَادًا وَأَنتُمْ تَعْلَمُونَ ﴿٢٢﴾ ﴾ البقرة: ٢٢

*"Ntimukabangikanye Allah n'ibigirwamana kandi mubizi."* [2]

## نفي الشريك عن الله تعالى

### Gihamya zihakana ko Allah hari icyo abangikanye nacyo.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَقُلِ ٱلْحَمْدُ لِلَّهِ ٱلَّذِى لَمْ يَتَّخِذْ وَلَدًا وَلَمْ يَكُن لَّهُۥ شَرِيكٌ فِى ٱلْمُلْكِ وَلَمْ يَكُن لَّهُۥ وَلِىٌّ مِّنَ ٱلذُّلِّ ۖ وَكَبِّرْهُ تَكْبِيرًۢا ﴿١١١﴾ ﴾ الإسراء: ١١١

[1] Qur'an 43:3
[2] Qur'an 2:22

قَالَ تَعَالَى: ﴿ يُسَبِّحُ لِلَّهِ مَا فِي ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَمَا فِي ٱلۡأَرۡضِۖ لَهُ ٱلۡمُلۡكُ وَلَهُ ٱلۡحَمۡدُۖ وَهُوَ عَلَىٰ كُلِّ شَيۡءٖ قَدِيرٌ ١ ﴾

التغابن: ١

قَالَ تَعَالَى: ﴿ تَبَارَكَ ٱلَّذِي نَزَّلَ ٱلۡفُرۡقَانَ عَلَىٰ عَبۡدِهِۦ لِيَكُونَ لِلۡعَٰلَمِينَ نَذِيرًا ١ ٱلَّذِي لَهُۥ مُلۡكُ ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلۡأَرۡضِ وَلَمۡ يَتَّخِذۡ وَلَدٗا وَلَمۡ يَكُن لَّهُۥ شَرِيكٞ فِي ٱلۡمُلۡكِ وَخَلَقَ كُلَّ شَيۡءٖ فَقَدَّرَهُۥ تَقۡدِيرٗا ٢ ﴾

الفرقان: ١ – ٢

قَالَ تَعَالَى: ﴿ مَا ٱتَّخَذَ ٱللَّهُ مِن وَلَدٖ وَمَا كَانَ مَعَهُۥ مِنۡ إِلَٰهٍۚ إِذٗا لَّذَهَبَ كُلُّ إِلَٰهِۭ بِمَا خَلَقَ وَلَعَلَا بَعۡضُهُمۡ عَلَىٰ بَعۡضٖۚ سُبۡحَٰنَ ٱللَّهِ عَمَّا يَصِفُونَ ٩١ عَٰلِمِ ٱلۡغَيۡبِ وَٱلشَّهَٰدَةِ فَتَعَٰلَىٰ عَمَّا يُشۡرِكُونَ ٩٢

﴾ المؤمنون: ٩١ – ٩٢

قَالَ تَعَالَى: ﴿ فَلَا تَضۡرِبُواْ لِلَّهِ ٱلۡأَمۡثَالَۚ إِنَّ ٱللَّهَ يَعۡلَمُ وَأَنتُمۡ لَا تَعۡلَمُونَ ٧٤ ﴾ النحل: ٧٤

قَالَ تَعَالَى: ﴿ قُلۡ إِنَّمَا حَرَّمَ رَبِّيَ ٱلۡفَوَٰحِشَ مَا ظَهَرَ مِنۡهَا وَمَا بَطَنَ وَٱلۡإِثۡمَ وَٱلۡبَغۡيَ بِغَيۡرِ ٱلۡحَقِّ وَأَن تُشۡرِكُواْ بِٱللَّهِ مَا لَمۡ يُنَزِّلۡ بِهِۦ سُلۡطَٰنٗا وَأَن تَقُولُواْ عَلَى ٱللَّهِ مَا لَا تَعۡلَمُونَ ٣٣ ﴾ الأعراف: ٣٣

Gihamya zihakana ko Allah hari icyo abangikanye nacyo ni izi zikurikira:

**Allah aragira ati: “Unavuge (yewe Muhamadi) uti "Ishimwe n’ikuzo byuzuye ni ibya Allah, we utagira umwana, ntagire uwo babangikanye mu bwami bwe, kandi utanagira uwamufasha kubera ko (atajya agira) intege nke". Unamukuze ikuzo rihambaye cyane.” Qur’an 17:111**

**Allah nanone aragira ati: “Ibiri mu birere n’ibiri ku isi bisingiza Allah. Ubwami, ishimwe n’ikuzo byuzuye ni ibye, ndetse ni we Ushobora byose.” Qur’an 64 :1**

**Allah nanone aragira ati: “Ubutagatifu ni ubw’uwahishuriye Qur’an umugaragu we kugira ngo abere umuburizi ibiremwa byose. We ufite ubwami bw’ibirere n’ubw’isi. Utarigeze agira umwana ndetse ntagire n’umufasha mu bwami (bwe). Yanaremye buri kintu cyose kandi agiha ikigero kigikwiriye.” Qur’an 25:1-2**

**Allah nanone aragira ati: “Ntabwo Allah agira umwana kandi nta yindi mana abangikanye nayo. (Iyo biza kuba bimeze bityo), buri mana yari kwiharira ibyo yaremye, kandi zimwe zari kuganza izindi. Ubutagatifu ni ubwa Allah, ari kure y’ibyo bamwitirira. Ni Umumenyi w’ibyihishe n’ibigaragara, ntaho ahuriye n’ibyo bamubangikanya.” Qur’an 23:91-92.**

**Allah aragira ati: “Bityo, ntimukagire icyo mugereranya na Allah. Mu by’ukuri, Allah azi (ko ntawe bahwanye) ariko mwe ntimuzi (ingaruka zo gusenga ibigirwamana).” Qur’an 16:74**

**Allah nanone aragira ati: “Vuga uti: "Mu by’ukuri, Nyagasani wanjye yaziririje ibicumuro, byaba ibikozwe ku mugaragaro cyangwa mu ibanga, n’ibyaha (ibyo ari byo byose), n’ibikorwa by’ubugome, no kubangikanya Allah n’ibyo atabahereye gihamya (ko bigomba gusengwa), no guhimbira Allah ibyo mutazi. " Qur’an 7:33.**

*Ibisobanuro mu buryo burebure:*

Iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti: **“Unavuge (yewe Muhamadi) uti: "Ishimwe n’ikuzo byuzuye ni ibya Allah.** Bisobanuye ko ishimwe n’ikuzo byose ubikwiye ari Allah gusa.

Naho Iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti: “**We utagira umwana”** Aha Allah yagaragazaga ko nta mwana agira, bikaba ari n’igisubizo k’ubitwa A-Naswara bavuga ko Issa (Yesu) Ibun Mar’yam ari umwana w’Imana, ni n’igisubizo ku bayahudi bavuga ko Uzayir ari umwana w’Imana, kikaba ndetse n’igisubizo ku

babangikanyamana bavuga ko Abamalayika ari abakobwa b'Imana.

Naho Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: "**Ntagire uwo babangikanye mu bwami bwe...**" Bisobanuye ngo ntawe babangikanye mu bwami bwe cyangwa mu bikorwa bye yihariye (A-Rububiyat), nkuko abitwa aba *Thanawiyat* n'abandi bemera nkabo bavuga ko hariho imana nyinshi, ikindi nuko uyu murongo usubiza abitwa *Al Madjusiyat*, n'ababangikanyamana n'abitwa *Al Qadariyat*.

Naho Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: "**kandi utanagira uwamufasha kubera ko (atajya agira) intege nke**" Bisobanuye ko Allah atari umunyantege nke kugira ngo akenere umufasha uwo ari we wese, yaba umujyanama n'abandi. Bityo rero, Allah nta mufasha akeneye nta n'uwo asaba ubufasha.

Naho Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Ibiri mu birere n'ibiri ku isi bisingiza Allah. Ubwami, ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibye, ndetse ni we Ushobora byose."** Ibiremwa byose bya Allah byaba ibiri mu birere n'ibiri ku isi, bihamya ko Allah azira inenge kandi ko atarangwa n'ibisingizo bifite inenge n'ubusembwa.

Naho Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: "**Ubwami, ishimwe n'ikuzo byuzuye ni ibye...**" Bisobanuye ko Allah ari we wihariye ubwami bwose ndetse ari nawe wihariye ishimwe n'ikuzo byuzuye. Naho uwabigira mu biremwa bye ni Allah waba yabimuhaye, kuko ari we ufite ubushobozi kuri buri kintu ndetse nta kimunanira.

Naho uyu murongo wa Qur'an ugira uti: **"Ubutagatifu ni ubw'uwahishuriye Fur'qan (Qur'an) umugaragu we, kugira ngo abere umuburizi ibiremwa byose. We ufite ubwami bw'ibirere n'ubw'isi. Utarigeze agira umwana ndetse ntagire n'umufasha mu bwami (bwe). Yanaremye buri kintu cyose kandi agiha**

**ikigero kigikwiriye."** Ijambo ubutagatifu ntabwo rikoreshwa uretse kuri Allah wenyine.

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Ni ubw'uwahishuriye Fur'qan (Qur'an) umugaragu we."** Ikigamijwe muri iri jambo Fur'qan ni igitabo cya Allah Qur'an, kiswe Fur'qan kubera ko gitandukanya ukuri n'ikinyoma. Ikindi nuko iyi ari gihamya yuko Qur'an yamanuwe iva kwa Allah, nanone ni gihamya yuko Allah ari hejuru y'ibiremwa bye. Naho umugaragu we ugamijwe muri uyu murongo ni Intumwa y'Imana Muhamad (Imana iyihe amahoro n'imigisha)

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"kugira ngo abere umuburizi ibiremwa byose."** Ibiremwa byose bigambiriwe aha ni abantu ndetse n'amajini. Ikindi nuko ibi ari umwihariko w'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha). Ikindi twavuga nuko mu mpera z'uyu murongo Allah yivuze ibigwi n'ibisingizo bine:

1. **"We ufite ubwami bw'ibirere n'ubw'isi,"** Wenyine ntawe babisangiye.

2. **"Utarigeze agira umwana,"** nkuko Abanaswara n'abayahudi babivuga. Ibi byose ni ukubera ko Allah yihagije nta cyo akeneye ku biremwa bye, naho ibiremwa bye bikaba ari byo bimukeneye.

3. **"Ndetse ntagire n'umufasha mu bwami (bwe)."** Aha Allah arasubiza udutsiko tw'ababangikanyamana mu basenga ibigirwamana, n'abitwa *A-thanawiyat* ndetse n'abandi nkabo.

4. **"Yanaremye buri kintu cyose kandi agiha ikigero kigikwiriye."** Aha Allah aragaragaza ko yaremye buri kimwe, hakaba hinjiramo n'ibikorwa by'ibiremwa. Naho uyu murongo wa Qur'an ugira uti: "**kandi agiha ikigero kigikwiriye."** Allah

yahaye ikigero gikwiye buri kimwe mu byo yaremye nk'igihe ibiremwa bye bizaberaho, amafunguro yabyo ndetse n'ibindi.

Umusobanuzi wa Qur'an Ibun Kathir yaravuze ati: Muri uyu murongo Allah yavuze ko atigeze umwana, ndetse nta n'umufasha agira, hanyuma avuga ko yaremye buri kintu cyose kandi agiha ikigero kigikwiriye. Bivuze ko icyo ari cyo cyose kitari we ari ikiremwa, bityo Allah ni Umuremyi wa buri kimwe akaba na Nyagasani wabyo, umwami wabyo, Imana yabyo, kandi buri kimwe kiri mu bushobozi bwe.

Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Ntabwo Allah agira umwana kandi nta yindi mana abangikanye nayo",** Aha Allah arakomeza ahakana ko nta mwana agira nkuko bamwe mu bantu babivuga, kandi ko nta n'iyindi mana abangikanye nayo mu bwami bwe, ndetse ko ari nawe ukwiye kugaragirwa n'ibiremwa.

Ikindi uyu murongo wa Qur'an, ni igisubizo k'ubitwa *Al Madjusiyat* bavuga ko urumuri ari rwo rurema ibyiza, naho umwijima ukaba ari wo urema ibibi. Nkuko nanone usubiza abitwa *A-Dah'riyat* bavuzwe muri uyu murongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَقَالُوا۟ مَا هِىَ إِلَّا حَيَاتُنَا ٱلدُّنْيَا نَمُوتُ وَنَحْيَا وَمَا يُهْلِكُنَآ إِلَّا ٱلدَّهْرُ ۚ وَمَا لَهُم بِذَٰلِكَ مِنْ عِلْمٍ ۖ إِنْ هُمْ إِلَّا يَظُنُّونَ ﴿٢٤﴾ ﴾ الجاثية: ٢٤

*"Kandi baravuze bati: "Ubuzima nta kindi buri cyo usibye kuba ku isi, tugapfa tukanabaho, kandi nta kindi kitworeka kitari igihe. Ibyo nta bumenyi babifitiye, usibye gukeka gusa.[1]"*

---

[1] Qur'an 45:24

Nanone urasubiza abitwa *Al Qadariyat* bavuga ko ibiremwa ari byo byiremera ibikorwa. Nanone ugasubiza abitwa *Al Mushabihat, Al Mumathilat* basanisha Allah n'ibiremwa bye.

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **(Iyo biza kuba bimeze bityo), buri mana yari kwiharira ibyo yaremye",** aha Allah ari gusobanura impamvu kubaho kw'imana nyinshi bitashoboka, agaragaza ko iyo ziza kuba nyinshi buri yose yari kwiharira ibyo yaremye. Ibyo bikaba byari guhita biteza akavuyo mu isi no mu ijuru kuko ibintu ntibyari kuba bikiri ku murongo nkuko ubu tubibona.

Naho Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"kandi zimwe zari kuganza izindi",** bisobanuye ngo iyo haza kubaho izindi mana zari kujya zihangana maze zikaneshanya, nkuko bimeze ku bami bo ku isi. Bityo rero, nkuko bigaragara ko imana bidashoboka ko zarenga imwe, bihita bishimangira ko Imana ari imwe ariyo Allah wenyine utabangikanywa n'icyo ari cyo cyose. Niyo mpamvu Allah yahise akomeza agira ati: "**Ubutagatifu ni ubwa Allah, ari kure y'ibyo bamwitirira."** Ibyo bamwitirira nko kuba afite umwana cyangwa uwo babangikanye mu bwami bwe. Nanone Allah arakomeza agira ati: "**Ni Umumenyi w'ibyihishe n'ibigaragara."** Bisobanuye ngo niwe wihariye ubumenyi bw'ibyo ibiremwa bye bitazi ndetse n'ubumenyi bw'ibyo bizi. Naho abandi n'ubwo bamenya ibigaragara, ariko ibyihishe ni umwihariko we.

Allah agakomeza agira ati: **"Ntaho ahuriye n'ibyo bamubangikanya."** Bisobanuye ngo Allah aratagatifutse ntaho ahuriye n'ibyo.

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Bityo, ntimukagire icyo mugereranya na Allah."** Aha Allah arabuza ibiremwa bye kugira icyo bimugereranya nacyo. Ikindi nuko kugereranya Imana n'ikindi ari ukuyisanisha nacyo. Ababangikanyamana bajyaga bavuga bati: Mu by'ukuri Allah ni umunyacyubahiro cyane, ku bw'ibyo umwe muri twe ntakwiriye

kumugaragira nta muhuza. Bityo tugomba gushyiraho umuhuza hagati yacu nawe. Niyo mpamvu bajyaga bifashisha ibigirwamana ngo bibabere umuhuza. Ibyo babikoraga kubera kugereranya Imana n'abami b'isi. Ariko Allah ntaho ahuriye nabyo kuko ntawe agereranywa nawe.

Naho Iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **Mu by'ukuri, Allah azi (ko ntawe bahwanye),** bisobanuye ngo Allah azi ko ntawe agereranywa nawe **ariko mwe ntimuzi (ingaruka zo gusenga ibigirwamana).**

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Vuga uti "Mu by'ukuri, Nyagasani wanjye yaziririje ibicumuro, byaba ibikozwe ku mugaragaro cyangwa mu ibanga, n'ibyaha (ibyo ari byo byose), n'ibikorwa by'ubugome...** " Ubwirwa aha ni Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), aha hakaba harimo na gihamya yuko Qur'an ari amagambo ya Allah, naho Intumwa y'Imana Muhamad yo ikaba yaravugaga ibyo yabwiwe na Allah.

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"...No kubangikanya Allah n'ibyo atabahereye gihamya (ko bigomba gusengwa), ndetse no guhimbira Allah ibyo mutazi.** " Aha Allah arakomeza atugaragariza ko yatuziririje kumubangikanya n'ibindi mu kumugaragira, anatubuza atwihanangiriza ko tutagomba kumuvugaho ibyo tudafitiye ubumenyi, by'ibinyoma nko kumuhimbira ko afite umwana ndetse n'ibindi mu byo abantu bahimbira Allah ko yaziririje cyangwa yaziruye atari uko bimeze.

Ikindi nuko abamenyi bavuze ko ibi byaha bitanu bivugwa muri uyu murongo wa Qur'an amategeko yose Intumwa z'Imana zaje zigisha yarabiziririzaga.

Ikigambiriwe muri iyi mirongo ya Qur'an: Ni ukugaragaza ko Allah ntacyo abangikanye nacyo, no gushimangira ko Allah ari umwe, no kugaragaza ko Allah nta mwana agira cyangwa uwo bagereranywa. Nanone iyi mirongo ni gihamya yuko ibangikanyamana ridakwiye kandi ko rishingiye ku bujiji n'ibintu bidafatika. Allah niwe Mumenyi uhebuje.

## إثبات استواء الله على عرشه

## Gihamya zishimangira ko Allah ari hejuru ya Arshi[1] ye

وَقَوْلُهُ: "الرَّحْمَنُ عَلَى الْعَرْشِ اسْتَوَى فِي [سَبْعَةِ مَوَاضِعَ:]

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّ رَبَّكُمُ ٱللَّهُ ٱلَّذِى خَلَقَ ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلْأَرْضَ فِى سِتَّةِ أَيَّامٍ ثُمَّ ٱسْتَوَىٰ عَلَى ٱلْعَرْشِ ... ﴿٥٤﴾ ﴾

الأعراف: ٥٤

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّ رَبَّكُمُ ٱللَّهُ ٱلَّذِى خَلَقَ ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلْأَرْضَ فِى سِتَّةِ أَيَّامٍ ثُمَّ ٱسْتَوَىٰ عَلَى ٱلْعَرْشِ ... ﴿٣﴾ ﴾

يونس: ٣

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ٱللَّهُ ٱلَّذِى رَفَعَ ٱلسَّمَٰوَٰتِ بِغَيْرِ عَمَدٍ تَرَوْنَهَا ثُمَّ ٱسْتَوَىٰ عَلَى ٱلْعَرْشِ ... ﴿٢﴾ ﴾ الرعد: ٢

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ٱلرَّحْمَٰنُ عَلَى ٱلْعَرْشِ ٱسْتَوَىٰ ﴿٥﴾ ﴾ طه: ٥

[1] Igisobanuro kiri jambo turaza kukivugaho ku burebure muri iki cyigwa

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ٱلَّذِى خَلَقَ ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلْأَرْضَ وَمَا بَيْنَهُمَا فِى سِتَّةِ أَيَّامٍ ثُمَّ ٱسْتَوَىٰ عَلَى ٱلْعَرْشِ ...﴿٥٩﴾﴾ الفرقان: ٥٩

قَالَ تَعَالَى: ﴿ٱللَّهُ ٱلَّذِى خَلَقَ ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلْأَرْضَ وَمَا بَيْنَهُمَا فِى سِتَّةِ أَيَّامٍ ثُمَّ ٱسْتَوَىٰ عَلَى ٱلْعَرْشِ ...﴿٤﴾﴾ السجدة: ٤

قَالَ تَعَالَى: ﴿ هُوَ ٱلَّذِى خَلَقَ ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلْأَرْضَ فِى سِتَّةِ أَيَّامٍ ثُمَّ ٱسْتَوَىٰ عَلَى ٱلْعَرْشِ ... ﴿٤﴾﴾ الحديد: ٤

Gihamya zishimangira ko Allah ari hejuru ya Arshi zaje muri Qur'an ahantu harindwi, ariho hakurikira:

**Allah aragira ati: "(Allah) Nyirimpuhwe ari hejuru ya Arshi."**

**Allah nanone muri Surat Al A-araf aragira ati: "Mu by'ukuri, Nyagasani wanyu ni Allah waremye ibirere n'isi mu minsi itandatu, hanyuma ajya hejuru ya Arshi ye…" Qur'an 7:54.**

**Allah nanone muri Surat Yunus aragira ati: "Mu by'ukuri, Nyagasani wanyu ni Allah waremye ibirere n'isi mu minsi itandatu, hanyuma ajya hejuru ya Arshi…!?" Qur'an 10:3.**

**Allah nanone muri Surat A-Ra-adu aragira ati: "Allah we wazamuye ibirere nta nkingi (zibifashe) mubona, nuko ajya hejuru ya Arishi ye…" Qur'an 13:2**

**Allah nanone muri Surat Twaha aragira ati: "(Allah) Nyirimpuhwe ari hejuru ya Arshi." Qur'an 20:5**

**Allah nanone muri Surat Al Furqan aragira ati: "...Hanyuma Nyirimpuhwe ajya hejuru ya Arishi..." Qur'an 25 :59.**

**Allah nanone muri Surat Sadj'dat aragira ati: "Allah ni we waremye ibirere n'isi n'ibiri hagati yabyo mu minsi itandatu, hanyuma ajya hejuru ya Arshi...!? Qur'an 32:4**

**Allah nanone muri Surat Al Hadidi aragira ati: "Ni we waremye ibirere n'isi mu minsi itandatu, hanyuma ajya hejuru ya Ar'shi..." Qur'an 57:4.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Imirongo ya Qur'an ishimangira ko Allah ari hejuru ya Arshi ye yaje ahantu harindwi mu gitabo cya Qur'an, kandi hose Allah yabishimangiye mu ijambo rimwe ariryo *Is'tawaa* risobanuye (kuba hejuru).

Iki gice cy'umurongo wa Qur'an kigira kiti: **"Mu by'ukuri, Nyagasani wanyu ni Allah..."** bisobanuye ngo Allah niwe Muremyi wanyu, umurezi wanyu ubahundagazaho ingabire ze, naho mwe icyo mutegetswe ni ukumugaragira wenyine.

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: "**waremye ibirere n'isi mu minsi itandatu"**, iyo minsi ni uguhera ku cyumweru kugera ku wa gatanu, kuri uwo munsi Allah yahurijeho ibiremwa byose aba ari nawo aremaho Adam. Iyi minsi itandatu harimo ine Allah yaremyemo isi ndetse n'ibiyiriho byose n'indi ibiri Allah yaremyeho ibirere nkuko bishimangirwa n'imirongo ya Qur'an aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ۞ قُلْ أَئِنَّكُمْ لَتَكْفُرُونَ بِٱلَّذِى خَلَقَ ٱلْأَرْضَ فِى يَوْمَيْنِ وَتَجْعَلُونَ لَهُۥٓ أَندَادًا ۚ ذَٰلِكَ رَبُّ ٱلْعَٰلَمِينَ
﴿٩﴾ وَجَعَلَ فِيهَا رَوَٰسِىَ مِن فَوْقِهَا وَبَٰرَكَ فِيهَا وَقَدَّرَ فِيهَآ أَقْوَٰتَهَا فِىٓ أَرْبَعَةِ أَيَّامٍ سَوَآءً
لِّلسَّآئِلِينَ ﴿١٠﴾ ثُمَّ ٱسْتَوَىٰٓ إِلَى ٱلسَّمَآءِ وَهِىَ دُخَانٌ فَقَالَ لَهَا وَلِلْأَرْضِ ٱئْتِيَا طَوْعًا أَوْ كَرْهًا قَالَتَآ أَتَيْنَا

طَآئِعِينَ ﴿١١﴾ فَقَضَىٰهُنَّ سَبۡعَ سَمَٰوَاتٖ فِي يَوۡمَيۡنِ وَأَوۡحَىٰ فِي كُلِّ سَمَآءٍ أَمۡرَهَاۚ وَزَيَّنَّا ٱلسَّمَآءَ ٱلدُّنۡيَا بِمَصَٰبِيحَ
وَحِفۡظٗاۚ ذَٰلِكَ تَقۡدِيرُ ٱلۡعَزِيزِ ٱلۡعَلِيمِ ﴿١٢﴾ ﴾ فصلت: ٩ - ١٢

*“Vuga (yewe Muhamadi) uti "Ese mu by’ukuri, muhakana uwaremye isi mu minsi ibiri, ndetse mukamubangikanya n’ibigirwamana? Uwo ni we Nyagasani w’ibiremwa byose", Ayishimangiraho imisozi, aha (isi) imigisha, anayigenaho ibitunga (ibinyabuzima) biyiriho mu minsi ine ingana[1]. (Icyo nicyo gisubizo) kubabaza (iby’iremwa ryayo), Hanyuma yerekeza ku kirere mu gihe cyari umwotsi, maze arakibwira hamwe n’isi ati "Nimuze mwembi, mwanze mukunze", nuko biravuga biti "Tuje duciye bugufi", Abirema ari ibirere birindwi mu minsi ibiri. Maze ahishurira buri kirere inshingano zacyo. Kandi twatakishije ikirere cyegereye isi amatara (inyenyeri) anakirinda (kuvogerwa n‘amashitani). Uko ni ukugena k’Umunyembaraga zihebuje Umumenyi uhebuje.”[2]*

Naho iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti: “**Hanyuma ajya hejuru ya Arshi ye…”** Bijyanye n’icyubahiro cye ndetse n’ubuhambare bwe. Naho Arshi ya Allah ubusanzwe mu rulimi rw’icyarabu ni igitanda cy’umwami cyangwa umutware. Ariko nk’uko izindi mvugo na gihamya zaba muri Qur’an cyangwa se Sunat zibigaragaza Arshi ni igitanda gifite amaguru giteruwe n’abamalayika, kikaba kimeze nk’umutemeri hejuru y’ibirere n’isi, kikaba ari nacyo gisenge kiri hejuru y’ibiremwa byose.

Naho iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti: **“Allah we wazamuye ibirere nta nkingi (zibifashe) mubona, nuko ajya hejuru ya Arishi ye…”** Bisobanuye ngo Allah yazamuye ibirere abigeza kure cyane y’isi intera ndende cyane umuntu adashobora kugera ku mpera yabyo. Allah akomeza agira ati: “**Nta nkingi**

[1] Allah yaremye Isi mu minsi ibiri, hanyuma arema ibiyiriho n’ibigomba gutunga ibiyiriho mu yindi minsi ibiri, yose hamwe ikaba iminsi ine.
[2] Qur’an 41:9-12

**(zibifashe) mubona…"** aha abamenyi bahasobanuye mu buryo bubiri: 1. Bamwe bavuga ko ibirere Allah yabizamuye nta nkingi zibifashe, zaba ari izigaragara cyangwa se izitagaragara ahubwo bifashwe n'ububasha bwe. Bakavuga ko ijambo rigira riti: "**mubona.."** ryaje rishimangira ko ibirere nta nkingi bifite.

2. Abandi bavuga ko ibirere bifite inkingi ariko tutabona, ariko igisobanuro cya mbere ni cyo gifite ireme kurusha iki.

Iyi mirongo ya Qur'an yose irashimangira ko Allah ari hejuru ya Arshi ye bigendanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe. Ikindi irasubiza abahaye igisobanuro cyo kujya hejuru ibindi bisobanuro bitari byo, nk'abavuga ko ari ukuganza, n'abasobanuye ko Ar'shi ye ari ubwami bwe, maze igisobanuro cyabyo byombi kikaba kuganza mu bwami bwe. Ariko iki gisobanuro ntabwo ari ukuri kubera impamvu zikurikira:

1. Iki gisobanuro ni icyaduka kandi gitandukanye n'ibisobanuro by'abatubanjirije mu kwemera harimo abasangirangendo b'Intumwa y'Imana n'ababakurikiye basobanuye iyi mirongo ya Qur'an. Naho aba mbere bazanye icyo gisobanuro ni agatsiko k'abitwa *Al Djah'miyat* n'ak'abitwa *Al Mu-utazilat.*

2. Iyo igisobanuro cyo kuba Allah ari hejuru ya Arshi iyo kiza kuba ari ukuganza mu bwami bwe, icyo gihe nta tandukaniro ryari kuba riri hagati ya Arshi n'isi ndetse n'ibiyiriho byose. Kubera ko ari we uri hejuru ya byose akaba n'umwami wa byose, bityo kuvuga ko aganje kuri Arshi gusa ntacyo byari kuba bimaze!

3. Iri jambo kuba Allah ari hejuru ya Arshi ye risanzwe rimenyerewe muri Qur'an no mu mvugo z'Intumwa y'Imana (Sunat) kandi ntiryigeze riza risobanura kuganza kuri Ar'shi ye, ku buryo ari cyo gisobanuro twaha imirongo ya Qur'an yose ryajemo.

4. Kuba muri uyu murongo haravuzwemo inyuguti *Thuma* isobanuye *hanyuma*, iyo igisobanuro cya ririya jambo kiba ari ukuganza kuri Arshi ye, ntabwo hari gukoresha ijambo *hanyuma* kubera ko Arshi yari iriho na mbere y'iremwa ry'ibirere n'isi. None bishoboka bite ko Allah yari kuba nta bushobozi afite, ndetse atari hejuru ya Arshi ye kugeza igihe aremeye ibirere n'isi?

Hari bamwe mu bantu bahakana ko Allah ari hejuru ya Arshi bumva ko baramutse babyemeye batyo baba bahamije ko afite umubiri, ariko igisubizo twabaha nuko buri kintu cyose cyashimangiwe na Qur'an ndetse n'imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kiba ari ukuri, kandi dutegetswe kucyemera gutyo. Ikindi twabasubiza nuko niba bagamije kuvuga ko Allah mu miterere ye afite uburanga akagira amaboko amaso ndetse n'amaguru bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe, baba bavuga ukuri. Ariko niba bagamije kuvuga ko afite umubiri ugizwe n'amagufa, inyama, amaraso nk'ibiremwa, iyo mvugo yabo yaba ari ikinyoma. Kandi kuba Allah ari hejuru ya Arshi, ntibisobanuye ko tumugereranya nk'ibiremwa.

Hari n'abandi bavuga ko kuba twavuga ko Allah ari hejuru ya Arshi twaba tumushyiriyeho imbago, ariko turabasubiza tuti: Nta kibazo kibirimo kuko twe tubihamya nk'uko Allah yabihamije, ariko ntitwinjira mu isesengura ry'uburyo byaba bimeze kuko Allah ahambaye kandi aruta Arshi ndetse na buri kimwe. Bityo rero nta cyamuhetura, nkuko Allah abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَٱلْأَرْضُ جَمِيعًا قَبْضَتُهُۥ يَوْمَ ٱلْقِيَـٰمَةِ وَٱلسَّمَـٰوَٰتُ مَطْوِيَّـٰتٌۢ بِيَمِينِهِۦ ۚ ﴿٦٧﴾ ﴾ الزمر: ٦٧

*No ku munsi w'imperuka ibiri mu isi byose bizaba biri mu kuboko kwe, ndetse n'ibirere bizazingazingirwa mu kuboko kwe kw'indyo.*[1]

[1] Qur'an 39:67

Bisobanuye ko Allah aruta buri kimwe ndetse na Arshi ubwayo.

Hari n’abandi bavuga ko kuvuga ko Allah ari hejuru ya Arshi, ubwo bivuze ko ayikeneye, ariko turabasubiza tubabwira tuti: Ntabwo ari cyo bisobanuye, kuko kuba hejuru ya Arshi kwa Allah bisobanuye ko ari ukuba hejuru mu buryo bwihariye, kuko Allah ntawe ahwanye nawe. Bityo Allah ntakeneye Arshi nkuko nta na kimwe akeneye mu biremwa bye, aha ni naho dusibiriza abasobanura iyi mirongo bavuga ko Allah yicaye hejuru ya Ar’sh ibyo ntabwo ari ukuri kuko aramutse ayicayeho yaba ayikeneye kandi Allah ntakiremwa nakimwe akaneye mu biremwa bye tuvuga ko ari hejuru yayo.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ...فَإِنَّ ٱللَّهَ لَغَنِيٌّ حَمِيدٌ ﴿٨﴾ ﴾ إبراهيم: ٨

*“Mu by’ukuri, (mumenye ko) Allah ari Umukungu (nta na kimwe akeneye), Ushimwa bihebuje”.*[1]

## إثبات علو الله على مخلوقاته

## Gihamya zishimangira ko Allah ari hejuru y’ibiremwa bye.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِذْ قَالَ ٱللَّهُ يَٰعِيسَىٰٓ إِنِّي مُتَوَفِّيكَ وَرَافِعُكَ إِلَيَّ ﴿٥٥﴾ ﴾ آل عمران: ٥٥

قَالَ تَعَالَى: ﴿ بَل رَّفَعَهُ ٱللَّهُ إِلَيۡهِۚ ... ﴿١٥٨﴾ ﴾ النساء: ١٥٨

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ... إِلَيۡهِ يَصۡعَدُ ٱلۡكَلِمُ ٱلطَّيِّبُ وَٱلۡعَمَلُ ٱلصَّٰلِحُ يَرۡفَعُهُۥۚ ....﴿١٠﴾ ﴾ فاطر: ١٠

[1] Qurani 14:08

قَالَ تَعَالَى: ﴿... يَٰهَٰمَٰنُ ٱبۡنِ لِي صَرۡحٗا لَّعَلِّيٓ أَبۡلُغُ ٱلۡأَسۡبَٰبَ ٣٦ أَسۡبَٰبَ ٱلسَّمَٰوَٰتِ فَأَطَّلِعَ إِلَىٰٓ إِلَٰهِ مُوسَىٰ وَإِنِّي لَأَظُنُّهُۥ كَٰذِبٗاۚ... ٣٧﴾ غافر: ٢٦ – ٣٧

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ءَأَمِنتُم مَّن فِي ٱلسَّمَآءِ أَن يَخۡسِفَ بِكُمُ ٱلۡأَرۡضَ فَإِذَا هِيَ تَمُورُ ١٦ أَمۡ أَمِنتُم مَّن فِي ٱلسَّمَآءِ أَن يُرۡسِلَ عَلَيۡكُمۡ حَاصِبٗاۖ فَسَتَعۡلَمُونَ كَيۡفَ نَذِيرِ ١٧﴾ الملك: ١٦ – ١٧

Zimwe muri gihamya zishimangira ko Allah ari hejuru y'ibiremwa bye ni izi zikurikira:

**Allah aragira ati: "Ibuka ubwo Allah yavugaga ati "Yewe Isa (Yesu)! Mu by'ukuri, njye ndagusinziriza, nkuzamure iwanjye..." Qur'an 3:55**

**Allah nanone aragira ati: "Ahubwo Allah yamuzamuye iwe..." Qur'an 4:158.**

**Allah nanone aragira ati: "...Amagambo meza (yose) azamuka iwe, ndetse n'ibikorwa byiza bituma ayo magambo azamurwa..." Qur'an 35:10.**

**Allah nanone aragira ati: "Farawo aravuga ati: "Yewe Haman! Nyubakira umunara kugira ngo mbashe kugera mu nzira; Inzira zo mu ijuru, no kugira ngo nshobore kubona Imana ya Musa; ariko ndakeka ko (Musa) ari umubeshyi... " Qur'an 40:36-37.**

**Allah nanone aragira ati: "Ese muratekanye (yemwe bahakanyi) ku buryo (mwizeye ko) uri mu ijuru (Allah) atatigisa isi maze mukarigitamo! Cyangwa se muratekanye ku buryo (mwizeye ko) uri mu ijuru atabohererereza inkubi y'umuyaga uvanze n'amabuye (wabarimbura mwese)!? Ubwo**

**nibwo muzamenya uko ukuburira kwanjye (kumeze)! Qur’an 67:16-17.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Igice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti: “**Ibuka ubwo Allah yavugaga ati "Yewe Isa (Yesu)! Mu by’ukuri, njye ndagusinziriza nkuzamure iwanjye...**" Aha Allah aragaragaza ko yazamuye Isa (Yesu) iwe, bikaba bishimangira ko Allah ari hejuru kuko uzamuka aba ari kuva hasi ajya hejuru.

Naho iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti **“Ahubwo Allah yamuzamuye iwe...”** Aha Allah yasubizaga abayahudi abanyomoza ku byo bibwiye ko bishe Isa (Yesu), uyu murongo nanone urashimangira ko Allah ari hejuru.

Naho iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti **“...Amagambo meza (yose) azamuka iwe, ndetse n’ibikorwa byiza bituma ayo magambo azamurwa...”** Amagambo meza avugwa aha twavuga nko gusoma Qur’an, gusingiza Imana, ubusabe n’ibindi. Ikindi twavuga nuko aya magambo meza agomba kugendana n’ibikorwa byiza kuko nta bikorwa byiza, n’ayo magambo meza Allah ntiyayakira. Umumenyi Iyas Ibun Mu-awiyat yaravuze ati: Iyo ibikorwa byiza bitaza kubaho, amagambo (meza) ntiyari kuzamurwa (kwa Allah). Naho ikigamijwe muri uyu murongo wa Qur’an ni ugushimangira ko Allah ari hejuru, kubera ko Allah yavuze ko amagambo meza azamuka iwe.

Naho uyu murongo wa Qur’an ugira uti: **“Farawo aravuga ati"Yewe Haman! Nyubakira umunara kugira ngo mbashe kugera mu nzira; Inzira zo mu ijuru, no kugira ngo nshobore kubona Imana ya Musa; ariko ndakeka ko (Musa) ari umubeshyi...** "Ibi Farawo yabivuze ashaka guhinyuza ibyo Musa yamubwiye ko yoherejwe na Allah kandi ko Allah aba mu ijuru.

Naho uyu murongo wa Qur’an ugira uti: **“Ese muratekanye (yemwe bahakanyi) ku buryo (mwizeye ko) uri mu ijuru (Allah) atatigisa isi maze mukarigitamo! Cyangwa se muratekanye ku buryo (mwizeye ko) uri mu ijuru atabohererereza inkubi y’umuyaga uvanze n’amabuye (wabarimbura mwese)!? Ubwo nibwo muzamenya uko ukuburira kwanjye (kumeze)!** Ikigamijwe muri uyu murongo ni ukugaragaza ko Allah ari mu ijuru.

Iyi mirongo ya Qur’an yose umwanditsi yayizanye muri iki cyigwa agamije kugaragaza ko Allah ari hejuru y’ibiremwa bye byose, nkuko imirongo yo mu cyigwa cyabanjirije iki yagaragazaga ko Allah ari hejuru ya Arshi ye. Naho itandukaniro ryo kuba Allah ari hejuru y’ibiremwa bye no kuba Allah ari hejuru ya Arshi ye ni iri rikurikira:

1. Kuba Allah ari hejuru y’ibiremwa byose, ni bimwe mu biranga Allah adatana nabyo, bivuze ko nta gihe na kimwe ashobora kugira ikiba hejuru ye. Naho kuba Allah ari hejuru ya Arshi ye biri mu bimuranga, ariko abikora igihe ashakiye bigendanye n’icyubahiro cye n’ubuhambare bwe. Niyo mpamvu Allah yavuze ati: ***“....hanyuma (Allah) ajya hejuru ya Arshi ye.”*** Ibi byari nyuma yo kurema isi n’ibirere.

2. Kuba Allah ari hejuru y’ibiremwa byose biri mu bimuranga byashimangiwe na Qur’an n’imvugo z’Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha) ndetse n’ubwenge. Mu gihe kuba hejuru ya Arshi ye biri mu biranga Allah byashimangiwe na Qur’an n’imvugo z’Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha) gusa.

# إثبات معية الله لخلقه

## Imirongo ya Qur'an ishimangira ko Allah ari kumwe n'ibiremwa bye.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ هُوَ ٱلَّذِى خَلَقَ ٱلسَّمَـٰوَٰتِ وَٱلْأَرْضَ فِى سِتَّةِ أَيَّامٍ ثُمَّ ٱسْتَوَىٰ عَلَى ٱلْعَرْشِ ۚ يَعْلَمُ مَا يَلِجُ فِى ٱلْأَرْضِ وَمَا يَخْرُجُ مِنْهَا وَمَا يَنزِلُ مِنَ ٱلسَّمَآءِ وَمَا يَعْرُجُ فِيهَا ۖ وَهُوَ مَعَكُمْ أَيْنَ مَا كُنتُمْ ۚ وَٱللَّهُ بِمَا تَعْمَلُونَ بَصِيرٌ ﴿٤﴾ ﴾ الحديد: ٤

قَالَ تَعَالَى: ﴿ مَا يَكُونُ مِن نَّجْوَىٰ ثَلَـٰثَةٍ إِلَّا هُوَ رَابِعُهُمْ وَلَا خَمْسَةٍ إِلَّا هُوَ سَادِسُهُمْ وَلَآ أَدْنَىٰ مِن ذَٰلِكَ وَلَآ أَكْثَرَ إِلَّا هُوَ مَعَهُمْ أَيْنَ مَا كَانُوا۟ ۖ ثُمَّ يُنَبِّئُهُم بِمَا عَمِلُوا۟ يَوْمَ ٱلْقِيَـٰمَةِ ۚ إِنَّ ٱللَّهَ بِكُلِّ شَىْءٍ عَلِيمٌ ﴿٧﴾ ﴾ المجادلة: ٧

قَالَ تَعَالَى: ﴿ لَا تَحْزَنْ إِنَّ ٱللَّهَ مَعَنَا ۖ ﴿٤٠﴾ ﴾ التوبة: ٤٠

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّنِى مَعَكُمَآ أَسْمَعُ وَأَرَىٰ ﴿٤٦﴾ ﴾ طه: ٤٦

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّ ٱللَّهَ مَعَ ٱلَّذِينَ ٱتَّقَوا۟ وَّٱلَّذِينَ هُم مُّحْسِنُونَ ﴿١٢٨﴾ ﴾ النحل: ١٢٨

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَٱصْبِرُوٓا۟ ۚ إِنَّ ٱللَّهَ مَعَ ٱلصَّـٰبِرِينَ ﴿٤٦﴾ ﴾ الأنفال: ٤٦

قَالَ تَعَالَى: ﴿ كَم مِّن فِئَةٍ قَلِيلَةٍ غَلَبَتْ فِئَةً كَثِيرَةًۢ بِإِذْنِ ٱللَّهِ ۗ وَٱللَّهُ مَعَ ٱلصَّـٰبِرِينَ ﴿٢٤٩﴾ ﴾ البقرة: ٢٤٩

Umwanditsi yazanye imirongo ya Qur'an ishimangira ko Allah ari kumwe n'ibiremwa bye, nyuma y'uko azanye imirongo ishimangira ko Allah ari hejuru y'ibiremwa bye mu ijuru, kuko umuntu ashobora kwibwira ko bivuguruzanya kuba Allah yaba kumwe n'ibiremwa bye kandi akaba ari hejuru yabyo mu ijuru, ariko nta kuvuguruzanya kurimo nkuko turi bubigaragaze mu mpera z'iki cyigwa.

Imirongo ya Qur’an ishimangira ko Allah ari kumwe n’ibiremwa bye ni iyi ikurikira.

**Allah aragira ati: “Ni we waremye ibirere n’isi mu minsi itandatu, hanyuma ajya hejuru ya Ar’shi. Azi ibyinjira mu butaka n’ibibusohokamo, ibimanuka mu kirere ndetse n’ibikizamukamo. Kandi aba ari kumwe na mwe aho muri hose. Kandi Allah ni Ubona bihebuje ibyo mukora.” Qur’an 57:4**

**Allah aragira ati: “… Nta biganiro byo mu ibanga bya batatu bibaho ngo (Allah) abure kuba uwa kane, cyangwa ibya batanu ngo abure kuba ari uwa gatandatu, ndetse no munsi yabo cyangwa abarenzeho, ngo abure kuba ari kumwe na bo aho bari hose. Hanyuma ku munsi w’izuka akazababwira ibyo bakoraga. Mu by’ukuri, Allah ni Umumenyi uhebuje wa buri kintu.” Qur’an 58:7.**

**Allah mu mvugo y’Intumwa ye Muhamad abwira mugenzi we Abubakar aragira ati: "Wibabara, kuko mu by’ukuri, Allah ari kumwe na twe…” Qur’an 9:40**.

**Allah aragira ati: “(Allah) aravuga ati "Ntimutinye! Mu by’ukuri, Njye ndi kumwe namwe, ndumva kandi ndabona." Qur’an 20:46.**

**Allah aragira ati: “Mu by’ ukuri, Allah ari kumwe na babandi bamutinya, ndetse na babandi bagira neza.” Qur’an 15:128.**

**Allah aragira ati: “…Ndetse mujye mwihangana. Mu by' ukuri, Allah ari kumwe n' abihangana.” Qur’an 8:46**

**Allah aragira ati: “…Ni kangahe itsinda rito ryatsinze itsinda rinini ku bushake bwa Allah!?” Kandi Allah ari kumwe n’abihangana.” Qur’an 2:249.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Uyu murongo wa Qur’an ugira uti: **“Ni we waremye ibirere n’isi mu minsi itandatu, hanyuma ajya hejuru ya Ar’shi azi ibyinjira mu butaka n’ibibusohokamo, ibimanuka mu kirere ndetse n’ibikizamukamo…”** Iki gice cya mbere cy’uyu murongo wa Qur’an twagisobanuye mu byigwa byabanje.

Naho iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti: **Kandi (Allah) aba ari kumwe na mwe aho muri hose.”** Bisobanuye ko aba ari kumwe namwe mu bumenyi bwe, abagenzura ndetse anareba ibikorwa byanyu aho muri hose, mwaba muri mu nyanja, cyangwa imusozi, byaba ari mu ijoro, cyangwa ku mwanywa, haba mu mazu, cyangwa hanze yayo, aba abareba kandi abumva, yumva ibyo muvuga kandi areba aho muherereye. Iki gice cy’uyu murongo kikaba gishimangira ko Allah ari kumwe n’ibiremwa bye mu buryo bwa rusange, aribyo bisobanuye kubigenzura no kuba azi buri kimwe kuri byo.

Naho iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti: “**Kandi Allah ni Ubona bihebuje ibyo mukora.”** Bisobanuye ko nta kimwisoba mu bikorwa byanyu mukora.

Naho iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti: **“Nta biganiro byo mu ibanga bya batatu bibaho ngo (Allah) abure kuba uwa kane, cyangwa ibya batanu ngo abure kuba ari uwa gatandatu, ndetse no munsi yabo cyangwa abarenzeho ngo abure kuba ari kumwe na bo aho bari hose,”** Bisobanuye ko Allah aba abagenzura, abumva, ndetse anumva amabanga yabo. Naho kuvugwa kw’iyi mibare by’umwihariko nuko abaganira mu ibanga akenshi bakunze kuba ari batatu, cyangwa se batanu, cyangwa se impamvu yo kumanuka kw’uyu murongo ikaba yari ukubera ibiganiro by’ibanga byabaye hagati y’abantu batatu ndetse n’ibindi biganiro by’ibanga byabaye hagati ya batanu. Naho ubundi Allah aba ari kumwe n’abantu bose kandi abumva uko umubare wabo waba ungana kose.

Allah akomeza agira ati: **“...ngo abure kuba ari kumwe na bo aho bari hose,”** Aba ari kumwe nabo mu bumenyi bwe azi buri kimwe baganira, nta na kimwe kimwisoba.

Nkuko Allah abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ أَمْ يَحْسَبُونَ أَنَّا لَا نَسْمَعُ سِرَّهُمْ وَنَجْوَاهُم ۚ بَلَىٰ ... ﴿٨٠﴾ ﴾ الزخرف: ٨٠

Allah aragira ati: “*Cyangwa bakeka ko tutumva amabanga yabo n’ibyo bongorerana!? Yego (turabyumva rwose)!* [1]”

Naho iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti: **“Hanyuma ku munsi w’izuka akazababwira ibyo bakoraga. Mu by’ukuri, Allah ni Umumenyi uhebuje wa buri kintu,”** Bisobanuye ko Allah azi amabanga yabo baganiraga, bityo niyo mpamvu ku munsi w’imperuka azabahanira cyangwa abahembere bijyanye n’ibyo barimo. Ikindi uyu murongo urashimangira ko Allah ari kumwe n’ibiremwa bye bijyanye n’ubumenyi bwe buhebuje kandi ko buhetura buri kimwe.

Ikigamijwe muri iyi mirongo ya Qur’an ibiri, ni ukugaragaza ko Allah ari kumwe n’ibiremwa bye byose mu buryo bwa rusange, bisobanuye ko Allah agenzura ibiremwa bye byose azi ibyo bikora byose.

Naho iki gice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti **“...Wibabara, kuko mu by’ukuri, Allah ari kumwe na twe...”** Aha ni igihe Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha) ubwo yari kumwe na Abubakar bari mu buvumo igihe bimukaga bava i Maka bajya i Madina, ababangikanyamana babakurikiye, hanyuma Abubakari arababara atinya ko bari bubafate bakagirira nabi Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha), “**kuko mu by’ukuri, Allah ari kumwe na twe...”** Ari kumwe natwe mu butabazi bwe, no mu nkunga ye adutera.

---

[1] Qur’an 43:80.

Kandi uri kumwe na Allah ntatsindwa, n'udashobora gutsindwa rero nta mpamvu yo kugira agahinda!

Ikigamijwe muri uyu murongo wa Qur'an ni ukugaragaza uburyo Allah aba ari hamwe n'abemeramana by'umwihariko, aribyo bisobanuye kubatera inkunga no kubaha ubutabazi.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: "**Ntimubabare! Mu by'ukuri, Njye ndi kumwe namwe, ndumva kandi ndabona.**" Aha Allah yabwiraga Musa na Haruna ababwira ko badakwiye gutinya Farawo kuko ari kumwe nabo, bivuze ko bari kumwe mu kubatera inkunga no kubaha ubutabazi. Akomeza ababwira ati: "**Ndumva kandi ndabona."** Bisobanuye ngo numva amagambo yanyu ndetse n'amagambo y'uwo Farawo, kandi ndabareba aho muri ndetse nkanamureba nawe aho ari, nta na kimwe kinyisoba mu byanyu. Uyu murongo nawo ni nk'uwawubanjirije urashimangira ko Allah ari kumwe n'abakunzi be mu kubatera inkunga no kubaha ubutabazi.

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Mu by'ukuri, Allah ari kumwe na babandi bamutinya, ndetse na babandi bagira neza."** Babandi bamutinya bisobanuye babandi baretse ibiziririjwe n'ibyaha ibyo ari byo byose. Allah akomeza agira ati: "**ndetse na babandi bagira neza."** Bakora ibyo Allah yabategetse banamwumvira, kuko Allah Nyir'ubutagatifu ari kumwe nabo abatera inkunga anabaha ubutabazi. Ibi bikaba ari umwihariko ku bemeramana.

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"...Ndetse mujye mwihangana. Mu by'ukuri, Allah ari kumwe n'abihangana."** Aha Allah yadutegekaga kwihangana, ukwihangana kugamijwe hano ni ukwihanganira ibibazo n'amakuba byo mu ntambara zari hagati y'abemeramana n'abahakanyi. Allah akomeza ababwira impamvu bagomba kwihangana agira ati: "**Allah ari kumwe n'abihangana."** Kuko

Allah ari kumwe n'abihangana muri buri kimwe gikeneye kwihangana.

Ikigamijwe muri uyu murongo wa Qur'an ni ukugaragaza ko Allah ari kumwe n'abihangana kubera kumwumvira, nanone ko ari kumwe n'abaharanira inzira ye. Imam A-Shawukaniy yaravuze ati: Mbega ukuntu uwo Allah ari kumwe nawe ntawe ushobora kumunesha...!

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"...Ni kangahe itsinda rito ryatsinze itsinda rinini ku bushake bwa Allah!?" Kandi Allah ari kumwe n'abihangana."** Ikigamijwe muri uyu murongo ni ugushimangira ko Allah ari kumwe n'abihangana, uko kuba hamwe nabo bikaba bisobanuye kubatera inkunga no kubaha ubutabazi.

Inyungu dukura muri iyi mirongo ya Qur'an yose ni uko Allah aba hamwe n'ibiremwa bye, ariko uku kuba hamwe kukaba kurimo ibice bibiri:

1. Kuba hamwe n'ibiremwa bye mu buryo bwa rusange nkuko byagaragaye mu mirongo ibiri ya Qur'an ya mbere, aribyo bisobanuye kuba Allah ahetuye ibiremwa byose akaba anazi ibikorwa byabyo byaba ibibi n'ibyiza, ndetse akaba ari nawe uzahemba cyangwa agahana ibiremwa bye kubera ibikorwa byakoze.

2. Kuba hamwe n'abemeramana by'umwihariko, aribyo bisobanuye kubatera inkunga, kubaha ubutabazi, no kubarinda. Iki gice ni nacyo imirongo ya Qur'an itanu ya nyuma yaje ivugaho. Ikindi twavuga nuko kuba Allah ari hamwe n'ibiremwa bye bitavuguruza kuba Allah ari hejuru y'ibiremwa bye byose mu ijuru no kuba ari hejuru ya Arshi ye. Kuko kuba ari hafi y'ibiremwa ndetse akaba ari hamwe nabyo ntabwo wabigereranya nko kuba hafi cyangwa kuba

hamwe kw'ibiremwa ku biremwa ubwabyo. Kuko Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ لَيْسَ كَمِثْلِهِۦ شَىْءٌ ۖ وَهُوَ ٱلسَّمِيعُ ٱلْبَصِيرُ ۝١١ ﴾ الشورى: ١١

*"Ntagira icyo asa na cyo, kandi we ni Uwumva cyane, Ubona bihebuje."*[1]

Nkuko nanone kuvuga ko umuntu ari kumwe n'undi, bitavuze ko muba muri ahantu hamwe umwegereye. Urugero rwabyo Sheykhul Islam Ibun Taymiyat (Allah amugirire impuhwe) atanga, ni nko kuba abantu bavuga bati: Aho tugiye hose tuba turi kumwe n'ukwezi! Cyangwa se tuba turi kumwe n'izuba! Kandi birazwi ko aho ukwezi cyangwa se izuba biba biri n'aho abantu bari harimo intera ndende cyane. Ibi rero niba bivugwa bityo ku biremwa, kandi bikaba bishoboka, ni gute bitavugwa ku Muremyi Allah? Bityo rero kuba Allah ari hamwe n'ibiremwa bye no kuba ari hejuru yabyo mu ijuru nta kuvuguruzanya kurimo.

Ikindi twavuga nuko n'ubwo Allah ari hamwe n'ibiremwa bye ku bw'ubumenyi bwe, kubona kwe no kumva kwe ndetse n'ubushobozi bwe n'ububasha bwe, ntibinyuranye no kuba ari hamwe nabyo by'ukuri. Ariko ntabwo ari nk'uko abitwa *Al Djahmiyat* ndetse n'abandi nkabo babisobanura, bavuga ko Allah ari hamwe n'ibiremwa bye ahantu hose biri. Ahubwo twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) duhamya ko Allah ari kumwe nabyo by'ukuri mu buryo yihariye, ariko bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe.

Bityo rero ntibishatse gusobanura ko we ubwe ari hamwe nabyo hano ku isi ndetse abana nabyo, kuko ibyo bisobanuro nta shingiro bifite. Allah niwe mumenyi uhebuje.

---

[1] Qur'an 42:11

# إثبات الكلام لله تعالى.

## Gihamya zigaragaza ko Allah avuga.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَنْ أَصْدَقُ مِنَ ٱللَّهِ حَدِيثًا ﴿٨٧﴾ ﴾ النساء: ٨٧

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَنْ أَصْدَقُ مِنَ ٱللَّهِ قِيلًا ﴿١٢٢﴾ ﴾ النساء: ١٢٢

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَإِذْ قَالَ ٱللَّهُ يَٰعِيسَى ٱبْنَ مَرْيَمَ ﴿١١٦﴾ ﴾ المائدة: ١١٦

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَتَمَّتْ كَلِمَتُ رَبِّكَ صِدْقًا وَعَدْلًا ﴿١١٥﴾ ﴾ الأنعام: ١١٥

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَكَلَّمَ ٱللَّهُ مُوسَىٰ تَكْلِيمًا ﴿١٦٤﴾ ﴾ النساء: ١٦٤

قَالَ تَعَالَى: ﴿ مِّنْهُم مَّن كَلَّمَ ٱللَّهُ ﴿٢٥٣﴾ ﴾ البقرة: ٢٥٣

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَلَمَّا جَآءَ مُوسَىٰ لِمِيقَٰتِنَا وَكَلَّمَهُۥ رَبُّهُۥ ﴿١٤٣﴾ ﴾ الأعراف: ١٤٣

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَنَٰدَيْنَٰهُ مِن جَانِبِ ٱلطُّورِ ٱلْأَيْمَنِ وَقَرَّبْنَٰهُ نَجِيًّا ﴿٥٢﴾ ﴾ مريم: ٥٢

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَإِذْ نَادَىٰ رَبُّكَ مُوسَىٰٓ أَنِ ٱئْتِ ٱلْقَوْمَ ٱلظَّٰلِمِينَ ﴿١٠﴾ ﴾ الشعراء: ١٠

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَنَادَىٰهُمَا رَبُّهُمَآ أَلَمْ أَنْهَكُمَا عَن تِلْكُمَا ٱلشَّجَرَةِ ﴿٢٢﴾ ﴾ الأعراف: ٢٢

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَيَوْمَ يُنَادِيهِمْ فَيَقُولُ مَاذَآ أَجَبْتُمُ ٱلْمُرْسَلِينَ ﴿٦٥﴾ ﴾ القصص: ٦٥

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَإِنْ أَحَدٌ مِّنَ ٱلْمُشْرِكِينَ ٱسْتَجَارَكَ فَأَجِرْهُ حَتَّىٰ يَسْمَعَ كَلَٰمَ ٱللَّهِ ﴿٦﴾ ﴾ التوبة: ٦

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَقَدْ كَانَ فَرِيقٌ مِّنْهُمْ يَسْمَعُونَ كَلَٰمَ ٱللَّهِ ثُمَّ يُحَرِّفُونَهُۥ مِنۢ بَعْدِ مَا عَقَلُوهُ وَهُمْ يَعْلَمُونَ ﴿٧٥﴾ ﴾ البقرة: ٧٥

قَالَ تَعَالَى: ﴿ يُرِيدُونَ أَن يُبَدِّلُوا۟ كَلَٰمَ ٱللَّهِ ۚ قُل لَّن تَتَّبِعُونَا كَذَٰلِكُمْ قَالَ ٱللَّهُ مِن قَبْلُ ﴿١٥﴾ ﴾ الفتح: ١٥

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَٱتْلُ مَآ أُوحِىَ إِلَيْكَ مِن كِتَابِ رَبِّكَ ۖ لَا مُبَدِّلَ لِكَلِمَٰتِهِۦ ﴿٢٧﴾ ﴾ الكهف: ٢٧

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّ هَٰذَا ٱلْقُرْءَانَ يَقُصُّ عَلَىٰ بَنِىٓ إِسْرَٰٓءِيلَ أَكْثَرَ ٱلَّذِى هُمْ فِيهِ يَخْتَلِفُونَ ﴾ النمل: ٧٦

Gihamya zigaragaza ko Allah avuga kandi ko Qur'an ari amagambo ye matagatifu ni izi zikurikira:

**Allah aragira ati: "Ni na nde munyakuri mu mvugo kurusha Allah?" Qur'an 4:87.**

**Allah nanone aragira ati: "Ni nde munyakuri mu mvugo kurusha Allah? Qur'an 4:122**

**Allah nanone aragira ati: "Unibuke ubwo Allah azavuga (ku munsi w'imperuka) ati "Yewe Isa (Yesu) mwene Mariyamu (Mariya)!..." Qur'an 5:116.**

**Allah nanone aragira ati: "N'ijambo rya Nyagasani wawe ryarasohoye mu kuri no mu butabera..." Qur'an 6:115.**

**Allah nanone aragira ati: "...Kandi Allah yavugishije Musa mu buryo butaziguye." Qur'an 4:164.**

**Allah nanone aragira ati: "...Muri zo, hari izo Allah yavugishije..."Qur'an 2:254.**

**Allah nanone aragira ati: "Ubwo Musa yagereraga ku gihe aho twamusezeranyije, na Nyagasani we akamuvugisha (amuha ubutumwa n'amategeko)..." Qur'an 7:143.**

**Allah nanone aragira ati: "Twamuhamagariye mu ruhande rwe rw'iburyo ku musozi wa Twuri (Sinayi), turamwiyegereza, tumubwira mu ibanga." Qur'an 19:52.**

**Allah nanone aragira ati: "(Unibuke) ubwo Nyagasani wawe yahamagaraga Musa akamubwira ati: "Jya ku bantu b'abanyamahugu." Qur'an 26:10.**

**Allah nanone aragira ati: "...Nuko Nyagasani wabo arabahamagara agira ati "Ese sinari narababujije icyo giti...!?" Qur'an 7:22.**

**Allah nanone aragira ati: “Kandi (wibuke) umunsi (Allah) azabahamagara akavuga ati "Ni iki mwasubije intumwa!?" Qur’an 28:65.**

**Allah nanone aragira ati: “Mu babangikanyamana nihagira ugusaba ubuhungiro (umutekano), ujye ubumuha kugira ngo yumve amagambo ya Allah (Qur’an)...” Qur’an 9:6.**

**Allah nanone aragira ati: “... kandi bamwe muri bo (abamenyi babo) barajyaga bumva amagambo ya Allah (Tawurati) bakayahindura ku bwende nyuma y’uko bayasobanukirwa?” Qur’an 2:75.**

**Allah nanone aragira ati: “...Barashaka guhindura amagambo ya Allah. Vuga uti “Ntimudukurikire; uko ni ko Allah yavuze mbere...” Qur’an 48:15.**

**Allah nanone aragira ati: “Unasome (yewe Muhamadi) ibyo wahishuriwe mu gitabo cya Nyagasani wawe (Qor’an). Ntawahindura amagambo ye...” Qur’an 18:27**

**Allah nanone aragira ati: “Mu by’ukuri, iyi Qur’an iha bene Isiraheli inkuru nyinshi batavugaho rumwe.” Qur’an 27:76**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Iki gice cy’uyu murongo kigira kiti: ***“Ni na nde munyakuri mu mvugo kurusha Allah?”*** Bisobanuye ko nta n’umwe urusha Allah kuba umunyakuri mu mvugo, byaba mu byo Allah abwira abantu, abategeka, ingororano abasezeranya, ndetse n’ibihano yabateganyirije. Bishimangirwa n’imvugo y’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) aho yakundaga kuvuga mu nyigisho ze (Khutbat) igira iti:

"فإن خير الحديث كتاب الله، وخير الهدي هديُ محمدٍ ﷺ ..."

"Mu by'ukuri imvugo z'ukuri n'igitabo cya Allah, n'umuyoboro mwiza ni uw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)..."

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"Unibuke ubwo Allah azavuga (ku munsi w'imperuka) ati "Yewe Isa (Yesu) mwene Mariyamu (Mariya)!..."** Benshi mu bamenyi basobanuye Qur'an bavuga ko ibi Allah azabivuga ku munsi w'imperuka, mu rwego rwo kugaya no kuveba babandi basenze Isa (yesu) na nyina (Mar'yam) mu ba naswara. Ikindi uyu murongo urashimangira ko Allah avuga kandi akavuga amagambo yumvikana, kandi amagambo ye agizwe n'amajwi, n'inyuguti, n'interuro bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe, mu buryo uyumvise ayasobanukirwa. Kandi amagambo ye ntagereranywa n'ay'ibiremwa. Ikindi kandi nuko uyu murongo usubiza abavuga ko amagambo ya Allah ari ibimurimo atajya avuga ngo byumvwe.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"N'ijambo rya Nyagasani wawe ryarasohoye mu kuri no mu butabera..."** Aha ijambo rivugwa ni Qur'an ariyo magambo ya Allah. Ikindi nuko abasobanuzi ba Qur'an basobanuye uyu murongo bavuga ko Qur'an ari ukuri mu byo ivuga ikaba n'ubutabera mu mategeko ayikubiyemo. Bityo amagambo ya Allah ni ukuri ntabamo ikinyoma.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"...*Kandi Allah yavugishije Musa mu buryo* butaziguye (nta muhuza)."** Uyu murongo wa Qur'an uragaragaza ko Allah yubahishije Musa kubera ko yamuvugishije, amushoboza no kumva amagambo ye.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: ***"...Muri zo, hari izo Allah yavugishije..."*** Aha Allah yavugaga ko mu ntumwa yohereje hari izo yavugishije nta muhuza, ari zo: Musa na

Muhamad (Imana ibahe amahoro n'imigisha) ndetse na Adam nkuko tuza kubigaragaza mu murongo wa Qur'an turi buze kubona, ndetse na Hadith yakiriwe na Ibun Hiban mu gitabo cye (A-Swahih) iturutse kwa Abi Umamat ko umugabo umwe yabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ati:

عن أبي أمامة أن رجلا قال: "يا رسول الله أنبيٌّ كان آدم ؟ قال : نعم ، مكلَّم ، قال : فكم كان بينه وبين نوح ؟ قال : عشرة قرون. " رواه ابن حبان في صحيحه

Yewe Ntumwa y'Imana! Ese Adam yari umuhanuzi? Intumwa y'Imana iramusubiza iti: yego! Ndetse na Allah yaranamuvugishije. Arongera arayibaza ati: Ese hagati ye na Nuhu haciyemo igihe kingana iki? Iramusubiza iti: Haciyemo ibinyejana icumi."[1] Uyu murongo kandi uranyomoza abavuga ko Musa ariwe wavugishije Imana gusa naho Allah we atigeze amuvugisha.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"Ubwo Musa yagereraga ku gihe aho twamusezeranyije, na Nyagasani we akamuvugisha (amuha ubutumwa n'amategeko)..."** Aha Allah aragaragaza ko yavugishije Musa nta muhuza, kandi ko Allah avuga igihe ashakiye.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"Twamuhamagariye mu ruhande rwe rw'iburyo ku musozi wa Twuri (Sinayi), turamwiyegereza, tumubwira mu ibanga."** Bisobanuye ngo Allah yahamagaye Musa, kandi guhamagara biba mu ijwi riranguruye, **mu ruhande rwe rw'iburyo ku musozi wa Twuri,** uyu musozi ukaba uherereye hagati y'igihugu cya Misiri na Arabiya Sawudite. Uyu murongo wa Qur'an urashimangira ko Allah avuga, kandi ko ahamagara akanaganira mu banga, ibi byose kandi bikaba bigaragaza ko avuga.

[1] Yakiriwe na Ibun Hibban mu gitabo cye A-Swahihi

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"(Unibuke) ubwo Nyagasani wawe yahamagaraga Musa akamubwira ati: "Jya ku bantu b'abanyamahugu."** Aha muri uyu murongo nanone Allah yabwiraga Intumwa ye Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ngo yibuke ubwo yahamagaraga Musa ikamubwira ko ajya ku bantu b'abanyamahugu. Biswe abanyamahugu kubera ko bahuguje imitima yabo ubwo bahakanaga Imana, nanone bitwa abanyamahugu kuko bahuguje bagenzi babo nko kugira abene Isiraheri abagaragu babo, no kubicira abana. Muri uyu murongo harimo ko Allah ahamagara uwo ashatse mu bagaragu be, akamuvugisha amagambo yumva.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"...Nuko Nyagasani wabo arabahamagara agira ati "Ese sinari narababujije icyo giti...!?"** Aha Allah yahamagaraga Adam na Hawa ababwira ati: Sinari narababujije kurya kuri icyo giti? Ibi byari mu rwego rwo kubacyaha no kubanenga kubera kurenga ku byo yababujije. Uyu murongo kandi uragaragaza ko Allah avuga kandi ko yahamagaye Adam n'umugore we.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"Kandi (wibuke) umunsi (Allah) azabahamagara akavuga ati "Ni iki mwasubije intumwa (ku byo twazibatumyeho) !?** "Ikigamijwe muri uyu murongo ni ukugaragaza ko Allah avuga, kandi ko azanahamagara ku munsi w'imperuka.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"No mu babangikanyamana nihagira ugusaba ubuhungiro (umutekano), ujye ubumuha kugira ngo yumve amagambo ya Allah (Qur'an)..."** Uwabwirwaga aha ni Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Naho guha ubuhungiro ababangikanyamana babumusabye, kugira ngo bumve amagambo ya Allah (Qur'an), banayatekerezeho ndetse banamenye ukuri kwayo ubahamagarira. Naho ikigambiriwe

muri uyu murongo ni ugushimangira ko Allah avuga, kandi ko amagambo ye yumvwa akanasomwa.

Ikindi nuko uyu murongo usubiza abavuga ko Qur'an ari amagambo Allah yaremye, ariko ntabwo ari uko biri ahubwo ni amagambo ye, ataremye ahubwo ari mu bimugize, (Qur'an) niwe yaturutseho kandi ni nawe izagarukaho.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti **"...kandi bamwe muri bo (abamenyi babo) barajyaga bumva amagambo ya Allah (Tawurati) bakayahindura ku bwende nyuma y'uko bayasobanukirwa."** Abavugwaga aha ni Abayahudi. Naho amagambo ya Allah avugwa aha ni igitabo cya Tawurat, bajyaga bayahindura bayaha ibisobanuro bitari iby'ayo, kandi babikoraga nyuma y'uko bamaze kuyasobanukirwa, bakabikora ku bwende babizi ko ibyo bavuga ari amakosa.

Ikigamijwe muri uyu murongo wa Qur'an ni ukugaragaza ko Allah avuga, kandi ko n'igitabo gitagatifu cya Tawurat ari amagambo ya Allah, ndetse ko n'Abayahudi bahinduye ayo magambo.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti **"...Barashaka guhindura amagambo ya Allah. Vuga uti: "Ntimudukurikire; uko ni ko Allah yavuze mbere..."** Abavugwa muri uyu murongo ni abarabu b'abanyacyaro bashatse guhindura amagambo ya Allah ngo bajyane n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Nyamara iminyago Allah yari yayigeneye abantu barwaniye ahitwa Hudayibiyat, naho abayikurukiye kugira ngo bibonere iminyago gusa, nta mugabane bayifitemo.

Ikigamijwe muri uyu murongo wa Qur'an ni ugushimangira ko Allah avuga, kandi ko avuga igihe ashatse iyo abishatse, ndetse ko bitanemewe guhindura amagambo ya Allah.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"Unasome (yewe Muhamadi) ibyo wahishuriwe mu gitabo cya Nyagasani wawe (Qor'an). Ntawahindura amagambo ye..."** Aha Allah yategekaga Intumwa ye guhozaho gusoma igitabo yahishuriwe. Ikindi nuko uyu murongo ushimangira ko Allah avuga.

Naho iki gice cy'uyu murongo kigira kiti: **"Mu by'ukuri, iyi Qur'an iha bene Isiraheli inkuru nyinshi batavugaho rumwe."** Iyi Qur'an iha bene isiraheri inkuru nyinshi batavugaho rumwe, ndetse bakaba ari bo bayoborwaga n'igitabo cya Tawurat na Injili. Naho zimwe mu nkuru nyinshi batavugagaho rumwe, twavuga nko kutavuga rumwe kuri Isa (Yesu) kuko Abayahudi baramuhimbiye bavuga ko ari umwana wavutse mu busambanyi, Abanaswara bo baramukabiriza bamwita umwana w'Imana. Qur'an yo iza itanga umurongo ngenderwaho w'ukuri ivuga ko ari umugaragu wa Allah akaba n'Intumwa ye, ndetse akaba n'ijambo rye yohereje muri Mariyam (ariryo Ba, nuko Isa abaho) na Roho ye (kuko ari muri Roho zaremwe n'Imana).

Ikigamijwe muri uyu murongo wa Qur'an ni ugushimangira ko Qur'an ari amagambo ya Allah, no kuba ikusanyije ibyagaragaye mu bitabo bitagatifu byayibanjirije, ndetse no guca iteka ku byo abakurikira ibyo bitabo batavuzeho rumwe, kandi ibi ntibyava ku wundi utari Allah.

Naho ikigamijwe muri iyi mirongo ya Qur'an yose umwanditsi yazanye muri iki cyigwa, ni ugushimangira ko Allah avuga. N'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat Wal Djama-at)* bashimangira ibyo Qur'an yasobanuye ndetse n'imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) by'uko mu biranga Allah ari uko avuga. Ikindi nanone nuko Allah avuga igihe ashakiye, ibyo ashaka, mu buryo ashaka, kandi yahoze avuga ndetse na n'ubu iyo ashatse aravuga.

Kuko Allah yahoze yuzuye kandi na n'ubu aruzuye, no kuvuga biri mu bimuranga byuzuye. Kubera ko yivuzeho ko arangwa nabyo ndetse n'Intumwa ye ivuga ko bimuranga.

## إثبات تنزيل القران من الله تعالى

### Gihamya zishimangira ko Qur'an yamanuwe iturutse kwa Allah.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَهَٰذَا كِتَٰبٌ أَنزَلْنَٰهُ مُبَارَكٌ فَٱتَّبِعُوهُ وَٱتَّقُوا۟ لَعَلَّكُمْ تُرْحَمُونَ ﴿١٥٥﴾ ﴾ الأنعام: ١٥٥

قَالَ تَعَالَى: ﴿ لَوْ أَنزَلْنَا هَٰذَا ٱلْقُرْءَانَ عَلَىٰ جَبَلٍ لَّرَأَيْتَهُۥ خَٰشِعًا مُّتَصَدِّعًا مِّنْ خَشْيَةِ ٱللَّهِ ۚ ... ﴿٢١﴾ ﴾ الحشر: ٢١

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَإِذَا بَدَّلْنَآ ءَايَةً مَّكَانَ ءَايَةٍ ۙ وَٱللَّهُ أَعْلَمُ بِمَا يُنَزِّلُ قَالُوٓا۟ إِنَّمَآ أَنتَ مُفْتَرٍۭ ۚ بَلْ أَكْثَرُهُمْ لَا يَعْلَمُونَ ﴿١٠١﴾ قُلْ نَزَّلَهُۥ رُوحُ ٱلْقُدُسِ مِن رَّبِّكَ بِٱلْحَقِّ لِيُثَبِّتَ ٱلَّذِينَ ءَامَنُوا۟ وَهُدًى وَبُشْرَىٰ لِلْمُسْلِمِينَ ﴿١٠٢﴾ وَلَقَدْ نَعْلَمُ أَنَّهُمْ يَقُولُونَ إِنَّمَا يُعَلِّمُهُۥ بَشَرٌ ۗ لِّسَانُ ٱلَّذِى يُلْحِدُونَ إِلَيْهِ أَعْجَمِىٌّ وَهَٰذَا لِسَانٌ عَرَبِىٌّ مُّبِينٌ ﴿١٠٣﴾ ﴾ النحل: ١٠١ – ١٠٣

Gihamya zishimangira ko Qur'an yamanuwe iturutse kwa Allah ni izi zikurikira:

**Allah aragira ati: "N'iyi (Qur'an) ni igitabo twamanuye cyuje imigisha..." Qur'an 6:155.**

**Allah nanone aragira ati: "Iyo iyi Quran tuza kuyimanura ku musozi, wari kuwubona wibombaritse ndetse ukanasatagurika kubera gutinya Allah...." Qur'an 59:21.**

**Allah nanone aragira ati: “N’iyo dufashe umurongo (wa Qur’ani) tukawusimbuza undi, -kandi Allah azi neza ko ibyo amanura (bigirira inyungu ibiremwa)-, (abahakanyi) baravuga bati "Mu by’ukuri, wowe (Muhamadi) uri umubeshyi (uhimbira Allah ibyo atavuze) ". Nyamara abenshi muri bo ntacyo bazi. Vuga uti (yewe Muhamadi) " Roho mutagatifu [Malayika Jibril (Gaburiheli)] ni we wayimanuye ayikuye kwa Nyagasani wawe ikubiyemo ubutumwa bw’ukuri, kugira ngo ikomeze babandi bemeye, ndetse ibe umuyoboro n’inkuru nziza ku bicisha bugufi (kuri Allah) ". Kandi rwose tuzi ko (ababangikanyamana) bavuga bati " Mu by’ukuri, hari umuntu umwigisha (iyi Qur’an ".Ururimi rw’uwo bitirira (ko amwigisha) ni urunyamahanga, nyamara iyi (Qur’an) iri mu rurimi rw’icyarabu rusobanutse.” Qur’an 15:101-103.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Ubwo umwanditsi yari amaze kugaragaza imirongo ya Qur’an igaragaza ko Allah avuga, kandi ko Qur’an ntagatifu ari amagambo ye, yakurikijeho kugaragaza imirongo ya Qur’an igaragaza ko Qur’an yamanuwe iturutse kwa Allah.

Igice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti: **“N’iyi (Qur’an) ni igitabo twamanuye cyuje imigisha...”** Aha Allah yagaragaje ko uyu murongo ukubiyemo ibintu bibiri: 1. Kuba Qur’an yaramanuwe iturutse kwa Allah, kandi Allah yabanje ibi agamije gusubiza abahakanyi, kuko bahakana ko Qur’an yamanuwe. 2. Kuba Qur’an ari igitabo cyuje imigisha, yaba imigisha iboneka ku isi cyangwa se imigisha y’ibizahesha umuntu ijuru.

Naho igice cy’uyu murongo wa Qur’an kigira kiti: **“Iyo iyi Quran tuza kuyimanura ku musozi, wari kuwubona wibombaritse ndetse ukanasatagurika kubera gutinya Allah....”** Aha Allah arimo kutubwira ubuhambare bwa Qur’an kandi ko byari bikwiye ko imitima y’ibiremwa (abantu n’amajini) iyibombarikaho, kubera ko iyo iza guhishurirwa imisozi n’uburyo ikomeyemo

inashikamye, yari gusobanukirwa iyi Qur'an maze igasatagurika kubera gutinya Imana. None mwe bantu namwe majini, kuki imitima yanyu idatinya Imana ngo inibombarike, kandi mwaramenye amategeko y'Imana mukanayasobanukirwa mukanatekereza ku gitabo cye?

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti**: "N'iyo dufashe umurongo (wa Qur'ani) tukawusimbuza undi…"** Ubu ni bumwe mu buryo Allah yagiye ashyiraho amategeko ye, agashimangira ayo ashatse akanahindura ayo ashatse. Ibi byaje kubera abahakanyi ikigeragezo kuko bashatse guhakana Qur'an babyifashishije, nuko Allah abasubiza ko ibyo iyo abikoze abikorana ubumenyi n'ubushishozi, bitari bikwiye kubabera impamvu yo guhakana. Ibi mu bumenyi bwa Qur'an byitwa (*A-Nasikh wal Man'sukh*). Ibi kandi bishimangirwa n'undi murongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ۞ مَا نَنسَخۡ مِنۡ ءَايَةٍ أَوۡ نُنسِهَا نَأۡتِ بِخَيۡرٖ مِّنۡهَآ أَوۡ مِثۡلِهَآۗ أَلَمۡ تَعۡلَمۡ أَنَّ ٱللَّهَ عَلَىٰ كُلِّ شَيۡءٖ قَدِيرٌ ١٠٦ ﴾ البقرة: ١٠٦

*"Ntidusimbuza ayat (umurongo) cyangwa ngo tuyibagize (tuyikuremo burundu), ahubwo tuzana inziza (kuri mwe) kuyirusha cyangwa ihwanye na yo. Ese ntuzi ko Allah ari Ushobora byose?"*[1]

Naho iki gice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: "**Kandi Allah azi neza ko ibyo ahishura (bigirira inyungu ibiremwa)…"** Aha Allah ari kuvuga ku bemera bamwemera badafite ugushidikanya kuri we, "**(abahakanyi) baravuga bati "Mu by'ukuri, wowe (Muhamadi) uri umubeshyi (uhimbira Allah ibyo atavuze) Nyamara abenshi muri bo ntacyo bazi."** Abahakanyi bavugwa aha ni abo mu bwoko bw'aba Qurayishi batari basobanukiwe ubugenge n'ubushishozi biri mu kuba Allah ashobora guhindura

[1] Qur'an 2:106

itegeko runaka, maze akarisimbuza irindi, nuko bibaviramo gushinja Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ko Imana iyitegeka ibintu runaka yo ikabihindura, ariko aha Allah yashimangiye ko ubumenyi bwabo bwari buke, maze agaragaza ko Intumwa y'Imana itakora ikosa ryo guhindura ibyo Imana iyibwiye.

**Vuga uti (yewe Muhamadi) " Roho mutagatifu [Malayika Jibril (Gaburiheli)] ni we wayimanuye ayikuye kwa Nyagasani wawe ikubiyemo ubutumwa bw'ukuri, kugira ngo ikomeze babandi bemeye, ndetse ibe umuyoboro n'inkuru nziza ku bicisha bugufi (kuri Allah) "** Aha Allah yakomeje gushimangira ko bitashoboka ko Intumwa yayo yahindura ibyo yamanuriwe kuko byamanuwe na Malayika w'umwizerwa abikuye kwa Allah. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ نَزَلَ بِهِ ٱلرُّوحُ ٱلْأَمِينُ ﴿١٩٣﴾ عَلَىٰ قَلْبِكَ لِتَكُونَ مِنَ ٱلْمُنذِرِينَ ﴿١٩٤﴾ بِلِسَانٍ عَرَبِيٍّ مُّبِينٍ ﴿١٩٥﴾ وَإِنَّهُۥ
لَفِى زُبُرِ ٱلْأَوَّلِينَ ﴿١٩٦﴾ ﴾ الشعراء: ١٩٣ – ١٩٦

*"Yamanuwe na Roho w'umwizerwa [Malayika Jibrilu (Gaburiheli) Ku mutima wawe (yewe Muhamadi) kugira ngo ube umwe mu baburira, (Ayimanura iri) mu rurimi rw'Icyarabu gisobanutse. Kandi mu by'ukuri, yo (Qur'an) yavuzwe no mu bitabo (by'intumwa) zo hambere."* [1]

Allah nanone yongeye gusubiza abahakanyi ku rundi rujijo bari bateje bavuga ko uwigisha Intumwa y'Imana Muhamad Qur'an ko ari umuntu nk'abandi ko atari umumalayika, kandi ko uwo muntu umwigisha yari yarize Tawurat n'ibindi bitabo by'abanyamahanga, kandi ko Muhamad ari umuntu utarigeze yiga bitashoboka ko avuga inkuru z'abatubanjirije, nuko Allah abasubiza agira ati:

---

[1] Qur'an 26:193-196

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ لِّسَانُ ٱلَّذِى يُلْحِدُونَ إِلَيْهِ أَعْجَمِىٌّ وَهَٰذَا لِسَانٌ عَرَبِىٌّ مُّبِينٌ ﴿١٠٣﴾ ﴾ النحل: ١٠٣

**“...Ururimi rw’uwo bitirira (ko amwigisha) ni urunyamahanga, nyamara iyi (Qur’an) iri mu rurimi rw’icyarabu rusobanutse.”** Allah abereka yuko iyi Qur’an ifite ubuhanga butomoye mu rulimi rw’icyarabu. None ni gute bavuga ko yigishijwe n’umuntu w’umunyamahanga kandi bo barananiwe kumuhinyuza bakoresheje icyarabu cyangwa ngo bazane umurongo nibura umwe umeze nk’iyo yavuze kandi bo bavuga ko ari intyoza mu kuvuga icyarabu?

## إثبات رؤية المؤمنين لربهم يوم القيامة

### Gihamya zishimangira ko ku munsi w’imperuka abemeramana bazareba Umuremyi wabo (Allah) imbonankubone.

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وُجُوهٌ يَوْمَئِذٍ نَّاضِرَةٌ ﴿٢٢﴾ إِلَىٰ رَبِّهَا نَاظِرَةٌ ﴿٢٣﴾ ﴾ القيامة: ٢٢ - ٢٣

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ عَلَى ٱلْأَرَآئِكِ يَنظُرُونَ ﴿٣٥﴾ ﴾ المطففين: ٣٥

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ۞ لِّلَّذِينَ أَحْسَنُوا۟ ٱلْحُسْنَىٰ وَزِيَادَةٌ ... ﴿٢٦﴾ ﴾ يونس: ٢٦

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ لَهُم مَّا يَشَآءُونَ فِيهَا وَلَدَيْنَا مَزِيدٌ ﴿٣٥﴾ ﴾ ق: ٣٥

وَهَذَا الْبَابُ فِي كِتَابِ اللهِ كَثِيرٌ، مَنْ تَدَبَّرَ الْقُرْآنَ طَالِبًا لِلْهُدَى مِنْهُ؛ تَبَيَّنَ لَهُ طَرِيقُ الْحَقِّ.

Gihamya zishimangira ko ku munsi w’imperuka abemeramana bazareba Umuremyi wabo (Allah) imbonankubone zikubiye muri iyi mirongo ikurikira:

**Allah aragira ati: “Kuri uwo munsi, uburanga (bw’abemeramana) buzaba burabagirana. Bureba Nyagasani wabwo.” Qur’an 75:22-23.**

**Allah nanone aragira ati: (Kuri uwo munsi abemeramana bazaba) “Bicaye ku bitanda byiza, bitegereza (ibyiza bagororewe harimo no kwitegereza Nyagasani wabo Allah).” Qur’an 83:23.**

**Allah nanone aragira ati: “Abakoze neza bazagororerwa ibyiza (Ijuru) ndetse bazanagira akarusho (ko kubona uburanga bwa Allah)....” Qur’an 10:26.**

**Allah nanone aragira ati: “Bazabonamo ibyo bifuza byose, kandi tuzabaha n’inyongera (yo kubona Allah imbona nkubone).” Qur’an 50:35.**

N’uyu muryango ukubiyemo gihamya zigisha ibijyanye n’amazina ya Allah n’ibisingizo ndetse n’ibigwi bye byagaragaye mu mirongo myinshi ya Qur’an. Bityo uzasoma Qur’an ayitekerezaho anayishakamo umuyoboro, inzira y’ukuri izamugaragarira.

*Ibisobanuro mu buryo burambuye*

Uyu murongo wa Qur’an ugira uti: **“Kuri uwo munsi, uburanga (bw’abemeramana) buzaba burabagirana. Bureba Nyagasani wabwo.”** Umunsi uvugwa aha ni umunsi w’imperuka. Uburanga bw’abemeramana buzaba bureba Nyagasani wabwo nkuko bishimangirwa na Hadithi nyinshi z’impamo, nkuko nanone byahurijweho n’abasangirangendo b’Intumwa y’Imana n’ababakurikiye mu gukora ibyiza ndetse n’abayisilamu muri rusange.

Ikigamijwe muri uyu murongo wa Qur’an ni ugushimangira ko ku munsi w’imperuka abemeramana bazareba Nyagasani wabo imbonankubone.

Naho uyu murongo wa Qur'an ugira uti: **"(Kuri uwo munsi abemeramana bazaba) bicaye ku bitanda byiza, bitegereza (ibyiza bagororewe harimo no kwitegereza Nyagasani wabo Allah)."** Uyu murongo nawo ni kimwe nk'uwawubanjirije ushimangira ko abemeramana bazareba Nyagasani wabo. Naho abahakanyi bo ntibazamubona nkuko byabanje mu mirongo ya Qur'an yabanjirije iyi, nk'aho Allah yavuze ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ كَلَّآ إِنَّهُمۡ عَن رَّبِّهِمۡ يَوۡمَئِذٖ لَّمَحۡجُوبُونَ ١٥ ﴾ المطففين: ١٥

"*Oya! Mu by'ukuri, kuri uwo munsi bazabuzwa kureba Nyagasani wabo.*" [1]

Ikigamijwe muri uyu murongo wa Qur'an ni ugushimangira ko ku munsi w'imperuka abemeramana bazareba Nyagasani wabo.

Naho igice cy'uyu murongo wa Qur'an kigira kiti: **"Abakoze neza bazagororerwa ibyiza (Ijuru) ndetse bazanagira akarusho (ko kubona uburanga bwa Allah)...."** Abakoze neza bagambiriwe aha ni abashyize mu bikorwa ibyo Imana yabategetse, bakagendera kure n'ibyo yababujije, bazagororerwa ibyiza. Abamenyi basobanura ko ibyiza bigamijwe aha ari ingororano nziza. Abandi bakavuga ko ikigamijwe ari ijuru.

Naho ijambo **Ndetse bazanagira akarusho,** akarusho kavugwa aha ni ukureba uburanga butagatifu bwa Allah. Nkuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabisobanuye muri Hadithi iboneka mu gitabo cya Muslim ndetse n'ibindi bitabo. Nkuko nanone byanasobanuwe n'abatubanjirije mu kwemera. Uyu murongo nawo ukaba ushimangira ko ku munsi w'imperuka abemeramana bazabona Nyagasani wabo.

---

[1] Qur'an 83:15.

Naho uyu murongo wa Qur'an ugira uti**: "Bazabonamo ibyo bifuza byose, kandi tuzabaha n'inyongera (yo kubona Allah imbona nkubone)."** Abavugwa aha bazabona ibyo bifuza ni abemeramana igihe bazaba bari mu ijuru, bazabona ibyo umutima wabo uzifuza byose. **Naho inyongera ivugwa aha,** ni ukureba uburanga butagatifu bwa Allah.

Ikigamijwe muri iyi mirongo ya Qur'an mitagatifu ni ugushimangira ko ku munsi w'imperuka abemeramana bazareba Nyagasani wabo, kandi ko ari nayo ngororano isumba izindi bazaba babonye.

Ibi ni nako abasangirangendo b'Intumwa y'Imana n'ababakurikiye ndetse n'abamenyi b'abayisilamu babyemera, bitandukanye nuko udutsiko tw'abitwa *A-Rawafidwa* na *Al Djahmiyat* ndetse na *Al Mu-utazilat* babyemera, kuko bo bahakana ko abemeramana bazabona Imana. Iyi myemerere yabo ikaba ihabanye n'igitabo cya Qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana ndetse n'ibyo abatubanjirije mu kwemera bemeranyijweho.

Babihakana bashingiye ku rujijo bagize bakanarutera mu bantu, ndetse na zimwe mu mpamvu batanga zidahwitse ni izi zikurikira:

1 Bavuga ko gushimangira ko abemeramana bazareba Imana, bisobanuye ko baba basobanuye ko Allah ari mu cyerekezo runaka, kandi aramutse ari mu cyerekezo runaka byaba bisobanuye ko Allah afite umubiri kandi Allah aratagatifutse kuri ibyo.

Igisubizo cy'iyi mvugo yabo, turababwira tuti: Ijambo icyerekezo ni ijambo ryavuzwe mu buryo bwa rusange. Niba bavuga icyerekezo bagambiriye kuvuga ko Allah ari muri bimwe mu biremwa bye, ibi ntabwo ari ukuri, ndetse na gihamya za Qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana zirabivuguruza, kandi nta n'ubwo bivuze ko gushimangira ko abemeramana bazareba Allah baba bavuze ko hari ibiremwa arimo. Naho niba ikigamijwe mu ijambo

icyerekezo ari ukuvuga ko Allah ari hejuru y'ibiremwa bye byose, ibi ni nako bimeze, no kubihakana ntibyemewe ndetse ntibinahabanye no kuba ku munsi w'imperuka abemeramana bazareba Allah.

2-Bitwajwe gihamya iboneka muri Qur'an aho Allah yabwiye Intumwa Mussa agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ... قَالَ لَن تَرَىٰنِي ... ﴾ الأعراف: ١٤٣

*"....(Allah) aramubwira ati "Ntushobora kumbona (ku isi)..."* [1]

Turabasubiza tubabwira tuti: Uyu murongo wa Qur'an wahakanaga ko Mussa adashobora kubona Imana ku isi, ariko ntuhakana ko ku munsi w'imperuka abemeramana batazayibona, nkuko byaje bishimangirwa n'indi mirongo ya Qur'an na Hadithi z'Intumwa y'Imana zitandukanye. Ikindi nuko Musa yasabye Imana kuyibona ako kanya ku isi atigeze ayisaba kuzayibona ku munsi w'imperuka, niyo mpamvu Allah yamusubije amubwira ko adashobora kumubona ku isi. Ikindi nanone nuko uko abantu bameze ku isi atari ko bazaba bameze ku munsi w'imperuka.

3-Banitwaje nanone gihamya muri Qur'an igira iti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ لَّا تُدْرِكُهُ ٱلْأَبْصَـٰرُ.... ﴾ الأنعام: ١٠٣

*"Amaso ntashobora kumubona (ngo amuheture), ..."* [2]

Turabasubiza tubabwira tuti: Uyu murongo wa Qur'an waje uhakana ko abantu badashobora kureba Imana ngo bayiheture. Bityo rero abameramana bazareba Imana ku munsi w'imperuka

---

[1] Qur'an 7:143
[2] Qur'an 6:103

ariko ntibazayihetura. Naho uyu murongo kuba warahakanye ko ntawe uzahetura Imana, bihita byumvikana ko bazayireba!

Naho imvugo y’umwanditsi igira iti: **N’uyu muryango ukubiyemo gihamya zigisha ibijyanye n’amazina ya Allah n’ibisingizo ndetse n’ibigwi bye byagaragaye mu mirongo myinshi ya Qur’an.** Umwanditsi ntiyazivuze zose ahubwo yazanye zimwe muri zo.

Naho imvugo ye agira ati: **Bityo uzasoma Qur’an ayitekerezaho anayishakamo umuyoboro, inzira y’ukuri izamugaragarira.** Bisobanuye ngo gutekereza kuri Qur’an niyo ntego nyamukuru ikenewe k’uwo ari we wese uri gusoma Qur’an. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ كِتَٰبٌ أَنزَلۡنَٰهُ إِلَيۡكَ مُبَٰرَكٞ لِّيَدَّبَّرُوٓاْ ءَايَٰتِهِۦ وَلِيَتَذَكَّرَ أُوْلُواْ ٱلۡأَلۡبَٰبِ ٢٩ ﴾ ص: ٢٩

*"Iki ni igitabo cyuje imigisha twaguhishuriye (yewe Muhamadi), kugira ngo (abantu) batekereze ku mirongo yacyo ndetse no kugira ngo abanyabwenge bibuke."* [1]

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ أَفَلَا يَتَدَبَّرُونَ ٱلۡقُرۡءَانَ أَمۡ عَلَىٰ قُلُوبٍ أَقۡفَالُهَآ ٢٤ ﴾ محمد: ٢٤

*“Ese ntibatekereza kuri Qur’an, cyangwa imitima yabo iradanangiye (ntibasha kumva ukuri)?"* [2]

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ أَفَلَمۡ يَدَّبَّرُواْ ٱلۡقَوۡلَ ... ٦٨ ﴾ المؤمنون: ٦٨

*“Ese ntibatekereza ku magambo (ya Qur’an)!?...”* [3]

---

1 Qur’an 38:29.
2 Qur’an 47:24.
3 Qur’an 23:68.

# القسم الثاني:

# الإِسْتِدِلاَلُ عَلَى إِثْبَاتِ أَسْماءِ اللّٰهِ وَ صِفَاتِهِ مِنَ السُنَّةِ

## IGICE CYA KABIRI:

## GIHAMYA ZIGARAGAZA AMAZINA Y'IMANA IBISINGIZO, IBIGWI N'IBIRANGA ALLAH MU MVUGO Z'INTUMWA Y'IMANA (IMANA IYIHE AMAHORO N'IMIGISHA).

فصل: ثم في سنة رسول الله ﷺ. فَالسُّنَّةُ تُفَسِّرُ الْقُرآنَ، وتُبَيِّنُهُ، وتَدُلُّ عَلَيْهِ، وتُعَبِّرُ عَنْهُ، وَمَا وَصَفَ الرَّسُولُ بِهِ رَبَّهُ عَزَّ وَجَلَّ مِنَ الأَحَادِيثِ الصِّحَاحِ الَّتِي تَلَقَّاهَا أَهْلُ الْمَعْرِفَةِ بِالْقَبُولِ؛ وَجَبَ الإيمَانُ بِهَا كَذَلِكَ.

**Icyigwa kigaragaza amazina ya Allah n'ibisingizo ndetse n'ibigwi bye mu mvugo z'Intumwa y'Imana. Bityo imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nizo zisobanura Qur'an, zikanagaragaza icyo Qur'an iba ishaka kuvuga, zikanerekana icyo iba ishaka kwerekana, zikanahuza n'icyo Qur'an iba yavuze. Kandi ibyo Intumwa iba yaravuze ku muremyi wayo mu mvugo z'impamo abamenyi baba baremeranyijweho, biba ari itegeko kuzemera.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Ubwo umwanditsi w'igitabo yari amaze kugaragaza gihamya za Qur'an, yakurikijeho gihamya za Hadithi. Ibi bikaba ari nako abatubanjirije mu kwemera babigenzaga iyo babaga bari kwandika ibitabo babanzaga kuvuga gihamya za Qur'an ziboneka mu cyigwa runaka, hanyuma bakazikurikiza iz'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) zihuye n'izo za Qur'an.

Kuvuga **imvugo z'Intumwa y'Imana** iki ni icyungo umwanditsi yarazanye yunga ku byo yari amaze kuvuga agaragaza ibyo Imana yivuzeho ko biyiranga mu bisingizo byayo n'ibigwi byayo biboneka mu ma Surat ya Qur'an atandukanye harimo na *Surat Ikhilasw*. Bisobanuye ko mu bigaragaza ibyo bisingizo n'ibyo bigwi harimo imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) z'impamo, kuko izo mvugo niwo musingi wa kabiri umuyisilamu agarukaho nyuma ya Qur'an, Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... فَإِن تَنَٰزَعۡتُمۡ فِي شَيۡءٖ فَرُدُّوهُ إِلَى ٱللَّهِ وَٱلرَّسُولِ ... ﴾ النساء: ٥٩

*"Nimuramuka mugize icyo mutavugaho rumwe, mujye mugisubiza kwa Allah no ku Ntumwa (Qur'an na Suna)."*[1]

Kugisubiza kwa Allah ni ugusubira kuri Qur'an naho gusubira ku Ntumwa ye yaramaze gupfa ni ugusubira ku mvugo zayo n'imigenzo yayo (*Sunat*) iribyo bisobanuye icyo Intumwa y'Imana yavuze cyangwa ikagikora cyangwa ikabona abasangirangendo bayo bagikora ntikibabuze. Ndetse hari na bamwe mu bamenyi babona ko Hadith iyo ari impamo iba iri ku rwego rumwe n'urwa Qur'an, Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَأَنزَلَ ٱللَّهُ عَلَيۡكَ ٱلۡكِتَٰبَ وَٱلۡحِكۡمَةَ ﴾ النساء: ١١٣

*"Allah yakumanuriye igitabo (Qur'an) n'ubushishozi (Sunat)"*[2]

Bikanashimangirwa na Hadith yakiriwe na Ahmad mu gitabo cye (Mus'nad) yaturutse kwa Miqdad Ibun Maadiy Kardi Al Kin'diy Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عَنِ الْمِقْدَامِ بْنِ مَعْدِيْ كَرِبَ الْكِنْدِيِّ قَالَ، قَالَ رَسُوْلُ اللهِ ﷺ، أَلَا إِنِّيْ أُوْتِيْتُ الْكِتَابَ وَمِثْلَهُ مَعَهُ، أَلَا إِنِّيْ أُوْتِيْتُ الْقُرْآنَ وَمِثْلَهُ مَعَهُ...

"Mu byukuri njyewe nahawe Qur'an hamwe n'ikimeze nkayo (Sunat)...."

Naho kuba izo Sunat arizo **zisobanura Qur'an** bishimangirwa n'umurongo wa Qur'an aho Allah agira ati:

---

[1] Qur'an 4:59
[2] Qur'an 4:113

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَأَنزَلۡنَآ إِلَيۡكَ ٱلذِّكۡرَ لِتُبَيِّنَ لِلنَّاسِ مَا نُزِّلَ إِلَيۡهِمۡ وَلَعَلَّهُمۡ يَتَفَكَّرُونَ ٤٤ ﴾ النحل: ٤٤

*"Twanakumanuriye (yewe Muhamadi) urwibutso (Qur'an), kugira ngo usobanurire abantu ibyo bamanuriwe, no kugira ngo batekereze."*[1]

Zimwe mu ngero twatanga z'aho Hadith yasobanuye imirongo ya Qur'an ni aha hakurikira:

1. Muri Surat Yunus aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ۞ لِّلَّذِينَ أَحۡسَنُواْ ٱلۡحُسۡنَىٰ وَزِيَادَةٞۖ ٢٦ ﴾ يونس: ٢٦

*"Abagize neza bazagororerwa ibyiza (Ijuru), ndetse n' akarusho"*[2] akarusho kavugwa aha Hadith y'Intumway'Imana yaje isobanuro ko ari ukuzareba uburanga bwa Allah.

2. Muri Surat Is'ra aho Allah yategekaga guhozaho amasengesho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ أَقِمِ ٱلصَّلَوٰةَ لِدُلُوكِ ٱلشَّمۡسِ إِلَىٰ غَسَقِ ٱلَّيۡلِ ٧٨ ﴾ الإسراء: ٧٨

*"Ujye uhozaho amasengesho kuva izuba rirenze mu kirere hagati, kugeza mu mwijima w'ijoro..."* [3].

Ibihe by'aya masengeho byasobanuwe n'imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), zigaragaza ko igihe cyo kuva izuba rirenze mu kirere hagati aricyo gihe cy'isengesho rya Adhuhuri n'irya Al'aswiri. Naho igice cy'umurongo wa Qur'an kigira kiti: ***kugeza mu mwijima w'ijoro,*** kikaba ari cyo gihe cy'isengesho rya Magharibi n'irya Al isha-u.

---

[1] Qur'an 16: 44
[2] Qur'an 10:26
[3] Qur'an 17:78

Umuyisilamu rero aba ategetswe kugendera kuri Hadithi nkuko agendera kuri Qur'an. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَا يَنطِقُ عَنِ ٱلۡهَوَىٰٓ ۝٣ إِنۡ هُوَ إِلَّا وَحۡيٞ يُوحَىٰ ۝٤ ﴾ النجم: ٣ - ٤

*"Nta n'ubwo (Muhamad) avuga ashingiye ku marangamutima ye. Ahubwo (ibyo avuga) ni ibyo ahishuririrwa (na Allah)."*[1]

## ثبوت النزول الإلهي إلى سماء الدنيا على ما يليق بجلال الله

### Gihamya zishimangira ukumanuka kwa Allah ku kirere cy'isi bijyanye n'ubuhambare bwe.

فَمِنْ ذَلِكَ: مِثْلُ قَوْلِهِ ﷺ : "يَنْزِلُ رَبُّنَا إِلَى السَّمَاءِ الدُّنْيَا كُلَّ لَيْلَةٍ حِينَ يَبْقَى ثُلُثُ اللَّيْلِ الآخِرِ، فَيَقُولُ: مَنْ يَدْعُونِي فَأَسْتَجِيبَ لَهُ؟ مَنْ يَسْأَلُنِي فَأُعْطِيَهُ، مَنْ يَسْتَغْفِرُنِي فَأَغْفِرَ لَهُ؟". مُتَّفَقٌ عَلَيْهِ.

**Muri zo harimo imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Umuremyi wacu amanuka ku kirere cy'isi buri ijoro, iyo hasigaye kimwe cya gatatu cya nyuma cy'ijoro maze akavuga ati: Ninde umpamagara ngo mwitabe? Ninde uri kunsaba ngo muhe? Ninde uri kunsaba imbabazi ngo mubabarire?" Yemeranyijweho na Bukhari na Muslimu.**

[1] Qur'an 53: 3-4

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Kuvuga ngo **Umuremyi wacu aramanuka,** uku ni ukumanuka kwa nyako kujyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe. Turabyemera kandi nta n'ubwo tubisanisha n'ukumanuka kw'ibiremwa, kubera ko Allah yagaragaje ko ntacyo asa nacyo. Icyari kigamijwe muri iyi Hadith byari ukwemeza ukumanuka kwa Allah kandi ibyo biri mu bigwi bye bigaragarira mu bikorwa bye. Ikindi nuko muri iyi Hadith hagaragaramo ko Allah ari hejuru, kuko kumanuka bibaho ari uko ikintu kivuye hejuru kijya hasi. Ikindi nuko muri iyi Hadith harimo gusubiza k'abitwa *Al Dajah'miyat na Al Mu-utazilat* bavuga ko icyo iyi Hadith iba ivuga ari ukumanuka kw'impuhwe z'Imana cyangwa amategeko yayo, kuko ubusanzwe ijambo risobanurwa hashingiwe ku mwimerere waryo ntacyo rihinduweho. Ikindi nuko kumanuka kw'amategeko ye n'impuhwe ze bihoraho, ntabwo ari umwihariko ko bimanuka mu gice cya nyuma cy'ijoro.

Ikindi nuko kuba Allah avuga ati: **Ninde uri kumpamagara ngo mwitabe,** ntabwo bijya mu bwenge ko impuhwe cyangwa amategeko ari byo byavuga aya magambo.

Ikindi nuko muri iyi Hadith ishimangira ko Allah avuga, yumva, agira ubuntu, asubiza, ababarira, ndetse akaba ari na hafi y'abagaragu be. Kandi ibi byose bikaba biri mu bigwi bye bigaragarira mu bikorwa bye.

Ikindi kandi iyi Hadithi k'abitwa Al Djah'miyat n'abandi nkabo bavuga ko Allah ari ahantu hose. Iyo biza kuba bimeze gutyo, ntabwo Intumwa y'Imana yari kuvuga ngo; aramanuka.

## إثبات أن الله يفرح ويضحك

### Gihamya zishimangira ko Allah yishima ndetse akanaseka bijyanye n'ubuhambare bwe.

وَقَوْلُهُ ﷺ : "لَلَّهُ أَشَدُّ فَرَحًا بِتَوْبَةِ عَبْدِهِ الْمُؤْمِنِ التَّائِبِ مِنْ أَحَدِكُمْ بِرَاحِلَتِهِ". مُتَّفَقٌ عَلَيْهِ.

وَقَوْلُهُ: ﷺ : "يَضْحَكُ اللهُ إِلَى رَجُلَيْنِ يَقْتُلُ أَحَدُهُمَا الآخَرَ؛ كِلاهُمَا يَدْخُلُ الْجَنَّةَ". مُتَّفَقٌ عَلَيْهِ.

**Bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Allah yishimira cyane ukwicuza kw'umugaragu we w'umwemera iyo yicujije, kurusha ukwishima umwe muri mwe agira iyo abonye ingamiya ye (igihe yari yayibuze ari ku rugendo)." Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim.**

**N'indi mvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Allah araseka kubera abagabo babiri, umwe muri bo yica mugenzi we nyamara bombi bakazinjira mu ijuru." Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim.**

<u>*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*</u>

Umwanditsi yashimangiye ibi bisingizo bibiri bya Allah aribyo **kwishima no guseka** akoresheje imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha). Ku bijyanye n'igisingizo cya mbere cyo **kwishima** yagaragaje Hadithi igaragaramo bimwe mu bikorwa umugaragu ashobora gukora bigashimisha Allah nko kwicuza ibyaha.

Ikindi twakwibutsa nuko uku kwishima kwa Allah bigendanye n'ubuhambare bwe bitagereranywa no kwishima kw'ibiremwa bye, nkuko tubivuga no ku bindi bisingizo byose.

Ikindi nuko uku kwishima kugendana n'ineza ya Allah no korohera abagaragu be, ntabwo ari ukwishima kuba kugendanye nuko Allah akeneye ukwicuza ku mugaragu we, kuko Allah Nyiricyubahiro ntacyo bimumariye kuba umugaragu yakiranuka akaganduka, nta n'icyo byamutwara kuba umugaragu yakwigomeka akaba umunyabyaha.

Ikindi gisingizo cya Allah umwanditsi yagaragaje ni **uguseka**, nuko agaragaza urugero rwa bimwe mu bikorwa umugaragu ashobora gukora bigatuma Allah aseka. Avuga Hadithi y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) aho yavugaga ku bagabo babiri, umwe yarwanaga aharanira inzira ya Allah (Djihad) nuko aza kugwa ku rugamba, maze Allah aza kwakira ukwicuza k'uwamwishe igihe yari umuhakanyi nyuma aza kuba umuyisilamu aza kuzitabira urugamba arugwaho bombi Allah akazabinjiza mu ijuru."

Ibi byose biri mu neza n'impuhwe zuzuye za Allah Nyiricyubahiro, kuba ashobora kuyobora umuntu nyuma yuko uwo muntu akoze icyaha gihambaye nko kwica umwe mu bakunzi ba Allah nyuma akamuha amahirwe yo kwicuza akanamuha n'ijuru. Iki kiba ari igikorwa gitangaje kandi akenshi guseka bikunda kuba biturutse ku kintu gitangaje. Ikindi twakwibutsa nuko uku guseka kuvugwa kuri Allah tugomba ku kwemera tukemera ko ari kimwe mu bimuranga kigaragarira mu bikorwa bye akaba abikora bigendanye n'ubuhambare bwe kandi ko bidasa no guseka kw'ibiremwa bye. Ikindi nuko iyi Hadithi isubiza abagoreka igisobanuro cyayo bavuga ko igisobanuro cyo kwishima cyivugwa muri iyi Hadithi ari uguhemba no gutanga ingororano, ariko tubasubiza tubabwira ko kwishima kwa Allah kuvugwa muri iyi

Hadithi ari ukwishima kwa nyako bijyanye n'icyubahiro cye ntaho bihuriye n'iby'ibiremwa.

## إثبات أن الله يعجب ويضحك

### Gihamya zishimangira ko Allah atangara ndetse akanaseka bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe.

وَقَوْلُهُ: "عَجِبَ رَبُّنَا مِنْ قُنُوطِ عِبَادِهِ وَقُرْب غِيَرِهِ، يَنْظُرُ إِلَيْكُمْ أَزَلِينَ قَنِطِينَ، فَيَظَلُّ يَضْحَكُ يَعْلَمُ أَنَّ فَرَجَكُمْ قَرِيبٌ". حَدِيثٌ حَسَنٌ.

**Bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Nyagasani wacu (Allah) atangarira abagaragu be iyo bihebye (kubera ubuzima buba bwabakomereye), n'uburyo we yihutisha kubahindurira ubwo ubuzima (abworoshya) akabareba mwashobewe mwihebye, akagumya guseka azi neza ko mu by'ukuri ugutabarwa kwanyu kuri bugufi." Ni Hadithi nziza yakiriwe na Imam Ahmad n'abandi.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Ubusanzwe gutangara bibaho kubera impamvu ebyiri:

1 Kuba haba hari ibintu bitangaje bishobora kutagaragarira utangara, noneho akaba yaza kubibona mu buryo butunguranye bikamutangaza. Gusa ibi ntibishobora kubaho kuri Allah kuko Allah azi icyo ari cyo cyose ntacyamwihisha haba ku isi no mu birere.

2 Kuba ikintu cyakorwa mu buryo butandukanye n'uburyo cyakagombye gukorwamo, kikiba cyatangarirwa ariko ntakigabanyutse k'ugitangariye. Ibi ni byo bishobora kugaragara no kuri Allah. Mu byo Allah rero atangarira harimo uburyo abagaragu be bashobora kwiheba kubera ibintu bitandukanye. N'icyari kigamijwe muri iyi Hadithi ni uburyo abantu biheba iyo babonye imvura yaratinze kugwa n'amapfa yariyongereye, ariko Allah we aba ari hafi yo kubahindurira ubwo buzima akabaha imvura, akanabakuriraho ayo mapfa, nuko akareba abantu uburyo baba bahangayitse bikamutangaza. Ikindi twakwibutsa nuko uku gutangara nabyo bigendana n'ubuhambare bwa Allah bidasa no gutangara kw'ibiremwa. Naho ku bijyanye n'igisingizo cyo guseka twari tumaze ku bivugaho ruguru.

Ikindi hadithi ikubiyemo ibisingizo bya Allah bikurikira:

Kuba atangara, kuba afite ubushobizi bwo guhindura ubuzima bw'ibiremwa bye, kuba areba, kuba aseka, kuba afite ubumenyi bwuzuye, ndetse no kuba ari umunyempuhwe. Ibi bisingizo byose byagaragagaye muri iyi Hadithi dutegetswe kubyemera uko biri ntacyo duhinduye.

## إِثْبَاتُ الرِّجْلِ والقَدَمِ لِلّهِ سُبْحَانَهُ

**Gihamya zishimangira ko Allah afite ukuguru n'ikirenge bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe.**

وَقَوْلُهُ ﷺ : "لا تَزَالُ جَهَنَّمُ يُلْقَى فِيهَا وَهِيَ تَقُولُ: هَلْ مِنْ مَزِيدٍ؟ حَتَّى يَضَعَ رَبُّ الْعِزَّةِ فِيهَا رِجْلَهُ [وَفِي رِوَايَةٍ: عَلَيْهَا قَدَمَهُ] فَيَنْزَوِي بَعْضُهَا إِلَى بَعْضٍ، فَتَقُولُ: قَط قَط". مُتَّفَقٌ عَلَيْهِ.

**Bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Djahanamu izagumya kujugunywamu (inkozi z'ibibi) ariko igumye gusaba igira iti: Nta bandi ngo munyongere? Kugeza ubwo Imana nyiricyubahiro izashyira ukuguru kwayo muri Djihanamu. [No mu yindi mvugo; kugeza ubwo Imana nyiricyubahiro izayishyiraho ikirenge cyayo] nuko Djahanamu yegerane ivuge iti: Aba barampagije barampagije!" Yemeranyijweho na Bukhari na Muslimu.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

**Djahanam:** Ni rimwe mu mazina agize umuriro. Abamenyi bavuga ko yiswe kuriya kubere ko indiba yayo iri kure mu bujyakuzimu. Abandi bakavuga ko yiswe kuriya kubera umwijima ukabije wayo. Ku munsi w'imperuka inkozi z'ibibi zizagumya kujugunywa muri Djahanamu nayo igumye gusaba ko yongerarwa izindi. Ibi binashimangirwa n'imirongo ya Qur'an nkaho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ يَوۡمَ نَقُولُ لِجَهَنَّمَ هَلِ ٱمۡتَلَأۡتِ وَتَقُولُ هَلۡ مِن مَّزِيدٖ ٣٠ ﴾ ق: ٣٠

"*Zirikana umunsi tuzabwira umuriro wa Jahanamu tuti: "Ese wuzuye?" Maze uvuge uti: "Ese hari inyongera (y'abandi ngo mubampe)?*"[1]

Ibi izabivuga kubera ubugari bwayo, ikindi kandi nuko Allah yayisezeranyije ko azayuzuza inkozi z'ibibi. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿وَلَوۡ شِئۡنَا لَأٓتَيۡنَا كُلَّ نَفۡسٍ هُدَىٰهَا وَلَٰكِنۡ حَقَّ ٱلۡقَوۡلُ مِنِّي لَأَمۡلَأَنَّ جَهَنَّمَ مِنَ ٱلۡجِنَّةِ وَٱلنَّاسِ أَجۡمَعِينَ ١٣﴾ السجدة: ١٣

"*N'iyo tuza kubishaka twari guha buri wese kuyoboka kwe, ariko ijambo (ry'ibihano) rinturutseho ni impamo, ko rwose nzuzuza*

[1] Qur'an 50:30

*umuriro wa Jahanamu amajini n'abantu bose hamwe (binkozi z'ibibi).*[1]"

Ubwo rero bimaze kugaragara ko Djahanamu ari ngari, kandi Allah akaba yarayemereye kuzayuzuza, kandi Allah kubera impuhwe ze zuzuye yiyemeje ko atazahana uwo ari we wese nta cyaha amuhora yujuje isezerano rye, maze ashyire ikirenge cye kuri Djahanamu hanyuma yegerane isigara nta mwanya urimo ubusa maze Djahanamu ivuge iti: "Aba barampagije, aba barampagije!"

Mu byo twunguka, nuko iyi Hadithi ari gihamya igaragaza ko Allah afite ukuguru ndetse akanagira ikirenge bya nyabyo bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe ariko bitameze nk'iby'ibiremwa. Ku biremwa ibi byitwa kugira ingingo ariko kuri Allah ntabwo byitwa kugira ingingo kubera ko we wese ni umwe wuzuye utagizwe n'ibice. Ikindi kandi ibi bikaba ari bimwe mu bimuranga nk'uburanga n'amaboko n'ibindi. Allah niwe mumenyi uhebuje.

Ikindi twakwibutsa  nuko abagize agitsiko katemera ibisingizo by'Imana (*Al Mu-atwilat*) batsimbaraye mu gusobanura iyi Hadith nabi, basobanura ko ikirenge kivugwa muri iyi Hadith ari ubwoko runaka bw'ibiremwa, ko n'ukuguru ari itsinda runaka ry'abantu. Ariko igisubizo twabaha, nuko Hadithi ivuga ko Allah azashyira [ikirenge], ntabwo Hadith ivuga ko Allah azajugunya [inkozi z'ibibi], kandi ijambo risobanurwa hashingiwe ku mwimerere waryo hatabayemo kugenekereza ngo risobanurwe mu buryo butari bwo.

---

[1] Qur'an 32:13

## إثبات النداء والصوت والكلام لله تعالى

### Gihamya zishimangira ko Allah ahamagara, agira ijwi, ndetse anavuga bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe.

وَقَوْلُهُ: "يَقُولُ تَعَالَى: يَا آدَمُ! فَيَقُولُ: لَبَّيْكَ وَسَعْدَيْكَ. فَيُنَادِي بِصَوتٍ: إِنَّ اللهَ يَأْمُرُكَ أَنْ تُخْرِجَ مِن ذُرِّيَّتِكَ بَعْثًا إِلَى النَّارِ". مُتَّفقٌ عَلَيْهِ. وَقَوْلُهُ: "مَا مِنْكُمْ مِنْ أَحَدٍ إِلاَّ سَيُكَلِّمُهُ رَبُّهُ وَلَيْسَ بَيْنَهُ وَبَيْنَهُ تَرْجُمَانٌ".

**Bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "(Ku munsi w'imperuka) Allah azavuga ati: Yewe Adamu! Adamu amwitabe agira ati: Ndakwitabye kandi ndakumviye, kandi ndagusaba ubufasha bwo kugumya ku kumvira. Nuko Allah amuhamagare mu ijwi riranguruye agira ati: Mu by'ukuri Allah agutegetse gukura mu rubyaro rwawe abantu bagomba kujya mu muriro." Yemeranyijweho na Bukhari na Muslimu.**

**Bikanashimangirwa nanone n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Nta muntu n'umwe muri mwe usibye ko Umuremyi we (Allah) azamuvugisha, kandi hagati ye na Allah ntihazabaho umusemuzi." Yemeranyijweho na Bukhari na Muslimu.**

*Ibisobonuro mu buryo burambuye:*

Igice cy'iyi mvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kigira kiti: **"Nuko Allah amuhamagare mu ijwi riranguruye agira ati",** iyi n'imwe muri gihamya zigaragaza ko Allah avuga, kandi ko ahamagara ndetse afite n'ijwi bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe. Kandi guhamagara

ntibyabaho hatabayeho ijwi. Ibi bikaba binashimangirwa n'umurongo wa Qur'an aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... وَكَلَّمَ ٱللَّهُ مُوسَىٰ تَكۡلِيمٗا ١٦٤ ﴾ النساء: ١٦٤

"*…Kandi Allah yavugishije Musa mu buryo butaziguye.*[1]"

Ubwo niba yaravugishije Musa, kuvuga ntibyabaho hatabayeho ijwi kandi ryumvwa. Ubwo rero umuyisilamu nyawe agomba kwemeza ibi bisingizo Allah yivuzeho uko biri, akemera ko Allah avuga ndetse anahamagara igihe ashakiye no mu buryo ashaka, ndetse ko Allah ku munsi w'imperuka azanavugisha buri mwemera wese, bitavuze ko ahita abisanisha n'iby'ibiremwa.

Naho igice cy'iyi mvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kigira kiti: **"Allah aragutegetse ngo ukure mu rubyaro rwawe abantu bagomba kujya mu muriro."** Aha Imana yari imutegetse ko agomba gutandakanya hagati y'abantu bagandukiye Imana bagomba kujya mu ijuru n'abagomeye Imana bagomba kujya mu muriro bakawerekezwaho. Ikindi nuko ku munsi w'imperuka Allah azavugisha abemeramana nk'uko Hadith yakurikiyeho ibigaragaza.

Naho igice cy'iyi mvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kigira kiti: "**Nta muntu n'umwe muri mwe usibye ko Umuremyi we (Allah) azamuvugisha, kandi hagati ye na Allah ntihazabaho umusemuzi."** aha Intumwa y'Imana yabwiraga abasangirangendo bayo ariko kubabwira gutya ntabwo bivuze ko ari umwihariko kuri bo gusa, ahubwo ibyo babwirwaga birareba abemeramana bose. Ubwo rero mu biranga Imana nuko ivuga.

Ikindi iyi Hadithi irashimangira ko mu biranga Allah harimo no kuvuga. Kandi iyi Hadithi iranasubiza agatsiko k'abitwa *Al Djah'miyat* na *Al Asha-irat* bahakana ko Allah avuga. Ikindi

[1] Qur'an 4:164

kuvuga nuko biri mu biranga kuzura n'ubutungane, kandi gihamya z'ibyo muri Qur'an no mu mvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni nyinshi kandi zisobanutse.

Ikindi nuko iyi Hadithi igaragaza ko Allah azavugisha abantu bose. Naho abavuga ko Allah atazavugisha abantu bose ahubwo azavugisha abemeramana gusa, batanze gihamya y'umurongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّ ٱلَّذِينَ يَكۡتُمُونَ مَآ أَنزَلَ ٱللَّهُ مِنَ ٱلۡكِتَٰبِ وَيَشۡتَرُونَ بِهِۦ ثَمَنًا قَلِيلًا أُوْلَٰٓئِكَ مَا يَأۡكُلُونَ فِي بُطُونِهِمۡ إِلَّا ٱلنَّارَ وَلَا يُكَلِّمُهُمُ ٱللَّهُ يَوۡمَ ٱلۡقِيَٰمَةِ وَلَا يُزَكِّيهِمۡ وَلَهُمۡ عَذَابٌ أَلِيمٌ ١٧٤ ﴾ البقرة: ١٧٤

*"Mu by'ukuri, babandi bahisha ibyo Allah yamanuye mu bitabo, maze bakabigurana igiciro gito, abo nta kindi barya mu nda zabo usibye umuriro, abo kandi ntabwo Allah azabavugisha nta n'ubwo azabeza, ndetse bazahanishwa ibihano bibabaza."* [1]

Uyu murongo icyo uhakana, nuko Allah ku munsi w'imperuka atazabavugisha amagambo ashimishije, ariko ntuhakana ko Allah azabavugisha ababaza ibibazo.

---

[1] Qur'an 2:174

## إثبات علو الله على خلقه واستوائه على عرشه.

## Gihamya zishimangira ko Allah ari hejuru y'ibiremwa bye akanaba hejuru ya Ar'shi ye.

وَقَوْلُهُ فِي رُقْيَةِ الْمَرِيضِ: "رَبَّنَا اللهَ الَّذِي فِي السَّمَاءِ، تَقَدَّسَ اسْمُكَ، أَمْرُكَ فِي السَّمَاءِ وَالأَرْضِ، كَمَا رَحْمَتُكَ فِي السَّمَاءِ اجْعَلْ رَحْمَتَكَ فِي الأَرْضِ، اغْفِرْ لَنَا حُوبَنَا وَخَطَايَانَا، أَنْتَ رَبُّ الطَّيِّبِينَ، أَنْزِلْ رَحْمَةً مِنْ رَحْمَتِكَ، وَشِفَاءً مِنْ شِفَائِكَ عَلَى هَذَا الْوَجِعِ؛ فَيَبْرَأَ".حَدِيثٌ حَسَنٌ، رَوَاهُ أَبُو دَاوُدَ وَغَيرُهُ،

وَقَوْلُهُ: "أَلاَ تَأْمَنُونِي وَأَنَا أَمِينُ مَنْ فِي السَّمَاءِ". حَدِيثٌ صَحِيحٌ

وَقَوْلُهُ: "وَالْعَرْشُ فَوْقَ الْمَاءِ، وَاللهُ فَوْقَ الْعَرْشِ، وَهُوَ يَعْلَمُ مَا أَنْتُمْ عَلَيْهِ". حَدِيثٌ حَسَنٌ، رَوَاهُ أَبُو دَاوُدَ وَغَيْرُهُ.

وَقَوْلُهُ لُلْجَارِيَةِ: "أَيْنَ اللهُ؟". قَالَتْ: فِي السَّمَاءِ. قَالَ: "مَنْ أَنَا؟". قَالَتْ: أَنْتَ رَسُولُ اللهِ. قَالَ: "أَعْتِقْهَا فَإِنَّهَا مُؤْمِنَةٌ". رَوَاهُ مُسْلِمٌ.

**Bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga ku bijyanye no gusabira umurwayi igira iti: *RABANA LLAHA LADHI FI SAMA-I, TAQADASA IS'MUKA, AM'RUKA FI SAMA-I WAL AR'DWI, KAMA RAH'MATUKA FI SAMA-I, IDJ'AL RAH'MATAKA FIL AR'DWI, IGH'FIR LANA HUUBANA WA KHATWAAYAANAA, AN'TA RABU TWAYIBINA, AN'ZIL RAH'MATAN MIN RAH'MATIKA, WA SHIFA-A MIN SHIFA-IKA ALA HADHAL WADJA-I:* Nyagasani wacu Allah uri hejuru! Izina ryawe (Allah) riratagatifutse,**

**itegeko ryawe niryo ryubahirizwa mu birere no mu isi, nkuko impuhwe zawe wazihundagaje ku biremwa biri mu birere, zihundagaze no ku biremwa biri ku isi. Tubababarire ibyaha byacu n'amakosa yacu, ni wowe Nyagasani w'abagaragu beza, manura impuhwe mu mpuhwe zawe, n'umuti mu miti yawe kuri ubu bubabare. Nuko uwo yasabiraga agakira." Yakiriwe na Abu Daudi n'abandi. Ikaba ari Hadithi nziza.**

**Bikanashimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Ese kuki mutanyizera kandi ndi umwizerwa w'uri hejuru (Allah)?" Ni Hadithi y'impamo. Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim.**

**Binashimangirwa nanone n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Ar'shi iri hejuru y'amazi, Allah akaba ari hejuru ya Ar'shi kandi azi neza ibyo mwe muba mukora." Ni Hadithi nziza. Yakiriwe na Abu Daudi n'abandi.**

**Bikanashimangirwa nanone n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ubwo yabazaga umuja igira iti: "Allah ari he? Arayisubiza ati: Ari hejuru, irongera iramubaza iti: Naho njye ndinde? Arayisubiza ati: Wowe uri Intumwa y'Imana. Intumwa y'Imana iravuga iti: Muhe ubwigenge kubera ko ari umwemeramanakazi." Yakiriwe na Muslim.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Igice cy'iyi mvugo kigira kiti: **Gusabira umurwayi,** biba hifashishijwe kumusomera Qur'an cyangwa ubundi busabe bugaragara mu mvugo z'Intumwa y'Imana, cyangwa ubundi busabe busobanutse. Ikibujijwe ni umuntu gusomera mugenzi we akoresheje amagambo arimo ibangikanyamana cyangwa akifashisha ibikorwa birimo ibangikanyamana.

Naho igice cy'iyi mvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kigira kiti: **"Nyagasani wacu Allah uri hejuru!** Ni ugushimangira ko Allah we ubwe ari hejuru y'icyo ari cyo cyose, bitandukanye n'abavuga ko Allah we ubwe ari ahantu hose. Ibyo byaba birimo kumutesha agaciro. Bikaba binashimangirwa n'imirongo itandukanye twagiye tubona mu gice cya mbere cyabanje cy'imirongo ya Qur'an.

Naho igice cy'iyi mvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) kigira kiti: **Izina ryawe (Allah) riratagatifutse"** bisobanuye ko amazina ya Allah uko yakabaye ari matagatifu kandi ko azira inenge, ubwo buri izina rye ryinjira muri iyi nteruro.

Naho ijambo **itegeko ryawe niryo ryubahirizwa mu birere no mu isi,** itegeko rigamijwe aha ni itegeko rya kamere Allah yashyiriyeho ibiremwa bye, rigendana n'igeno yabigeneye (*Am'rullah Al Kauni Al Qadari*) ibiremwa bidashobora kunyuranya naryo. Twatanga urugero rurebana n'iryo tegeko, nk'uburyo abantu n'ibintu byose bibaho, uburyo babyara, ibizabatunga, ibijyanye no gupfa kwabo. Ibi Allah yamaze kubitegeka no kubigena ntawaza ngo anyuranye nabyo uko yaba ameze kose. Ibi nibyo bigaragaza ko ibiremwa byose ari abagaragu ba Allah, kuko hari gahunda yabitegetse bidashobora kunyuranya nayo byaba bikunze cyangwa bidakunze. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ إِنَّمَآ أَمۡرُهُۥٓ إِذَآ أَرَادَ شَيۡـًٔا أَن يَقُولَ لَهُۥ كُن فَيَكُونُ ٨٢ ﴾ يس: ٨٢

"*Mu by'ukuri, itegeko rye (Allah) iyo ashatse ko ikintu kiba arakibwira ngo "Ba!" nuko kikaba.*[1]"

Hagasigara umuntu kuba yaba umugaragu nyawe ushimwa n'Imana ariko iki ntabwo umuntu yakigeraho atubahirije amategeko Allah yahaye intumwa ze. Aya mategeko (*Am'rullah A-*

[1] Qur'an 36:82

*Shariiy*) abo Allah yahaye amahirwe barayubahiriza haba hano ku isi no mu ijuru, kuko ari yo ashingiyeho gukiranuka.

Naho ijambo **nkuko impuhwe zawe wazihundagaje ku biremwa biri mu birere, zihundagaze no ku biremwa biri ku isi.** Aha hagaragaramo uburyo umuntu ashobora gusaba Imana hari ibindi yishingikirije kugira ngo ubwo busabe bugire ireme imbere y'Imana (*A-Tawasul*). Aha harimo kwishingikiriza impuhwe z'Imana zakwiye ibiremwa biri mu kirere, Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga isaba Allah ko yahundagaza izo mpuhwe ku biremwa biri ku isi nk'uko yazihundagaje ku biremwa biri mu birere.

Naho ijambo **tubababarire ibyaha byacu n'amakosa yacu,** aha harimo gusaba imbabazi ku makosa n'ibyaha bitandukanye umuntu aba yaraguyemo. Ikindi nuko gusaba Imana imbabazi biri mu mico myiza iranga umuyisilamu nyawe kuko bimufasha kumutunganya no kumurinda indwara nyinshi z'umutima, twavuga nko kwibona, kwiyumva, ubugome, ishyari n'ibindi. Ikindi nuko bituma umuntu akundwa n'Imana kandi ikamworohereza gahunda ze zose aba yifuza. Allah ashimangira ibi abinyujije mu mvugo y'Intumwa ye Nuhu agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ فَقُلْتُ ٱسْتَغْفِرُوا۟ رَبَّكُمْ إِنَّهُۥ كَانَ غَفَّارًا ﴿١٠﴾ يُرْسِلِ ٱلسَّمَآءَ عَلَيْكُم مِّدْرَارًا ﴿١١﴾ وَيُمْدِدْكُم بِأَمْوَٰلٍ وَبَنِينَ وَيَجْعَل لَّكُمْ جَنَّٰتٍ وَيَجْعَل لَّكُمْ أَنْهَٰرًا ﴿١٢﴾ ﴾ نوح: ١٠ - ١٢

"*Narababwiye nti: "Nimusabe imbabazi Nyagasani wanyu, mu by'ukuri ni we uhebuje mu kubabarira ibyaha. (Kugira ngo) azabohererereze imvura nyinshi (ihagije). Anabongerere imitungo n'urubyaro, abahe ubusitani (Ijuru) ndetse abahe n'imigezi (yaryo).*[1]"

---

[1] Qur'an 71: 10-12

Bikanashimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat iboneka mu gitabo cya Bukhari (A-Swahih), aho Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ndahiriye Allah mu by'ukuri njye nsaba Allah imbabazi nkanamwicuzaho ku munsi inshuro zirenga mirongo irindwi." Gusaba imbabazi rero bikorwa mu busabe butandukanye uwakenera kubumenya yareba mu bitabo byigisha Gusingiza Imana (*Adhikar*).

Naho ijambo **ni wowe Nyagasani w'abagaragu beza,** aha naho hagaragaramo bwa buryo umuntu ashobora gusaba Imana hari ibindi yishingikirije, kugira ngo ubwo busabe bugire ireme imbere y'Imana (*A-Tawasul*). Abagaragu beza Intumwa y'Imana yari igamije hano ku ikubitiro n'Intumwa z'Imana n'abazikurikiye. Naho kuvuga ngo Nyagasani w'abagaragu beza, ibi ni mu rwego rwo guhesha icyubahiro abagaragu ba Allah, naho ubundi Allah ni Nyagasani w'ibiremwa byose baba abeza ndetse n'ababi.

Naho ijambo **manura** aha harimo gushimangira ko Allah ari hejuru kandi ko ari hejuru y'ibirere. Kandi ko kuba ari hejuru biri mu bimugize.

Naho ijambo **impuhwe mu mpuhwe zawe**, impuhwe zivugwa hano ni impuhwe Imana yaremye, kuko impuhwe za Allah zirimo ibice bibiri. Igice cya mbere ni impuhwe ze ziri mu bigwi bimugize ubwe nkuko Allah abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... وَرَحْمَتِي وَسِعَتْ كُلَّ شَيْءٍ ... ﴾ الأعراف: ١٥٦

"...*Kandi n'impuhwe zanjye zigera ku biremwa byose...*[1]".

Igice cya kabiri ni impuhwe ze yaremye nk'izi turi kuvuga, naho kuzimwitirira ni nk'uko yitirirwa ibiremwa bye, zikaba ari izi zagaragaye muri ubu busabe, ari nazo zivugwa mu zindi mvugo z'Intumwa y'Imana. Nk'izivugwa muri Hadithi yakiriwe na Muslim

[1] Qur'an 7:156

aho Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

« إِنَّ للَّهِ تَعَالى خلق مائَةَ رَحْمَةٍ..."

*"Allah yaremye impuhwe ijana."*

Hadith zunganira iyi zivuga ko Allah yagumanye impuhwe mirongo icyenda n'icyenda yohereza ku isi igice kimwe cy'impuhwe, akaba ari nacyo ibiremwa bigiriranamo impuhwe.

Ni nayo mpamvu Intumwa y'Imana yigishaga gusaba Allah ko amanurira impuhwe ze ku murwayi kugira ngo bimubere impamvu yo gukira uburwayi bwe. Izo mpuhwe mirongo icyenda n'icyenda yagumanye nizo azahundagazaho abamwemeye ku munsi w'imperuka. Ikindi twakwibutsa nuko ziriya mpuhwe za Allah zigaragara mu gice cya mbere, zitagira umubare runaka bitewe n'ubuhambare bwazo.

Naho ijambo **"Ese kuki mutanyizera?** Impamvu Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze aya magambo byari bitewe n'uwari umwigometseho ubwo yagabanyaga imwe mu mitungo, uwo muntu abona ko uko kugabanya kubogamye. Nuko Intumwa y'Imana imusubiza muri buriya buryo. Naho ijambo **"...Kandi ndi umwizerwa w'uri hejuru (Allah)?"** Ukumwizera yamugiriye nuko yamutoranyije akamugira ugomba guhabwa ubutumwa ndetse n'amategeko ye kugira ngo abigeze ku bantu. Ibyo bikaba bihagije kuba ubuhamya bw'uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ari umwizerwa kandi w'umunyakuri, kuko iyo aza kuba adateye gutyo ntiyari guhabwa izo nshingano. Ikindi iyi Hadith yerekana nuko ishimangira ko Allah ari hejuru y'ibiremwa bye.

Naho ijambo **"Ar'shi iri hejuru y'amazi"** Intumwa y'Imana imaze kuvuga intera iri hagati y'ibirere, yahise ivuga ko Ar'shi iri hejuru y'amazi. Ibi bigashimangirwa n'umurongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... وَكَانَ عَرْشُهُۥ عَلَى ٱلْمَآءِ ... ۝٧ ﴾ هود: ٧

“*Kandi Ar’shi ye (Allah) yari hejuru y’amazi.*[1]” Ibisobanuro bya *Ar’shi* twarabibonye ruguru.

Naho ijambo **Allah akaba ari hejuru ya Ar’shi,** ayiri hejuru bijyanye n’ubuhambare bwe n’icyubahiro cye, nta n’ubwo bisobanuye ko kuba hejuru ya Ar’shi ayicayeho. Oya ntabwo ariko bimeze, kuko aramutse ayicayeho yaba ayikeneye kandi Allah ntacyo akeneye mu byo yaremye byose. Ikindi nuko kuba ari we uri hejuru ya buri kimwe  nta kindi kintu kiri hejuru ye.

Naho ijambo **kandi azi neza ibyo mwe muba mukora.”** Ubumenyi bwa Allah bugera ku icyo ari cyo cyose ntacyamwihisha. Icyo iyi hadith itwigisha harimo gushimangira ko Allah ari hejuru ya Ar’shi, kandi ko Ar’shi iri hejuru y’ibiremwa byose, kandi ko azi neza ibyo ibiremwa biba bikora ntakimwisoba. Ubwo rero kuba we ubwe ari hejuru ya Ar’shi bigendana no kuba ubumenyi bwe bugera ku cyo ari cyo cyose.

Naho ijambo **ubwo Intumwa yabazaga umuja igira iti: “Allah ari he?”** Uyu muja yari uwa Mu-awiyat Ibun Al Hakam, nuko uyu sebuja igihe kimwe aza kumurakarira anamukubita urushyi, nuko aza kubona ko ibyo yakoze bidakwiye aricuza, aza no kubibwira Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) arayibaza ati: Ese sinamuha ubwigenge? Intumwa y’Imana iramubwira iti: “Ntacyo bitwaye ariko banza umunzanire. Nuko bamuzanira Intumwa y’Imana iramubaza iti:  Allah ari he? Arayisubiza ati: Allah ari hejuru. Nuko Intumwa y’Imana irongera iramubaza iti: Naho njye ndinde? Arayisubiza ati: Uri Intumwa y’Imana. Nuko Intumwa y’Imana ibwira sebuja iti: Muhe ubwigenge kuko we ni umwemeramanakazo.”

---

[1] Qur’an 11:7

Mu byo twunguka muri iyi Hadithi harimo ko byemewe kubaza aho Imana ihererereye, bitandukanye nuko agatsiko k'abitwa *Al Djah'miyat* na *Al Mu-utazilat* bavuga ko uwo ari we wese wabaza iki kibazo aba abaye umuhakanyi.

Ikindi nuko uwemera ko Imana iriho kandi ko iri hejuru akanemera Intumwa y'Imana aba ari umwemeramana. Ikindi iyi Hadith yigisha nuko mu mabwiriza arebana no guhabwa ubwigenge harimo kuba umuntu ari umwemeramana.

Ikindi nuko iyi Hadith ari gihamya ko Allah ari hejuru y'ibiremwa bye, kandi ko umuntu ashobora kwerekana icyerekezo cyo hejuru agamije kwerekana aho Allah ahererereye ubwe mu buryo bugaragara.

## إثبات معية الله تعالى لخلقه وأنها لا تنافي علوَّه فوق عرشه

## Gihamya zishimangira ko Allah ari kumwe n'ibiremwa bye kandi ko bidakuraho kuba ari hejuru ya Ar'shi ye.

وَقَوْلُهُ: "أَفْضَلُ الإِيمَانِ أَنْ تَعْلَمَ أَنَّ اللهَ مَعَكَ حَيْثُمَا كُنْتَ". **حَدِيثٌ حَسَنٌ**.

وَقَوْلُهُ: "إِذَا قَامَ أَحَدُكُمْ إِلَى الصَّلاةِ؛ فَلاَ يَبْصُقَنَّ قِبَلَ وَجْهِهِ، وَلاَ عَنْ يَمِينِهِ؛ فَإِنَّ اللهَ قِبَلَ وَجْهِهِ، وَلَكِنْ عَنْ يَسَارِهِ، أَوْ تَحْتَ قَدَمِهِ". **مُتَّفَقٌ عَلَيْهِ** .

وَقَوْلُهُ ﷺ "اللهُمَّ رَبَّ السَّمَوَاتِ السَّبْعِ وَالأَرْضِ وَرَبَّ الْعَرْشِ الْعَظِيمِ، رَبَّنَا وَرَبَّ كُلِّ شَيْءٍ، فَالِقَ الْحَبِّ وَالنَّوَى، مُنْزِلَ التَّوْرَاةِ وَالإِنْجِيلِ وَالْقُرْآنَ، أَعُوذُ بِكَ مِنْ شَرِّ نَفْسِي وَمِنْ شَرِّ كُلِّ دَابَّةٍ أَنْتَ آخِذٌ بِنَاصِيَتِهَا، أَنْتَ الأَوَّلُ فَلَيْسَ قَبْلَكَ شَيْءٌ، وَأَنْتَ الآخِرُ فَلَيْسَ بَعْدَكَ شَيءٌ،

وَأَنْتَ الظَّاهِرُ فَلَيْسَ فَوْقَكَ شَيْءٌ، وَأَنْتَ الْبَاطِنُ فَلَيْسَ دُونَكَ شَيْءٌ؛ اقْضِ عَنِّي الدَّيْنَ وَأَغْنِنِي مِنَ الْفَقْرِ". رِوَايَةُ مُسْلِمٌ.

وَقَوْلُهُ ﷺ لَمَّا رَفَعَ الصَّحَابَةُ أَصْوَاتَهُمْ بِالذِّكْرِ: "أَيُّهَا النَّاسُ! أرْبِعُواعَلَى أَنْفُسِكُمْ؛ فَإِنَّكُمْ لاَ تَدْعُونَ أَصَمَّ وَلاَ غَائِبًا، إِنَّمَا تَدْعُونَ سَمِيعًا بَصِيرًا قَرِيبًا. إِنَّ الَّذي تَدْعُونَهُ أَقْرَبُ إِلَى أَحَدِكُمْ مِنْ عُنُقِ رَاحِلَتِهِ". مُتَّفَقٌ عَلَيْهِ.

**Bigashimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Ukwemera kwiza, ni ukumenya ko Allah ari kumwe nawe aho waba uri hose." Ni Hadithi nziza. [Yakiriwe na Twabaraniy ikomotse kwa Ubadat Ibun Swamit].**

**Bikanashimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Umwe muri mwe naba ari gusari ntakajjye acira imbere ye, cyangwa iburyo bwe, kubera ko Allah aba ari imbere ye, ahubwo ajye acira ibumoso bwe, cyangwa munsi y'ibirenge bye." Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim.**

**Bikanashimangirwa kandi n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: [Mu busabe yajyaga ikunda gusaba igiye kuryama]: *ALLAHUMA RABA SAMAWATI SAB'I WAL AR'DWI, WARABAL AR'SHIL ADHWIM, RABANA WA RABA KULI SHAY'IN, FALIQAL HABI WA NAWAA, MUN'ZILA TAW'RATI WAL IN'JILI WAL QUR'AN. AUDHUBIKA MIN SHARI NAF'SII WAMIN SHARI KULI DAABATI AN'TA AKHIDHU BINASWIYATIHA. AN'TAL AWALU FALAYSA QAB'LAKA SHAY'UN WA AN'TAL AKHIRU FALAYSA BA'ADAKA SHAY'UN, WA AN'TA DHWAHIRU FALAYSA FAW'QAKA SHAY'UN, WA AN'TAL BATWINU FALAYSA DUNAKA SHAY'UN. IQ'DHWI ANNI DAY'NA WA AGH'NINI MINAL FAQ'RI:* Mana Nyagasani ni wowe**

**muremyi w'ibirere birindwi ndetse n'isi! Ni nawe muremyi wa *Ar'shi* ihambaye! Nyagasani wacu ukaba na Nyagasani wa buri icyo ari cyo cyose! Ni wowe usatura impeke n'urubuto (bikavamo ibimera)! Ni wowe wamanuye *Tawurati*, unamanura *In'jil*, unamanura *Qur'an*! Nkwikinzeho ngo undinde inabi y'umutima wanjye, ndetse unandinde inabi ya buri kiremwa cyawe, kuko ari wowe ugifiteho ububasha bwose. Ni wowe wabanje (wahozeho) nta cyabanje mbere yawe, ni nawe uzaheruka (uzahoraho) nta kizabaho nyuma yawe. Ni nawe uri hejuru nta kintu kiri hejuru yawe, ni nawe wegereye ibiremwa ntacyegereye ibiremwa byawe kukurusha. Ndagusabye ko wamfashe kwishyura amadeni, kandi unankungahaze undinde ubukene."** [1]

**Bikanashimangirwa nanone n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ubwo abasangirangendo bayo bazamuraga amajwi mu gusingiza Allah irababwira iti: "Yemwe bantu! Nimusigeho mwiyorohereze! Mu by'ukuri uwo musaba ntabwo ari igipfamatwi cyangwa ngo impumyi! Ahubwo uwo musaba arumva, arareba, ndetse ari bugufi yanyu. Mu by'ukuri uwo musaba aba yegereye umwe muri mwe kurusha uko umwe muri mwe aba yegereye ijosi ry'ingamiya ye."** [2]

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Ijambo rigira riti: **"Ukwemera kwiza",** aha harimo gihamya igaragaza ko ukwemera Imana (Imani) kurimo inzego zitandukanye, kandi ko n'abantu batandukanye muri izo nzego. Allah aragira ati:

---

[1] Yakiriwe na Muslim.
[2] Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim.

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿إِنَّمَا ٱلْمُؤْمِنُونَ ٱلَّذِينَ إِذَا ذُكِرَ ٱللَّهُ وَجِلَتْ قُلُوبُهُمْ وَإِذَا تُلِيَتْ عَلَيْهِمْ ءَايَٰتُهُۥ زَادَتْهُمْ إِيمَٰنًا وَعَلَىٰ رَبِّهِمْ يَتَوَكَّلُونَ ۝٢﴾ الأنفال: ٢

"*Mu by'ukuri, abemeramana nyabo ni babandi, iyo Allah avuzwe, imitima yabo ikangarana, banasomerwa amagambo ye akabongerera ukwemera; kandi bakiringira Nyagasani wabo (wenyine).*"[1]

Naho ijambo rigira riti: **Ni ukumenya ko Allah ari kumwe nawe aho waba uri hose."** Uku kuba Allah ari kumwe natwe kuvugwa aha, ni ukuba ari kumwe natwe mu bumenyi bwe no mu bugenzuzi bwe, atari we ubwe, kuko twabonye ko we ubwe aherereye hejuru.

Ikindi twunguka muri aya magambo nuko Allah akurikirana ibya buri kiremwa aho cyaba kiri hose. Bityo usobanukiwe ko Allah ari kumwe nawe ahantu hose, ibyo akora ku mugaragaro n'ibyo akora mu ibanga biba ari kimwe, bigatuma atinya Allaha aho ari hose, ndetse bikanamuviramo gukora ibikorwa byiza.

Naho ijambo rigira riti: **"Umwe muri mwe naba ari gusari ntakajye acira imbere ye…"** Ibi ni ku muntu uri gusarira ahatari mu musigiti kuko mu musigiti ho ntihemewe kuhacira uko haba hameze uko ariko kose, nkuko Hadithi yabigaragaje yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عَنْ أنسٍ رضي اللَّه عَنهُ أنَّ رَسُولَ اللَّه ﷺ قَال :« البُصَاقُ في المسْجِدِ خَطِيئَةٌ، وَكَفَّارَتُهَا دَفْنُهَا»

متفق عليه .

[1] Qur'an 8:2

“Gucira mu musigiti ni icyaha, n’icyiru cyacyo ni ugutaba aho waciye.” Naho iyo bibaye ngombwa ko acira ari mu musigiti, acira mu gitambaro, umwambaro, cyangwa se ikiremba.

Naho ijambo rigira riti: **Cyangwa iburyo bwe,** gucira iburyo umuntu ari gusari ni ikizira kabone n’ubwo yaba atari mu musigiti. Kubera Hadithi yakiriwe na Bukhari ayikomoye kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati:

ففي صحيح البخاري عن أبي هريرة عن النبي ﷺ قال:"إذا قام أحدكم إلى الصلاة، فلا يبصق أمامه، ولا عن يمينه؛ فإن عن يمينه ملكاً"...

Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaravuze iti: “Igihe umwe muri mwe ahagaritse isengesho ari gusali ntagacire imbere ye cyangwa mu ruhande rwe rw’iburyo, kubera haba hari Abamalayika...”

Naho ijambo rigira riti: “**...kubera ko Allah aba ari imbere ye...**” Allah kuba yaba ari imbere ye ni ukuri, akaba abikora bijyanye n’icyubahiro cye n’ubuhambare bwe, bitavuze ko aba yivanze n’ibiremwa bye, ahubwo we nkuko tubizi ari hejuru y’ibirere hejuru ya Ar’shi ye, kandi akaba anegereye ibiremwa bye kandi azi neza ibikorwa byabyo byose.

Hari ubwo umuntu yakibaza ati: Ni gute Allah yaba ari imbere y’umuntu uri gusali kandi tuzi neza ko ari ari hejuru y’ibiremwa bye na Ar’shi ye? Aha twamusubiza mu buryo butatu:

1 Nuko imyemerere y’ubuyisilamu (Aqidat) yabishimangiye byombi, ndetse inagaragaza ko bitavuguruzanya.

2 Nuko bishoboka ko ikintu gishobora kuba kiri hejuru yawe kikaba kiri n’imbere yawe mu gihe kimwe. Urugero; izuba iyo rirashe riba riri hejuru yawe kandi riri n’imbere yawe. Ibi niba

bishoboka ku kiremwa, bivuze ko ku Muremyi byaba ari akarusho.

3 Kandi bitanashobotse ku kiremwa, ku Muremyi ho birashoboka, kubera ko ntacyo agereranywa nacyo mu bigwi bye byose.

Ikindi nuko ibi bisubizo dutanze, ari nabyo bisubizo dusubiza agatsiko k'abitwa *Al Mu-utazilat* bifashisha iyi Hadithi bakavuga ko Allah ari ahantu hose, ibyo ntabwo ari byo nkuko Hadithi zagiye zibigaragaza.

Naho ijambo rigira riti: **"...Ahubwo ajye acira ibumoso bwe, cyangwa munsi y'ibirenge bye."** Ubwo ni igihe ari gusarira ahatari mu musigiti, adafite icyo aciramo, kandi afite n'uburyo ahita atabamo ibyo amaze gucira. Allah niwe mumenyi uhambaye.

Naho ijambo rigira riti: **"Mana Nyagasani ni wowe muremyi w'ibirere birindwi ndetse n'isi! Ni nawe muremyi wa *Ar'shi* ihambaye!"** Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yakoresheje ubu busabe iri kugaragaza ko Allah ariwe waremye ibirere birindwi ndetse n'isi, akaba ari nawe ubigenzura mu rwego rwo kugaragaza ubuhambare bwa Allah. Ikindi yagaragaje nuko Allah ari we waremye Ar'shi ihambaye, twabonye ubusobanuro bwa Ar'shi mu masomo yabanje, gusa nta wundi wamenya ubuhambare bwayo usibye Allah, kubera ko Ar'shi ni cyo kiremwa gihambaye mu biremwa Allah yaremye.

Naho ijambo rigira riti: **"Nyagasani wacu ukaba na Nyagasani wa buri icyo ari cyo cyose!"** Bisobanuye ko Allah ariwe muremyi wa buri kiremwa akaba ari nawe ugiha amafunguro, akaba ari nawe ugifite mu bwami bwe abigenga *(Tauhid Rububiyat).*

Naho ijambo rigira riti: **“Ni wowe usatura impeke n’urubuto (bikavamo ibimera)!”** Ibi nabyo biri mu buhambare bwa Allah, ni no mu bishimangira ko ari we waremye ibiremwa akanabyorohereza uburyo bwo kubonamo amafunguro.

Naho ijambo rigira riti: **“Ni wowe wamanuye *Tawurati*, unamanura *In’jil*, unamanura *Qur’an!*”** Igitabo cya *Taurat* Allah yakimanuriye Intumwa ye Mussa, naho igitabo cya *In’jil* akimanurira Intumwa ye Issa, naho igitabo cya *Qur’an* akimanurira Intumwa ye Muhamadi, bose (Allah abahundagazeho amahoro ye n’imigisha ye). iIbi birimo gushimangira ubuhambare bw’ibi bitabo kandi ko byamanuwe biturutse kwa Allah. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ نَزَّلَ عَلَيْكَ ٱلْكِتَٰبَ بِٱلْحَقِّ مُصَدِّقًا لِّمَا بَيْنَ يَدَيْهِ وَأَنزَلَ ٱلتَّوْرَىٰةَ وَٱلْإِنجِيلَ ﴿٣﴾ ﴾ آل عمران: ٣

“*Yakumanuriye igitabo (Qur’an) gikubiyemo ukuri, gishimangira ibyakibanjirije. Yanamanuye Tawurati na Injili (Ivanjili).*” [1]

Naho ijambo rigira riti: **“Nkwikinzeho ngo undinde inabi y’umutima wanjye, ndetse unandinde inabi ya buri kiremwa cyawe, kuko ari wowe ugifiteho ububasha bwose.”** Biba byiza iyo umuntu akunze gusaba ubu busabe cyane cyane iyo agiye kuryama nkuko bigaragara mu zindi mvugo. Ikindi ni byiza ko umuntu asaba Allah kumurinda inabi y’umutima we, kuko nawe ubwe ashobora kwikururira ibabazo atabizi, bikaba ari na byiza gusaba Allah ko yakurinda inabi y’ibiremwa yaremye.

Naho ijambo rigira riti: **“Ni wowe wabanje (wahozeho) nta cyabanje mbere yawe, ni nawe uzaheruka (uzahoraho) nta kizabaho nyuma yawe. Ni nawe uri hejuru nta kintu kiri hejuru yawe, ni nawe wegereye ibiremwa ntacyegereye ibiremwa byawe kukurusha”** Iyi mvugo ikubiyemo amazina ya Allah ane, abiri muri yo; Uwabanje n’Uzaheruka: Ni amazina

---

[1] Qur’an 3:3

agaragaza uguhoraho kwa Allah. Naho andi mazina abiri ari yo Uri hejuru n'Uwegereye ibiremwa bye, izina rimwe rishimangira ko Allah ari hejuru y'ibiremwa bye we ubwe, ariko akaba anabyegereye ku bumenyi bwe nkuko twabibonye ko ibi bitavuguruzanya ahubwo byunganirana, yegereye ibiremwa bye kandi ari hejuru yabyo.

Naho ijambo rigira riti: **"Ndagusabye ko wamfashe kwishyura amadeni, kandi unankungahaze undinde ubukene"** Iyo havuzwe amadeni cyangwa imyenda umuntu agira, ubusanzwe abaho mu buryo bubiri; hari imyenda abantu baba bafitiye Allah bagomba kubahiriza bashyira mu bikorwa ibyo yabategetse. Hakaba n'imyenda abantu baba bafitiye bagenzi babo. Iyo myenda yose umuntu aba agomba gusaba Allah kumutera inkunga akayishyura.

Ikindi aha harimo kugaragaza ko umuntu ubwe ntacyo yishoboreye hatabayeho ugushobozwa na Allah. Nanone harimo kwifashisha amazina ya Allah n'ibisingizo bye mu busabe, ugira ngo Allah agukemurire ibibazo anakwakirire ubusabe.

Ikindi twavuga nkuko bigaragara muri ubu busabe, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yasabaga Allah kumukungahaza no kumurinda ubukene. Ibi bikaba bitandukanye n'ibigaragara muri Hadithi yakiriwe na Tir'midh ivuga yuko Intumwa y'Imana yasabaga Allah ko yayiha kuba umukene ikazanayizura iri kumwe n'abakene. Abamenyi ba Hadithi bavuga ko iyi Hadithi ifite inenge *(Dwaifu)* kandi ko hagize n'uwayivuga ku Ntumwa y'Imana, ubwo icyari kigamijwe ni ukwicisha bugufi atari ubukene nyir'izina.[1]

Naho ijambo rigira riti: **"Ubwo abasangirangendo bayo bazamuraga amajwi mu gusingiza Allah"** Ibi byabereye ku rugamba rwa Khaybar nkuko byagaragaye mu zindi mvugo ubwo

---

[1] Madj'mu-u Al Fatawa 18/326

bazamuraga amajwi bavuga bati: Allah Akbar, La ilaha ila Allah (Imana niyo nkuru. Nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri usibye Allah).

Naho ijambo rigira riti: **"Yemwe bantu! Nimusigeho mwiyorohereze! Mu by'ukuri uwo musaba ntabwo ari igipfamatwi cyangwa ngo impumyi! Ahubwo uwo musaba arumva, arareba, ndetse ari bugufi yanyu. Mu by'ukuri uwo musaba aba yegereye umwe muri mwe kurusha uko umwe muri mwe aba yegereye ijosi ry'ingamiya ye."** Aha Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabibutsaga ko uwa basaba bakanasingiza Allah yumva kandi areba kandi ko ari bugufi yabo. Nta mpamvu yo kwigora ngo bazamure amajwi yabo. Nkuko Allah abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَإِذَا سَأَلَكَ عِبَادِى عَنِّى فَإِنِّى قَرِيبٌ ۖ أُجِيبُ دَعْوَةَ ٱلدَّاعِ إِذَا دَعَانِ ۖ فَلْيَسْتَجِيبُوا۟ لِى وَلْيُؤْمِنُوا۟ بِى لَعَلَّهُمْ يَرْشُدُونَ ﴿١٨٦﴾ ﴾ البقرة: ١٨٦

*"Kandi abagaragu banjye nibagira icyo bakubaza (yewe Muhamadi) kuri jye, (babwire uti) mu by'ukuri, Jye ndi hafi. Nsubiza ubusabe bw'usaba igihe ansabye. Nibanyumvire bananyizere kugira ngo bayoboke."* [1]

Icyo izi mvugo z'Intumwa y'Imana zishimangira ni ukugaragaza ko Allah yegereye ibiremwa bye, kandi akaba yumva ibyo bivuga igihe bivuze bucece, nkuko abyumva igihe biranguruye amajwi yabyo, kandi ko kuba Allah abyegereye yumva ibyo bivuga anabireba bidakuyeho ko ari hejuru y'ibirere hejuru ya Ar'shi ye. Nkuko twabibonye mu mirongo ya Qur'an itandukanye.

---

[1] Qur'an 2:186.

## إثبات رؤية المؤمنين لربهم يوم القيامة

## Gihamya zishimangira ko ku munsi w'imperuka abemeramana bazareba Nyagasani wabo (Allah) imbonankubone.

قَوْلُهُ: "إِنَّكُمْ سَتَرَوْنَ رَبَّكُمْ كَمَا تَرَوْنَ الْقَمَرَ لَيْلَةَ الْبَدْرِ، لاَ تُضَامُونَ فِي رُؤْيَتِهِ، فَإِنِ اسْتَطَعْتُمْ أَن لاَّ تُغْلَبُوا عَلَى صَلاةٍ قَبْلَ طُلُوعِ الشَّمْسِ وَصَلاةٍ قَبْلَ غُرُوبِهَا؛ فَافْعَلُوا". مُتَّفَقٌ عَلَيْهِ.

**Bigashimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Mu by'ukuri muzareba Nyagasani wanyu (Allah) nkuko mureba ukwezi kw'inzora, muzamureba ntawe ubangamira undi. Ntimukajye muneshwa ngo mureke gukora isengesho mbere yuko izuba rirasa (Al Fadjir) n'isengesho mbere y'uko rirenga (Al As'ri)." Yemeranyijweho na Bukhari na Muslimu.**

<u>*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*</u>

Ijambo rigira riti: **"Mu by'ukuri muzareba Nyagasani wanyu (Allah)..."** Ababwirwaga aha ni abemeramana. Ikindi kandi nuko bazamureba imbonankubone, nkuko Hadithi nyinshi zaje zibishimangira.

Naho ijambo rigira riti: "...**nkuko mureba ukwezi kw'inzora...**" Ijoro ry'ukwezi kw'inzora rigambiriwe aha ni ijoro rya cumi na kane rya buri kwezi kwa Kisilamu *(Laylatul Badri),* kubera ko muri iryo joro urumuri rw'ukwezi ruba rwasakaye hose. Ikigambiriwe muri uku gusanisha kureba Allah no kureba uku kwezi, ni ugushimangira ko abemeramana bazareba Nyagasani

wabo by'ukuri, no guhakana ibindi bisobanuro byahabwa uku kureba.

Intumwa y'Imana yakoresheje gusanisha igamije gusanisha uko kureba kombi ntawe ubangamiye undi, ntiyari igamije gusanisha ibirebwa (Allah n'ukwezi), kuko Allah ntacyo agerereranywa nacyo yaba ukwezi cyangwa n'ibindi.

Naho ijambo rigira riti: "...**Muzamureba ntawe ubangamira undi...**" Bivuze ngo ntawe uzakingiriza undi kureba Nyagasani we, ahubwo abemeramana bose bazamureba hatabayemo gukingirizanya cyangwa se kubyigana. Buri wese azamurebera aho azaba ari, nkuko abantu bareba ukwezi ntawe ubangamiye undi.

Naho ijambo rigira riti: "...**Ntimukajye muneshwa ngo mureke gukora isengesho mbere yuko izuba rirasa (*Al Fadjir*) n'isengesho mbere y'uko rirenga (Al As'ri).**" Bisobanuye ngo mujye muhozaho aya masengesho abiri mu mbaga ndetse munayakorere mu gihe cyayo. Naho aya masengesho abiri kuba yaravuzwe mu buryo bw'umwihariko, nuko aba yitabiriwe n'Abamalayika benshi, akaba ari nayo meza kurusha ayandi. Bityo rero byabaye ngombwa ko abayahojejeho bagororerwa ingororano nziza kurusha izindi ari yo kureba uburanga bwa Nyagasani wabo.

Ikigambiriwe muri iyi mvugo y'Intumwa y'Imana, ni ugushimangira ko ku munsi w'imperuka abemeramana bazareba Nyagasani wabo imbonankubone.

Ikindi twavuga nuko iyi Hadithi iri gusubiza agatsiko k'abitwa *Al Mu-atwilat* bavuga ko ukureba kuvugwa aha ari ubumenyi, kuko icyo Intumwa y'Imana yavugaga aha ni ukurebesha amaso imbonankubone, kandi ibi ntibyavugwa ku bumenyi. Ikindi nuko iyi Hadithi ishimangira ko Allah ari hejuru.

## موقف أهْلَ السُّنَّةِ من هَذِهِ الأَحَادِيثِ الَّتِي فِيهَا إثبات الصفات الربانية

**Kugaragaza uko abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ah'lu Sunat) bafata izi mvugo z'Intumwa y'Imana zishimangira ibisingizo, ibigwi n'ibiranga Allah.**

> إِلَى أَمْثَالِ هَذِهِ الأَحَادِيثِ الَّتِي يُخْبِرُ فِيهَا رِسُولُ اللهِ ﷺ عَن رَّبِهِ بِمَا يُخْبِرُ بِهِ؛ فَإِنَّ الْفِرْقَةَ النَّاجِيَةَ أَهْلَ السُّنَّةِ وَالْجَمَاعَةِ يُؤْمِنُونَ بِذَلِكَ؛ كَمَا يُؤْمِنُونَ بِمَا أَخْبَرَ اللهُ بِهِ فِي كِتَابِهِ؛ مِنْ غَيْرِ تَحْرِيفٍ وَلا تَعْطِيلٍ، وَمِنْ غَيْرِ تَكْيِيفٍ وَلاَ تَمْثِيلٍ؛

**Izi mvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) n'izindi nkazo ivugamo ibigendanye na Nyagasani we nkuko Allah nawe aba yarabyivuzeho (muri Qur'an). Kuko itsinda ryarokotse ari ryo (abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana) *Ahlu Sunat wal Djama-at* ribyemera gutyo, nkuko ryemera uburyo Allah yivuzeho mu gitabo cye cya (Qur'an), batagize icyo bahindura ku byo Allah yivuzeho cyangwa ngo bagihakane, cyangwa ngo berekane imiterere yacyo, cyangwa ngo basanishe icyo Allah yivuzeho n'icy'ibiremwa.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Aha umwanditsi yazanye iki cyigwa ashaka kugaragaza uko abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Wadjama-at)* bafata imvugo z'Intumwa y'Imana zivuga ibijyanye n'ibisingizo, ibigwi, n'ibiranga Allah, ko ari kimwe nk'uko bafata imirongo ya Qur'an yavuze ibisingizo, ibigwi, n'ibiranga Allah. Bigashimangirwa na gihamya zigaragara muri Qur'an no mu mvugo z'Intumwa y'Imana.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَأَنزَلَ ٱللَّهُ عَلَيْكَ ٱلْكِتَٰبَ وَٱلْحِكْمَةَ ﴿١١٣﴾ ﴾ النساء: ١١٣

*"Allah yakumanuriye igitabo (Qur'an) n'ubushishozi (Sunat)"*[1]

Bikanashimangirwa na Hadith yakiriwe na Ahmad yaturutse kwa Al Miq'dad Ibun Ma-adiy Karbiy Al Kin'diy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عَنِ الْمِقْدَامِ بْنِ مَعْدِي كَرِبَ الْكِنْدِيِّ رَضِيَ اللهُ عَنْهُ، قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: أَلَا إِنِّي أُوتِيتُ الْكِتَابَ وَمِثْلَهُ مَعَهُ، أَلَا إِنِّي أُوتِيتُ الْقُرْآنَ وَمِثْلَهُ مَعَهُ...

"Mu byukuri njyewe nahawe Qur'an hamwe n'ikimeze nkayo (Sunat)."

Ibyo bisingizo, ibigwi, n'ibiranga Allah, abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana bakaba babyemera bakanabishimangira by'ukuri nk'uko byavuzwe, bakaba batabishakira ibindi bisobanuro bitagendanye nabyo, nta nubwo banga ibyo gihamya zagaragaje bikaba byabaviramo kubihakana, ndetse ntibanasanisha ibigwi, ibisingizo n'ibiranga Allah n'iby'ibiremwa, kubera ko Allah atagereranywa n'icyo aro cyo cyose.

Iyi myemerere yabo kuri ibi itandukanye n'imyemerere y'abanyabihimbano bo mu dutsiko tw'abitwa *Al Djah'miyat, Al Mu-atwilat, na Al Mu-utazilat* n'abandi nkabo kuko bo umurongo ngenderwaho wabo kuri ibi ni ukubihakana cyangwa se guhindura ibisobanuro biba bigamijwe. Nanone iyi myemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djama-at*) itandukanye n'iya gatsiko k'abitwa *Al Mushabihat* barengereye mu gushimangira ibisingizo, ibigwi n'ibiranga Allah,

[1] Qur'an 4:113

kugeza ubwo babisanishije n'iby'ibiremwa bye. Allah aratagatifutse kuri ibyo bamuvugaho.

## مكانة أهل السنة والجماعة بين فرق الأمة.

**Kugaragaza urwego abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ah'lu Sunat wal Djama-at)* bariho ugeraranyije n'andi matsinda.**

بَلْ هُمُ الْوَسَطُ فِي فِرَقِ الأُمَّةِ؛ كَمَا أَنَّ الأُمَّةَ هِيَ الْوَسَطُ فِي الأُمَمِ؛ فَهُمْ وَسَطٌ فِي بَابِ صِفَاتِ اللهِ سُبْحَانَهُ وَتَعَالَى بَيْنَ أَهْلِ التَّعْطِيلِ الْجَهْمِيَّةِ، وَأَهْلِ التَّمْثِيلِ الْمُشَبِّهَةِ؛ وَهُمْ وَسَطٌ فِي بَابِ أَفْعَالِ اللهِ بَيْنَ الْجَبْرِيَّةِ وَالْقَدَرِيَّةِ.

وَفِي بَابِ وَعِيدِ اللهِ بَيْنَ الْمُرْجِئَةِ وَ الْوَعِيدِيَّةِ مِنَ الْقَدَرِيَّةِ وَغَيْرِهِمْ.

وَفِي بَابِ أَسْمَاءِ الإِيمَانِ والدِّينِ بَيْنَ الْحَرُورِيَّةِ وَالْمُعْتَزِلَةِ، وَبَيْنَ الْمُرْجِئَةِ وَالْجَهْمِيَّةِ.

وَفِي أَصْحَابِ رَسُولِ اللهِ ﷺ بَيْنَ الرَّافِضَةِ وَ الْخَوَارِجِ.

**"Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ah'lu Sunat wal Djama-at*) bari hagati no hagati ugereranyije n'andi matsinda yiyitirira Isilamu. Nkuko Isilamu ari idini yo hagati no hagati ugereranyije n'andi madini (Abayahudi n'Abanaswara)."**

***"Ah'lu Sunat wal Djama-at* bo rero bari hagati no hagati mu muryango wigisha ibyerekeye ibisingizo, ibigwi n'ibiranga Allah Nyir'icyubahiro ugereranyije n'abahakana ibyo bisingizo**

**n’ibyo bigwi n’iyo miterere *Al Djah’miyat*, bakanaba hagati no hagati ugereranyije n’abasanisha ibisingizo, ibigwi n’ibiranga Allah n’iby’ibiremwa bye *Al Mushabihat*.”**

**“Bakongera bakaba hagati no hagati ku birebana n’ibikorwa bya Allah (nk’igeno) ugereranyije n’abitwa *Al Djab’riyat*, bakanaba hagati no hagati ugereranyije n’abitwa *Al Qadariya*.”**

**“Bakongera kuba hagati no hagati ku bijyanye n’ibihano bya Allah ugereranyije n’abitwa *Al Mur’dji-at*, n’abitwa *Al Wa-idiyat* baba mu bitwa *Al Qadariyat* ndetse n’abandi.”**

**“Bakongera kuba hagati no hagati ku bijyanye n’inyito zishamikiye ku kwemera no ku dini ugereranyije n’abitwa *Al Haruriyat* (*Khawaridji)* n’abitwa *Al Mu-utazilat*, nanone Ahlu Sunat Wal Djama-at bakaba bari hagati no hagati kuri icyo ugereranyije n’abitwa *Al Mur’dji-at* ndetse n’abitwa *Al Djah’miyat*.**

**“Bakongera kuba hagati no hagati ku bijyanye n’abasangirangendo b’i Ntumwa y’Imana ugereranyije n’abitwa *A-Rawafidwa* (*Shiyat*) bakanaba hagati no hagati kuri icyo ugereranyije n’abitwa *Al Khawaridji*.**

<u>*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*</u>

Sheikh Al Islamu Ibun Taymiyat (Allah amugirire impuhwe) amaze kugaragaza uko abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ah’lu Sunat wal Djama-at*) bafata gihamya za Qur’an na Sunat zivuga ku bisingizo, ibigwi n’ibiranga Imana, yifuje no guhita agaragaza urwego bariho ugereranyije n’utundi dutsiko twiyitirira Isilamu kugira ngo umuntu amenye agaciro kabo n’inzira nziza bo bagendeyeho zishingiye kuri gihamya.

Ijambo rigira riti: **“Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ah’lu Sunat wal Djama-at*) bari hagati no hagati ugereranyije n’andi matsinda yiyitirira Isilamu. Nkuko Isilamu ari idini yo hagati no hagati ugereranyije n’andi madini (Abayahudi n’Abanaswara).”** Ibi bishimangirwa n’imwe mu mirongo ya Qur’an nkaho Allah Nyir’icyubahiro avuga agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَكَذَٰلِكَ جَعَلۡنَٰكُمۡ أُمَّةٗ وَسَطٗا لِّتَكُونُواْ شُهَدَآءَ عَلَى ٱلنَّاسِ وَيَكُونَ ٱلرَّسُولُ عَلَيۡكُمۡ شَهِيدٗاۗ ١٤٣﴾ البقرة: ١٤٣

*“Ni nk’uko twabagize umuryango (Umat) wo hagati (ushyira mu gaciro) kugira ngo muzabe abahamya ku bantu (ku munsi w’imperuka ko intumwa zabo zabagejejeho ubutumwa) n’Intumwa (Muhamadi) ikazaba umuhamya kuri mwe”*[1]

Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ah’lu Sunat wal Djama-at*) kuba bagendera hagati no hagati bisobanuye ko bo ari inyangamugayo kandi ko batoranyijwe mu bandi. Ikindi bisobanuye nuko bo umurongo wabo ari ukutarengera ngo bakabye bagira ibyo bongera mu dini, cyangwa ngo bagire ibyo bagabanya, bikaba byatuma bava ku murongo ugororotse. Kuba hagati no hagati ni nacyo kirango cy’idini ya Isilamu iyo uyigeraranyije n’andi madini.

Urugero rwabyo nko ku bijyanye na Allah abayahudi bavuga kuri Allah ibisingizo bifite inenge, bakamugereranya nk’ibiremwa nkaho bavuga ko ari umunyabugugu, mu gihe Abanaswara bo bafashe ikiremwa gifite inenge bakigira Imana, ubwo bavugaga ko Issa (Yesu) ari Imana cyangwa se umwana wayo. Naho abayisilamu bo ntibigeze bavuga Imana ibisingizo bifite inenge cyangwa se ngo bayigereranye n’ibiremwa bifite inenge.

---

[1] Qur’an 2:143

Naho ku bijyanye n'Intumwa Abayahudi bahakanye Intumwa y'Imana Issa kugeza ubwo bamwise umwana w'umusambanano, naho Abanaswara bo baramukabirije kugeza ubwo bamugize Imana n'umwana wayo.

Naho ku bijyanye n'ibyaziririjwe mu biribwa n'ibinyobwa, Abanaswara biziruriye ibyari biziririjwe nk'inzoga, ingurube n'ibindi, naho Abayahudi baziririzwa amwe mu mafunguro meza nk'ikigihano bari bahawe kubera ubwangizi bwabo Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَعَلَى ٱلَّذِينَ هَادُواْ حَرَّمْنَا كُلَّ ذِى ظُفُرٍۖ وَمِنَ ٱلْبَقَرِ وَٱلْغَنَمِ حَرَّمْنَا عَلَيْهِمْ شُحُومَهُمَآ إِلَّا مَا حَمَلَتْ ظُهُورُهُمَآ أَوِ ٱلْحَوَايَآ أَوْ مَا ٱخْتَلَطَ بِعَظْمٍۚ ذَٰلِكَ جَزَيْنَٰهُم بِبَغْيِهِمْۖ وَإِنَّا لَصَٰدِقُونَ ١٤٦ ﴾ الأنعام: ١٤٦

*"No kuri babandi babaye Abayahudi, twabaziririje buri (nyamaswa) ifite inzara zitatuye. Tunabaziririza urugimbu rw'inka n'intama, uretse gusa ibinure byo ku migongo yazo cyangwa ibyo mu nda, cyangwa ikinure cyivanze n'inyama y'igufa. Ibyo twabibahaniye kubera ubwigomeke bwabo. Kandi rwose turi abanyakuri."*

Ariko abayisilamu bo bajya hagati no hagati kuko baziruriwe ibyiza banaziririzwa ibibi.

Naho ijambo rigira riti: ***"Ah'lu Sunat wal Djama-at*** **bo rero bari hagati no hagati mu muryango wigisha ibyerekeye ibisingizo, ibigwi n'ibiranga Allah Nyir'icyubahiro ugereranyije n'abahakana ibyo bisingizo n'ibyo bigwi n'iyo miterere** ***Al Djah'miyat,*** Abitwa Al Djah'miyat, bakomoka ku mugabo witwa Al Djah'mu Ibun Swaf'wan A-Trimidhiy, aka gatsiko kakabije mu gutagatifuza Allah kugeza ubwo gahakanye amazina, ibisingizo, ibigwi, n'imiterere bya Allah, batinya ko baramutse babyemeje

baba bamusanishije n'ibiremwa bye. Niyo mpamvu biswe abanze bagahakana amazina n'ibisingizo bya Allah *(Mu-atwilat)*.

Naho ijambo rigira riti: **"bakanaba hagati no hagati ugereranyije n'abasanisha ibisingizo, ibigwi n'ibiranga Allah n'iby'ibiremwa bye *Al Mushabihat*."** Biswe gutya kubera ko bakabije mu gushimangira ibisingizo, ibigwi n'ibiranga Allah kugeza ubwo babisanishije n'iby'ibiremwa, Allah aratagatifutse ku ibyo bavuga. Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ah'lu Sunat wal Djama-at)* bo bari hagati no hagati ugereranyije n'utu dutsiko tubiri tumaze kuvuga, bashimangiye ko Allah afite ibisingizo, ibigwi n'ibimuranga bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe ntibabisanisha n'iby'ibiremwa, ntibakabije mu kumutagatifuza, ntibanakabije mu gushimangira ibyo bisingizo ngo babisanishe n'ibyibiremwa, ahubwo bo batagatifuje Allah batagize icyo bahakana mu bisingizo bye, barangije bemeza ko afite amazina, ibisingizo, ibigwi n'ibimuranga ariko bidasa nk'iby'ibiremwa. Bityo rero usanisha Allah n'ibiremwa bye aba ahakanye, n'uhakana ibyo Allah yivuzeho aba ahakanye. Ikindi kandi nuko ibyo Allah yivuzeho ndetse n'ibyo Intumwa ye yamuvuzeho nta gusanisha kurimo.

Naho ijambo rigira riti: "**Bakongera bakaba hagati no hagati ku birebana n'ibikorwa bya Allah (nk'igeno) ugereranyije n'abitwa *Al Djab'riyat*,** Aba bavuga ko umuntu nta ruhare yifiteho ko ibyo akora n'ibimubaho byose bigomba kuba nkuko Imana yabyanditse nta ruhare abigizemo, *Al Djab'riyat* iri zina ryabo rikomoka ku guhatira (Al Djab'r) kuko bo bavuga ko umuntu ahatirizwa gukora ibikorwa akora, bo bararengereye mu gushimangira ibikorwa by'Imana kugeza ubwo bavuze ko nta ruhare agira mu byo akora ndetse n'ibimubaho. Kandi ko umuntu nta bikorwa agira bakavuga ko ibiba ku muntu ko ari Allah ubikora, bakabigereranya nko gutitira k'umuntu, bakavuga ko umuntu ashobora kwitirirwa ibikorwa mu rwego rwo gutira inyito ariko ko uba yabikoze ari Allah.

Naho ijambo rigira riti: **“bakaba hagati no hagati ugereranyije na *Al Qadariyat*,** Aba barakabije mu gushimangira uruhare rw’umuntu mu bikorwa bye bavuga ko umuntu ari we wiremera ibikorwa bye Allah nta ruhare aba yabigizemo n’abandi nkabo. Iri zina *Al Qadariyat* rikomoka ku ijambo igeno (*Al Qadar*) aba bo bakabije mu gushimangira uruhare rw’ibikorwa umuntu akora, barangije bavuga ko umuntu ubwe ari we wiremera ibikorwa akora Allah atabigezemo uruhare cyangwa ubushake, bakavuga ko ibikorwa abantu bakora bitinjira mu gushaka kw’Imana, bakavuga ko Allah atigeze abigena cyangwa ngo abishake, ahubwo ko ari abantu babyikorera ubwabo. Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bo bagiye hagati no hagati baravuga bati: Umugaragu afite ubushake n’amahitamo mu bikorwa akora bikanamwitirirwa, ariko akaba nta kintu yakora ubwe bitari ku bushake bwa Allah n’igeno rye. Allah aravuga ati:

قَالَ تَعَالَى:﴿ وَٱللَّهُ خَلَقَكُمْ وَمَا تَعْمَلُونَ ﴿٩٦﴾ ﴾ الصافات: ٩٦

*“Kandi Allah yarabaremye, mwe n’ibyo mukora ubwanyu”*[1]

Uyu murongo wa Qur’an urashimangira ko ibiremwa bigira ibikorwa ariko ibyo bikorwa bikaba ari Allah wabiremye ndetse akanabigena.

Nanone Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى:﴿ وَمَا تَشَآءُونَ إِلَّآ أَن يَشَآءَ ٱللَّهُ رَبُّ ٱلْعَٰلَمِينَ ﴿٢٩﴾ ﴾ التكوير: ٢٩

*Kandi nta cyo mwashaka (ngo kibe) keretse Allah, Nyagasani w’ibiremwa (byose) aramutse agishatse.*[2]

[1] Qur’an 37:96
[2] Qur’an 81:29

Aha Allah yashimangiye ko Ibiremwa bye bigira amahitamo mu bikorwa bikora ariko aya mahitamo aza nyuma y'amahitamo ya Allah, ibisobanuro mu buryo burambuye kuri ibi tuzabibona mu cyigwa cy'ibigendanye n'igeno

Naho ijambo rigira riti: **"Bakongera kuba hagati no hagati ku bijyanye n'ibihano bya Allah"** Ibihano bigambiriwe kuvugwa aha n'ibijyanye ni imirongo ya Qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) zivuga ibihano Allah azaha abanyabyaha.

Naho ijambo rigira riti: **"Ugereranyije n'abitwa *Al Mur'dji-at*"** babona ko iyo umuntu yamaze kuvuga ijambo *La ilaha ila Allah* akemera Imana ko niyo yakora ibyaha bingana gute adahanwa. Inyito ***Al Mur'dji-at*** ni inyito yabavuga ko ibikorwa bitabaririrwa mu kwemera, babona ko uwakoze kimwe mu byaha bikuru bitamugira inkozi y'ibibi.

Mu yindi mvugo nuko bavuga ko iyo umuntu yamaze kwemera akavuga ijambo *La ilaha ila Allah,* icyaha icyo ari cyo cyose yakora ntacyo bitwaye ni umuntu wo mu ijuru, kandi ko aba agifite ukwemera kuzuye, nkuko uwahakanye iri jambo ntacyo bimumariye kuba yakora ibyiza.

Naho ijambo rigira riti: **"...N'abitwaa *Al Wa-idiyayat* baba mu bitwa *Al Qadariyat* ndetse n'abandi..."** Inyito ***Al Wa-idiyayat*** ni inyito yabavuga ko umuyisilamu waguye muri kimwe mu byaha bikuru agapfa aticujije azajya mu muriro ubuziraherezo, bakavuga ko nanone igihe yaguye muri icyo cyaha gikuru akiri ku isi aba atari umwemeramana. Aba batandukanye n'abitwa *Al Murdji-at* kubera gukabya kwabo, bakaba bagizwe n'amatsinda abiri ariyo; *Al Mu-utazilat* na *Al Khawaridj.*

Naho abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat Wal Djam-at)* bo bari hagati no hagati, kuko bo bavuga ko uwaguye muri kimwe mu byaha bikuru aba ari umunyabyaha, kandi Allah

akaba yaramusezeranyije ibihano, akaba anafite ukwemera kutuzuye, akaba ari n'inkozi y'ibibi ariko ntibimwambura ukwemera kwe kose, nta nubwo bizatuma aba mu muriro ubuziraherezo naramuka awinjiyemo, akaba ari munsi y'amahitamo ya Allah, nabishaka azamubabarira kandi nanabishaka azamuhana bigendanye n'ibyaha yakoze maze amukure mu muriro amwinjize mu ijuru.

Abitwa *Al Mur'dji-at* bibanze kuri gihamya zivuga ibijyanye n'ingororano, naho abitwa *Al Wa-idiyayat* bo bibanze kuri gihamya zivuga ibihano, ariko *Ah'lu Sunat Wal Djama-at* bo bahurije hamwe izi gihamya zose.

Naho ijambo rigira riti: **"Bakongera kuba hagati no hagati ku bijyanye n'inyito zishamikiye ku kwemera no ku dini.** Ikigambiriwe kuri izi nyito ni ukuba wavuga ko umuntu runaka ari umwemera, umuhakanyi, umuyisilamu, cyangwa se inkozi y'ibibi, no ku byerekeye ibizahabwa umunyabyaha ku munsi w'imperuka.

Naho ijambo rigira riti: "**Ugereranyije n'abitwa *Al Haruriyat* n'abitwa *Al Mu-utazilat...*"** bakabije kugeza ubwo babona ko umuntu ukora ibyaha bikuru bitari ibangikanyamana bimukura mu idini, akaba atari n'umuyisilamu. Abitwa ***Al Haruriyat,*** bazwi ku rindi zina ari ryo ***Al Khawaridji,*** bakaba bariswe Al Haruriyat bivuye ku izina ry'ahantu hitwa Harura, aha akaba ari mu gihugu cya Iraq, hakaba ari naho abakhawaridji bakusanyiye ubwo bari bamaze kwigumura kuri Ally (Imana imwishimire).

Naho ***Al Mu-utazilat,*** ni abayoboke b'uwitwa Waswil Ibun Atwa-a wigumuye mu kicaro cya Hassan Al Basw'riy, kubera ko batavuze rumwe ku itegeko rireba umuyisilamu waguye mu byaha bikuru.

Naho ijambo rigira riti: “**Bakaba bari hagati no hagati kuri icyo ugereranyije n’abitwa *Al Mur’dji-at* ndetse n’abitwa *Al Djah’miyat”*** babona ko gukora ibyaha ntacyo bitwaye kuko icy’ingenzi ari uko umuntu aba yaremeye ku mutima cyangwa ku rulimi.

Umurongo ngenderwaho w’abitwa *Al Khawaridji* n’abitwa *Al Mu-utazilat* ku bijyanye n’itegeko rireba uwaguye mu byaha bikuru mu bayisilamu barakabya, kugeza ubwo aba *Khawaridji* bavuga ko uwaguye muri ibyo byaha aba atakiri umuyisilamu. Naho aba *Mu-utazilat* bo bavuga ko uwabiguyemo aba atari umuyisilamu kandi atari n’umuhakanyi, ahubwo aba ari mu rwego rwo hagati, bemeranywa ko iyo umuyisilamu aramutse apfuye yarakoze ibyaha bikuru agapfa aticujije ajya mu muriro ubuziraherezo.

Ku rundi ruhande hakaza abitwa *Al Mur’dji-at* na *Al Djah’miyat* bo barabyoroheje barakabya kugeza ubwo bavuga ko uwaguye mu byaha bikuru ntacyo bibangamira ku kwemera kwe, kuko igisobanuro cyo kwemera kuri bo ni: Uguhamya by’umutima no kubivuga ku rulimi, naho ibikorwa byo ntibabishyira mu gisobanuro cy’ukwemera. Ntibemera ko ukwemera kwiyongera kubera gukora ibikorwa byiza, cyangwa ngo kugabanyuke kubera gukora ibyaha, bakavuga bati: Bityo rero niba ibyaha bitagabanya ukwemera, ni nayo mpamvu umunyabyaha adakwiye kujya mu muriro igihe ataziruye ibyo byaha.

Naho abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana *(Ahlu Sunat Wal Djama-at)* bo bagiye hagati no hagati, bavuga ko umuntu kuba umunyabyaha bitamwambura ukwemera, bakemera ko uwaguye mu byaha agapfa aticujije aba ari munsi y’ubushake bwa Allah, nabishaka azamubabarira nanabishaka azamwinjiza mu muriro, ariko ntazawubamo ubuziraherezo. Nkuko *Aba Khawaridj* n’aba *Mu-utazilat* babyemera, Ahlu Sunat Wal Djama-at kandi bemera ko uwaguye mu byaha bituma ukwemera kwe kugabanyuka, kandi ubikora aba akwiye kujya mu muriro cyeretse Allah

amubabariye, abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat Wal Djama-at)* bemera kandi ko ukora ibyaha bikuru aba ari inkozi y'ibibi ifite ukwemera ariko kutuzuye, ntabwo ari nk'uko *Aba Murdji-at* babyemera bavuga ko aba afite ukwemera kuzuye. Allah niwe mumenyi uhebuje.

Naho ijambo rigira riti: **"Bakongera kuba hagati no hagati ku bijyanye n'abasangirangendo b'i Ntumwa y'Imana.** Umusangirangendo w'Intumwa y'Imana ni uwo ari we wese wahuye n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) amwemera akanatabaruka ari kuri iyo myemerere.

Naho ijambo rigira riti: **"Ugereranyije n'abitwa *A-Rawafidw* (*Shiyat*)** banga urunuka abasangirangendo b'Intumwa y'Imana, bakanashyira Ally imbera ya Abubakar na Umar na Uthuman (Imana ibishimire bose).

*A-Rawafidw* biva ku ijambo A-Raf'dwu ari byo bisobanuye kureka babyiswe kuko babwiye Zaid Ibun Ally Ibun Al Husayin bati: Itandukanye na Abubakri na Umar (Imana ibishimire) arabyanga aravuga ati: Allah abindinde maze baramureka (bamuvaho).

Umurongo wabo ngenderwaho ku basanagirangendo b'Intumwa y'Imana, bakabirije Ally (Imana imwishimire) n'abantu bo mu muryango w'Intumwa y'Imana, babarutisha abandi batari bo, banabiba urwango ku bandi basangirangendo b'Intumwa y'Imana, by'umwihariko abasigire b'Intumwa y'Imana batatu: Abubakri, Umar, na Uthman (Imana ibishimire), barabatuka, barabavuma. Hari n'ubwo bavuga ko ari abahakanyi cyangwa bamwe muri bo ari abahakanyi.

Naho ijambo rigira riti: **"bakanaba hagati no hagati kuri icyo ugereranyije n'abitwa *Al Khawaridji*."** Bavuze ko Ally (Imana

imwishimire) ari umuhakanyi banarwanya banica abari kumwe nawe, banazirura imitungo yabo bayifata bugwate.[1]

Naho abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat Wal Djama-at)* bo banyuranyije n'aba bose. Bakunda abasangirangendo bose b'Intumwa y'Imana, ntibagira uwo bakunda muri bo ngo bamukabirize, banemeza ko abasangirangendo bose ari beza, kandi ko ari bo bantu beza mu bayoboke b'Intumwa y'Imana, nyuma y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

## وجوب الإيمان باستواء الله على عرشه وعلوه على خلقه ومعيته لخلقه وأنه لا تنافي بينهما.

**Ni itegeko kwemera ko Allah ari hejuru ya Ar'shi ye kandi akaba ari hejuru y'ibiremwa bye ndetse akanaba ari kumwe n'ibiremwa bye, kandi ko nta kuvuguruzanya kuri hagati yabyo.**

فَصْلٌ: وَقَدْ دَخَلَ فِيمَا ذَكَرْنَاهُ مِنَ الإِيمَانِ بِاللهِ الإِيمَانُ بِمَا أَخْبَرَ اللهُ بِهِ فِي كِتَابِهِ، وَتَوَاتَرَ عَن رَّسُولِهِ، وَأَجْمَعَ عَلَيْهِ سَلَفُ الأُمَّةِ؛ مِنْ أَنَّهُ سُبْحَانَهُ فَوْقَ سَمَاوَاتِهِ، عَلَى عَرْشِهِ، عَلِيٌّ عَلَى خَلْقِهِ، وَهُوَ سُبْحَانَهُ مَعَهُمْ أَيْنَمَا كَانُوا، يَعْلَمُ مَا هُمْ عَامِلُونَ؛ كَمَا جَمَعَ بَيْنَ ذَلِكَ فِي قَوْلِهِ: ﴿هُوَ ٱلَّذِى خَلَقَ ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلْأَرْضَ فِى سِتَّةِ أَيَّامٍ ثُمَّ ٱسْتَوَىٰ عَلَى ٱلْعَرْشِ ۚ يَعْلَمُ مَا يَلِجُ فِى ٱلْأَرْضِ وَمَا يَخْرُجُ مِنْهَا وَمَا يَنزِلُ مِنَ ٱلسَّمَآءِ وَمَا يَعْرُجُ فِيهَا ۖ وَهُوَ مَعَكُمْ أَيْنَ مَا كُنتُمْ ۚ وَٱللَّهُ بِمَا تَعْمَلُونَ بَصِيرٌ﴾ الحديد: ٤

[1] Uwashaka kumenya byimbitse aya mateka yareba ibitabo by'amateka *(Tareikh)* nk'igitabo Al Bidayat wa Nihayat cya Ibun Kathiir n'ibindi.

وَلَيْسَ مَعْنَى قَوْلِهِ: ﴿وَهُوَ مَعَكُمْ ﴾ أَنَّهُ مُخْتَلِطٌ بِالْخَلْقِ؛ فَإِنَّ هَذَا لاَ تُوجِبُهُ اللُّغَةُ، وهْوَ خِلاَفُ مَا أَجْمَعَ عَلَيْهِ سَلَفُ الأُمَّة وخِلاَفُ مَافَطرَ اللَّهُ عَلَى الْخَلْقِ. بَلِ الْقَمَرُ آيَةٌ مِنْ آيَاتِ اللهِ مِنْ أَصْغَرِ مَخْلُوقَاتِهِ، وَهُوَ مَوْضُوعٌ فِي السَّمَاءِ، وَهُوَ مَعَ الْمُسَافِرِ وَغَيْرُ الْمُسَافِرِ أَيْنَمَا كَانَ. وَهُوَ سُبْحَانَهُ فَوْقَ عَرْشِهِ، رَقِيبٌ عَلَى خَلْقِهِ، مُهَيْمِنٌ عَلَيْهِمْ، مُطَّلِعٌ عَلَيْهِم إِلَى غَيْرِ ذَلِكَ مِن مَّعَانِي رُبُوبِيَّتِهِ.

**Icyigwa: Kandi mu byo twavuze bijyanye no kwemera Allah hinjiramo kwemera ibyo Allah yivuzeho mu gitabo cye (Qur'an), hakaninjiramo ibyo Intumwa ye yamuvuzeho, byemeranyijweho n'abatubanjirije beza mu kwemera *(Salafu)*, ko Allah ari hejuru y'ibirere bye hejuru ya Ar'shi ye, akaba hejuru y'ibiremwa bye. Kandi akaba ari kumwe n'ibiremwa bye aho biri hose, azi neza ibyo biba biri gukora nkuko yabihurije hamwe muri uyu murongo wa Qur'an agira ati: *"Ni we waremye ibirere n'isi mu minsi itandatu, hanyuma ajya hejuru ya Ar'shi ye. Azi ibyinjira mu butaka n'ibibusohokamo, ibimanuka mu kirere ndetse n'ibikizamukamo. Kandi aba ari kumwe na mwe aho muri hose. Kandi Allah ni Ubona bihebuje ibyo mukora."* Qur'an 57:4.**

**Ikindi nuko ibisobanuru by'umurongo wa Qur'an ugira uti: *"Kandi aba ari kumwe na mwe"* ntibisobanuye ko yivanga n'ibiremwa kuko ibyo bisobanuro bitajyanye n'urulimi rw'icyarabu. Ikindi nuko butandukanye ni byo abatubanjirije beza mu kwemera bemeranyijweho, bikanatandukana na kamere Allah yaremanye abantu (*Fitwirat*).**

**Kuko ukwezi ni ikimenyetso mu bimenyetso bya Allah kukaba no mu biremwa bye bito, kwashyizwe hejuru mu kirere, ariko kuba kuri kumwe n'uri ku rugendo ndetse n'utaruriho (ku bamurikira) aho baba bari hose.**

**Allah rero ari hejuru ya Ar'shi ye kandi ni nako agenzura ibiremwa bye areba ibyo bikora akanabigenzura, anakora n'ibindi bikorwa bitandukanye biba bigendanye n'ukurema kwe n'ubugenzuzi bwe *(Tauhidu Rubibayat).***

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Aya masomo abiri ariyo kuba Allah ari hejuru ya Arshi ye no kuba ari kumwe n'ibiremwa bye, umwanditsi aha yabigize umwihariko kugira ngo akurireho uwagira urujijo abona ko ibi bintu bibiri biri kuvuguruzanya. Bikaba byaba impamvu yuko umuntu acyeka ko ibyo bisingizo ari nk'iby'ibiremwa, ko Allah yivanze n'ibiremwa bye, yibaza ati: Ni gute Allah ari hejuru y'ibiremwa bye byose hejuru ya Arshi ye kandi akaba anari kumwe n'ibiremwa bye abiri hafi kandi ativanze nabyo?

Igisubizo cy'uru rujijo umuntu yagira twagisubiza mu buryo bukurikira:

1. Nuko icyo gisobanuro gitandukanye n'urulimi rw'icyarabu rw'amanuwemo Qur'an, kuko kuba hamwe n'ikintu cyangwa n'umuntu bitavuze ko muba mwivanze.

NKuko umuntu avuga ati: Aho tugiye hose tuba turi kumwe n'ukwezi! Kandi birazwi ko aho ukwezi kuri n'aho abantu bari harimo intera ndende cyane! Ibi rero niba bivugwa bityo ku biremwa, kandi bikaba bishoboka, ni gute bitavugwa ku Muremyi Allah? Bityo rero kuba Allah ari hamwe n'ibiremwa bye no kuba ari hejuru yabyo mu ijuru nta kuvuguruzanya kurimo.

Urundi rugero: Ushobora kubaza umugabo ugira uti: Ese ubu uri kumwe n'umugore wawe? Akagusubiza ati: Yego! Kandi badahagararanye ngo ubabone, kandi nawe ukemera ko bari kumwe hagamijwe kuvuga ko bakibana.

2. Ikindi nuko iyi mvugo ihabanye n'ibyo abatubanjirije mu kwemera bemeranyijweho mu basangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) n'ababakurikiye, ko Allah ari hejuru ya Arshi ye hejuru y'ibiremwa bye kandi ko adafatanye nabyo. Banemeranywa ko kandi hamwe n'ibyo Allah ari kumwe n'ibiremwa bye mu bumenyi bwe, akaba ari nako basobanuye uyu murongo wa Qur'an uvuga ko Allah ari kumwe n'ibiremwa bye.

3. Ikindi nuko iyi mvugo itandukanye na kamere ndemano Imana yaremeyeho ibiremwa, kuko muri kamere yabyo bizi ko Allah aba hejuru. Iyo umuntu ahuye n'ibyago, ibizazane n'ibiza agashaka kwiyambaza umuremyi we yihutira kureba hejuru, ntareba iburyo cyangwa ibumoso, kandi akabikora ntawe ubimubwiye, kuko niyo kamere Imana yamuremanye.

4. Ikindi nuko iyi mvugo itandukanye n'ibyo Allah we ubwe yavuze mu gitabo cye (Qur'an) ndetse nibyo Intumwa ye (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yamuvuzeho yuko ari hejuru ya Arshi ye, hejuru y'ibiremwa bye, kandi ko aba ari kumwe n'ibiremwa bye aho biba biri hose.

Naho ijambo rigira riti: **"...Allah rero ari hejuru ya Ar'shi ye kandi ni nako agenzura ibiremwa bye areba ibyo bikora akanabigenzura..."** Binashimangirwa n'umurongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ...إِنَّ ٱللَّهَ كَانَ عَلَيۡكُمۡ رَقِيبٗا ١ ﴾ النساء: ١

*"...Mu by'ukuri, Allah ni Umugenzuzi kuri mwe."*[1]

No mu mazina ya Allah harimo A-Raqib: Umugenzuzi, ugenzura ibikorwa by'abagaragu be. No muri iri zina harimo ko Allah ari hafi y'abagaragu be kuko ntiyabagenzura ari kure yabo.

Nanone Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ هُوَ ٱللَّهُ ٱلَّذِي لَآ إِلَٰهَ إِلَّا هُوَ ٱلۡمَلِكُ ٱلۡقُدُّوسُ ٱلسَّلَٰمُ ٱلۡمُؤۡمِنُ ٱلۡمُهَيۡمِنُ ﴾ الحشر: ٢٣

*"Ni Allah, nta yindi mana ibaho itari we; Umwami, Umutagatifu, Umuziranenge, Umwishingizi, Umugenzuzi, Ushobora byose..."* [2]

No mu mazina ya Allah harimo (*Al Muhay'minu)*: risobanuye ureba abagaragu be, uzi neza ibikorwa byabo, unabugenzura.

Naho ijambo rigira riti: "...**anakora n'ibindi bikorwa bitandukanye biba bigendanye n'ukurema kwe n'ubugenzuzi bwe *(Tauhidu A-Rububayat)."*** Allah kuba ari umurezi, umuremyi, umugenga bivuze ko agomba kuba ari hejuru y'ibiremwa bye byose ubwe, agenzura ibikorwa byabyo, akaba hafi yabyo mu bumenyi bwe no ku bimenyaho buri kimwe, akaba ari nawe mugenga wabyo, anabarura ibikorwa byabyo kandi akaba ari nawe uzabihembera cyangwa akabihanira ibikorwa byabyo.

1 Qur'an:4:1
2 Qur'an:59:23

# ما يجب اعتقاده في علوه ومعيته سبحانه ومعنى كونه سبحانه (في السماء) وأدلة ذلك

**Kugaragaza ikiri ngombwa mu kwemera ko Allah ari hejuru kandi ko ari kumwe n'ibiremwa bye bijyanye n'icyubahiro n'ubuhambare bye, n'ibisobanuro by'uko ari hejuru, na gihamya zibigaragaza.**

وَكُلُّ هَذَا الْكَلامِ الَّذِي ذَكَرَهُ اللهُ ـ مِنْ أَنَّهُ فَوْقَ الْعَرْشِ وَأَنَّهُ مَعَنَا ـ حَقٌّ عَلَى حَقِيقَتِهِ، لاَ يَحْتَاجُ إِلَى تَحْرِيفٍ، وَلَكِنْ يُصَانُ عَنِ الظُّنُونِ الْكَاذِبَةِ؛ مِثْلِ أَنْ يُظَنَّ أَنَّ ظَاهِرَ قَوْلِهِ: فِي السَّمَاءِ، أَنَّ السَّمَاءَ تُظِلُّهُ أَوْ تُقِلُّهُ، وَهَذَا بَاطِلٌ بِإِجْمَاعِ أَهْلِ الْعِلْمِ وَالإِيمَانِ؛ فَإِنَّ اللهَ قَدْ وَسِعَ كُرْسِيُّهُ السَّمَوَاتِ وَالأَرْضِ، وَهُوَ يُمْسِكُ السَّمَوَاتِ وَالأَرْضَ أَنْ تَزُولاَ، وَيُمْسِكُ السَّمَاءَ أَنْ تَقَعَ عَلَى الأَرْضِ؛ إِلاَّ بِإِذْنِهِ، وَمِنْ آيَاتِهِ أَنْ تَقُومَ السَّمَاءُ وَالأَرْضُ بِأَمْرِهِ.

**Hamwe n'aya magambo Allah yivugiye ko ari hejuru ya Ar'shi, kandi ko ari kumwe natwe by'ukuri, ntabwo byemewe ko umuntu asobanura imirongo ibivugaho uko itari, ahubwo igikenewe nuko ayisobanura yirinda gukeka byamuviramo kubeshya. Urugero; hari ushobora gukeka ko umurongo uvuga ko "*Allah ari mu ijuru*" ko ashobora gutwikirwa cyangwa gutwarwa n'ikirere. Ibyo bikaba ari ikinyoma nkuko abafite ubumenyi n'ukwemera kwizewe bose babyemeranyijweho. Kuko ahajya ibirenge bye hakwiriye ibirere n'isi. Qur'an 2:255. Kandi ni nawe mu by'ukuri Ufashe ibirere n'isi kugira ngo bitava mu myanya yabyo" Qur'an 35:41 "Anafashe ikirere kugira ngo kitagwa ku isi keretse abishatse. Qur'an 22:65. No mu bimenyetso bye ni uko ikirere n'isi biriho ku bw'itegeko rye. Qur'an 30:25.**

*<u>Ibisobanuro mu buryo burambuye:</u>*

Aha umwanditsi yagaragaje uburyo abantu bagomba kwemera ibyo Allah yivuzeho yuko ari hejuru ya Arshi ye, kandi akaba ari kumwe n'ibiremwa bye, agaragaza ko ari itegeko kubyemera nkuko Allah yabivuze, ntibinememewe kubiha ibindi bisobanuro bitari ibyabyo, nkuko ababihakana mu gatsiko k'abitwa Al Djah'miyat na Al Mu-tazilat n'abandi nkabo babigenza, bakibwira ko ibyo Allah yivugaho aba atagambiriye ibisobanuro bigaragarira buri umwe, ahubwo icyo aba agambiriye ari igisobanuro kizimije. Bagasobanura kuba Allah ari hejuru ya Arshi ye ko igisobanuro cyabyo ari ukuganza mu bwami bwe, bakanasobanura ko kuba Allah ari hejuru y'ibiremwa bye byose bisobanuye ko ari ubuhambare n'imbaraga ze z'ikirenga biri hejuru n'ibindi bisobanuro bitari ukuri bagenda batanga, aribyo guhindura amagambo ya Allah bayakura mu myanya yayo. No muri bo hari abavuga ko kuba Allah ari kumwe natwe, aba ari ahantu hose nkuko agatsiko k'abitwa Al Hululiyat Al Djahmiyat kabivuga n'abandi, Allah aratagatifutse kuri ibyo bavuga.

Naho ijambo rigira riti: "…**ahubwo igikenewe nuko ayisobanura yirinda gukeka byamuviramo kubeshya. Urugero; hari ushobora gukeka ko umurongo uvuga ko "*Allah ari mu ijuru*" ko ashobora gutwikirwa cyangwa gutwarwa n'ikirere…"** Ubusanzwe igitwikira kiba hejuru, kandi kuba Allah hari ikimuri hejuru cyangwa se atwikiriwe, ibi byose kuri Allah ntibishoboka, n'ukeka ko bishoboka yaribeshye kubera impamvu ebyiri zikurikira:

1. Nuko iyi myumvire ihabanye n'ibyo abamenyi bemeranyijweho, kuko bemeranyijwe ko Allah ari hejuru ya Arshi ye hejuru y'ibiremwa bye, no mu bigize Allah nta kiremwa kirimo, no mu bigize ibiremwa nta kintu na kimwe kigize Allah kibirimo.

2. Nuko iyi myumvire ivuguruza gihamya za Qur'an zigaragaza ubuhambare bwa Allah no kuba Allah yihagije, ntacyo akeneye ku biremwa bye, ahubwo ibiremwa ari byo bimukeneye, nkuko Allah abivuga muri uyu murongo agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّ ٱللَّهَ لَغَنِيٌّ عَنِ ٱلْعَالَمِينَ ۝٦ ﴾ العنكبوت: ٦

*"Allah arihagije ntacyo akeneye ku biremwa byose. "*[1]

Ndetse bigashimangirwa n'uyu murongo wa Qur'an ugira uti: "***Kuko ahajya ibirenge bye hakwiriye ibirere n'isi"*** Aha hitwa Kursiyu, iyi Kursiyu ikaba ari ikiremwa gihambaye, ikaba inaruta ibirere n'isi. Naho Arshi ya Allah nayo ikaruta Kursiyu ye. Bityo rero niba ibirere n'isi ari bito kuri Kursiyu ya Allah, na Kursiyu nayo ikaba nto kuri Arshi ya Allah, Allah nawe akaba aruta ibyo byose! Byashoboka bite ko yatwikirwa n'ikirere cyangwa se agatwarwa nacyo?!

Naho iyi mirongo ya Qur'an igira iti: "**Kandi ni nawe mu by'ukuri Ufashe ibirere n'isi kugira ngo bitava mu myanya yabyo" Qur'an 35:41 "Anafashe ikirere kugira ngo kitagwa ku isi keretse abishatse." Qur'an 22:65. "No mu bimenyetso bye ni uko ikirere n'isi biriho ku bw'itegeko rye." Qur'an 30:25.** Iyi mirongo yose iragaragaza ko ibirere n'isi byose bikeneye Allah, kuko niwe ubifashe ngo bitagwa, bityo rero ntibyaba bijya mu bwenge ukuntu Allah Nyir'ubutagatifu yaba abikeneye ngo bimutwikire cyangwa se bimutware, Allah aratagatifutse kuri iyi myumvire.

[1] Qur'an 29:6

## وجوب الإيمان بقربه من خلقه وأن ذالك لا ينافي علوه و فوقيته

**Ni itegeko kwemera ko Allah ari bugufi (yegereye) ibiremwa bye kandi ko ibyo bitanyuranyije no kuba ari hejuru ya byose.**

فَصْلٌ: وَقَد دَّخَلَ فِي ذَلِكَ الإِيمَانُ بِأَنَّهُ قَرِيبٌ مُجِيبٌ؛ كَمَا جَمَعَ بينَ ذَلِكَ في قَوْلِهِ: وَإِذَا سَأَلَكَ عِبَادِي عَنِّي فَإِنِّي قَرِيبٌ, أجيب دعوة الداع إذا دعان ..., الآيَة، وَقَوْلِهِ ﷺ : "إِنَّ الَّذِي تَدْعُونَهُ أَقْرَبُ إِلَى أَحَدِكُم مِّن عُنقِ رَاحِلَتِهِ." وَمَا ذُكِرَ فِي الْكِتَابِ وَالسُّنَّةِ مِنْ قُرْبِهِ وَمَعِيَّتِهِ لاَ يُنَافِي مَا ذُكِرَ مِنْ عُلُوِّهِ وَفَوْقِيَّتِهِ؛ فَإِنَّهُ سُبْحَانَهُ لَيْسَ كَمِثْلِهِ شَيْءٌ فِي جَمِيعِ نُعُوتِهِ، وَهُوَ عَلِيٌّ فِي دُنُوِّهِ، قَرِيبٌ فِي عُلُوِّهِ.

**Icyigwa: Kandi muri uko kwemera hinjiramo kwemera ko Allah ari hafi (y'ibiremwa bye) kandi ko asubiza (ubusabe bwa byo), nkuko Allah yabihurije hamwe aho agira ati: *"Kandi abagaragu banjye nibagira icyo bakubaza (yewe Muhamadi) kuri njye, (babwire uti) mu by'ukuri, njye ndi hafi nsubiza ubusabe bw'usaba igihe ansabye.."* Qur'an 2:186 bikanashimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Mu by'ukuri uwo musaba (Allah) yegereye umwe muri mwe kurusha uko aba yegereye ijosi ry'ingamiya ye." Yemeranyijweho na Bukhari na Musilim.**

**Kandi ibyavuzwe muri Qur'an na Hadithi ko Allah yegereye ibiremwa bye kandi ko ari kumwe na byo ntabwo binyuranya n'ibyavuzwe (muri Qur'an na Hadithi) ko ari hejuru y'ibiremwa bye kuko Allah Nyir'icyubahiro ntacyo wamugereranya nacyo mu bigwi bye byose. Ari hejuru y'ibiremwa bye byose ari nako abyegereye, akaba yegereye ibiremwa bye kandi ari hejuru yabyo.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye*

Ubwo umwanditsi yaramaze gushimangira ko ari itegeko kwemera ko Allah ari hejuru y'ibiremwa bye no kuba ari hejuru ya Arshi ye, yahise yibutsa muri iki kigwa ko hamwe nibyo ari n'itegeko kwemera ko Allah ari hafi y'ibiremwa bye.

Iri jambo rigira riti**: Kandi muri uko kwemera,** aha yashakaga kuvuga kwemera Imana

Naho ijambo rigira riti: **"..hinjiramo kwemera ko Allah ari hafi..."** Hafi y'ibiremwa bye abyegereye, Nkuko yabishimangiye muri Qur'an agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَلَقَدۡ خَلَقۡنَا ٱلۡإِنسَٰنَ وَنَعۡلَمُ مَا تُوَسۡوِسُ بِهِۦ نَفۡسُهُۥۖ وَنَحۡنُ أَقۡرَبُ إِلَيۡهِ مِنۡ حَبۡلِ ٱلۡوَرِيدِ ١٦ ﴾ ق: ١٦

"*Mu by'ukuri, twaremye umuntu kandi tuzi ibyo umutima we umubwiriza. Kandi tumuri bugufi kurusha umutsi w'ubuzima (wo mu ijosi).*" [1] Nanone Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿فَلَوۡلَآ إِذَا بَلَغَتِ ٱلۡحُلۡقُومَ ٨٣ وَأَنتُمۡ حِينَئِذٖ تَنظُرُونَ ٨٤ وَنَحۡنُ أَقۡرَبُ إِلَيۡهِ مِنكُمۡ وَلَٰكِن لَّا تُبۡصِرُونَ ٨٥ ﴾ الواقعة: ٨٣ – ٨٥

*"Nonese (kuki ntacyo mukora) igihe roho (y'umuntu ugiye gupfa) igeze mu muhogo? Icyo gihe muba murebera kandi tuba turi hafi ye kubarusha, ariko mwe ntimubibona."* [2]

Naho ijambo rigira riti: "...**nkuko Allah yabihurije hamwe,...**" yahurije hamwe kuba ari hafi y'ibiremwa bye no kuba abisubiza ubusabe bwabyo, **aho agira ati:*"Kandi abagaragu banjye nibagira icyo bakubaza (yewe Muhamadi) kuri njye, (babwire uti) mu by'ukuri, njye ndi hafi nsubiza ubusabe bw'usaba***

[1] Qur'an 50:16
[2] Qur'an 56:83-86

***igihe ansabye."* Qur'an 2:186,** impamvu yatumye uyu murongo wa Qur'an umanurwa: Nuko hari umugabo waje ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) arayibwira ati: Yewe Ntumwa y'Imana, ese nyagasani wacu ari hafi ku buryo twajya tumuvugisha bucece, cyangwa ari kure tujye tumuhamagara mu ijwi riranguruye? Intumwa y'Imana iraceceka, nuko uyu murongo uramanurwa.

Naho ijambo muri uyu murongo rigira riti: ***njye ndi hafi,*** bivuze ngo Allah ari hafi y'umusaba, Naho irigira riti: ***nsubiza ubusabe bw'usaba igihe ansabye.*** Aha harimo kugaragariza usaba igihe ashatse gusaba Allah ko ari byiza kumusaba bucece atari ngombwa ko amusaba mu ijwi riranguruye, keretse bibaye ngombwa ko arangurura ijwi nk'igihe cy'amasengesho y'imbaga nk'idjuma na Taraweh.

Gusubiza kwa Allah umusabye birimo amoko abiri:

1. Gusubiza mu buryo bwa rusange, aha Allah asubiza umusabye mu rwego rwo kumugaragira, cyangwa se ubusabe bwo kumuha cyangwa kumukemurira ikibazo runaka. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَقَالَ رَبُّكُمُ ٱدْعُونِىٓ أَسْتَجِبْ لَكُمْ ۚ ﴿٦٠﴾ ﴾ غافر: ٦٠

"*Kandi Nyagasani wanyu yaravuze ati: "Nimunsabe, ndabasubiza.*"

aha Allah asubiza ubusabe bw'uwo ari we wese umusabye yaba ari ukora ibyiza cyangwa se ukora ibibi. Uku gusubiza ubusabe bwa buri wese biterwa n'ubushishozi bwa Allah, bikaba ari n'ibigaragaza ubuntu bwa Allah n'ineza agirira ibiremwa bye. Ntibigaragaza ko usabye aba ari mwiza kuruta abandi keretse iyo ari umuntu mwiza bwizwi nk'intumwa z'Imana.

2. Gusubiza mu buryo bw'umwihariko, bikaba bifite impamvu nyinshi zitandukanye muri zo; harimo ubusabe bw'uri mu makuba nk'uko Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ أَمَّن يُجِيبُ ٱلْمُضْطَرَّ إِذَا دَعَاهُ وَيَكْشِفُ ٱلسُّوٓءَ وَيَجْعَلُكُمْ خُلَفَآءَ ٱلْأَرْضِ ۗ أَءِلَٰهٌ مَّعَ ٱللَّهِ ۚ قَلِيلًا مَّا تَذَكَّرُونَ ۝٦٢ ﴾ النمل: ٦٢

*"Ese uwakira ubusabe bw'uri mu makuba igihe amusabye, akanakuriraho (abagaragu be) ikibi ndetse akabagira abasigire ku isi (si we mwiza kurusha ibigirwamana byanyu)? Ese hari indi mana ibangikanye na Allah? Ni gake mwibuka!"* .[1]

No muri izo mpamvu harimo kuba umuntu ari ku rugendo rurerure, no gusaba Allah wifashishije amazina ye meza, ibisingizo n'ibigwi bye, hakabamo n'ubusabe bw'umurwayi, uwahuguje, uwasibye, umubyeyi usabira umwana we, cyangwa se umwana usabira umubyeyi we n'abandi.

Naho imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: **"Mu by'ukuri uwo musaba (Allah) yegereye umwe muri mwe kurusha uko aba yegereye ijosi ry'ingamiya ye."** Iyi mvugo twarayisobanuye mu byigwa byabanje. Bityo rero uyu murongo wa Qur'an n'iyi mvugo y'Intumwa y'Imana biragaragaza ko Allah ari hafi y'usaba kandi ko amusubiza, kandi kuba Allah ari hafi ye ntibikuraho ko ari hejuru y'ibiremwa byose n'iyo mpamvu umwanditsi yahise avuga ati: **Kandi ibyavuzwe muri Qur'an na Hadithi ko Allah yegereye ibiremwa bye kandi ko ari kumwe na byo ntabwo binyuranya n'ibyavuzwe (muri Qur'an na Hadithi) ko ari hejuru y'ibiremwa bye,** kubera ko byose ari ukuri kandi ukuri ntikuvuguruzanya, kubera ko kandi **Allah Nyirucyubahiro ntacyo wamugereranya nacyo mu bigwi bye byose.** Ntibyemewe rero ko wavuga ngo niba Allah ari hejuru

[1] Qur'an 27:62

y‘ibiremwa bye ni gute kandi yaba ari kumwe nabyo? Kuko iki kibazo ukibaza aba yibwira ko Allah agereranywa n’ibiremwa bye, kandi iri gereranya ntabwo ari ryo kuko “**Allah Nyirucyubahiro ntacyo wamugereranya nacyo.**”

Bityo rero kuba Allah ari hafi y’ibiremwa bye no kuba ari hejuru yabyo byose biramuranga, kubera ubuhambare bwe no kuba ari we uhetura buri kimwe, no kubera ko ibirere birindwi mu kuboko kwe ari nk’akabuto gato ka *Khar’dal*[1] mu kuboko k’umuntu. Ni gute rero bitashoboka k’ufite bumwe mu buhambare bumeze butya (Allah) kuba yaba hejuru ya arshi ye ngo anegere ibiremwa bye uko abishaka kandi ari no hejuru ya Arshi?!

## وجوب الإيمان بأن القران كلام الله حقيقة

### Kwemera ko Qur’an ari amagambo ya Allah by’ukuri ni itegeko.

فَصْلٌ: وَمِنَ الإِيمَانِ باللهِ وَكُتُبِهِ الإيمانُ بِأَنَّ الْقُرْآنَ كَلامُ اللهِ، مُنَزَّلٌ، غَيْرُ مَخْلُوقٍ، مِنْهُ بَدَأَ، وَإِلَيْهِ يَعُودُ، وَأَنَّ اللهَ تَكَلَّمَ بِهِ حَقِيقَةً، وَأَنَّ هَذَا الْقُرْآنَ الَّذِي أَنْزَلَهُ عَلَى مُحَمَّدٍ ﷺ هُوَ كَلامُ اللهِ حَقِيقَةً، لاَ كَلامَ غَيْرِهِ. وَلا يَجُوزُ إِطْلاقُ الْقَوْلِ بِأَنَّهُ حِكَايَةٌ عَنْ كَلاَمِ اللهِ، أَوْ عِبَارَةٌ؛ بَلْ إِذَا قَرَأَهُ النَّاسُ أَوْ كَتَبُوهُ فِي الْمَصَاحِفِ؛ لَمْ يَخْرُجْ بِذَلِكَ عَنْ أَنْ يَكُونَ كَلامَ اللهِ تَعَالَى حَقِيقَةً، فَإِنَّ الْكَلاَمَ إِنَّمَا يُضَافُ حَقِيقَةً إِلَى مَنْ قَالَهُ مُبْتَدِئًا، لاَ إِلَى مَنْ قَالَهُ مُبَلِّغًا مُؤَدِّيًا. وَهُوَ كَلامُ اللهِ؛ حُرُوفُهُ، ومَعَانِيهِ؛ لَيْسَ كَلامُ اللهِ الْحُرُوفَ دُونَ الْمَعَانِي، وَلاَ الْمَعَانِيَ دُونَ الْحُرُوفِ.

[1] Khar’dal: Ni ubwoko bw’ikimera cy’ikinyampeke kigira akabuto kangana nk’ururo, mu Gifaransa bacyita Moutarde, mu Cyongereza ni Mustard.

**Icyigwa: No mu kwemera Allah n'ibitabo bye harimo kwemera ko Qur'an ari amagambo ya Allah, yamanuye, kandi ko atari ikiremwa. No kwemera ko yavuye kwa Allah, kandi ko kuri we ari ho izasubira. Kandi ko Allah ari we wavuze amagambo ayikubiyemo by'ukuri. Kandi ko iyi Qur'an yamanuriwe Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), ko ari amagambo ya Allah by'ukuri atari amagambo y'undi utari we. Ntabwo byemewe kuvuga ko iyi Qur'an ari amagambo ameze nk'amagambo y'Imana *(Hikayat)* atari ayayo by'ukuri, cyangwa ko atari amagambo y'Imana by'ukuri ahubwo ari amagambo ari mu mwanya w'amagambo y'Imana *(Ibarat)*. Ariko iyo abantu bayasomye cyangwa bakayandika mu bitabo *(Maswaahif)* ntabwo bisobanura ko aba atakiri amagambo ya Allah by'ukuri. Kubera ko iyo amagambo avuzwe yitirirwa uwayavuze bwa mbere, ntabwo yitirirwa uwayavuze ayageza ku bandi. Qur'an rero ni amagambo ya Allah zaba inyuguti ziyagize ndetse n'ibisobanuro byayo. Ntabwo amagambo ya Allah ari inyuguti gusa zidafite ibisobanuro, cyangwa ngo abe ari ibisobanuro gusa bidafite inyuguti.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Mu misingi yo kwemera harimo kwemera Imana no kwemera ibitabo byayo nk'uko twabibonye mu byigwa byabanje. No muri iyi misingi ibiri tumaze kuvuga hinjiramo kwemera ko Qur'an ari amagambo ya Allah. Kuko kwemera Imana bigendana no kwemera ibisingizo byayo, ibigwi n'ibiyiranga, kandi amagambo ya Allah ari mu bimuranga, kuko mu biranga Allah nuko avuga ibyo ashaka igihe ashakiye. Ikindi twavuga nuko Allah yahoze avuga kandi na nubu aravuga ndetse n'amagambo ye ntashira kandi azanahoraho.

No mu magambo ya Allah harimo aboneka mu gitabo cya Qur'an gitagatifu, kikaba ari nacyo gitabo gihambaye kuruta ibindi bitabo bye, kikaba ari nacyo ku ikubitiro cyinjira mu musingi wo

kwemera ibitabo bye, kikaba cyaramanuwe na Allah kandi akaba ari amagambo ye yavuze, akanayamanurira Intumwa ye Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **"...Qur'an ari amagambo ya Allah, yamanuye."** Ibi birasubiza agatsiko k'abitwa *Al Djahmiyat* n'ak'abitwa *Al Mu-utazilat* bavuga ko atari Allah wayimanuye, kandi ikiri ukuri ari uko ari Allah wayimanuye nkuko bishimangirwa n'imvugo ya Allah igira iti:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... تَنزِيلٌ مِّنْ حَكِيمٍ حَمِيدٍ ۝٤٢ ﴾ فصلت: ٤٢

"...*Ni igitabo cyamanuwe giturutse ku mumenyi uhebuje, Ushimwa cyane*"[1] Nanone Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ إِنَّا نَحْنُ نَزَّلْنَا ٱلذِّكْرَ وَإِنَّا لَهُۥ لَحَٰفِظُونَ ۝٩ ﴾ الحجر: ٩

*"Mu by'ukuri, ni twe twamanuye urwibutso (Qur'an), kandi rwose ni na twe tuzarurinda."*[2]

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "...**kandi ko atari ikiremwa."** Qur'an ntabwo ari ikiremwa nkuko bishimangirwa n'iyi mirongo ya Qur'an igira iti:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... أَلَا لَهُ ٱلْخَلْقُ وَٱلْأَمْرُ ۗ ... ۝٥٤ ﴾ الأعراف: ٥٤

" ... *Mumenye ko kurema no gutegeka ari ibye...*[3]"

Uyu murongo wa Qur'an watandukanyije hagati y'irema rya Allah n'itegeko rye, kandi na Qur'an n'ibimwe mu mategeko ye, nkuko tubisanga mu murongo wa Qur'an ugira uti:

---

[1] Qur'an 41:42.
[2] Qur'an 15:9.
[3] Qur'an 7:54.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَكَذَٰلِكَ أَوْحَيْنَآ إِلَيْكَ رُوحًا مِّنْ أَمْرِنَا ... ﴾ الشورى: ٥٢

*"(Nk'uko twahishuriye intumwa zakubanjirije, yewe Muhamadi) ni nako twaguhishuriye Qur'an ku bw'itegeko ryacu ..."*[1]

Ubwo rero Qur'an nk'amategeko iyo iza kuba ikiremwa ntabwo Allah yari kuyitandukanya n'ibyo yaremye, ariko kuba atari ikiremwa yayivuze ukwayo ayikura mu biremwa.

Ikindi twavuga nuko aya magambo Allah yayiyitiriye mu rwego rwo kugaragaza ko ari kimwe mu bimuranga, kandi ibiranga Allah ntabwo ari ibiremwa. Bityo rero n'amagambo ye si ikiremwa.

Hari na tumwe mu dutsiko twayobye twanyuranyije n'ibi, twavuga zimwe mu mvugo za tumwe muri two:

Imvugo y'agatsiko k'abitwa *Al Djahmiyat* bavuga bati: Mu by'ukuri Imana ntivuga, ahubwo amagambo yayo yayaremeye undi maze akajya avuga mu cyimbo cyayo. Bityo rero kwitirira Imana aya magambo ni ukuyayitirira mu buryo butari bwo, kuko atari yo yayavuze by'ukuri.

Iyi mvugo ntabwo ari ukuri ndetse inatandukanye na gihamya z'idini ndetse n'ubwenge. Ikindi twavuga nuko ihabanye n'imvugo z'abatubanjirije mu kwemera n'abamenyi b'abayisilamu. Kuko ntibijya mu bwenge ko hari uwakitirirwa ko yavuze kandi ataravuze by'ukuri. Ni gute havugwa ngo Imana yaravuze kandi uwavuze atari yo?! Ni gute nanone havugwa ngo amagambo ya Allah kandi ari amagambo y'undi utari we?!

[1] Qur'an 42:52.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "... **(Qur'an) ko yavuye kwa Allah...**" Bisobanuye ko umwimerere wa Qur'an no kuvugwa kwayo bituruka kwa Allah Nyirubutagatifu. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ تَنزِيلُ ٱلْكِتَٰبِ مِنَ ٱللَّهِ ٱلْعَزِيزِ ٱلْحَكِيمِ ۝١ إِنَّآ أَنزَلْنَآ إِلَيْكَ ٱلْكِتَٰبَ بِٱلْحَقِّ فَٱعْبُدِ ٱللَّهَ مُخْلِصًا لَّهُ ٱلدِّينَ ۝٢ ﴾ الزمر: ١ - ٢

*"Ihishurwa ry'iki gitabo (Qur'an) rituruka kwa Allah, Umunyembaraga uhebuje, Ushishoza. Mu by'ukuri, (yewe Muhamadi) twakumanuuriye igitabo mu kuri. Bityo, jya usenga Allah umwibombaritseho."* [1]

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "...**kandi ko (Qur'an) kuri we ari ho izasubira...**" Bisobanuye ko Qur'an izagaruka kwa Allah Nyirubutagatifu, aha abamenyi bakaba barabihaye ibisobanuro bibiri:

1-Nuko Allah igihe kimwe ari mu ijoro azayisubiza maze bucye abantu ntayo bafite, haba mu bituza byabo cyangwa n'aho yanditse. Nkuko bishimangirwa n'imvugo ya Abdullah Ibun Mas'uud (Imana imwishimire) aho yavuze ati:

وقال عبد الله بن مسعود رضي الله عنه: لينزعن القرآن من بين أظهركم يسري عليه ليلاً فيذهب من أجواف الرجال فلا يبقى في الأرض منه شيء.

"Igihe kimwe Qur'an izakurwa mu bituza by'abantu ntihagire umurongo wayo n'umwe usigara ku isi."[2] Ibi bizabaho mu gihe cya nyuma mu bihe by'imperuka ubwo abantu bazaba barayirengagije burundu, batayisoma, batayemera ndetse batanayishyira mu bikorwa. Allah niwe mumenyi uhebuje.

[1] Qur'an 39:1-2.
[2] Yakiriwe na A-Twaburaniy na Ibun Madjah.

Ikindi twakwibutsa nuko aya magambo ya Abdullah Ibun Mas'uud yayakuye ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imiogisha), kuko ibi bidashoboka ko yabivuga ashingiye ku bitekerezo bye. Ibi bikanashimangirwa n'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَلَئِن شِئْنَا لَنَذْهَبَنَّ بِالَّذِي أَوْحَيْنَا إِلَيْكَ ثُمَّ لَا تَجِدُ لَكَ بِهِ عَلَيْنَا وَكِيلًا ﴿٨٦﴾﴾ الإسراء: ٨٦

*"N'iyo tuza kubishaka, twari kukwambura ibyo twaguhishuriye (Qur'an), kandi ntiwari kubona ukurengera (ngo abitubuze).[1]"*

2-Nuko Allah ari we Nyirayo, kandi akaba ari we izagarukaho. Gusa icyo twakibutsa nuko ibi bisobanuro byombi by'iri jambo (**kandi ko kuri we ari ho izasubira**) ari ukuri. Kuko abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djama-at)* babyemeranyijweho.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "...**Kandi ko Allah ari we wavuze amagambo ayikubiyemo by'ukuri. Kandi ko iyi Qur'an yamanuriwe Intumwa Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha), ko ari amagambo ya Allah by'ukuri atari amagambo y'undi utari we."** Aha umwanditsi yari agambiriye gusubiza agatsiko k'abitwa *Al Djah'miyat* kavuga ko amagambo ya Allah (Qur'an) yavuye k'uwundi utari we, kandi ko Allah atigeze ayavuga by'ukuri, ahubwo ari mu rwego rwo kuyitirirwa ariko mu by'ukuri ari ay'undi utari we. Uku kuyamwitirira bikaba ari ukubera ko yayaremye.

Aka gatsiko twagasubiza muri ubu buryo; Allah aramutse atarayavuze by'ukuri ubwo n'ubutumwa yahaye intumwa ze bwaba atari ukuri. Ikindi nuko Allah aramutse atavuga bya nyabyo, ubwo twaba duhakanye no kurema kwe, kuko arema akoresheje ijambo Ba, nuko icyo ashatse kikaba. Ikindi nanone nuko Allah yanenze ibigirwamana by'ababangikanyamana ko bitavuga, bitavugisha ababiramya, iyi akaba ari inenge ikomeye

[1] Qur'an 17:86.

kuri byo. Bisobanuye ko uwuzuye akagira ibisingizo bihambaye agomba kuba avuga. Allah rero aravuga kandi akavuga amagambo yumvwa.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Ntabwo byemewe kuvuga ko iyi Qur'an ari amagambo ameze nk'amagambo y'Imana *(Hikayat)* atari ayayo by'ukuri."** Aha umwanditsi yari agamije gusubiza agatsiko k'abitwa *Al Kulabiyat*, kakurikiye Abu Said Ibun Kulab, kavuga ko amagambo ya Allah ari ibimurimo atavuze, bibarwa mu bimugize nk'ubuzima, ubumenyi bwe n'ibindi, bikaba bidafitanye isano n'ubushake bwe, bityo bikaba bitararemwe. Naho aya magambo tubona, dusoma ndetse tukanumva (Qur'an) agizwe n'inyuguti n'amajwi bakavuga ko yo yaremwe. Bakanavuga ndetse ko ayo magambo yitirirwa Allah ariko mu by'ukuri atari aye nyirizina.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**cyangwa ko atari amagambo y'Imana by'ukuri, ahubwo ari amagambo ari mu mwanya w'amagambo y'Imana *(Ibarat)*..."** Aha umwanditsi yari agamije gusubiza agatsiko k'abitwa *Al Asha-irat* kakurikiye Abi Al Hassan Al Ash-Ariy. Aba nabo imyemerere yabo ku bijyanye n'amagambo y'Imana ikaba imeze kimwe cyangwa se yegereye iy'agatsiko k'abitwa *Al Kulabiyat* bavuzwe ruguru.

Gihamya yabo bagenderaho ni umukarago w'igisigo wavuzwe na Al Akh'twal A-Nasw'ran ugira uti:

إن الكلام لفي الفؤاد وإنما *** جعل اللسان على الفؤاد دليلا

Mu by'ukuri amagambo ni ari mu mutima naho,

Urulimi rwashyiriweho kugaragaza ibiri mu mutima.

Uyu mukarago uramutse ubaye ari impamo, igisobanuro cyawo cyaba ari uko amagambo ava mu mutima urulimi rukaba ari rwo ruyavuga. Naho amagambo avugwa n'urulimi gusa ayo aba ameze

nk'amagambo y'usinziriye. Ariko gihamya za Qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) zivuguruza iyi mvugo.

Ikindi nuko ibyo abafite ubwenge buzima bemera ari uko amagambo yumvwa ari kimwe mu biranga umuntu. Naho ibiri mu mutima ntabwo byitwa amagambo nkuko bishimangirwa na Hadithi y'Intumwa y'Imana igira iti:

وَعَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رَضِيَ اللَّهُ تَعَالَى عَنْهُ عَنِ النَّبِيِّ ﷺ قَالَ: «إِنَّ اللَّهَ تَعَالَى تَجَاوَزَ عَنْ أُمَّتِي مَا حَدَّثَتْ بِهِ أَنْفُسَهَا مَا لَمْ تَعْمَلْ أَوْ تَكَلَّمْ» مُتَّفَقٌ عَلَيْهِ.

Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mu by'ukuri Imana Nyir'ubutagatifu yababariye abayoboke banjye (*Uma*t) ibyo batekereza mu mitima yabo, ariko ntibabikore cyangwa ngo babivuge."[1]

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Naho iyo abantu bayasomye cyangwa bakayandika mu bitabo *(Maswaahif)* ntabwo bisobanura ko aba atakiri amagambo ya Allah by'ukuri."** Aha umwanditsi yavuze aya magambo agamije gutanga ibisubizo bikuraho urujijo rwagizwe na turiya dutsiko twombi twavuze kuri Qur'an binyuranyije n'ukuri. Aha akaba agaragaza ko Qur'an ari amagambo ya Allah, yaba amagambo n'inyuguti ziyigize ndetse n'ibisobanuro byayo aho byaba biri hose. Byaba biri mu mitwe y'abantu, cyangwa mu bituza, cyangwa babisoma ku ndimi zabo, cyangwa byanditswe mu bitabo *(Maswaahif).* Kuba ayo magambo ari ahantu hatandukanye ntibikuraho ko ari amagambo ya Allah, nkuko bishimangirwa n'umurongo wa Qur'an ugira uti:

[1] Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim.

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿بَلْ هُوَ ءَايَٰتٌۢ بَيِّنَٰتٌ فِي صُدُورِ ٱلَّذِينَ أُوتُوا۟ ٱلْعِلْمَ ۚ وَمَا يَجْحَدُ بِـَٔايَٰتِنَآ إِلَّا ٱلظَّٰلِمُونَ ﴿٤٩﴾﴾ العنكبوت: ٤٩

*"Ahubwo yo (Qur'an) ni imirongo isobanutse iri mu bituza by'abahawe ubumenyi. Kandi ntawe uhinyura amagambo yacu uretse abanyamahugu."*[1]

Bikanashimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire) avuga ko:

عَنْ عَبْدِ اللَّهِ بْنِ عُمَرَ، عَنْ رَسُولِ اللَّهِ ﷺ، أَنَّهُ كَانَ يَنْهَى أَنْ يُسَافَرَ بِالْقُرْآنِ إِلَى أَرْضِ الْعَدُوِّ، مَخَافَةَ أَنْ يَنَالَهُ الْعَدُوُّ.

Intumwa y'Intumwa (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije gukorana *Umusafu* urugendo uwujyana mu gihugu cy'abanzi itinya ko wateshwa agaciro.*"*[2] Ibi bigashimangira ko ibiba byanditse mu *misafu* aba ari amagambo ya Allah, kandi aba agomba guhabwa agaciro.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**...kuko iyo amagambo avuzwe yitirirwa uwayavuze bwa mbere, ntabwo yitirirwa uwayavuze ayageza ku bandi."** Iyi ni gihamya muri gihamya zitandukanye umwanditsi yari azanye ashimangira ko Qur'an ari amagambo ya Allah. Kuko umuntu uvuga amagambo ayageza ku bandi atari we wayatangije yaturutseho, uyu aba ari umuhuza gusa ntabwo ari we nyiri amagambo, nta n'ubwo ayitirwa. Nkuko Allah abishimangira agira ati:

[1] Qur'an 29:49

[2] Yakiriwe na Bukhariu na Muslim

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَإِنْ أَحَدٌ مِّنَ ٱلْمُشْرِكِينَ ٱسْتَجَارَكَ فَأَجِرْهُ حَتَّىٰ يَسْمَعَ كَلَٰمَ ٱللَّهِ ... ﴿٦﴾﴾ التوبة: ٦

*"Mu babangikanyamana nihagira ugusaba ubuhungiro (umutekano), ujye ubumuha kugira ngo yumve amagambo ya Allah (Qur'an)…"* [1]

Ukumva kuvugwa hano kubaho hashingiwe kuri wa muhuza uba ugeza ku wundi amagambo ya Allah, ariko ibyumvwa Allah yabyise amagambo ye ntiyabyita amagambo y'uri gusoma, bihita bisobanura ko amagambo yitirirwa uwayavuze bwa mbere.

**Icyitonderwa:** Hari bamwe bitwaza iyi mirongo ya Qur'an igira iti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّهُۥ لَقَوْلُ رَسُولٍ كَرِيمٍ ﴿٤٠﴾ وَمَا هُوَ بِقَوْلِ شَاعِرٍ ۚ قَلِيلًا مَّا تُؤْمِنُونَ ﴿٤١﴾ ﴾ الحاقة: ٤٠ – ٤١

*"Mu by'ukuri, iyi (Qur'an) ni ijambo (rya Allah risomwa) n'Intumwa yubahitse, (Muhamadi) Nta bwo ari imvugo y'umusizi. Ariko mwemera gake!"*[2] Aha uwavugwaga ni Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ababangikanyamana bitiriraga ko Qur'an ari amagambo ye. N'uyu murongo ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّهُۥ لَقَوْلُ رَسُولٍ كَرِيمٍ ﴿١٩﴾ ذِى قُوَّةٍ عِندَ ذِى ٱلْعَرْشِ مَكِينٍ ﴿٢٠﴾ ﴾ التكوير: ١٩ – ٢٠

*"Mu by'ukuri, (Qur'an) ni ijambo ryahishuwe n'Intumwa yubahitse [(Malayika Jibrilu), (riturutse kwa Allah)], (iyo ntumwa) ifite imbaraga, (yahawe na Allah), Nyagasani Nyiri Arshi y'icyubahiro"*[3]. Aha uvugwa ni Malayika Jibril wazanaga ubutumwa abukuye kwa Allah abuzaniye Intumwa y'Imana Muhamad. Bitwaza iyi mirongo ya Qur'an bagamije kwitirira aba bavuzwe muri iyi mirongo amagambo ya Allah (Qur'an), ariko icyo

---

[1] Qur'an 9:6
[2] Qur'an 69:40
[3] Qur'an 81:19-20

twabasubiza nuko bari Intumwa zisohoza ubutumwa atari bo ba Nyir'ubutumwa, nkuko bishimangirwa n'umurongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ۞ يَٰٓأَيُّهَا ٱلرَّسُولُ بَلِّغۡ مَآ أُنزِلَ إِلَيۡكَ مِن رَّبِّكَۖ وَإِن لَّمۡ تَفۡعَلۡ فَمَا بَلَّغۡتَ رِسَالَتَهُۥۚ وَٱللَّهُ يَعۡصِمُكَ مِنَ ٱلنَّاسِۗ إِنَّ ٱللَّهَ لَا يَهۡدِي ٱلۡقَوۡمَ ٱلۡكَٰفِرِينَ ٦٧ ﴾ المائدة: ٦٧

*"Yewe Ntumwa (Muhamadi)! Sohoza ibyo wamanuriwe biturutse kwa Nyagasani wawe. Nutabikora, ubwo uzaba udasohoje ubutumwa bwe. Kandi Allah azakurinda abantu. Mu by'ukuri, Allah ntayobora abantu b'abahakanyi."*[1]

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Qur'an rero ni amagambo ya Allah zaba inyuguti ziyagize, ndetse n'ibisobanuro byayo."** Iyi niyo myemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djama-at),* ivuga ko Qur'an ari amagambo ya Allah haba inyuguti zayo ndetse n'ibisobanuro byayo kandi ko atari ikiremwa. Ninayo ihuje na gihamya zitandukanye zaba iza Qur'an cyangwa Hadithi z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **"Ntabwo amagambo ya Allah ari inyuguti gusa zidafite ibisobanuro."** Aha nanone umwanditsi yahise agaragaza imyemerere y'agatsiko k'abitwa *Al Mu-utazilat* na *Al Djah'miyat* ku bijyanye n'amagambo ya Allah, bavuga ko amagambo ya Allah ari inyuguti n'amajwi Allah yaremye, hatarimo ibisobanuro, kakaba kabona ko iyo havuzwe amagambo haba hagamijwe inyito gusa, atari ibisobanuro. Bityo Allah akaba yarayiyitiriye mu rwego rwo ku yubahisha no ku yahesha agaciro.

---

[1] Qur'an 5:67

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Cyangwa ngo abe ari ibisobanuro gusa bidafite inyuguti.**" Aha umwanditsi yahise agaragaza imyemerere y'udutsiko *Al Kulabiyat* na *Al Asha-irat,* two tunyuranya n'utumaze kuvugwa tukaba tuvuga ko amagambo ya Allah ari ibisobanuro ariko inyuguti n'amajwi ko ari ibiremwa bimeze nk'amagambo ya Allah.

## وجوب الإيمان برؤية المؤمين ربهم يوم القيامة ومواضع الرؤية.

**Abemeramana kwemera ko bazareba umuremyi wabo (Allah) ku munsi w'imperuka, n'aho bazamubonera ni itegeko.**

فَصْلٌ: وَقَد دَّخَلَ أَيْضًا فِيمَا ذَكَرْنَاهُ مِنَ الإِيمَانِ بِهِ وَبِكُتُبِهِ وَبِمَلاَئِكَتِهِ وَبِرُسُلِهِ: الإِيمَانُ بِأَنَّ الْمُؤْمِنِينَ يَرَوْنَهُ يَوْمَ الْقِيَامَةِ عَيَانًا بِأَبْصَارِهِمْ كَمَا يَرَوْنَ الشَّمْسَ صَحْوًا لَيْسَ بِهَا سَحَابٌ، وَكَمَا يَرَوْنَ الْقَمَرَ لَيْلَةَ الْبَدْرِ لاَ يُضَامُونَ فِي رُؤْيَتِهِ. يَرَوْنَهُ سُبْحَانَهُ وَهُمْ فِي عَرَصَاتِ الْقِيَامَةِ، ثُمَّ يَرَوْنَهُ بَعْدَ دُخُولِ الْجَنَّةِ؛ كَمَا يَشَاءُ اللهُ تَعَالَى.

**Icyigwa: No mu byo twavuze bijyanye no kwemera Allah n'ibitabo bye n'Abamalayika be n'Intumwa ze, hinjiramo kwemera ko Abemeramana bazareba umuremyi wabo Allah ku munsi w'imperuka imbona nkubone bamurebesha amaso yabo, nkuko bareba izuba rikeye ridakikijwe n'ibicu, banamurebe nkuko bareba ukwezi kw'inzora ntawe ubangamira undi mu ku mureba. Bazareba Allah bari ku rubuga rw'ibarura, bongere kumureba bamaze kwinjira mu ijuru *(Al Djanat)* nkuko Allah azabishaka.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Impamvu umwanditsi yagaragaje ibijyanye no kureba Imana ku munsi w'imperuka ko byinjira mu kwemera Imana, ibitabo byayo n'intumwa zayo nuko Imana yabivuze mu gitabo cyayo Qur'an, ndetse n'Intumwa yayo Muhamad (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ikabivuga. Ubwo rero utemera ko abemeramana bazareba Imana, azaba ahinyuje Imana, ibitabo byayo n'intumwa zayo, kuko ubyemera agomba kwemera n'ibyo byigishije.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "...**bazareba umuremyi wabo Allah ku munsi w'imperuka imbonankubone bamurebesha amaso yabo...**" Uku ni ukumureba kwa nyako, ntabwo ibi byavuzwe mu rwego rwo gutira inyito, nkuko bivugwa n'agatsiko k'abitwa *Al Mu-atwilat.*

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "...**nkuko bareba izuba rikeye ridakikijwe n'ibicu banamurebe nkuko bareba ukwezi kw'inzora ntawe ubangamira undi mu ku mureba...**" Uku ni ukumureba kwa nyako kandi kutarimo kugoka cyangwa inzitizi nkuko twagiye tubibona muri gihamya zitandukanye zaba iza Qur'an cyangwa se iz'Intumwa y'Imana, harimo na Hadithi y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

"إِنَّكُمْ سَتَرَوْنَ رَبَّكُمْ كَمَا تَرَوْنَ الْقَمَرَ لَيْلَةَ الْبَدْرِ، لاَ تُضَامُونَ فِي رُؤْيَتِهِ، فَإِنِ اسْتَطَعْتُمْ أَن لاَّ تُغْلَبُوا عَلَى صَلاةٍ قَبْلَ طُلُوعِ الشَّمْسِ وَصَلاةٍ قَبْلَ غُرُوبِهَا؛ فَافْعَلُوا". مُتَّفَقٌ عَلَيْهِ.

"Mu by'ukuri muzareba Nyagasani wanyu (Allah) nkuko mureba ukwezi kw'inzora, muzamureba ntawe ubangamira undi. Ntimukajye muneshwa ngo mureke gukora isengesho mbere yuko izuba rirasa (Al Fadjir) n'isengesho mbere y'uko rirenga (Al As'ri).[1]"

---

[1] Yemeranyijweho na Bukhari na Muslimu.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti:"…**Bazareba Allah bari ku rubuga rw'ibarura, bongere kumureba bamaze kwinjira mu ijuru *(Al Djanat)*…"** Aha umwanditsi yagaragaje aho abantu bazarebera Allah, agaragaza ko ari ahantu habiri, ahambere: Ni ku rubuga rw'ibarura, aha abamenyi batandukanye mu buryo butatu mu kugaragaza abazamureba, hari bamwe mu bamenyi bavuze ko azarebwa n'abemeramana, indyarya hamwe n'abahakanyi. Abandi bavuga ko azarebwa n'abemeramana n'indyarya gusa. Abandi bavuga ko azarebwa n'abemeramana gusa.

Ahakabiri: Ni mu ijuru aha abemeramana bazaba bamaze kuryijiramo bazareba umuremyi wabo nkuko twagiye tubibona muri gihamya zitandukanye zaba iza Qur'an n'iza Hadith, tukanasubiza dukuriraho urujijo abantu bagize kuri iki cyigwa. Ijuru (Al Djanat) ubundi mu rulimi rw'icyarabu bisobanuye ubusitani, ariko ikigamijwe aha, ni ingoro yuje ingororano zitandukanye Allah yateganyirije abamwemeye.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "…**nkuko Allah azabishaka."** Bisobanuye ko bazamureba mu buryo we ashatse, ariko ntibazamuhetura, kandi ubu nta muntu uzi uburyo uko kumureba kuzaba kumeze.

## ما يدخل في الإيمان باليوم الآخر

## Ibikubiye mu kwemera umunsi w'imperuka

### ما يكون في القبر

### 1: Harimo kwemera ibibera mu mva.

فَصْلٌ: وَمِنَ الإِيمَانِ بِالْيَوْمِ الآخِرِ الإِيمَانُ بِكُلِّ مَا أَخْبَرَ بِهِ النَّبِيُّ ﷺ مِمَّا يَكُونُ بَعْدَ الْمَوْتِ، فَيُؤْمِنُونَ بِفِتْنَةِ الْقَبْرِ، وَبِعَذَابِ الْقَبْرِ وَنَعِيمِهِ. فَأَمَّا الْفِتْنَةُ؛ فَإِنَّ النَّاسَ يُمْتَحَنُونَ فِي قُبُورِهِمْ، فَيُقَالُ للرَّجُلِ: مَن رَّبُكَ؟ وَمَا دِينُكَ؟ وَمَن نَّبِيُّك؟

فيُثَبِّتُ اللهُ الَّذِينَ آمَنُوا بِالْقَوْلِ الثَّابِتِ فِي الْحَيَاةِ الدُّنْيَا وَفِي الآخِرَةِ، فَيَقُولُ الْمُؤْمِنُ: رَبِّيَ اللهُ، وَالإِسْلاَمُ دِينِي، وَمُحَمَّدٌ ﷺ نَبِيِّي. وَأَمَّا الْمُرْتَابُ؛ فَيَقُولُ: هَاه هَاه؛ لاَ أَدْري، سَمِعْتُ النَّاسَ يَقُولُونَ شَيْئًا فَقُلْتُهُ، فَيُضْرَبُ بِمِرْزَبَةٍ مِنْ حَدِيدٍ، فَيَصِيحُ صَيْحَةً يَسْمَعُهَا كُلُّ شَيْءٍ إلاَّ الإِنْسَانَ، وَلَوْ سَمِعَهَا الإِنْسَانُ لَصُعِقَ. ثُمَّ بَعْدَ هّذِهِ الْفِتْنَةِ إمَّا نَعِيمٌ وَإِمَّا عَذَابٌ.

**Icyigwa: No mu bijyanye no kwemera umunsi w'imperuka, harimo kwemera buri kintu cyose Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze kiba ku wapfuye nyuma yo gupfa. Abemeramana bagomba kwemera igeragezwa ribera mu mva, bakanemera ko mu mva harimo ibihano (ku nkozi z'ibibi) n'ingororano (ku bakoze ibyiza).**

**Naho ku bijyanye n'igeragezwa, abantu bazageragezwa mu mva zabo. Nuko umuntu abazwe ati: Imana yawe ni iyihe? Idini ryawe ni irihe? Intumwa yawe ni iyihe? Nuko Allah ashoboze babandi bemeye kuvuga ijambo rihamye (guhamya**

**ko nta yindi mana ikwiye gusengwa by'ukuri uretse Allah, no guhamya ko Muhamadi ari intumwa ye) mu buzima bwo ku isi, ndetse no mu buzima bwa nyuma.**

**Nuko umwemeramana asubize ati: Imana yanjye ni Allah, idini ryanjye ni Isilamu, n'intumwa yanjye ni Muhamadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha).**

**Naho uwari ufite gushidikanya we azasubiza ati: Hahh, Hahh, ntabwo nzi igisubizo! Numvise abantu bavuga ibintu nanjye ndabivuga, nuko akubitwe inyundo ikozwe mu muringa, maze atake aboroga umuborogo wumvwa na buri kiremwa usibye umuntu, kandi iyo umuntu aza kumva urusaku rw'uwo muborogo yari kugwa igihumure.**

**Nyuma y'iryo geragezwa hazabaho kugororerwa ibyiza cyangwa guhanirwa ibibi.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Umunsi w'imperuka ufite amazina menshi mu gitabo cya Qur'an, ayazwi cyane twavugamo (*Yawumul Qiyamat:* Umunsi w'igihagararo. *Yawumul Aakher*: Umunsi wa nyuma, n'andi mazina). Kwemera uyu munsi ni inkingi ya gatanu mu nkingi esheshatu zigize ukwemera.

Ikindi nuko ubwenge na kamere bidashidikanya ko uyu munsi uzabaho kuko nta kitagira iherezo. Ikindi kandi nuko uyu munsi wavuzwe mu bitabo byose byavuye ku Mana, kandi intumwa zose zahanuriye abo zoherejweho kwemera uyu munsi. Wiswe umunsi w'imperuka kuko ari wo isi izarangiriraho. Umwanditsi rero hano yagaragaje ibiranga umuntu wemera umunsi w'imperuka, avuga ko ari **ukwemera buri kintu cyose Allah n'Intumwa ye (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bavuze kiba ku wapfuye nyuma yo gupfa.** No muri byo twavuga nk'abamalayika umuntu abona iyo ari gupfa, n'iyo akimara gupfa, n'iyo agejejwe mu mva, ndetse no

kuzurwa kwe avanwa muri iyo mva. Hari bamwe mu bantu bahakana iby'uyu munsi ariko mukuri bigiza nkana, bakawuhakana bashingiye ku bitekerezo byabo bipfuye, babona yuko ubuzima bw'umuntu burangirira kuri iyi si. Allah yabanenze ahantu hatandukanye muri Qur'an nk'aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَقَالُوا۟ مَا هِىَ إِلَّا حَيَاتُنَا ٱلدُّنْيَا نَمُوتُ وَنَحْيَا وَمَا يُهْلِكُنَآ إِلَّا ٱلدَّهْرُ ۚ وَمَا لَهُم بِذَٰلِكَ مِنْ عِلْمٍ ۖ إِنْ هُمْ إِلَّا يَظُنُّونَ ﴿٢٤﴾﴾ الجاثية : ٢٤

*"Kandi baravuze bati: "Ubuzima nta kindi buri cyo usibye kuba ku isi, tugapfa tukanabaho, kandi nta kindi kitworeka kitari igihe. Ibyo nta bumenyi babifitiye, usibye gukeka gusa".*[1] Nanone Allah yasubije bahakana umunsi w'imperuka ibyo bibazo bibaza agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿يَـٰٓأَيُّهَا ٱلنَّاسُ إِن كُنتُمْ فِى رَيْبٍ مِّنَ ٱلْبَعْثِ فَإِنَّا خَلَقْنَـٰكُم مِّن تُرَابٍ ثُمَّ مِن نُّطْفَةٍ ثُمَّ مِنْ عَلَقَةٍ ثُمَّ مِن مُّضْغَةٍ مُّخَلَّقَةٍ وَغَيْرِ مُخَلَّقَةٍ لِّنُبَيِّنَ لَكُمْ ۚ وَنُقِرُّ فِى ٱلْأَرْحَامِ مَا نَشَآءُ إِلَىٰٓ أَجَلٍ مُّسَمًّى ثُمَّ نُخْرِجُكُمْ طِفْلًا ثُمَّ لِتَبْلُغُوٓا۟ أَشُدَّكُمْ ۖ وَمِنكُم مَّن يُتَوَفَّىٰ وَمِنكُم مَّن يُرَدُّ إِلَىٰٓ أَرْذَلِ ٱلْعُمُرِ لِكَيْلَا يَعْلَمَ مِنۢ بَعْدِ عِلْمٍ شَيْـًٔا ۚ وَتَرَى ٱلْأَرْضَ هَامِدَةً فَإِذَآ أَنزَلْنَا عَلَيْهَا ٱلْمَآءَ ٱهْتَزَّتْ وَرَبَتْ وَأَنۢبَتَتْ مِن كُلِّ زَوْجٍۭ بَهِيجٍ ﴿٥﴾﴾ الحج: ٥

*"Yemwe bantu! Niba mushidikanya ku izuka, mu by'ukuri, twabaremye tubakomoye mu gitaka, hanyuma mu ntanga, hanyuma mu rusoro rw'amaraso, hanyuma mu kinyamanyama kigaragaza ishusho n'ikitayigaragaza; kugira ngo tubagaragarize (ubushobozi bwacu). Tunarekera muri nyababyeyi uwo dushaka kugeza ku gihe cyagenwe. Maze tukabasohora (muri nyababyeyi) muri impinja, kugira ngo muzagere mu gihe cyanyu cy'ubukure. No muri mwe, hari abapfa batarageza icyo gihe (cy'ubukure), ndetse*

---

[1] Qur'an 45:24

*muri mwe hari n'abagezwa mu zabukuru bakamera nk'aho batigeze bagira icyo bamenya. Ndetse ubona ubutaka bwumaganye maze twabumanuraho amazi (imvura), bukanyeganyega bukanarumbuka bukanameraho ibimera binyuranye bishimishije."*[1]

Izi ni zimwe mu ngero Allah yahaga abahakana umunsi w'imperuka abereka ko baramutse batekereje uburyo ibimera abimeza, batagombye gushidikanya ku kuzazura ibiremwa ku munsi wa nyuma.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Abemeramana bagomba kwemera igeragezwa ribera mu mva, bakanemera ko mu mva harimo ibihano (ku nkozi z'ibibi) n'ingororano (ku bakoze ibyiza**)." Aha umwanditsi yagaragaje bimwe mu bintu biba ku muntu iyo amaze gupfa akanashyingurwa avuga ibintu bibiri:

**Icya mbere:** Igeragezwa ribera mu mva. N'ikigamijwe muri iri geragezwa ni ibibazo by'abamalayika babiri (Mun'kar hamwe na Nakiiru) bamubaza.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti**: "Naho ku bijyanye n'igeragezwa, nuko abantu bazageragezwa mu mva zabo."** Shekh Muhamad Ibun Swaleh Al Uthaymini asobanura iki gitabo, yavuze ko umwanditsi aha yavuze abantu muri rusange, agaragaza ko hari gihamya za Qur'an na Hadith zagaragaje ko hari ubwoko bw'abantu batanu batazigera bageragezwa mu mva zabo ari bo aba bakurikira:

1. Intumwa n'abahanuzi.
2. Abemeye by'ukuri.
3. Abaguye ku rugamba baharanira inzira y'Imana (Shuhada-u)
4. Abarinda ibirindiro ku rugamba baharanira inzira y'Imana (Murabitwuna).

---

[1] Qur'an 22:5

5. Abatarigeze bagira ubwenge na gato nk'abasazi n'abana bato, nubwo bwose iki cya gatanu abamenyi batakivuzeho rumwe.

Ibibazo abamalayika bamubaza yakomeje abigaragaza agira ati: **Umuntu abazwe ati: Imana yawe ni iyihe? Idini ryawe ni irihe? Intumwa yawe ni iyihe?** Iyo umuntu amaze kubazwa ibi bibazo akabisubiza neza, icyo gihe atangira kugororerwa mbere y'uko umunsi w'imperuka ugera. Naho iyo bimunaniye ntabashe kubisubiza nk'uko bikwiye, icyo gihe atangira guhanwa mbere y'uko umunsi w'imperuka ugera. Ku bijyanye n'abemeramana barangwa n'ibikorwa byiza mu gusubiza ibi bibazo. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ يُثَبِّتُ ٱللَّهُ ٱلَّذِينَ ءَامَنُواْ بِٱلۡقَوۡلِ ٱلثَّابِتِ فِي ٱلۡحَيَوٰةِ ٱلدُّنۡيَا وَفِي ٱلۡأٓخِرَةِۖ وَيُضِلُّ ٱللَّهُ ٱلظَّٰلِمِينَۚ وَيَفۡعَلُ ٱللَّهُ مَا يَشَآءُ ٢٧ ﴾ إبراهيم: ٢٧

*"Allah ashoboza babandi bemeye kuvuga ijambo rihamye (guhamya ko nta yindi mana ikwiye gusengwa mu kuri uretse Allah, no guhamya ko Muhamadi ari intumwa yayo) mu buzima bwo ku isi, ndetse no mu buzima bwa nyuma (bakabasha gusubiza neza ibibazo by'abamalayika mu mva). Kandi Allah ntazashoboza abanyamaguhu (gusubiza ibyo bibazo byo mu mva), kandi Allah akora icyo ashaka."*[1]

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Naho uwari ufite ugushidikanya asubize ati: Hahh, Hahh, ntabwo nzi igisubizo! Numvise abantu bavuga ibintu nanjye ndabivuga."** Uyu ntabwo azashobora gusubiza ibibazo kubera ko atemeye by'ukuri ngo yemere Allah n'Intumwa Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha). Nabazwa agashaka gusubiza azateshaguza kabone nubwo hano ku isi yaba yari mu bantu b'abahanga kandi b'intyoza mu kuvuga. Nk'uko Allah yabishimangiye agira ati:

---

[1] Qur'an 14:27

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... وَيُضِلُّ ٱللَّهُ ٱلظَّٰلِمِينَۚ ... ﴿٢٧﴾ ﴾ إبراهيم: ٢٧

*"...Kandi Allah ntazashoboza abanyamaguhu (gusubiza ibyo bibazo byo mu mva)..."* [1]

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **"Nuko akubitwe inyundo ikozwe mu muringa, maze atake aboroga umuborogo wumvwa na buri kiremwa usibye umuntu, kandi iyo umuntu aza kumva urusaku rw'uwo muborogo yari kugwa igihumure."** Nuko umwanditsi agaragaza ubugenge buri mu kuba abantu batumva ibihano bibera mu mva harimo;

1. Kuba baramutse babyumvise bashobora kugwa igihumure cyangwa bashobora gupfa.
2. Kuba ubuzima bwabo kuri iyi isi bwahungabana bakabaho badatuje.
3. Kuba Allah yaragize ibibera mu mva ko biri mu kwemera ibyihishe bitagaragara, ubwo rero iyo abantu baza kuba babyumva bakanabibona, nta gaciro uko kwemera kwari kuba gufite.
4. Kuba abantu bahambwa bakibonera ukuri kwabyo, byatumye badahabwa kumenya imiterere yabyo bakiri ku isi, bishimangirwa na Hadith y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

حديث زيد بن ثابت رضي الله عنه قال:قال ﷺ: فلولا أن لا تدافنوا لدعوت الله أن يسمعكم من عذاب القبر الذي أسمع منه...

"Iyo muza kuba mudapfa ngo mushyingurwe, nari gusaba Allah akajya abumvisha ibihano byo mu mva."[2]

[1] Qur'an 14:27
[2] Yakiriwe na Muslim (2867).

**Icya kabiri:** Mu bizabera mu mva nyuma y'igeragezwa ni uguhembwa cyangwa guhanwa. Bigashimangirwa n'ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **"Nyuma y'iryo geragezwa hazabaho kugororerwa ibyiza cyangwa guhanirwa ibibi."** Aha harimo gushimangira ibihano byo mu mva ndetse n'ibihembo byaho.

Imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) kuri iki, bemera ko iyo umuntu apfuye aba ari mu bihano cyangwa ari mu ngororano hashingiwe ku kwemera kwe n'ibikorwa yakoze atarapfa. Bakemera ko ibyo biba kuri roho no ku mubiri we nkuko gihamya zitandukanye zagiye zibigaragaza.

Nta n'ubwo babijyaho impaka, ndetse nta n'ubwo bagaragaza imiterere y'ubwo buzima, kubera ko ubuzima bw'imperuka buri mu byihishe, Allah akaba ari we uzi imiterere y'ubwo bumenyi ndetse na bamwe mu ntumwa ze ashatse yabweretse.

Agatsiko k'abitwa *Al Mu-utazilat* kahakanye ibijyanye n'ibihano byo mu mva kitwaje ko batabyumva cyangwa se ngo babibone ku bo biba bibaho! Ariko igisubizo twabaha, nuko kuba umuntu atareba ikintu cyangwa ngo acyumve, ntabwo bikuyeho ko icyo kintu kiba kitariho cyangwa ko kitabaho! Nonese ni ibintu bingahe tutabona cyangwa ngo tubyumve kandi biriho tanabana nabyo mu buzima bwa buri munsi, kandi tukanemera ko biriho!? Igisubizo nuko ari byinshi. Ibyo nabyo rero nibyo byinjiramo ibihano n'ingororano bibera mu mva.

Allah rero yaduhishe ibibera mu mva mu buryo bwo tugerageza kugira ngo hamenyekane uwemera iriya nkingi yo kwemera ibitagaragara n'utayemera. Ikindi kandi nuko ubuzima bw'imperuka butagereranywa n'ubuzima bw'isi.

Ibihano byo mu mva biri mu buryo bubiri:

**Uburyo bwa mbere:** Ibihano bihoraho; ari byo byateganyirijwe abahakanye Allah. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ٱلنَّارُ يُعۡرَضُونَ عَلَيۡهَا غُدُوّٗا وَعَشِيّٗاۚ ... ﴿٤٦﴾ ﴾ غافر: ٤٦

*"Umuriro bawushyirwamo mu gitondo na nimunsi (aho bari mu mva zabo)..."*[1]

**Uburyo bwa kabiri:** Ni ibihano bidahoraho bishobora kubaho igihe runaka bikaza kurangira; ibyo ni ibihano bya bamwe mu bemeramana bakoze ibyaha bitari ibangikanyamana. Abo bazahabwa ibihano nibirangira boroherezwe, nkuko ibyo bihano bishobora gukurwaho kubera ubusabe bamusabira, cyangwa ituro bamutangira, cyangwa se ikindi cyiza bamukorera.

## القيامة الكبرى وما يجري فيها

### 2: Imperuka nkuru n'ibizayiranga:

إِلَى أَنْ تَقُومَ الْقِيَامَةُ الْكُبْرى، فَتُعَادُ الأَرْوَاحُ إِلَى الأَجْسَادِ. وَتَقُومُ الْقِيَامَةُ الَّتِي أَخْبَرَ اللهُ بِهَا فِي كِتَابِهِ، وَعَلَى لِسَانِ رَسُولِهِ، وَأَجْمَعَ عَلَيْهَا الْمُسْلِمُونَ. فَيَقُومُ النَّاسُ مِنْ قُبُورِهِمْ لِرَبِّ الْعَالَمِينَ حُفَاةً عُرَاةً غُرْلاً.

**Kugeza igihe imperuka nkuru izabera, nuko roho zigasubizwa mu mibiri, maze habeho imperuka yavuzwe na Allah mu**

[1] Qur'an 40:46.

**gitabo cye, ikaba yaranahanuwe n'Intumwa ye, ndetse n'abayisilamu bemeranywa ko ari impamo. Abantu basohoke mu mva zabo bahagarare imbere y'Imana Umuremyi wa buri icyo ari cyo cyose, batambaye inkweto, bambaye ubusa buri buri, kandi batanasiramuye.**

<u>*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*</u>

Umwanditsi nyuma yo kugaragaza ko umunsi w'imperuka uriho kandi ko ari itegeko kuwemera, na nyuma yuko agaragaje ubuzima bwo mu mva yakurikijeho kugaragaza ibizaba kuri uwo munsi, ari nabwo umunsi mukuru w'imperuka uzaba utangiye. Icyo twakwibutsa nuko ubusanzwe umuntu anyura mu buzima bw'ibyiciro bitanu, nkuko byagaragajwe na Sheikh Muhamad Ibun Swaleh Al Uthaymin asobanura iki gitabo:

**Icya mbere:** Igihe umuntu yamaze atari ho. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ هَلۡ أَتَىٰ عَلَى ٱلۡإِنسَٰنِ حِينٞ مِّنَ ٱلدَّهۡرِ لَمۡ يَكُن شَيۡـٔٗا مَّذۡكُورًا ١ ﴾ الإنسان: ١

*"Ese nta gihe kirekire cyabayeho umuntu ari ikintu kitazwi?"*[1]

**Icya kabiri:** Igihe cyo gusamwa. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... يَخۡلُقُكُمۡ فِي بُطُونِ أُمَّهَٰتِكُمۡ خَلۡقٗا مِّنۢ بَعۡدِ خَلۡقٖ فِي ظُلُمَٰتٖ ثَلَٰثٖۚ ذَٰلِكُمُ ٱللَّهُ رَبُّكُمۡ لَهُ ٱلۡمُلۡكُۖ لَآ إِلَٰهَ إِلَّا هُوَۖ فَأَنَّىٰ تُصۡرَفُونَ ٦ ﴾ الزمر: ٦

"... *Abaremera mu nda za ba nyoko, mu byiciro bikurikirana, mu myijima itatu (mu nda, muri nyababyeyi no mu ngobyi). Uwo ni we Allah Nyagasani wanyu, nyir'ubwami bwose. Nta yindi mana*

[1] Qur'an 76:1

*ikwiriye gusengwa mu kuri itari we. Ese ni gute mwakurwa ku kugaragira (Allah wenyine)?*[1]

**Igice cya gatatu:** Ubuzima bwo ku isi. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَٱللَّهُ أَخْرَجَكُم مِّنۢ بُطُونِ أُمَّهَٰتِكُمْ لَا تَعْلَمُونَ شَيْـًٔا وَجَعَلَ لَكُمُ ٱلسَّمْعَ وَٱلْأَبْصَٰرَ وَٱلْأَفْـِٔدَةَ لَعَلَّكُمْ تَشْكُرُونَ ﴿٧٨﴾﴾ النحل: ٧٨

*"Ndetse Allah yabakuye mu nda z'ababyeyi banyu (muza ku isi) nta cyo muzi, maze abaha kumva, kubona n'imitima kugira ngo mushimire."*[2]

**Igice cya kane:** Ubuzima bwo mu mva. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَمِن وَرَآئِهِم بَرْزَخٌ إِلَىٰ يَوْمِ يُبْعَثُونَ ﴿١٠٠﴾﴾ المؤمنون: ١٠٠

*"...Kandi inyuma yabo hari urukuta (rubabuza kugaruka ku isi) kuzageza ku munsi bazazurwaho".*[3]

**Igice cya gatanu:** Ubuzima bwo ku munsi w'imperuka. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ثُمَّ إِنَّكُم بَعْدَ ذَٰلِكَ لَمَيِّتُونَ ﴿١٥﴾ ثُمَّ إِنَّكُمْ يَوْمَ ٱلْقِيَٰمَةِ تُبْعَثُونَ ﴿١٦﴾﴾ المؤمنون: ١٥ – ١٦

*"Nyuma y'ibyo, mu by'ukuri muzapfa. Hanyuma (na none), ku munsi w'imperuka muzazurwa."*[4]

Ikindi twakwibutsa nuko buri buzima muri ubu buzima uko ari butanu, bufite amahame yabwo ndetse n'ibibukorerwamo by'umwihariko.

1 Qur'an 39:6
2 Qur'an 16:68
3 Qur'an 23:100
4 Qur'an 23:15-16

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Kugeza igihe imperuka nkuru izabera...**" Aha umwanditsi yari atangiye kuvuga ku buzima bw'imperuka, agaragaza ko iyo mperuka igabanyijemo ibice bibiri:

-Imperuka nto; ari yo itangirana n'urupfu, kandi iyi mperuka iba ku biremwa byose kandi mu buryo bumwe, ari byo igihe roho iba itandukanye n'umubiri.

-Imperuka nkuru; Iyi nayo izaba ku biremwa byose. Ikaba yariswe (*Qiyamatul Kubra*), kubera ko ibiremwa bizaba bikurwa mu mva zabyo. Niyo mpamvu umwanditsi yakomeje avuga ati: "**Nuko roho zisubizwe mu mibiri...**" Ibi bikaba bizaba ubwo Malayika Israfiil azaba amaze gutegekwa kuvuza impanda. Allah aravuga ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَنُفِخَ فِي ٱلصُّورِ فَإِذَا هُم مِّنَ ٱلۡأَجۡدَاثِ إِلَىٰ رَبِّهِمۡ يَنسِلُونَ ۝٥١ قَالُواْ يَٰوَيۡلَنَا مَنۢ بَعَثَنَا مِن مَّرۡقَدِنَاۜۗ هَٰذَا مَا وَعَدَ ٱلرَّحۡمَٰنُ وَصَدَقَ ٱلۡمُرۡسَلُونَ ۝٥٢ ﴾ يس: ٥١ - ٥٢

*"Nuko impanda ivuzwe (bwa kabiri), maze bahite basohoka mu mva (zabo) bagana kwa Nyagasani wabo bihuta. Bavuga bati: "Mbega ishyano tubonye! Ni nde udukanguye akadukura muburyamo bwacu?"(Bazabwirwa bati) "Ibi ni byo Nyirimpuhwe yasezeranyije, kandi intumwa zavuze ukuri".*[1]

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَنُفِخَ فِي ٱلصُّورِ فَصَعِقَ مَن فِي ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَمَن فِي ٱلۡأَرۡضِ إِلَّا مَن شَآءَ ٱللَّهُۖ ثُمَّ نُفِخَ فِيهِ أُخۡرَىٰ فَإِذَا هُمۡ قِيَامٞ يَنظُرُونَ ۝٦٨ ﴾ الزمر: ٦٨

*"Nuko impanda nivuzwa, maze abari mu birere n'isi bagwe igihumure (bapfe), uretse uwo Allah azashaka. Hanyuma yongere*

[1]Qur'an 36:51-52

*ivuzwe bwa kabiri, maze bahaguruke (bazuke bose) bategereje (uko Allah ari bubagenze)."*[1]

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Nuko habeho imperuka yavuzwe na Allah mu gitabo cye, ikaba yaranahanuwe n'Intumwa ye, ndetse n'abayisilamu bemeranywa ko ari impamo.**" Aha yagaragazaga ko izuka ririho kandi ko ryavuzwe muri Qur'an no muri Hadith z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ndetse rikanemeranywaho n'abayisilamu, n'ubwenge ndetse n'akamere ndemano rikaryemera.

Allah mu gitabo cye yagaragaje ko izuka ririho, ndetse anagenda asubiza mu mirongo ya Qur'an ndetse n'amwe mu masura bamwe bahakana ko izuka ririho. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ زَعَمَ ٱلَّذِينَ كَفَرُوٓاْ أَن لَّن يُبۡعَثُواْۚ قُلۡ بَلَىٰ وَرَبِّي لَتُبۡعَثُنَّ ثُمَّ لَتُنَبَّؤُنَّ بِمَا عَمِلۡتُمۡۚ وَذَٰلِكَ عَلَى ٱللَّهِ يَسِيرٞ ٧﴾ التغابن: ٧

*"Abahakanyi bakeka ko batazazurwa (ngo babazwe). Vuga (yewe Muhamadi) uti "Yego! Ndahiye ku izina rya Nyagasani wanjye, rwose muzazurwa maze mubwirwe ibyo mwakoze, kandi kuri Allah ibyo biroroshye."*[2]

Ikindi nuko Allah yagaragaje ko nyuma y'izuka hazabaho guhembera ibikorwa ba nyirabyo ndetse no kubibahanira, kandi ko abayisilamu bataza bameze kimwe nk'abahakanyi, cyangwa ngo abakoze neza babe bameze kimwe nk'inkozi z'ibibi. Allah aragira ati:

[1] Qur'an 39:68
[2] Qur'an 64:7

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ أَفَنَجْعَلُ ٱلْمُسْلِمِينَ كَٱلْمُجْرِمِينَ ﴿٣٥﴾ ﴾ القلم: ٣٥

*"Ese Abicisha bugufi imbere ya Allah (Abayisilamu) twababafata kimwe n'inkozi z'ibibi!?"*[1]

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Abantu basohoke mu mva zabo bahagarare imbere y'Imana Umuremyi wa buri icyo ari cyo cyose, batambaye inkweto, bambaye ubusa buri buri, kandi batanasiramuye."** Ni umunsi ibiremwa byose bizahagarikwa imbere ya Allah, biri ku rubuga rw'ibarura kugira ngo bibarurirwe ibikorwa byabyo. Kwemera uyu munsi rero ni itegeko nk'uko bishimangirwa na Allah aho agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ أَلَا يَظُنُّ أُوْلَٰٓئِكَ أَنَّهُم مَّبْعُوثُونَ ﴿٤﴾ لِيَوْمٍ عَظِيمٍ ﴿٥﴾ يَوْمَ يَقُومُ ٱلنَّاسُ لِرَبِّ ٱلْعَٰلَمِينَ ﴿٦﴾ ﴾ المطففين: ٤ – ٦

*"Ese bakeka ko batazazurwa (ngo babazwe). Ku munsi uhambaye? Umunsi abantu (bose) bazahagarara imbere ya Nyagasani w'ibiremwa?"*[2]

Ndetse unashimangirwa na Hadithi y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) aho igira iti:

فى صحيح مسلم من حديث ابن عباس أنه قال: ياأيها الناس إنكم تحشرون يوم القيامة حفاةً عراةً غُرْلا ...

"Yemwe bantu! Mu by'ukuri muzazurwa mushyirwe imbere ya Nyagasani wanyu (Allah) mutambaye inkweto, mwambaye ubusa,

[1] Qur'an 68:35
[2] Qur'an 83:4-6

kandi mudasiramuye." Ibi bintu bivuzwe bikaba ari byo bizaba biranga ibiremwa igihe bizaba bikuwe mu mva zabyo.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ... كَمَا بَدَأْنَا أَوَّلَ خَلْقٍ نُّعِيدُهُۥ ۚ وَعْدًا عَلَيْنَا ۚ إِنَّا كُنَّا فَٰعِلِينَ ﴿١٠٤﴾ ﴾

الأنبياء: ١٠٤

*"...Uko twatangiye irema rya mbere ni nako tuzarisubiramo. Ni isezerano twiyemeje kandi mu by'ukuri, tuzaryuzuza."*[1]

## ما يَجْرِي فِيْ يَوْمِ الْقِيَامَة.

### Ibizaba ku munsi w'imperuka.

وَتَدْنُو مِنْهُمُ الشَّمْسُ، وَيُلْجِمُهُمُ الْعَرَقُ. فَتُنْصَبُ الْمَوَازِينُ، فَتُوزَنُ بِهَا أَعْمَالُ الْعِبَادِ. ﴿فَمَن ثَقُلَتْ مَوَٰزِينُهُۥ فَأُو۟لَٰٓئِكَ هُمُ ٱلْمُفْلِحُونَ ﴿١٠٢﴾ وَمَنْ خَفَّتْ مَوَٰزِينُهُۥ فَأُو۟لَٰٓئِكَ ٱلَّذِينَ خَسِرُوٓا۟ أَنفُسَهُمْ فِى جَهَنَّمَ خَٰلِدُونَ ﴿١٠٣﴾﴾ المؤمنون: ١٠٢ - ١٠٣

وَتُنْشَرُ الدَّوَاوِينُ، وَهِيَ صَحَائِفُ الأَعْمَالِ، فَآخِذٌ كِتَابَهُ بِيَمِينِهِ، وآخِذٌ كِتَابَهُ بِشِمَالِهِ أَوْ مِنْ وَّرَاءِ ظَهْرِهِ؛ كَمَا قَالَ سُبْحَانَهُ وَتَعَالَى ﴿وَكُلَّ إِنسَٰنٍ أَلْزَمْنَٰهُ طَٰٓئِرَهُۥ فِى عُنُقِهِۦ ۖ وَنُخْرِجُ لَهُۥ يَوْمَ ٱلْقِيَٰمَةِ كِتَٰبًا يَلْقَىٰهُ مَنشُورًا ﴿١٣﴾ ٱقْرَأْ كِتَٰبَكَ كَفَىٰ بِنَفْسِكَ ٱلْيَوْمَ عَلَيْكَ حَسِيبًا ﴿١٤﴾﴾ الإسراء: ١٣ - ١٤

[1] Qur'an 21:104

وَيُحَاسِبُ اللهُ الخَلاَئِقَ، وَيَخْلُو بِعَبْدِهِ الْمُؤْمِنِ، فَيُقَرِّرُهُ بِذُنُوبِهِ؛ كَمَا وُصِفَ ذَلِكَ فِي الْكِتَابِ وَالسُّنَّةِ. وَأَمَّا الْكُفَّارُ؛ فَلا يُحَاسَبُونَ مُحَاسَبَةَ مَنْ تُوزَنُ حَسَنَاتُهُ وَسَيِّئَاتُهُ؛ فَإِنَّهُ لاَ حَسَنَاتَ لَهُمْ، وَلَكِنْ تُعَدُّ أَعْمَالُهُمْ، فَتُحْصَى، فَيُوقَفُونَ عَلَيْهَا وَيُقَرَّرُونَ بِهَا، ويُجْزُوْنَ بِهَا.

**Nuko izuba ryegere abantu, bave ibyuya bibarenge kugeza ubwo bamwe bazatangira kumira nkeri. Nuko hashyirweho iminzani, ipimweho ibikorwa by'abagaragu. "*Abo iminzani (y'ibikorwa byabo byiza) izaremera, abo ni bo bakiranutsi. Naho abo iminzani yabo (y'ibikorwa byiza) izagira uburemere bucye, abo ni bo bazaba barihemukiye bazaba mu muriro wa Djahanamu ubuziraherezo.*" Qur'an 23:102-103.**

**Nuko abantu bafungurirwe ibitabo by'ibikorwa byabo, harimo abazakiriza ibitabo byabo ukuboko kw'iburyo, hari n'abazabyakiriza ukuboko kw'imoso cyangwa babyakirire inyuma y'imigongo yabo, nkuko Allah Nyir'icyubahiro avuga ati: *"Na buri muntu twamuziritseho ibikorwa bye (nk'urunigi) mu ijosi, kandi ku munsi w'imperuka tuzamuzanira igitabo azasanga gifunguye. (Azabwirwa ati:) "Soma igitabo cyawe! Uyu munsi wowe ubwawe urihagije kwibera umubaruzi."* Qur'an 17:13-14. Nuko Allah abarurire ibiremwa, maze yihererane umugaragu we w'umwemera, amwibutse ibyaha yakoze uwo mugaragu abyemere nkuko byavuzwe muri Qur'an no muri Hadithi.**

**Naho abahakanyi bo ntabwo bazabarurirwa ibarura nk'iry'uzapimirwa (ku munzani) ibikorwa bye byiza n'ibibi yakoze, kuko bo nta bikorwa byiza bakoze (hashingiwe ko batigeze bemera Allah), ahubwo ibikorwa byabo bizabarwa kimwe ku kindi babibwirwe, bemere ko aribo babyikoreye maze babihanirwe.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Umwanditsi muri aya magambo yavuze bimwe mu bizaba ku munsi w'imperuka nkuko byagaragaye muri Qur'an no mu mvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kuko ibizaba kuri uwo munsi ntabwo bimenywa hifashishijwe ubwenge, ahubwo bimenywa bivuye mu mvugo za Allah ndetse n'imvugo z'Intumwa y'Imana z'impamo we utavuga ibijyendanye n'amarangamutima ye. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنْ هُوَ إِلَّا وَحْيٌ يُوحَىٰ ﴿٤﴾ ﴾ النجم: ٤

*"Ahubwo (ibyo avuga) ni ibyo ahishuririrwa (na Allah)".*

Umuntu ashobora kwibaza ubugenge buri mu kuba ibiremwa bizabarurirwa ibikorwa byabyo bikanabipimirwa ndetse bikanabigaragarizwa aho byanditse mu bitabo, kandi Allah ibyo byose abizi neza!? Igisubizo ni ukugira ngo abagaragu ba Allah babone ko Allah ariwe Ushimwa mu buryo bwuzuye, no kuba ari we ufite ubutabera buhebuje ndetse n'ubwami buhambaye.

Bimwe mu bizaba ku bagaragu ba Allah ku munsi w'imperuka umwanditsi yavuze ni ibi bikurikira:

**1**- (**Izuba rizabegera**) bivuze ngo rizabegera rigera hafi y'imitwe yabo, nkuko bishimangirwa na Hadith yakiriwe na Muslim iturutse kwa Miq'dad (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti:

وعن المِقْدَاد رضي الله عنه قَالَ: سَمِعْتُ رسولَ الله ﷺ يَقُولُ: تُدْنَى الشَّمْسُ يومَ القِيَامَةِ مِنَ الخَلْقِ حتَّى تَكُونَ مِنْهُمْ كَمِقْدَارِ مِيل.

“Umunsi w’imperuka nugera abantu bazegerezwa izuba kugera ubwo intera izaba iri hagati y’umuntu n’izuba izaba ingana nka mayili imwe cyangwa ebyiri.”[1]

Hari ubwo umuntu ashobora kwibaza ati: Ubusanzwe ikizwi nuko izuba rimanutseho intera kabone n’ubwo yaba ingana n’uburebure bw’umusatsi ryatwika isi n’ibiyiriho, none ni gute byashoboka ko ku munsi w’imperuka izuba rizaba riri mu ntera yavuzwe hanyuma ntiritwike ibiremwa?!

Igisubizo cy’ibi nuko abantu nibazurwa ku munsi w’imperuka ntabwo ingufu z’umubiri bazaba bafite zizaba zimeze nk’izo bari bafite ku isi, ahubwo bazaba bafite imbaraga zihambaye ndetse bafite n’ubushobozi bwo kwihanganira ibyo bintu byose.

Ubu aha mu buzima bw’isi abantu baramutse bahagaze iminsi mirongo itanu ku izuba nta kibatwikiriye, batarya, batananywa nta wabishobora ahubwo bapfa!

Ariko ku munsi w’imperuka abantu bazagumya kuba ku rubuga rw’ibarura imyaka ibihumbi mirongo itanu, batarya, batanywa ndetse nta n’igicucu cyo kwikingamo izuba bafite cyeretse abo Allah azagiha, ariko hamwe n’ibyo byose bazabyihanganira kandi ntibazanapfa.

Naho imvugo y’umwanditsi igira iti: **“bave ibyuya bibarenge kugeza ubwo bamwe bazatangira kumira nkeri”** bazamira nkeri ku buryo badashobora kuvuga, hari n’abandi ibyuya bizagera mu mavi, abandi bibagere ku tubombambore, abandi bibagere mu mayunguyungu, abantu bazaba batandukanye kuri ibyo byuya. Ibi bizaba kubera ko izuba rizaba ryabegereye cyane kandi bizaba kuri benshi mu bantu usibye Intumwa z’Imana n’abandi Allah azashaka.

---

[1] Mayili: Ni kimwe mu bipimo by’uburebure, Mayili imwe ingana hafi na kilometero ebyiri.

**2- (Nuko hashyirweho iminzani, ipimweho ibikorwa by'abagaragu)** Umunzani uvugwa aha ni umunzani uzapima ibikorwa byiza n'ibibi, ukaba ari umunzani wa nyawo ufite ururimi n'amasahane abiri yawo. Ibi bikaba biri mu byo twemera bizaba ku munsi w'imperuka, ndetse ntibyemewe gucukumbura imiterere yawo cyeretse ibyo Qur'an yawutubwiyeho cyangwa se imvugo z'Intumwa y'Imana. Naho ubugenge buri mu kuba ibikorwa by'abantu bizapimwa, ni ukugaragaza uburyo bizaba bingana kugira ngo umuntu ahembwe bingana n'ibyo yakoze.

Naho uyu murongo wa Qur'an ugira uti: ***"Abo iminzani (y'ibikorwa byabo byiza) izaremera, abo ni bo bakiranutsi. Naho abo iminzani yabo (y'ibikorwa byiza) izagira uburemere bucye, abo ni bo bazaba barihemukiye bazaba mu muriro wa Djahanamu ubuziraherezo."*** Ikigamijwe muri uyu murongo ni ugushimangira iminzani no gupima bizabaho ku munsi w'imperuka. Iminzani no gupima byagaragaye mu mirongo myinshi ya Qur'an, iyo mirongo yose muri rusange tuyikuramo ko ku munsi w'imperuka hazapimwa uwakoze ibikorwa, ibikorwa bye, ndetse n'ibitabo byanditsemo ibyo bikorwa, kandi ntabwo bivuguruzanya, kuko buri kimwe muri ibyo tuvuze kizapimwa, ariko ikizashingirwaho harebwa uburemere bwinshi n'ubuke ni ibikorwa gusa, ntabwo ari uwabikoze cyangwa se igitabo byanditsemo. Allah niwe mumenyi uhebuje.

Naho abo mu gatsiko k'abitwa *Al Mu-utazilat* bo bahaye imirongo ya Qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana zivuga ku munzani no gupima ibisobanuro bitari ukuri, baravuga bati: Ikiba kigambiriwe iyo havuzwe umunzani no gupima ni ubutabera, ariko iki gisobanuro kirafutamye ndetse kinahabanye n'imirongo ya Qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana, ndetse n'ibyo abamenyi bemeranyijweho.

**3- (Nuko abantu bafungurirwe ibitabo by'ibikorwa byabo.)** Ibi bitabo ni ibitabo bizaba byanditsemo ibikorwa by'ibiremwa byakoze ku isi byanditswe n'abamalayika ba Allah, bikaba bifungwa iyo umuntu apfuye bikazafungurwa ku munsi w'imperuka kugira ngo buri wese yirebere ibyo yakoze abimenye.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **"harimo abazakiriza ibitabo byabo ukuboko kw'iburyo, hari n'abazabyakiriza ukuboko kw'imoso, cyangwa babyakirire inyuma y'imigongo yabo."** Aha harimo uburyo abantu bazafata ibitabo byabo, nkuko byagaragaye muri Qur'an bakaba barimo ibice bibiri: Uzakira igitabo cye mu kuboko kw'iburyo, akaba ari umwemeramana. N'uzacyakira mu kuboko kw'imoso cyangwa akacyakirira inyuma y'umugongo we, uyu akaba ari umuhakanyi.

Allah Nyir'ubutagafitu aravuga ati: **"Na buri muntu twamuziritseho ibikorwa bye (nk'urunigi) mu ijosi,** ibikorwa bye byaba ibyiza cyangwa se ibibi, **kandi ku munsi w'imperuka tuzamuzanira igitabo azasanga gifunguye.** Bivuze ngo tumukusanyiriza ibikorwa bye byose mu gitabo azahabwa ku munsi w'imperuka mu kuboko kw'iburyo niba yari umuntu wakoze ibikorwa byiza, cyangwa agihabwe mu kuboko kw'ibumoso niba yari umuntu w'inkozi y'ibibi, azasanga gifunguye agisoma we ubwe ndetse n'abandi.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: ***(Azabwirwa ati:) "Soma igitabo cyawe! Uyu munsi wowe ubwawe urihagije kwibera umubaruzi"*** kwibera umubaruzi bigaragaza ubutabera buhambaye bwa Allah, kubera ko Allah azatuma umuntu yibarurira ibikorwa bye byose, kandi nta na kimwe azahakana.

Ikigamijwe muri uyu murongo wa Qur'an ni ugushimangira ko ku munsi w'imperuka buri muntu azahabwa igitabo cy'ibikorwa bye akakisomera we ubwe nta wundi ukimusomeye.

**4-"Nuko Allah abarurire ibiremwa"** *Al Hisab:* Ni ukuba Allah azamenyesha ibiremwa bye ingano y'ibihembo bakwiye kubera ibikorwa byabo, no kubibutsa ibyo bashobora kuba baribagiwe mu bikorwa byabo.

Mu yindi mvugo: Ni ukuba Allah azahagarika abagaragu be mbere y'uko bava ku rubuga rw'ibarura, kugira ngo babazwe ibikorwa bakoze ibyiza n'ibibi.

Hanyuma umwanditsi yavuze ko ibarura ririmo ibice bibiri:

**Icya mbere:** Ibarura rizakorerwa abemeramana "**Nuko Allah abarurire ibiremwa, maze yihererane umugaragu we w'umwemera, amwibutse ibyaha yakoze uwo mugaragu.**" Ibi bishimangirwa n'imirongo ya Qur'an aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ فَأَمَّا مَنْ أُوتِيَ كِتَٰبَهُۥ بِيَمِينِهِۦ ۝٧ فَسَوْفَ يُحَاسَبُ حِسَابًا يَسِيرًا ۝٨ وَيَنقَلِبُ إِلَىٰٓ أَهْلِهِۦ مَسْرُورًا ۝٩ ﴾

الانشقاق: ٧ – ٩

*"Bityo, uzahabwa igitabo cye (cy'ibikorwa bye) mu kuboko kw'iburyo, Azabarurirwa mu buryo bworoshye, Kandi azasubira mu bantu be (umuryango we wakoze neza ku isi, ndetse n'abagore azagororerwa bo mu ijuru) yishimye!"*[1]

Bikanashimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yavuze ko yumvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti:

ابْنِ عُمَرَ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُمَا قال: سَمِعْتُ رَسُولَ اللَّهِ ﷺ يَقُولُ : إِنَّ اللَّهَ يُدْنِي الْمُؤْمِنَ ، فَيَضَعُ عَلَيْهِ كَنَفَهُ وَيَسْتُرُهُ، فَيَقُولُ : أَتَعْرِفُ ذَنْبَ كَذَا ، أَتَعْرِفُ ذَنْبَ كَذَا ؟ فَيَقُولُ : نَعَمْ أَيْ رَبِّ ، حَتَّى

[1] Qur'an 84:7-9

إِذَا قَرَّرَهُ بِذُنُوبِهِ ، وَرَأَى فِي نَفْسِهِ أَنَّهُ هَلَكَ ، قَالَ : سَتَرْتُهَا عَلَيْكَ فِي الدُّنْيَا ، وَأَنَا أَغْفِرُهَا لَكَ الْيَوْمَ ، فَيُعْطَى كِتَابَ حَسَنَاتِهِ...

"Mu by'ukuri (ku munsi w'imperuka) Allah azegera umwemeramana...... maze amuhishe abantu, amwibutse ibyaha yakoze amubwire ati: Icyaha runaka uracyibuka? Icyaha runaka uracyibuka? Icyaha runaka uracyibuka? Kugeza ubwo Allah abimwibukije neza! Umwemeramana abyiyemerere maze abone ko yoramye. Nuko Allah amubwire ati: Mu by'ukuri naguhishiriye ibyaha ukiri ku isi, ndanabikubabariye kuri uyu munsi! Maze uwo mwemeramana ahabwe igitabo kirimo ibikorwa bye byiza..."[1]

No mu bemeramana hari abazinjira mu ijuru nta barura ribayeho cyangwa se ibihano, nkuko bigaragara muri Hadith ivuga abantu ibihumbi mirongo irindwi igira iti:

عَن ابْن عَبَّاسٍ رضي اللَّهُ عنهما قال : قال رسولُ اللَّه صلى اللَّه عليه وآله وسلم : « عُرضَت عليَّ الأَمَمُ ، فَرَأَيْت النَّبِيَّ وَمعَه الرُّهيْط والنَّبِيَّ ومَعهُ الرَّجُل وَالرَّجُلانِ ، وَالنَّبِيَّ وليْسَ مَعهُ أحدٌ إذ رُفِعَ لِي سوادٌ عظيمٌ فظننتُ أَنَّهُمْ أُمَّتِي ، فَقِيلَ لِي: هذا موسى وقومه ولكن انظر إلى الأفق فإذا سَوَادِ عظيم فقيل لى انظر إلى الأفق الآخر فإذا سواد عظيم فقيل لي : هَذه أُمَّتُكَ ، ومعَهُمْ سبْعُونَ أَلْفاً يَدْخُلُونَ الْجَنَّة بِغيْرِ حِسَابٍ ولا عَذَابٍ » ثُمَّ نَهَض فَدَخَلَ منْزِلَهُ ، فَخَاض النَّاسُ في أُولَئِكَ الَّذينَ يدْخُلُون الْجَنَّةَ بِغَيْرِ حسابٍ وَلا عذابٍ ، فَقَالَ بعْضهُمْ : فَلَعَلَّهُمْ الَّذينَ صَحِبُوا رسول اللَّه ﷺ ، وقَال بعْضهُم : فَلعَلَّهُمْ الَّذينَ وُلِدُوا في الإسْلامِ ، فَلَمْ يُشْرِكُوا باللَّه شيئاً وذَكَروا أَشْياء فَخرجَ عَلَيْهِمْ رسول اللَّه ﷺ فقَالَ : « مَا الَّذي تَخُوضونَ فِيهِ ؟ » فَأَخْبَرُوهُ فقَالَ : « هُمْ الَّذِينَ لا يرقُونَ، وَلا يَسْتَرْقُونَ ، وَلاَ يَتطيَّرُون ، وَعَلَى ربِّهِمْ يتَوكَّلُونَ » فقَامَ عُكَّاشَةُ بنُ مُحْصِن

[1] Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim

فَقَالَ : ادْعُ اللَّه أَنْ يجْعَلَني مِنْهُمْ ، فَقَالَ : « أَنْت مِنْهُمْ » ثُمَّ قَام رَجُلٌ آخَرُ فَقَالَ : ادْعُ اللَّه أَنْ يَجْعَلَنِي مِنْهُمْ فقال : «سَبَقَكَ بِهَا عُكَّاشَةُ » متفقٌ عليه .

Hadith yaturutse kwa Ibun Abasa (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Namurikiwe imiryango (Umat), maze mbona umuhanuzi uri kumwe n'itsinda rito ry'abantu, n'undi muhanuzi uri kumwe n'umuntu umwe cyangwa abantu babiri, ndetse mbona n'undi muhanuzi utari kumwe n'umuntu n'umwe. Ubwo nerekwaga itsinda ry'abantu benshi naketse ko ari ari abayoboke banjye, maze ndabwirwa nti: Uyu ni intumwa y'Imana Musa n'abayoboke be, ahubwo itegereze  hakurya, ndahitegereza mbona imbaga y'abantu benshi, ndongera ndabwirwa nti: Nanone itegereza hakuno, ndahitegereza mbona imbaga y'abantu benshi, maze ndabwirwa nti: Aba ni abayoboke bawe, harimo abantu ibihumbi mirongo irindwi bazinjira mu ijuru nta barura bakorewe cyangwa ngo bahanwe." Nuko Intumwa y'Imana irahaguruka yerekeza iwayo. Maze abantu basigara bajya impaka kuri abo bantu bazinjira mu ijuru nta barura bakorewe cyangwa ngo bahanwe. Bamwe muri bo baravuga bati: Wasanga ari ba babandi bagendanye n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha); abandi baravuga bati: Wasanga ari babandi bavukiye mu idini y'ubusilamu ntibababangikanya Imana  n'ikintu na kimwe, bavuze byinshi... Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igaruka ibasanga irababaza iti: "Ni ibiki murimo muvugaho? Barabiyibwira nuko irangije irababwira iti: "Abazinjira mu ijuru nta barura bakorewe cyangwa ngo bahanwe, ni babandi batajya basoma *Ruqiyat*[1] cyangwa ngo basabe

[1] Abamenyi ba Hadithi bagaragaje ko iyi nteruro muri iyi Hadithi ari inyongera ifite inenge, bakavuga ko mu mwanya w'iyi nteruro hari mo ko batajyaga botswa imyotso. Ahubwo ikiri impamo ni interuro yakurikiyeho ivuga abantu batajyaga basaba andi ngo babasomere Ruqiyat, ariko kuba umuntu yasoma Ruqiyat ayisomera ubwe cyangwa ayisomera abandi  byo ntacyo bitwaye biremewe kuko byakozwe na Malayika Djibrilu, n'Intumwa y'Imana ndetse bikanakorwa n'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana.

kuyisomerwa, cyangwa ngo bemere ibijyanye n'umwaku, kandi bahora biringiye Nyagasani wabo." Maze Ukasha Ibun Muh'sin aravuga ati: Ntumwa y'Imana nsabira Imana mbe muri abo. Intumwa y'Imana iramusubiza iti: "Wowe uri muri bo." Hanyuma undi mugabo arahaguruka aravuga ati: Nanjye nsabira ku Mana mbe muri bo, Intumwa y'Imana iramubwira iti: "Ukasha yagutanze."[1]

Ikindi twavuga nuko ibarurura ritandukanye, hari ibarurura ryoroshye ari ryo kumurikirwa ibikorwa *(Al Ar'dwi),* ibibi birimo Allah akabibarira umugaraguwe, hakaba n'ibarurura ryo kubazwa. Bishimangirwa na Hadith yaturutse kwa Aishat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

أن النبي ﷺ قال: من نوقش الحساب عذب.

"Uwo ari we wese uzabarurirwa ku munsi w'imperuka azahanwa" Aishat aravuga ati: Nuko mbaza Intumwa y'Imana nti: Ese Imana ntiyavuze iti:

﴿ فَأَمَّا مَنْ أُوتِيَ كِتَٰبَهُۥ بِيَمِينِهِۦ ۝٧ فَسَوْفَ يُحَاسَبُ حِسَابًا يَسِيرًا ۝٨ ﴾

*"Bityo, uzahabwa igitabo cye (cy'ibikorwa bye) mu kuboko kw'iburyo, Azabarurirwa mu buryo bworoshye..."* Intumwa y'Imana iransubiza iti:

فقال: إنما ذلك العرض, ولكن من نوقش الحساب يهلك.

"Mu by'ukuri ibi ni ukumurikirwa ibikorwa, ariko ntawuzabarurirwa ku munsi w'imperuka uretse ko azahanwa."

---

[1] Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim.

**Igice cya kabiri:** Ibarura rizakorerwa abahakanyi, umwanditsi yarigaragaje aho agira ati: "**Naho abahakanyi bo ntabwo bazabarurirwa ibarura nk'iry'uzapimirwa (ku munzani) ibikorwa bye byiza n'ibibi yakoze, kuko bo nta bikorwa byiza bakoze (hashingiwe ko batigeze bemera Allah)…"** Bivuze ngo nta bikorwa byiza bafite biri bubarurwe bigapimwa hamwe n'ibibi byabo, kuko ibikorwa byabo byabaye imfabusa kubera guhakana kwabo, ntihagira icyo basigarana ku munsi w'imperuka uretse ibibi gusa. bityo rero ibarura ryabo risobanuye ko **"ahubwo ibikorwa byabo bizabarwa kimwe ku kindi babibwirwe, bemere ko aribo babyikoreye maze babihanirwe."** Bivuze ngo bazabwirwa ibikorwa byabo by'ubuhakanyi, maze babyemere hanyuma Allah abibaryoze, nkuko Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ فَلَنُنَبِّئَنَّ ٱلَّذِينَ كَفَرُوا۟ بِمَا عَمِلُوا۟ وَلَنُذِيقَنَّهُم مِّنْ عَذَابٍ غَلِيظٍ ﴾ فصلت: ٥٠

*"Rwose tuzabwira babandi bahakanye ibyo bakoze, tunabasogongeze ku bihano bikomeye."*[1]

Nanone Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَشَهِدُوا۟ عَلَىٰٓ أَنفُسِهِمْ أَنَّهُمْ كَانُوا۟ كَـٰفِرِينَ ٣٧ ﴾ الأعراف: ٣٧

*"Maze na bo bishinje ko bari abahakanyi."*[2]

Nanone Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ فَٱعْتَرَفُوا۟ بِذَنۢبِهِمْ فَسُحْقًا لِّأَصْحَـٰبِ ٱلسَّعِيرِ ١١ ﴾ الملك: ١١

[1] Qur'an 41:50
[2] Qur'an 7:37

*“Baziyemerera ibyaha byabo (ariko ntacyo bizababamarira). Bityo, ukorama nikube ku bantu bo mu muriro ugurumana!”*[1]

Icyo twakongeraho nuko iri barura rizakorerwa abahakanyi rizakorwa kimwe nk’iry’indyarya, nkuko hadithi y‘Intumwa y’Imana ibishimangira igira iti: “Naho abahakanye n’indyarya bazahamagwa imbere y’imbaga babwirwa bati: Bariya ni babandi bahinyuye Nyagasani wabo, bityo umuvumo wa Allah ni ubu ku banyabahugu!”

Ikindi twakongeraho nuko igikorwa cya mbere umugaragu azabarurirwa mu bikorwa byiza yakoze ari isengesho (A-Swalat), kubera ko ari ryo ryiza mu bikorwa byose umugaragu ategetswe gukora. Nkuko Intumwa y’Imana yabishimangiye igira iti:

عن أَبِي هُرَيْرَةَ رضي الله عنه قَالَ: سَمِعْتُ رَسُولَ اللَّهِ ﷺ يَقُولُ" إِنَّ أَوَّلَ مَا يُحَاسَبُ بِهِ الْعَبْدُ يَوْمَ الْقِيَامَةِ مِنْ عَمَلِهِ صَلَاتُهُ فَإِنْ صَلُحَتْ فَقَدْ أَفْلَحَ وَأَنْجَحَ وَإِنْ فَسَدَتْ فَقَدْ خَابَ وَخَسِرَ "

Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayra (Imana imwishimire) yavuze ko yumvise Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) igira iti: “Igikorwa cya mbere umugaragu azabarurirwa ku munsi w’imperuka ni isengesho rye, niritungana azaba agize intsinzi anakiranutse. Naho niridatungana azaba agize ikimwaro n’igihombo.”

N’icya mbere abantu bazacirirwaho urubanza ni ibijyanye no kumena amaraso, kubera ko kumena amaraso ari cyo cyaha kiruta ibindi abantu bahemukiranamo, nkuko bishimangirwa na Hadithi y’Intumwa y’Imana igira iti:

عَنْ عَبْدِ اللَّهِ بنِ مَسْـعُودٍ رَضِيَ اللَّهُ تَعَالَى عَنْهُ قَالَ: قَالَ رَسُـولُ اللَّهِ ﷺ: «أَوَّلُ مَا يُقْضَى بَيْنَ النَّاسِ يَوْمَ الْقِيَامَةِ فِي الدِّمَاءِ» مُتَّفَقٌ عَلَيْهِ.

[1] Qur’an 67:11

Hadithi yaturutse kwa Abdullahi Ibun Mas'ud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Urubanza rwa mbere ruzacibwa ku munsi w'imperuka hagati y'abantu ni urugendanye no kumena amaraso[1]." **Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim.**

## حوض النبي صلي الله عليه وسلم ومكانه وصفاته

### Ikidendezi (Haw'dwi) cy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) n'aho giherereye ndetse n'imiterere yacyo.

وَفِي عَرَصَاتِ الْقِيَامَةِ الْحَوضُ الْمَوْرُودُ لِلنَّبِيِّ ﷺ ، ماؤُه أَشَدُّ بَيَاضًا مِنَ اللَّبَنِ، وَأَحْلَى مِنَ الْعَسَلِ، آنِيَتُهُ عَدَدُ نُجُومِ السَّمَاءِ، طُولُهُ شَهْرٌ، وَعَرْضُهُ شَهْرٌ، مَن يَّشْرَبُ مِنْهُ شَرْبَةً لاَ يَظْمَأُ بَعْدَهَا أَبَدًا.

**No ku rubuga abantu bazaba bateraniyeho ku munsi w'imperuka hari ikidendezi cya (*Haw'dwi*) cyateguriwe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), amazi yacyo arera cyane kurusha amata, akaba aryohereye kurusha ubuki. Ibikombe byacyo bingana n'umubare w'inyenyeri zo mu kirere, uburebure bwacyo bwagendwa ukwezi, n'ubugari bwacyo bwagendwa ukwezi. Uzanywa kuri icyo kidendezi intama imwe ntazongera kugira inyota na rimwe.**

---

[1] Iyi Hadithi iragaragaza ko ibi byavuzwe bizakorerwa ibarura bwa mbere ari hagati y'abantu ubwabo k'ubwabo, naho hagati y'abantu n'umuremyi wabo urubanza rwa mbere bazakorerwa ni ukubazwa uburyo bakoze amasengesho yabo, ubwo ntakuvuguruzanya kuri hagati yiyi hadithi na hadithi ivuga ko urubanza rwa mbere ruzaba ari ku byerekeye isengesho (A-*swalat*).

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Aha umwanditsi yakomeje kugaragaza bimwe mu bintu bitandukanye bizabaho ku munsi w'imperuka.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**No ku rubuga abantu bazaba bateraniyeho ku munsi w'imperuka hari ikidendezi cya (*Haw'dwi*) cyateguriwe Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).**" Iki ni igikorwa cya gatanu (5) kizabaho ku munsi w'imperuka, nkuko byagiye bishimangirwa n'imvugo zitandukanye dukomora ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Imam Ibun Al Qayyim (Imana imugirire impuhwe) yaravuze ati: Imvugo z'Intumwa y'Imana zivuga kuri iki kidendezi zakiriwe n'abasangirangendo mirongo ine, inyinshi muri zo ziboneka mu gitabo *A-Swahihi* cya Imam Al Bukhariy.

Ikindi twavuga nuko hari ibintu bitanu bigendanye n'iki kidendezi:

1 Nuko iki kidendezi ubu kiriho kandi cyamaze gutunganywa, nkuko bishimangirwa na Hadithi yakiriwe na Uqbat Ibun Amir, yemeranyijweho na Bukhari na Muslim ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) umunsi umwe yigeze kwigisha abasangirangendo bayo nuko irababwira iti: "Ndahiriye kuri Allah ko ubu tuvugana ndikureba ikidendezi cyanjye (*Hawudwi*)." Bikanashimangirwa na Hadithi y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yakiriwe na Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yemeranyijweho na Bukhari na Muslim, aho Intumwa y'Imana yavuze iti:

عن أبي هريرة رضي الله عنه عن النبي ﷺ قال: (ما بين بيتي ومنبري روضة من رياض الجنة، ومنبري على حوضي).

“….Mimbari yanjye iri hejuru y’ikidendezi cyanjye (*Hawudwi*) [1].”

2 Nuko amazi y’iki kidendezi ava mu miyoboro ibiri y’umugezi wo mu ijuru *witwa Kawuthari,* na wo w’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha).

3 Abantu bazanywa kuri icyo kidendezi mbere yuko bambuka *Swiratwa.*

4 Abantu bazanywa ku mazi y’iki kidendezi ni abemeramana bemeye bakanakurikiza imigenzo y’Intumwa (Imana iyihe amahoro n’imigisha), naho abaziyigomekaho bazakirukanwaho.

5 Imiterere y’iki kidendezi muri rusange.

Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djamaat*) bemeranyijweho ko iki kidendezi ari impamo. Naho agatsiko k’abitwa *Al Mu-utazilat* na bamwe mu bitwa *Al Khawaridj* bo banyuranyije na *Ahlu Sunat wal Djama-at* bemeza ko *Hawudwi* ntayiriho kandi atari ukuri, banasobanura imvugo z’Intumwa y’Imana ziyivuga banyuranyije n’ibisobanuro byayo by’ukuri.

Naho ibijyanye n’imiterere yacyo, yavuzwe n’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) mu mvugo zitandukanye, ko icyo kidendezi ari kinini, uburebure bwacyo bungana n’urugendo rw’ukwezi, n’ubugari bwacyo bungana gutyo. Kandi ko umuntu uzanywaho intama imwe atazongera kugira inyota, amazi yacyo ni umweru de kurusha amata, aryohereye kuruta ubuki, impumuro yayo irusha umubavu, ibikombe by’icyo kidendezi

---

[1] *Mimbari* ni ahantu Intumwa y’Imana yahagararaga itanga inyigisho mu musigiti wayo w’i Madinat.
Ikindi nuko Mimbari ivugwa muri iyi Hadithi abamenyi bayisobanuye mu buryo bubiri:
**Ubwa mbere:** Nuko iyo Mimbari iri hejuru y’ikidendezi cye (*Hawudwu*), ikaba ari iriya yahagararagaho iri mu musigiti wayo w’i Madinat,
**Ubwa kabiri:** Nuko iyo Mimbari ari izashyirwa hejuru y’ikidendezi cye (*Hawudwu*) ku munsi w’imperuka.

abantu bazajya banywesha bizaba bingana n'umubare w'inyenyeri mu kirere.[1]"

Naho itandukaniro ry'iki kidendezi (*Hawudwu*) n'umugezi wa *Kawuthar,* ni uko *Kawuthar* ari umugezi wo mu ijuru, naho *Hawudwu* yo kikaba ikidendezi kizaba kiri ku rubuga rw'ibarura, amazi yacyo akaba aturuka mu mugezi wa *Kawuthar.*

Hari ushobora kwibaza ati: Ese n'abandi bahanuzi nabo bazaba bafite ikidendezi (Hawudwi)? Igisubizo ni yego! Nabo bazaba bagifite, nkuko byashimangiwe na Hadithi yakiriwe Tirmidhi yaturutse kwa Samurat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عن سمرة ، أن رسول الله ﷺ قال : " إن لكل نبي حوضا ، وإنهم يتباهون أيهم أكثر واردة ، وإني لأرجو أن أكون أكثرهم واردة " .

"Mu by'ukuri buri muhanuzi azaba afite ikidendezi (*Hawudwi*) agihagaze iruhande, afite inkoni mu kuboko kwe ahamagara uwo yamenye mu bayoboke be, uretse ko buri ntumwa izaba iratira bagenzi bayo ko ari yo ifite abayoboke benshi, kandi nizeye ko ari njye uzaba ufite abayoboke banshi kubarusha."

Bisobanuye ko Allah ku bushishozi bwe n'ubutabera bwe, nkuko yashyiriyeho Intumwa Muhamad ikidendezi kizanywebwaho n'abayoboke be, ni nk'uko na buri muhanuzi azamushyiriraho ikidendezi kizanywebwaho n'abayoboke be. Ariko ikidendezi (*Hawudwi*) kizaba kiruta ibindi ni icy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

[1] Yakiriwe na Bukhari (6580) na Muslim (2303).

## الصراط ومعناه ومكانه وصفة مرور الناس عليه.

**Ibisobanuro bya *Swiratwa*, aho ihererereye, n'uburyo abantu bazayinyuraho.**

وَالصِّرَاطُ مَنْصُوبٌ عَلَى مَتْنِ جَهَنَّمَ، وَهُوَ الْجِسْرُ الَّذِي بَيْنَ الْجَنَّةِ وَالنَّارِ، يَمُرُّ النَّاسُ عَلَيْهِ عَلَى قَدْرِ أَعْمَالِهِمْ، فَمِنْهُمْ مَنْ يَمُرُّ كَلَمْحِ الْبَصَرِ، وَمِنْهُم مَن يَمُرُّ كَالْبَرْقِ، وَمِنْهُم مَن يَمُرُّ كَالرِّيحِ، ومِنْهُم مَن يَمُرُّ كَالْفَرَسِ الْجَوَادِ، وَمِنْهُم مَن يَمُرُّ كَرِكَابِ الإِبِلِ، ومِنْهُم مَن يَعْدُو عَدْوًا، وَمِنْهُم مَن يَمْشِي مَشْيًا، وَمِنْهُم مَن يَزْحَفُ زَحْفًا، وَمَنْهُم مَن يُخْطَفُ خَطْفًا وَيُلْقَى فِي جَهَنَّمَ؛ فَإِنَّ الْجِسرَ عَلَيْهِ كَلاَلِيبُ تَخْطِفُ النَّاسَ بِأَعْمَالِهِم.

**Naho *Swiratwa* iteretse hejuru ya Djahanamu: Ni ikiraro kiri hagati y'ijuru n'umuriro, abantu bazakinyuraho (mu buryo butandukanye) hashingiwe ku bikorwa byabo. Hari abazakinyuraho nko guhumbya no guhumbura, abandi bakinyureho nk'umurabyo, abandi bakinyureho nk'umuyaga, abandi bakinyureho nk'amafarasi afite imbaraga, hari n'abazakinyuraho nk'abari kugendera ku ngamiya, hari n'abazakinyuraho biruka, abandi bakinyureho bagenda bisanzwe, hari n'abazakinyuraho bakambakamba, ndetse hari n'abazakinyuraho nuko bafatwe bajugunywe mu muriro wa Djahanamu, kuko icyo kiraro kiriho ingobe zizajya zifata abantu hashingiwe ku bikorwa byabo (bibi bakoze).**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Umwanditsi w'igitabo (Allah amugirire impuhwe) yakomeje agaragaza ibizaba ku munsi w'imperuka iki kikaba ari icya gatandatu (6), ari cyo kuba ibiremwa bizanyura kuri Swiratwa nyuma y'uko bimaze kuva ku rubuga rw'ibarura no kubarurirwa ibikorwa byabyo.

Arangije agaragaza ibyiciro by'abazanyura kuri Swiratwa bashaka kuhambuka, ko bazagenda bahambuka bijyanye n'ibikorwa byabo ndetse n'ukwemera kwabo bagize.

Ikindi yagaragaje imiterere ya Swiratwa nk'uko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yayivuze  mu mvugo zayo.

Bityo rero abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bemera ko Swiratwa iriho kandi ko ari ikiraro kiri hagati y'ijuru n'umuriro ibiremwa bizanyuraho, bakabyemera nkuko byavuzwe mu mvugo z'Intumwa y'Imana z'impamo. Naho Al Qadwi Abdul Djabar Al Mu-utaziliy umwe mu gatsiko k'abitwa Al Mu-utazilat n'abamuyobotse bahakanye ko Swiratwa iriho barangije bavuga ko icyari kigamijwe ko ari inzira yerekeza mu ijuru ndetse n'inzira yerekeza mu muriro.

Naho inzira yerekeza mu ijuru batanga gihamya y'uyu murongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ سَيَهۡدِيهِمۡ وَيُصۡلِحُ بَالَهُمۡ ۝٥ ﴾ محمد: ٥

*"Azabayobora anatunganye imibereho yabo."*[1]

Naho inzira yerekeza mu muriro batanga gihamya igira iti:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ...فَٱهۡدُوهُمۡ إِلَىٰ صِرَٰطِ ٱلۡجَحِيمِ ۝٢٣ ﴾ الصافات: ٢٣

*"...Maze muberekeze mu nzira ibaganisha mu muriro ugurumana."*[2]

[1] Qur'an 47:5
[2] Qur'an 37:23

Ariko ibi bisobanuro bahaye iyi mirongo ya Qur'an ntabwo ari ukuri, kandi binavuguruza indi mirongo ya Qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana zimpamo nta gihamya.

Ikiri itegeko ni ugusobanura no kwemera gihamya za Qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana uko ziri, tutazishakiye ibindi bisobanuro bitari ibyazo.

Ikindi twavuga nuko *Siratwa* ari inzira (ikiraro) ifatika izaba ijya mu ijuru abantu bazanyuraho. Hakaba hari n'indi *Siratwa* yo ku isi ariyo dini ya Allah (Isilamu) ari nayo ivugwa muri uyu murongo wa Qur'an Aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ٱهْدِنَا ٱلصِّرَاطَ ٱلْمُسْتَقِيمَ ۝٦ صِرَاطَ ٱلَّذِينَ أَنْعَمْتَ عَلَيْهِمْ غَيْرِ ٱلْمَغْضُوبِ عَلَيْهِمْ وَلَا ٱلضَّآلِّينَ ۝٧ ﴾ الفاتحة: ٦ - ٧

"*Tuyobore inzira igororotse Inzira y'abo wahundagajeho inema, itari iy'abarakariwe cyangwa abayobye.*[1]" Nanone Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ أَفَمَن يَمْشِي مُكِبًّا عَلَىٰ وَجْهِهِۦٓ أَهْدَىٰٓ أَمَّن يَمْشِي سَوِيًّا عَلَىٰ صِرَٰطٍ مُّسْتَقِيمٍ ۝٢٢ قُلْ هُوَ ٱلَّذِيٓ أَنشَأَكُمْ وَجَعَلَ لَكُمُ ٱلسَّمْعَ وَٱلْأَبْصَٰرَ وَٱلْأَفْـِٔدَةَ ۖ قَلِيلًا مَّا تَشْكُرُونَ ﴾ الملك ٢٢- ٢٣

"*Ese wa wundi ugenda yubitse umutwe (ahuzagurika mu dini ya Isilamu) ni we wayobotse kurusha wa wundi ugenda yemye mu nzira igororotse!?*[2]" Ubwo rero uburyo umuntu anyura muri iyo nzira (*Siratwa*) yo ku isi nibyo bimushoboza kuzanyura ku nzira (*Siratwa*) yo ku munsi w'imperuka. Bityo rero iyo umuntu agenda muri iyi nzira yo ku isi mu buryo buboneye bimuha kuzananyura kuri ya nzira yo ku munsi w'imperuka yemye, naho iyo agenda

[1] Qur'an 1:6-7
[2] Qur'an 67:22

mu nzira yo ku isi biguru ntege no ku munsi w'imperuka bizaba ari uko.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Abantu bazakinyuraho (mu buryo butandukanye) hashingiwe ku bikorwa byabo.**" Abantu bavugwa aha ni abemeramana gusa, ntabwo ari abantu bose muri rusange. Kuko iki kiraro kizashyirwaho nyuma yuko abahakanyi n'ababangikanyamana bamaze kwinjizwa mu muriro wa Djahanamu.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**...Nuko bafatwe bajugunywe mu muriro wa Djahanamu.**" Aba ni bamwe mu bemeramana (Abayisilamu) bazaba barakoze ibyaha bitari uguhakana cyangwa kubangikanya Imana. Ikigaragara nuko uyu muriro bazaba binjijwemo udatandukanye n'uwo abahakanyi n'ababangikanyamana bazaba barimo, n'ubwo bwose ububabare bwabo buzaba butandukanye.

Ikindi nuko ingingo bakoreshaga bubamira Allah zitazagerwaho n'umuriro, nkuko bishimangirwa na Hadithi y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) igira iti:

عن أَبِي هُرَيْرَةَ -رضي الله عنه- قال: قال رسول الله ﷺ: "...حَتَّى إِذَا أَرَادَ الله رَحْمَةَ مَنْ أَرَادَ مِنْ أَهْلِ النَّارِ أَمَرَ الله الْمَلائِكَةَ أَنْ يُخْرِجُوا مَنْ كَانَ يَعْبُدُ اللَّهَ فَيُخْرِجُونَهُمْ وَيَعْرِفُونَهُمْ بِآثَارِ السُّجُودِ وَحَرَّمَ الله عَلَى النَّارِ أَنْ تَأْكُلَ أَثَرَ السُّجُودِ فَيَخْرُجُونَ مِنْ النَّارِ فَكُلُّ ابْنِ آدَمَ تَأْكُلُهُ النَّارُ إِلا أَثَرَ السُّجُودِ فَيَخْرُجُونَ مِنْ النَّار." صحيح البخاري

Intumwa y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Kugeza ubwo Allah azashaka kugirira impuhwe bamwe mu bari mu muriro, azatageka abamalayika kuwukuramo uwo ari we wese wagaragiraga Allah, nuko abamalayika bawubasohoremo bababwirwe n'ibimenytso byo kubama

(*Sudjudu*). Kandi Allah yazizirije umuriro kotsa ingingo ziriho ibimenyetso byo kubama, nuko bakurwe mu muriro. Bityo buri mubiri wa mwene Adamu wose uzotswa n'umuriro uretse ingingo ziriho ibimenyetso byo kubama, maze bakurwe mu muriro."[1]

## القنطرة بين الجنة و النار

### Q*an'twarat* (ikiraro) kiri hagati y'ijuru n'umuriro.

فَمَنْ مَرَّ عَلَى الصِّرَاطِ؛ دَخَلَ الْجَنَّةَ. فَإِذَا عَبَرُوا عَلَيْهِ؛ وَقَفُوا عَلَى قَنْطَرَةٍ بَيْنَ الْجَنَّةِ وَالنَّارِ، فَيُقْتَصَّ لِبَعْضِهِم مِن بَعْضٍ، فَإِذَا هُذِّبُوا وَنُقُّوا؛ أُذِنَ لَهُمْ فِي دُخُولِ الْجَنَّةِ.

**Abazagira amahirwe yo kwambuka *Swiratwa* bazinjira mu ijuru. Nibamara kwambuka *Swiratwa*, bazahagarikwa ku kindi kiraro *(Al Qan'twarat)* kiri hagati y'ijuru n'umuriro, aho buri wese azishyuriza undi ukuri amufitiye. Nibamara kwishyurana no kwezwa, bazahabwa uburenganzira bwo kwinjira mu ijuru.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Aha umwanditsi yakomeje avuga ko mu bizaba ku munsi w'imperuka harimo guhagarara ku kiraro kiri hagati y'ijuru n'umuriro (*Al Qan'twarat*) ari cyo cya karindwi (7). Abazagihagararaho ni abazaba bagize amahirwe yo kwambuka Swiratwa bakarokoka umuriro bakaba bagiye kwinjira mu ijuru. Allah aragira ati:

---

[1] Yakiriwe na Bukhari

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... فَمَن زُحْزِحَ عَنِ ٱلنَّارِ وَأُدْخِلَ ٱلْجَنَّةَ فَقَدْ فَازَ ... ﴾ آل عمران: ١٨٥

*" ...Bityo, uzashyirwa kure y'umuriro akinjizwa mu ijuru, rwose azaba atsinze..."*[1]

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ...فَرِيقٌ فِي ٱلْجَنَّةِ وَفَرِيقٌ فِي ٱلسَّعِيرِ ۝٧ ﴾ الشورى: ٧

*"...Ubwo itsinda rimwe rizaba riri mu ijuru, irindi riri mu muriro ugurumana."*[2]

Ariko mbere yo kwinjira mu ijuru hazabaho kwishyurana hagati y'abemeramana ku byo bahuguzanyijeho, kugira ngo binjire mu ijuru nta cyaha bafite. Nibamara kwezwa ibyo byaha, ibyari mu mitima yabo kuri bagenzi babo byarangiye, bazahabwa uburenganzira bwo kwinjira mu ijuru. Nkuko Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَنَزَعْنَا مَا فِي صُدُورِهِم مِّنْ غِلٍّ إِخْوَانًا عَلَىٰ سُرُرٍ مُّتَقَابِلِينَ ۝٤٧ ﴾ الحجر: ٤٧

*"Tuzanakura inzika mu bituza byabo (n'uko babane mu ijuru) nk'abavandimwe, bari ku bitanda berekeranye (baganira bishimye)."*[3]

Bikanashimangirwa na Hadithi y'Intumwa y'Imana aho igira iti:

عَنْ أَبِي الْمُتَوَكِّلِ النَّاجِيِّ ، أَنَّ أَبَا سَعِيدٍ الْخُدْرِيَّ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ قَالَ : قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: "يَخْلُصُ الْمُؤْمِنُونَ مِنَ النَّارِ، فَيُحْبَسُونَ عَلَى قَنْطَرَةٍ بَيْنَ الجَنَّةِ وَالنَّارِ، فَيُقَصُّ لِبَعْضِهِمْ مِنْ بَعْضٍ مَظَالِمُ كَانَتْ بَيْنَهُمْ فِي الدُّنْيَا، حَتَّى إِذَا هُذِّبُوا وَنُقُّوا أُذِنَ لَهُمْ فِي دُخُولِ الجَنَّةِ ، فَوَالَّذِي نَفْسُ مُحَمَّدٍ بِيَدِهِ ، لَأَحَدُهُمْ أَهْدَى بِمَنْزِلِهِ فِي الجَنَّةِ مِنْهُ بِمَنْزِلِهِ كَانَ فِي الدُّنْيَا."

---

1 Qur'an 3:185
2 Qur'an 42:7
3 Qur'an 15:47

Hadithi yaturutse kwa Abi  Al Mutawakil A-Nadjiy yavuze ko Abi Said Al Khudriy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Abemeramana bazarokorwa kugwa mu muriro (bambuka Swiratwa), maze bahagarikwe kuri Qan'twarat iri hagati y'ijuru n'umuriro, nuko buri umwe yishyuze mugenzi we amahugu yamukoreye bakiri ku isi, kugeza ubwo bazaba bamaze kwezwa no kwishyurana, bazahabwa uburenganzira bwo kwinjira mu ijuru. Ndahiriye k'ufite roho ya Muhamad mu kuboko kwe, ko umwe muri bo azaba azi ubuturo bwe bwo mu ijuru kurusha uko yari azi ubuturo bwe ku isi."[1]

## أَوَّلُ مَن يَسْتَفْتِحُ بَابَ الْجَنَّةِ وَأَوَّلُ مَن يَدْخُلُها وَشَفَاعَاتٍ النبي صلي الله عليه وسلم

**Umuntu wa mbere uzasaba gufungurirwa umuryango w'ijuru, n'uwa mbere uzaryinjiramo, hamwe no gutakambira abantu kw'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana iyihe amahoro n'imigisha).**

وَأَوَّلُ مَن يَسْتَفْتِحُ بَابَ الْجَنَّةِ مُحَمَّدٌ ﷺ ، وَأَوَّلُ مَن يَدْخُلُ الْجَنَّةَ مِنَ الأُمَمِ أُمَّتُهُ. وَلَه ﷺ فِي الْقِيَامَةِ ثَلاثُ شَفَاعَاتٍ: **أَمَّا الشَّفَاعَةُ الأُوْلَى**؛ فَيَشفَعُ فِي أَهْلِ الْمَوْقِفِ حَتَّى يُقْضَى بَيْنَهُمْ بَعْدَ أَنْ يَتَرَاجَعَ الأَنْبِيَاءُ؛ آدَمُ، وَنُوحُ، وَإِبْرَاهِيمُ، وَمُوسَى، وَعِيسى ابْنُ مَرْيَمَ عَنِ الشَّفَاعَةِ حَتَّى تَنْتَهِيَ إِلَيْهِ. **وَأَمَّا الشَّفَاعَةُ الثَّانِيَةُ**؛ فَيَشْفَعُ فِي أَهْلِ الْجَنَّةِ أَن يَدْخُلُوا الْجَنَّة. وَهَاتَانَ الشَّفَاعَتَانِ خَاصَّتَانِ لَهُ. **وَأَمَّا الشَّفَاعَةُ الثَّالِثَةُ**؛ فَيَشْفَعُ فِيمَنِ اسْتَحَقَّ النَّارَ، وَهَذِهِ الشَّفَاعَةُ لَهُ وَلِسَائِرِ النَّبِيِّينَ وَالصِّدِّيقِينَ وَغَيْرِهِمْ، فَيَشْفَعُ فِيمَنِ اسْتَحَقَّ النَّارَ أَن لاَّ يَدْخُلَهَا، وَيَشْفَعُ فِيمَنْ دَخَلَهَا أَن يَخْرُجَ مِنْهَا.

[1] Yakiriwe na Bukhari

**Umuntu wa mbere uzasaba gufungurirwa ijuru ni Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), n'abantu ba mbere bazaryinjiramo ni abayoboke be. Kandi Intumwa y'Imana Muhamad yahawe kuzatakambira abantu ku munsi w'imperuka mu buryo butatu:**

Uburyo bwa mbere: **Azatakambira abantu bazaba bari ku rubuga rw'ibarura asaba ko bakorerwa ibarura, ubwo bazaba bamaze kunyura ku ntumwa z'Imana zitandukanye; Adamu, Nuhu, Iburahim, Musa, Isa Ibun Mariyam bazisaba ko zabatakambira, kugeza ubwo babisabye Intumwa y'Imana Muhamad ikaba ari yo ibibakorera (bikemerwa).**

Uburyo bwa kabiri: **Azatakambira abantu bazaba bahawe ingororano yo kwinjira mu ijuru abasabire ko baryinjiramo. Uku gutakambira abemera muri ubu buryo bwombi ni umwihariko w'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha).**

Uburyo bwa gatatu: **Azatakambira abantu bazaba bakwiye kujya mu muriro (kubera ibyaha bakoze bitarimo ibangikanyamana) ko batawinjizwamo. Uku gutakamba azagukora ariko azaba anaguhuriyeho n'izindi ntumwa n'abemeramana b'abanyakuri ndetse n'abandi bantu beza. Azatakambira abantu bazaba bagiye kwinjizwa muri Djahanamu ko batawinjizwamo, anatakambire abamaze kwinjizwamo (b'abemeramana bakoze ibyaha bitari ibangikanyamana) ko bawukurwamo.**

<u>*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*</u>

Umwanditsi (Allah amugirire impuhwe) yagaragaje ibyo abemeramana bazasorezaho ku munsi w'imperuka nyuma y'uko bazaba bamaze kunyura muri biriya twavuze hejuru. Ntibazinjira mu ijuru keretse bamaze guhabwa uruhushya na Allah, no gusaba ko bafungurirwa imiryango yaryo.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Umuntu wa mbere uzasaba gufungurirwa ijuru ni Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha).**" Ibi bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

وعَنْ أَنَسِ بْنِ مَالِكٍ رضي الله عنه قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ ﷺ: "آتِي بَابَ الْجَنَّةِ يَوْمَ الْقِيَامَةِ، فَأَسْتَفْتِحُ، فَيَقُولُ الْخَازِنُ: مَنْ أَنْتَ؟ فَأَقُولُ: مُحَمَّدٌ. فَيَقُولُ: بِكَ أُمِرْتُ لاَ أَفْتَحُ لأَحَدٍ قَبْلَكَ" رواه مسلم.

"Ku munsi w'imperuka nzerekeza ku muryango w'ijuru nsabe ko mfungurirwa, umurinzi waryo ambaze ati: Uri nde? Musubize nti: Ndi Muhamad! Ambwire ati: Ni wowe nategetswe ko ntawe nzafungurira mbere yawe." **Yakiriwe na Muslim.** Uku gusaba gufungurirwa kw'Intumwa y'Imana bigaragaza icyubahiro cyayo n'agaciro kayo.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**N'abantu ba mbere bazaryinjiramo ni abayoboke be.**" Ibi bigaragaza ko abayoboke be ari bo beza kurusha abayoboke b'izindi ntumwa z'Imana. Naho kuba ari bo ba mbere bazinjira mu ijuru mbere y'abandi, bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ، قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللهِ ﷺ: نَحْنُ الْآخِرُونَ الْأَوَّلُونَ يَوْمَ الْقِيَامَةِ، وَنَحْنُ أَوَّلُ مَنْ يَدْخُلُ الْجَنَّةَ.

“Twe turi abantu babayeho nyuma y’abandi ariko tuzaba aba mbere ku munsi w’imperuka[1], ndetse ninatwe bantu ba mbere bazinjira mu ijuru.” **Yakiriwe na Muslim.**

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Kandi Intumwa y’Imana Muhamad yahawe kuzatakambira abantu ku munsi w’imperuka mu buryo butatu,** ari cyo cya munani (8) mu bizaba ku munsi w’imperuka. Aha umwanditsi yagaragaje ugutakamba Intumwa y’Imana izakora ku munsi w’imperuka ku burenganzira bwa Allah.

Aha umwanditsi yavuze ibice byo gutakamba mu ncamake, ariko mu buryo burambuye ni ibice umunani, harimo iby’umwihariko w’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ndetse n’ibyo ahuriyeho n’izindi ntumwa.

1 Ugutakamba guhambaye; uku kukaba ari nako kwitwa *Maqamu Al Mahmud,* kukazaba igihe Intumwa y’Imana izatakambira Allah kugira ngo acire urubanza abagaragu be nyuma y’uko bazaba bahagaze ku rubuga rw’ibarura igihe kirekire, na nyuma y’uko bazaba bamaze kuzenguruka Intumwa zose ko zabatakambira. Nuko Intumwa y’Imana Muhamad ibe ari yo ibatakambira nyuma y’uko Allah abiyihereye uburenganzira.

2 Ugutakamba kw’Intumwa y’Imana izatakambira Allah imusaba ko abantu bo mu ijuru baryinjiramo nyuma y’uko bazaba bamaze kubarurirwa.

3 Ugutakamba kw’Intumwa y’Imana izatakambira Allah imusaba ko yakorohereza ibihano se wabo Abi Twalib. Ibi bikaba ari umwihariko w’Intumwa y’Imana Muhamad, kuko Allah yavuze ko abahakanyi nta gutakamba k’utakambira uwo ari we wese

---

[1] Abayoboke b’Intumwa y’Imana bazaba aba mbere ku munsi w’imperuka mu bitu bitatu:

1 Kuzurwa
2 Kunyura kuri Swiaratwa
3 Kwinjira mu ijuru.

kuzagira icyo kubamarira. Ndetse n'Intumwa y'Imana yavuze ko ugutakamba kwayo kuzaba ari umwihariko ku bantu bemeye Imana imwe batayibangikanyije n'icyo ari cyo cyose (*Ahlu Tawuhid*), bityo rero ugutakamba Intumwa y'Imana izakorera se wabo Abi Twalib ni umwihariko ku Ntumwa y'Imana kukaba n'umwihariko kuri Abi Twalib.

N'ikizatuma atakambirwa nuko yafashije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu gusakaza ubutumwa bwa Isilam, ikindi nuko uku kumutakambira bitazatuma ava mu muriro ahubwo azawugumamo kuko yapfuye ari umuhakanyi. Umuriro uzaba umugera mu tubombankore utogotera mu bwonko bwe. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze Hadithi yaturutse kwa Abas Ibun Abdul Mutwalib yakiriwe na Bukhari na Musilim igira iti:

عن العباس بن عبد المطلب أنه قال يا رسول الله هل نفعت أبا طالب بشيء فإنه كان يحوطك ويغضب لك قال نعم هو في ضحضاح من نار ولولا أنا لكان في الدرك الأسفل من النار.

"...Iyo bitaza kuba njye (Abu Twalib) yari kuba ari mu ndiba y'umuriro."

Ibi bice bitatu tumaze kubona ni umwihariko w'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha.)

4 Ugutakamba kw'Intumwa y'Imana izatakambira Allah imusaba ko Abayisilamu bari bakwiye kwinjira mu muriro (kubera ibyaha bakoze bitarimo ibangikanyamana) batawinjiramo.

5 Ugutakamba kw'Intumwa y'Imana izatakambira Allah imusaba ko abamaze kwinjira mu muriro mu bayisilamu bakoze ibyaha (bitarimo ibangikanyaman) bawusohorwamo.

6 Ugutakamba kw'Intumwa y'Imana izatakambira Allah imusaba ko yazamura inzego bamwe mu bantu bo mu ijuru.

7 Ugutakamba kw'Intumwa y'Imana izatakambira Allah imusaba ko Abayisilamu ibyiza byabo byanganye n'ibibi byabo ko bakwinjira mu ijuru, aba ku gisobanuro cya bamwe mu bamenyi ni abitwa *Ahlul Araf.*

8 Ugutakamba kw'Intumwa y'Imana izatakambira Allah imusaba ko bamwe mu bemeramana bakwinjira mu ijuru nta barura bakorewe cyangwa ngo bahanwe. Nko gutakamba izakorera Ukashat Ibun Mih'swan (Imana imwishimire) kuko Intumwa y'Imana yamusabiye ko yazaba mu bantu ibihumbi mirongo irindwi bazinjira mu ijuru nta barura bakoprewe cyangwa ngo bahanwe. Ibi bice bitanu bya nyuma tumaze kuvuga Intumwa y'Imana Muhamad ibihuriyeho n'izindi ntumwa z'Imana, abamalayika, abemeye by'ukuri, ndetse n'abapfiriye ku rugamba baharanira inzira ya Allah.

Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djam-at*) bemera uko gutakamba kose, bashingiye kuri gihamya zibishimangira. Banemera kandi ko uku gutakamba kudashobora kubaho keretse kujuje amabwiriza abiri :

**Irya mbere:** Uburenganzira Allah azaha utakamba ngo agire uwo atakambira. Nkuko bishimangirwa n'umurongo wa Qur'an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ مَن ذَا ٱلَّذِى يَشْفَعُ عِندَهُۥٓ إِلَّا بِإِذْنِهِۦ ۚ ﴿٢٥٥﴾ ﴾ البقرة: ٢٥٥

*"...Ni nde wagira uwo atakambira iwe uretse ku bushake bwe (Allah)...?*[1]

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ... مَا مِن شَفِيعٍ إِلَّا مِنۢ بَعْدِ إِذْنِهِۦ ... ﴿٣﴾ ﴾ يونس: ٣

[1] Qur'an 2:255

*"...Nta muvugizi (abantu bazagira ku munsi w'imperuka) uretse nyuma y'uburenganzira bwe (Allah)..."*[1]

**Irya kabiri:** Kuba Allah yishimiye umuntu ugiye gutakambirwa, nkuko bishimangirwa n'imirongo ya Qur'an igira iti:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ...وَلَا يَشْفَعُونَ إِلَّا لِمَنِ ٱرْتَضَىٰ وَهُم مِّنْ خَشْيَتِهِۦ مُشْفِقُونَ ﴾ الأنبياء: ٢٨

*"... Kandi ntibashobora kugira uwo bavuganira usibye gusa uwo (Allah) yishimiye. Ndetse baterwa ubwoba no kumutinya."*[2]

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَكَم مِّن مَّلَكٍ فِي ٱلسَّمَٰوَٰتِ لَا تُغْنِي شَفَٰعَتُهُمْ شَيْـًٔا إِلَّا مِنۢ بَعْدِ أَن يَأْذَنَ ٱللَّهُ لِمَن يَشَآءُ وَيَرْضَىٰٓ ﴿٢٦﴾ ﴾ النجم: ٢٦

*"None se ni bangahe mu bamalayika bari mu birere, ubuvugizi bwabo butazigera bugira icyo bumara Allah atabanje kubihera uburenganzira uwo ashatse kandi yishimira?"*[3]

Agatsiko k'abitwa *Al Mu-utazilat* kanyuranyije n'imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) *Ahlu Sunat wal Djamaat* ku byerekeranye no gutakamba Intumwa y'Imana izakorera abari bakwiye kujya mu muriro mu bemeramana bakoze ibyaha bikuru (bitari ibangikanyamana) ngo ntibawujyemo, ndetse n'abamaze kuwujyamo ngo bawusohekemo, ari cyo gice cya gatanu n'icya gatandatu mu bice twabonye byo gutakamba. Banatanze gihamya y'umurongo wa Qur'an ugira uti:

---

1 Qur'an 10:3
2 Qur'an 21:28
3 Qur'an 53:26

قَالَ تَعَالَى: ﴿ فَمَا تَنفَعُهُمۡ شَفَٰعَةُ ٱلشَّٰفِعِينَ ۝٤٨ ﴾ المدثر: ٤٨

*“Bityo, nta buvugizi bw’abavugizi buzagira icyo bubamarira.”*[1]

Igisubizo tubaha nuko uyu murongo wa Qur’an wavugaga abahakanyi, nibo batazigera bagirirwa umumaro no gutakamba k’uwo ari we wese wabatakambira. Naho abemeramana bo bazagiririrwa umumaro no gutakamba igihe kujuje amabwiriza amabwiriza yako twagaragaje.

Ku byerekeye no gutakamba abantu barimo ibice bitatu:

**Igice cya mbere:** Ni abakabije mu gushimangira ibijyanye no gutakamba, ari bo abanaswara, ababangikanyamana, n’abakabya mu gatsiko k’abitwa *A-Swufiyat* n’agatsiko k’abitwa *Al Quburiyun*. Kuko bagize ugutakambira ibyo baha ibyubahiro imbere ya Allah nko gutakamba gusanzwe gukorwa ku isi ku bami, noneho bakora ibangikanyamana batakambira ibyo baha ibyubahiro mu cyimbo cya Allah, nkuko ibyo Allah yabivuze ku babangikanyamana agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ أَلَا لِلَّهِ ٱلدِّينُ ٱلۡخَالِصُۚ وَٱلَّذِينَ ٱتَّخَذُواْ مِن دُونِهِۦٓ أَوۡلِيَآءَ مَا نَعۡبُدُهُمۡ إِلَّا لِيُقَرِّبُونَآ إِلَى ٱللَّهِ زُلۡفَىٰٓ إِنَّ ٱللَّهَ يَحۡكُمُ بَيۡنَهُمۡ فِي مَا هُمۡ فِيهِ يَخۡتَلِفُونَۗ إِنَّ ٱللَّهَ لَا يَهۡدِي مَنۡ هُوَ كَٰذِبٞ كَفَّارٞ ۝٣ ﴾ الزمر: ٣

*“Mumenye ko Allah ari we nyir’idini ritunganye. Naho babandi bishyiriyeho ibigirwa mana mu cyimbo cye, (baravuga bati) "Nta yindi mpamvu ituma tubisenga itari ukugira ngo bitwegereze Allah". Mu by’ukuri, Allah azabakiranura ku byo batavugagaho*

[1] Qur’an 74:48

*rumwe. Rwose Allah ntayobora umunyabinyoma, umuhakanyi wa cyane."* ۛ [1]

**Igice cya kabiri:** Ni agatsiko k'abitwa *Al Muutazilat* n'abitwa *Al Khawaridj* bakabirije mu guhakana ibyerekeye ugutakamba kugeza ubwo bahakanye ugutakamba kw'Intumwa y'Imana ndetse no gutakamba kw'izindi ntumwa bazakorera abaranzwe no gukora ibyaha bikuru bitari ibangikanyamana mu bemeramana.

**Igice cya gatatu:** Ni abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at)* bashimangiye ibigendanye no gutakamba nkuko byaje muri gihamya za Qur'an n'iz'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Banashimangira gutakambira n'amabwiriza abigenga.

## اخراج بعض العصاة من النار برحمة الله بغير شفاعة واتساع الجنة عن أهلها.

**Kuvanwa mu muriro kwa bamwe mu banyabyaha kubera impuhwe za Allah badatakambiwe, n'uburyo ijuru rizaba ari rigari ku bazaba baririmo.**

وَيُخْرِجُ اللهُ مِنَ النَّارِ أَقْوَامًا بِغَيْرِ شَفَاعَةٍ؛ بَلْ بِفَضْلِهِ وَرَحْمَتِهِ، وَيَبْقَى فِي الْجَنَّةِ فَضْلٌ عَمَّنْ دَخَلَهَا مِنْ أَهْلِ الدُّنْيَا، فَيُنْشِئُ اللهُ لَهَا أَقْوَامًا فَيُدْخِلُهُمُ الْجَنَّةَ. وَأَصْنَافُ مَا تَضَمَّنَتْهُ الدَّارُ الآخِرَةُ مِنَ الْحِسَابِ وَالثَّوَابِ وَالْعِقَابِ وَالْجَنَّةِ وَالنَّارِ وَتَفَاصِيلُ ذَلِكَ مَذْكُورَةٌ فِي الْكُتُبِ الْمُنَزَّلَةِ مِنَ السَّمَاءِ، وَالآثَارِ مِنَ الْعِلْمِ الْمَأْثُورِ عَنِ الأَنْبِيَاءِ، وَفِي الْعِلْمِ الْمَوْرُوثِ عَنْ مُحَمَّدٍ ﷺ مِنْ ذَلِكَ مَا يَشْفِي وَيَكْفِي، فَمَنِ ابْتَغَاهُ وَجَدَهُ.

[1] Qur'an 39:3

**Nuko Allah avane mu muriro bamwe mu bemeramana bakoze ibyaha (bitari ibangikanyamana) hatabayeho gutakambirwa, ahubwo ari ingororano ze n'impuhwe ze (abagiriye). Maze mu ijuru hasigare umwanya munini ku bantu baryinjiyemo babaga ku isi, nuko Allah areme abantu (bashya) abinjize mu ijuru. Naho ibindi bintu bigendanye n'umunsi w'imperuka harimo ibarura, ibihembo, ibihano, ijuru, umuriro n'ibisobanuro byabyo mu buryo burambuye byavuzwe mu bitabo byamanuriwe (Intumwa z'Imana) bivuye hejuru (ku Mana), tukanabikura mu bumenyi twakuye ku Ntumwa z'Imana, ari nako tubikura mu bumenyi twakuye ku Ntumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) harimo ibyatuma umuntu asobanukirwa kandi bihagije, uwabishaka rero yabisangamo.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Ubwo umwanditsi (Allah amugirire impuhwe) yari amaze kugaragaza ibice bigize ugutakamba kuzakorwa ku burenganzira bwa Allah, ariko gutakambira abayisilamu bazaba binjiye mu muriro ko bawusohorwamo, yagaragaje ikintu cya cyenda mu bizakorwa ku munsi w'imperuka ari cyo gukurwa mu muriro kwa bamwe mu bemeramana bakoze ibyaha bitari ibangikanyamana bari bafite ukwemera Imana niyo kwaba kungana n'impeke y'ururo, kuzaterwa n'indi mpamvu itari ugutakambirwa ari yo impuhwe za Allah n'ingabire ze ndetse n'ineza ye. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿إِنَّ ٱللَّهَ لَا يَغْفِرُ أَن يُشْرَكَ بِهِۦ وَيَغْفِرُ مَا دُونَ ذَٰلِكَ لِمَن يَشَآءُ ۚ وَمَن يُشْرِكْ بِٱللَّهِ فَقَدِ ٱفْتَرَىٰٓ إِثْمًا عَظِيمًا ﴿٤٨﴾﴾ النساء: ٤٨

*“Mu by’ukuri, Allah ntababarira kumubangikanya, ahubwo ababarira ibitari icyo k’uwo ashaka. N’ubangikanya Allah, rwose aba ahimbye icyaha gihambaye.”*[1]

No muri Hadithi yemeranyijweho na Bukhari na Muslim, Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) yaravuze iti: Allah ku munsi w’imperuka azavuga ati:

فيقول الله: شفعت الملائكة ، وشفع النبيون ، وشفع المؤمنون ، ولم يبق إلا أرحم الراحمين ، فيقبض قبضة من النار فيخرج منها قوما لم يعملوا خيرا قط قد عادوا حمما.

“Abamalayika hari abo bamaze gutakambira bakurwa mu muriro, n’Intumwa za Allah hari abo zamaze gutakambira bakurwa mu muriro, ndetse n’abemeramana hari abo bamaze gutakambira bakurwa mu muriro. Ntawe usigaye usibye Nyirimpuhwe zihebuje (Allah). Nuko afate bamwe mu bari mu muriro (bari bafite mu mitima yabo ukwemera) batigeze bakora icyiza na gito awubakuremo (ku bw’impuhwe ze).”

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Maze mu ijuru hasigare umwanya munini ku bantu baryinjiyemo babaga ku isi”** ibi bizabaho kuko Allah yashimangiye ko ijuru rye ryagutse. Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿۞ وَسَارِعُوٓاْ إِلَىٰ مَغۡفِرَةٖ مِّن رَّبِّكُمۡ وَجَنَّةٍ عَرۡضُهَا ٱلسَّمَٰوَٰتُ وَٱلۡأَرۡضُ أُعِدَّتۡ لِلۡمُتَّقِينَ ١٣٣﴾ آل عمران: ١٣٣

*“Kandi mwihutire gushaka imbabazi ziva kwa Nyagasani wanyu, n‘Ijuru rifite ubugari bungana n‘ibirere n’isi, ryateguriwe abatinya Allah.”*[2]

---

[1] Qur’an 4:48
[2] Qur’an 3:133

Naho ijambo rigira riti: “**Nuko Allah areme abantu (bashya) abinjize mu ijuru”** azaribinjizamo ku bw’ingabire ze n’impuhwe ze, kubera ko ijuru ari impuhwe za Allah azagirira uwo ashatse. Naho umuriro ntawe azawuhanisha keretse uwo bizaba bihama ko awukwiye kandi yarahinyuje Intumwa ze.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Naho ibindi bintu bigendanye n’umunsi w’imperuka…**” Umwanditsi amaze kugaragaza ibizaba ku munsi w’imperuka yakurikijeho kugaragaza ko ibisobanuro byabyo mu buryo burambuye kandi busobanutse biboneka mu gitabo cya Allah (Qur’an) ndetse no muri Hadithi z’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha), kuko ibizaba ku munsi w’imperuka biri mu bumenyi bw’ibyihishe bitamenywa usibye mu buryo bwo guhishurirwa (*Wah’yu*).

Abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana *(Ahalu Sunat wal Djama-at)* bemera ko ijuru n’umuriro bihari ko Allah yamaze ku birema kandi ko bitazigera birangira nkuko bigaragara muri gihamya zitandukanye zaba iza Qur’an cyangwa iza Hadithi. Ariko abagize agatsiko k’abitwa *Al Mu-utazilat* n’abitwa *Al Qadariyat* barabihakanye bavuga ko ijuru n’umuriro ubu bitariho ko Allah azabirema ku munsi w’imperuka kandi ko kubirema ubu ntacyo byaba bimaze. Muri gihamya twatanga ko ijuru n’umuriro biriho n’inkuru y’urugendo rwa *Isiraa* na *Miiradji* Intumwa y’Imana yakoze ijya mu ijuru n’uburyo yahanuye ibyo yabonye muri urwo rugendo.

## الإِيمَانُ بِالْقَدَرِ وبَيَانُ مَا يَتَضَمنْه

**Kwemera igeno no kugaragaza ibirikubiyemo.**

وَتُؤْمِنُ الْفِرْقَةُ النَّاجِيَةُ مِنْ أَهْلِ السُّنَّةِ وَالْجَمَاعَةِ بِالْقَدَرِ خَيْرِهِ وَشَرِّهِ. وَالإِيمَانُ بِالْقَدَرِ عَلَى دَرَجَتَيْنِ؛ كُلُّ دَرَجَةٍ تَتَضَمَّنُ شَيْئَيْنِ.

**Itsinda ryarokotse (ibihano bya Allah) ari ryo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ah'lu Sunat wal Djama-at*) bemera igeno, bakanemera ibikubiye muri ryo byaba byiza cyangwa se bibi. Ikindi nuko kwemera igeno biri mu nzego ebyiri, na buri rwego rukubiyemo ibintu bibiri.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Ikigambiriwe mu ijambo **igeno** ni ukuba Allah afite ubumenyi, ubushake n'ububasha bw'ibiriho, ibyabaye cyangwa se ibizaba. Bityo nta kiba usibye ko kiba cyaragenwe nawe. Bisobanuye ko yari akizi mbere y'uko kiba ndetse kikaba ku bushake bwe. (**Kwemera igeno**) ni imwe mu nkingi esheshatu z'ukwemera, ukemera ibyiza byaryo ndetse n'ibibi byaryo. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّا كُلَّ شَيْءٍ خَلَقْنَٰهُ بِقَدَرٍ ﴿٤٩﴾ ﴾ القمر: ٤٩

*"Mu by'ukuri, buri kintu twakiremeye igeno ryacyo."*[1]

Allah nanone aragira ati:

[1] Qur'an 54:49

قَالَ تَعَالَى: ﴿ فَقَدَرْنَا فَنِعْمَ ٱلْقَٰدِرُونَ ﴿٢٣﴾ ﴾ المرسلات: ٢٣

*“Nuko tukagena (igihe umwana avukira) kandi ni twe duhebuje mu kugena.”*[1]

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Itsinda ryarokotse (ibihano bya Allah) ari ryo abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ah’lu Sunat wal Djama-at*) ryemera igeno, rikanemera ibirikubiyemo byaba byiza cyangwa se bibi.”** Aha umwanditsi yagaragazaga ko utemera igeno atari mu tsinda ry’abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ah’lu Sunat wal Djama-at*), ubwo utaryemera bishobora ku mugusha mu bihimbano cyangwa bikamugusha mu buhakanyi. Kwemera igeno byashimangiwe na gihamya nyinshi zaba iza Qur’an n’iz’Intumwa y’Imana. Nkuko biri muri Hadithi ubwo Malayika Djibrilu yabajije Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ku byerekeye ukwemera (Iman), nuko ikamusubiza iti:

قَالَ: أَنْ تُؤْمِن بِاللَّهِ وملائِكَتِهِ ، وكُتُبِهِ ورُسُلِهِ ، والْيومِ الآخِرِ ، وتُؤمِنَ بالْقَدَرِ خَيْرِهِ وشَرِّهِ .

“Ni ukwemera Allah, abamalayika be, ibitabo bye, Intumwa ze, umunsi w’imperuka, ndetse ukanemera igeno, ibyiza byaryo ndetse n’ibibi byaryo.”

Bityo kwemera igeno, Intumwa y’Imana yabigize inkingi ya gatandatu mu nkingi z’ukwemera. Bityo uzahakana iyo nkingi azaba atari umwemeramana, ni kimwe n’utazemera izindi nkingi z’ukwemera.

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Kandi kwemera igeno biri mu nzego ebyiri, na buri rwego rukubiyemo ibintu bibiri.”** Aha umwanditsi agaragaza ko kwemera igeno birimo inzego enye mu burebure nkuko zikurikira:

---

[1] Qur’an 77:23

1-Kwemera ubumenyi bwa Allah bwa buri kintu, ukemera ko ubwo bumenyi bwahozeho kandi ko buzahoraho. No muri ubwo bumenyi bwe harimo kumenya ibikorwa by'abagaragu be mbere y'uko babikora.

2-Kwemera ko (iryo geno) ryanditswe ku rubaho rurinzwe *(Lawhul Mahfudh).*

3-Kwemera ko Allah yashatse buri kintu cyose ko kiba ndetse akaba anagifiteho ububasha bwuzuye.

4-Kwemera ko Allah ari we washyizeho ibiremwa byose kandi ko ari we muremyi wabyo, naho ibindi bitari we bikaba ari ibiremwa.

Ibi bice bine bihurije hamwe inzego zigize ukwemera igeno, tugiye kubigusobanurira mu buryo burambuye.

## تَفَاصِيل مراتب القدر

## Ibisobanuro birambuye by'inzego zigize igeno.

### أ- الدَّرَجَةُ الأُولَى وما تتضمنه

### A. Urwego rwa mbere n'ibirugize.

فَالدَّرَجَةُ الأُولَى: الإيمَانُ بِأَنَّ اللهَ تَعَالَى عَلِيمٌ ما الخَلْق عَامِلُونَ بِعِلْمِهِ الْقَدِيمِ الَّذِي هُوَ مَوْصُوفٌ بِهِ أَزَلاً وَأَبَدًا، وَعَلِمَ جَمِيعَ أَحْوَالِهِم مِّنَ الطَّاعَاتِ وَالْمَعَاصِي وَالأَرْزَاقِ وَالآجَالِ، ثُمَّ كَتَبَ اللهُ فِي اللَّوْحِ الْمَحْفُوظِ مَقَادِيرَ الخَلْقِ. فَأَوَّلُ مَا خَلَقَ اللهُ الْقَلَمَ قَالَ لَهُ: اكْتُبْ. قَالَ: مَا أَكْتُبُ؟ قَالَ: اكْتُبْ مَا هُوَ كَائِنٌ إِلَى يَوْمِ الْقِيَامَةِ. فَمَا أَصَابَ الإِنْسَانَ لَمْ يَكُن لِّيُخْطِئَهُ، وَمَا أَخْطَأَهُ لَمْ يَكُن لِّيُصِيبَهُ، جَفَّتِ الأَقْلامُ، وَطُوِيَتِ الصُّحُفُ؛ كَمَا قَالَ تَعَالَى: ﴿ أَلَمْ تَعْلَمْ أَنَّ ٱللَّهَ يَعْلَمُ مَا فِى ٱلسَّمَآءِ وَٱلْأَرْضِ ۗ إِنَّ ذَٰلِكَ فِى كِتَٰبٍ ۚ إِنَّ ذَٰلِكَ عَلَى ٱللَّهِ يَسِيرٌ ﴾ الحج: ٧٠

وقَالَ تَعَالَى: ﴿ مَآ أَصَابَ مِن مُّصِيبَةٍ فِى ٱلْأَرْضِ وَلَا فِىٓ أَنفُسِكُمْ إِلَّا فِى كِتَٰبٍ مِّن قَبْلِ أَن نَّبْرَأَهَآ ۚ إِنَّ ذَٰلِكَ عَلَى ٱللَّهِ يَسِيرٌ ﴿٢٢﴾ ﴾ الحديد: ٢٢

وَهَذَا التَّقْدِيرُ التَّابِعُ لِعِلْمِهِ سُبْحَانَهُ يَكُونُ فِي مَوَاضِعَ جُمْلَةً وَتَفْصِيلاً: فَقَدْ كَتَبَ فِي اللَّوْحِ الْمَحْفُوظِ مَا شَاءَ. وَإِذَا خَلَقَ جَسَدَ الجَنِينِ قَبْلَ نَفْخِ الرُّوحِ فِيهِ؛ بَعَثَ إِلَيْهِ مَلَكًا، فَيُؤْمَرُ بِأَرْبَعِ كَلِمَاتٍ، فَيُقَالُ لَهُ: اكْتُبْ: رِزْقَهُ، وَأَجَلَهُ، وَعَمَلَهُ، وَشَقِيٌّ أَمْ سَعِيدٌ.. وَنَحْوَ ذَلِكَ. فَهَذَا التَّقْدِيرُ قَدْ كَانَ يُنْكِرُهُ غُلاةُ الْقَدَرِيَّةِ قَدِيمًا، وَمُنْكِرُهُ الْيَوْمَ قَلِيلٌ.

**Urwego rwa mbere rero: Ni ukwemera ko Allah azi neza ibyo ibiremwa biba biri gukora mu bumenyi bwe bwahozeho kandi buzahoraho, kandi akaba azi ibijyanye n'ibyo biremwa, byaba**

**ari ukumwumvira kwabyo, cyangwa se ukumwigomekaho, azi amafunguro yabyo, ndetse akaba azi n'ibigendanye n'urupfu rwabyo. Hanyuma Allah yandika ku rubaho rurinzwe (*Lawuhil Mah'fudh*) igeno rya buri kiremwa.**

**Icya mbere Allah yaremye ni ikaramu nuko arayibwira ati: Andika, iramubaza iti: Nandike iki? Arayibwira ati: Andika ibizaba byose kugeza ku munsi w'imperuka. Ubwo rero ibiba ku muntu ntabwo biba bigomba kumuhusha, n'ibyamuhushije ntabwo biba bigomba kumubaho. Wino z'amakaramu yanditse ibyo yamaze kuma, n'ibitabo byanditswemo ibyo byamaze kuzingwa, nkuko Allah abivuga agira ati: "*Ese ntuzi ko Allah azi ibiri mu kirere no ku isi? Mu by'ukuri, ibyo biri mu gitabo (kirinzwe). Mu by'ukuri, ibyo kuri Allah biroroshye.*"** Qur'an 22:70

**Allah nanone aragira ati: *"Nta ngorane zagera ku isi cyangwa ngo zibabeho zitanditse mu gitabo (kirinzwe) mbere y'uko ziba. Mu by'ukuri, ibyo biroroshye kuri Allah."*** Qur'an 57:22.

**Iri geno rero rigendana n'ubumenyi bwa Allah riri mu buryo butandukanye, byaba mu buryo buvunaguye n'uburyo burambuye. (Allah) yamaze kwandika ibyo yashatse ku rubaho rurinzwe (*Lawuhul Mah'fudh*). Kandi iyo amaze kurema umubiri w'umwana uri mu nda ya nyina mbere y'uko ahuhwamo roho amwohereza umumalayika, nuko akamutegeka ibintu bine. Uwo mu malayika akabwirwa ati: Mwandikire amafunguro ye, igihe azamara ku isi, ibikorwa azakora, ndetse unandike niba azaba umuntu mubi cyangwa umuntu mwiza, n'ibindi.**

**Iri geno abakabya mu gatsiko k'abitwa *Al Qadariyat* bo hambere bararihakanaga, ariko abarihakana kuri ubu ni bake.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Kwemera ibijyanye n'igeno **ku rwego rwaryo rwa mbere** harimo kwemera ko Allah afite ubumenyi buhetuye buri icyo ari cyo cyose, bwaba ubw'ibiriho ibyabaye, ndetse n'ibizaba. Ubu bumenyi buri mu bigwi n'ibisingizo bya Allah ndetse n'imiterere ye, kandi ukemera ko na n'ubu akirangwa nabyo igihe cyose. No muri ubwo bumenyi harimo kuba amenya ibikorwa by'abagaragu be, akanamenya abamugandukira ndetse n'abamwigomekaho. No muri ubwo bumenyi bwe harimo kuba amenya ubuzima bw'ibiremwa byose bibayemo, ubwo bizabamo ndetse n'ubwo byabayemo, akanamenya ibihe byo kubaho kwabyo ndetse n'amafunguro yabyo n'ibindi.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَٱللَّهُ بِكُلِّ شَيۡءٍ عَلِيمٞ ﴿٢٨٢﴾ ﴾ البقرة: ٢٨٢

*"Kandi Allah ni Umumenyi wa byose."*[1]

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ لِتَعۡلَمُوٓاْ أَنَّ ٱللَّهَ عَلَىٰ كُلِّ شَيۡءٖ قَدِيرٞ وَأَنَّ ٱللَّهَ قَدۡ أَحَاطَ بِكُلِّ شَيۡءٍ عِلۡمَۢا ﴿١٢﴾ ﴾ الطلاق: ١٢

*"(Ibyo ni) ukugira ngo mumenye ko Allah ari Ushobora byose kuri buri kintu, ndetse ko Allah azi neza buri kintu."*[2]

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ رَبَّنَا وَسِعۡتَ كُلَّ شَيۡءٖ رَّحۡمَةٗ وَعِلۡمٗا ﴿٧﴾ ﴾ غافر: ٧

[1] Qur'an 2:282
[2] Qur'an 65:12

*“Nyagasani wacu! Impuhwe n’ubumenyi byawe byageze kuri buri kintu.”*

**Urwego rwa kabiri:** Ni urujyanye no kuba Allah yaranditse ku rubaho rurinzwe (*Lawuhul Mahfudwh*) igeno rya buri kiremwa icyo ari cyo cyose. Impamvu Allah yavuze ko ari urubaho rurinzwe nuko yarurinze kuba hari icyakongerwa k’ubirwanditseho cyangwa ngo bigabanywe. Ikindi nuko nta kintu na kimwe kiba usibye ko Allah akizi kandi yacyanditse ku rubaho rurinzwe mbere y’uko kiba. Maze umwanditsi (Allah amugirire impuhwe) yifashisha gihamya za Qur’an na Hadith z’Intumwa y’Imana zigaragaza ko Allah yanditse igeno rya buri kintu.

Allah avuga agaragaza ko ibijyanye na Qur’an na byo byanditswe ku rubaho rurinzwe (*Lawuhu Al Mahfuudh*) agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ بَلْ هُوَ قُرْءَانٌ مَّجِيدٌ ﴿٢١﴾ فِي لَوْحٍ مَّحْفُوظٍ ﴿٢٢﴾ ﴾ البروج: ٢١ – ٢٢

*“Ahubwo iyi ni Qur’an yubahitse, (yanditse) ku rubaho rurinzwe.”*[1]

Naho mu mvugo z’Intumwa y’Imana hari Hadith yakiriwe na Abu Daud mu gitabo cye (*A-Sunan*) yaturutse kwa Ubadat Ibun Swamit (Imana imwishimire) yaravuze ati: Numvise Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ivuga iti:

”أَوَّلُ مَا خَلَقَ اللهُ الْقَلَمَ قَالَ لَهُ: اكْتُبْ. قَالَ: مَا أَكْتُبُ؟ قَالَ: اكْتُبْ مَقادير الخلق إِلَى قيام الساعة.“

“Icya mbere Allah yaremye ni ikaramu nuko arayibwira ati: Andika, iramubaza iti: Nandike iki? Arayibwira ati: Andika igeno ry’ibiremwa kuzageza ku munsi w’imperuka.” Iyi Hadith iragaragaza urwego rwo kwandika, kandi ko igeno rya buri kimwe

[1] Qur’an 85:21-22

ryanditse. Ikindi nuko ikaramu iri mu biremwa bya mbere Allah yaremye ku isi.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**ibiba ku muntu ntabwo biba bigomba kumuhusha, n'ibyamuhushije ntabwo biba bigomba kumubaho,"** bisobanuye ko nta kiba ku muntu haba mu bimugirira umumaro cyangwa se bikamugiraho ingaruka usibye ko biba byaragenwe kandi byaranditswe mu gitabo kirinzwe, kandi ko n'ikitamubayeho n'ubundi ko kitari kumubaho. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ:﴿ قُل لَّن يُصِيبَنَآ إِلَّا مَا كَتَبَ ٱللَّهُ لَنَا هُوَ مَوۡلَىٰنَاۚ ﴿٥١﴾ ﴾ التوبة: ٥١

*"Vuga (yewe Muhamadi) uti "Nta gishobora kutubaho uretse icyo Allah yatugeneye. Ni we murinzi wacu".* "[1]

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Wino z'amakaramu yanditse ibyo yamaze kuma, n'ibitabo byanditswemo ibyo byamaze kuzingwa"** yavuze aya magambo yerekana ko igeno rya buri kimwe ryagenwe kandi ko rifite aho ryanditswe kandi ko ibyo byamaze kubahirizwa ntawazana ibinyuranye n'ibyo. Bishimangirwa na Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Abas (Imana imwishimire we na se) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yamubwiye iti:

..."واعلَمْ : أَنَّ الأُمَّةَ لَو اجتَمعتْ عَلَى أَنْ ينْفعُوكَ بِشيْءٍ ، لَمْ يَنْفعُوكَ إِلاَّ بِشَيْءٍ قَد كَتَبَهُ اللَّهُ لَكَ ، وإِنِ اجْتَمَعُوا عَلَى أَنْ يَضُرُّوك بِشَيْءٍ ، لَمْ يَضُرُّوكَ إِلاَّ بَشَيْءٍ قد كَتَبَهُ اللَّه عليْكَ ، رُفِعَتِ الأَقْلامُ ، وجَفَّتِ الصُّحُفُ». رواهُ التِّرمذيُّ.

"...Umenye ko n'ubwo abantu (b'isi) bose baterana kugira ngo bagire icyiza bakumarira, ntacyo bakumarira usibye icyo Imana yakwandikiye gusa. Kandi n'iyo abantu (b'isi) bose baterana

[1] Qur'an 9:51

kugira ngo bagire ikibi bagukorera, ntacyo bagukoraho usibye gusa icyo Imana yakwandikiye. Amakaramu (yamaze kwandika ibizaba) yareguwe ndetse n'ibitabo (byanditswemo) wino yarumye."[1]

Maze umwanditsi ibyo yavugaga abitangira zimwe muri gihamya z'imirongo ya Qur'an zigira iti: "***Ese ntuzi ko Allah azi ibiri mu kirere no ku isi? Mu by'ukuri, ibyo biri mu gitabo (kirinzwe). Mu by'ukuri, ibyo kuri Allah biroroshye.***"

Allah nanone aragira ati: "***Nta ngorane zagera ku isi cyangwa ngo zibabeho zitanditse mu gitabo (kirinzwe) mbere y'uko ziba. Mu by'ukuri, ibyo biroroshye kuri Allah.***" Ikigaragara muri iyi mirongo ya Qur'an, ni ukugaragaza ko Allah afite ubumenyi bw'ibyo ari byo byose, byaba ibyabaye, ibiba ndetse n'ibizaba, kandi ko byanditswe ku rubaho rurinzwe (*Lawuhul Mah'fudh*) mbere y'uko bibaho, ibi bikaba ari ibikubiye mu rwego rwa mbere rwo kwemera igeno.

Hanyuma umwanditsi w'igitabo akomeza agaragaza ko kugena birimo ibice bibiri:

- Kugena mu buryo bwa rusange bukusanyije buri kimwe cyose kibaho, kukaba ari ko kwatanzweho gihamya muri Qur'an na Hadithi z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kandi ko byanditswe ku rubaho rurinzwe (*Lawuhul Mah'fudh*).

- Kugena mu buryo bw'umwihariko. Ibyo ni ibisobanuro mu buryo burambuye bya kwa kugena mu buryo bwa rusange, nako kukaba kurimo ibice bitatu:

---

[1] Yakiririwe na Tirmidhi

**Igice cya mbere:** Kugena ibijyanye n'igihe ibiremwa bizabaho. Bigashimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Ibun Mas'uud (Imana imwishimire) yakiriwe na Bukhari na Musilim ivuga ku bintu bine umwana yandikirwa akiri mu nda ya nyina igira iti:

فَفِي الصَّحِيحَيْنِ من حَدِيث ابْن مَسْعُود قَالَ حَدثنَا رَسُول الله ﷺ وَهُوَ الصَّادِق المصدوق إِن أحدكُم يجمع خلقه فِي بطن أمه أَرْبَعِينَ يَوْمًا ثمَّ يكون فِي ذَلِك علقَة مثل ذَلِك ثمَّ يكون فِي ذَلِك مُضْغَة مثل ذَلِك ثمَّ يُرْسل الله الْملك فينفخ فِيهِ الرّوح وَيُؤمر بِأَرْبَع كَلِمَات بكتب رزقه وأجله وَعَمله وشقي أَو سعيد فو الَّذِي لَا إِلَه غَيره إِن أحدكُم ليعْمَل بِعَمَل أهل الْجنَّة حَتَّى مَا يكون بَينه وَبَينهَا إِلَّا ذِرَاع فَيَسْبق عَلَيْهِ الْكتاب فيعْمل بِعَمَل أهل النَّار فيدخلها وَإِن أحدكُم ليعْمَل بِعَمَل أهل النَّار حَتَّى مَا يكون بَينهَا وَبَينه إِلَّا ذِرَاع فَيَسْبق عَلَيْهِ الْكتاب فيعْمل بِعَمَل أهل الْجنَّة فيدخلها.

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaratuganirije kandi niyo munyakuri wo kwizerwa igira iti: "Mu by'ukuri, iremwa ry'umwe muri mwe ribera mu nda ya nyina iminsi mirongo ine aba ari intanga, nyuma y'iyo minsi akaba urusoro rw'amaraso mu gihe kingana nk'icyo, hanyuma akaba ikinyamanyama mu gihe kingana nk'icyo, hanyuma tukamwohererereza umumalayika akamushyiramo roho, ndetse akanandika ibyo agenewe bine: "Amafunguro ye, igihe azamara ku isi, ibikorwa azakora niba azaba umuntu mubi cyangwa mwiza. Ndarahira k'udafite indi mana abangikanye nayo (Allah) ko umwe muri mwe ashobora gukora ibikorwa by'abantu bo mu ijuru kugeza ubwo hagati ye n'ijuru haba intera ingana na *Dhira-a*[1] hanyuma ibyo yandikiwe mu igeno rye bigasohora agakora ibikorwa by'abantu bo mu muriro akawinjiramo! Ndetse n'umwe muri mwe ashobora gukora ibikorwa by'abantu bo mu muriro kugeza ubwo hagati ye n'umuriro haba intera ingana na *Dhira-a*,

[1] Ni intera ingana no kuva ku rutoki rwa musumbazose kugera mu nkokora.

hanyuma ibyo yandikiwe mu igeno rye bigasohora agakora ibikorwa by’abantu bo mu ijuru akaryinjiramo!”

**Igice cya kabiri:** Kugena ibiba ku biremwa mu gihe cy’umwaka, bikaba ari ibigenwa mu ijoro ry’igeno (*Laylatul Qadir*) nkuko bishimangirwa n’umurongo wa Qur’an ugira uti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ فِيهَا يُفۡرَقُ كُلُّ أَمۡرٍ حَكِيمٍ ﴿٤﴾ ﴾ الدخان: ٤

*“Muri iryo joro ni bwo buri kintu (kizaba mu mwaka) kigenwa (amafunguro, igihe cy’amavuko, igihe cyo gupfa, amakuba...).”*[1]

**Igice cya gatatu:** Kugena ibiba ku biremwa mu gihe cy’umunsi, akaba ari ukugena kw’ibiba ku munsi haba ari ukobona ubuzima, urupfu, icyubahiro, gusuzugurika ndetse n’ibindi, nkuko Allah yavuze ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ يَسۡـَٔلُهُۥ مَن فِي ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلۡأَرۡضِۚ كُلَّ يَوۡمٍ هُوَ فِي شَأۡنٖ ﴿٢٩﴾ ﴾ الرحمن: ٢٩

*“Buri icyaremwe cyose kiri mu birere no ku isi kimusaba (ibyo cyifuza). Naho we buri munsi aba ari muri gahunda (z’ibiremwa; zirimo nko kuzamura mu cyubahiro bamwe no kumanura mu cyubahiro abandi, guha ubuzima bamwe no kubwambura abandi, n‘ibindi).”*[2]

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: “**Iri geno rero...**” bisobanuye ko iri geno ryasobanuwe mu buryo bwa rusange n’uburyo bw’umwihariko.

Hari bamwe mu dutsiko bakabije kurihakana nk’abitwa *Al Qadariyat*, bahakana ubumenyi bwa Allah ku bintu byose kandi ko yari abifitiye ubumenyi mbere y’uko biba ndetse ko byanditswe ku rubaho rurinzwe (*Lawuhul Mahfudh*) n’ibindi, bakavuga ko

[1] Qur’an 44:4
[2] Qur’an 55:29

Allah ategeka akanabuza ariko ntajya amenya umwumvira ndetse n'umwigomekaho, kandi ko ibyo Allah abimenya ari uko bibaye.

Bisobanuye ko aka gatsiko kahakanye ubumenyi bwa Allah mu kugena kwe kandi ko ubumenyi bwe bwatanze buri kimwe. Ariko abamenyi bane (A-imat)[1] bavuze ko abantu bafite imyerere nk'iyo ngiyo ari abahakanyi, nubwo bwose ubu basa nk'abatikakiriho.

Niyo mpamvu umwanditsi yahise avuga ati: "**Ariko abarihakana kuri ubu ni bake."** Bisobanuye ko abariho ubu bemera ubumenyi bwa Allah bwa buri kimwe, ariko bagahakana ko ibikorwa by'abagaragu byinjira mu igeno rya Allah, ahubwo bakemera ko ibikorwa byaremwe ari bo babyiremeye ko bitaremwe na Allah kandi ko atigeze abishaka. Nkuko tugiye kubigaragaza.

## ب- الدَّرَجَةُ الثَّانِيَةُ وما تتضمنه

### B. Urwego rwa kabiri n'ibirugize.

وَأَمَّا الدَّرَجَةُ الثَّانِيَةُ؛ فَهِيَ مَشِيئَةُ اللهِ النَّافِذَةُ، وَقُدْرَتُهُ الشَّامِلَةُ، وَهُوَ: الإِيمَانُ بِأَنَّ مَا شَاءَ اللهُ كَانَ، وَمَا لَمْ يَشَأْ لَمْ يَكُنْ، وَأَنَّهُ مَا فِي السَّمَوَاتِ وَمَا فِي الأَرْضِ مِنْ حَرَكَةٍ وَلاَ سُكُونٍ؛ إِلاَّ بِمَشِيئَةِ اللهِ سُبْحَانَهُ، لاَ يَكُونُ فِي مُلْكِهِ مَا لاَ يُرِيدُ، وَأَنَّهُ سُبْحَانَهُ عَلَى كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ مِنَ الْمَوْجُودَاتِ وَالْمَعْدُومَاتِ، مَا مِنْ مَخْلُوقٍ فِي الأَرْضِ وَلاَ فِي السَّمَاءِ إِلاَّ اللهُ خَالِقُهُ سُبْحَانَهُ، لا خَالِقَ غَيْرُهُ، وَلاَ رَبَّ سِوَاهُ.

---

[1] Abamenyi bagamijwe aha; ni Imam Malik Ibun Anas, Imam Muhamad Ibun Idrisa A-Shafiiy ndetse na Imam Ahmad Ibun Hanbal (Allah abagirire impuhwe). Bagize uruhare ruhambaye mu kubungabunga imyemerere n'imyizerere ya Isilamu nyuma y'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana ibishimire).

**Urwego rwa kabiri: Ni ukwemera ko ikiba kiba ari uko Allah yagishatse, ukanemera ko ikiba kiba ku bubasha bwe bugera kuri buri kintu. Ubwo bigasobanura ko ari ukwemera ko icyo Allah ashatse ko kiba kiraba, kandi ko icyo adashaka ko kiba ntikiba. Kandi ukemera ko nta kintu kiba mu birere ndetse no mu isi cyaba ikinyeganyega cyangwa ikitanyeganyega, usibye ko kiba ku bushake bwa Allah Nyir'icyubahiro. Kandi ko ntakijya kiba mu bwami bwe atagishaka. Kandi ko Allah Nyir'ubutagatifu ari we ufite ubushobozi ku cyo ari cyo cyose yaba mu biriho n'ibitariho. Bityo nta kiremwa na kimwe kiri ku isi cyangwa mu kirere usibye ko kiba cyararemwe na Allah Nyirubutagatufu, nta muremyi usibye we, ndetse nta n'umugenga usibye we.**

<u>*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*</u>

Aha umwanditsi (Allah amugirire impuhwe) yakomeje agaragaza urwego rwa gatatu n'urwego rwa kane mu nzego zigize kwemera igeno rya Allah. Nuko avuga urwa gatatu agira ati: "**Ni ukwemera ko ikiba kiba ari uko Allah yagishatse, ukanemera ko ikiba kiba ku bubasha bwe bugera kuri buri kintu"** Bisobanuye ko ibyo yagennye ndetse bikaba byarananditswe ku rubaho rurinzwe *(Lawuhul Mah'fudh)* ko nta wabivuguruza. Ndetse ko igeno rya Allah rigera ku bintu byose byaba ibiriho n'ibitariho. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ أَوَلَمۡ يَسِيرُواْ فِي ٱلۡأَرۡضِ فَيَنظُرُواْ كَيۡفَ كَانَ عَٰقِبَةُ ٱلَّذِينَ مِن قَبۡلِهِمۡ وَكَانُوٓاْ أَشَدَّ مِنۡهُمۡ قُوَّةٗۚ وَمَا كَانَ ٱللَّهُ لِيُعۡجِزَهُۥ مِن شَيۡءٖ فِي ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَلَا فِي ٱلۡأَرۡضِۚ إِنَّهُۥ كَانَ عَلِيمٗا قَدِيرٗا ٤٤ ﴾ فاطر: ٤٤

*"Ese ntibatambagira isi ngo barebe uko iherezo ry'abababanjirije ryagenze, kandi bari bakomeye banafite imbaraga kubarusha? Nta cyananira Allah mu birere no ku isi. Mu by'ukuri, we ni Umumenyi uhebuje, Ushobora byose."*[1]

[1] Qur'an 35:44

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Ubwo bigasobanura ko ari ukwemera"** Ukwemera uru rwego rw'igeno ni ukwemera **"ko ari ukwemera ko icyo Allah ashatse ko kiba kiraba, kandi ko icyo adashaka ko kiba ntikiba."** Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَلَوْ شَآءَ ٱللَّهُ مَا ٱقْتَتَلَ ٱلَّذِينَ مِنۢ بَعْدِهِم مِّنۢ بَعْدِ مَا جَآءَتْهُمُ ٱلْبَيِّنَٰتُ وَلَٰكِنِ ٱخْتَلَفُوا۟ فَمِنْهُم مَّنْ ءَامَنَ وَمِنْهُم مَّن كَفَرَ ۚ وَلَوْ شَآءَ ٱللَّهُ مَا ٱقْتَتَلُوا۟ وَلَٰكِنَّ ٱللَّهَ يَفْعَلُ مَا يُرِيدُ ﴿٢٥٣﴾ ﴾ البقرة: ٢٥٣

*"…Kandi iyo Allah aza kubishaka abaje nyuma yazo (Intumwa) ntibari kugirana amakimbirane nyuma y'uko bagerwaho n'ibimenyetso, ariko ntibumvikanye. Muri bo hari abemeye (Allah), abandi barahakana. Kandi iyo Allah aza kubishaka ntibari kugirana amakimbirane, ariko Allah akora ibyo ashaka."*[1]

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Kandi ukemera ko nta kintu kiba mu birere ndetse no mu isi cyaba ikinyeganyega cyangwa ikitanyeganyega, usibye ko kiba ku bushake bwa Allah Nyir'icyubahiro."** Bisobanuye ko nta cyaba uretse ko Allah aba yagishatse ndetse akanakigena. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَلَا يَنفَعُكُمْ نُصْحِىٓ إِنْ أَرَدتُّ أَنْ أَنصَحَ لَكُمْ إِن كَانَ ٱللَّهُ يُرِيدُ أَن يُغْوِيَكُمْ ۚ هُوَ رَبُّكُمْ وَإِلَيْهِ تُرْجَعُونَ ﴿٣٤﴾ ﴾ هود: ٣٤

*"Kandi nta n'ubwo inama zanjye zabagirira akamaro kabone n'ubwo naba nshatse kuzibagira, igihe Allah ashaka kubarekera mu buyobe. Ni we Nyagasani wanyu; kandi iwe ni ho muzasubizwa".*

[1] Qur'an 2:253

Ukanemera **"ko nta cyaba mu bwami bwe atagishaka."** Bisobanuye ko biba ku igeno byashyiriweho.Ukanemera "**kandi ko Allah ari we ufite ubushobozi ku icyo ari cyo cyose yaba mu biriho n'ibitariho.** Allah ashoboye byose, agenera buri kimwe igeno ryacyo, akakigenzura uko ashatse bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe. Allah yagaragaje mu mirongo myinshi itandukanye ya Qur'an ko ari we ufite ubushobozi bw'icyo ari cyo cyose.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **"Bityo nta kiremwa na kimwe kiri ku isi cyangwa mu kirere usibye ko kiba cyararemwe na Allah Nyirubutagatufu"** Aha umwanditsi yagaragazaga urwego rwa kane rwo kwemera igeno, ari rwo kwemera kurema kwa Allah no gushyiraho ibiremwa. Bisobanuye ko buri kintu cyose kitari Allah ari ikiremwa. Ndetse kandi ko ibikorwa byose byaba ibyiza cyangwa ibibi bikorwa n'abagaragu ndetse bikanaba ko ari Allah wabiremye akaba ari nawe watumye bibaho. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ:﴿ وَٱللَّهُ خَلَقَكُمۡ وَمَا تَعۡمَلُونَ ٩٦ ﴾ الصافات: ٩٦

*"Kandi Allah yarabaremye,mwe n'ibyo mukora ubwanyu."*[1]

Kubera ko **"nta muremyi usibye we, ndetse nta n'umugenga usibye we."** Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ:﴿ أَمۡ خُلِقُواْ مِنۡ غَيۡرِ شَيۡءٍ أَمۡ هُمُ ٱلۡخَٰلِقُونَ ٣٥ أَمۡ خَلَقُواْ ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلۡأَرۡضَۚ بَل لَّا يُوقِنُونَ ٣٦ ﴾ الطور: ٣٥ – ٣٦

*"Ese bibwira ko baremwe ntawe ubaremye, cyangwa ni bo biremye!? Cyangwa bibwira ko baremye ibirere n'isi!? Ahubwo ntibizera!"*[2].

[1] Qur'an 37:96
[2] Qur'an 52:35-36

Ubwo irisomo dusoje rikaba rikubiyemo ibintu bine:

1 Kuba Allah afite ubumenyi bwa buri kintu.

2 Kuba Allah yaranditse buri kintu ku rubaho rurinzwe.

3 Kuba Allah yarashatse buri kintu cyose kiba ko kiba.

4 Kuba Allah yararemye buri kintu cyose akaba ari nawe wagishyizeho.

Ubwo umwanditsi yari amaze kuvuga inzego zigize igeno, yibukije abantu amwe mu masomo agendanye n'iri somo akurikira:

1 Kuba nta kuvuguruzanya kuri hagati y'ibyo Allah yagennye hamwe n'ibyo yategetse. (Ubwo nkuko umuntu ategetswe kwemera igeno ni nako ategetswe gukurikiza ibyo yategetswe), ntibyemewe kwitwaza igeno ukanyuranya n'ibyo wategetswe.

2-Nta kuvuguruzanya kuri hagati yo kuba mu byo Allah yagennye yaragennye ko hagomba kubaho ibyaha kandi akaba abyanga.

3-Nta kuvuguruzanya kuri hagati yuko Allah yagennye ibikorwa abagaragu be bakora, kandi bakaba babikora ku mahitamo yabo.

## لا تعارض بين القدر والشرع ولا بين تقديره للمعاصي وبغضه لها

**Kuba nta kuvuguruzanya kuri hagati y'ibyo Allah yagennye hamwe n'ibyo yategetse, cyangwa ngo kube hagati y'uko yagennye ukubaho kw'ibyaha kandi akaba abyanga.**

> وَمَعَ ذَلِكَ؛ فَقَدْ أَمَرَ الْعِبَادَ بِطَاعَتِهِ وَطَاعَةِ رُسُلِهِ، وَنَهَاهُمْ عَنْ مَعْصِيَتِهِ. وَهُوَ سُبْحَانَهُ يُحِبُّ الْمُتَّقِينَ وَالْمُحْسِنِينَ وَالْمُقْسِطِينَ، وَيَرْضَى عَنِ الَّذِينَ آمَنُوا وَعَمِلُوا الصَّالِحَاتِ، وَلا يُحِبُّ الْكَافِرِينَ، وَلاَ يَرْضَى عَنِ الْقَوْمِ الْفَاسِقِينَ، وَلاَ يَأْمُرُ بِالْفَحْشَاءِ، وَلاَ يَرْضَى لِعِبَادِهُ الْكُفْرَ، وَلاَ يُحِبُّ الْفَسَادَ.

**Hamwe no kuba Allah (yaragennye uko buri kintu cyose kigomba kugenda), yategetse abagaragu ko bagomba kumwumvira bakanumvira Intumwa ze, anababuza kumwigomekaho. Kandi Allah akunda abamugandukira, abakora ibyiza, abarangwa n'ubutabera, kandi akanishimira abemeye bakarangwa no gukora ibikorwa byiza. Kandi ntakunda abahakanyi, nta n'ubwo yishimira abantu b'inkozi z'ibibi, nta nategeka ibibi n'ibiteye isoni, nta nishimira ko abagaragu be barangwa n'ubuhakanyi, ndetse nta n'ubwo akunda ubwangizi.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye*

Ubwo umwanditsi yari amaze kugaragaza inzego zigize kwemera igeno arizo -Kuba Allah afite ubumenyi bwa buri kintu (Al Ilimu).

- Kuba Allah yaranditse buri kintu ku rubaho rurinzwe (Al Kitabat).

- Kuba Allah yarashatse buri kintu cyose kiba ko kiba (Al Mashi-at Wal Iradat).
- Kuba Allah yararemye buri kintu cyose akaba ari nawe wagishyizeho (Al Khaliqu Wal Idjad). Akanagaragaza kandi ko nta kiba uretse ko Allah aba akizi, yaranacyanditse, akanagishaka, ndetse akanakirema. Umwanditsi rero yagaragaje ko aha nta kuvugurazanya kurimo, anagaragaza ko hamwe no kuba Allah yaragennye ibyo ko yategetse abagaragu be kumwumvira anababuza kumwigomekaho.

Yanagaragaje kandi ko nta kuvuguruzanya kuri hagati yo kugena kwe ko ibyaha bibaho kandi akaba atabikunda ndetse atanabyishimire, anagaragaza kandi ko ibi bitavuguruzanya n'igeno rye. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى:﴿ مَّن يُطِعِ ٱلرَّسُولَ فَقَدۡ أَطَاعَ ٱللَّهَۖ وَمَن تَوَلَّىٰ فَمَآ أَرۡسَلۡنَٰكَ عَلَيۡهِمۡ حَفِيظٗا ٨٠ ﴾ النساء: ٨٠

*"Uwumviye Intumwa (Muhamadi), mu by'ukuri, aba yumviye Allah, naho uteye umugongo, ntabwo twakohereje kuba umurinzi kuri bo."*[1]

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **Hamwe n'ibyo...,** bisobanuye ko Allah Nyir'ubutagatifu niwe ufite ubumenyi bwa buri kimwe, aranabigena, aranabyandika ku rubaho rurinzwe, ndetse yaranabiremye. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى:﴿ ذَٰلِكُمُ ٱللَّهُ رَبُّكُمۡۖ لَآ إِلَٰهَ إِلَّا هُوَۖ خَٰلِقُ كُلِّ شَيۡءٖ فَٱعۡبُدُوهُۚ وَهُوَ عَلَىٰ كُلِّ شَيۡءٖ وَكِيلٞ ١٠٢ ﴾ الأنعام: ١٠٢

[1] Qur'an 4:80

*“Uwo ni Allah Nyagasani wanyu, nta yindi mana ikwiye gusengwa by’ukuri uretse we, umuremyi wa byose; ku bw’ibyo nimumugaragire. Ni nawe muhagararizi wa byose.”*[1]

Naho ijambo ry’umwanditsi rigira riti: **Yategetse abagaragu ko bagomba kumwumvira bakanumvira Intumwa ze, anababuza kumwigomekaho,** Nkuko byagiye bigaragara mu mirongo ya Qur’an n’imvugo z’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) zitegeka kumvira zikabuza kwigomeka kandi ko nta kuvuguruzanya kuri hagati yo gutegeka kwa Allah no kugena kwe, nkuko bamwe mu bayobye bemera ko hari ukuvuguruzanya hagati y’amategeko ya Allah no kugena kwe. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَا كَانَ لِمُؤْمِنٍ وَلَا مُؤْمِنَةٍ إِذَا قَضَى ٱللَّهُ وَرَسُولُهُۥٓ أَمْرًا أَن يَكُونَ لَهُمُ ٱلْخِيَرَةُ مِنْ أَمْرِهِمْ ۗ وَمَن يَعْصِ ٱللَّهَ وَرَسُولَهُۥ فَقَدْ ضَلَّ ضَلَٰلًا مُّبِينًا ﴿٣٦﴾ ﴾ الأحزاب: ٣٦

*“Ntabwo bikwiye ku mwemera cyangwa umwemerakazi, ko igihe Allah n’Intumwa ye baciye iteka, bagira amahitamo mu byo bakora. Kandi uzigomeka kuri Allah n’intumwa ye, rwose azaba ayobye ubuyobe bugaragara.”*[2]

Umwanditsi (Allah amugirire impuhwe) yavuze mu gitabo cye (A-Tadmuriyat) kuri tumwe mu dutsiko twayobye ku bijyanye n’igeno rya Allah, ndetse tuvuga ko hari ukuvuguruzanya hagati y’ibyo Allah yagennye n’ibyo yategetse, agaragaza ko barimo amatsinda atatu:

**Al Madjusiyat:** Ni abahinyuye (bahakanye) ibigendanye n’igeno rya Allah kabone n’ubwo bemeye gutegeka kwa Allah no kubuza kwe. Ariko abakabya muri bo bahakanye ubumenyi bwa Allah ku bigendanye n’igeno ndetse no kuba yaranditse iryo geno ku rubaho rurinzwe (*Lawuhul Al Muhfudh*). Naho abatararengereye

[1] Qur’an 6:102
[2] Qur’an 33:36

muri bo ku bigendanye n'igeno bahakanye gushaka kwa Allah ku biremwa byose, no kurema kwe kwa buri kintu ndetse n'ububasha bwe kuri byo. Aba bakaba ari abo bitwa *Al Mu-utazilat* n'abandi bemera nkabo.

**Al Mush'rikiyat:** Aba ni abemeye ibigendanye n'ibyo Allah yaciyeho iteka akanabigena, ariko bahakana gutegeka kwa Allah no kubuza kwe. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ سَيَقُولُ ٱلَّذِينَ أَشۡرَكُواْ لَوۡ شَآءَ ٱللَّهُ مَآ أَشۡرَكۡنَا وَلَآ ءَابَآؤُنَا وَلَا حَرَّمۡنَا مِن شَيۡءٖۚ ﴿١٤٨﴾ ﴾ الأنعام: ١٤٨

"*Babandi babangikanyije Allah bazavuga bati "Iyo Allah aza kubishaka, twe n'abakurambere bacu ntitwari kumubangikanya, kandi nta n'icyo twari kuziririza*".[1]

Bityo rero uzitwaza ibigendanye n'igeno ahakana amategeko ya Allah yategetse ndetse akanababuza, uwo azaba ari muri aba tuvuze. Ibi bikaba byaragaye cyane mu biyita A-Swufiyat.

**Al Ibilisiyat:** Aba bo bemeje ibi byombi, kugena kwa Allah no gutegeka, ariko bavuze ko bivuguruzanya, uku kuvuguruzanya kwabyo babishinja Allah bituma bamunenga mu bushishozi bwe no mu butabera bwe.

Ikigamijwe nuko ibi tumaze kubona ari ibyo abantu bayobye bivugira ku bigendanye no kugena kwa Allah ndetse no kuba yarategetse ibiremwa bye akanabibuza.

Naho abayobotse bakaba banafite intsinzi bemera ibi byose bakemera ko Allah ari we muremyi wa buri cyose akaba n'umugenga wacyo, kandi bakanemera ko ibyo ashatse biraba n'ibyo adashatse ntibiba, kandi bakanemera ko ari we ufite

---

[1] Qur'an 6:148

ubushobozi kuri buri kimwe, akaba anafite ubumenyi buhetuye buri kimwe, kandi ko buri kintu Allah yakibaruye mu gitabo gisobanutse.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **Kandi Allah akunda abamugandukira, abakora ibyiza, abarangwa n'ubutabera.**

Bisobanuye ko Akunda abarangwa n'ibikorwa byiza mu bagaragu be. Allah aragaira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... وَأَحْسِنُوٓاْ ۛ إِنَّ ٱللَّهَ يُحِبُّ ٱلْمُحْسِنِينَ ١٩٥ ﴾ البقرة: ١٩٥

*"… Munagire neza, mu by'ukuri, Allah akunda abagiraneza."*[1]

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... فَمَا ٱسْتَقَٰمُواْ لَكُمْ فَٱسْتَقِيمُواْ لَهُمْ ۚ إِنَّ ٱللَّهَ يُحِبُّ ٱلْمُتَّقِينَ ٧ ﴾ التوبة: ٧

*"…Igihe cyose bazabatunganira (bubahiriza amasezerano), namwe muzabatunganire (muyubahirize). Mu by'ukuri, Allah akunda abamutinya."*[2]

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ...فَأَصْلِحُواْ بَيْنَهُمَا بِٱلْعَدْلِ وَأَقْسِطُوٓاْ ۖ إِنَّ ٱللَّهَ يُحِبُّ ٱلْمُقْسِطِينَ ٩ ﴾ الحجرات: ٩

*"…Mujye mubunga mu butabera mutabogamye. Mu by'ukuri, Allah akunda abakoresha ubutabera."*[3]

Ikindi nuko ari igisubizo ku bavuga ko ubushake bwa Allah no gukunda kwe ari kimwe, nk'abitwa *Al Djab'riyat* n'abitwa *Al Qadariyat* bavuga ko gushaka kwa Allah no gukunda kwe bijyanana, bivuze ngo Allah icyo ashatse aba agikunze n'icyo akunze aba yagishatse, ariko iyi mvugo ntabwo ari ukuri. Kubera ko Allah hari ibyo ashaka ko bibaho atari uko abikunze. Urugero rwabyo: Ni ukubaho kwa Ibilis, Allah yashatse ko Ibilis abaho

[1] Qur'an 2:195
[2] Qur'an 9:7
[3] Qur'an 49:9

ariko ntabwo amukunda, nanone Allah yashatse ko abahakanyi babaho ariko ntabakunda n'ibindi. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ يَسْتَخْفُونَ مِنَ ٱلنَّاسِ وَلَا يَسْتَخْفُونَ مِنَ ٱللَّهِ وَهُوَ مَعَهُمْ إِذْ يُبَيِّتُونَ مَا لَا يَرْضَىٰ مِنَ ٱلْقَوْلِ ... ﴿١٠٨﴾ ﴾ النساء: ١٠٨

*"Bihisha abantu (bakora ibibi), ariko ntibihishe Allah; kandi aba ari kumwe na bo igihe barara bacura imigambi y'imvugo atishimira ..."*

Nubwo ibi byose biba ku bushake bwa Allah ariko Allah yavuze ko atishimira imigambo yabo barara bacura kandi bayicura ku bushake bwe, no ku geno rye ndetse no kuba yarabiciyeho iteka.

No muri Hadith yaturutse kwa Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti:

وَعَنِ ابْنِ عُمَرَ رَضِيَ اللَّهُ تَعَالَى عَنْهُمَا قَالَ: قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ: «إِنَّ اللَّهَ تَعَالَى يُحِبُّ أَنْ تُؤْتَى رُخَصُهُ كَمَا يَكْرَهُ أَنْ تُؤْتَى مَعْصِيَتُهُ» رَوَاهُ أَحْمَدُ، وَصَحَّحَهُ ابْنُ خُزَيْمَةَ وَابْنُ حِبَّانَ،

"Mu by'ukuri Allah akunda abantu bashyira mu bikorwa impushya ze, nkuko yanga abamwigomekaho." **Yakiriwe na Ahmad.**

Ibi rero biragaragaza ko uru rukundo n'uru rwango byose biri mu bushake bwa Allah, bityo rero urukundo n'ubushake ntabwo ari kimwe, kuko nkuko tumaze kubibona n'abasobanuye ko gushaka kwa Allah n'urukundo rwe ari bimwe si ukuri. Naho imvugo y'ukuri nuko ntaho bihuriye kuko Allah ahari ubwo ashaka ikintu kandi atagikunda.

## لاتنافي بين إثبات القدر وإسناده أفعال العباد إليهم حقيقة وأنهم يفعلونها باختيارهم.

**Kuba nta kuvuguruzanya kuri hagati y'ibyo Allah yagennye hamwe no kuba abantu ari bo bitiririrwa by'ukuri ibikorwa bakora, kandi ko ibyo bikorwa babikora ku mahitamo yabo.**

> وَالْعِبَادُ فَاعِلُونَ حَقِيقَةً، وَاللَّهُ خَلَقَ أَفْعَالَهُم. وَالْعَبْدُ هُوَ: الْمُؤْمِنُ، وَالْكَافِرُ، وَالْبَرُّ، وَالْفَاجِرُ، وَالْمُصَلِّي، وَالصَّائِمُ. وِلِلْعِبَادِ قُدْرَةٌ عَلَى أَعْمَالِهِمْ، وَلَهُمْ إِرَادَةٌ، وَاللهُ خَالِقُهُمْ وَخَالِقُ قُدْرَتَهُمْ وَإِرَادَتَهُمْ؛ كَمَا قَالَ تَعَالَى: ﴿ لِمَن شَآءَ مِنكُمۡ أَن يَسۡتَقِيمَ ۝٢٨ وَمَا تَشَآءُونَ إِلَّآ أَن يَشَآءَ ٱللَّهُ رَبُّ ٱلۡعَٰلَمِينَ ۝٢٩﴾ التكوير: ٢٨ – ٢٩ وَهَذِهِ الدَّرَجَةُ مِنَ الْقَدَرِ يُكَذِّبُ بِهَا عَامَّةُ الْقَدَرِيَّةِ الَّذِينَ سَمَّاهُمُ النَّبِيُّ : مَجُوسَ هَذِهِ الأُمَّةِ، وَيَغْلُو فِيهَا قَومٌ مِنْ أَهْلِ الإثْبَاتِ، حَتَّى سَلَبُوا الْعَبْدَ قُدْرَتَهُ وَاخْتِيَارَهُ، وَيُخرِجُونَ عَنْ أَفْعَالِ اللهِ وَأَحْكَامِهِ حُكْمَهَا وَمَصَالِحَهَا.

**Kandi abagaragu nibo bakora ibikorwa ndetse bakanabyitiririrwa by'ukuri, kandi Allah niwe waremye ibyo bikorwa byabo. Kandi umugaragu yaba: Umwemera, umuhakanyi, ukora ibyiza, ukora ibibi, usenga (A-Swalat) ndetse n'usiba. Ikindi nuko abagaragu bahawe ububasha bwo gukora ibikorwa byabo, ndetse ko babikora ku bushake bwabo, kandi ko Allah ari we wabaremye, akanarema ubushobozi bwabo n'ubushake bwabo, nkuko Allah abishimangira agira ati: *"(Qur'an ni urwibutso) kuri wawundi muri mwe ushaka gukurikiza inzira igororotse .Kandi nta cyo mwashaka (ngo kibe) keretse Allah, Nyagasani w'ibiremwa (byose) aramutse agishatse."* Qur'ani 81:29.**

**Uru rwego rw'igeno abitwa *Al Qadariyat* bose bararuhakanye, ari nabo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yise *Abamadjusi* bazabaho mu bayoboke be (*Umat*).**

**Hakaba hari n'abandi barengereye mu gushimangira ibijyanye n'igeno kugeza ubwo bambuye umugaragu ububasha n'amahitamo yo gukora igikorwa, bahakana ibikorwa bya Allah, amategeko ye, ubushishozi bwe, ndetse n'inyungu zibirimo akorera ibiremwa bye.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Umwanditsi (Allah amugirire impuhwe) muri iki cyigwa yashatse kugaragaza ko nta kuvuguruzanya kuri hagati y'ibyo Allah yagennye hamwe no kuba abantu ari bo bitirirwa by'ukuri ibikorwa bakora, kandi ko ibyo bikorwa babikora ku mahitamo yabo.

Icyo yari agamije muri aya magambo ni ugusubiza abavuga ko aya magambo avuguruzanya. Ni ku bw'iyo mpamvu hari agatsiko kayobye muri bo karengereye mu gushimangira igeno rya Allah, kugeza ubwo kambuye umugaragu ububasha n'amahitamo ye mu byo akora.

Naho akandi gatsiko muri bo nako kararengereye mu gushimangira ibikorwa by'umugaragu, ububasha n'amahitamo ye kugeza ubwo kabona ko umugaragu ari we wiremera ibikorwa bye, kandi ko nta mahitamo ya Allah, ndetse nta n'uruhare agira mu bikorwa by'umugaragu.

**Agatsiko ka mbere:** Ni akitwa *Al Qadariyat Al Djabriyat*; aba bemera ko umugaragu ahatirwa gukora ibyo akora nta mahitamo abigizemo.

**Agatsiko ka kabiri:** Ni akitwa *Al Qadariyat A-Nufat*; ko gahakana kivuye inyuma ibijyanye n'uruhare rwa Allah, ububasha bwe, ndetse n'amahitamo ye mu byo ibiremwa bikora.

Niyo mpamvu umwanditsi (Allah amugirire impuhwe) yavuze ati: Abagaragu nibo bakora ndetse bakanabyitirirwa by'ukuri. Aha akaba yari agamije gusubiza kariya gatsiko ka mbere, kabona ko umugaragu nta mahitamo agira mu byo akora.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **"Kandi Allah niwe waremye ibyo bikorwa byabo."** Aha yari agamije gusubiza agatsiko ka kabiri kabona ko Allah nta ruhare, ububasha, ndetse n'amahitamo agira mu byo ibiremwa bikora, kakavuga ko ahubwo abagaragu ari bo biremera ibyo bakora Allah nta ruhare abigizemo. Ariko Allah abasubiza agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَٱللَّهُ خَلَقَكُمْ وَمَا تَعْمَلُونَ ﴿٩٦﴾ ﴾ الصافات: ٩٦

*"Kandi Allah yarabaremye, mwe n'ibyo mukora ubwanyu? "*[1]

No muri Hadithi yaturutse kwa Hudhayfat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

قَالَ الرّسولُ ﷺ:"إنَّ اللهَ صَانِعُ كُلِّ صَانِعٍ وصَنْعَتِهِ"،هذا الحديث صحيح رواهُ الحاكمُ والبيهقيُّ وابنُ حِبَّانَ من حَديثِ حُذيفةَ.

"Mu by'ukuri Allah yaremye buri gikorwa n'ugikora."

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: "**Kandi umugaragu yaba: Umwemera, umuhakanyi, ukora ibyiza, ukora ibibi, usenga (A-Swalat) ndetse n'usiba."** Umwanditsi yari agamije gusubiza agatsiko k'abitwa *Al Djabriyat.* Bisobanuye ko abagaragu

[1] Qur'an 37:96

badahatirwa gukora ibikorwa bahisemo gukora, kuko biramutse ari uko bimeze ntabwo izi nyito tumaze kubona zari kuba zibakwiye, nta n'ubwo icyo gihe umugaragu yahemberwa ibyo yakoze cyangwa se ngo abihanirwe.

Bisobanuye ko kuba umugaragu yakitwa imwe muri izi nyito, ntabwo byaba bikwiye kuko atagira amahitamo y'ibyo akora ahubwo abihatirwa.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **"Kandi ko Allah ari we wabaremye, akanarema ubushobozi bwabo n'ubushake bwabo."** Aha umwanditsi yari agamije gusubiza agatsiko ka kabiri (*Al Qadariyat A-Nufat*) gahakana ko Allah nta ruhare, ububasha, ndetse n'amahitamo agira mu byo ibiremwa bikora. Hanyuma atanga gihamya w'umurongo wa Qur'an usubiza utu dutsiko twombi ugira iti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ لِمَن شَآءَ مِنكُمۡ أَن يَسۡتَقِيمَ ٢٨ وَمَا تَشَآءُونَ إِلَّآ أَن يَشَآءَ ٱللَّهُ رَبُّ ٱلۡعَٰلَمِينَ ٢٩ ﴾ التكوير: ٢٨ – ٢٩

*"(Qur'an ni urwibutso) kuri wawundi muri mwe ushaka gukurikira inzira igororotse. Kandi nta cyo mwashaka (ngo kibe) keretse Allah, Nyagasani w'ibiremwa (byose) aramutse agishatse."*[1]

Uyu murongo wa Qur'an ugira uti: *"(Qur'an ni urwibutso) kuri wawundi muri mwe ushaka gukurikira inzira igororotse"*, umwanditsi yavuze uyu murongo agamije kugararagaza ko umugaragu afite amahitamo mu bikorwa akora, mu gihe bo babihakana.

Naho uyu murongo wa kabiri wa Qur'an ugira uti: *"Kandi nta cyo mwashaka (ngo kibe) keretse Allah, Nyagasani w'ibiremwa (byose) aramutse agishatse."* Umwanditsi agaragaza ko uyu murongo

[1] Qur'an 81:28-29

usubiza agatsiko k'abitwa *Al Qadariyat* kavuga ko ubushake bw'umugaragu bwo gukora igikorwa ntaho buhuriye n'ubushake bwa Allah. Ibi bikaba nta shingiro bifite, kuko ubushake bw'abagaragu bushingiye ku bushake bwa Allah, kandi ntibujya butandukana.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: "**Uru rwego rw'igeno abitwa *Al Qadariyat* bose bararuhakanye ari nabo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yise Abamadjusi bazabaho mu bayoboke be (*Umat*).**" Impamvu Intumwa y'Imana yabagereranyije n'*Abamadjusi*, nuko Abamadjusi babona ko ibyiza biremwa n'urumuri naho ibibi bikaremwa n'umwijima, bakaba bemera ko Allah ntacyo yaremye mu bibi n'ibyiza.

*Al Qadariyat* bakabona ko ibiremwa ari byo byiremera ibikorwa byabyo, kandi ko ibikorwa bikora bibikora ku bushobozi n'ubushake bwabyo, atari ku bushobozi n'ubushake bwa Allah, ndetse ko nta naho yabyanditse ku rubaho rurinzwe (*Lawuhul Mah'fudh*). Bakavuga kandi ko Allah adafite ubushobozi bwo kuyobora uwayobye cyangwa kuyobya uwayobotse.

Indi mpamvu ituma imyemerere y'agatsiko k'abitwa *Al Qadariyat* ihuzwa n'imyemerere *y'Abamadjusi* nuko bavuga ko ibikorwa byiza byaremwe na Allah, ariko ibikorwa bibi bikaba ari ibiremwa bya nyirukubikora, bakirengagiza ko Allah ari we waremye ibikorwa byose byaba ibibi n'ibyiza.

Aka gatsiko rero twabonye (*Al Qadariyat A-Nufat*) nako kavuga ko Allah nta ruhare agira mu bikorwa by'abagaragu be, umugaragu ari we ubyiremera, niyo mpamvu biswe Abamadjusi mu bayoboke b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Ndetse n'imvugo zibanyomoza zikanagaragaza ubwangizi bwabo n'ubuyobe bwabo ni nyinshi, zaba iziboneka mu gitabo cya Qur'an no muri Hadithi z'Intumwa y'Imana, ndetse no mu mvugo z'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana. Ndetse n'abamenyi baje

nyuma y'aba basangirangendo bagaragaje ko ari bamwe nk'Abamadjusi, kubera ko bahinyuje ibyavuzwe muri Qur'an no mu mvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Hadithi yaturutse kwa Hudhayfat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عَنْ حُذَيْفَةَ قَالَ قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ « لِكُلِّ أُمَّةٍ مَجُوسٌ وَمَجُوسُ هَذِهِ الأُمَّةِ الَّذِينَ يَقُولُونَ لاَ قَدَرَ مَنْ مَاتَ مِنْهُمْ فَلاَ تَشْهَدُوا جَنَازَتَهُ وَمَنْ مَرِضَ مِنْهُمْ فَلاَ تَعُودُوهُمْ وَهُمْ شِيعَةُ الدَّجَّالِ وَحَقٌّ عَلَى اللَّهِ أَنْ يُلْحِقَهُمْ بِالدَّجَّالِ. »

"Buri muryango (Umat) ugira Abamadjusi, n'Abamadjusi mu bayoboke banjye ni abavuga ko nta geno (rya Allah ribaho). Bityo uzapfa muri bo ntimuzamuherekeze, n'uzarwara muri bo ntimuzamusure, kubera ko ari bambari ba *Dadjali*, kandi ni ukuri kwa Allah ko abagira abakurikiye *Dadjali*." [1]

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: "**Hakaba hari n'abandi barengereye mu gushimangira ibijyanye n'igeno kugeza ubwo bambuye umugaragu ububasha n'amahitamo yo gukora igikorwa.** Aha umwanditsi yari agamije agatsiko k'abitwa *Al Djabriyat* kabona ko umuntu ahatirwa gukora ibikorwa akora.

Bityo agatsiko ka mbere karengereye mu gushimangira ibikorwa by'abagaragu kugeza ubwo kabona ko nta bushake Allah abigiramo, naho akandi karengera mu guhakana ubushake bw'umugaragu, ubushobozi bwe ndetse n'amahitamo ye mu bikorwa bye akora.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Bahakana ibikorwa bya Allah, amategeko ye, ubushishozi bwe, ndetse n'inyungu zibirimo akorera ibiremwa bye."** Aha umwanditsi yari agamije

[1] Yakiriwe na Abu Daud.

kuvuga abitwa *Al Djabriyat* kuko bahakana ibikorwa by'umugagaru bakanabona ko nta bubasha n'amahitamo agira mu byo akora. Ikindi nuko bahakanye n'inyungu Allah yashyize mu mategeko ye, nko kuba azahemba abubahirije amategeko ye, akanahana abatarayubahirije. Niyo mpamvu bavuze bati: Allah ahembera cyangwa se agahanira abagaragu be ibikorwa badafitiye amahitamo, kandi abategeka ibyo badashoboye.

Bityo babeshyeye Allah ko ari umunyamahugu, kandi Allah ari aratagatifutse nibyo bamuvugaho. Kubera ko Allah ntacyo yaremye cyangwa ngo ategeko nta mpamvu.

Ikindi nuko amategeko ya Allah arimo ubushishozi, ndetse nibyo yaciyeho itega harimo inyungu kabone n'ubwo ubwenge bwacu butazibona. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَا خَلَقْنَا ٱلسَّمَـٰوَٰتِ وَٱلْأَرْضَ وَمَا بَيْنَهُمَا لَـٰعِبِينَ ﴿٣٨﴾ مَا خَلَقْنَـٰهُمَآ إِلَّا بِٱلْحَقِّ وَلَـٰكِنَّ أَكْثَرَهُمْ لَا يَعْلَمُونَ ﴿٣٩﴾ ﴾ الدخان: ٣٨ – ٣٩

*"Ntabwo twaremye ibirere n'isi n'ibiri hagati yabyo dukina. Nta kindi cyatumye tubirema uretse ku mpamvu z'ukuri; nyamara abenshi muri bo ntibababizi."*

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَآ أَرْسَلْنَـٰكَ إِلَّا رَحْمَةً لِّلْعَـٰلَمِينَ ﴿١٠٧﴾ ﴾ الأنبياء: ١٠٧

*"Kandi (yewe Muhamadi) nta yindi mpamvu twakohereje usibye kuba impuhwe ku biremwa byose."*

## حقيقة الإيمان وحكم مرتكب الكبيرة

**Ukwemera kwa nyako n'itegeko rirebana n'Umuyisilamu wakoze icyaha gikuru (kitari ibangikanyamana).**

فَصْلٌ: وَمِنْ أُصُولِ أَهْلِ السُّنَّةِ وَالْجَمَاعَةِ أَنَّ الدِّينَ وَالإِيمَانَ قَوْلٌ وَعَمَلٌ، قَوْلُ الْقَلْبِ وَاللِّسَانِ، وَعَمَلُ الْقَلْبِ وَاللِّسَانِ وَالْجَوَارِحِ. وَأَنَّ الإِيمَانَ يَزِيدُ بِالطَّاعَةِ، وَيَنْقُصُ بِالْمَعْصِيَةِ.

وَهُمْ مَعَ ذَلِكَ لا يُكَفِّرُونَ أَهْلَ الْقِبْلَةِ بِمُطْلَقِ الْمَعَاصِي وَالْكَبَائِرِ؛ كَمَا يَفْعَلُهُ الْخَوَارِجُ ؛ بَلِ الأُخُوَّةُ الإِيمَانِيَّةُ ثَابِتَةٌ مَعَ الْمَعَاصِي ؛ كَمَا قَالَ سُبْحَانَهُ: قَالَ تَعَالَى: ﴿ فَمَنْ عُفِيَ لَهُۥ مِنْ أَخِيهِ شَىْءٌ فَٱتِّبَاعٌۢ بِٱلْمَعْرُوفِ ﴿١٧٨﴾ ﴾ **البقرة: ١٧٨**

وَقَالَ: ﴿ وَإِن طَآئِفَتَانِ مِنَ ٱلْمُؤْمِنِينَ ٱقْتَتَلُوا۟ فَأَصْلِحُوا۟ بَيْنَهُمَا ۖ فَإِنۢ بَغَتْ إِحْدَىٰهُمَا عَلَى ٱلْأُخْرَىٰ فَقَٰتِلُوا۟ ٱلَّتِى تَبْغِى حَتَّىٰ تَفِىٓءَ إِلَىٰٓ أَمْرِ ٱللَّهِ ۚ فَإِن فَآءَتْ فَأَصْلِحُوا۟ بَيْنَهُمَا بِٱلْعَدْلِ وَأَقْسِطُوٓا۟ ۖ إِنَّ ٱللَّهَ يُحِبُّ ٱلْمُقْسِطِينَ ﴿٩﴾ إِنَّمَا ٱلْمُؤْمِنُونَ إِخْوَةٌ فَأَصْلِحُوا۟ بَيْنَ أَخَوَيْكُمْ ۚ ﴿١٠﴾ ﴾ **الحجرات: ٩ - ١٠**

وَلاَ يَسْلُبُونَ الْفَاسِقَ الْمِلِّيَّ اسْمِ الإِيمَانِ بِالْكُلِّيَّةِ، وَلاَ يُخَلِّدُونَهُ فِي النَّارِ؛ كَمَا تَقُولُ الْمُعْتَزِلَةُ. بَلِ الْفَاسِقُ يَدْخُلُ فِي اسْمِ الإِيمَانِ؛ كَمَا فِي قَوْلِهِ تَعَالَى: ﴿ فَتَحْرِيرُ رَقَبَةٍ مُّؤْمِنَةٍ ۖ ﴿٩٢﴾ ﴾ النساء: ٩٢ ، وَقَدْ لاَ يَدْخُلُ فِي اسْمِ الإِيمَانِ الْمُطْلَقِ؛ كَمَا فِي قَوْلِهِ تَعَالَى: ﴿ إِنَّمَا ٱلْمُؤْمِنُونَ ٱلَّذِينَ إِذَا ذُكِرَ ٱللَّهُ وَجِلَتْ قُلُوبُهُمْ وَإِذَا تُلِيَتْ عَلَيْهِمْ ءَايَٰتُهُۥ زَادَتْهُمْ إِيمَٰنًا ﴿٢﴾ ﴾ **الأنفال: ٢**

وَقَوْلُهُ ﷺ: "لاَ يَزْنِي الزَّانِي حِينَ يَزْنِي وَهُوَ مُؤْمِنٌ، وَلا يَسْرِقُ السَّارِقُ حِينَ يَسْرِقُ وَهُوَ مُؤْمِنٌ، وَلاَ يَشْرَبُ الْخَمْرَ حِينَ يَشْرَبُهَا وَهُوَ مُؤْمِنٌ، وَلاَ يَنْتَهِبُ نَهْبَةً ذَاتَ شَرَفٍ يَرْفَعُ النَّاسُ إِلَيْهِ فِيهَا أَبْصَارَهُمْ حِينَ يَنْتَهِبُهَا وَهُوَ مُؤْمِنٌ." وَيَقُولُونَ: هُوَ مُؤْمِنٌ نَاقِصُ الإِيمَانِ، أَوْ مُؤْمِنٌ بِإِيمَانِهِ فَاسِقٌ بِكَبِيرَتِهِ، فَلاَ يُعْطَى الاسْمَ الْمُطْلَقَ، وَلاَ يُسْلَبُ مُطْلَقَ الاسْمِ.

**Icyigwa: No mu misingi y'imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama'at*) bemera ko idini (Ubuyisilamu) n'ukwemera, bigizwe n'imvugo ndetse n'ibikorwa. Imvugo ku mutima ndetse no ku rulimi, n'ibikorwa ku mutima, ku rulimi ndetse n'ingingo. Nanone bemera ko ukwemera kwiyongera bitewe n'ibikorwa byiza (umuntu akora), kukagabanyuka bitewe n'ibyaha akora.**

**Ariko hamwe n'iyo myemerere yabo, ntabwo bemera ko Umuyisilamu wakoze ibyaha byaba ibito cyangwa ibikuru aba ari umuhakanyi, bitandukanye nkuko agatsiko k'abitwa *Al Khawaridj* kabyemera. Ahubwo bashimangira ubuvandimwe bushingiye ku kwemera kabone n'ubwo umuntu yaba yaguye mu byaha, nkuko Allah abishimangira agira ati: "*...Ariko uwagira icyo ababarirwaho n'umuvandimwe we (uhagarariye uwishwe akababarira uwishe ntiyihorere, ahubwo akaka impozamarira), (uwiciwe) azayikurikirane mu buryo bwiza....*" Qur'an 2:178.**

**Allah nanone ati: "*Kandi amatsinda abiri y'abemera naramuka ashyamiranye mujye muyunga, ariko rimwe muri yo niryigomeka, mujye murirwanya kugeza ubwo rigarukiye itegeko rya Allah. Niryisubiraho, mujye mubunga mu butabera mutabogamye. Mu by'ukuri, Allah akunda abatabera. Mu by'ukuri, abemera ni abavandimwe. Bityo, mujye mwunga abavandimwe banyu (igihe bashyamiranye)*" Qur'an 49:9-10.**

**Kandi ntabwo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bambura ukwemera kose uko kwa kabaye uwo ariwe wese w'umuyisilamu usali yerekeye Qiblat (Makat), wakoze icyaha (gikuru), ndetse banemera ko atazaba mu muriro ubuziraherezo, bitandukanye nk'uko agatsiko k'abitwa *Al Mu-utazilat* kabyemera.**

**Ahubwo umuyisilamu wakoze ibyaha bikuru nawe yitwa umwemera, nkuko bishimangirwa n'umurongo wa Qur'an ugira uti: "...*Agomba kubohora umucakara w'umwemera*..."[1] Qur'an 4:92.**

**Hari n'ubwo atitwa umwemeramana nyawe nk'uko bigaragara mu murongo wa Qur'an ugira uti: "*Mu by'ukuri, abemera nyabo ni babandi, iyo Allah avuzwe, imitima yabo ikangarana, banasomerwa amagambo ye akabongerera ukwemera.* " Qur'an 8:2[2]**

**Ibyo bikanashimangirwa na Hadithi y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Umusambanyi ntasambana igihe ari gusambana ngo abe akiri umwemera, n'umujura ntiyiba igihe ari kwiba ngo abe akiri umwemera, nta n'ubwo umunywanzoga azinywa igihe ari kuzinywa ngo abe akiri umwemera, nta nubwo umuntu yambura abandi ibyabo by'agaciro igihe ari kubibambura ngo abe akiri umwemera."**

**Twe abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) turavuga tuti : Ni umwemera ariko ufite ukwemera kutuzuye, cyangwa tukavuga tuti: Ni umwemera kubera ukwemera kwe (aba afite) akaba umunyabyaha kubera icyaha cye (aba akoze). Bityo ntabwo yitwa umwemera wuzuye nta n'ubwo yamburwa kwitwa umwemera.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**No mu misingi y'imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat***

[1] Ikigambiriwe muri uyu murongo ni ukwerekana ko nuwabohora umuyisilamu w'umunyabyaha yitwa ko yabohoye umwemera, bityo rero umuntu kugwa mu byaha ntibimukura mu kwemera.
[2] Ntiyitwa umwemera wuzuye kubera ko umunyabyaha iyo Allah avuzwe, umutima we ntukangarana, niyo asomewe amagambo ya Allah ntamwongerera ukwemera.

***wal Djama'at*)",** Bisobanuye inkingi imyemerere yabo yubakiyeho.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Idini**", mu rulimi rw'icyarabu bisobanuye kwicisha bugufi no gukurikira. Naho ibisobanuro byaryo mu mategeko y'idini ya Isilamu: Ni ibyo Allah yategetse ko byubahirizwa.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَرَضِيتُ لَكُمُ ٱلْإِسْلَٰمَ دِينًا ۚ ٣ ﴾ المائدة: ٣

*"nanabahitiyemo ko Isilamu iba idini ryanyu."*[1] Bisobanuye ko idini ya Islam atari amagambo gusa umuntu avuga, ahubwo inagizwe n'ibikorwa byegereza abagaragu Nyagasani wabo (Allah).

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Kwemera**" mu rulimi rw'icyarabu bisobanuye kwemeza. Naho ibisobanuro byaryo mu mategeko y'idini ya Isilamu: Ni nk'uko umwanditsi yabisobanuye agira ati: **Ni imvugo ndetse n'ibikorwa. Imvugo ku mutima ndetse no ku rulimi, n'ibikorwa ku mutima, ku rulimi ndetse n'ingingo.** Iki nicyo gisobanuro cyo kwemera nkuko abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu sunat wal Djama-at*) babyemera, bavuga bati: Ni imvugo n'ibikorwa.

Ikindi twavuga nuko imvugo irimo ibice bibiri:

1 **Imvugo ku mutima**: Ni ibyo umutima wamenye ukanabyemeza ndetse ukanabihamya, aha hakaba hinjiramo imyemerere.

2 **Imvugo ku rulimi:** Ni ukuvuga ibituma umuntu yinjira mu idini ya Isilam (ubuhamya bubiri).

Naho ibikorwa nabyo bikaba birimo ibice bibiri:

[1] Qur'an 5:3

1-**Ibikorwa ku mutima**: Ni ugushyira mu bikorwa ibyo umutima wemeye, urugero rw'ibikorwa by'umutima harimo kwibombarika, kwiringira Imana n'ibindi.

2-**Ibikorwa ku rulimi n'ingingo:** Ni ibikorwa by'ingingo nk'isengesho (*A-Swalat*), gukora umutambagiro mutagatifu (*Hidja*), guharanira inzira y'Imana (*Djihadi*), gusingiza Allah ndetse n'ibindi.

Itandukaniro riri hagati y'imvugo z'umutima n'ibikorwa by'umutima, nuko imvugo z'umutima ari ibyo umutima wemera ukanabikomeraho. Naho ibikorwa by'umutima ni ibyo umutima urangamira, Allah akunda n'Intumwa ye. Nko gukunda ibyiza n'ubushake bwo kubikora, no kwanga ibibi no kwiyemeza kubireka.

N'ibikorwa by'umutima nibyo bituma habaho ibikorwa by'ingingo ndetse n'imvugo z'urulimi. Ni ku bw'iyo mpamvu imvugo z'urilimi n'ibikorwa by'ingingo byinjijwe mu kwemera.

**Uburyo amatsinda atandukanye asobanura ukwemera:**

1. Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*), bavuga ko ukwemera: Ari ukwemera ku mutima, ukabivugisha urulimi ukanabishyira mu ngiro ukoresheje ingingo.

2. Agatsiko k'abitwa *Al Murdji-at* kavuga ko ukwemera: Ari ukwemeza ku mutima no kubishimangira ku rulimi gusa.

3. Agatsiko k'abitwa *Al Karamiyat* kavuga ko ukwemera: Ari ukuvuga ukoresheje urulimi gusa

4. Agatsiko k'abitwa *Al Djab'riyat* kavuga ko ukwemera: Ari ukwemera ku mutima cyangwa se kubimenya ku mutima gusa.

5. Agatsiko k'abitwa *Al Mu-utazilat* kavuga ko ari ukwemera ku mutima, ukabivugisha urulimi ukanabishyira mu ngiro ukoresheje ingingo.

Naho itandukaniro riri hagati y'agatsiko k'abitwa *Al Mu-utazilat* n'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) ku bigendanye n'igisobanuro cyo kwemera, nuko uwakoze icyaha gikuru agatsiko k'abitwa *Al Mu-utazilat* kamwambura ukwemera kose (ariko ntikavuga ko ari umuhakanyi cyangwa ngo abe umwemera, ahubwo kavuga ko aba ari hagati no hagati) kakanemera ko ku munsi w'imperuka azaba mu muriro ubuziraherezo. Naho abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bo ntibamwambura ukwemera kwe kose ahubwo ni umwemeramana ariko ufite ukwemera kutuzuye, kandi ntibanemera ko ku munsi w'imperuka naramuka yinjiye mu muriro atazawubamo ubuziraherezo, ahubwo azaba ari munsi y'ubushake bwa Allah nashaka azamubabarira, nanabishaka azamuhana.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **Nanone bemera ko ukwemera kwiyongera bitewe n'ibikorwa byiza (umuntu akora), kukagabanyuka bitewe n'ibyaha akora,** ukwiyonera ku kwemera no kugabanyuka kwako bishimangirwa n'imirongo itandukanye harimo nk'umurongo umwanditsi yagaragaje n'indi itandukanye nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَإِذَا مَآ أُنزِلَتْ سُورَةٌ فَمِنْهُم مَّن يَقُولُ أَيُّكُمْ زَادَتْهُ هَٰذِهِۦٓ إِيمَٰنًا ۚ فَأَمَّا ٱلَّذِينَ ءَامَنُوا۟ فَزَادَتْهُمْ إِيمَٰنًا وَهُمْ يَسْتَبْشِرُونَ ﴿١٢٤﴾ ﴾ التوبة: ١٢٤

*"N'iyo hari isura (igice cya Qur`an) ihishuwe, bamwe muri bo (indyarya) baravuga bati "Ni nde muri mwe iyi (sura) yongereye*

*ukwemera!?"Nyamara babandi bemeye, ibongerera ukwemera na bo bakabyishimira."* [1]

Kuba ukwemera kwiyongera kukanagabanyuka niyo myemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*), ariko udutsiko tw'abitwa *Al Murdji-at, Al Djah'miyat, Al Mu-utazilat, ndetse na Al Khawaridj* two ntabwo ariko tubyemera. Urugero nk'abitwa *Al Murdji-at* n'aba *Al Mu-utazilat* bemera ko ukwemera bihagije gusa kwemeza mu mutima no kubivuga ku rulimi, ko kandi kutiyongera cyangwa ngo kugabanyuke ahubwo iyo ugufite (ukwemera) kuguma hamwe ntikuva aho kuri.

**Zimwe mu mpamvu zituma ukwemera kwiyongera:**

1. Kumenya Allah, amazina ye, ibisingizo bye, n'ibigwi bye.

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ إِنَّمَا يَخْشَى ٱللَّهَ مِنْ عِبَادِهِ ٱلْعُلَمَٰٓؤُاْ ۗ ﴿٢٨﴾ ﴾ فاطر: ٢٨

"*Mu by'ukuri, abatinya Allah (nyabyo) mu bagaragu be ni abamenyi.*"[2]

2. Kwitegereza ibimenyetso bya Allah haba mu byo yaremye no mu byo yategetse. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ قُلِ ٱنظُرُواْ مَاذَا فِي ٱلسَّمَٰوَٰتِ وَٱلْأَرْضِ ۚ وَمَا تُغْنِي ٱلْءَايَٰتُ وَٱلنُّذُرُ عَن قَوْمٍ لَّا يُؤْمِنُونَ ﴿١٠١﴾ ﴾ يونس: ١٠١

"*Vuga (yewe Muhamadi) uti «Nimwitegereze ibiri mu birere n'ibiri mu isi. Ariko ibitangaza n'ababurira (intumwa) ntibigirira akamaro abantu batemera.*"[3]

3. Kurushaho gukora ibikorwa byiza byo kumvira Allah. Bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayirat

[1] Qur'an 9:123
[2] Qur'an 35:28
[3] Qur'an 10:101

yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عن أَبِي هريرة رضي اللَّه عنه عن النبي ﷺ قال: « الإِيمَانُ بِضْعٌ وَسبْعُونَ، أَوْ بِضْعٌ وَسِتُّونَ شَعْبَةً: فَأَفْضلُهَا قوْلُ لاَ إِلَهَ إِلاَّ اللَّهُ، وَأَدْنَاهَا إِمَاطَةُ الأَذَى عنِ الطَّرِيقِ، وَالحيَاءُ شُعْبَةٌ مِنَ الإِيمانِ » متفقٌ عليه.

"Ukwemera kurimo ibice birenga mirongo irindwi cyangwa birenga mirongo itandatu. Icyiza kurusha ibindi muri byo ni imvugo igira iti 'LA ILAHA ILA LLAHU: Nta yindi mana ikwiye gusenga by'ukuri uretse Allah. Naho igito muri byo ni ugukura icyabangamira umuntu mu nzira. Kandi kugira isoni ni kimwe mu bice bigize ukwemera." **Yakiriwe na Bukhari na Muslim.**

4. Kureka ibyaha ugamije kwiyegereza Allah. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ يَٰٓأَيُّهَا ٱلَّذِينَ ءَامَنُوٓاْ إِنَّمَا ٱلۡخَمۡرُ وَٱلۡمَيۡسِرُ وَٱلۡأَنصَابُ وَٱلۡأَزۡلَٰمُ رِجۡسٞ مِّنۡ عَمَلِ ٱلشَّيۡطَٰنِ فَٱجۡتَنِبُوهُ لَعَلَّكُمۡ تُفۡلِحُونَ ٩٠ ﴾ المائدة: ٩٠

*"Yemwe abemeye! Mu by'ukuri, ibisindisha, urusimbi, gusenga ibigirwamana no kuraguza, ibyo byose ni umwanda kandi ni ibikorwa bya Shitani. Bityo, mubyirinde kugira ngo mukiranuke."*[1]

Naho zimwe mu mpamvu zituma ukwemera kugabanyuka ni ukunyuranya n'ibi tuvuze hejuru

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **Ariko hamwe n'iyo myemerere yabo, ntabwo bemera ko uwo ariwe wese w'umuyisilamu usali yerekeye Qiblat (Makat), wakoze ibyaha byaba ibito cyangwa ibikuru aba ari umuhakanyi, bitandukanye nkuko agatsiko k'abitwa *Al Khawaridj* kabyemera.** Bisobanuye ngo abagendera ku migenzo y'Intumwa

[1] Qur'an 5:90

y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) hamwe nuko bemera ko ibikorwa by'abagaragu byinjira mu gisobanuro cyo kwemera, bakanemera kandi ko ukwemera kwiyongera bitewe n'ibikorwa byiza by'umuntu, kukanagabanyuka bitewe n'ibikorwa bye bibi, hamwe n'ibyo ntibacira iteka umuyisilamu wakoze icyaha gikuru kitari ibangikanyamana cyangwa ubuhakanyi ko aba abaye umuhakanyi.

**Bitandukanye nkuko agatsiko k'abitwa *Al Khawaridj* kabyemera,** kuko bo bavuga ko uwakoze icyaha gikuru ku isi aba ari umuhakanyi ndetse no ku munsi w'imperuka akazaba mu muriro ubuziraherezo.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **Ahubwo bashimangira ubuvandimwe bushingiye ku kwemera kabone n'ubwo umuntu yaba yaguye mu byaha,** nkuko Allah abishimangira agira ati: "...*Ariko uwagira icyo ababarirwaho n'umuvandimwe we (uhagarariye uwishwe akababarira uwishe ntiyihorere, ahubwo akaka impozamarira), (uwiciwe) azayikurikirane mu buryo bwiza."*[1]

Aha turabona ko Allah yise uwishe umuvandimwe w'uwishwe (mu kwemera), kandi kwica ari kimwe mu byaha bikuru. Ibi bikaba bigaragaza ko gukora icyaha gikuru bitagira uwagikoze umuhakanyi.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: "**Kandi ntabwo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bambura ukwemera kose uko kwa kabaye uwo ariwe wese w'umuyisilamu usali yerekeye Qiblat (Makat), wakoze icyaha (gikuru).** Bivuze ngo mu misingi y'ukwemera kw'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) ntibambura ukwemera uko kwakabaye umuyisilamu wakoze

---

[1] Qur'an 2:178

icyaha gikuru, nko kunywa inzoga, gusambana, kwiba hamwe nuko bemera ko ibyo byaha biziririjwe. Bishimangirwa na Hadith y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahiri n'imigisha) yakiriwe na Abi Hurayrat (Imana imwishimire) igira iti:

قال رسول الله ﷺ:"من صلى صلاتنا ، واستقبل قبلتنا ، وأكل ذبيحتنا ، فهو المسلم ، له ما لنا وعليه ما علينا ."

"Uzasali nkuko dusali, akanerekera n'icyerekezo twerekeramo turi gusali (*Qiblat*), akarya n'ibyo twabaze, uwo ni umuyisilamu. Ibyiza tubona nawe agomba kubibonaho, n'ibyago bitugezeho nawe bimugeraho[1]."

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **Ndetse ntibanemera ko azaba mu muriro ubuziraherezo, bitandukanye nkuko agatsiko k'abitwa *Al Mu-utazilat* kabyemera,** ndetse n'ak'abitwa *Al Khawaridj*. Agatsiko k'abitwa *Al Mu-utazilat* kabona ko uwakoze icyaha gikuru atitwa umwemera cyangwa umuhakanyi, ahubwo aba ari hagati no hagati uku niko babyemera igihe ari ku isi naho ku munsi w'imperuka nuko azaba mu muriro ubuziraherezo.

Hanyuma umwanditsi (Allah amugirire impuhwe) yahise agaragaza itegeko ry'ukuri rirebana n'umuyisilamu wakoze icyaha gikuru, yifashishije gihamya zo muri Qur'an n'iz'imvugo z'Intumwa y'Imana, atanga gihamya y'umurongo wa Qur'an ugira iti:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ...فَتَحْرِيرُ رَقَبَةٍ مُّؤْمِنَةٍ... ﴿٩٢﴾ ﴾ النساء: ٩٢

"*...Agomba kubohora umucakara w'umwemera...*" [2]

[1] Yakiriwe na Bukhari.
[2] Qur'an 4:92

Ikigambiriwe muri uyu murongo ni ukwerekana ko n'uwabohora umuyisilamu w'umunyabyaha yitwa ko yabohoye umwemera. Bityo rero kuba umuyisilamu yakora ibyaha bikuru ntibimwambura ukwemera kose n'ubwo bikugabanya. Ibi umwanditsi yahise abitangira gihamya muri Qur'an. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّمَا ٱلْمُؤْمِنُونَ ٱلَّذِينَ إِذَا ذُكِرَ ٱللَّهُ وَجِلَتْ قُلُوبُهُمْ وَإِذَا تُلِيَتْ عَلَيْهِمْ ءَايَٰتُهُۥ زَادَتْهُمْ إِيمَٰنًا ﴾ الأنفال: ٢

*"Mu by'ukuri, abemera nyabo ni babandi, iyo Allah avuzwe, imitima yabo ikangarana, banasomerwa amagambo ye akabongerera ukwemera."* [1]

Uyu murongo wa Qur'an uragaragaza abemeramana bafite ukwemera kuzuye, ibigwi byavugwaga kuri aba bemera ntihinjiramo inkozi z'ibibi zifite ukwemera kutuzuye, kuko iyo ziza kuba zifite ukwemera kuzuye ntizari gukora ibyaha kandi zari kurangwa n'ibi bigwi bivuzwe.

Umwanditsi arangije abitangira na gihamya ya Hadithi igaragaza ko umuyisilamu wakoze icyaha gikuru atitwa umwemeramana ufite ukwemera kuzuye, ahubwo ukwemera kwe kuba kuriho kwagabanyutse. Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ishimangira ibyo igira iti: **"Umusambanyi ntasambana igihe ari gusambana ngo abe akiri umwemera…"** Icyo Intumwa y'Imana yavugaga aha yahakanaga ko umusambanyi, umujura, n'unywa inzoga badafite ukwemera kuzuye. N'ikigaragaza ibi ni uko abamenyi bemeranyijwe ko umusambanyi, umujura, n'umunywanzoga bemerewe kuzungura umuyisilamu, ubwo nabo rero aba ari abayisilamu.

[1] Qur'an 8:2.

Umwanditsi arangiza iki cyigwa agaragaza mu ncamake itegeko rireba umuyisilamu wakoze icyaha gikuru agira ati: Aba ari umwemera ufite ukwemera kutuzuye, cyangwa se umwemeramana kubera ukwemera kwe, akaba umunyabyaha kubera ibyaha bye. Ibyo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djamaat*) bakaba abarabitandukanyeho n'udutsiko dutatu dukurikira:

1 Al Mur'dji-at: Bo bavuga ko ukoze ibyaha bikuru aba ari umwemera ufite ukwemera kuzuye.

2 Al Khawaridj: Bo bavuga ukoze ibyaha bikuru aba ari umuhakanyi.

3 Al Mu-utazilat: Bo bavuga ko ukoze ibyaha bikuru aba ari hagati no hagati ku isi, ariko ku munsi w'imperuka azaba mu muriro ubuziraherezo.

## الواجب نحو أَصْحَابِ رَسُولِ اللهِ ﷺ وذكر فضائلهم.

**Icyo tugomba abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ndetse no kuvuga ibigwi n'ibyiza byabaranze.**

فَصْلٌ: وَمِنْ أُصُولِ أَهْلِ السُّنَّةِ وَالْجَمَاعَةِ سَلاَمَةُ قُلُوبِهِمْ وَأَلْسِنَتِهِمْ لأَصْحَابِ رَسُولِ اللهِ ﷺ، كَمَا وَصَفَهُمُ اللهُ بِهِ فِي قَوْلِـــــهِ تَعالَى:﴿ وَٱلَّذِينَ جَآءُو مِنۢ بَعۡدِهِمۡ يَقُولُونَ رَبَّنَا ٱغۡفِرۡ لَنَا وَلِإِخۡوَٰنِنَا ٱلَّذِينَ سَبَقُونَا بِٱلۡإِيمَٰنِ وَلَا تَجۡعَلۡ فِي قُلُوبِنَا غِلّٗا لِّلَّذِينَ ءَامَنُواْ رَبَّنَآ إِنَّكَ رَءُوفٞ رَّحِيمٌ ١٠ ﴾ الحشر: ١٠

وَطَاعَةَ النَّبِيِّ ﷺ فِي قَوْلِهِ: "لاَ تَسُبُّوا أَصْحَابِي فَوَالَّذِي نَفْسِي بِيَدِه لَوْ أَنَّ أَحَدَكُمْ أَنْفَقَ مِثْلَ أُحُدٍ ذَهَبًا مَا بَلَغَ مُدَّ أَحَدِهِمْ وَلا نَصِيفَهُ."

**No mu misingi y'imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) nuko imitima n'indimi zabo zitijandika mu bikorwa byo gusebya cyangwa kugirira ishyari abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Nkuko Allah yabavuze ibigwi mu murongo wa Qur'an ugira uti: "Na babandi baje nyuma yabo, baravuga bati: "Nyagasani wacu! Tubabarire, twe n'abavandimwe bacu badutanze kwemera, kandi ntuzatume mu mitima yacu harangwamo urwango ku bemeye. Nyagasani wacu! Mu by'ukuri, ni wowe Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi." Qur'an 59:10.**

**Ibyo babikora bumvira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) aho yavuze iti: "Muramenye ntimuzatuke abasangirangendo banjye! Ndahiriye k'ufite roho yanjye mu kuboko kwe ko umwe muri umwe n'ubwo yatanga ituro rya zahabu ingana n'umusozi wa Uhudi, ntiyagera ku rwego rw'uwitanze muri bo ibyuzuye amashyi abiri, habe na kimwe cya kabiri cyayo (urushyi rumwe)[1]"**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Umwanditsi ubwo yari amaze kuvuga uburyo udutsiko dutandukanye twasobanuye ukwemera ndetse n'uwitwa umwemera uwo ari we, yazanye iki cyigwa aha kivuga ibigwi by'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana, kugira ngo asubize agatsiko k'abitwa *Shiyat* ndetse n'ak'abitwa *Al Khawaridj* bandangaza abasangirangendo b'Intumwa y'Imana bakabatesha agaciro ndetse bakanabagirira urwango. Ikindi yagira ngo yerekane urwego abagendera ku migenzo y'Intumwa (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) baha abasangirangendo b'Intumwa y'Imana,

[1] Yakiriwe na Bukhari na Muslim

anerekana ko bo bari ku byo abasangirangendo b'Intumwa y'Imana bari bari ho.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **"No mu misingi y'imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) nuko imitima n'indimi zabo zitijandika mu bikorwa byo gusebya cyangwa kugirira ishyari abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)."** Bitandukanye nkuko udutsiko tw'abitwa *Shiyat* na *Al Khawaridj* tubikora, tubatuka, tubavuma, tubagirira urwango ndetse n'ibindi bibi.

Ikindi kandi nuko ari itegeko kwemera ibyiza n'ibigwi byabo, no kumenya ibikorwa byabaranze by'indashyikirwa, no kubasabira impuhwe za Allah n'imbabazi ze ku byo batatunganyije, no kutijandika mu bushyamirane bagiranye hagati yabo kuko nibo bantu beza babayeho kuruta abandi, kuko nibo babaye aba mbere mu kuyoboka Isilamu.

No muri Qur'an ndetse n'imvugo z'Intumwa y'Imana harimo gihamya nyinshi zigaragaza mu buryo burambuye ibyiza n'ibigwi by'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana.

Bityo rero nta rwego ruhambaye nyuma y'urwego z'Intumwa z'Imana nko kuba mu bantu Allah yishimiye akanahitamo kuba baba abasangirangendo b'Intumwa ye bakanarwanirira idini rye. Bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

من ذلك كقول النبي ﷺ : إن الله اختارني و اختار لي أصحابا فجعل لي منهم وزراء و أنصار و أصهار فمن سبهم فعليه لعنة الملائكة و الناس أجمعين لا يقبل الله منه يوم القيامة صرفا و لا عدلا .

“Mu by’ukuri, Allah yarantoranyije, anantoranyiriza abasangirangendo; bamwe muri bo abagira abajyanama banjye, abandengera (An’swar) ndetse n’abanshyingiye. Bityo uzabatuka azaba afite umuvumo w’Imana, uw’abamalayika ndetse n’uw’abantu bose. Ku munsi w’imperuka, Imana ntizamwakirira ibikorwa bye uko byaba bimeze kose[1].”

Ikindi nuko abasangirangendo ari bantu babashije gukora bagatunganya kurusha abandi, nanone bakaba ari bo basobanukiwe igitabo cya Qur’an n’imvugo z’Intumwa y’Imana kurusha abandi bose. N’ubumenyi bw’idini benshi mu bantu bafite ubu nyuma ya Allah na nyuma y’Intumwa ye babugize kubera bo.

Ikindi nuko Allah yabavuze ibigwi muri Qur’an nk’aho agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ مُّحَمَّدٞ رَّسُولُ ٱللَّهِۚ وَٱلَّذِينَ مَعَهُۥٓ أَشِدَّآءُ عَلَى ٱلۡكُفَّارِ رُحَمَآءُ بَيۡنَهُمۡۖ تَرَىٰهُمۡ رُكَّعٗا سُجَّدٗا يَبۡتَغُونَ فَضۡلٗا مِّنَ ٱللَّهِ وَرِضۡوَٰنٗاۖ سِيمَاهُمۡ فِي وُجُوهِهِم مِّنۡ أَثَرِ ٱلسُّجُودِۚ ذَٰلِكَ مَثَلُهُمۡ فِي ٱلتَّوۡرَىٰةِۚ وَمَثَلُهُمۡ فِي ٱلۡإِنجِيلِ كَزَرۡعٍ أَخۡرَجَ شَطۡـَٔهُۥ فَـَٔازَرَهُۥ فَٱسۡتَغۡلَظَ فَٱسۡتَوَىٰ عَلَىٰ سُوقِهِۦ يُعۡجِبُ ٱلزُّرَّاعَ لِيَغِيظَ بِهِمُ ٱلۡكُفَّارَۗ وَعَدَ ٱللَّهُ ٱلَّذِينَ ءَامَنُواْ وَعَمِلُواْ ٱلصَّٰلِحَٰتِ مِنۡهُم مَّغۡفِرَةٗ وَأَجۡرًا عَظِيمَۢا ٢٩ ﴾ الفتح: ٢٩

*“Muhamadi ni Intumwa ya Allah. Kandi babandi bari kumwe na we, bari inkazi ku bahakanyi (igihe babasagariye), bakaba abanyempuhwe hagati yabo. Ubabona bunamye banubamye (basenga), bashaka ingabire za Allah no kwishimirwa (nawe). Barangwa n’ikimenyetso kiri mu buranga bwabo (baterwa no kubama basenga). Ibi ni byo bibaranga muri Tawurati. Ariko mu*

[1] Yakiriwe na Al Hakim.

*Ivanjili, bagaragazwa nk'ikimera cyasohoye umugondoro wacyo, hanyuma ugakomera maze (amashami yacyo) akagikomeza, kigakura kugeza gihagaze cyemye ku gihimba cyacyo, mu buryo bushimisha abahinzi. (Urwo rugero rw'abemera) rugamije kurakaza abahakanyi. Allah yasezeranyije abemeye bakanakora ibikorwa byiza, kuzababarirwa no kuzagororerwa ibihembo bihambaye."*[1]

Uyu murongo wa Qur'an urasubiza agatsiko k'abitwa Shiyat n'ak'abitwa Al Khawaridj.

Naho umurongo wa Qur'an umwanditsi yagaragaje ugira uti: **"Na babandi baje nyuma yabo, baravuga bati: "Nyagasani wacu! Tubabarire, twe n'abavandimwe bacu badutanze kwemera, kandi ntuzatume mu mitima yacu harangwamo urwango ku bemeye. Nyagasani wacu! Mu by'ukuri, ni wowe Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi."** Abavugwa aha ni abakurikiye abasangirangendo b'Intumwa y'Imana ari bo (*A-Tabiina*). Mbere y'uko bavugwa habanje kuvugwa imirongo ibiri igiragaza ibigwi by'abasangirangendo b'abimukira (*Muhadjirina*) n'iby'abasangwa b'i Madinat (*An'swar*) nkuko Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ لِلْفُقَرَاءِ الْمُهَاجِرِينَ الَّذِينَ أُخْرِجُوا مِن دِيَارِهِمْ وَأَمْوَالِهِمْ يَبْتَغُونَ فَضْلًا مِّنَ اللَّهِ وَرِضْوَانًا
وَيَنصُرُونَ اللَّهَ وَرَسُولَهُ ۚ أُولَٰئِكَ هُمُ الصَّادِقُونَ ﴿٨﴾ وَالَّذِينَ تَبَوَّءُوا الدَّارَ وَالْإِيمَانَ مِن قَبْلِهِمْ يُحِبُّونَ مَنْ
هَاجَرَ إِلَيْهِمْ وَلَا يَجِدُونَ فِي صُدُورِهِمْ حَاجَةً مِّمَّا أُوتُوا وَيُؤْثِرُونَ عَلَىٰ أَنفُسِهِمْ وَلَوْ كَانَ بِهِمْ خَصَاصَةٌ ۚ وَمَن
يُوقَ شُحَّ نَفْسِهِ فَأُولَٰئِكَ هُمُ الْمُفْلِحُونَ ﴿٩﴾ ﴾ الحشر: ٨ – ٩

*"(Muri iyo minyago kandi, harimo igice cyagenewe) abakene bimutse bameneshejwe mu ngo zabo n'imitungo yabo, (babikoze) bashaka ingabire ziturutse kwa Allah no kwishimirwa na we, ndetse no gutera inkunga Allah n'Intumwa ye. Abo ni bo banyakuri. Naho babandi batuye mbere yabo iki gihugu (cya*

*Madina), bahisemo ukwemera, banakunda abimutse babagana, kandi mu mitima ntibararikire ibyo (abo bimukira) bahawe, ahubwo bagaharira abandi bo biretse, kabone n'ubwo nabo ubwabo bari babikeneye. Kandi abarinzwe kugira ubugugu ni bo bazatsinda."*[1]

Naho umurongo wa Qur'an umwanditsi yagaragaje ugira uti: **"...Nyagasani wacu! Tubabarire, twe n'abavandimwe bacu badutanze kwemera..."** Abo Allah yavugaga ni abakurikiye abasangirangendo mu gukora ibyiza kuzageza ku munsi w'imperuka. Allah agaragaza ko abazakurikira abasangirangendo mu gukora ibyiza ari abavandimwe babo, kuko abasangirangendo ari bo bababanjiririje mu kwemera.

Ikindi nuko ari ngombwa ko umwemera uzaza nyuma y'abasangirangendo asaba ko Allah amurinda kuzabagirira ishyari. Ubwo rero unyuranya n'ibi akanyuranya n'abasangirangendo ndetse akanabagirira ishyari n'urwango, ntabwo ari mu bantu Allah yatatse muri uyu murongo wa Qur'an.

Naho umurongo wa Qur'an umwanditsi yagaragaje ugira uti: "...**Kandi ntuzatume mu mitima yacu harangwamo urwango ku bemeye"** Umwemeramana nyawe yirinda kugirira urwango umuyisilamu aho ava akagera, ariko ku ikubitiro hakinjiramo abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)

Imam A-Shaw'kaniyu yaravuze ati: Utazasabira imbabazi abasangirangendo b'Intumwa y'Imana no kwishimirwa na Allah muri rusange, azaba atandukanye n'ibyavuzwe muri uyu murongo wa Qur'an. Kandi n'uzabagirira urwango azaba ayobejwe na Shitani, kandi azaba asuzuguye Allah kubera kugirira urwango abakunzi be n'ababaye abeza mu bayoboke b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

[1] Qur'an 59:8-9

Ikindi nuko azaba yifunguriye umuryango wo gusuzugurika unamuganisha mu muriro, naramuka atabiretse ngo agarukire Allah ndetse anamwitabaze ngo amurinde kongera kwishora mu kugirira urwango abasangirangendo b'Intumwa y'Imana babayeho mu binyejana byiza ndetse binubahitse kurusha ibindi.

Naho iyo akomeje kurengera mu kugirira urwango abasangirangendo b'Intumwa y'Imana ndetse no kubatuka aba yarabaswe na Shitani kandi azagerwaho n'uburakari bwa Allah.

Ikindi kandi nuko bizwi ko ubu ari uburwayi bukomeye bwabaye ikigeragezo ku gatsiko kazwi k'abitwa *Shiyat*, cyangwa se abagirira urwango abakora ibikorwa byiza mu bakurikiye Intumwa y'Imana *(Umat).*

Ari bo shitani ikoresha ndetse ikanabatakira bimwe mu binyoma byayo bitandukanye, n'inkuru mpimbano, no guhimba inyigisho ndetse no kubakura ku gitabo cya Allah *(Qur'an)* kitarimo ikinyoma.

Ikindi twavuga nuko ikigambiriwe muri uyu murongo wa Qur'an harimo kwerekana ibigwi n'ibyiza byaranze abasangirangendo b'Intumwa y'Imana, kubera ko ari bo babaye aba mbere mu kwemera. Harimo n'ibyiza by'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djama-at)* babakunda banabasabira ibyiza. Harimo kandi kugaya ababagirira urwango. Ndetse harimo ko gusabira abasangirangendo b'Intumwa y'Imana imbabazi no kubishimira byemewe. Harimo nanone ko imitima y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djamaat)* ku bigendanye n'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana icyeye, ndetse n'indimi zabo zitijandika mu kubasebya no kubatuka.

Ikindi kandi nuko buri muyislamu uzarangwa n'ibi umurongo watubujije adakwiye guhabwa mu minyago.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: "**Ibyo babikora bumvira Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)"** Bisobanuye ko abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) bumvira Intumwa y'Imana mu kurinda imitima yabo n'indimi zabo mu kwijandika basebya abasangirangendo b'Intumwa y'Imana banirinda kubabatuka.

Ibyo babikora bubahiriza imvugo y'Intumwa y'Imana umwanditsi yagaragaje igira iti: **"Muramenye ntimugatuke abasangirangendo banjye!"** Umusangirangendo w'Intumwa y'Imana ni buri uwo ari we wese wabayeho mu gihe cyayo akayemera ndetse agapfa akimwemera.

Naho imvugo y'Intumwa y'Imana igira iti: "**...Ndahiriye k'ufite roho yanjye mu kuboko kwe ko umwe muri umwe n'ubwo yatanga ituro rya zahabu ingana n'umusozi wa Uhudi, ntiyagera ku rwego rw'uwitanze muri bo ibyuzuye amashyi abiri, habe na kimwe cya kabiri cyayo (urushyi rumwe)..."** Iyi ndahiro y'Intumwa y'Imana irashimangira ubuhambare bw'ibyo igiye kuvuga, ari byo kugereranya hagati y'agaciro k'abasangirangendo bayo n'abandi bayisilamu basanzwe bazaza nyuma yabo. Intumwa y'Imana iragaragaza kandi ko icyo abasangirangendo batanze n'ubwo cyaba gike gihambaye imbere ya Allah hashingiwe ku kwemera guhambaye bari bafite mu mitima yabo, n'uburyo bitangiye ubuyisilamu ahari hakomeye mu ntangiriro zabwo, kurusha uwatanga ibya mirenge mu bayisilamu basanzwe.

Ikigambiriwe muri Hadith ni ukuziririza gutuka abasangirangendo b'Intumwa y'Imana, no kugaragaza ibyiza n'ibigwi byabo ku bandi batari bo, kandi ko ibikorwa birutana bijyanye n'umugambi wabyo, kandi bijyanye n'igihe bikorewe. Allah niwe mumenyi uhebuje.

Ikindi nuko muri iyi Hadithi harimo kwigisha ko umuntu uzakunda abasangirangendo akanabavuga neza azaba yumviye Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), naho uzabatuka akanabagirira urwango azaba yigometse ku Ntumwa y'Imana.

## فضل الصحابة وموقف أهل السنة والجماعة منه وبيان تفاضلهم

### Agaciro k'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) n'uburyo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) babafata, no kugaragaza uburyo barutanwa hagati yabo.

وَيَقْبَلُونَ مَا جَاءَ بِهِ الْكِتَابُ وَالسَّنَّةُ وَالإِجْمَاعُ مِنْ فَضَائِلِهِمْ وَمَرَاتِبِهِمْ.

وَيُفَضِّلُونَ مَنْ أَنْفَقَ مِنْ قَبْلِ الْفَتْحِ ـ وَهُوَ صُلْحُ الْحُدَيْبِيَةِ ـ وَقَاتَلَ عَلَى مَنْ أَنْفَقَ مِنْ بَعْدُ وَقَاتَلَ. وَيُقَدِّمُونَ الْمُهَاجِرِينَ عَلَى الأَنْصَارِ. وَيُؤْمِنُونَ بِأَنَّ اللهَ قَالَ لأَهْلِ بَدْرٍ ـ وَكَانُوا ثَلاثَ مِائَةٍ وَبِضْعَةَ عَشَرَـ: "اعْمَلُوا مَا شِئْتُم فَقَدْ غَفَرْتُ لَكُمْ". وَبِأَنَّهُ لاَ يَدْخُلُ النَّارَ أَحَدٌ بَايَعَ تَحْتَ الشَّجَرَةِ؛ كَمَا أَخْبَرَ بِهِ النَّبِيُّ ﷺ، بَلْ لَقَدْ رَضِيَ اللهُ عَنْهُمْ وَرَضُوا عَنْهُ، وَكَانُوا أَكْثَرَ مِنْ أَلْفٍ وَأَرْبَعِ مِائَةٍ. وَيَشْهَدُونَ بِالْجَنَّةِ لِمَنْ شَهِدَ لَهُ رَسُولُ اللهِ ﷺ، كَالْعَشَرَةِ، وَثَابِتِ بْنِ قَيْسِ بنِ شَمَّاسٍ، وَغَيْرِهِم مِّنَ الصَّحَابَةِ.

وَيُقِرُّونَ بِمَا تَوَاتَرَ بِهِ النَّقْلُ عَنْ أَمِيرِ الْمُؤْمِنِينَ عَلِيِّ بْنِ أَبِي طَالِبٍ رَضِيَ اللهُ عَنْهُ وَغَيْرِهِ مِنْ أَنَّ خَيْرَ هَذِهِ الأُمَّةِ بَعْدَ نَبِيِّهَا: أَبُو بَكْرٍ، ثُمَّ عُمَرُ. وَيُثَلِّثُونَ بِعُثْمَانَ، وَيُرَبِّعُونَ بِعَلِيٍّ رَضِيَ اللهُ عَنْهُمْ؛ كَمَا دَلَّتْ عَلَيْهِ الآثَارُ، وَكَمَا أَجْمَعَ الصَّحَابَةُ عَلَى تَقْدِيمِ عُثْمَانَ فِي الْبَيْعَةِ. مَعَ أَنَّ بَعْضَ أَهْلِ السُّنَّةِ كَانُوا قَدِ اخْتَلَفُوا فِي عُثْمَانَ وَعَلِيٍّ رَضِيَ اللهُ عَنْهُمَا ـ بَعْدَ اتِّفَاقِهِمْ عَلَى تَقْدِيمِ أَبِي

بَكْرٍ وَعُمَرَ ـ أَيُّهُمَا أَفْضَلُ؟ فَقَدَّمَ قَوْمٌ عُثْمَانَ: وَسَكَتُوا، أَوْ رَبَّعُوا بِعَلِيٍّ، وَقَدَّم قَوْمٌ عَلِيًّا، وَقَوْمٌ تَوَقَّفُوا. لَكِنِ اسْتَقَرَّ أَمْرُ أَهْلِ السُّنَّةِ عَلَى تَقْدِيمِ عُثْمَانَ، ثُمَّ عَلِيٍّ.

**Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama'at) banemera imirongo ya Qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana n'ibyo abamenyi bahurijeho bivuga agaciro k'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana n'inzego zabo.**

**Ikindi nuko abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama'at) abitanze muri abo basangirangendo bagatanga imitungo yabo ndetse bakanaharanira idini mbere y'ibohora ry'umujyi wa Makkat [ikigamijwe aha ni igihe cy'amasezerano ya Huday'biyat] babarutisha abitanze ndetse bakanaharanira idini nyuma y'icyo gihe. Ikindi nuko banarutisha abimukira bavuye Makkat bimukira i Madina (*Al Muhadjirina*) babarutisha abo bahasanze (*Al An'swar*). Banemera kandi ko Allah yabwiye abantu barwanye urugamba rwa Badri barengaga magana atatu na cumi ati: "Muzakore ibyo mushaka kuko namaze kubabarira."**

**Bakanemera ko ntawe uzinjira mu muriro mu bantu bahaye isezerano Intumwa y'Imana Muhamad ryo kuzamwumvira no kuzamutera ingabo mu bitugu, nkuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabivuze. Ayo masezerano akaba yarabereye munsi y'igiti, bakanemera ko Allah yamaze kubishimira ndetse nabo baramwishimira, bakaba bararengaga igihumbi magana ane.**

**Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu sunat wal Djama-at) bahamiriza ijuru uwo ari we wese Intumwa y'Imana yahamije ko azaryinjiramo, nk'abasangirangendo icumi yarihamirije (ko bazaryinjiramo bakiri ku isi), na Thabit Ibun**

**Qay'si Ibun Shamas, n'abandi batari abo Intumwa y'Imana yarihamirije mu basangirangendo bayo.**

**Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu sunat wal Djama-at) kandi bemeza imvugo zamenyekanye ko zaturutse ku muyobozi w'abemeramana Ally Ibun Abi Twalib (Imana imwishimire) n'abandi, zivuga ko umwiza mu bayoboke b'Intumwa y'Imana (Umat) nyuma y'Intumwa y'Imana ari: Abubakri hagakurikiraho Umar. Hanyuma bagakurikizaho uwa gatatu ari we Uthman, naho Ally bakamugira uwa kane (Imana ibishimire bose), nkuko imvugo zitandukanye zagiye zibigaragaza.**

**Nkuko nanone abasangirangendo bose bahurije hamwe mu gushyigikira ko Uth'man ari we ubanza guhabwa ubuyobozi, n'ubwo bamwe mu bagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu sunat wal Djama-at) batavuze rumwe ku mwiza (mu bigwi byo kuba indashyikirwa) hagati ya Uth'man na Ally (Allah abishimire bombi), nyuma y'uko bemeranyijwe ko Abubakri na Umar bo baza imbere y'abandi bose.**

**Nuko bamwe bavuga ko Uth'man ari we mwiza barekeraho, cyangwa se Ally bakamugira uwa kane. Abandi bavuga ko Ally ari we ubanza, abandi barifashe. N'ubwo bwose abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) baje kwemeranya ko Uthman aza mbere ya Ally.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Umwanditsi (Allah amugirire impuhwe) muri iki cyigwa yagaragaje uburyo Abasangirangendo b'Intumwa y'Imana barutanwa nyuma y'uko yari amaze kugaragaza agaciro kabo muri rusange, ndetse anagaragaza uburyo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahal Sunat wal Dja-at)* bababafata.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**...banemera imirongo ya Qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana n'ibyo abamenyi bahurijeho bivuga agaciro k'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana n'inzego zabo...**" Bisobanuye ko abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana bemera ibyiza ibyavuzwe ku basangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bigaragara muri Qur'an no muri Hadith z'Intumwa y'Imana, ndetse no mu byo abamenyi bemeranyijweho (Idj'maa).

Ibi bintu uko ari bitatu (Qur'an, Sunat, Idj'maa) abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana bagenderaho bashimangira ibyiza byaranze abasangirangendo b'Intumwa y'Imana birahagije.

Ikindi nuko bemera ko abasangirangendo batari ku rwego rumwe, ahubwo nabo bijyanye n'igihe bagiye binjirira ubuyisilamu bararutana. Ikindi gituma barutana n'uburyo butandukanye bagiye bitabira guharanira inzira y'Imana (Djihad), no kwimuka (Hidj'rat), n'uburyo bagiye bakora ibikorwa bitandukanye mu gufasha Intumwa y'Imana no gutera inkunga idini yabo (Allah abishimire bose).

Ni ku bw'iyo mpamvu umwanditsi w'igitabo yakomeje agira ati: "**Ikindi nuko abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djama'at) abitanze muri abo basangirangendo bagatanga imitungo yabo ndetse bakanaharanira idini mbere y'ibohora ry'umujyi wa Makkat [ikigamijwe aha ni igihe cy'amasezerano ya Huday'biyat] babarutisha abitanze ndetse bakanaharanira idini nyuma y'icyo gihe.**" Icyo twavuga kuri ayo masezerano nuko Allah yayise intsinzi mu mirongo itandukanye ya Qur'an. Ikindi nuko Surat Al Fat'h yamanutse nyuma y'ayo masezerano.

Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ إِنَّا فَتَحْنَا لَكَ فَتْحًا مُّبِينًا ﴿١﴾ ﴾ الفتح: ١

*"Mu by'ukuri, (yewe Muhamadi) twaguhaye intsinzi igaragara."*[1]

Naho izina **Hudayabiyat:** Ni iriba riri hafi ya Makkat ahabereye amasezerano munsi y'igiti, aho ababangikanyamana bari bagoteye Intumwa y'Imana hamwe n'abasangirangendo bayo bababujije kwinjira mu mujyi wa Makkat, nuko abasangirangendo bayisezeranya kuyitabara no kuyirengera.

Niyo mpamvu aya masezerano yiswe ay'instinzi kuko yatumye abayisilamu bagera ku byiza no ku instinzi.

Hari gihamya nyinshi zishimangira ukurutana hagati y'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿... لَا يَسْتَوِي مِنكُم مَّنْ أَنفَقَ مِن قَبْلِ ٱلْفَتْحِ وَقَٰتَلَ أُوْلَٰٓئِكَ أَعْظَمُ دَرَجَةً مِّنَ ٱلَّذِينَ أَنفَقُوا۟ مِنۢ بَعْدُ وَقَٰتَلُوا۟ وَكُلًّا وَعَدَ ٱللَّهُ ٱلْحُسْنَىٰ وَٱللَّهُ بِمَا تَعْمَلُونَ خَبِيرٌ ﴾ الحديد: ١٠

*"Abatanze bakanarwana mbere y'urugamba (rwo kubohora Maka) muri mwe, ntibahwanye (na babandi babikoze nyuma yaho); abo (babikoze mbere) bafite urwego rwisumbuye urw'abatanze bakanarwana nyuma. Ariko bose Allah yabasezeranyije ibyiza. Kandi Allah azi bihebuje ibyo mukora."*[2]

Abari kuvugwa muri uyu murongo ni ababaye aba mbere mu buyisilamu b'ab'imukira bavuye i Makat bajya i Madina (Muhadjirina) ndetse n'abasangwa b'i Madinat (An'swar).

---

[1] Qur'an 48:1
[2] Qur'an 57:10

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَٱلسَّٰبِقُونَ ٱلْأَوَّلُونَ مِنَ ٱلْمُهَٰجِرِينَ وَٱلْأَنصَارِ وَٱلَّذِينَ ٱتَّبَعُوهُم بِإِحْسَٰنٍ رَّضِيَ ٱللَّهُ عَنْهُمْ وَرَضُوا۟ عَنْهُ وَأَعَدَّ لَهُمْ جَنَّٰتٍ تَجْرِى تَحْتَهَا ٱلْأَنْهَٰرُ خَٰلِدِينَ فِيهَآ أَبَدًا ۚ ذَٰلِكَ ٱلْفَوْزُ ٱلْعَظِيمُ ﴿١٠٠﴾ ﴾ التوبة: ١٠٠

"*Ababaye aba mbere (mu kuyoboka Isilamu) mu bimukira (bavuye i Maka bajya i Madina) n'abaturage b'i Madina (babakiriye), ndetse na babandi babakurikiye mu gukora ibyiza; Allah yarabishimiye, na bo baramwishimira. Yanabateguriye Ijuru ritembamo imigezi, bakazaribamo ubuziraherezo. Uko ni ugutsinda guhambaye.*"[1]

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Ikindi nuko banarutisha abimukira bavuye Makkat bimukira i Madina (*Al Muhadjirina*) babarutisha abo bahasanze (*Al An'swar*).**" N'ikigambiriwe mu kwimuka (Hidj'rat) ni ukuva mu gihugu cyiganjemo ibangikanyamana ukajya mu gihugu cya kisilamu.

No mu bindi bisobanuro byo kwimuka (Hidj'rat) bamwe mu bamenyi batanze, bavuze ari ukuva mu gihugu kirimo ihohoterwa n'akarengane gakorerwa Abayisilamu, umuyisilamu akajya mu gihugu cya kisilamu kitarimo ako karengane.

**Naho An'swar:** Ni abakiriye banatabara Intumwa y'Imana bari batuye i Madinat, bakaba bari mu bwoko bubiri, ari bo Awusi na Al Khazradji, nuko Intumwa y'Imana iba ari yo ibita Al Ans'swar.

Na gihamya igaragaza ko abasangirangendo b'Intumwa y'Imana b'abimukira ari bo beza kurusha abo basanze i Madinat ni umurongo wa Qur'an ugira uti:

---

[1] Qur'an 9:100

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَٱلسَّٰبِقُونَ ٱلْأَوَّلُونَ مِنَ ٱلْمُهَٰجِرِينَ وَٱلْأَنصَارِ ... ﴿١٠٠﴾ ﴾ التوبة: ١٠٠

*"Ababaye aba mbere (mu kuyoboka Isilamu) mu bimukira (bavuye i Maka bajya i Madina) n'abaturage b'i Madina (babakiriye)...."*[1]

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ لَّقَد تَّابَ ٱللَّهُ عَلَى ٱلنَّبِيِّ وَٱلْمُهَٰجِرِينَ وَٱلْأَنصَارِ ٱلَّذِينَ ٱتَّبَعُوهُ فِي سَاعَةِ ٱلْعُسْرَةِ مِنۢ بَعْدِ مَا كَادَ يَزِيغُ قُلُوبُ فَرِيقٍ مِّنْهُمْ ثُمَّ تَابَ عَلَيْهِمْ ۚ إِنَّهُۥ بِهِمْ رَءُوفٌ رَّحِيمٌ ﴿١١٧﴾ ﴾ التوبة: ١١٧

*"Rwose Allah yamaze kwakira ukwicuza k'Umuhanuzi (Muhamadi), n'abimukira (bavuye i Maka bajya i Madina) ndetse n'abaturage b'i Madina (babakiriye) na babandi bakurikiye (Intumwa Muhamadi) mu bihe bigoye (urugamba rwa Tabuki), nyuma y'uko imitima ya bamwe muri bo yari hafi kudohoka ku kuri, maze yakira ukwicuza kwabo. Mu by'ukuri, we ni Nyirimpuhwe zihebuje, Nyirimbabazi."*[2]

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ لِلْفُقَرَآءِ ٱلْمُهَٰجِرِينَ ٱلَّذِينَ أُخْرِجُوا۟ مِن دِيَٰرِهِمْ وَأَمْوَٰلِهِمْ يَبْتَغُونَ فَضْلًا مِّنَ ٱللَّهِ وَرِضْوَٰنًا وَيَنصُرُونَ ٱللَّهَ وَرَسُولَهُۥٓ ۚ أُو۟لَٰٓئِكَ هُمُ ٱلصَّٰدِقُونَ ﴿٨﴾ وَٱلَّذِينَ تَبَوَّءُو ٱلدَّارَ وَٱلْإِيمَٰنَ مِن قَبْلِهِمْ يُحِبُّونَ مَنْ هَاجَرَ إِلَيْهِمْ وَلَا يَجِدُونَ فِي صُدُورِهِمْ حَاجَةً مِّمَّآ أُوتُوا۟ وَيُؤْثِرُونَ عَلَىٰٓ أَنفُسِهِمْ وَلَوْ كَانَ بِهِمْ خَصَاصَةٌ ۚ وَمَن يُوقَ شُحَّ نَفْسِهِۦ فَأُو۟لَٰٓئِكَ هُمُ ٱلْمُفْلِحُونَ ﴿٩﴾ ﴾ الحشر: ٨ - ٩

*"(Muri iyo minyago kandi, harimo igice cyagenewe) abakene bimutse bameneshejwe mu ngo zabo n'imitungo yabo, (babikoze)*

[1] Qur'an 9:100
[2] Qur'an 9:117

*bashaka ingabire ziturutse kwa Allah no kwishimirwa na we, ndetse no gutera inkunga Allah n'Intumwa ye. Abo ni bo banyakuri. Naho babandi batuye mbere yabo iki gihugu (cya Madina), bahisemo ukwemera, banakunda abimutse babagana, kandi mu mitima ntibararikire ibyo (abo bimukira) bahawe, ahubwo bagaharira abandi bo biretse, kabone n'ubwo nabo ubwabo bari babikeneye. Kandi abarinzwe kugira ubugugu ni bo bazatsinda."*[1]

Iyi mirongo ya Qur'an iragaragaza ibyiza n'ibigwi by'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana muri rusange, haba abimukira *(Muhadjirina)* cyangwa se abasangwa b'i Madinat *(An'swaru)*. Ikindi kandi uragaragaza ko abasangirangendo b'abimukira ari bo beza kurusha abasangirangendo b'i Madinat, kubera ko ari bo Allah abanza kuvuga muri ibi bigwi yavuze muri iyi mirongo. Ikindi nuko abimukira baretse igihugu cyabo, imitungo yabo, ndetse n'imiryango yabo bashaka ibihembo kwa Allah, no gutabara idini rya Allah n'Intumwa ye. N'ubugenge buri muri ibi nuko bakuyemo ingorane nyinshi kurusha abasangwa b'i Madinat. Nanone Allah ashimangira ko ibyo bakoze babikoranye ukuri (Allah abishimira).

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Banemera kandi ko Allah yabwiye abantu barwanye urugamba rwa Badri barengaga magana atatu na cumi ati: "Muzakore ibyo mushaka kuko namaze kubababarira."** Hadithi ivuga ibi mu buryo burambuye iboneka mu bitabo bya Bukhari na Muslim (A-Swahihayni) mu nkuru ya Hatwib Ibun Abi Balta-at, ubwo yari ashatse kumenera abantu b'i Makkat amabanga y'uko Intumwa y'Imana igiye kubatera. Nuko Intumwa y'Imana ifata urwandiko yari yabandikiye maze Umar Ibun Al Khatwab arayibwira ati: Yewe Ntumwa y'Imana mpa uburenganzira nice iyi ndyarya! Intumwa y'Imana iramubwira iti: Yitabiriye urugamba rwa Badri, kandi

[1] Qur'an 59:8-9

abantu bitabiriye urugamba rwa Badri Allah yarababwiye ati: "Muzakore ibyo mushaka kuko namaze kubabarira."

Igisobanuro cy'ibi ntabwo ari ukuvuga ko bemerewe gukora ibyaha, ahubwo igisobanuro cyabyo ni uko uramutse akoze ibyaha muri bo Imana imushoboza kwicuza, ndetse ikanabashoboza gukora ibyiza.

Ibun Al Qayyim yavuze mu gitabo cye Al Fawa-id ati: Abantu batandukanye bagiye bagorwa no gutanga ibisobanuro by'iyi mvugo y'Intumwa y'Imana **[Muzakore ibyo mushaka kuko namaze kubabarira]** n'uko avuga imvugo zitandukanye z'abamenyi zisobanura iyi mvugo arangije aranavuga ati:

Dukeka ko icyari kigambiriwe muri iyi mvugo n'ubwo bwose Allah ari we mumenyi uhebuje. Ko iyi mvugo Allah yayibwiraga abantu yamaze kumenya neza ko batazigera badohoka ku idini yabo, ahubwo bazatabaruka ari abayisilamu beza, kandi ko bashobora kugwa mu byaha nk'iby'abandi bantu bashobora kuba bagwamo, ariko Allah akaba atabemerera ko bagumya kubikora, ahubwo ko yabashoboza kumwicuzaho ukwicuza nyako, akanabashoboza kumusaba imbabazi ndetse akanabashoboza gukora ibyiza byahanagura ibibi baramutse babikoze.

Ikindi kandi nuko uyu ari umwihariko wabo gusa bitandukanye n'abandi, kuko Allah yamaze kubibagenera ndetse anabateganyiriza imbabazi ze, kandi ntibisobanuye ko bareka impamvu zatuma bababarirwa, nta n'ubwo bisobanuye ko bareka ibyo bategetswe. Kuko iyo biza kuba bimenze gutyo ntibari gukomeza gukora amasengesho (A-Swalat), umutambagiro mutagatifu (Hidjat), ndetse no guharanira inzira y'Imana (Djihad).

Naho izina **Badri:** Ni agace kazwi kari mu nkengero z'i Madinat, ahabereye urugamba Allah yahesherejemo icyubahiro n'intsinzi idini y'Ubuyisilamu. Rwabaye mu mwaka wa kabiri nyuma yo kwimuka kw'Intumwa y'Imana (Hidj'rat) mu kwezi kwa

Ramadhan ku munsi wa Idjuma, tariki ya cumi na karindwi. Rwatabarukiyemo abayisimau cumi na bane, batandatu mu bimukira (Al Muhadjirina) n'umunani mu basangwa b'i Madinat (Al Ans'war). Naho abahakanyi barupfiriyemo bageraga kuri mirongo irindwi.

Ikindi nuko umunsi w'urugamba rwa *Badri* wiswe *Yawumul Fur'qan* (umunsi wo gutandukanya ukuri n'ikinyoma). Uyu akaba :ari nawo munsi uvugwa muri uyu murongo wa Qur'an ugira uti

قَالَ تَعَالَى: ﴿... إِن كُنتُمْ ءَامَنتُم بِٱللَّهِ وَمَآ أَنزَلْنَا عَلَىٰ عَبْدِنَا يَوْمَ ٱلْفُرْقَانِ يَوْمَ ٱلْتَقَى ٱلْجَمْعَانِ ۗ وَٱللَّهُ عَلَىٰ كُلِّ شَىْءٍ قَدِيرٌ ﴿٤١﴾﴾ الأنفال: ٤١

*"Niba mwaremeye Allah n'ibyo twahishuriye umugaragu wacu (Muhamadi) umunsi wo gutandukanya ukuri n'ikinyoma, umunsi amatsinda abiri yasakiranaga (ku rugamba rwa Badri); kandi Allah ni Ushobora byose."*[1]

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَلَقَدْ نَصَرَكُمُ ٱللَّهُ بِبَدْرٍ وَأَنتُمْ أَذِلَّةٌ ۖ فَٱتَّقُوا۟ ٱللَّهَ لَعَلَّكُمْ تَشْكُرُونَ ﴿١٢٣﴾﴾ آل عمران: ١٢٣

*"Kandi rwose Allah yarabatabaye mu rugamba rwa Badiri, kandi mwari bake. Bityo nimutinye Allah kugira ngo mushimire."*[2]

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Barengaga magana atatu na cumi…"** Uyu niwo mubare w'abarwanye urugambi rutagatifu rwa Badri nk'uko byavuzwe mu gitabo cya Bukhari (A-Swahihi).

[1] Qur'an 8:41
[2] Qur'an 3:123

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Bakanemera ko ntawe uzinjira mu muriro mu bantu bahaye isezerano Intumwa y'Imana Muhamad ryo kuzamwumvira no kuzamutera ingabo mu bitugu, nkuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabivuze. Ayo masezerano akaba yarabereye munsi y'igiti, bakanemera ko Allah yamaze kubishimira ndetse nabo baramwishimira, bakaba bararengaga igihumbi magana ane.**" Aya magambo yavuzwe hagamijwe kugaragaza agaciro k'abasangirangendo bitabiriye amasezerano yo kwishimirwa na Allah (Bay'atu A-Ridw'waan), akaba yarabereye ahitwa Hudaybiyat. Ikindi twavuga kandi nuko yabaye mu mwaka wa gatandatu mu kwezi kwa Dhil Qaadat (ukwezi kwa cumi na kumwe) ubwo ababangikanyamana babuzaga Intumwa y'Imana kwinjira mu mujyi wa Makkat nkuko byagaragajwe hejuru. Umwanditsi rero yavuze ko abitabiriye aya masezerano bafite akarusho mu buryo bubiri:

1. Kuba ntawe uzinjira mu muriro muri bo, na gihamya y'ibi ni hadithi yaturutse kwa Djabir (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

قال النبي ﷺ عنهم: لا يَدْخُلُ النارَ أحدٌ ممَن بايع تحت الشجرة (بيعة الرضوان) .

2. "Ntazinjira mu muriro uwo ari we wese wampaye isezerano mu nsi y'igiti ryo kuzanyumvira no kuzantera ingabo mu bitugu"[1]

Kuba Allah yarabishimiye, ibi bigaragara mu murongo wa Qur'an mu mvugo itomoye aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ۞ لَّقَدْ رَضِيَ ٱللَّهُ عَنِ ٱلْمُؤْمِنِينَ إِذْ يُبَايِعُونَكَ تَحْتَ ٱلشَّجَرَةِ ﴿١٨﴾ ﴾ الفتح: ١٨

[1] Yakiriwe na Muslim

"*Mu by'ukuri, Allah yishimiye abemera ubwo bagushyigikiraga (yewe Muhamadi) munsi y'igiti. (Allah).*"[1]

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: "**akaba yarabereye munsi y'igiti...**" Iki giti hari bamwe mu bamenyi bavuga ko cyari igiti cyo mu bwoko bwa Sid'ri kikaba cyari gifite amashami menshi abantu bikingagamo izuba. Nuko Intumwa y'Imana kuri uwo munsi yaraje ikicara munsi abasagirangendo baraza bayiha isezerano ryo kuzayumvira no kuzayitera ingabo mu bitugu. Icyo giti rero cyakomeje kubaho ku gihe cy'Intumwa y'Imana no ku gihe cy'ubuyobozi bwa Abu bakri, no mu bihe bya mbere by'ubuyobozi bwa Umar, nuko Umar azakubwirwa ko abantu bakigana bakahakorera amasengesho (A-Swalat) ku bwinshi, maze ategeka ko bagitema kugira ngo hatazagira abahakorera ibangikanyamana cyangwa ibihimbano.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: "**bakaba bararengaga igihumbi magana ane.**" Aha umwanditsi yabivuze ashingiye ku mubare w'impamo ugararagazwa n'abamenyi batandukanye b'ibijyanye n'amateka. Allah niwe Mumenyi uhebuje.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu sunat wal Djama-at) bahamiriza ijuru uwo ari we wese Intumwa y'Imana yahamije ko azaryinjiramo, nk'abasangirangendo icumi yarihamirije (ko bazaryinjiramo bakiri ku isi), na Thabit Ibun Qay'si Ibun Shamas, n'abandi batari abo Intumwa y'Imana yarihamirije mu basangirangendo bayo.** Bisobanuye ngo abagendera ku migenzo y'intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bahamiriza ijuru abo Intumwa y'Imana yahamirije ko bazaryinjiramo gusa, naho abo Intumwa y'Imana itigeze irihamiriza, abagendera ku migenzo y'intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) nabo ntabwo baribahamiriza, kuko baramutse baribahamirije byaba ari ukuvugira Imana ibyo

---

[1] Qur'an 48;18

itavuze, ariko bizera ko abakoze ibyiza muri bo bashobora kuzabona ijuru nkuko batinya ko abakoze ibyaha muri bo bashobora kuzahanwa. Kubyemera gutyo bikaba ari umusingi mu misingi y'imyemerere.

Naho abasangirangendo icumi Intumwa y'Imana yahamirije ko bazinjira mu ijuru ni: Abu Bakri, Umar, Uthman, Ally, Abdul Rahman Ibun Awuf, Zubay'r Ibun Al Awam, Saad Ibun Abi Waqasw, Said Ibun Zaid, Abu Ubayidat Ibun Al Djarah, na Twal'hat Ibun Ubayidillah (Imana ibishimire bose), Hadith zimpamo zigaragaza aba icumi ko Intumwa y'Imana yabahamirije ijuru.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: "**Na Thabit Ibun Qay'si Ibun Shamas."** Uyu musangirangendo w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nawe Intumwa y'Imana yamuhamirije ko azinjira mu ijuru, nkuko bigaragara muri Hadithi iboneka mu gitabo cya Bukhari (*A-Swahihi*) akaba afite ibigwi byamuranze harimo kuba yari umuvugizi *(Khatwiib*) w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: "**N'abandi batari abo Intumwa y'Imana yarihamirije mu basangirangendo bayo."** Aha twavuga nka Uqasha Ibun Mih'swan nk'uko bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana aho yayisabye ko yayisabira akaba mu bantu ibihumbi mirongo irindwi bazinjira mu ijuru nta barura bakorewe, nuko Intumwa y'Imana ikamubwira ko nawe abarimo.

Undi wahamarijwe ko azinjira mu ijuru ni Abdulah Ibun Salam nk'uko bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana ituruste kwa Saadi Ibun waqasw agira ati: Sinigeze numva Intumwa y'Imana jhari uwo ibwira agenda ku isi ko ari uwo mu ijuru, uretse Abdullah Ibun Salamu.[1]

---

[1] Yakiriwe na Bukhari

Undi wahamarijwe ko azinjira mu ijuru ni Muadh Ibun Djabal, nkuko byaje mu mvugo y'Intumwa y'Imana igira iti: Muadh Ibun Djabal azaza ku munsi w'imperuka ari imbere y'abandi bamenyi yabasizeho intambwe.

Undi wahamarijwe ko azinjira mu ijuru ni Bilal Ibun Rabah, nkuko byaje mu mvugo y'Intumwa y'Imana imubwira iti: Numvise imirindi y'intambwe zawe mu ijuru!

Abandi bahamarijwe ko bazinjira mu ijuru ni Al Hassan na Al Hussein (abuzukuru b'Intumwa y'Imana). Nkuko bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Muslim Ibun Yassar Al An'swariy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عَنْ مُسْلِمِ بْنِ يَسَارٍ الْأَنْصَارِيِّ قَالَ : قَالَ رَسُولُ اللَّهِ ﷺ : الْحَسَنُ وَالْحُسَيْنُ سَيِّدَا شَبَابِ أَهْلِ الْجَنَّةِ.

"Al Hassan na Al Hussein bazaba ari abatware b'abasore bazaba bari mu ijuru."[1] Ndetse n'abandi Intumwa y'Imana yahamirije ko ari abo mu ijuru.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu sunat wal Djama-at*) kandi bemeza imvugo zamenyekanye ko zaturutse ku muyobozi w'abemeramana Ally Ibun Abi Twalib (Imana imwishimire) ndetse n'abandi, zivuga ko nyuma y'Intumwa y'Imana, umwiza mu bayoboke bayo ari: Abubakri hagakurikiraho Umar. Hanyuma bagakurikizaho uwa gatatu ari we Uth'man, naho Ally bakamugira uwa kane (Imana ibishimire bose).**

---

[1] Yakiriwe na Bukhari

No muri zo mvugo twavugamo nk'iyaturutse kwa Abdullah Ibun Umar (Imana imwishimire we na se) aho yavuze ati:

عن عبد الله بن عمر رضي الله تعالى عنهما قال: كنا نخير بين الناس في زمن النبي ﷺ فنخير أبا بكر، ثم عمر بن الخطاب، ثم عثمان بن عفان رضي الله عنهم.

"Ku gihe cy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) twajyaga duhitishwamo gutoranya umwiza muri twe, tugahitamo Abubakar hanyuma Umar Ibun Al Khatwab hanyuma Uth'man Ibun Afan."[1]

Indi mvugo ni iyaturutse kwa Muhamad Ibun Al Hanafiyat yaravuze ati: Nabajije Data (Ally Ibun Abi Twalib) nti:

ففي صحيح البخاري عن محمد بن الحنفية أنه قال:قلت لأبي: أي الناس خير بعد رسول الله ﷺ ؟ قال: أبو بكر، قلت: ثم من؟ قال: عمر، وخشيت أن يقول عثمان قلت: ثم أنت؟ قال: ما أنا إلا رجل من المسلمين.

Ni uwuhe muntu mwiza nyuma y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Nuko aransubiza ati: Ni Abubakari. Ndongera ndamubaza nti: Nyuma ye ni inde ukurikira? Aransubiza ati: Ni Umar Ibun Al Khatwab. Maze ntinya kumubaza ko yambwira ko ukurikira ari Uth'man, nuko ndamubaza nti: Hanyuma hakurikiraho wowe? Aransubiza ati: Njye nta cyo ndi cyo usibye ko ndi umwe mu bayisilamu."[2]

Bityo rero niba Ally (Imana imwishimire) ku gihe cy'ubuyobozi bwe yarivugiraga ati: Mu by'ukuri nyuma y'Intumwa y'Imana umwiza mu bayoboke bayo ni Abubakar hanyuma Umar. Ubwo

[1] Yakiriwe na Bukhari
[2] Yakiriwe na Bukhari

rero bihita bigaragaza ko ibyo Abashiya bavuga bamurutisha Abubakar na Umar nta shingiro bifite.

Izi mvugo za Ally (Imana imwishimire) zisubiza abo mu gatsiko k'abitwa *A-Shiyat* kavuga kakanemera ko Ally ari mwiza kurusha Abubakar, Umar, kakanavuga ko ariwe wari ukwiye kuba umuyobozi w'abemera nyuma y'Intumwa y'Imana atari abo babiri, bigatuma banenga ubuyobozi bwabo.

Ibi tuvuze bikubiyemo ibintu bibiri:

1. Ibigendanye n'ubuyobozi (*Khilafat*).
2. Ibigendanye n'uburyo barutanwa mu bigwi.

Naho ibigendanye n'ubuyobozi, abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) harimo n'abasangirangendo bemeranyijwe ko uwari ukwiye kuba umuyobozi nyuma y'Intumwa y'Imana ari Abubakri, hanyuma Umar, hanyuma Uthman, hanyuma Ally (Imana ibishimire bose).

Naho ibigendanye n'uko barutanwa mu bigwi, abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bemeranyijwe ko urusha abandi ibigwi nyuma y'Intumwa y'Imana mu bayoboke be ari Abubakar, hanyuma Umar, nkuko imvugo zamenyekanye ziturutse kuri Ally Ibun Abi Twalib (Imana imwishimire) zibigaragaza.

Naho hagati ya Uth'man na Ally, abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) ntibavuze rumwe k'urusha undi ibigwi, aha umwanditsi yagaragaje imvugo eshatu z'abamenyi ku bigendanye n'ibi, aho agira ati: **Nuko bamwe babanza Uth'man mbere ya Ally barekeraho, cyangwa se Ally bakamugira uwa kane. Abandi bavuga ko Ally ari we ubanza mbere ya Uth'man, abandi barifashe.**

Nyuma umwanditsi yagaragaje imvugo ifite ireme muri izi eshatu ko ari iya mbere igaragaza ko Uth'man ari we ubanza mbere ya Ally, kubera impamvu zikurikira:

1-Nuko uku ari ko imvugo zivuga ibigwi bya Uth'man Ibun Afan (Imana imwishimire) zibigaragaza.

2-Kuba abasangirangendo b'Intumwa y'Imana baremeranyijwe ko Uth'man Ibun Afan ari we uhabwa ubuyobozi mbere ya Ally Ibun Abi Twalib, kandi ibi bigaragaza ko ari we wari umunyabigwi kurusha Ally, kubera ko uko bakurikirana mu bigwi ni nako bakurikiranye mu buyobozi.

3-Nuko abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) byari bizwi kuri bo ko Uth'man aza imbere ya Ally, nkuko twabigaragaje ko abasangirangendo b'Intumwa y'Imana bashyigikiye Uthman ko ari we waba umuyobozi mbere ya Ally.

Abdul Rahman Ibun Awuf yabwiye Ally Ibun Twalib ati: Nitegereje abantu nsanga nta we babanza imbere ya Uth'man (nyuma ya Abubakar na Umar).

Abu Ayub nawe yaravuze ati: Utabanza Uth'man mbere ya Ally, uwo aba asuzuguye abimukira b'i Makkat (*Muhadjirina*) n'abasangwa b'i Madinat (*Al An'swar*), kuko bo babanzaga Uth'man mbere ya Ally (Imana ibishimire bose).

Iyi ikaba ari gihamya igaragaza ko Uth'man yabanzwaga mbere ya Ally, kuko abasangirangendo bamuhisemo baranamushyigikira nyuma y'uko bari bamaze kujya inama. Ikindi nuko Ally Ibun Abi Twalib yari muri bamwe mu bamushyigikiye ubwo yabaga umuyobozi.

## حكم تقديم علي رضي الله عنه على غيره من الخلفاء الأربعة في الخلافة

**Itegeko rireba ushyira Ally imbere y'abandi basigire bane b'Intumwa y'Imana (*Al Khulafa-u*) ku buyobozi.**

وَإِنْ كَانَتْ هَذِهِ الْمَسْأَلَةُ ـ مَسْأَلَةُ عُثْمَانَ وَعَلِيٍّ ـ لَيْسَتْ مِنَ الأُصُولِ الَّتِي يُضَلَّلُ الْمُخَالِفُ فِيهَا عِنْدَ جُمْهُورِ أَهْلِ السُّنَّةِ. لَكِنِ الَّتِي يُضَلَّلُ فِيهَا: مَسْأَلَةُ الْخِلاَفَةِ، وَذَلِكَ أَنَّهُمْ يُؤْمِنُونَ أَنَّ الْخَلِيفَةَ بَعْدَ رَسُولِ اللهِ ﷺ: أَبُو بَكْرٍ، وَعُمَرُ، ثُمَّ عُثْمَانُ، ثُمَّ عَلِيٌّ. وَمَنْ طَعَنَ فِي خِلاَفَةِ أَحَدٍ مِنْ هَؤُلاءِ؛ فَهُوَ أَضَلُّ مِنْ حِمَارِ أَهْلِهِ.

**N'ubwo bwose iki kibazo cy'irutana rya Uthman na Ally kitari mu misingi uwayitandukira byavugwa ko yayobye, nkuko abenshi mu bamenyi b'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) babivuga, ariko icyatuma bivugwa ko yayobye ni igihe atandukiriye mu birebana n'ubuyobozi (*Khilafat*). Kubera ko abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bemera ko nyuma y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ubuyobozi bwari ubwa Abubakri, hanyuma Umar, hanyuma Uth'man hanyuma Ally. N'uzanenga ubuyobozi bw'umwe muri bo azaba yarayobye kurusha indogobe yabuze ba nyirayo.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Aha umwanditsi (Imana imugirire impuhwe) yerekanye ibintu bibiri ari byo:

Kubanza Ally imbere ya Uth'man mu bigwi, no kumubanza imbere y'abandi basigire b'Intumwa y'Imana ku bigendanye n'ubuyobozi mu rwego rwo kwerekana uburyo kumubanza biteye inkeke.

Nuko yerekana ko ibyerekeye no kubanza Ally imbere ya Uthman bidatuma ubikoze bivugwa ko yayobye, kubera ko abamenyi batabivuzeho rumwe, n'ubwo imvugo ifite ireme ari uko Uth'man abanzwa imbere ya Ally mu bigwi.

Naho ibyerekeranye no kubanza Ally imbere y'abandi basangirangendo b'Intumwa y'Imana ku byerekeye ubuyobozi, cyangwa se akamurutisha Abubakar na Umar mu bigwi, ubyemera gutyo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bavuga ko yayobye.

Bityo rero abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bemera ko umusigire wa mbere akaba n'umuyobozi w'abayisilamu nyuma y'Intumwa y'Imana ari Abubakari A-Swidiqi (Imana imwishimire) kubera ko yari mwiza kuruta abandi, no kuba ari mu ba mbere babaye abasilamu no mu byiza, no kuba Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaramushyiraga imbere y'abandi basangirangendo, ndetse no kuba abasangirangendo b'Intumwa y'Imana bose uko bakabaye baramushyigikiye kugira ngo abe umuyobozi.

Hanyuma abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bemera ko umuyobozi wakurikiye Abubakri ari Umar Ibun Al Khatwab (Imana imwishimire) kubera ko yari mwiza kuruta abandi nyuma ya Abu Bakri, no kubera ko yari mu ba mbere babaye abayisilamu, ndetse no kuba Abubakar yari yarifuje ko ari we waba umuyobozi nyuma ye, no kuba abasangirangendo baramwemeranyijeho nyuma ya Abubakar.

Ikindi nuko abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bemera ko umuyobozi wakurikiye Umar ari Uthman Ibun Afan (Imana imwishimire), kubera ko abasangirangendo bari bagize akanama ngishwanama ari we babonye ugomba kuyobora, no kuba abasangirangendo bose baramwemeranyijweho.

Hanyuma abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bemera ko umuyobozi wakurikiye Uthman ari Ally Ibun Abi Twalib (Imana imwishimire) kubera ko yari mwiza kuruta abandi nyuma y'abo basigire b'Intumwa y'Imana batatu, no kuba abasangirangendo baramuhurijeho.

Aba tuvuze nibo basigire bane b'Intumwa y'Imana bavuzwe muri Hadith yaturutse kwa Ir'badw Ibun Sariyat (Imana imwishimire) aho avuga ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عَنْ أَبِي نَجِيحٍ العِرْباضِ بنِ سارِيَةَ رَضْيَ اللهُ عنه قَالَ: وَعَظنا رَسولُ اللهِ ﷺ موعظةً بلِيغةً وَجِلتْ منها القلوبُ، ... فعليكم بِسُنَّتِي وسُنَّةِ الخلفاءِ الراشدينَ المهديينَ، عَضُّوا عليها بالنَّواجذِ، وإيَّاكم ومُحدثاتِ الأمورِ، فإنَّ كُلَّ بِدعةٍ ضَلالةٌ». رواه أبو داود والترمذي، وقال: «حديثٌ حسَنٌ صَحِيح.

"...Muzashikame ku migenzo yanjye, ndetse n'imigenzo y'abasigire banjye bayobotse bakanayobora abandi nyuma yanjye..."[1]

Kubera iyo mpamvu umwanditsi yavuze ati: "...**n'uzanenga ubuyobozi bw'umwe muri bo...**" Bisobanuye ngo umwe muri bariya basigire b'Intumwa y'Imana bane, **azaba yarayobye kurusha indogobe yabuze ba nyirayo,** kubera ko azaba anyuranyije na gihamya ndetse n'ibyo abamenyi bemeranyijweho kandi adafite icyo ashingiyeho. Abo ni nk'abo mu gatsiko k'abitwa *A-Shiyat*, bavuga ko ubuyobozi nyuma y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bwari bukwiye guhabwa Ally Ibun Abi Twalib

[1] Hadithi yakiriwe na Abu Daud na Tir'midh avuga ko ari Hadithi nziza y'impamo.

Icyo twavuga ku byerekeye kurutisha Ally abandi basigire batatu b’Intumwa y’Imana mu ncamake ni ibi bikurikira:

1. Abamurutisha ku byerekeye ubuyobozi bakabona ko ari we wari ukwiriye kuyobora mbere yabo, abo barayobye nk’uko abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) babyemeranywaho.

2. Abamurutisha Abubakri na Umar mu bigwi bakavuga ko yari mwiza kubaruta, abo nabo barayobye. Naho ababona ko ari mwiza kuruta Uth’man abo bo ntabwo abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bavuga ko bayobye, kuko abamenyi ntibabivuzeho rumwe, n’ubwo bwose baba banyuranyije n’ikiri ukuri.

## مكانة أهل بيت النبي ﷺ عند أهل السنة والجماعة

**Agaciro abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu sunat wal Djama-at*) baha abantu bo mu muryango w’Intumwa y’Imana.**

وَيُحِبُّونَ أَهْلَ بَيْتِ رَسُولِ اللهِ ﷺ ، وَيَتَوَلَّوْنَهُمْ، وَيَحْفَظُونَ فِيهِمْ وَصِيَّةَ رَسُولِ اللهِ ﷺ: حَيْثُ قَالَ يَوْمَ غَدِيرِ خُمٍّ: "أُذَكِّرُكُمُ اللهَ فِي أَهْلِ بَيْتِي". وَقَالَ أَيْضًا لِلْعَبَّاسِ عَمِّه ـ وَقَدِ اشْتَكَى إِلَيْهِ أَنَّ بَعْضَ قُرَيْشٍ يَجْفُو بَنِي هَاشِمٍ ـ فَقَالَ: "وَالَّذِي نَفْسِي بِيَدِهِ؛ لاَ يُؤْمِنُونَ حَتَّى يُحِبُّوكُمْ للهِ؛ وَلِقَرَابَتِي". وَقَالَ: "إِنَّ اللهَ اصْطَفَى بَنِي إِسْمَاعِيلَ، وَاصْطَفَى مِنْ بَنِي إِسْمَاعِيلَ كِنَانَةَ، وَاصْطَفَى مِنْ كِنَانَةَ قُرَيْشًا، وَاصْطَفَى مِنْ قُرَيْشٍ بَنِي هَاشِمٍ، وَاصْطَفَانِي مِنْ بَنِي هَاشِمٍ".

**Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) kandi bakunda abantu bo mu muryango w'Intumwa y'Imana bakabashyigikira ndetse bakabarwanira n'ishyaka, ari nako bashyira mu bikorwa umurage Intumwa y'Imana yabaraze ku bantu bo mu muryango wayo, aho yavuze ubwo bari ahantu hitwa *Ghadiir Khummi* igira iti: "Ndabibutsa ibyo Allah yabategetse ku bijyanye n'abantu bo mu muryango wanjye."**

**Nanone Intumwa y'Imana yabwiye se wabo Abas ubwo yamuregeraga bamwe mu ba Qurayishi batahaga agaciro bene Hashim (umuryango w'Intumwa y'Imana) imusubiza igira iti: "Ndahiriye k'ufite roho yanjye mu kuboko kwe, ntibaremera cyeretse babanje kubakunda kubera Imana, ndetse bakanabakundira ko muri abantu bo mu muryango wanjye."**

**Intumwa y'Imana yaranavuze iti: "Mu by'ukuri Allah yatoranyije bene Ismail, anatoranya muri bo abakomoka kuri Kinana, anatoranya mu bakomoka kuri Kinanat aba Qurayishi, anatoranya mu bakomoka kuri Qurayishi bene Hashim, maze nanjye antoranya muri bene Hashim."**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Umwanditsi hano aragaragaza agiciro abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) baha abo mu muryango w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Nimvugo y'umwanditsi igira iti: **kandi bakunda abantu bo mu muryango w'Intumwa y'Imana bakabashyigikira ndetse bakabarwanira n'ishyaka.** Umuryango w'Intumwa y'Imana ugamijwe hano, ni abo kizira kuri bo kwakira no guhabwa amaturo (A-Zakat) ari bo; umuryango wa Ally Ibun Abi Twalib, umuryango wa Dja'afar, umuryango wa Aqiil, umuryango wa Al Abass hamwe n'umuryango wa Al Harith Ibun Abdul Mutwalib.

Hakaninjiramo abagore b'Intumwa y'Imana n'abana bayo. Nkuko bishimangirwa n'imvugo ya Allah igira iti:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿وَقَرْنَ فِي بُيُوتِكُنَّ وَلَا تَبَرَّجْنَ تَبَرُّجَ ٱلْجَٰهِلِيَّةِ ٱلْأُولَىٰ ۖ وَأَقِمْنَ ٱلصَّلَوٰةَ وَءَاتِينَ ٱلزَّكَوٰةَ وَأَطِعْنَ ٱللَّهَ وَرَسُولَهُۥٓ ۚ إِنَّمَا يُرِيدُ ٱللَّهُ لِيُذْهِبَ عَنكُمُ ٱلرِّجْسَ أَهْلَ ٱلْبَيْتِ وَيُطَهِّرَكُمْ تَطْهِيرًا ﴿٣٣﴾﴾ الأحزاب: ٣٣

*"Mujye munaguma mu ngo zanyu kandi ntimukagaragaze imitako yanyu nk'uko (abagore bo mu bihe) by'ubujiji babikoraga. Mujye muhozaho amasengesho (Swalat), mutange amaturo (Zakat) kandi mwumvire Allah n'Intumwa ye. Mu by'ukuri, yemwe bantu bo mu rugo (rw'Intumwa)! Allah arashaka kubezaho (ibibi n'ibyaha) kandi (arashaka) kubasukura byimazeyo."*[1]

Ku bw'iyo mpamvu abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bakunda abo mu muryango w'Intumwa y'Imana, barabubaha ndetse bakanabaha agaciro, ibyo bakabikora mu rwego ro kubaha Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) no kuyihesha agaciro, kubera ko Allah n'Intumwa ye bagiye bategeka guha agaciro umuryango muri gihamya zitandukanye. Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿...قُل لَّآ أَسْـَٔلُكُمْ عَلَيْهِ أَجْرًا إِلَّا ٱلْمَوَدَّةَ فِي ٱلْقُرْبَىٰ ۗ ﴿٢٣﴾﴾ الشورى: ٢٣

*"...Vuga (yewe Muhamadi) uti: "(Kubagezaho ubutumwa) simbibasabira igihembo (yemwe bantu ba Makka), usibye gusa urukundo rw'isano (mfitanye namwe)..."*[2]

Hari n'imvugo z'Intumwa y'Imana zishimangira agaciro ku muryango w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) umwanditsi yagaragaje muri iki cyigwa.

---

1 Qur'an 33:33
2 Qur'an 42:23

Ikindi nuko abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana, bakunda abo mu muryango w'Intumwa y'Imana igihe nabo bakurikira imigenzo y'Intumwa ndetse banayishikamyeho kandi ari abayisilamu, nkuko ababanjirije bari bayishikamyeho nka Al Abass n'umuryango we ndetse na Ally n'umuryango we. Naho uwaba muri bo atari umuyisilamu mwiza ntanagendere ku imigenzo y'Intumwa yImana nk'uko bikwiye ndetse ntanayishikameho ntabwo biba byemewe kumukunda.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: (babakunda) **ari nako bashyira mu bikorwa umurage Intumwa y'Imana yabaraze ku bantu bo mu muryango wayo.** Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana bakunda abo mu muryango w'Intumwa y'Imana kubera igihango n'impanuro bahawe n'Intumwa y'Imana ubwo yari igeze mu kibaya cya *Ghadiirkhum* ivuye gukora umutambagiro mutagatifu wo gusezera (*Hidjati Al Wadaa*) tariki ya cumi n'umunane ukwezi kwa cumi na kabiri. Iki kibaya giherereye hagati ya Makkat na Madinat ugiye kugera *Al Djuh'fat.* Intumwa y'Imana igeze hano yarururutse iha abantu inyigisho zitandukanye inababwira amagambo akurikira igira iti: **"Ndabibutsa ibyo Allah yabategetse ku bijyanye n'abantu bo mu muryango wanjye."** Bisobanuye ngo ndabibutsa ibyo Allah yabategetse ku byo mugomba umuryango wanjye mu kububaha no kubarwanira ishyaka ndetse no kubaha ukuri kwabo babagomba.

Icyo Intumwa y'Imana yashakaga kuvuga aha, n'uko umunsi abantu batesheje agaciro umuryango w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) n'uko Allah azabahana, kandi nibawitaho bakawuha ukuri kwawo ubagomba Allah azabibahembera.

Ikindi twakwibutsa nuko kuba umuryango w'Intumwa y'Imana ugomba guhabwa agaciro, bidasobanuye kurengera no kuwukabiriza ndetse no kuwuzamura mu rwego utahawe.

Aha tukanenga agatsiko k'abashiya kitwaza gukunda umuryango w'Intumwa y'Imana, kakubaka indi myemerere itandukanye n'imyemerere ya Isilamu ndetse inanyuranyije n'imigenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Nanone Intumwa y'Imana yabwiye se wabo Abas ubwo yamuregeraga bamwe mu ba Qurayishi batahaga agaciro bene Hashim (umuryango w'Intumwa y'Imana).**" Ugamijwe hano ni Al Abass mwene Abdul Mutwalib mwene Hashim mwene Abdul Manaf, wari waje kuregera Intumwa y'Imana imyitwarire ya bamwe mu ba Kurayshi badahaga agaciro umuryango w'Intumwa y'Imana, Ingtumwa Intumwa y'Imana imusubiza muri aya magambo akurikira: "**Ndahiriye k'ufite roho yanjye mu kuboko kwe, ntibaremera cyeretse babanje kubakunda kubera Imana, ndetse bakanabakundira ko muri abantu bo mu muryango wanjye."** Bisobanuye ko abitwara gutyo muri bo badafite ukwemera kuzuye bategetswe keretse babanje kugira urukundo rw'umuryango wanjye.

Ikindi nuko urwo rukondo rugomba gushingira ku bintu bibiri:

1. Kubakunda mu rwego rwo kwiyegereza Allah, kubera abagize umuryango w'Intumwa y'Imana bari mu bakunzi be.

2. Nuko ari abanyamuryango w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ibyo bikavamo gushimisha Intumwa y'Imana no kuyiha agaciro.

Naho imvugo y'Intumwa y'Imana igira iti: **"Mu by'ukuri Allah yatoranyije bene Ismail, anatoranya muri bo abakomoka kuri Kinana, anatoranya mu bakomoka kuri Kinanat aba Qurayishi, anatoranya mu bakomoka kuri Qurayishi bene Hashim, maze nanjye antoranya muri bene Hashim."** Allah kuba yaratoranyije Intumwa y'Imana nuko yari ibikwiye.

Naho Is’mail uvugwa aha ni umuhungu wa Ibrahim Intumwa y’Imana (Imana imuhe amahoro n’imigisha). Ikindi nuko Kinanat ari izina ryitiriwe ubwoko bukomoka kuri uwo kinanat.

Igisekuru cy’Intumwa y’Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha) ni iki gikurikira:

*Muhamad mwene Adullah mwene Abdul Mutwalib mwene Hashim mwene Abdul Manaf mwene Quswayi mwene Kilab mwene Murat mwene Ka’abu mwene Lu-ayi mwene Ghalib mwene Fah’ri mwene Malik mwene Nadw’ri mwene Kinanat mwene Khuzaymat mwene Mudrakat mwene Iliyas mwene Mudwari mwene Nizari mwene Ma-adi mwene Adnani.*

N’ikigambiriwe muri Hadith ni ukugaragaza agaciro k’abarabu, kandi ko ubwoko bw’aba Kurayishi ari bwo bufite agaciro gakomeye kurusha andi moko y’abarabu.

Ikindi nuko bene Hashim ari bo bafite agaciro mu bwoko bw’aba Kurayishi. Kandi Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ni we ufite agaciro muri bene Hashim, niwe kiremwa cyiza ndetse ni nawe ufite igisekuru cyiza.

Ikindi iyi Hadithi iragaragaza agaciro ka bene Hashim kubera ko ari bo umuryango w’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) ukomokaho.

## مكانة أَزْوَاجَ النبي ﷺ عند أهل السنة والجماعة

**Agaciro abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) baha abagore b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).**

وَيَتَوَلَّوْنَ أَزْوَاجَ رَسُولِ اللهِ ﷺ أُمَّهَاتِ الْمُؤْمِنِينَ، وَيُؤْمِنُونَ بِأَنَّهُنَّ أَزْوَاجُهُ فِي الآخِرَةِ: خُصُوصًا خَدِيجَةَ رَضِيَ اللهُ عَنْهَا أُمَّ أَكْثَرِ أَوْلَادِهِ، وَأَوَّلَ مَنْ آمَنَ بِهِ وَعَاضَدَهُ عَلَى أَمْرِهِ، وَكَانَ لَهَا مِنْهُ الْمَنْزِلَةُ الْعَالِيَةُ. وَالصِّدِّيقَةَ بِنْتَ الصِّدِّيقِ رَضِيَ اللهُ عَنْهَا، الَّتِي قَالَ فِيهَا النَّبِيُّ ﷺ : "فَضْلُ عَائِشَةَ عَلَى النِّسَاءِ كَفَضْلِ الثَّرِيدِ عَلَى سَائِرِ الطَّعَامِ".

**Ikindi kandi abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) banakunda ndetse bakarwanira ishyaka abagore b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ba nyina b'abemeramana, bakanemera ko kandi bazaba ari n'abagore b'ayo ku munsi w'imperuka, by'umwihariko Khadidjat (Imana imwishimire) nyina wa benshi mu bana b'Intumwa y'Imana, akaba n'uwa mbere wamwemeye ndetse akanamushyigikira mu dini, akaba yari anafite urwego ruhebuje ku Ntumwa y'Imana. N'umunyakurikazi (Aishat) umukobwa w'umunyakuri [Abubakar] (Imana ibishimire bombi). Uwo Intumwa y'Imana yavuze igira iti: "Agaciro Aishat arusha abandi bagore ni nk'agaciro umugati w'inyama (*Thariid*) urusha ibindi biryo (by'abarabu)."[1]**

[1] Yakiriwe na Bukhari na Muslim ndetse n'abandi.

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Umwanditsi (Allah amugirire impuhwe) yagaragaje imyemereye n'imyizerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) ku byerekeye agaciro baha abagore b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), mu kubakunda ndetse no kububaha, no kubasabira ku Mana ko ibishimira, ndetse no kwitandukanya n'uwo ari we wese ubatuka.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Kubera ko ari ba nyina b'abemeramana.**" Kubera iyo mpamvu abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana barabakunda bakanabubaha, ndetse bakanaha agaciro amasezerano yabo yo gushyingiranwa n'Intumwa y'Imana, ko badashobora kubarongora nyuma yo gupfa kw'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).

Naho andi mategeko nko kwihererana n'igitsina gabo kuri bo ni ikizira nkuko kizira no ku bandi bagore muri rusange.

Gihamya ziziririza kurongora abagore b'Intumwa y'Imana n'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ٱلنَّبِيُّ أَوۡلَىٰ بِٱلۡمُؤۡمِنِينَ مِنۡ أَنفُسِهِمۡۖ وَأَزۡوَٰجُهُۥٓ أُمَّهَٰتُهُمۡۗ ... ٦ ﴾ الأحزاب: ٦

*"Umuhanuzi (Muhamadi) ni we ufite agaciro ku bemera kurusha ako bifiteho ubwabo, ndetse n'abagore be ni ababyeyi babo…"*[1]

Kuba abagore b'Intumwa y'Imana bariswe ababyeyi b'abemeramana, byari mu rwego rwo kubaha agaciro n'icyubahiro babagomba, ntibivuze ko bemerewe kwihererana nabo nk'uko bakwihererana na ba nyina bababyara. Ikindi twavuga n'uko baziririjwe kubarongora bo ubwabo, hatarimo abakobwa babo cyangwa se abavandimwe b'abo bagore b'Intumwa y'Imana.

---

[1] Qur'an 33:6

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَا كَانَ لَكُمْ أَن تُؤْذُوا۟ رَسُولَ ٱللَّهِ وَلَآ أَن تَنكِحُوٓا۟ أَزْوَٰجَهُۥ مِنۢ بَعْدِهِۦٓ أَبَدًا ۚ إِنَّ ذَٰلِكُمْ كَانَ عِندَ ٱللَّهِ عَظِيمًا ﴿٥٣﴾ ﴾ الأحزاب: ٥٣

*"...Kandi ntibikwiye ko mubangamira Intumwa ya Allah ndetse ntibinakwiye na rimwe kurongora abagore bayo nyuma y'uko itabarutse. Mu by'ukuri, ibyo ni icyaha gihambayeimbere ya Allah."*[1]

Mu mpamvu abandi bantu batemerewe kurongora abagore b'Intumwa y'Imana, n'uko ari abagore bayo hano ku isi ndetse no ku munsi w'imperuka.

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَإِذَا سَأَلْتُمُوهُنَّ مَتَٰعًا فَسْـَٔلُوهُنَّ مِن وَرَآءِ حِجَابٍ ۚ ذَٰلِكُمْ أَطْهَرُ لِقُلُوبِكُمْ وَقُلُوبِهِنَّ ۚ... ﴿٥٣﴾ ﴾ الأحزاب: ٥٣

*"…Nimushaka kugira icyo mubasaba (abagore b'intumwa), mujye mukibasabira inyuma y'urusika; ibyo ni byo byeza imitima yanyu ndetse n'iyabo."*[2]

Ikindi twavuga n'uko Intumwa y'Imana yatabarutse isize abagore icyenda ari bo: *Aishat, Hafswat, Zaynabu bin'ti Djah'shi, Hindu Bin'ti Abi Umayat ari we (Umu Salamat), Swafiyat, Maymunat, Umu Habibat, Sawudat ndetse na Djuwayriyat (Allah abishimire bose).*

[1] Qur'an 33:53
[2] Qur'an 33:53

Naho Khadidjat we yari yaramurongoye mbere y'uko ahabwa ubutumwa, kandi ntiyigeze amuharika kugeza apfuye. Khadidjat amaze gupfa Intumwa y'Imana yarongoye Zaynabu Bin'ti Khuzaymat Al Hilaliy maze ntiyamarana nawe uretse igihe gito maze nawe arapfa. Abagore b'Intumwa y'Imana bose muri rusange hari abo yarongoye atari amasugi (baratandukanye n'abagabo babo), hari n'uwo yarongoye ari isugi (Aishat), bose hamwe bari cumi n'umwe (Allah abishimire bose).

Ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**bakanemera ko kandi bazaba ari n'abagore b'ayo ku munsi w'imperuka, by'umwihariko Khadidjat (Imana imwishimire) nyina wa benshi mu bana b'Intumwa y'Imana, akaba n'uwa mbere wamwemeye ndetse akanamushyigikira mu dini, akaba yari anafite urwego ruhebuje ku Ntumwa y'Imana.**" Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) mu mpamvu zikomeye zituma baha agaciro abagore b'Intumwa y'Imana, nuko banemera ko ari abagore be mu ijuru, by'umwihariko ako gaciro bakagaha Khadidjat kubera impamvu zitandkanye umwanditsi yagaragaje harimo:

1 Kuba ari we nyina w'abana benshi b'Intumwa y'Imana, kubera ko Intumwa y'Imana yari ifite abana barindwi, batandatu bose babyawe na Khadidjat, naho undi umwe yabyawe na Mariyat Al Qib'twiyat.

2 Kuba ari we wa mbere wemeye Intumwa y'Imana Muhamad.

3 Kuba ari we wa mbere mu gufasha no gutera ingabo mu bitugu Intumwa y'Imana mu gusakaza ubutumwa bw'Imana ku ikubitiro.

4 Kuba Intumwa y'Imana yaramuhaye agaciro gakomeye ikagaragaza ko imukunda, ndetse ikanakunda kumuvuga ibigwi kenshi.

Naho imvugo y'Intumwa y'Imana igira iti: **N'umunyakurikazi (Aishat) umukobwa w'umunyakuri [Abubakar] (Imana ibishimire bombi).”**Aha harimo kugaragaza ko mu bagore bafite umwihariko ku Ntumwa y'Imana harimo Aishat (Imana imwishimire). Mu bituma ahabwa aka gaciro harimo:

1-Kuba Intumwa y'Imana yaramukundaga kurusha abandi bagore bayo.

2-Kuba ari yo sugi Intumwa y'Imana yarongoye gusa.

3-Kuba hari igihe ubutumwa bwamanukiraga Intumwa y'Imana yiyoroshe amashuka yo mu rugo kwa Aishat.

4-Kuba Allah yaramugize umwere ku bamuharabitse bamubeshyera ubusambanyi.

5-Kuba ari mugore wari usobanukiwe idini cyane kurusha abandi.

Ibyo bikanashimangirwa n'uko iyo abasangirangendo bagiraga ikibazo cy'ubumenyi nyuma y'Intumwa y'Imana, ari mu bo bajyaga gusobanuza.

6-Kuba Intumwa y'Imana yarapfiriye mu rugo rwe, kandi ayicigatiriye mu gituza cye, inashyingurwa mu cyumba cye. N'ibindi byiza byinshi bye tutavuga ngo turondore.

Naho mu bishimangira agaciro ka Aishat umwanditsi yakomojeho, ni imvugo y'Intumwa y'Imana igira iti: **“Agaciro Aishat arusha abandi bagore ni nk'agaciro umugati w'inyama (*Thariid*) urusha ibindi biryo (by'abarabu).”**

Ikindi twavuga ku Ntumwa y'Imana nuko kuba yararongoye abagore barenze bane byari umwihariko we. Nkuko Allah abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ يَٰٓأَيُّهَا ٱلنَّبِيُّ إِنَّآ أَحْلَلْنَا لَكَ أَزْوَٰجَكَ ٱلَّٰتِيٓ ءَاتَيْتَ أُجُورَهُنَّ وَمَا مَلَكَتْ يَمِينُكَ مِمَّآ أَفَآءَ
ٱللَّهُ عَلَيْكَ وَبَنَاتِ عَمِّكَ وَبَنَاتِ عَمَّٰتِكَ وَبَنَاتِ خَالِكَ وَبَنَاتِ خَٰلَٰتِكَ ٱلَّٰتِي هَاجَرْنَ مَعَكَ وَٱمْرَأَةً مُّؤْمِنَةً
إِن وَهَبَتْ نَفْسَهَا لِلنَّبِيِّ إِنْ أَرَادَ ٱلنَّبِيُّ أَن يَسْتَنكِحَهَا خَالِصَةً لَّكَ مِن دُونِ ٱلْمُؤْمِنِينَ ۗ قَدْ عَلِمْنَا مَا
فَرَضْنَا عَلَيْهِمْ فِيٓ أَزْوَٰجِهِمْ وَمَا مَلَكَتْ أَيْمَٰنُهُمْ لِكَيْلَا يَكُونَ عَلَيْكَ حَرَجٌ ۗ وَكَانَ ٱللَّهُ
غَفُورًا رَّحِيمًا ﴿٥٠﴾ ﴾ الأحزاب: ٥٠

*"Yewe Muhanuzi (Muhamadi)! Mu by'ukuri, twakuziruriye (kurongora) abagore bawe wahaye inkwano, abaja utunze Allah yaguhaye nk'iminyago, abakobwa ba so wanyu, abakobwa ba ba nyogosenge, abakobwa ba nyokorome, abakobwa ba ba nyoko wanyu bimukanye nawe (muva i Maka mujya i Madina), n'umugore (uwo ariwe wese) w'umwemeramanakazi uramutse yihaye nk'impano umuhanuzi (Muhamadi), hanyuma umuhanuzi akemera kumurongora (nta nkwano amutanzeho, yabikora); (ariko ibyo) ni umwihariko wawe ntibireba abandi bemeramana. Rwose tuzi neza ibyo twabategetse (mu kurongora) abagore babo (batarengeje bane) n'abaja babo, kugira ngo bitazakubera imbogamizi (igihe ugize abo washaka kurongora). Kandi Allah ni Ubabarira ibyaha, Nyirimbabazi."*[1]

N'undi mwihariko Intumwa y'Imana yagize ni ugushyingurwa mu cyumba cya Aishat. Ibi bigashimangirwa na Hadith yaturutse kwa Abubakar Swidiq (Imana imwishimire) yavuze ko yumvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivugaiti:

[1] Qur'an 33:50

قال أبو بكر الصديق رضي الله عنه أنه سمع حديثاً من رسول الله ﷺ : "إن كل نبي يُدفن حيث قبض"

“Buri Ntumwa ishyingurwa aho ipfiriye.” Bikaba bisobanuye ko Intumwa y’Imana itashyinguwe mu musigiti kubera ko Aishat atari atuye mu musigiti. Bitandukanye n’abagira urujijo.

## تبرؤ أهل السنة والجماعة مما يقوله المبتدعة فى حق الصَّحَابَةَ وأهل البيت

**Kwitandukanya kw’abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana n’ibyo abanyabihimbano bavuga ku basangirangendo b’Intumwa y’Imana ndetse no ku bantu bo mu muryango we.**

وَيَتَبَرَّؤُونَ مِنْ طَرِيقَةِ الرَّوَافِضِ الَّذِينَ يُبْغِضُونَ الصَّحَابَةَ وَيَسُبُّونَهُمْ. وَطَرِيقَةِ النَّوَاصِبِ الَّذِينَ يُؤْذُونَ أَهْلَ الْبَيْتِ بِقَوْلٍ أَوْ عَمَلٍ. وَيُمْسِكُونَ عَمَّا شَجَرَ بَيْنَ الصَّحَابَةِ، وَيَقُولُونَ: إِنَّ هَذِهِ الآثَارَ الْمَرْوِيَّةَ فِي مَسَاوِيهِمْ مِنْهَا مَا هُوَ كَذِبٌ، وَمَنْهَا مَا قَدْ زِيدَ فِيهِ وَنُقِصَ وَغُيِّرَ عَنْ وَجْهِهِ، وَالصَّحِيحُ مِنْهُ هُمْ فِيهِ مَعْذُورُونَ: إِمَّا مُجْتَهِدُونَ مُصِيبُونَ، وَإِمَّا مُجْتَهِدُونَ مُخْطِئُونَ.

وَهُم مَّعَ ذَلِكَ لاَ يَعْتَقِدُونَ أَنَّ كُلَّ وَاحِدٍ مِنَ الصَّحَابَةِ مَعْصُومٌ عَنْ كَبَائِرِ الإِثْمِ وَصَغَائِرِهِ؛ بَلْ يَجُوزُ عَلَيْهِمُ الذُّنُوبُ فِي الْجُمْلَةِ. وَلَهُم مِّنَ السَّوَابِقِ وَالْفَضَائِلِ مَا يُوجِبُ مَغْفِرَةَ مَا يَصْدُرُ مِنْهُمْ -إِنْ صَدَرَ- حَتَّى إِنَّهُمْ يُغْفَرُ لَهُم مِّنَ السَّيِّئَاتِ مَا لاَ يُغْفَرُ لِمَنْ بَعْدَهُمْ؛ لأَنَّ لَهُم مِّنَ الْحَسَنَاتِ الَّتِي تَمْحُو السَّيِّئَاتِ مَا لَيْسَ لِمَنْ بَعْدَهُمْ. وَقَدْ ثَبَتَ بِقَوْلِ رَسُولِ اللهِ ﷺ أَنَّهُمْ خَيْرُ الْقُرُونِ، وَأَنَّ الْمُدَّ مِنْ أَحَدِهِمْ إِذَا تَصَدَّقَ بِهِ كَانَ أَفْضَلَ مِنْ جَبَلِ أُحُدٍ ذَهَبًا مِمَّن بَعْدَهُمْ.

ثُمَّ إِذَا كَانَ قَدْ صَدَرَ مِنْ أَحَدِهِمْ ذَنْبٌ؛ فَيَكُونُ قَدْ تَابَ مِنْهُ، أَوْ أَتَى بِحَسَنَاتٍ تَمْحُوهُ، أَو غُفِرَ لَهُ؛ بِفَضْلِ سَابِقَتِهِ، أَوْ بِشَفَاعَةِ مُحَمَّدٍ ﷺ الَّذِي هُمْ أَحَقُّ النَّاسِ بِشَفَاعَتِهِ، أَوْ ابْتُلِيَ بِبَلاَءٍ فِي الدُّنْيَا كُفِّرَ بِهِ عَنْهُ. فَإِذَا كَانَ هَذَا فِي الذُّنُوبِ الْمُحَقَّقَةِ؛ فَكَيْفَ الأُمُورُ الَّتِي كَانُوا فِيهَا مُجْتَهِدِينَ: إِنْ أَصَابُوا؛ فَلَهُمْ أَجْرَانِ، وَإِنْ أَخْطَؤُوا؛ فَلَهُمْ أَجْرٌ وَاحِدٌ، وَالْخَطَأُ مغْفُورٌ. ثُمَّ إِنَّ الْقَدْرَ الَّذِي يُنْكَرُ مِنْ فِعْلِ بَعْضِهِمْ قَلِيلٌ نَزْرٌ مَغْفُورٌ فِي جَنْبِ فَضَائِلِ الْقَوْمِ وَمَحَاسِنِهِمْ؛ مِنَ الإِيمَانِ بِاللهِ، وَرَسُولِهِ، وَالْجِهَادِ فِي سَبِيلِهِ، وَالْهِجْرَةِ، وَالنُّصْرَةِ، وَالْعِلْمِ النَّافِعِ، وَالْعَمَلِ الصَّالِحِ. وَمَن نَّظَرَ فِي سِيرَةِ الْقَوْمِ بِعِلْمٍ وَبَصِيرَةٍ، وَمَا مَنَّ اللهُ عَلَيْهِم بِهِ مِنَ الْفَضَائِلِ؛ عَلِمَ يَقِينًا أَنَّهُمْ خَيْرُ الْخَلْقِ بَعْدَ الأَنْبِيَاءِ؛ لاَ كَانَ وَلا يَكُونُ مِثْلُهُمْ، وَأَنَّهُمُ الصَّفْوَةُ مِنْ قُرُونِ هَذِهِ الأُمَّةِ الَّتِي هِيَ خَيْرُ الأُمَمِ وَأَكْرَمُهَا عَلَى اللهِ.

**Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu sunat wal Djama'at) kandi bitandukanya n'inzira y'abitwa *Shiyat* bagirira urwango bakanatuka abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Banitandukanya kandi n'inzira y'abitwa *A-Nawaswib* bagirira urwango abantu bo mu muryango w'Intumwa y'Imana mu mvugo no mu bikorwa. Ikindi kandi abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu sunat wal Djama'at*) mu byo abasangirangendo b'Intumwa y'Imana bashyamiranyemo barifata ntibivange muri ubwo bushyamirane, ahubwo bo baravuga bati: Imvugo zivuga ku nenge zabo, zimwe muri zo ni ibinyoma, izindi muri zo zongerewemo ibindi bitabayeho, izindi bigabanywamo zirahindurwa. N'iziri ukuri muri zo bafite impamvu zabibateye zumvikana: Muri zo hari abagerageje gushakisha ukuri k'ubwo bushyamirane banakugeraho, abandi bagerageza kugushaka ariko ntibababasha kukugeraho barakosa.**

**Hamwe n'ibyo byose, abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu sunat wal Djama'at*) ntibemera ko buri umwe mu basangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ari umuziranenge bitavuze ko atakora ibyaha byaba ibikuru cyangwa ibito, ahubwo bemera ko nabo bashobora kugwa mu byaha muri rusange. Ariko bafite byinshi mu bikorwa byiza bakoze byatuma Allah abababarira ibibi bakora baramutse babikoze, banababarirwa ibyaha bitababarirwa abandi baje nyuma yabo, kuko bafite ibyiza byinshi bishobora guhanagura ibyaha byabo abaje nyuma yabo badafite. Ndetse byanashimangiwe n'imvugo y'Intumwa y'Imana ivuga ko ari bo bantu babayeho mu kinyejana cyiza, kandi ko n'uwatanga muri bo ituro ringana n'amashyi abiri, ryaba riruta uwatanga ituro rya zahabu ingana n'umusozi wa *Uhudi* mu baje nyuma yabo.**

**Ikindi kandi nuko umwe muri abo basangirangendo n'ubwo yaba yarakoze icyaha, yamaze kucyicuza, cyangwa yakoze ibyiza bihanagura icyo cyaha, cyangwa se yababariwe icyo cyaha kubera ibyiza yakoze mbere, cyangwa se akaba azakibabarirwa kubera ubutakambyi bw'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), kuko abasangirangendo bayo ari bo bantu ba mbere bakwiye kuzagerwaho n'uko gutakambirwa mbere y'abandi, cyangwa akakibabarirwa kubera ibigeragezo yahuye nabyo ku isi bikaba impamvu yo kubabarirwa icyo cyaha.**

**Niba ibi byose tuvuze ari ibishoboka igihe umusangirangendo yakoze icyaha, byaba bimeze bite noneho ku byo bakoze barimo gushakisha ukuri, ababashije kukugeraho bahembwe inshuro ebyiri, naho abakosheje ntibakugereho bahembwe inshuro imwe, kandi iryo kosa bakaba bararibabariwe (kubushake bwa Allah).**

**Ikindi twavuga nuko ibifatwa nk'amakosa yakozwe na bamwe muri bo ari bike cyane ugereranyije n'ibyiza bakoze ndetse n'ibigwi byabo, harimo ukwemera Imana, kwemera Intumwa ye, guharanira inzira y'Imana, kwimuka kwabo (bava Makat bajya i Madina), kurwanirira idini, gushaka ubumenyi bw'ingirakamaro, no gukora ibikorwa byiza.**

**N'uwakitegerezanya ubumenyi n'ubushishozi mu mateka y'abasangirangendo n'ibyiza Allah yabahundagajeho, amenya nta gushidikanya ko aribo bantu beza nyuma y'abahanuzi, ko nta nababayeho cyangwa se bazabaho bameze nkabo, kandi ko aribo ntoranywa mu bayoboke b'Intumwa y'Imana (Umat), ari nabo beza kandi bubahitse kuruta abandi bayoboke b'izindi ntumwa imbere ya Allah.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye*

Aha umwanditsi (Imana imwishimire) yagaragaje ibintu bikurikira:

1.Uburyo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at) bafata abasangirangendo b'Intumwa y'Imana n'abantu bo mu muryango we, agaragaza ko uburyo bababafata ari uburyo bwo hagati no hagati butarimo kubakabiriza ku buryo babashyira mu rwego batari bafite cyangwa ngo barengere ku buryo babamanura urwego bari bariho.

Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) rero bakunda abemeramana by'umwihariko ababaye abayisilamu ku ikubitiro haba mu bimukira b'i Makat n'abasangwa b'i Madina ndetse n'ababakurikiye mu gukora ibyiza, bakanakunda kandi abantu bo mu muryango w'Intumwa y'Imana, bazi agaciro n'ibikorwa by'indashyikirwa abasangirangendo b'Intumwa y'Imana bakoze. Ikindi kandi bita ku byo Imana yabategetse byerekeranye n'abantu bo mu muryango w'Intumwa y'Imana.

Imvugo y'umwanditsi igira iti: "**Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu sunat wal Djama'at) kandi bitandukanya n'inzira y'abitwa *Shiyat...*"** Babandi batuka abasangirangendo b'Intumwa y'Imana bakanabasebya, bakanakabiriza Ally Ibun Abi Twalib mu kumukunda ku buryo hari n'abamugereranya na Allah, abandi bakavuga ko yari akwiriye kuba Intumwa y'Imana, ndetse bakanakunda bakabiriza abantu bo mu muryango w'Intumwa y'Imana.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **"...Banitandukanya kandi n'inzira y'abitwa *A-Nawaswib...*"** Aba ni babandi babibye urwango ku bantu bo mu muryango w'Intumwa y'Imana, bakanavuga ko babaye abahakanyi, ndetse bakanabasebya. Naho uburyo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at) bafata abasangirangendo b'Intumwa y'Imana n'abantu bo mu muryango wayo twabigaragaje hejuru ariko ikigambiriwe mu kubavuga aha ni ukubagereranya n'utundi dutsiko twayobye dufite imyemerere itandukanye n'iyabo.

2. Umwanditsi yagaragaje uburyo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama-at) bitwara ku makimbirane n'intambara byabaye hagati y'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Ndetse n'uburyo bitwara ku byerekeye urubwa abasangirangendo b'Intumwa y'Imana bashyizweho n'abanzi b'Imana kugira ngo bajye babona uburyo babatesha agaciro, nkuko byagaragaye kuri bamwe mu bantu b'ubu n'abanditsi b'ubu bigize abacamanza b'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana, bakavuga ko bamwe bari mu kuri abandi bari abanyamakosa kandi nta gihamya bashingiyeho, ahubwo bakabikora bagendeye ku marangamutima yabo, no kwigana abanzi b'ubuyisilamu bifuza gutatanya abayisilamu babatera urujijo mu bijyanye n'amateka y'ubuyisilamu, no kubatatanya n'abababanjirije mu kwemera, bo babayeho mu kinyejana cyiza, kugira ngo babone icyuho

banyuramo batesha agaciro idini y'ubuyisilamu no gutatanya abayisilamu.

Mbega ibyiza umwanditsi yavuze aha, ubwo yagaragazaga ukuri! Kuko yavuze uburyo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bitwara ku byitirirwa abasangirangendo b'Intumwa y'Imana, ndetse n'ibyo batavuzeho rumwe, avuga ko babyitwaramo mu buryo bubiri:

1. **"...mu byo abasangirangendo b'Intumwa y'Imana bashyamiranyemo barifata ntibivange muri ubwo bushyamirane..."** Bivuze ko batajya bijandika ngo banivange mu bushyamirane bwabaye hagati y'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana, kuko kubyivangamo bitera umuntu kuba yabagirira urwango, kandi kubagirira urwango ni kimwe mu byaha bihambaye. Bityo rero inzira yo kurokoka ibyo ni ukwicecekera no kwirinda kubivugaho.

2. Gushakira impamvu zimwe mu mvugo zivuga inenge zabo, kuko uko kuzishakira impamvu ni mu rwego rwo kubavuganira, no kuburizamo umugambi mubisha w'abanzi babo. Umwanditsi rero yavuze ko uku kubashakira impamvu biri mu buryo bukurikira:

   - **"Imvugo zivuga ku nenge zabo, zimwe muri zo ni ibinyoma..."** byahimbwe n'abanzi babo, kugira ngo babaharabike banangize icyubahiro cyabo bafite mu bantu nkuko abitwa *Shiyat* babikora, kandi ibinyoma ntabwo abantu bakwiriye kubiha umwanya.

   - Izi mvugo zivuga inenge zabo kandi, harimo "...**izongerewemo ibindi bitabayeho, izindi bigabanywamo zirahindurwa...**" zahinduwe zishyirwamo ibinyoma. Bityo ntabwo nazo zikwiye guhabwa umwanya, kuko ibyiza by'abasangirangendo no

kuba bari abatabera birazwi ntibishidikanywaho. Bityo rero umuntu ntiyari akwiriye kureka ibizwi bitanashidikanywaho ngo akurikire ibyahinduwe kandi bishidikanywaho.

- **"N'iziri ukuri muri zo"** muri izi mvugo zivuga ku nenge z'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana "**bafite impamvu zabibateye zumvikana: Muri zo hari abagerageje gushakisha ukuri k'ubwo bushyamirane banakugeraho, abandi bagerageza kugushaka ariko ntibababasha kukugeraho barakosa."** Ibi byinjira mu gushaka ukuri kuko ugerageje gushaka ukuri agahuza nako abona ibihembo bibiri, naho uwagerageje gushaka ukuri ntabashe kukugeraho agakosa abona igihembo kimwe. Nkuko bishimangirwa na hadith yaturutse kwa Abi Hurayirat na Amri Ibun Al Aswi (Imana ibishimire bose) bavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

وَعَنْ عَمْرِو بنِ الْعَاصِ أَنَّهُ سَمِعَ رَسُولَ اللَّهِ ﷺ يَقُولُ: «إِذَا حَكَمَ الْحَاكِمُ فَاجْتَهَدَ ثُمَّ أَصَابَ فَلَهُ أَجْرَانِ، وَإِذَا حَكَمَ فَاجْتَهَدَ ثُمَّ أَخْطَأَ فَلَهُ أَجْرٌ» مُتَّفَقٌ عَلَيْهِ.

Hadithi yaturutse kwa Amri Ibun Al Aswi yavuze ko yumvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Umucamanza uzaca urubanza akagerageza kuruca neza, hanyuma agahuza n'ukuri, azabona ibihembo bibiri. Naho naruca akagerageza kuruca uko bikwiye, ariko ntahuze n'ukuri agakosa, icyo gihe afite igihembo kimwe."[1]

- Kuba ari abantu nk'abandi bagerwaho n'ibigera ku bandi bantu nk'amakosa, "**Hamwe n'ibyo byose, abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu sunat wal Djama'at*) ntibemera ko buri umwe mu basangirangendo b'Intumwa**

[1] Yemeranijweho na Bukhari na Muslim.

**y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ari umuziranenge, bitavuze ko atakora ibyaha byaba ibikuru cyangwa ibito ahubwo bemera ko nabo bashobora kugwa mu byaha muri rusange.** " ariko bo ibyaha bakora biba bifite ibindi bintu byinshi bituma Allah abibahanaguraho, muri byo:

a. Kuba **"bafite byinshi mu bikorwa byiza bakoze byatuma Allah abababarira ibibi bakora baramutse babikoze..."** Bityo rero ibyaha umwe muri bo yakora arabibabarirwa kubera byinshi mu byiza aba yarakoze, nkuko bigaragara mu nkuru y'uwitwa Hatwib Ibun Abi Balta-at, ubwo mu gihe cy'intambara yo kubohoza Makat yashatse kumena amabanga y'Intumwa y'Imana ayamenera abantu ba Makat, ariko icyo cyaha yarakibabariwe kubera ko ari umwe mu bitabiriye urugamba rwa Bad'ri. Kuba umuntu yababarirwa ibyaha kubera ibyiza yakoze byagaragaye muri gihamya zitandukanye harimo aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِلَّا مَن تَابَ وَءَامَنَ وَعَمِلَ عَمَلًا صَٰلِحًا فَأُوْلَٰٓئِكَ يُبَدِّلُ ٱللَّهُ سَيِّـَٔاتِهِمۡ حَسَنَٰتٖۗ وَكَانَ ٱللَّهُ غَفُورٗا رَّحِيمٗا ٧٠ ﴾ الفرقان: ٧٠

*"Usibye abazicuza bakanemera (Allah) kandi bakanakora ibikorwa byiza; abo ibikorwa byabo bibi Allah azabihinduramo ibyiza. Kandi Allah ni Ubabarira ibyaha, Nyirimbabazi."*[1]

b. Ikindi nuko "**banababarirwa ibyaha bitababarirwa abandi baje nyuma yabo, kuko bafite ibyiza byinshi bishobora guhanagura ibyaha byabo abaje nyuma yabo badafite."** Kuko Allah yaravuze ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِنَّ ٱلۡحَسَنَٰتِ يُذۡهِبۡنَ ٱلسَّيِّـَٔاتِۚ ١١٤ ﴾ هود: ١١٤

[1] Qur'an 25:70

*"Mu by'ukuri, ibikorwa byiza bikuraho ibibi."*[1]

c. Kuba ibyiza byabo byikuba kurusha iby'abandi kandi ntawe bareshya nawe mu bigwi byabaranze **"Ndetse byanashimangiwe n'imvugo y'Intumwa y'Imana ivuga ko ari bo bantu babayeho mu kinyejana cyiza, kandi ko n'uwatanga muri bo ituro ringana n'amashyi abiri, ryaba riruta uwatanga ituro rya zahabu ingana n'umusozi wa *Uhudi* mu baje nyuma yabo."** Ibi bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana iboneka mu bitabo bya Bukhari na Muslim (A-Swahihay'ni) muri Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayirat na Ibun Mas'ud na Im'ran ibun Huswayin bavuga ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

وعن عِمْرانَ بنِ الحُصَينِ رضي اللَّه عنهما ، عن النبي ﷺ أَنه قال : « خَيْرُكُمْ قَرنِي ، ثُمَّ الَّذِينَ يلونَهم.

"Abantu beza kuruta abandi ni ababayeho mu kinyejana nabayemo, hagakurikiraho ababayeho mu kinyejana cyakurikiye..."[2]

d. Kuba bafite ibyahanagura ibyaha byabo byinshi bidafitwe n'abandi batari bo, kubera ko **umwe muri abo basangirangendo n'ubwo yaba yarakoze icyaha, yamaze kucyicuza, cyangwa yakoze ibyiza bihanagura icyo cyaha, cyangwa se yababariwe icyo cyaha kubera ibyiza yakoze mbere, cyangwa se akaba azakibabarirwa kubera ubutakambyi bw'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), kuko abasangirangendo bayo ari bo bantu ba mbere bakwiye kuzagerwaho n'uko gutakambirwa mbere y'abandi, cyangwa akakibabarirwa kubera ibigeragezo yahuye nabyo ku isi bikaba impamvu yo**

[1] Qur'an 11:114
[2] Yemeranyijwe na Bukhari na Muslim

**kubabarirwa icyo cyaha.** Kuba yahura n'ibigeragezo bikaba impamvu y'uko ababarirwa ibyaha bye, bishimangirwa na Hadith y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti:

وَعنْ أَبِي سَعيدٍ وأَبِي هُرَيْرة رضي اللَّه عَنْهُمَا عن النَّبِيِّ ﷺ قَالَ : «مَا يُصِيبُ الْمُسْلِمَ مِنْ نَصَبٍ وَلاَ وَصَبٍ وَلاَ هَمٍّ وَلاَ حَزَن وَلاَ أَذًى وَلاَ غمٍّ ، حتَّى الشَّوْكَةُ يُشَاكُها إِلاَّ كفَّر اللَّه بهَا مِنْ خطَايَاه » متفقٌ عليه .

Hadithi yaturutse kwa Abi Saidi no kwa Abi Hurayira (Allah abishimire bombi) bavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti "Nta muyisilamu wagerwaho n'ingorane izo arizo zose, uburwayi, imibabaro, agahinda, cyangwa ibindi byose byamubuza amahoro, kabone n'iyo ryaba ihwa rimujombye, ngo Imana ibure kumubabarira ibyaha kubera ibyo byose byamubayeho."[1]

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: "**Niba ibi byose tuvuze ari ibishoboka igihe umusangirangendo yakoze icyaha, byaba bimeze bite noneho ku byo bakoze barimo gushakisha ukuri, ababashije kukugeraho bahembwe inshuro ebyiri, naho abakosheje ntibakugereho bahembwe inshuro imwe, kandi iryo kosa bakaba bararibabariwe (ku bushake bwa Allah).**" Bisobanuye ngo babariwe ayo makosa nkuko twagaragaje gihamya yabyo hejuru. Bityo rero amakosa abasangirangendo b'Intumwa y'Imana bashobora gukora hamwe n'ubuke bwayo arebwa mu buryo bubiri:

**Ubwa mbere:** Kuba yayakoze ariko yari ari gushaka ukuri, ibyo rero arabihemberwa naho iryo kosa akaribabarirwa.

---

[1] Yakiriwe na Bukhari na Muslim.

**Ubwa kabiri:** Kuba yagwa mu ikosa ariko atari gushakisha ukuri, ariko akaba afite ibyiza byinshi yakoze bishobora guhanagura no gusiba iryo kosa

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: "**Ikindi twavuga nuko ibifatwa nk'amakosa yakozwe na bamwe muri bo ari bike cyane ugereranyije n'ibyiza bakoze ndetse n'ibigwi byabo,...**" kugera ku mpera z'iki cyigwa ibi ni incamake y'ibyavuzwe hejuru byose. Naho kugaragaza ibyiza by'abasangirangendo muri rusange ni ibi bikurikira:

1. Kwemera Imana n'Intumwa yayo, iki kikaba ari nacyo gikorwa cyiza kuruta ibindi.

2. Guharanira inzira y' Imana (Djihad) kugira ngo izina rya Allah ryogere.

3. Kwimuka kubera Allah, iki nacyo kikaba kiri mu bikorwa byiza.

4. Gutera inkunga idini ya Allah. Allah yabivuze aho agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَيَنصُرُونَ ٱللَّهَ وَرَسُولَهُۥٓۚ أُوْلَٰٓئِكَ هُمُ ٱلصَّٰدِقُونَ ۝٨ ﴾ الحشر: ٨

(...abo bakene b'abimukira) banatera inkunga Allah n'Intumwa ye. Abo ni *bo banyakuri"*[1]

5.Ubumenyi bw'ingirakamaro n'ibikorwa byiza

6.Kuba aribo bantu beza babayeho nyuma y'abahanuzi. Abayoboke b'Intumwa y'Imana Muhamad nibo beza kurusha abandi bayoboke b'izindi ntumwa nkuko Allah agira ati:

[1] Qur'an 59:8

قَالَ تَعَالَى: ﴿ كُنتُمْ خَيْرَ أُمَّةٍ أُخْرِجَتْ لِلنَّاسِ ﴿١١٠﴾ ﴾ آل عمران: ١١٠

" *Muri umuryango uboneye watoranyirijwe abantu;*"[1]

N'abeza kuruta abandi mu bayoboke b'Intumwa y'Imana ni abasangirangendo be. Bikanashimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abdillahi Ibun Mas'ud (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

Mu by'ukuri Allah Nyir'ubutagatifu yitegereje mu mitima y'abagaragu be nyuma y'umutima w'Intumwa ye Muhamd (Imana imuhe amahoro n'imigisha) maze asanga imitima y'abayoboke b'Intumwa y'Imana Muhamad ariyo myiza kuruta iyindi yose…"[2]

7.Kuba ari bo ntoranywa mu bayoboke b'Intumwa y'Imana Muhamad, ndetse banafite agaciro kuruta abandi imbere ya Allah, nkuko bishimangirwa na Hadith iboneka mu gitabo cya Imam Ahmad ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

الحديث الذى رواه الإمام أحمد: (أن النبي ﷺ قال: أنتم توفون سبعين أمة, أنتم خيرها وأكرمها على الله سبحانه.) رواه الترمذي وابن ماجه والحاكم في مستدركه

"Mwe bayoboke banjye mwuzuriza abandi bayoboke b'izindi ntumwa (Umat) Ibihumbi mirongo irindwi, ariko ni mwe beza kubarusha mukaba munafite agaciro imbere ya Allah kubarusha[3]." **Yakiriwe na Tir'midh na Ibun Madjah ndetse na Al Hakim mu gitabo cye Mustadarak.**

---

[1] Qur'an 3:110
[2] Yakiriwe na Ahmad na Abu Daud na A-Twayalisiyyu
[3] Bisobanuye ko abayoboke b'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) babanjirijwe n'ibyiciro mirongo itandatu n'icyenda byakurikiye izindi ntumwa bo baza ari abamirongo irindwi.

# مذهب أَهْلِ السُّنَّةِ والجماعة في كَرَامَات الأَوْلِيَاءِ

**Uburyo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djamaat)* bemeramo ibijjyanye n'ibitangaza by'abakunzi ba Allah (Awuliya-u).**

وَمِنْ أُصُولِ أَهْلِ السُّنَّةِ: التَّصْدِيقُ بِكَرَامَاتِ الأَوْلِيَاءِ وَمَا يُجْرِي اللهُ عَلَى أَيْدِيهِم مِّنْ خَوَارِقِ الْعَادَاتِ فِي أَنْوَاعِ الْعُلُومِ وَالْمُكَاشَفَاتِ وَأَنْوَاعِ الْقُدْرَةِ وَالتَّأْثِيرَاتِ، كالْمَأْثُورِ عَنْ سَالِفِ الأُمَمِ فِي سُورَةِ الْكَهْفِ وَغَيْرِهَا، وَعَنْ صَدْرِ هَذِهِ الأُمَّةِ مِنَ الصَّحَابَةِ وَالتَّابِعِينَ وَسَائِرِ فرق الأُمَّةِ، وَهِيَ مَوْجُودَةٌ فِيهَا إِلَى يَوْمِ الْقِيَامَةِ.

**No mu misingi y'imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu sunat wal Djama'at*) nuko bemera bakanemeza ibitangaza by'abakunzi b'Imana, ndetse n'ibyo Allah abahera ubushobozi bwo gukora mu bidasanzwe, byaba mu bumenyi butandukanye, cyangwa se kwerekwa *(Al Mukashafati)*, cyangwa se ubushobozi abaha butandukanye bwo kugira icyo babasha gukora kidasanzwe, nk'inkuru twakiriye z'ibyabaye ku bantu batubanjirije ziboneka muri *Surat Al Kah'fi* no mu yandi ma Surat, n'ibyabaye ku basangirangendo n'ababakurikiye ndetse n'ibyabaye ku bandi bayisilamu baje nyuma yabo. Ikindi nuko ibyo bitangaza bizakomeza kuba (ku bakunzi b'Imana) kuzageza ku munsi w'imperuka.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Umwanditsi (Allah amugirire impuhwe) aragaragaza ko mu myemerere no mu misingi y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bemera ibitangaza bikorwa n'abakunzi ba Allah *(Awuliya-u).*

Igisobanuro cy'ibitangaza: Ni ibintu bidasanzwe bikorwa ugasanga buri umwe ari kwibaza niba ibyo bintu bishoboka cyangwa bidashoboka. Umwanditsi rero yazanye iki cyigwa kugira ngo agaragaze ukuri kw'iri somo rihambaye kugira ngo abantu bamenye ukuri ku bijyanye n'ibitangaza by'ukuri ndetse n'ibitangaza byabayeho kubera amarozi cyangwa uburiganya. Ikindi twakongeraho ni uko ibitangaza (Mu-udjizat) Allah abiha Intumwa n'abahanuzi be kugira ngo bize kubashyigikira mu butumwa bw'abo. Naho iyo bibaye ku wundi utari Intumwa ahubwo ari mu bakunzi b'Imana byitwa *Karamat.*

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **"No mu misingi y'imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu sunat wal Djama'at*) nuko bemera bakanemeza ibitangaza by'abakunzi b'Imana,"** Abakunzi b'Imana (Awuliya-u) ni umuntu uwo ari we wese uba wujuje ibintu bibiri:

1. Kuba umuntu ari umuyisilamu w'umwemeramana nyawe.

2. Kuba atinya Allah yubahiriza ibyo yategetswe. Allah abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ أَلَآ إِنَّ أَوۡلِيَآءَ ٱللَّهِ لَا خَوۡفٌ عَلَيۡهِمۡ وَلَا هُمۡ يَحۡزَنُونَ ۝٦٢ ٱلَّذِينَ ءَامَنُواْ وَكَانُواْ يَتَّقُونَ ۝٦٣ ﴾ يونس: ٦٢ - ٦٣

*"Nta gushidikanya ko mu by'ukuri abakunzi ba Allah batazigera bagira ubwoba ndetse n'agahinda. (Abo ni) babandi bemeye kandi bakaba baratinyaga Allah."*[1]

Ibitangaza rero bikorwa n'abakunzi ba Allah ni ukuri nkuko bigaragazwa na gihamya zitandukanye za Qur'an na Hadithi z'Intumwa y'Imana, n'imvugo dukomora ku basangirangendo b'Intumwa y'Imana n'ababakurikiye.

---

[1] Qur'an 10:62-63

**Abantu ku byerekeye kwemera ibitangaza by'abakunzi b'Imana barimo amatsinda atatu:**

Itsinda rya mbere: Ni abatemera ibitangaza bikorwa n'abakunzi b'Imana, aha twavuga nk'abari mu gatsiko k'abitwa *Al Mu-utazilat* na *Al Djah'miyat* na bamwe mu bitwa *Al- A-Shaa-irat*. Urujijo aba bagize rutuma bahakana ibijyanye n'ibitangaza, bavuze ko iyo ibitangaza biza kuba bikorwa n'abakunzi b'Imana byari kuzagorana gutandukanya intumwa z'Imana n'abandi bantu batari zo, kuko itandukaniro ry'Intumwa z'Imana n'abatari zo ni ugukora ibitangaza.

Naho abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djama-at)* basubiza aba bantu bahakana ibitangaza bikorwa n'abakunzi b'Imana bababwira ko hari ibintu byinshi bikomeye bitandukanya Intumwa z'Imana n'abakunzi bayo bitari ibitangaza gusa. Ikindi bavuga babasubiza nuko umukunzi w'Imana atavuga ko ahabwa ubutumwa, iyo avuze ko ahabwa ubutumwa icyo gihe ntabwo aba akiri umukunzi w'Imana ahita aba umunyakinyoma w'umubeshyi, kandi Allah yamaze kwiyemeza ko azasuzuguza umunyakinyoma nkuko yasuzuguje uwitwa Musayilamat Al Kadhab igihe yiyitaga intumwa y'Imana.

Itsinda rya kabiri: Ni abakabya mu gushimangira ibijyanye n'ibitangaza, aha twavuga nk'abakurikiye inzira *z'abasufi* n'abasenga abari mu marimbi birirwa babeshya abantu ko bakora ibitangaza, bakabakorera ibintu bidasanzwe bishingiye ku buriganya bigishwa na Shitani, nko kwinjira mu muriro no kwitemagura, no gufata inzoka, n'ibindi bitandukanye biba biteye ubwoba, abo basenga amarimbi bavuga ko ari ibitangaza.

Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djama-at)* basubiza aba bantu bakabya mu gushimangira ibijyanye n'ibitangaza, bavuga ko ibyo bakora atari ibitangaza Imana iba yabashoboje gukora, ahubwo biba ari uburiganya no gushuka abantu, kuko ibitangaza Imana ibishoboza abakunzi

bayo banubahiriza amategeko yayo, naho bo bakaba ari abakunzi ba Shitani kuko ubusanzwe nta kintu na kimwe kiba kibagaragaraho kigaragaza ko bakunda Imana n'Intumwa yayo no kubahiriza ibyo bategetswe. Ibyo bakora rero ni uburiganya, nkuko bishobora kuba Allah agira ngo abagerageze anagerageze abantu bazababona mo ibitangaza kugira ngo umunsi yashatse kubahana azabafate mpiri abahane mu buryo bukomeye[1]. Allah ni we Mumenyi Uhebuje.

Itsinda rya gatatu: Ni abo umwanditsi yavuze muri iki cyigwa, ari bo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) *(Ahalu Sunat wal Djama-a)* bemera bakanemeza ibitangaza bikorwa n'abakunzi b'Imana bikorwa hashingiwe ku byagaragaye muri Qur'an no muri Hadithi.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **"ndetse n'ibyo Allah abahera ubushobozi bwo gukora mu bidasanzwe, byaba mu bumenyi butandukanye, cyangwa se kwerekwa *(Al Mukashafati)*, cyangwa se ubushobozi abaha butandukanye bwo kugira icyo babasha gukora kidasanzwe,"** Aha umwanditsi yerekanye uburyo butandukanye ibi bitangaza bishobora kugaragara mo, nko kuba Allah yaha umwe mu bakunzi be ubumenyi no kwerekwa ibintu bidasanzwe abandi byagora kumenya, nko kuba Allah ashobora kumvisha umuntu ibintu abandi bantu bari kumwe batari kumva, cyangwa akamwereka ibyo abandi batari kubona, byaba mu nzozi cyangwa bitari mu nzozi. Ibyo byose bikaba byaba ari ugushobozwa na Allah.

Urugero rw'uburyo Allah ashobora kwereka umuntu ibintu abandi bantu batari kubona: Igihe kimwe umusangirangendo w'Intumwa y'Imana Umar yari ari kwigisha mu musigiti w'i Madinat, nuko abo yari ari kwigisha bumva aravuze ati: Yewe

---

[1] Uwashaka gusobanukirwa ibi mu buryo burambuye yazasoma igitabo cya Sheikh Al Islamu Ibun Tayimiyat cyitwa [Al Far'qu bayina Awuliya-u Rahmani wa Awuliya-u Shaitwan] Bisobanuye ngo: [Itandukaniro riri hagati y'abakunzi ba Allah n'abakunzi ba Shaitwan]

Sariyat erekeza ku musozi. Nuko amaze kwigisha bagenzi be baramubaza bati: Kuki igihe wigishaga twumvise uvuga uti: Yewe Sariyat erekeza ku musozi? Arabasubiza ati: Nabwiraga Sariyat uri muri Iraq ko hari agaco k'abanzi yaragiye kugwamo mubwira ko yerekeza mu nzira ijya ku musozi abarokoka gutyo. Aha Umar yari i Madinat Allah amwereka ibintu biri kubera muri Iraq. Ikindi twavuga nuko kwerekwa bitandukanye no kubonekerwa kuko Intumwa nizo zibonekerwa nka bumwe mu buryo bwo guhabwa ubutumwa, ariko kwerekwa bikorwa hari ikintu umuntu yiyumvisemo kigahuza n'ukuri.

**Urundi rugero:** Ni igihe kimwe umugore wa Abubakri yari atwite nuko Abubakri aza kubwira abantu ko umugore we atwite umwana w'umukobwa. Aha twanavuga Inkuru ya Mussa na Khid'ri iboneka muri Surat Al Kah'fi, uburyo Khid'ri yerekwaga ibintu Mussa we atabonye.

Urundi rugero twatanga rwo guhabwa imbaraga zidasanzwe n'Inkuru iboneka muri Surat A-Namli y'uwo Allah yari yarahaye ubumenyi akajya kuzanira Sulayiman Intebe y'umwamikazi wa Sheba kuri ubu ni mu gihugu cya Yemen, akayizana mu gihe kingana n'akanya ko guhumbya no guhumbura kandi aho yagombaga kuyikura hari urugendo rurerure.

Urundi rugero n'inkuru y'abantu bitiriwe ubuvumo (Asw'habul Kah'fi) igaragara mu isurat yabitiriwe, n'inkuru ya Mariyam igaragara mu isurat yamwitiriwe uburyo yabyaye umwana nta mugabo babonanye, n'inkuru ya Dhul Qar'nayini igaragara muri surat Al Kah'fi, ndetse n'inkuru ya Khalid Ibun Walid igihe yanywaga uburozi ntibwagira icyo bumutwara n'izindi tutavuga ngo turondore.

Naho ijambo rw'umwanditsi rigira riti: **"Ikindi nuko ibyo bitangaza bizakomeza kuba (ku bakunzi b'Imana) kuzageza ku munsi w'imperuka."** Bisobanuye ko ibyo bitangaza bikigaragara ku bantu b'abemeramana kandi bakaba abakunzi b'Imana

by'ukuri kuzageza ku munsi w'imperuka. Allah niwe Mumenyi uhebuje.

## فصل: فِي صفات أَهْلِ السُّنَّةِ وَالْجَمَاعَةِ ولم سموا بذلك

**Icyigwa: kigisha ibiranga abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama'at) n'impamvu biswe gutyo.**

ثُمَّ مِنْ طَرِيقَةِ أَهْلِ السُّنَّةِ وَالْجَمَاعَةِ اتِّبَاعُ آثَارِ رَسُولِ اللهِ ﷺ بَاطِنًا وَظَاهِرًا، وَاتِّبَاعُ سَبِيلِ السَّابِقِينَ الأَوَّلِينَ مِنَ الْمُهَاجِرِينَ وَالأَنْصَارِ، وَاتِّبَاعُ وَصِيَّةِ رَسُولِ اللهِ ﷺ، حَيْثُ قَالَ: "عَلَيْكُمْ بِسُنَّتِي وَسُنَّةِ الْخُلَفَاءِ الرَّاشِدِينَ الْمَهْدِيِّينَ مِنْ بَعْدِي، تَمَسَّكُوا بِهَا، وَعَضُّوا عَلَيْهَا بِالنَّوَاجِذِ، وَإِيَّاكُمْ وَمُحْدَثَاتِ الأُمُورِ؛ فَإِنَّ كُلَّ بِدْعَةٍ ضَلالَةٌ". وَيَعْلَمُونَ أَنَّ أَصْدَقَ الْكَلامِ كَلامُ اللهِ، وَخَيْرَ الْهَدْيِ هَدْيُ مُحَمَّدٍ ﷺ ، وَيُؤْثِرُونَ كَلاَمَ اللهِ عَلَى غَيْرِهِ مِنْ كَلامِ أَصْنَافِ النَّاسِ، وَيُقَدِّمُونَ هَدْيَ مُحَمَّدٍ ﷺ عَلَى هَدْيِ كُلِّ أَحَدٍ. وَلِهَذَا سُمُّوا أَهْلَ الْكِتَابِ وَالسُّنَّةِ، وَسُمُّوا أَهْلَ الْجَمَاعَةِ؛ لأَنَّ الْجَمَاعَةَ هِيَ الاِجْتِمَاعُ، وَضِدُّهَا الْفُرْقَةُ، وَإِنْ كَانَ لَفْظُ الْجَمَاعَةِ قَدْ صَارَ اسْمًا لِنَفْسِ الْقَوْمِ الْمُجْتَمِعِينَ. وَالإِجْمَاعُ هُوَ الأَصْلُ الثَّالِثُ الَّذِي يُعْتَمَدُ عَلَيْهِ فِي الْعِلْمِ وَالدينِ. وَهُمْ يَزِنُونَ بِهَذِهِ الأُصُولِ الثَّلاثَةِ جَمِيعَ مَا عَلَيْهِ النَّاسُ مِنْ أَقْوَالٍ وَأَعْمَالٍ بَاطِنَةٍ أَوْ ظَاهِرَةٍ مِمَّا لَهُ تَعَلُّقٌ بِالدِّينِ. وَالإِجْمَاعُ الَّذِي يَنْضَبِطُ هُوَ مَا كَانَ عَلَيْهِ السَّلَفُ الصَّالِحُ؛ إِذْ بَعْدَهُمْ كَثُرَ الاخْتِلاَفُ، وَانْتَشَرَ فِي الأُمَّةِ.

**Icyigwa: Nanone inzira y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama'at) ni ugukurikira imigenzo yaranze Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaba mu itagaragara (nk'imyemerere) cyangwa se igaragara (nk'imvugo cyangwa se ibikorwa). Ikindi ni ugukurikira inzira y'abatubanjirije ba mbere mu bimukira**

**bimutse bavuye i Makat bajya i Madina (Muhadjirina) n'abasangwa b'i Madina (An'swar), no gukurikira umurage w'Intumwa y'Imana aho yatubwiye igira iti: "Mbaraze kuzakurikira imigenzo yanjye ndetse n'imigenzo y'abasigire banjye bayobotse bakanayobora abandi nyuma yanjye, muzayishikameho muyifatishe amenyo y'ibijigo. Kandi muramenye muzirinde ibishya n'ibihimbano mu idini, kuko buri gihimbano cyose (mu idini) ari ubuyobe. Kandi abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama'at) bakaba bazi ko amagambo y'ukuri kurusha andi yose ari aya Allah, n'umuyoboro mwiza ukaba ari uw'Intumwa y'Imana. Bakaba kandi baha agaciro amagambo ya Allah kurusha ay'abandi bose, bakanarutisha umuyoboro w'Intumwa y'Imana umuyoboro w'undi uwo ari we wese. Niyo mpamvu biswe abantu ba Qur'an na sunat (Ahlul kitab Wa Sunat), biswe kandi imbaga, kubera ko imbaga bisobanuye abantu bari hamwe, n'ikinyuranyo cyabyo kikaba ari ugutatana.**

**N'ubwo inyito imbaga yaje kuba izina ry'abantu bashyize hamwe, kandi guhuriza hamwe (Idj'ma-u) ari umusingi wa gatatu mu misingi ishingirwaho mu bumenyi no mu dini. Abagendera ku migenzo y'Intumwa (Ahlu Sunat Wal Djama'at) kandi, iyo misingi itatu (Qur'an, Sunat, na Idj'ma-u) ari yo bashingiraho bareba niba ibyo abantu bakora cyangwa bavuga byaba ibitagaragara cyangwa se ibigaragara by'umwihariko ibigendanye n'idini niba bikwiye. Naho uguhuriza hamwe kw'abamenyi (idj'ma-u) kwemerwa, ni ukwahurijweho n'abatubanjirije mu kwemera Allah. Naho nyuma yabo ukutavuga rumwe kw'abantu kwabaye kwinshi kunakwira mu bayoboke b'Intumwa y'Imana.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Ubwo umwanditsi (Allah amugirire impuhwe) yari amaze kuvuga ibyerekeye imyemerere n'imyizerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djamaat*) ku byerekeye ibitangaza by'abakunzi ba Allah, yakurikijeho muri iki cyigwa ndetse n'ikigikurikira kugaragaza inzira yabo ku bijyanye n'idini muri rusange ndetse n'ibishamikiye kuri iyo misingi n'ibiyiranga bitandukanya uwayikurikije n'ugendera ku bihimbano ndetse n'uwatandukiriye.

N'ibibaranga ni ibi bikurikira:

1. **Ugukurikira imigenzo yaranze Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaba mu itagaragara (nk'imyemerere) cyangwa se igaragara (nk'imvugo cyangwa se ibikorwa).** Bitandukanye n'indyarya zikurikira Intumwa y'Imana mu bigaragara gusa ntizimukurikire mu bitagaragara. Naho ibyaranze Intumwa y'Imana, ni imigenzo ye igizwe n'ibyo yavuze, yakoze, ndetse n'ibyo yemeje ko ntacyo bitwaye, hatarimo ibikorwa byayo bisanzwe yakoraga nk'aho yicaraga cyangwa se yaryamaga n'ibindi. Kubera ko gukurikirana cyane ibyo bikorwa byayo bisanzwe yakoraga bishobora kuba impamvu yo gukabya no kugwa mu ibangikanyamana, nkuko byabaye ku bantu bo ha mbere. Gihamya zishimangira gukurikira imigenzo y'Intumwa y'Imana muri Qur'an ni nk'aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمَآ ءَاتَىٰكُمُ ٱلرَّسُولُ فَخُذُوهُ وَمَا نَهَىٰكُمۡ عَنۡهُ فَٱنتَهُواْۚ ﴾ الحشر: ٧

*"Kandi ibyo Intumwa ibahaye (mu mitungo n'ibyo yabategetse), mujye mubyakira, ndetse n'ibyo ibabujije, mujye mubireka."*[1]

[1] Qur'an 59:7

Bikanashimangirwa na Hadith yaturutse kwa Anas Imana imwsihimire yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

عن أنس ابن مالك (رضي الله عنه) عن النبي ﷺ قال: لا يؤمن أحدكم حتى يكون هواه تبعا لما جئت به.

"Umwe muri mwe ntaremera cyeretse amarangamutima ye agendeye ku byo nazanye."

Ikindi twakongeraho ni uko ibyaranze Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) twabigabanyamo ibice bitatu cyangwa se birenze:

- Ibyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yakoze mu rwego rwo kwiyegereza Imana. Ibi nta gushidikanya ko dutegetswe kumukurikiza. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿لَّقَدْ كَانَ لَكُمْ فِي رَسُولِ ٱللَّهِ أُسْوَةٌ حَسَنَةٌ لِّمَن كَانَ يَرْجُوا۟ ٱللَّهَ وَٱلْيَوْمَ ٱلْـَٔاخِرَ وَذَكَرَ ٱللَّهَ كَثِيرًا ﴿٢١﴾﴾ الأحزاب: ٢١

"*Rwose mufite urugero rwiza mukomora ku ntumwa ya Allah (Muhamadi), ibyo nikuri wawundi wizera Allah(akemera) n'umunsi w'imperukakandi agasingiza Allah kenshi.*"[1]

- Ibyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yakoze bihuriranye n'igihe, ahantu, cyangwa se uburyo yiyumva. Nko kuba hari aho yageze iri ku rugendo igahagarara ikiherera igafata n'isuku (Udwu-u) ibi ntabwo dutegetswe kumukurikiza.

[1] Qur'an 33:21

- Ibyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari izwiho nk'akamenyero kayo, ibi nabyo dutegetswe kuyikurikiza igihe cyose nta gihamya ibitubuza.
- Ibyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ikora bihuye na kamere ndemano ya muntu, nko kurya, kwambara, ibi ntabwo dutegetswe kuyikirikiza keretse uburyo runaka yabikoragamo bitandukanye n'abandi. Urugero nko kuba yararyamiraga urubavu rw'iburyo, cyangwa se ikarisha ukuboko kw'indyo, aha kuyikurikiza ni ngombwa.

2. No mu biranga abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at)* **ni ugukurikira inzira y'abatubanjirije ba mbere mu bimukira bimutse bavuye i Makat bajya i Madina (Muhadjirina) n'abasangwa b'i Madina (An'swar).** Kubera umwihariko w'ubumenyi no gusobanukirwa idini Allah yabahaye. Kuko igihe Qur'an yamanukaga bari bariho, ndetse banumva ibisobanuro byayo, baniga ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) nta muhuza ubayeho. Bityo nibo begereye ukuri kurusha abandi, kandi nibo bakwiye gukurikirwa nyuma y'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha). Ubwo rero kubakurikira biza ku rwego rwa kabiri nyuma y'Intumwa y'Imana.

Bityo imvugo z'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana ni gihamya ikwiye kugenderwaho igihe hatabonetse imvugo ivuye ku Ntumwa y'Imana.

Ibun Al Qayyim (Imana imugirire impuhwe) mu gitabo cye I-ilamu Al Muwaqi-ina yaravuze ati: Ntibishoboka ko ukuri kwaboneka mu inzira itari iy'abatubanjirije mu byiza byose. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَٱلسَّـٰبِقُونَ ٱلْأَوَّلُونَ مِنَ ٱلْمُهَـٰجِرِينَ وَٱلْأَنصَارِ وَٱلَّذِينَ ٱتَّبَعُوهُم بِإِحْسَـٰنٍ رَّضِىَ ٱللَّهُ عَنْهُمْ وَرَضُوا۟ عَنْهُ وَأَعَدَّ لَهُمْ جَنَّـٰتٍ تَجْرِى تَحْتَهَا ٱلْأَنْهَـٰرُ خَـٰلِدِينَ فِيهَآ أَبَدًا ۚ ذَٰلِكَ ٱلْفَوْزُ ٱلْعَظِيمُ ﴿١٠٠﴾ ﴾ التوبة: ١٠٠

"*Ababaye abambere (mu kuyoboka Isilamu) mu bimukira (bavuye i Maka bajya i Madina) n'abaturage b'i Madina (babakiriye), ndetse na babandi babakurikiye mu gukora ibyiza; Allah yarabishimiye, na bo baramwishimira. Yanabateguriye Ijuru ritembamo imigezi, bakazaribamo ubuziraherezo. Uko ni ugutsinda guhambaye.*" [1]

Ikindi twavuga nuko hari bamwe mu bantu bashaka gutesha agaciro abasangirangendo b'Intumwa y'Imana bigereranya nabo mu bumenyi no mu kwemera ndetse bakanavuga bati: *Bari abagabo natwe turi abagabo*! Ariko iyi mvugo yabo ntabwo ari ukuri ndetse ni n'ubuyobe, kubera ko abasangirangendo b'Intumwa y'Imana nibo bari begereye ukuri, n'imvugo zabo nizo zibanza mbere y'iz'abandi batari bo, kubera ko kandi ari bo bari bafite ukwemera ko mu rwego rwo hejuru n'ubumenyi biruta iby'abaje nyuma yabo. No kuba ari bo bari basobanukiwe cyane banatinya Imana kurusha abaje nyuma yabo. Ndetse no kuba bari bafite urwego rw'uko bari abasangirangendo b'Intumwa y'Imana.

**3.** No mu biranga abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at)* **ni ugukurikira umurage w'Intumwa y'Imana aho yatubwiye igira iti: "Mbaraze kuzakurikira imigenzo yanjye ndetse n'imigenzo y'abasigire banjye bayobotse bakanayobora abandi nyuma yanjye, muzayishikameho muyifatishe amenyo y'ibijigo. Kandi muramenye muzirinde ibishya n'ibihimbano mu idini, kuko buri gihimbano cyose (mu idini) ari ubuyobe."**[2]

---

[1] Qur'an 9:100

[2] Yakiriwe na Imam Ahmad na Abu Daud na Tir'midh na Ibun Madjah. Tir'midh avuga ko ari hadith nziza y'impamo (A-Swahihi).

Intego y'umwanditsi mu kuzana gihamya y'iyi Hadith ni ukugaragaza ko abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bakurikira inzira y'abasigire b'Intumwa y'Imana bayobotse bakanayobora abandi nyuma ye by'umwihariko, nyuma y'uko bakurikira abimukira b'i Makkat (*Mahadjirina*) ndetse n'abasangwa b'i Madinat (*An'swar*) babanjirije mu kwemera muri rusange.

Kubera ko muri iyi Hadith by'umwihariko, Intumwa y'Imana yaduhaye umurage wo gukurikira abasigire be bayobotse bakanayobora abandi nyuma ye.

Kuko muri iyi Hadith Intumwa y'Imana yagereranyije imigenzo y'abasigire be n'imigenzo ye, bihita bigaragaza ko imigenzo y'abasigire be bayobotse bakanayobora abandi nyuma ye, cyangwa se imigenzo y'umwe muri bo ntibyemewe guca ukubiri nayo.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **abasigire banjye bayobotse bakanayobora abandi nyuma yanjye,** yari agamije kuvuga abasigire b'Intumwa y'Imana bane bakurikira: Abukakar A-Swidiq, Umar Ibun Al Khatwab, Uth'man Ibun Afan, Ally Ibun Abi Twalib (Imana ibishimire bose). Kandi ukababakurikinya uko bayoboye kubera ko bamenye ukuri ndetse baranagukurikira.

Imvugo y'Intumwa y'Imana igira iti: **"Muzayishikameho muyifatishe amenyo y'ibijigo"** irerekana ko imigenzo yayo ndetse n'iy'abasigire bayo tugomba kuyigenderaho no kuyikomeraho.

Naho ibyo bamwe mu bantu b'injiji bavuga muri iki gihe bagira bati: Umuhamagaro w'isengesho wa mbere (Adhana) wo ku munsi wa Idjuma ni igihimbano, kubera ko utari uzwi ku gihe cy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Bityo rero ni itegeko ko tuguma ku muhamagaro wa kabiri wonyine!

Turamusubiza tugira tuti: Uyu muhamagaro (Adhana) washyizweho n'umusigire w'Intumwa y'Imana dutegetswe gukurikiza, na cyane ko atigeze atandukana n'imigenzo y'Intumwa y'Imana, ndetse nta n'umusangirangendo w'Intumwa y'Imana n'umwe wigeze amucyaha kuri icyo gikorwa, kandi birazwi ko abasangirangendo b'Intumwa y'Imana nibo basobanukiwe idini ya Allah banayifuhira k'uwo ari we wese washaka kunyuranya nayo kurusha utekereza atyo.

Ikindi nuko Uth'ama Ibun Afan (Imana imwishimire) yari afite icyo ashingiraho, ari cyo cyo kuba ku gihe cy'Intumwa y'Imana Bilal Ibun Rabah yarajyaga akora umuhamagaro mbere y'igihe cy'isengesho rya Al Fadj'ri atari uko ashaka kubabwira ko igihe cy'isengesho cyageze, ahubwo ari ukumenyesha uri gukora ibihagararo by'ijoro ko igihe cyegereje cyangwas e abyutsa usinziriye.

Na Uth'man Ibun Afan rero yashyizeho uyu muhamagaro wa mbere wo ku munsi wa Idjuma, atari uko ashaka kumenyesha abantu ko Imam yahageze, ahubwo ari mu rwego rwo kubibutsa ko igihe cyegereje na cyane ko umujyi w'i Madinat wari umaze kwaguka.

Imvugo y'Intumwa y'Imana igira iti: **"Kandi muramenye muzirinde ibishya n'ibihimbano mu idini, kuko buri gihimbano cyose (mu idini) ari ubuyobe."**

Igihimbano mu rulimi rw'icyarabu; ni icyo ari cyo cyose kidafite icyakibanjirije bisa.

Naho mu mategeko y'Idini (*Shar'an*): Ni icyo ari cyose gihimbwe mu idini, cyaba kiri mu myemerere cyangwa mu magambo cyangwa se mu bikorwa kikaba kidafite gihamya igishimangira.

Icyitonderwa: Ibishya bigambiriwe muri Hadith ni ibishya mu idini. Naho ibishya mu buzima busanzwe bw'isi ntabwo byinjira mu bisobanuro by'iyi Hadith, kuko ubusanzwe ibintu byose byo mu buzima bwo ku isi biremewe byaba ibishya cyangwa se ibisanzwe, keretse iyo habonetse gihamya ibizirir<br>iza.

**Guhimba ibihimbano mu idini bifite ingaruka zikurikira:**

**Icya mbere:** Bihinyuza imvugo ya Allah igira iti:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ٱلْيَوْمَ أَكْمَلْتُ لَكُمْ دِينَكُمْ ﴾ المائدة: ٣

*"Uyu munsi mbuzurije idini ryanyu..."* Qur'an 5:3. Kuko umuntu iyo azanye igihimbano mu idini abifata nk'aho ari idini, ubwo biba bisobanuye ko idini rya Allah ritigeze ryuzura.

**Icya kabiri:** Guhimba ibihimbano mu idini biba ari ukujora amategeko y'idini ya Allah no kurishinja ko rituzuye, ubwo akaba ari wowe uryujuje kubera kuzana icyo gihimbano cyawe.

**Icya gatatu:** Guhimba ibihimbano mu idini biba ari ukujora abayisilamu bo batigeze bazana icyo kintu, ubwo waba uvuze ko abakubanjirije bose idini ryabo ritari ryuzuye, ibi bikaba ari ibintu biteye inkeke kandi bikwiye kwirindwa.

**Icya kane:** Ushishakazwa no guhimba mu idini akenshi areka imigenzo y'Intumwa y'Imana (Sunat).

**Icya gatanu:** Guhimba ibihimbano mu idini bituma abayisilamu batatana, kuko abanyabihimbano bemera ko ari bo banyakuri n'abatari bo bari mu buyobe. N'abafite ukuri kwa nyako bakavuga ko abo bayabihimbano bari mu buyobe, ibyo rero bikaba byaba impamvu yo gutatana.

4. No mu biranga abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at)* nuko baha agaciro gahambaye igitabo cya Allah (Qur'an) hamwe n'imigenzo y'Intumwa ye, bakanabibanza mbere y'ibindi byose igihe bashaka gutanga gihamya, akaba ari nabyo bagenderaho kuruta uko bagendera ku magambo y'abantu n'ibikorwa byabo. Kubera ko **bazi ko amagambo y'ukuri kurusha andi yose ari aya Allah, n'umuyoboro mwiza ukaba ari uw'Intumwa y'Imana. Bakaba kandi baha agaciro amagambo ya Allah kurusha ay'abandi bose.** Bishimangirwa na gihamya ya Qur'an aho Allah agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... وَمَنْ أَصْدَقُ مِنَ ٱللَّهِ حَدِيثًا ۝٨٧ ﴾ النساء: ٨٧

*"...Ni na nde munyakuri mu mvugo kurusha Allah?"* [1]

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ... وَمَنْ أَصْدَقُ مِنَ ٱللَّهِ قِيلًا ۝١٢٢ ﴾ النساء: ١٢٢

*"...Ni nde munyakuri mu mvugo kurusha Allah?*

Ikindi nuko bazi ko **umuyoboro mwiza ari uw'Intumwa y'Imana.** Bikanashimangirwa na Hadith y'Intumwa y'Imana aho igira iti: "...Ndetse n'umuyobo mwiza ni uw'Intumwa y'Imana..."

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **Bakaba kandi baha agaciro amagambo ya Allah kurusha ay'abandi bose.** Bisobanuye ko bayabanza bakanayagenderaho bakanareka andi y'abo ari bo bose baba ari abayobozi, abamenyi cyangwa se abagandukiramana, igihe anyuranye n'aya Allah n'Intumwa ye.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **bakanarutisha umuyoboro w'Intumwa y'Imana umuyoboro w'undi uwo ari we wese.** Bisobanuye ko batemera umuyoboro w'uwo ari we wese

[1] Qur'am 4:87

uko yaba ameze kose igihe uhabanye n'umuyoboro w'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Ibyo babikora bubahiriza itegeko rya Allah riboneka muri Qur'an, aho Allah yavuze ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ يَٰٓأَيُّهَا ٱلَّذِينَ ءَامَنُوٓاْ أَطِيعُواْ ٱللَّهَ وَأَطِيعُواْ ٱلرَّسُولَ وَأُوْلِي ٱلۡأَمۡرِ مِنكُمۡۖ فَإِن تَنَٰزَعۡتُمۡ فِي شَيۡءٖ فَرُدُّوهُ إِلَى ٱللَّهِ وَٱلرَّسُولِ إِن كُنتُمۡ تُؤۡمِنُونَ بِٱللَّهِ وَٱلۡيَوۡمِ ٱلۡأٓخِرِۚ ذَٰلِكَ خَيۡرٞ وَأَحۡسَنُ تَأۡوِيلًا ٥٩ ﴾ النساء: ٥٩

*"Yemwe abemeye! Nimwumvire Allah, munumvire intumwa n'abayobozi muri mwe. Nimuramuka mugize icyo mutavugaho rumwe, mujye mugisubiza kwa Allah no ku Ntumwa (Qur'an na Suna), niba koko mwemera Allah n'umunsi w'imperuka. Ibyo ni byo byiza binafite n'ingaruka nziza."*[1]

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ يَٰٓأَيُّهَا ٱلَّذِينَ ءَامَنُواْ لَا تُقَدِّمُواْ بَيۡنَ يَدَيِ ٱللَّهِ وَرَسُولِهِۦۖ وَٱتَّقُواْ ٱللَّهَۚ إِنَّ ٱللَّهَ سَمِيعٌ عَلِيمٞ ١ يَٰٓأَيُّهَا ٱلَّذِينَ ءَامَنُواْ لَا تَرۡفَعُوٓاْ أَصۡوَٰتَكُمۡ فَوۡقَ صَوۡتِ ٱلنَّبِيِّ وَلَا تَجۡهَرُواْ لَهُۥ بِٱلۡقَوۡلِ كَجَهۡرِ بَعۡضِكُمۡ لِبَعۡضٍ أَن تَحۡبَطَ أَعۡمَٰلُكُمۡ وَأَنتُمۡ لَا تَشۡعُرُونَ ٢ ﴾ **الحجرات: ١ – ٢**

*"Yemwe abemeye! Ntimukajye mugira ibyo mufataho ibyemezo mbere ya Allah n'Intumwa ye. Kandi mujye mutinya Allah; mu by'ukuri, Allah ni Uwumva bihebuje, Umumenyi uhebuje. Yemwe abemeye! Ntimukajye murangurura amajwi yanyu ngo muvugiremo umuhanuzi (Muhamadi) igihe ari kuvuga, kandi ntimukajye muzamura amajwi yanyu igihe muvugana nawe nk'uko mubigenza hagati yanyu; kugira ngo ibikorwa byanyu bitazaba imfabusa mutabizi."* [2]

---

1 Qur'an 4:59
2 Qur'an 49:1-2

Naho imvugo y'umwanditsi gira iti: **Niyo mpamvu biswe abantu ba Qur'an na sunat (*Ahlul Kitab Wa Sunat*).** Kubera ko bagendera ku magambo ya Allah bakaba banayashikamyeho kurusha andi magambo y'uwo ari we wese, ndetse bakanagendera ku muyoboro w'Intumwa y'Imana Muhamad bakanawushikamaho kurusha indi miyoboro yose.

N'iyo mpamvu biswe iyo nyito nziza ibakwiye inagaragaza ko ari umwihariko kuri bo gusa, bitandukanye na babandi baciye ukubiri n'igitabo cya Allah (Qur'an) n'imigenzo y'Intumwa y'Imana mu dutsiko twayobye nk'abitwa Al Muutazilat n'abitwa A-Khawaridj ndetse n'abitwa A-Rawafidw n'abandi bahuje nabo mu mvugo zabo cyangwa se zimwe muri zo.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **biswe kandi imbaga** kubera ko bahuriye ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Sunat) ndetse banayemeranywaho, kandi umwe muri bo ntayobya bagenzi be kandi ntibitana abanyabihimbano hagati yabo. Allah abishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَٱعۡتَصِمُواْ بِحَبۡلِ ٱللَّهِ جَمِيعٗا وَلَا تَفَرَّقُواْۚ ... ﴿١٠٣﴾ ﴾ آل عمران: ١٠٣

*"Mufatane urunana mwese ku mugozi wa Allah (Qur'an) kandi ntimugatatane..."*[1]

5-No mu biranga abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djamaat),* ni ukwemeranya ku kugendera kuri Qur'an n'imigenzo y'Intumwa y'Imana ndetse no guhurira ku kuri, ndetse no guterana inkunga mu byiza no gutinya Imana. Kandi uku guhuriza hamwe nibyo byatumye habaho umusingi wa gatatu mu misingi ishingirwaho nyuma ya Qur'a na Sunat ari wo ibyo abamenyi bahurijeho (Idj'ama-u).

[1] Qur'an 3:103

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **kandi guhuriza hamwe (Idj'ma-u) ari umusingi wa gatatu mu misingi ishingirwaho mu bumenyi no mu idini.** Abamenyi mu by'amategeko y'idini [*Usulul Fiq'hi*] basobanuye uguhuriza hamwe (*Al Idj'ma-u*) ko ari uguhuriza hamwe kw'abamenyi bo mu gihe runaka ku byerekeye idini. Ibyo bavuzeho rumwe bikaba ari itegeko kubyemera ndetse no kubigenderaho.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **(Idj'ma-u) ni umusingi wa gatatu mu misingi ishingirwaho** nyuma ya Qur'an na Hadith z'Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha).

6 No mu biranga abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at)* nuko **iyo misingi itatu (Qur'an, Sunat, na Idj'ma-u) ari yo bashingiraho bareba niba ibyo abantu bakora cyangwa bavuga byaba ibitagaragara cyangwa se ibigaragara by'umwihariko ibigendanye n'idini niba bikwiye.** Bisobanuye ko iyi misingi itatu ari yo bagenderaho batandukanya ukuri n'ikinyoma, banatandukanya umuyoboro wa nyawo n'ubuyobe, mu biranga abantu byaba imvugo, ibikorwa cyangwa se imyemerere. **By'umwihariko ibigendanye n'idini,** nk'amasengesho (Swalat) cyangwa se gukora umutambagiro (*Hidjat*) cyangwa se gutanga amaturo y'itegeko (Zakat) ndetse n'imibanire n'abandi, babikora bashingiye kuri iyi misingi itatu. Naho ibindi bitagendanye n'idini bisanzwe mu buzima, byo biba byemewe.

Hanyuma umwanditsi (Allah amugirire impuhwe) yerekana guhuriza hamwe kwemewe kuba umusingi wa gihamya yo kugenderaho **ko ari ukwahurijweho n'abatubanjirije mu kwemera Allah.** Kuko bari bake mu mujyi wa Makkat na Madinat (Hijaz), birashoboka kumenya ibyo bahuriyeho ku kibazo runaka.

**Kuko nyuma yabo ukutavuga rumwe kw'abantu kwabaye kwinshi kunakwira mu bayoboke b'Intumwa y'Imana.** Bisobanuye ko nyuma y'abatubanjirije mu kwemera no gukora

ibikorwa byiza (A-Salaf) guhuriza hamwe kwaragoranye kubera ibintu bibiri:

1 Ukutavuga rumwe kwabaye kwinshi ku buryo bigoye kumenya imvugo ya buri wese.

2 Nuko abatubanjirije mu kwemera bakwirakwiye mu bihugu bitandukanye nyuma y'uko babigejejemo ubuyisilamu (Futuhati) ku buryo bitari byoroshye ko buri wese amenya ibyabaye ndetse nuko byagenze.

**Icyitonderwa:** Umwanditsi yavuze imisingi itatu ishingirwaho mu mategeko y'idini ntiyavuga umusingi wa kane ari wo ukugereranya (Al Qiyass), kubera ko uyu musingi wa Al Qiyas abamenyi batawuvuzeho rumwe, nkuko bagiye batavuga rumwe ku yindi misingi isigaye, iri mu bitabo bya *Usulul Fiq'hi.*

## فَصْلٌ: من أصول أهل السنة والجماعة الأمر بالمعروف والنهي عن المنكر

**Icyigwa: Mumisingi y'imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) harimo kubwiriza ibyiza no kubuza ibibi.**

ثُمَّ هُم مَّعَ هّذِهِ الأُصُولِ يَأْمُرُونَ بِالْمَعْرُوفِ، وَيَنْهَونَ عَنِ الْمُنْكَرِ عَلَى مَا تُوجِبُهُ الشَّرِيعَةُ: وَيَرَوْنَ إِقَامَةَ الْحَجِّ وَالْجِهَادِ وَالْجُمَعِ وَالأَعْيَادِ مَعَ الأُمَرَاءِ أَبْرَارًا كَانُوا أَوْ فُجَّارًا، وَيُحَافِظُونَ عَلَى الْجَمَاعَاتِ. وَيَدِينُونَ بِالنَّصِيحَةِ للأُمَّةِ، وَيَعْتَقِدُونَ مَعْنَى قَوْلِهِ ﷺ: "الْمُؤْمِنُ لِلْمُؤْمِنِ كَالْبُنْيَانِ الْمَرْصُوصِ؛ يَشُدُّ بَعْضَهُ بَعْضًا"، وَشَبَّكَ بَيْنَ أَصَابِعِهِ، وَقَوْلِهِ ﷺ: "مَثَلُ الْمُؤْمِنِينَ فِي تَوَادِّهِمْ وَتَرَاحُمِهِمْ وَتَعَاطُفِهِمْ كَمَثَلِ الْجَسَدِ؛ إِذَا اشْتَكَى مِنْهُ عُضْوٌ؛ تَدَاعَى لَهُ سَائِرُ الْجَسَدِ بِالْحُمَّى وَالسَّهَرِ". وَيَأْمُرُونَ بِالصَّبْرِ عِنْدَ الْبَلاءِ، وَالشُّكْرِ عِنْدَ الرَّخَاءِ وَالرِّضَا بِمُرِّ الْقَضَاءِ.

**Icyigwa: Hanyuma abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) hamwe n'iyi misingi (yavuzwe), banabwiriza ibyiza bakabuza ibibi nkuko amategeko y'ubuyisilamu abitegeka. Banemera kandi ko mu mategeko y'ubuyislamu harimo gukora umutambagiro mutagatifu (*Hidjat*), guharanira inzira y'Imana (*Djihad*), n'isengesho ry'umunsi wa gatanu (*Idjuma*), ndetse n'amasengesho y'iminsi mikuru y'ilayidi basengeshwa n'abayobozi babayobora, abo bayobozi baba barangwa no gukora ibyiza cyangwa se barangwa no gukora ibibi, bakanahozaho amasengesho y'imbaga, banarangwa no kugira inama abayisilamu bose.**

**Banemera kandi bakanashyira mu bikorwa imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Umwemeramana kuri mugenzi we, ni nk'inyubako ikomezanya yo ubwayo[1], maze Intumwa y'Imana isobekeranya intoki zayo." Ndetse n'indi mvugo y'Intumwa y'Imana igira iti: "Urugero rw'abemeramana mu gukundana, kugiririrana impuhwe no koroherana byabo, ni nk'umubiri umwe iyo urugingo rwawo rumwe rubabaye, umubiri wose urababara." Ikindi kandi bashishikarizanya kwihangana igihe bahuye n'ibigeragezo, no gushimira Imana igihe bagezweho n'ibyiza runaka, no kwishimira igeno ribabaza.**

<u>*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*</u>

Iki cyigwa kiruzuza icyakibanjirije, kikaba kirimo ibiranga abagendera ku migenzo y'Intumwa (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) biri mu byuzuza imyemerere ya Islam (*Aqidat*).

---

[1] Kuko inyubako hari ubwo igice kimwe kiba kidakomeye nk'ikindi ariko kubera ko aba ari inyubako imwe ahakomeye hakomeza ahadakomeye, ni nkuko k'ubemeramana harimo abafite ukwemera guke nabafite ukuzuye, iyo rero bagiye hamwe bakishyira hamwe icyo gihe barakomera bakaba nkayanyubako.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **Hanyuma abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama'at*) hamwe n'iyi misingi (yavuzwe),** bisobanuye ngo hamwe no kumenya  iyi misingi no kuyishyira mu bikorwa, banarangwa n'imico ari nayo yuzuriza iyo myemerere yabo. Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: "**Babwiriza ibyiza bakabuza ibibi"** aha umwanditsi yari atangiye kugaragaza bimwe mu byuzuriza imyemerere yabo, nkuko Allah yabibavuzeho aho agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ كُنتُمْ خَيْرَ أُمَّةٍ أُخْرِجَتْ لِلنَّاسِ تَأْمُرُونَ بِٱلْمَعْرُوفِ وَتَنْهَوْنَ عَنِ ٱلْمُنكَرِ ﴿١١٠﴾ ﴾ آل عمران: ١١٠

*"Muri umuryango uboneye watoranyirijwe abantu; mubwiriza ibyiza mukabuza ibibi."*[1]

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: "**Nkuko amategeko y'ubuyisilamu abitegeka..."** Bisobanuye ko kubwiriza ibyiza no kubuza ibibi, bikorwa ukoresheje amaboko, cyangwa urulimi, gukuraho ikibi byakunanira ukababarira mu mutima bigendanye n'ubushobozi ufite cyangwa ibyo ubona bifite inyungu. Iyi myemerere ikaba itandukanye n'iy'abitwa *Al Mu-utazilat* bo babona ko kubwiriza ibyiza no kubuza ibibi ari ukugumuka ku bayobozi.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: "**Banemera kandi ko mu mategeko y'ubuyislamu harimo gukora umutambagiro mutagatifu (*Hidjat*), guharanira inzira y'Imana (*Djihad*), n'isengesho ry'umunsi wa gatanu (*Idjuma*), ndetse n'amasengesho y'iminsi mikuru y'ilayidi basengeshwa n'abayobozi babayobora, abo bayobozi baba barangwa no gukora ibyiza cyangwa se barangwa no gukora ibibi..."** Bivuze ngo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bemera ko ari itegeko gukora ibi bintu byavuzwe, kandi

[1] Qur'an 3:110

bigakorwa bihagarariwe n'abayobozi b'abayisilamu, baba barangwa no gukora ibyiza cyangwa ibibi, igihe ibyo bibi bakora atari bya bindi bibakura mu idini. Intego y'ibi ikaba ari ukugira ngo abayisilamu bakomeze kuba ikintu kimwe, banitandukanye no gutatana ndetse n'ubushyamirane.

Indi mpamvu ituma abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) badashishikariza kwigumura ku muyobozi urangwa no gukora ibibi, nuko akenshi bituma habaho ihohotera hakanameneka amaraso y'inzirakarengane.

Sheikh Al Isilamu Ibun Taymiyat yaravuze ati: Ni gake cyane wasanga mu mateka hari abantu bigumuye ku muyobozi bagera ku byiza! Ahubwo ikibabaho ni ikinyuranyo kuko usanga abamwigumuraho bateza ibibi bihambaye kurusha uko bari kumureka akagumya kuyobora.

Naho abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat Wal Djama-at*) bo batandukanye n'abo mu dutsiko tw'abitwa *Al Khawaridj, Al Mu-utazila*, na *Shiyat*, tubona ko umuyobozi iyo ahuguje cyangwa se duketse ko yahuguje turamurwanya tukanagumuka, tukanabona ko ibyo biri mu rwego rwo kubwiriza ibyiza no kubuza ibibi.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: "**Bakanahozaho amasengesho y'imbaga..."** Bivuze ngo mu biranga abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) nuko bahozaho amasengesho y'itegeko kandi bakayakorera mu mbaga, ryaba ari isengesho ryo ku munsi wa gatanu (Idjuma) cyangwa ayandi, kuko ibi biri mu birango by'idini ya Islam, n'ubikora gutyo kandi aba yumviye Allah n'Intumwa ye. Bitandukanye n'uko abitwa *Shiyat* babyemera kuko bo babona ko bitemewe gusengeshwa n'uwo ari we wese, ahubwo abantu basengeshwa n'umuyobozi (Imam) w'umuziranenge udakora ibyaha. Binatandukanye kandi n'uko indyarya zibigenza kuko zo

ntizikorera amasengesho yazo mu mbaga. Bikanashimangirwa n'imvugo ya Allah aho agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ إِنَّ ٱلْمُنَـٰفِقِينَ يُخَـٰدِعُونَ ٱللَّهَ وَهُوَ خَـٰدِعُهُمْ وَإِذَا قَامُوٓاْ إِلَى ٱلصَّلَوٰةِ قَامُواْ كُسَالَىٰ يُرَآءُونَ ٱلنَّاسَ وَلَا يَذْكُرُونَ ٱللَّهَ إِلَّا قَلِيلًا ﴿١٤٢﴾ ﴾ النساء: ١٤٢

*"Mu by'ukuri, indyarya zishaka kuryarya Allah, ariko we akaburizamo uburyarya bwazo. Iyo zihagurutse zigiye gusenga, zihagurukana ubunebwe, ziyereka abantu, kandi ntizibuka Allah uretse gake."*[1]

Ikindi twavuga nuko hari Hadith z'Intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) zivuga ibyiza byo gukorera amasengesho mu mbaga, no kubitegeka abantu no kubabuza kubireka, twavugamo nka Hadith igira iti:

وَعَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ رَضِيَ الله عنه قال: قال رسول الله ﷺ : "صَلاَةُ الرَّجُلِ فِي جماعةٍ تزيدُ عَلَى صَلاَتِهِ فِي سُوقِهِ وَبَيْتِهِ بِضْعاً وعِشْرينَ دَرَجَةً... " متفقٌ عليه، وهَذَا لَفْظُ مُسْلِمٍ.

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Isengesho umuntu asengeye mu mbaga rirusha agaciro ho inzego makumyabiri n'eshatu kugera kuri makumyabiri na zirindwi..." **Yakiriwe na Bukhari na Muslim.**

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **"Banarangwa no kugira inama abayisilamu bose..."** Bivuze ngo babona ko kugira Inama abayisilamu biri mu idini. Naho igisobanuro cyo kugira inama mu mategeko y'idini ni ukwifuriza ibyiza ugirwa inama no kumuyobora mu byamugirira akamaro. Bityo rero abagendera ku migenzo y'Intumwa (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bifuriza

[1] Qur'an 4:142.

abayisilamu ibyiza bakanabayobora mu bibafitiye akamaro. Nkuko bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa  y'Imana aho igira iti:

عن أَبِي رُقيَّةَ تَميمِ بنِ أَوْس الدَّارِيِّ رضي الله عنه أَنَّ النَّبِيَّ ﷺ قَالَ: « الدِّينُ النَّصِيحَةُ » قُلْنَا : لِمَنْ ؟ قَالَ « للّه وَلِكِتَابِهِ ولِرسُولِهِ وَلأَئمَّةِ المسْلِمِينَ وَعَامَّتِهِمْ » رواه مُسْلم .

Hadithi yaturutse kwa Abi Ruqayat Tamimu Ibun Awus A-Dariy (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha)  yavuze iti: "Idini ni ukugirana inama." Turayibaza tuti: "Kuri inde?" (Intumwa)  iti "Ku Mana, ku gitabo cyayo, ku Ntumwa yayo, ku bayobozi b'abayislamu ndetse no ku bantu muri rusange."  **Yakiriwe na Muslim.**

No mu biranga abagendera ku migenzo y'Intumwa (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) harimo gufatanya mu byiza, no kubabazwa n'ibyago byagera kuri umwe muri bo. Ibyo bishimangirwa na zimwe muri gihamya umwanditsi yagaragaje harimo imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: **"Umwemeramana kuri mugenzi we, ni nk'inyubako ikomezanya yo ubwayo, maze Intumwa y'Imana isobekeranya intoki zayo."** Iki kimenyetso cyo gusobekeranya intoki, Intumwa y'Imana yagikoze kugira ngo isobanurire abo yigishaga uburyo inyubako iba imeze ni nk'uburyo wakinjiza intoki mu zindi, ugamije kwerekana ko ikintu ari kimwe kandi cyunganirana.

Ndetse n'indi mvugo y'Intumwa y'Imana igira iti: **"Urugero rw'abemeramana mu gukundana, kugirirana impuhwe no koroherana byabo, ni nk'umubiri umwe iyo urugingo rwawo rumwe rubabaye, umubiri wose urababara."** Izi mvugo ebyiri z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ziratwereka uburyo abayisilamu bakwiriye kumera, bafashanya banagirirana impuhwe. Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana kandi bashyira mu bikorwa ibyo izi mvugo z'Intumwa y'Imana ibyo izi mvugo z'Intumwa y'Imana zigisha.

Ikindi iyi mvugo y'Intumwa y'Imana (Imama iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ariko inadutegeka. Bisobanuye ngo nkuko umubiri wose ubabara iyo rumwe mu ngingo ziwugize rubabaye, ni nk'uko abemeramana bategetswe kumera iyo hari umwe muri bo ugize ikibazo, bakanaharanira gukuraho icyo kibazo yagize.

No mu biranga abagendera ku migeno y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) ni ugushikama igihe bahuye n'ibigeragezo, nkuko umwanditsi abivuga agira ati: "**Ikindi kandi bashishikarizanya kwihangana igihe bahuye n'ibigeragezo, no gushimira Imana igihe bagezweho n'ibyiza runaka..**" Ukwihangana gusobanuye kudaheranwa n'agahinda no kutavuga amagambo yo kuganya igihe umuntu yagezweho n'ibyago. Kuba umuntu yagerwaho n'ibyago akihangana, yanagerwaho n'ibyiza agashimira, bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana igira iti:

وَعَنْ أَبي يَحْيَى صُهَيْبِ بْنِ سِنَانٍ رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُ قَالَ: قَالَ رَسُولُ الله ﷺ : «عَجَباً لأمْرِ الْمُؤْمِنِ إِنَّ أَمْرَهُ كُلَّهُ لَهُ خيْرٌ ، وَلَيْسَ ذَلِكَ لأِحَدٍ إِلاَّ للْمُؤْمِن : إِنْ أَصَابَتْهُ سَرَّاءُ شَكَرَ فَكَانَ خَيْراً لَهُ ، وَإِنْ أَصَابَتْهُ ضَرَّاءُ صَبَرَ فَكَانَ خيْراً لَهُ » رواه مسلم .

Hadithi yaturutse kwa Abi Yahya Swuhayibi mwene Sinani (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ibikorwa by'umwemera biratangaje! Mu by'ukuri, ibikorwa bye byose biba ari byiza, kandi ibyo si iby'uwo ari we wese uretse umwemera. Iyo agezweho n'ikintu gishimishije arashimira, bikaba byiza kuri we. N'iyo agezweho n'ikibi arihangana, ibyo nabyo bikaba byiza kuri we." **Yakiriwe na Muslim.**

Naho imvugo y'umwanditsi igira riti: **No kwishimira igeno ribabaza.** Mu byo Imana yageneye umuntu harimo ibimushimisha n'ibimubabaza. Umuyisilamu mwiza rero ategetswe kwihangana igihe yagezweho n'ibitamushimishije.

Uru rwego rwo kwishimira ibigeragezo bibabaza ntabwo ari urw'uwo ari we wese, kuko rugirwa n'abafite ukwemera ko mu rwego rwo hejuru. Kuko haba hakubiyemo kwihangana no gushimishwa n'iryo geno. Bishimangirwa n'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igaragaza ko Intumwa y'Imana yakundaga gusaba Allah igira iti:

قال رسول الله ﷺ:" وأسألك الرضا بعد القضاء..."

"Mana Nyagasani ndagusaba kwishimira igeno nyuma y'uko warigennye."

## أهل السنة والجماعة يدعون إلى كل خلق عال نفيس وإلى كل عمل حسن.

**Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bahamagarira abantu kurangwa n'imico myiza ihebuje ndetse no kurangwa n'ibikorwa byiza.**

وَيَدْعُونَ إِلَى مَكَارِمِ الأَخْلاقِ، وَمَحَاسِنِ الأَعْمَالِ، وَيَعْتَقِدُونَ مَعْنَى قَوْلِهِ ﷺ : "أَكْمَلُ الْمُؤْمِنِينَ إِيمَانًا أَحْسَنُهُمْ خُلُقًا". وَيَنْدُبُونَ إِلَى أَنْ تَصِلَ مَنْ قَطَعَكَ، وَتُعْطِيَ مَنْ حَرَمَكَ، وَتَعْفُوَ عَمَّنْ ظَلَمَكَ. وَيَأْمُرُونَ بِبِرِّ الْوَالِدَيْنِ، وَصِلَةِ الأَرْحَامِ، وَحُسْنِ الْجِوَارِ، وَالإِحْسانِ إلَى الْيَتَامَى وَالْمَسَاكِينِ وَابْنِ السَّبِيلِ، وَالرِّفْقِ بِالْمَمْلُوكِ. وَيَنْهَوْنَ عَنِ الْفَخْرِ، وَالْخُيَلاءِ، وَالْبَغْيِ، وَالاسْتِطَالَةِ عَلَى الْخَلْقِ بِحَقٍّ أَوْ بِغَيْرِ حَقٍّ. وَيَأْمُرُونَ بِمَعَالِي الأَخْلاَقِ،وَيَنْهَوْنَ عَنْ سَفْسَافِهَا. وَكُلُّ مَا يَقُولُونَهُ وَيَفْعَلُونَهُ مِنْ هَذَا وَغَيْرِهِ؛ فَإِنَّمَا هُمْ فِيهِ مُتَّبِعُونَ لِلْكِتَابِ وَالسُّنَّةِ.

**Ikindi nuko abagendera ku migenzo y'Intumwa bahamagarira abantu kurangwa n'imico myiza, ndetse n'ibikorwa byiza. Bakanemera igisobanuro cy'imvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Umwemeramana ufite ukwemera kuzuye ni wawundi ufite imico myiza kurusha abandi." Banashishikariza kandi kubanira neza uwakubaniye nabi wo mu muryango wawe, no guha uwakwimye, no kubabarira uwaguhuguje.**

**Banabwirizanya kugirira neza ababyeyi bombi, no kubanira neza abantu bo mu muryango, no kubanira neza abaturanyi, no kugirira neza imfubyi, abakene, umugenzi, no korohera umucakara.**

**Bakanabuza ubwibone, kwiyemera, ubugizi bwa nabi, ndetse no kwishyira hejuru y'abandi byaba ari mu kuri cyangwa atari mu kuri. Banabwiriza abantu kurangwa n'imico myiza ihebuje, bakanababuza kurangwa n'imico mibi yose.**

**Ikindi kandi nuko ibyo bavuga byose cyangwa bakora byaba muri ibi cyangwa se ibindi, babikora bagendeye ku gitabo cya Allah (Qur'an) n'Imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye:*

Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bita cyane ku bigendanye n'imico myiza, ndetse bakarangwa nayo bakanabishishikariza abandi.

Nkuko umwanditsi yabivuze agira ati: **Abagendera ku migenzo y'Intumwa bahamagarira abantu kurangwa n'imico myiza, n'ibikorwa byiza.** Ibikorwa byiza twavugamo nko kurangwa no kugira ubuntu, ubutwari, ukuri no kurinda indagizo.

Naho Hadithi y'Intumwa y'Imana igira iti: **"Umwemeramana ufite ukwemera kuzuye ni wawundi ufite imico myiza kurusha abandi."** Iyi mvugo y'Intumwa y'Imana irashishikariza kurangwa n'imico myiza, ikanagaragaza kandi ko ibikorwa byinjira mu bisobanuro cy'ukwemera. Ikindi igaragaza nuko kwemera kurutanwa.

Bityo rero abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bahamagarira kubanira abantu neza no guha buri wese ukuri kwe, bakanababuza kurangwa n'imico mibi nk'ubwibone, kugirira abandi urugomo n'indi.

Niyo mpamvu umwanditsi yavuze ati: **Banashishikariza kandi kubanira neza uwakubaniye nabi wo mu muryango wawe.** Bisobanuye ko uwababaniye nabi ntabwo bamwitura kumubanira nabi, ahubwo barenzaho bakamubanira neza, nkuko Intumwa y'Imana yabishimangiye igira iti:

و في الحديث عن رسول الله ﷺ أنه قال : ليس الواصل بالكافيء و لكن الواصل الذي من إذا قطعت رحمه وصلها.

Hadithi y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragira iti "Ntabwo ubanira neza abo mu muryango we ari wawundi ubabanira neza agamije ko babimwishyura, ahubwo ni wawundi iyo utamubaniye neza we arakubanira." **Yakiriwe na Bukhari.**

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **No guha uwakwimye.** Aha umwanditsi yabuzaga abantu guhigira kuzitura inabi no kugirira inzika uwakugiriye nabi. Ahubwo mu mwanya w'ibyo umuntu aba akwiye kurangwa no warangwa no guha impano n'ibindi bitari zo uwakwimye, kubera ibyo biri mu kugira neza. Nkuko bishimangirwa n'imvugo ya Allah igira iti:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَلَا تَسْتَوِي ٱلْحَسَنَةُ وَلَا ٱلسَّيِّئَةُ ٱدْفَعْ بِٱلَّتِي هِيَ أَحْسَنُ فَإِذَا ٱلَّذِي بَيْنَكَ وَبَيْنَهُۥ عَدَٰوَةٌ كَأَنَّهُۥ وَلِيٌّ حَمِيمٌ ﴿٣٤﴾ ﴾ فصلت: ٣٤

*"Kandi igikorwa cyiza n'ikibi ntibishobora kungana. Bityo jya ukumira ikibi ukoresheje icyiza, ibyo bizatuma uwo mwari mufitanye urwango aba n'inshuti yawe magara."*[1]

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **No kubabarira uwaguhuguje,** bivuze guha imbababazi uwo ari we wese waguhuguje umutungo, cyangwa se uwakwiciye, cyangwa se uwaguteshej e agaciro akavogera icyubahiro cyawe, kubera ko biri mu bintu byimakaza urukundo bikaba n'impamvu y'uko ubona ibihembo kwa Nyagasani. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَإِنْ عَاقَبْتُمْ فَعَاقِبُوا۟ بِمِثْلِ مَا عُوقِبْتُم بِهِۦ ۖ وَلَئِن صَبَرْتُمْ لَهُوَ خَيْرٌ لِّلصَّٰبِرِينَ ﴿١٢٦﴾ ﴾ النحل: ١٢٦

*"Nimunahana (uwabagiriye nabi), mujye muhana bihwanye n'ibyo mwakorewe. Ariko nimwihangana (mukababarira), ni byo byiza ku bihangana."*[2]

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **Banabwirizanya kugirira neza ababyeyi bombi, kubanira neza abantu bo mu muryango, kubanira neza umuturanyi, kugirira neza imfubyi, abakene, umugenzi, no korohera umucakara.** Bisobanuye ngo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) babwirizanya ibyo Allah nawe yabwirije abantu mu guha buri wese ukuri kwe, harimo kugirira neza ababyeyi bombi, kubumvira igihe batagutegeka kugomera Allah, unabagirira ineza haba mu mvugo no mu ngiro. Allah aragira ati:

[1] Qur'an 41:34
[2] Qur'an 16:126

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ ۞ وَقَضَىٰ رَبُّكَ أَلَّا تَعۡبُدُوٓاْ إِلَّآ إِيَّاهُ وَبِٱلۡوَٰلِدَيۡنِ إِحۡسَٰنًاۚ إِمَّا يَبۡلُغَنَّ عِندَكَ ٱلۡكِبَرَ أَحَدُهُمَآ أَوۡ
كِلَاهُمَا فَلَا تَقُل لَّهُمَآ أُفّٖ وَلَا تَنۡهَرۡهُمَا وَقُل لَّهُمَا قَوۡلٗا كَرِيمٗا ٢٣ ﴾ الإسراء: ٢٣

*“Kandi Nyagasani wawe yaciye iteka ko nta kindi mukwiye gusenga uretse we wenyine, kandi ko mugomba no kugirira neza ababyeyi bombi. Igihe umwe muri bo cyangwa bombi bageze mu zabukuru, ntuzababwire amagambo yo kubinuba ndetse ntuzanabakankamire. Ahubwo ujye ubabwira mu mvugo y‘icyubahiro.”* [1]

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَوَصَّيۡنَا ٱلۡإِنسَٰنَ بِوَٰلِدَيۡهِ حَمَلَتۡهُ أُمُّهُۥ وَهۡنًا عَلَىٰ وَهۡنٖ وَفِصَٰلُهُۥ فِي عَامَيۡنِ أَنِ ٱشۡكُرۡ لِي
وَلِوَٰلِدَيۡكَ إِلَيَّ ٱلۡمَصِيرُ ١٤ ﴾ لقمان: ١٤

*“Twanategetse umuntu kugirira neza ababyeyi be. Nyina yamutwitanye imvune ziyongera ku zindi, anamucutsa ku myaka ibiri. Ngaho nshimira unashimire ababyeyi bawe. Iwanjye ni ho byose bizasubira.”*[2]

Harimo nanone kubanira neza abantu bo mu muryango ubagirira neza. Hakabamo na none kubanira neza umuturanyi, bivuze kugirira neza buri wese utuye hafi yawe ukanirinda icyamubangamira.

Hakabamo nanone kugirira neza impfubyi, igisobanuro cy’impfubyi mu mategeko ya Isilamu: Ni buri wese wapfushije se mbere y’uko agimbuka. Naho kugirira neza impfubyi ni ukuzitaho ubwazo ukazirindira umutungo igihe ziwufite ndetse ukanazigirira impuhwe.

[1] Qur’an 17:23
[2] Qur’an 31:14

Hakabamo no kugirira neza abakene, kubagirira neza ni ukubaha amaturo ndetse no kuborohera. Hakabamo nanone kugirira neza umugenzi wihitira, umugenzi wihitira uvugwa aha, ni umuntu uri ku rugendo washiriwe n'impamba cyangwa se wayitaye cyangwa se wayibwe. Abandi bamenyi bavuze ko ugamijwe aha ari umushyitsi. Hakabamo nanone korohera umucakara. Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) kandi babwirizanya korohera umucakara, hakinjiramo nanone korohera amatungo umuntu atunze mu rugo.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **Bakanabuza ubwibone, kwiyemera, ubugizi bwa nabi, ndetse no kwishyira hejuru y'abandi byaba ari mu kuri cyangwa atari mu kuri.** Kwibona ni umuntu kuba yakwiratana ibigwi bye n'ibyiza bye yaba ashingiye ku muryango cyangwa se ikindi kimuhesha icyubahiro.

Naho kwiyemera ni igihe umuntu yiratana ingabire Allah yamuhaye.

Naho kwishyira hejuru y'abandi haba harimo no kubasuzugura, ndetse no kubabwira amagambo atari meza yo kubanyega. Byaba ari mu kuri cyangwa atari mu kuri. Bivuze ko uwishyira hejuru iyo ari mu kuri biba ari ubwibone, naho iyo bitari mukuri biba ari ubugizi bwa nabi. Bityo rero kwishyira hejuru uko byaba bimeze kose ntibyemewe. Allah yanenze abantu bishyira hejuru agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَلَا تُصَعِّرْ خَدَّكَ لِلنَّاسِ وَلَا تَمْشِ فِي ٱلْأَرْضِ مَرَحًاۖ إِنَّ ٱللَّهَ لَا يُحِبُّ كُلَّ مُخْتَالٍ فَخُورٍ ١٨ وَٱقْصِدْ فِي مَشْيِكَ وَٱغْضُضْ مِن صَوْتِكَۚ إِنَّ أَنكَرَ ٱلْأَصْوَٰتِ لَصَوْتُ ٱلْحَمِيرِ ١٩ ﴾ لقمان: ١٨ – ١٩

*"Kandi ntugahindukize umusaya wawe wibona ku bantu. Mu by'ukuri, Allah ntakunda umunyagasuzuguro wese, umwibone. Kandi ujye ugenda wiyoroheje ndetse unoroshye ijwi ryawe. Mu by'ukuri, ijwi ribi kurusha ayandi ni ijwi ry'indogobe."*[1]

---

[1] Qur'an 31: 18-19

Ikindi twakongeraho nuko hari ibyo abantu bashobora gufata nk'ubwibone n'ubwirasi ariko atari ko biri. Nk'igihe umuntu yaba agamije kugaragaza agaciro k'inema Allah yamuhaye no kuyishimira ndetse no kuyishishikariza abandi, cyangwa se umuntu akaba ashobora kwigaragaza nk'umuntu w'igitangaza agamije guhabya umwanzi kandi ibyo akabikora abyeguriye Allah n'ibindi. Aha umumeyi Ibun Al Qayyim mu gitabo cye Madaridj A-salikina atanga ingero ebyiri z'ibi tumaze kuvuga, nk'aho Intumwa y'Imana Imana iyihe amahoro n'imigisha yavuze iti: "Ni njye mutware w'urubyaro rwa Adam kandi simbivuganye ubwirasi, Ni nanjye uzazurwa mbere ku munsi w'imperuka kandi ntabwo mbivuganye ubwirasi, ni nanjye wa mbere ku munsi w'imperuka uzatakamba nkanakiririrwa ugutakamba kandi simbivuganye ubwirasi."

Naho urugero rwa kabiri Ibun Al Qayyim yatanze ni imvugo y'umusangirangendo Sad Ibun Abi Waqas aho yavuze ati: ni njye wa mbere wateye umwambi mu nzira y'Imana.

Naho ijambo ry'umwanditsi rigira riti: **Ikindi kandi nuko ibyo bavuga byose cyangwa bakora byaba muri ibi cyangwa se ibindi, babikora bagendeye ku gitabo cya Allah (Qur'an) n'Imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).** Ntabwo ari ibihimbano bishyiriyeho ndetse si n'ibintu biganye abandi kuko Allah muri Qur'an iyi mico tumaze kuvuga ayishimangira agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَٱعۡبُدُواْ ٱللَّهَ وَلَا تُشۡرِكُواْ بِهِۦ شَيۡـٔٗاۖ وَبِٱلۡوَٰلِدَيۡنِ إِحۡسَٰنٗا وَبِذِي ٱلۡقُرۡبَىٰ وَٱلۡيَتَٰمَىٰ وَٱلۡمَسَٰكِينِ وَٱلۡجَارِ ذِي ٱلۡقُرۡبَىٰ وَٱلۡجَارِ ٱلۡجُنُبِ وَٱلصَّاحِبِ بِٱلۡجَنۢبِ وَٱبۡنِ ٱلسَّبِيلِ وَمَا مَلَكَتۡ أَيۡمَٰنُكُمۡۗ إِنَّ ٱللَّهَ لَا يُحِبُّ مَن كَانَ مُخۡتَالٗا فَخُورًا ٣٦ ﴾ النساء: ٣٦

*"Kandi mugaragire Allah, ntimukamubangikanye n'icyo ari cyo cyose; mujye mugirira ineza ababyeyi, abo mufitanye isano, impfubyi, abakene, umuturanyi mufitanye isano, umuturanyi*

*usanzwe, inshuti ya hafi, uri ku rugendo n'abacakara banyu. Mu by'ukuri, Allah ntakunda umunyagasuzuguro, umwibone."*[1]

Naho imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n;imigisha) zivuga kuri ibi ni nyinshi harimo na zimwe umwanditsi yavuze.

## طَرِيقَةُ أهل السنة والْجَمَاعَةُ هِيَ دِينُ الإسْلاَمِ.

**Inzira y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) ni idini y'Ubuyisilamu.**

وَطَرِيقَتُهُمْ هِيَ دِينُ الإِسْلاَمِ الَّذِي بَعَثَ اللهُ بِهِ مُحَمَّدًا ﷺ .

لَكِنْ لَمَّا أَخْبَرَ النَّبِيُّ ﷺ أَنَّ أُمَّتَهُ سَتَفْتَرِقُ عَلَى ثَلاثٍ وَسَبْعِينَ فِرْقَةً؛ كُلُّهَا فِي النَّارِ؛ إِلاَّ وَاحِدَةً، وَهِيَ الْجَمَاعَةُ. وَفِي حَدِيثٍ عَنْهُ أَنَّهُ قَالَ: "هُمْ مَنْ كَانَ عَلَى مِثْلِ مَا أَنَا عَلَيْهِ الْيَومَ وَأَصْحَابِي"، صَارَ الْمُتَمَسِّكُونَ بِالإِسْلامِ الْمَحْضِ الْخَالِصِ عَنِ الشَّوْبِ هُمُ أَهْلُ السُّنَّةِ وَالْجَمَاعَةِ.

وَفِيهِمُ الصِّدِّيقُونَ، وَالشُّهَدَاءِ، وَالصَّالِحُونَ، وَمِنْهُمُ أَعْلامُ الْهُدَى، وَمَصَابِيحُ الدُّجَى، أُولو الْمَنَاقِبِ الْمَأْثُورَةِ، وَالْفَضَائِلِ الْمَذْكُورَةِ، وَفِيهِمُ الأَبْدَالُ، وَفِيهِمُ أَئِمَّةُ الدِّينِ، الَّذِينَ أَجْمَعَ الْمُسْلِمُونَ عَلَى هِدَايَتِهِمْ وَدِرَايَتِهِمْ، وَهُمُ الطَّائِفَةُ الْمَنْصُورَةُ الَّذِينَ قَالَ فِيهِمُ النَّبِيُّ ﷺ: "لاَ تَزَالُ طَائِفَةٌ مِنْ أُمَّتِي عَلَى الْحَقِّ مَنْصُورَةً، لاَ يَضُرُّهُم مَّنْ خَالَفَهُمْ، وَلاَ مَنْ خَذَلَهُمْ؛ حَتَّى تَقُومَ السَّاعَةُ" نَسْأَلُ اللهَ أَنْ يَجْعَلَنَا مِنْهُمْ وَأَنْ لاَ يُزِيغَ قُلُوبَنَا بَعْدَ إِذْ هَدَانَا، وَأَنْ يَهَبَ لَنَا مِن لَّدُنْهُ رَحْمَةً إِنَّهُ هُوَ الوَهَّابُ. وَاللهُ أَعْلَمُ. وَصَلَّى اللهُ عَلَى مُحَمَّدٍ وَآلِهِ وَصَحْبِهِ وَسَلَّمَ تَسْلِيمًا كَثِيرًا..

---

[1] Qur'an 4:36

**N'inzira yabo ni idini ya Islam Imana yohereje Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ngo aze kuyigisha. Ariko ubwo Intumwa y'Imana yavugaga ko abayikurikiye (Umat) bazacikamo amatsinda mirongo irindwi n'atatu, yose akaba azajya mu muriro uretse itsinda rimwe ari ryo ryiswe imbaga (*Djama'at*), ndetse no mu yindi mvugo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) igira iti: "Ni babandi bazarangwa n'ibyo ndiho uyu munsi njye n'abasangirangendo banjye, ibyo bihita bigaragaza ko abashikamye ku buyisilamu bw'umwimerere buzira icyasha, ni abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-a*).**

**No mu bagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-a*) harimo abemeye by'ukuri, abaguye ku rugamba baharanira inzira ya Allah, n'intungane, hakabamo kandi ibirango by'umuyoboro n'amatara amurika mu mwijima[1]. Bafite ibigwi n'ibyiza byabavuzweho, hakaba harimo nanone abakunzi ba Allah barangwa no gukora ibyiza (*Al Ab'dal*), hakaba harimo n'abayobozi b'idini abayislamu bose bahurijeho ko bayobotse inzira y'ukuri ndetse ko bari banasobanukiwe idini.**

**Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-a*) kandi nibo bitwa itsinda rizatabarwa (*Twaifatu Al Man'swurat),* Intumwa y'Imana yavuze mu mvugo yayo igira iti: "Hari itsinda mu bayoboke banjye rizagumya kuba ku kuri (rigendera kuri Qur'an na Hadith), ntirizabangamirwa n'abazashaka kurisuzuguza cyangwa se kunyuranya naryo kugeza ku munsi w'imperuka."**

[1] Ibirango by'umuyoboro: Ikigambiriwe ni abamenyi baboneka muri Ahlu sunat wal djama'a bayobora abantu inzira y'iyi dini y'ubusilamu, nanone bakaba amatara amurika mu mwijima, bivuze ngo ubumenyi bwabo bukuraho ubujiji arbwo bwagereranyijwe n'umwijima

**Turasaba Allah Nyirubuhambare ko yaduha kuba muri bo, akanarinda imitima yacu kuyoba nyuma y'uko ayiyoboye, akanaduhundagazaho impuhwe ze kuko niwe Mugaba uhebuje. Allah niwe Mumenyi uhebuje. Amahoro n'imigisha bisakare kuri Muhamad, n'ab'iwe n'abasangirangendo be.**

*Ibisobanuro mu buryo burambuye*

Umwanditsi (Allah amugirire impuhwe) akomeza agaragaza umwihariko w'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*), akagaragaza umwihariko wabo uhambaye aho agira ati: **N'inzira yabo ni idini ya Islam Imana yohereje Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) ngo aze kuyigisha.** Bivuze ngo niyo nzira yabo ngenderwaho ikaba n'umurongo wabo ubageza kwa Allah, kubera ko ari bo bantu bazashikama ku buyisilamu igihe hazabaho kwa gucikamo ibice Intumwa yavuze ko kuzaba mu bayoboke bayo.

Bityo rero nibo babaye itsinda ryarokotse hagati ya turiya dutsiko twose, bakaba ari nabo bantu bashikamye ku mahame y'Intumwa y'Imana ndetse n'ayo abasangirangendo bayo. Kandi uko gushikama ku by'Intumwa y'Imana no ku by'abasangirangendo bayo, nibwo buyisilamu bwa nyabwo buzira icyasha. Niyo mpamvu ari bo bakwiye izina ry'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djamaat*), maze muri bo habonekamo abemeye Imana by'ukuri, abaguye ku rugamba baharanira inzira ya Allah, abaranzwe no gukora ibyiza.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **Hakabamo kandi ibirango by'umuyoboro n'amatara amurika mu mwijima.** Ibirango by'umuyoboro bivugwa aha ni abamenyi mu bayoboke b'Intumwa y'Imana barangwa na buri muco mwiza ndetse n'ubumenyi bakanabushyira mu bikorwa.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **Hakaba harimo nanone abakunzi ba Allah barangwa no gukora ibyiza (*Al Ab'dal*).** Ni abakunzi ba Allah barangwa no kumugandukira cyane. Bamwe mu bamenyi bavuga ko impamvu biswe gutyo ari uko iyo umwe muri bo apfuye asimbuzwa undi. No mu yindi mvugo ituruka kwa Ahmad ivuga ko abagamijwe ari abamenyi ba Hadith.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **Hakaba harimo n'abayobozi b'idini abayislamu bose bahurijeho ko bayobotse inzira y'ukuri ndetse ko bari banasobanukiwe idini,** bivuze ngo mu bagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) harimo abamenyi bakurikirwa, twavugamo nk'abamenyi bane bazwi (Abu Hanifat, Malik Ibun Anas, Shaffy, Ahmad Ibun Han'bal) ndetse n'abandi.

Naho imvugo y'umwanditsi igira iti: **Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) kandi nibo bitwa itsinda rizatabarwa (*Twaifatu Al Man'swurat*),** nkuko bivugwa muri Hadithi aho

Intumwa y'Imana yavuze mu mvugo yayo igira iti: **"Hari itsinda mu bayoboke banjye rizaguma ku kuri (rigendera kuri Qur'an na Hadith), ntirizabangamirwa n'abazashaka kurisuzuguza cyangwa se kunyuranya naryo kugeza ku munsi w'imperuka."**[1] Ijambo muri Hadithi rigira riti Kugeza ku munsi w'imperuka abamenyi basobanura bavuga ko ari ukuzageza igihe imperuka izaba yegereje, kubera ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: Ntabwo imperuka izabaho usibye ko izabaha ari uko ku isi hatakiri umuntu uvuga ijambo Allah."[2]

---

[1] Yakiriwe na Bukhari na Muslim.
[2] Yakiriwe na Muslim

Hanyuma umwanditsi yasoje iki gitabo cyuje imigisha asabira Intumwa y'Imana (amahoro n'imigisha) uyu akaba ari nawo musozo mwiza.

## AMWE MU MADINI N'UDUTSIKO BYAVUZWE MURI IKI GITABO.

1. **Ubuyahudi:** Abamenyi bagenda basobanura inkomoko y'izina ubuyahudi mu buryo butandukanye, hari abavuga ko iri jambo riva mu kwicuza. Nk'aho Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَٱكْتُبْ لَنَا فِى هَٰذِهِ ٱلدُّنْيَا حَسَنَةً وَفِى ٱلْءَاخِرَةِ إِنَّا هُدْنَآ إِلَيْكَ... ﴿١٥٦﴾ ﴾

الأعراف: ١٥٦

"*Unadushyire mubo wandikiye ibyiza muri iyi si ndetse no ku munsi w'imperuka, rwose tukwicujijeho...*[1]"

Hakaba hari n'abandi bamenyi bavuga ko iryo zina ryakomotse kuri Yahudha umuvandimwe wa Yusufu, akaba ari umwe mu bahungu ba Ya-aqubu (Is'raa-il), iri zina rikaba rikunda kugarurwa kuri bene Is'raheri muri rusange, n'ubwo bwose abana ba Is'raa-il ariwe (Yaaqub) batigeze biyita Abayahudi.

Naho ibisobanura abamenyi b'idini ya Isilam bavuga ku buyahudi: Bavuga ko Abayahudi ari abavuga ko bakurikira Intumwa y'Imana Mussa (Imana imuhe amahoro n'imigisha) bakanakurikiza amahame y'igitabo cya *Taurat* cyahishuriwe Intumwa y'Imana Mussa, bakaba barigiraga intungane cyane kandi ari inkozi z'ibibi, Allah aragira ati:

[1] Qur'an 7: 156

قَالَ تَعَالَى: ﴿ قُلْ يَٰٓأَيُّهَا ٱلَّذِينَ هَادُوٓاْ إِن زَعَمْتُمْ أَنَّكُمْ أَوْلِيَآءُ لِلَّهِ مِن دُونِ ٱلنَّاسِ فَتَمَنَّوُاْ ٱلْمَوْتَ إِن كُنتُمْ صَٰدِقِينَ ۝٦ وَلَا يَتَمَنَّوْنَهُۥٓ أَبَدًۢا بِمَا قَدَّمَتْ أَيْدِيهِمْ ۚ وَٱللَّهُ عَلِيمٌۢ بِٱلظَّٰلِمِينَ ۝٧ ﴾ الجمعة: ٦ - ٧

"*Vuga (yewe Muhamadi) uti: "Yemwe ababaye Abayahudi! Niba mwibwira ko muri inshuti za Allah kurusha abandi bantu bose, ngaho nimwifuze urupfu niba koko muri abanyakuri. Nyamara rwose ntibarwifuza na gato kubera ibyo bakoze (bibi). Kandi Allah azi neza abanyamahugu*[1]."

Gusa iri zina ntiryari rizwi kugihe cy'Intumwa y'Imana Mussa, niyo rivuzwe muri Qur'an na Hadithi akenshi usanga rivugwa mu buryo bwo kunenga abaryiyitiriye. Ahubwo izina abantu bakurikiye Mussa bari bazwiho ryari *Banu Israa-il* (bene Is'raheri) Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ يَٰبَنِىٓ إِسْرَٰٓءِيلَ ٱذْكُرُواْ نِعْمَتِىَ ٱلَّتِىٓ أَنْعَمْتُ عَلَيْكُمْ وَأَنِّى فَضَّلْتُكُمْ عَلَى ٱلْعَٰلَمِينَ ۝٤٧ ﴾ البقرة: ٤٧

"*Yemwe bene Isiraheli! Nimwibuke ingabire zanjye nabahundagajeho, kandi munibuke ko nabarutishije ibindi biremwa (byo ku gihe cyanyu).*[2]" nkuko bitwaga *Qaumu Mussa* (Abantu ba Mussa) Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمِن قَوْمِ مُوسَىٰٓ أُمَّةٌ يَهْدُونَ بِٱلْحَقِّ وَبِهِۦ يَعْدِلُونَ ۝١٥٩ ﴾ الأعراف: ١٥٩

"*No mu bantu ba Musa harimo itsinda riyoboresha ukuri, rikanagukoresha mu butabera.*[3]"

Ndetse banitwaga *Ahlul Kitabu* (abahawe igitabo) Allah aragira ati:

---

1 Qur'an 62:6-7
2 Qur'an 2:47
3 Qur'an 7:159

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ قُلْ يَٰٓأَهْلَ ٱلْكِتَٰبِ لَسْتُمْ عَلَىٰ شَىْءٍ حَتَّىٰ تُقِيمُوا۟ ٱلتَّوْرَىٰةَ وَٱلْإِنجِيلَ وَمَآ أُنزِلَ إِلَيْكُم مِّن رَّبِّكُمْ ۗ وَلَيَزِيدَنَّ كَثِيرًا مِّنْهُم مَّآ أُنزِلَ إِلَيْكَ مِن رَّبِّكَ طُغْيَٰنًا وَكُفْرًا ۖ فَلَا تَأْسَ عَلَى ٱلْقَوْمِ ٱلْكَٰفِرِينَ ﴿٦٨﴾ ﴾ المائدة: ٦٨

"*Vuga uti: "Yemwe abahawe igitabo! Nta cyo muzaba mushingiyeho (mu idini ryanyu) kugeza ubwo muzashyira mu bikorwa Tawurati, Ivanjili n'ibyo mwahishuriwe biturutse kwa Nyagasani wanyu (Qur`an)". Kandi rwose, ibyo wahishuriwe biturutse kwa Nyagasani wawe byongerera abenshi muri bo ubwigomeke n'ubuhakanyi. Bityo ntuzababazwe n`abantu b'abahakanyi.*[1]"

Ikindi twavuga nuko dusanga hari imirongo ya Qur'an na Hadithi z'Intumwa y'Imana zishima bamwe muri bo bemeraga Imana n'Intumwa zayo bakanakora ibikorwa byiza, kuko uwemeraga Mussa (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yabaga anemeye Intumwa zizaza nyuma ye. Niyo mpamvu Imana yanenze bamwe mu Bayahudi banze kwemera Intumwa Issa (Yesu) (Imana imuhe amahoro n'imigisha) kandi yarahishuwe mu gitabo cy'abahishuriwe *Taurat.* Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَقَالَتِ ٱلْيَهُودُ لَيْسَتِ ٱلنَّصَٰرَىٰ عَلَىٰ شَىْءٍ وَقَالَتِ ٱلنَّصَٰرَىٰ لَيْسَتِ ٱلْيَهُودُ عَلَىٰ شَىْءٍ وَهُمْ يَتْلُونَ ٱلْكِتَٰبَ ۗ كَذَٰلِكَ قَالَ ٱلَّذِينَ لَا يَعْلَمُونَ مِثْلَ قَوْلِهِمْ ۚ فَٱللَّهُ يَحْكُمُ بَيْنَهُمْ يَوْمَ ٱلْقِيَٰمَةِ فِيمَا كَانُوا۟ فِيهِ يَخْتَلِفُونَ ﴿١١٣﴾ ﴾ البقرة: ١١٣

"*Abayahudi kandi baravuze bati: "Abanaswara nta shingiro bafite (bivuze ko Issa ariwe Yesu n'ibyo yahishuriwe ntabwo ari ukuri)", n'Abanaswara baravuga bati: "Abayahudi nta shingiro bafite (bivuze ko Mussa n'ibyo yahishuriwe ntabwo ari ukuri)"; nyamara*

[1] Qur'an 5:6

*bose basoma igitabo (Tawurati n'Ivanjili). Iyo ni nayo mvugo abatabizi (ababangikanya Allah b'abarabu) bavuze (ko Muhamad n'ibyo yahishuriwe atari ukuri). Allah ni we uzabakiranura ku munsi w'izuka mu byo batumvikanagaho.*[1]"

Ikindi nuko bigoye kuvuga mu buryo nyabwo igihe iri zina ryatangiye gukoreshwa mu kwitirirwa aba bantu. Igitabo Mussa yahawe cyitwaga *Taurat.* Intumwa y'Imana Mussa imaze gupfa abayahudi bagiye bahindura bimwe muri *Taurat* bayitesha agaciro. Allah yabavuzeho muri Qur'an aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ فَوَيْلٌ لِّلَّذِينَ يَكْتُبُونَ ٱلْكِتَٰبَ بِأَيْدِيهِمْ ثُمَّ يَقُولُونَ هَٰذَا مِنْ عِندِ ٱللَّهِ لِيَشْتَرُوا۟ بِهِۦ ثَمَنًا قَلِيلًا ۖ فَوَيْلٌ لَّهُم مِّمَّا كَتَبَتْ أَيْدِيهِمْ وَوَيْلٌ لَّهُم مِّمَّا يَكْسِبُونَ ﴿٧٩﴾ ﴾ البقرة: ٧٩

"*Akaga gakomeye kari kuri babandi biyandikira igitabo n'amaboko yabo, nyuma bakavuga bati "Iki giturutse kwa Allah", kugira ngo bakigurane ikiguzi gito (indonke z'isi). Bazabona akaga gakomeye kubera ibyo amaboko yabo yanditse, kandi bazabona akaga gakomeye kubera ibyo bakora.*[2]"

Qur'an rero yagiye igaragaza imwe mu myemerere n'imyitwarire y'Abayahudi inyuranye n'ibyo Intumwa z'Imana zigishaga, hari nkaho Qur'an igaragaza ko batutse Imana, ndetse n'aho bavuze ko Imana yabyaye bayitirira uwitwa Uzayiri ko ari umwana w'Imana n'ibindi bidakwiye ku Mana. Ikindi nuko Abayahudi ari abantu Qur'an yakunze kugaragaza ko bazi ukuri ariko bagakunda kuguhisha. Muri bimwe bari bazi nk'ukuri ni ukoherezwa kw'Intumwa y'Imana Muhamad nyuma ya Issa Ibun Mar'yam (Imana ibahe amahoro n'igisha), ndetse bari banazi umujyi iyo Ntumwa izavukiramo n'uwo izimukiramo nyuma yo guhabwa ubutumwa bamwe muri bo baje kuzimukira muri uwo mujyi witwaga *Yathirib* (*Madina*) bahimukira ari amoko atatu

[1] Qur'an 2:113
[2] Qur'an 2:79

muri bo hari abitwaga *Banu Quraydwha*, hari abitwa ba *Banu* (bene) *Nadhwir*, n'abitwabaga *Banu Qayinuqaa-u*. Aba Bayahudi bimukiye hariya kugirango bazahabyarire noneho iyo ntumwa izaturuke muri bo, nuko Imana yohereza iyo Ntumwa ikomoka mu bwoko bwa ba Qurayishi b'abarabu, abo bayahudi bahise bayihakana banayigirira urwango. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَلَمَّا جَآءَهُمْ كِتَٰبٌ مِّنْ عِندِ ٱللَّهِ مُصَدِّقٌ لِّمَا مَعَهُمْ وَكَانُوا۟ مِن قَبْلُ يَسْتَفْتِحُونَ عَلَى ٱلَّذِينَ كَفَرُوا۟ فَلَمَّا جَآءَهُم مَّا عَرَفُوا۟ كَفَرُوا۟ بِهِۦ ۚ فَلَعْنَةُ ٱللَّهِ عَلَى ٱلْكَٰفِرِينَ ﴿٨٩﴾ ﴾ البقرة: ٨٩

"*N'igihe bagerwagaho n'igitabo (Qur'an) giturutse kwa Allah, gishimangira ibyo bafite (ihishurwa ry'ubutumwa bw'Intumwa Muhamadi muri Tawurati, barabihakanye), kandi mbere (yo kuza kw'Intumwa Muhamadi) barabyifashishaga nk'ingabo basaba Allah gutsinda abahakanyi. Ariko bamaze kugerwaho n'ibyo bari baramenye (ubutumwa bwa Muhamadi) barabihakanye. Ku bw'ibyo, umuvumo wa Allah ube ku bahakanyi.*[1]"

2. **Abanaswara:** Ijambo *Naswara* ubundi rikomoka ku izina ry'agace kitwa *Nasw'raanat* (i Nazareti), kakaba ari agace mu duce tugize igihugu cya Palesitena aho Intumwa Issa Ibun Mar'yam (Yesu) yavukiye, hakaba hari n'abandi bavuga ko iri zina riva ku ijambo *Nus'rat*, bisobanuye gutabara no gutanga ubufasha, kuko abantu bakurikiye Issa baramutabaye baranamufasha mu bihe bitandukanye, aba bavugwa aha ni abiguswha be cumi na babiri bari barakurikiye Issa.

Naho ibisobanuro abamenyi b'idini ya Isilam bavuga ku bunaswara: Bavuga ko Abanaswara ari abavuga ko bakurikira Intumwa y'Imana Issa (Yesu) (Imana imuhe amahoro n'imigisha), bakanakurikiza amahame y'igitabo cya *In'jiil (Ivanjiri)* kikaba ari

---

[1] Qur'an 2:89

igitabo cyahishuriwe Intumwa y'Imana Issa waje nyuma y'Intumwa y'Imana Mussa (Imana ibahe amahoro n'imigisha).

Hakaba hari n'irindi zina abakurikiye Issa biyita ritagaragaye muri Qur'an no muri Hadithi z'Intumwa y'Imana *Al Masihiyat* (Abakirisitu) biva ku izina (*Masiihi*) cyangwa (*Mesiya*) ryitirirwa Issa muri Qur'an. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ إِذْ قَالَتِ ٱلْمَلَٰٓئِكَةُ يَٰمَرْيَمُ إِنَّ ٱللَّهَ يُبَشِّرُكِ بِكَلِمَةٍ مِّنْهُ ٱسْمُهُ ٱلْمَسِيحُ عِيسَى ٱبْنُ مَرْيَمَ
وَجِيهًا فِى ٱلدُّنْيَا وَٱلْءَاخِرَةِ وَمِنَ ٱلْمُقَرَّبِينَ ﴿٤٥﴾ وَيُكَلِّمُ ٱلنَّاسَ فِى ٱلْمَهْدِ وَكَهْلًا وَمِنَ ٱلصَّٰلِحِينَ
﴿٤٦﴾ ﴾ آل عمران: ٤٥ – ٤٦

"*Ibuka ubwo Malayika yavugaga ati "Yewe Mariyamu (Mariya)! Mu by'ukuri, Allah aguhaye inkuru nziza y'ijambo rimuturutseho (ko ugiye kubyara umwana). Izina rye ni Masihi Isa (Yesu), mwene Mariyamu. Azaba umunyacyubahiro ku isi no ku mperuka, kandi azaba mu bari hafi ya Allah. Kandi azavugisha abantu mu buhinja no mu bukwerere, kandi azaba mu ntungane.*[1]" Ubwo izina rye ni Issa, irishambagizo rye ni Masihi, naho uwo ari we nuko ari umwana wa Mariyamu.

Amazina yagaragaye muri Qur'an yitiriwe abakurikiye Intumwa Issa bakanakurikira amahame ya In'jiil ni: **Naswara**, **Ahlul Kitab** (abahawe igitabo)**, Ahlul In'jiil** (abakurikiye ivanjiri). Allah agaragaza izina Naswara agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ لَتَجِدَنَّ أَشَدَّ ٱلنَّاسِ عَدَٰوَةً لِّلَّذِينَ ءَامَنُوا۟ ٱلْيَهُودَ وَٱلَّذِينَ أَشْرَكُوا۟ ۖ وَلَتَجِدَنَّ
أَقْرَبَهُم مَّوَدَّةً لِّلَّذِينَ ءَامَنُوا۟ ٱلَّذِينَ قَالُوٓا۟ إِنَّا نَصَٰرَىٰ ۚ ذَٰلِكَ بِأَنَّ مِنْهُمْ قِسِّيسِينَ وَرُهْبَانًا

[1] Qur'an 3:45-46

وَأَنَّهُمْ لَا يَسْتَكْبِرُونَ ﴿٨٢﴾ وَإِذَا سَمِعُوا مَا أُنزِلَ إِلَى الرَّسُولِ تَرَىٰ أَعْيُنَهُمْ تَفِيضُ مِنَ الدَّمْعِ مِمَّا عَرَفُوا مِنَ الْحَقِّ ۖ يَقُولُونَ رَبَّنَا آمَنَّا فَاكْتُبْنَا مَعَ الشَّاهِدِينَ ﴿٨٣﴾ ﴾ المائدة: ٨٢ – ٨٣

*"Rwose uzasanga abafitiye abemera urwango rukomeye kurusha abandi, ari Abayahudi n'ababangikanyamana. Uzasanga kandi abiteguye gukunda abemera (Abayisilamu) ari abavuze bati "Mu by'ukuri, twe turi Abanaswara". Ibyo ni uko muri bo harimo abasenyeri n'abasaseredoti, kandi bakaba batibona. Kandi iyo bumvise ibyahishuriwe Intumwa (Muhamadi), ubona amaso yabo atembamo amarira kubera ukuri bamenye; bakavuga bati "Nyagasani wacu! Twaremeye; bityo dushyire hamwe n'abahamya (ukuri).[1]"* Naho A*hlul Kitab,* Allah yagaragaje iri zina agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ قُلْ يَا أَهْلَ الْكِتَابِ لَسْتُمْ عَلَىٰ شَيْءٍ حَتَّىٰ تُقِيمُوا التَّوْرَاةَ وَالْإِنجِيلَ وَمَا أُنزِلَ إِلَيْكُم مِّن رَّبِّكُمْ ۗ وَلَيَزِيدَنَّ كَثِيرًا مِّنْهُم مَّا أُنزِلَ إِلَيْكَ مِن رَّبِّكَ طُغْيَانًا وَكُفْرًا ۖ فَلَا تَأْسَ عَلَى الْقَوْمِ الْكَافِرِينَ ﴿٦٨﴾ ﴾ المائدة: ٦٨

"*Vuga uti: "Yemwe abahawe igitabo! Nta cyo muzaba mushingiyeho (mu idini ryanyu) kugeza ubwo muzashyira mu bikorwa Tawurati, Ivanjili n'ibyo mwahishuriwe biturutse kwa Nyagasani wanyu (Qur`an)". Kandi rwose, ibyo wahishuriwe biturutse kwa Nyagasani wawe byongerera abenshi muri bo ubwigomeke n'ubuhakanyi. Bityo ntuzababazwe n`abantu b'abahakanyi.[2]*" Naho *Ahlul Inj'iil,* Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَلْيَحْكُمْ أَهْلُ الْإِنجِيلِ بِمَا أَنزَلَ اللَّهُ فِيهِ ۚ وَمَن لَّمْ يَحْكُم بِمَا أَنزَلَ اللَّهُ فَأُولَٰئِكَ هُمُ الْفَاسِقُونَ ﴿٤٧﴾ ﴾ المائدة: ٤٧

---

[1] Qur'an 3:82-83
[2] Qur'an 5:6

"*Ngaho abahawe Ivanjiri nibategekeshe ibyo Allah yayibahishuriyemo. Kandi abatazategekesha ibyo Allah yahishuye, abo ni bo nkozi z'ibibi.*[1]"

Bimwe mu byaranze abavuga ko bakurikiye Issa. Qur'an yagiye igaragaza ko aba bantu bagiye bahindura imyemerere n'imyizerere Intumwa y'Imana Issa yigishaga, iyi Ntumwa yigishije ko yo ubwayo ari umuntu nk'abandi ko itabyawe n'Imana ahubwo yabyawe na Mariyamu ku bw'igitangaza nta mugabo babonanye ikiba ari Intumwa y'Imana, kandi ko yoherejwe kugira ngo isenge Imana imwe ibyigishe n'abantu ko itagombwa gusengwa ubwayo (Intumwa Issa) Allah avuga abicishije ku rurimi rw'iyi Ntumwa Issa agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ إِنَّ ٱللَّهَ رَبِّي وَرَبُّكُمْ فَٱعْبُدُوهُۚ هَٰذَا صِرَٰطٌ مُّسْتَقِيمٌ ﴿٥١﴾ ﴾ آل عمران: ٥١

"*Mu by'ukuri, Allah ni Nyagasani wanjye akaba na Nyagasani wanyu; ku bw'ibyo nimumugaragire. Iyo ni yo nzira igororotse.*[2]" Ikindi cyagarustweho na Qur'an nuko Abayahudi n'Abaromani bishatse kwica Issa Ibun Mariyamu. Imana iramukiza imusananishije n'umwe mu bamurwanyaga aba ariwe bica. Allah arokora Issa, Allah abishimangira muri Qur'an agira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَبِكُفْرِهِمْ وَقَوْلِهِمْ عَلَىٰ مَرْيَمَ بُهْتَٰنًا عَظِيمًا ﴿١٥٦﴾ وَقَوْلِهِمْ إِنَّا قَتَلْنَا ٱلْمَسِيحَ عِيسَى ٱبْنَ مَرْيَمَ رَسُولَ ٱللَّهِ وَمَا قَتَلُوهُ وَمَا صَلَبُوهُ وَلَٰكِن شُبِّهَ لَهُمْۚ وَإِنَّ ٱلَّذِينَ ٱخْتَلَفُوا۟ فِيهِ لَفِي شَكٍّ مِّنْهُۚ مَا لَهُم بِهِۦ مِنْ عِلْمٍ إِلَّا ٱتِّبَاعَ ٱلظَّنِّۚ وَمَا قَتَلُوهُ يَقِينًۢا ﴿١٥٧﴾ بَل رَّفَعَهُ ٱللَّهُ إِلَيْهِۚ وَكَانَ ٱللَّهُ عَزِيزًا حَكِيمًا ﴾ النساء: ١٥٦ – ١٥٨

"*Kandi (twarabavumye) kubera ubuhakanyi bwabo n'imvugo yabo yuje ikinyoma gihambaye kuri Mariyamu (imushinja ubusambanyi). No k'ubw'imvugo yabo igira iti "Rwose twishe Mesiya Isa (Yesu) mwene Mariyamu (Mariya), intumwa ya Allah".*

[1] Qur'an 5: 47
[2] Qur'an 3:51

*Nyamara ntibamwishe, kandi ntibanamubambye, ahubwo (uwo bishe bakanababamba ni) uwahawe ishusho ye. Kandi mu by'ukuri, babandi batabivuzeho rumwe, baracyamushidikanyaho (bibaza niba uwishwe ari Yesu cyangwa usa nawe). Nta bumenyi nyakuri babifiteho usibye gukurikira ibyo bakeka. Kandi rwose ntibamwishe. Ahubwo Allah yamuzamuye iwe. Kandi Allah ni Umunyembaraga zihebuje, Ushishoza.*[1]"

Nyuma yuko Issa azamuwe mu ijuru abamukurikiye bahuye n'ikibazo cyo kubura Injiil baza kwinjirirwa na bamwe mu bayahudi bahindura Injiil banahindura imyemerere yabigishije. Allah yabanenze kuri icyo gikorwa agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ ... وَيَقُولُونَ عَلَى ٱللَّهِ ٱلْكَذِبَ وَهُمْ يَعْلَمُونَ ﴾ آل عمران: ٧٥

*"...Bakanabeshyera Allah kandi babizi.*[2]*"*

Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ مِّنَ ٱلَّذِينَ هَادُوا۟ يُحَرِّفُونَ ٱلْكَلِمَ عَن مَّوَاضِعِهِۦ... ﴾ النساء: ٤٦

"*Muri babandi babaye Abayahudi, harimo abahindura amagambo ya Allah, bayakura mu myanya yayo...*[3]" Allah nanone aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿... وَيَقُولُونَ هُوَ مِنْ عِندِ ٱللَّهِ وَمَا هُوَ مِنْ عِندِ ٱللَّهِ وَيَقُولُونَ عَلَى ٱللَّهِ ٱلْكَذِبَ وَهُمْ يَعْلَمُونَ ﴾ آل عمران: ٧٨

*"...Bakavuga bati "Ibyo ni ibyaturutse kwa Allah" kandi bitaraturutse kwa Allah. Bakanahimbira Allah ikinyoma kandi babizi.*[4]*"*

[1] Qur'an 4:156-158
[2] Qur'an 3:75
[3] Qur'an 4:46
[4] Qur'an 3:78

Ikindi cyahinduwe mu byo Issa yigishije ni abantu kwinjiza mu byo yigishije ko we ubwe ari Imana. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ لَقَدْ كَفَرَ ٱلَّذِينَ قَالُوٓا۟ إِنَّ ٱللَّهَ هُوَ ٱلْمَسِيحُ ٱبْنُ مَرْيَمَ ۖ وَقَالَ ٱلْمَسِيحُ يَٰبَنِىٓ إِسْرَٰٓءِيلَ ٱعْبُدُوا۟ ٱللَّهَ رَبِّى وَرَبَّكُمْ ۖ إِنَّهُۥ مَن يُشْرِكْ بِٱللَّهِ فَقَدْ حَرَّمَ ٱللَّهُ عَلَيْهِ ٱلْجَنَّةَ وَمَأْوَىٰهُ ٱلنَّارُ ۖ وَمَا لِلظَّٰلِمِينَ مِنْ أَنصَارٍ ﴿٧٢﴾ ﴾ المائدة: ٧٢

*"Rwose babandi bavuze bati "Mu by'ukuri, Mesiya (Yesu) mwene Mariyamu (Mariya) ni Imana", barahakanye. Mu gihe Mesiya (Yesu) yavuze ati "Yemwe bene Isiraheli! Nimugaragire Allah, Nyagasani wanjye akaba na Nyagasani wanyu". Mu by'ukuri, ubangikanya Allah, rwose Allah yamuziririje (kuzinjira mu) Ijuru, kandi icyicaro cye ni mu muriro. Kandi abanyamahugu nta batabazi bazagira.*[1]"

Ikindi cyahinduwe mu byo Issa yigishije abantu bongeyemo ni imyemerere bise ubutatu butagatifu bashaka kwerekana ko imana ziri mu buryo butatu ariko zuzuzanya arizo Imana ubwayo, Yesu, na Mariya. Allah yamaganye iyo myemerere agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ لَّقَدْ كَفَرَ ٱلَّذِينَ قَالُوٓا۟ إِنَّ ٱللَّهَ ثَالِثُ ثَلَٰثَةٍ ۘ وَمَا مِنْ إِلَٰهٍ إِلَّآ إِلَٰهٌ وَٰحِدٌ ۚ وَإِن لَّمْ يَنتَهُوا۟ عَمَّا يَقُولُونَ لَيَمَسَّنَّ ٱلَّذِينَ كَفَرُوا۟ مِنْهُمْ عَذَابٌ أَلِيمٌ ﴿٧٣﴾ ﴾ المائدة: ٧٣

"*Rwose babandi bavuze bati "Mu by'ukuri, Allah ni uwa gatatu muri batatu (mu butatu) barahakanye." Kandi nta yindi mana (ikwiye gusengwa by`ukuri) uretse Imana imwe rukumbi. Nibatarekeraho ibyo bavuga, rwose ba bandi bahakanye muri bo bazagerwaho n'ibihano bibabaza*[2]"

[1] Qur'an 5:72
[2] Qur'an 5:73

Ikindi nuko Allah yagragaje muri Qur'an ko ku munsi w'imperuka Issa azabazwa ibijyanye n'ubutatu butagatifu. Allah abishimangira mu murongo agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَإِذْ قَالَ ٱللَّهُ يَٰعِيسَى ٱبْنَ مَرْيَمَ ءَأَنتَ قُلْتَ لِلنَّاسِ ٱتَّخِذُونِي وَأُمِّيَ إِلَٰهَيْنِ مِن دُونِ ٱللَّهِۖ قَالَ سُبْحَٰنَكَ مَا يَكُونُ لِيٓ أَنْ أَقُولَ مَا لَيْسَ لِي بِحَقٍّۚ إِن كُنتُ قُلْتُهُۥ فَقَدْ عَلِمْتَهُۥۚ تَعْلَمُ مَا فِي نَفْسِي وَلَآ أَعْلَمُ مَا فِي نَفْسِكَۚ إِنَّكَ أَنتَ عَلَّٰمُ ٱلْغُيُوبِ﴾ المائدة: ١١6

*"Unibuke ubwo Allah azavuga (ku munsi w'imperuka) ati: "Yewe Isa (Yesu) mwene Mariyamu (Mariya)! Ese ni wowe wabwiye abantu uti 'Nimungire, jye na mama, imana ebyiri mu cyimbo cya Allah?" (Yesu) azasubiza ati: "Ubutagatifu ni ubwawe. Ntibikwiye kuri njye ko nabwira (abantu) ibitari ukuri. Iyo nza kuba narabivuze, rwose wari kubimenya. Uzi ibiri mu mutima wanjye nyamara njye sinshobora kumenya amabanga yawe. Mu by'ukuri, ni wowe Mumenyi uhebuje w'ibyihishe[1]."*

Ubwo abakurikiye Issa by'ukuri ni babandi bamwemeye nk'intumwa bakanakurikira ibyo yahishuriwe bitahinduwe, barangiza bakanemera Intumwa Issa yahanuye ari yo Muhamadi, ndetse bakanemera ibyahanuwe niyo Ntumwa ari yo Qur'an. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿وَإِنَّ مِنْ أَهْلِ ٱلْكِتَٰبِ لَمَن يُؤْمِنُ بِٱللَّهِ وَمَآ أُنزِلَ إِلَيْكُمْ وَمَآ أُنزِلَ إِلَيْهِمْ خَٰشِعِينَ لِلَّهِ لَا يَشْتَرُونَ بِـَٔايَٰتِ ٱللَّهِ ثَمَنًا قَلِيلًاۗ أُوْلَٰٓئِكَ لَهُمْ أَجْرُهُمْ عِندَ رَبِّهِمْۗ إِنَّ ٱللَّهَ سَرِيعُ ٱلْحِسَابِ ١٩٩﴾ آل عمران: ١٩٩

"*Mu by'ukuri, mu bahawe ibitabo, harimo abemera Allah, ibyo mwahishuriwe (Qur'an) ndetse n'ibyo bahishuriwe (Tawurati n'Ivanjili); bibombarika imbere ya Allah. Ntibagurana amagambo*

[1] Qur'an 5:116

*ya Allah igiciro gito. Abo bazahabwa ingororano zabo kwa Nyagasani wabo. Mu by'ukuri, Allah ni Ubanguka mu ibarura[1]"*

Muri iki gihe turimo, abiyitirira ko bakurikiye Issa Ibun Mariyam barimo uditsiko twinshi ariko udutsiko dukomeye kuruta utundi ni dutatu: Abagatolika, Abarutodogisi, Abaporositanti.

3. **Islam**: Ni idini ry'ukuri Allah yahaye Intumwa ze zose ngo ziyigishe abantu, zikabigisha ko Imana ikwiye gusengwa by'ukuri ari imwe rukumbi (Allah), ko ari nayo igomba kugaragirwa n'ibiremwa byose, bikayicishaho bugufi yo yonyine, byirinda kugaragira ikindi icyo ari cyo cyose kitari yo. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ وَمَآ أَرۡسَلۡنَا مِن قَبۡلِكَ مِن رَّسُولٍ إِلَّا نُوحِيٓ إِلَيۡهِ أَنَّهُۥ لَآ إِلَٰهَ إِلَّآ أَنَا۠ فَٱعۡبُدُونِ ٢٥ ﴾

**الأنبياء: ٢٥**

"*Kandi nta ntumwa twigeze twohereza mbere yawe (yewe Muhamadi) uretse ko twayihishuriraga ko nta yindi mana ibaho ikwiriye gusengwa mu kuri itari njye (Allah). Bityo nimungaragire.[2]"*

Ibi bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Mu by'ukuri twe intumwa z'Imana idini ryacu ni rimwe.[3]" Idini ryemewe imbere y'Imana ni rimwe. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَىٰ: ﴿ إِنَّ ٱلدِّينَ عِندَ ٱللَّهِ ٱلۡإِسۡلَٰمُۗ ١٩ ﴾ آل عمران: ١٩

*"Mu by'ukuri, idini (ry'ukuri) kwa Allah ni Isilamu[4]"*

---

[1] Qur'an 3:199
[2] Qur'an 21:25
[3] Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim
[4] Qur'an 3:19

Nyuma yuko Allah agaragaje ko Intumwa ze zose zihuriye ku myemerere n'imyizerere imwe ndetse n'idini zazanye rikaba ari rimwe, yerekanye ko ku bijyanye n'amategeko yahaye izo ntumwa yari atandukanye Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَأَنزَلْنَآ إِلَيْكَ ٱلْكِتَـٰبَ بِٱلْحَقِّ مُصَدِّقًا لِّمَا بَيْنَ يَدَيْهِ مِنَ ٱلْكِتَـٰبِ وَمُهَيْمِنًا عَلَيْهِ ۖ فَٱحْكُم بَيْنَهُم بِمَآ أَنزَلَ ٱللَّهُ ۖ ... ﴿٤٨﴾ ﴾ المائدة: ٤٨

"*...Buri (muryango woherejweho intumwa) muri mwe twawuhaye amategeko n'inzira igaragara (ugomba gukurikira)...*[1]" Nkuko bizwi nuko buri uko intumwa yasozaga ubutumwa bwayo yasimburwaga n'indi. Bityo umuyisilamu ategetswe kemera intumwa zabanje ndetse n'Intumwa yohererejwe ku gihe cye. Gihamya zikaba zerekana yuko Intumwa yasozereje izindi ari Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaje isimbura Intumwa y'Imana Issa Ibun Mar'yam (Yesu mwene Mariyat.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ مَّا كَانَ مُحَمَّدٌ أَبَآ أَحَدٍ مِّن رِّجَالِكُمْ وَلَـٰكِن رَّسُولَ ٱللَّهِ وَخَاتَمَ ٱلنَّبِيِّـۧنَ ۗ وَكَانَ ٱللَّهُ بِكُلِّ شَىْءٍ عَلِيمًا ﴿٤٠﴾ ﴾ الأحزاب: ٤٠

Allah aragira ati: "*Ntabwo Muhamadi ari se w'uwo ariwe wese muri mwe, ahubwo ni intumwa ya Allah akaba n'uwasozereje abahanuzi. Kandi Allah ni Umumenyi wa byose*[2]." Igitabo cya hishuriwe Intumwa Muhamadi (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ni Qur'an. Bikaba bitashoboka ko umuntu aba umuyisilamu atamwemeye cyangwa ngo yemere igitabo yahishuriwe, nk'uko bishimangirwa na Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat iboneka mu gitabo cya **Muslim** *(A-Swahihi),*

---

1 Qur'an 5:48
2 Qur'an 33:40

وعَنْ أَبِي هُرَيْرَةَ عَنْ رَسُولِ اللهِ ﷺ أَنَّهُ قَالَ: "وَالَّذِي نَفْسُ مُحَمَّدٍ بِيَدِهِ لاَ يَسْمَعُ بِي أَحَدٌ مِنْ هذِهِ الأُمَّةِ يَهُودِيٌّ وَلاَ نَصْرَانِيٌّ، ثُمَّ يَمُوتُ وَلَمْ يُؤْمِنْ بِالَّذِي أُرْسِلْتُ بِهِ، إِلاَّ كَانَ مِنْ أَصْحَابِ النَّارِ". رواه مسلم.

“Ndahiriye k’ufite roho ya Muhamad mu kuboko kwe, ko nta muntu n’umwe mu batuye ku isi haba mu bayahudi cyangwa mu banaswarat uzamenya, hanyuma agapfa atemeye ubutumwa nahawe, usibye ko azaba mu bantu bo mu muriro.”

## UDUTSIKO DUSHINGIYE KURI ISLAM TWAVUZWE MURI IKI GITABO:

**1. Ahlu Sunat wal Djama-at:** Ni itsinda rigendera kuri gihamya za Qur'an na Hadithi, abamenyi basobanura ko iryo tsinda rishingiye ku gukurikira imigenzo y'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha), no kwirinda ibihimbano mu myemerere ya Isilamu aho biva bikagera. Irri tsinda kandi rihuriza hamwe abantu bagahurira kuri iyo migenzo kandi bagahuriza mu kwemera abayobozi bane bayoboye nyuma y'Intumwa y'Imana aribo; Abubakar Swidiq, Umar Ibun Al Khatwab, Uthuman Ibun Afan, na Ally Ibun Abi Twalib (Imana ibishimire bose) ndetse n'abandi bamenyi bakurikiye imigenzo y'Intumwa y'Imana, haba mu basangirangendo (*Swahabat*) n'ababakurikiye mu gukora ibyiza (*A-Tabi-in*).

Iri tsinda kandi rifite andi mazina ryitwa, twavuga nka *Ahlul Hadithi wal Athari* (abagendera kuri Hadithi z'Intumwa y'Imana n'imigenzo yayo), A-*Twaifatu Al Man'swurat* (itsinda ryarokowe), cyangwa *Al Fir'qatu Nadjiyat* (Itsinda rifite intsinzi) ndetse n'andi mazina. Ikindi twavuga nuko hari gihamya nyinshi zigaragaza ko abayisilamu bazagenda bacikamo ibice, kandi iyo tuvuga ibi ntabwo tuba tugamije kubwira abantu gucikamo ibice ahubwo tuba tugamije kwamagana uko gucikamo ibice, ariko tukanagaragaza ibyahanuwe kugira ngo umuyisilamu yirinde kuba yagwa mu bice bitandukanye, ahubwo amenye ukuri anakurikire abakuriho, ntiyumve ko kuba umuyisilamu byonyine bihagije, kuko muri Isilamu harimo ibice kandi igice kiri ku kuri ni kimwe ari cyo kino turi kuvugaho.

Muri gihamya twavuga zerekana ko iri tsinda aryo riri ku kuri, ni Hadithi yakiriwe n'umusangirangendo Abu Hurayrat (Imana imwishimire) avuga ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti:

فقد ثبت في الحديث الصحيح أن النبي ﷺ قال: افترقت اليهود على إحدى وسبعين فرقة، وافترقت النصارى على اثنتين وسبعين فرقة، وستفترق هذه الأمة على ثلاث وسبعين فرقة كلها في النار إلا واحدة، قيل: من هي يا رسول الله؟ قال: من كان على مثل ما أنا عليه وأصحابي. وفي بعض الروايات: هي الجماعة. رواه أبو داود والترمذي وابن ماجه والحاكم.

“Abayahudi bacitsemo ibice mirongo irindwi na kimwe, naho Abanaswarat bacikamo ibice mirongo irindwi na bibiri, ariko abayoboke banjye (abayisilamu) bazacikamo ibice mirongo iringdwi na bitatu. Ibyo bice byose bizajya mu muriro usibye igice kimwe. Nuko barayibaza bati: Icyo gice kizarokoka ni icy’abantu ki yewe Ntumwa y’Imana? Irabasubiza iti: “Ni abazakurikiza ibyo ndiho n’abasangirangendo banjye.” No mu zindi mvugo Intumwa y’Imana yarabasubije iti: “Ni abazaba barahurije ku migenzo yanjye *(Al Djama-at)*[1].”

**2. A-Shiat:** Iri zina ryitirirwa uwo ari we wese urutisha Ally Ibun Abi Twalib abandi basangirangendo batatu bayoboye nyuma y’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) mbere ya Ally ndetse akabagirira urwango, kandi akabona ko abantu bo mu muryango w’Intumwa y’Imana ari bo bari bakwiye ubuyobozi. Ikindi nuko abashiya bacitsemo ibice byinshi muri byo twavuga:

1. Al Kaysaniyat
2. Al Imamiyat cyangwa A-Rawafidwu
3. A-Zaydiyat
4. Al Ghaliyat
5. Al Ismailiyat

Iri tsinda abagendera ku migenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahalul Sunat wal Djama-at*) bakaba barifata nk’itsinda ryayobye kuko

[1] Yakiriwe na Abu Daud na Tir’midh na Ibun Madjah na Al Hakim

imyemerere yaryo yubakiye ku marangamutima adafite gihamya za Qur'an na Hadithi z'Intumwa y'Imana.

**3. A-Swufiyat:** Ni itsinda rya bamwe mu bayisilamu ryamenyekanye mu kugira umuhate mu gukora amasengesho no kwiyegereza Imana ndetse no kwibuka Imana biherereye, no kweza imitima yabo bayereza Imana, bakanirinda ibizira, bakanatera isi umugongo. Ibi ntacyo byari bitwaye iyo baza kubikora bakurikiza amahame y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ariko ikibazo cyabayeho nuko baje kugira umurongo ngenderwaho mu myemerere yabo utandukanye n'umurongo wigishijwe n'Intumwa y'Imana, uba umurongo ushingiye ku bihimbano no guhindura imyemerere batangira gusenga iberemwa, bibaviramo gukora ibyaha ndetse no kunyuranya n'amahame ya Isilamu. Twavuga bimwe mu bikorwa bibaranga binyuranyije na Isilamu, nko kugaragira Imana badashingiye kuri gihamya za Qur'an na Hadithi, ikindi bagira ugukabya no kurengera mu gushyira hejuru abamenyi n'abihaye Imana muri bo kugeza ubwo babahaye urwego nk'urw'Intumwa z'Imana, cyangwa rurenze urwazo, bakanavuga yuko abo bihaye Imana bazi ibyihishe nkuko Imana ibizi, bakanavuga ko Imana ishobora kugaragarira mu biremwa byayo ikanabikoreramo, ikindi kibi kibaranga nuko basenga abamaze gupfa bakajya kubasaba mu marimbi, kandi bazi neza ko ntacyo babamarira. Aba nabo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana babona ko bayobye kandi ko bakeneye kwigishwa kugira ngo baguruke ku nzira igororotse. Ikindi twavuga nuko nabo bacitsemo amatsinda menshi tutarondora twavugamo:

1. A-Saq'twiyat
2. A-Tidjaniyat
3. A-Naq'shabandiyat
4. Al Qadiriyat
5. A-Shadhiliyat
6. Al Muridiyat

7. A-Rifa-iyat Al Ahmadiyat
8. A-Saharawardiyat ndetse n'abandi.

**4. Al Mu'utazilat:** Ni itsinda mu matsinda ya Isilamu, ishingiro ry'imyemerere yaryo ni ubwenge, bakaba bashyira ubwenge imbere ya gihamya za Qur'an na Hadith, birengagiza gihamya zigaragara mu mvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) bakazemera ari uko zijyanye n'ubwenge bwabo. Babona ko umuntu agomba kumenya Imana binyuze mu bwenge, gihamya zaba zitandukanye n'ubwenge bakabanza ubwenge imbere bakareka izo gihamya, zaba gihamya za Qur'an cyangwa Hadith, kuko bo babona ko ubwenge ari wo musingi wo kwemera.

Kubera izi mpamvu, batandukanye n'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) kuko bo babona ko ubwenge ari impamvu yo gusobanukirwa gihamya z'Idini ya Isilamu, atari bwo buha umurongo gihamya z'Idini ya Isilamu.

Iri tsinda ryatangiye kugaragara mu ntangiriro z'ikinyejana cya kabiri Hidjiriyat i Baswrat mu gihugu cya Iraq. Byari mu mpera z'ubuyobozi bw'aba Umawiyat, riza kugira imbaraga mu gihe cy'ubuyobozi bw'Ababasiyat, ubwo umwe mu banyeshuri ba Al Hassan Al Baswri witwa Waswil Ibun Atwa-u Al Ghazali yatandukanye n'umwarimu we ku itegeko rireba umuyisilamu wakoze icyaha gikuru, niba azajya mu muriro ubuziraherezo cyangwa azajya mu ijuru! Waswil Ibun Atwa-u yavuze ko atazajya mu muriro cyangwa mu ijuru. Nuko Al Hassan amwirukana mu cyicaro cye, maze yitandukanya nawe ari hamwe na Amru Ibun Ubaydi.

**5. Al Mushabihat:** Ni abantu bafite imyemerere yuko imiterere y'ibiranga Imana isa n'iyibiremwa. Aba barayobye kuko imiterere y'ibiranga Imana itandukanye n'iy'ibiremwa, n'ubwo bwose umuntu aba agomba gushimangira ibyo Imana yivuzeho ubwayo, nibyo Intumwa yayo yabivuzeho ariko atabigerarenyije n'iby'ibiremwa.

**6. Al Mu'atwilat:** Ni abantu bafite imyemerere yo guhakana no kutemera amazina y'Imana n'ibisingizo byayo, aba bakaba bameze nk'abasenga udahari, kuko kuvuga ko bemera Imana ariko batemera imiterere yayo yivuzeho, cyangwa yavuzweho n'Intumwa yayo batinya ko babyemeye baba bayisanishije n'ibiremwa baba bayigize nk'aho idahari. Aha hinjiramo amatsinda atandukanye twavuga nkaba Al Djahamiyat, Al Mu-utazilat, na Al Asha-irat, ndetse n'abandi.

**7. Al Djahmiyat:** Aka gatsiko ni kamwe mu dutsiko twitirirwa Isilam, ariko kanyuranya n' imisingi y'imyemerere ya Isilam mu buryo bwinshi, katangiriye muri Iraq, naho izina ryako riva ku wagashinze ariwe witwaga *Al Djah'mu Ibun Swaf'wan* wapfuye mu mwaka wa 128 Hij'riyat. Imyemerere y'uyu mugabo n'abamukurikiye mu nshamake ni iyi ikurikira:

Ntibemera amazina y'Imana yose ibisingizo n'ibigwi byayo dukomora muri Qur'an n'imvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), ibi babihakana bitwaje ko baramutse babyemeye baba basanishije Imana n'ibiremwa byayo. Nanone aka gatsiko gahakana ko ibiremwa bitagira amahitamo n'ubushobozi bwo gukora igikorwa runaka cyangwa kukireka, kanemera ko igisobanuro cy'ukwemera ari ukumenya Imana gusa, naho icy'ubuhakanyi bikaba kutayimenya. Kandi kanahakana ko abemeramana batazabona Imana ku munsi w'imperuka, nkuko bigaragara muri Qur'an no mu migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kanemera nanone ko ijuru n'isi bizarangira (bitazabaho ubuziraherezo).

**8. Al Djab'riyat:** Aka gatsiko kemera ko umuntu ibikorwa akora nta mahitamo abigiramo, ahubwo niko yaremwe ibiba byose biba nta ruhare abigizemo. Kakaba karimo ibice bibiri; icya mbere (abo hagati no hagati), aribo bavuga ko ibikorwa by'ibiremwa byitirirwa Imana kuko yabiremye, bikitirirwa ibiremwa kuko aribyo bisohorezwaho. Icya kabiri (abatsimbaraye ku myemerere yabo), aba bo bemera ko ibiremwa nta ruhare na ruto byagira mu bikorwa byabyo. Ibi bakabihuza n'abo mu gatsiko k'abitwa *Al Djah'miyat*

**9. Al Qadariyat:** Aka gatsiko gahakana igeno kavuga ko Imana itagena kuko imenya ikintu ari uko kibaye. Ibi bikaba ari uguhakana ubumenyi bwa Allah bwa buri kintu na mbere y'uko kibaho. Ikindi nuko iyi myemerere ari ubuyobe bugaragara, ni n'ubuhakanyi no guhinyuza ibisanzwe bizwi n'uwo ari we wese mu Idini ya Islam.

**10. Al Wa-idiyat:** Aka ni agatsiko gashyira imbere ibihano bya Allah kurusha impuhwe n'imbabazi bye, nkuko Muhamad Ibun Abdul Karim A-Shah'rastani yagasobanuye mu gitabo cye *(Al Milali wa A-Nihali)* agira ati: Ni babandi bavuga ko uwaguye mu byaha bikuru ari umuhakanyi kandi azaba mu muriro ubuziraherezo. Hakinjiramo n'utundi dutsiko tubyemera gutyo aritwo (Al Mu-utazilat, ndetse na Al Khawaridj...)

**11. Al Mur'dji-at:** Aka gatsiko ko kemera ko ukwemera ari mu mvugo gusa atari mu bikorwa, kandi ko ukwemera kutiyongera cyangwa ngo kugabanyuke. Ni ukuvuga ngo umuntu wamaze kwemera Imana mu mvugo biramuhagije kuba yaba uwo mu ijuru kabone n'ubwo yaba ari umunyabyaha.

**12. Al Asha-irat:** Ni bamwe mu bayisilamu bari mu gatsiko kitirirwa uwitwa Abul Hassan Al Ash'ari, ariko kakaba gafitanye isano rya bugufi n'akandi gatsiko kitwa Al Mu'utazilat. Kakaba

gafite byinshi gahuriyeho n’abakurikiye imigenzo y’Intumwa y’Imana (*Ahlu Sunat wal Djama’at*), ariko ko gatandukanye nabo ku bijyanye n’amazina y’Imana n’ibisingizo byayo; mu gihe *Ahlu Sunat wal Djama’at* bo bemera badashidikanya imirongo ya Qur’an n’imvugo z’Intumwa y’Imana zaje zigaragaza amazina ya Allah n’ibisingizo bye, hatabayeho kumusanisha n’ibiremwa cyangwa se kumugereranya nabyo, abitwa *Al Asha’irat* bo bemera amazina ya Allah ariko bahakana ibisingizo bye bagaragaza ko batinya kumusanisha n’ibiremwa, uretse ibisingizo birindwi nibyo barabonuyemo, aribyo: Ubushobozi bwa Allah *(Al Qudrat),* Ubushake bwa Allah *(Al Iradat),* Ubumenyi bwe *(Al Ilmu*), Kuba ari muzima *(Al Hayatu*), Kuba avuga *(Al Kalamu),* Kuba yumva *(A-Sam’u)* ndetse no kuba abona (*Al Baswari).*

Mu gihe *Ahlu Sunat wal Djama’at* bo bubaha imvugo za Qur’an ndetse n’iz’Intumwa y’Imana (Imana iyihe amahoro n’imigisha) zivuga ku mazina n’ibisingizo by’Imana zose, bakaziha ibisobanuro Imana n’Intumwa yayo bari bagamije kugaragaza, *Al Asha’irat* bo basobanura ibyo Imana yivuzeho n’ibyo Intumwa yayo yayivuzeho banyuranyije n’ibyo Imana n’Intumwa yayo bari bagamije ahubwo bakagendera ku marangamutima yabo *(A-Ta’awiil),* bigatuma izo mvugo baziha ibisobanuro bitari ibyazo.

قَالَ تَعَالَى: ﴿ هُوَ ٱلَّذِىٓ أَنزَلَ عَلَيۡكَ ٱلۡكِتَٰبَ مِنۡهُ ءَايَٰتٞ مُّحۡكَمَٰتٌ هُنَّ أُمُّ ٱلۡكِتَٰبِ وَأُخَرُ مُتَشَٰبِهَٰتٞۖ فَأَمَّا ٱلَّذِينَ فِي قُلُوبِهِمۡ زَيۡغٞ فَيَتَّبِعُونَ مَا تَشَٰبَهَ مِنۡهُ ٱبۡتِغَآءَ ٱلۡفِتۡنَةِ وَٱبۡتِغَآءَ تَأۡوِيلِهِۦۖ وَمَا يَعۡلَمُ تَأۡوِيلَهُۥٓ إِلَّا ٱللَّهُۗ وَٱلرَّٰسِخُونَ فِي ٱلۡعِلۡمِ يَقُولُونَ ءَامَنَّا بِهِۦ كُلّٞ مِّنۡ عِندِ رَبِّنَاۗ وَمَا يَذَّكَّرُ إِلَّآ أُوْلُواْ ٱلۡأَلۡبَٰبِ ﴾ آل عمران: ٧

Allah aragira ati: “*Ni we waguhishuriye igitabo (Qur’an), kirimo imirongo isobanutse ari yo shingiro ry’igitabo, hakabamo n’indi izimije. Ariko babandi bafite imitima ibogamiye ku buyobe, bakurikira izimije muri yo bagamije gutera urujijo mu bantu no kuyisobanura uko itari. Nyamara ntawamenya ibisobanuro byayo (nyakuri) uretse Allah. Naho abacengeye mu bumenyi baravuga bati “Turayemera, yose (isobanutse n’izimije) ituruka kwa*

*Nyagasani wacu. Kandi nta bandi barangwa no kwibuka uretse abanyabwenge*[1]*"*

Ikindi twavuga nuko *Ahlu Sunat wal Djama'at* bo batishora mu gushaka kumenya imiterere n'uburyo ibisingizo bya Allah bimeze ngo babigereranye n'iby'ibiremwa, *Al Asha'irat* bo bashaka kumenya imiterere y'ibisingizo bya Allah, bagatinya ko babishimangiye baba babisanishije n'iby'ibiremwa bikabaviramo kubisobanura uko bitari cyangwa bakavuga ko Imana ariyo izi ibisobanuro byabyo. (P.*183, Atawdwiihat*)

**13. Al Kalamiyuna/ Ulama-ul Kalam:** Ni bamwe mu bayisilamu bashyira imbere ubwenge n'igereranya (*Al Qiyas*) bakabirutisha gihamya zaje muri Qur'an no mu mvugo z'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu gushimangira no kurengera imyemerere y'idini ndetse n'amategeko yayo. Ibi byatumye bagwa mu buyobe no mu bihimbano kubera ko icyo Imana yagize ishingiro ryo kuyoboka kw'umuntu ni gihamya ziboneka muri Qur'an na Hadith z'Intumwa yayo, naho ubwenge bukaza buzikurikira, ntabwo izi gihamya arizo zikurikira ubwenge bw'umuntu. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى:﴿ يَٰٓأَيُّهَا ٱلَّذِينَ ءَامَنُواْ لَا تُقَدِّمُواْ بَيۡنَ يَدَيِ ٱللَّهِ وَرَسُولِهِۦۖ وَٱتَّقُواْ ٱللَّهَۚ إِنَّ ٱللَّهَ سَمِيعٌ عَلِيمٞ ١ ﴾
الحجرات: ١

*"Yemwe abemeye! Ntimukajye mugira ibyo mufataho ibyemezo mbere ya Allah n'Intumwa ye. Kandi mujye mutinya Allah; mu by'ukuri, Allah ni Uwumva bihebuje, Umumenyi uhebuje."*[2]

Ku bw'ibyo ntibishoboka ko gihamya z'impamo zanyuranya n'ubwenge buzima.

---

1 Qur'an 3:7
2 Qur'an 49:1.

Ikindi nuko twinshi mu dutsiko duhabanye n'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djamaat)* nka Al Mu-utazilat, Al Qadariyat, Al Jahmiyat, n'utundi, dushyira imbere imyumvire yatwo n'imitekerereze yatwo mu gushimangira imyemerere n'amategeko by'idini tukabirutisha gihamya za Qur'an na Hadith, mu gihe *Ahlu Sunat wal Djama'at* bo bagendera bakanashingira kuri gihamya za Qur'an ndetse n'imvugo z'Intumwa y'Imana, n'uburyo aba mbere mu kwemera (*A-Salafu*) babisobanukiwe.

**14. Al A'qlaniyuna/Abafilozofe:** Aba bameze kimwe nk'aba bantu tumaze kuvuga hejuru, nabo bashyize ubwenge imbere baburutisha ibyavuzwe na Qur'an cyangwa se Sunat z'Intumwa y'Imana, bakemera ibyo babona, ibyo batabona cyangwa batabonesha amaso ntibabyemere. Bisobanuye ngo n'ibyo Imana itaduhishuriye ubumenyi bw'imiterere yabyo, nk'Imana ubwayo, ijuru, umuriro, Abamalayika ntibabyemera, ndetse babona ko nta biriho. Bakaba babona ko ukuri igihe cyose ari uko ubwenge bwakiriye, naho ibyo ubwenge butakiriye kuri bo ntabwo ari ukuri ndetse ntibanabyemera. (*P.84: A-Tawdwiihat*). Iyi myumvire yabo yabaviriyemo guhakana byinshi by'itegeko bizwi na buri wese mu idini ko ari impamo, nko guhakana ubumenyi bw'ibitagaragara (Ilmu Al Ghay'b) twabwiwe muri Qur'an no mu migenzo y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha). Ndetse iyi myumvire yabagejeje kandi kugusobanura ibintu uko bitari bagendeye ku marangamutima yabo (*A-Ta-awiil*).

Allah yihanangirije bikomeye imyemerere nk'iyi agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَمِنَ ٱلنَّاسِ مَن يُجَٰدِلُ فِي ٱللَّهِ بِغَيۡرِ عِلۡمٖ وَلَا هُدٗى وَلَا كِتَٰبٖ مُّنِيرٖ ٨ ﴾ الحج: ٨

Allah aragira ati: "*No mu bantu, hari ujya impaka kubyerekeye Allah nta bumenyi, umuyoboro cyangwa igitabo kimumurikira.*"[1]

---

[1] Qur'an 22:8

Impamvu Allah yabibabujije nuko gusobanura ibintu uko bitari bagendeye ku marangamutima yabo (A-Ta-awiil), ni imwe mu mpamvu zo kwishora mu byo atazi kandi adafitiye ubumenyi bimuviramo kugwa mu buyobe. Ikindi nuko ari imwe mu mpamvu zo gutera umugongo no kwirengagiza amagambo ya Allah ndetse n'ay'Intumwa ye, no kuvuga ibyo umuntu adafitiye gihamya, no gukurikira irari kubera urwitwazo rwabo rwo guhuza ibyo Qur'an yavuze n'ibyo ubwenge bwabo bushaka.

**15. Al Khawaridji:** Ni uwo ari we wese wigometse ku muyobozi w'ukuri washyizweho n'Abayisilamu bakamwemeranywaho. Uku kwigomeka kwaba ari mu gihe cy'abasangirangendo bane bayoboye nyuma y'Intumwa y'Imana, cyangwa se abayoboye nyuma yabo *(A-Tabiina),* n'abandi bazayobora mu bihe bitandukanye. Naho iyi nyito Al Khawaridj kwitirirwa agatsiko byatangiye mu gihe cya nyuma cy'ubuyobozi bwa Uth'man Ibun Afan. Ariko aka gatsiko kamenyekanye cyane ku buyobozi bwa Ally Ibun Abi Twalib (Imana imwishimire), ubwo kangaga kwakira ibyavye mu biganiro by'abahuza ari bo; Abu Mussa Al Ash'ari na Amru Ibun Al Aswi, mu makimbirane yari yabaye hagti ya Muawiyat Ibun Abi Suf'yani hamwe na Ally Ibun Abi Twalib.

**Abamenyi bagaragaza imisingi itatu ishingiyeho ibiranga aka gatsiko;**

1- Kurangwa no kwigumura ku muyobozi nk'uko twabibonye.

2- Kumena amaraso y'inzirakarengane haba mu bayisilamu no mu batari abayisilamu.

3- Kuvuga yuko umuyisilamu ukora icyaha gikuru aba baye umuhakanyi.

**16. Al Madjusi:** Ni agatsiko k'abasenga umuriro kavuga ko isi iyobowe n'ibintu bibiri urumuri n'umwijima.

**17. Athanawiyat:** Ni imitekerereze ya gifilozofi ijya kumera nk'iy'aba Madjusi, ariko aho bitandukanira nuko bo bemeza ko urumuri n'umwijima byahozeho, mu gihe aba Madjusi bo bavuga ko icyahozeho ari urumuri, umwijima ukaba waraje nyuma. Bakaba bemera ko ibi bintu byombi iyo bitabaho ntitwari gusobanukirwa ibiri ku isi.

**18. Al Quburiyuna :**Ni imyemerere ya bamwe mu ba Sufi bakora ibangikanyamana kubera gukabiriza abapfuye bakabatagatifuza bakabaha ukuri kudakwiye undi uwo ari we wese usibye Allah, nko kuba babiyegereza mu buryo bw'amasengesho, kubasaba, kubambaza, kubatambira, ndetse no kubashakaho imigisha mu cyimbo cy'Imana n'ibindi. Uzasanga cyane bibanda kujya gukora umutambagiro ku marimbi

**19. Al Mushirikiya:** Nkuko Sheikh Al Islam asobanura aka gatsiko avuga ko ari agatsiko kemera ibigendanye n'ibyo Allah yaciyeho iteka akanabigena, ariko bahakana gutegeka kwa Allah no kubuza kwe. Allah aragira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ سَيَقُولُ ٱلَّذِينَ أَشۡرَكُواْ لَوۡ شَآءَ ٱللَّهُ مَآ أَشۡرَكۡنَا وَلَآ ءَابَآؤُنَا وَلَا حَرَّمۡنَا مِن شَيۡءٖ ﴾

الأنعام: ١٤٨

*"Babandi babangikanyije Allah bazavuga bati "Iyo Allah aza kubishaka, twe n'abakurambere bacu ntitwari kumubangikanya, kandi nta n'icyo twari kuziririza".* [1]

**20. A-Nawaswibu:** Ni agatsiko kagirira urwango abantu bo mu muryango w'Intumwa y'Imana by'umwihariko Ally Ibun Abi Twalib n'abantu bo mu muryango we, kakavuga ko babaye abahakanyi ndetse kakanabasebya.

---

[1] Shar'hu Al Aqidat A-Tad'muriya cya Naswir Ibun Abdul karim Al Aq'li

**21. A-Dahriyyat:** Ni imyemerere n'imitekerereze ya bamwe mu bantu bemera ko ibibaho byose biterwa n'igihe, ntibemere ko Allah ariwe ubigena. Bakavuga ko ibijyanye no kubaho kwabo no gupfa kwabo nabyo bishingirwa ku gihe, Allah yagaragaje abantu bafite imitekerereze nk'iyi muri Qur'an abanenga agira ati:

قَالَ تَعَالَى: ﴿ وَقَالُوا۟ مَا هِىَ إِلَّا حَيَاتُنَا ٱلدُّنْيَا نَمُوتُ وَنَحْيَا وَمَا يُهْلِكُنَآ إِلَّا ٱلدَّهْرُ ۚ وَمَا لَهُم بِذَٰلِكَ مِنْ عِلْمٍ ۖ إِنْ هُمْ إِلَّا يَظُنُّونَ ﴿٢٤﴾ ﴾ الجاثية: ٢٤

"*Kandi baravuze bati "Ubuzima nta kindi buri cyo usibye kuba ku isi, tugapfa tukanabaho, kandi nta kindi kitworeka kitari igihe. Ibyo nta bumenyi babifitiye, usibye gukeka gusa.*"[1]. Bityo, ntibemera Imana kandi ntibemera ko ari yo Mugenga wa byose. Iyi myemerere yabo ikaba yegereye kuba iy'abatagira idini, b'abahakanyi.

**22. Al Ibilisiyyat:** Aba bo bemeje kugena kwa Allah no gutegeka, ariko bavuze ko bivuguruzanya, uku kuvuguruzanya kwabyo babishinja Allah bituma bamunenga mu bushishozi bwe no mu butabera bwe.

**23. Al Haruriyat:** Iri ni rimwe mu mazina y'agatsiko k'abitwa Al Khawaridj bakaba bariswe Al Haruriyat bivuye ku izina ry'ahantu hitwa Harura-u mu gihugu cya Iraq. Akaba ari naho Aba Khawaridj bakusanyiye ubwo bari bamaze kwigumura kuri Ally Ibun Abi Twalib (Imana imwishimire).

---

[1] Qur'an 45: 24

## BIMWE MU BITABO BYIFASHISHIJWE MU GUSOBANURA IKI GITABO.


1. IBISOBANURO BYA QUR'AN NTAGATIFU yashyizwe mu rulimi rw'ikinyarwanda, umwaka wa 2019, yasobanuwe ku nkunga y'umuryango Africa Development and Education Foundation ku bufatanye n'umuryango w'Abayisilamu mu Rwanda.

2. Interpretation of the meanings of the Noble Qur'an in the English language cya Dr. Muhamad Taqi-ud-Din Al-Hilali, Dr Muhamad Muhsin Khan, gifite paje 1183, icapwa rya mbere 2007, cyacapwe na Maktaba Dar-us-Salam, Riyadh- Arabiya Sawudite.

3. Shar'h Al Aqidat Al Wasitwiyat cya Fadwiilat Sheykh Dr Swalih Ibun Fawuzan Al Fawuzan gifite paje 203, icapwa rya karindwi 1422H-2002 cyacapwe na Ri-asat Idarat Al Buhuth Al Ilmiyat Wal Ifta-u, Riyadh- Arabiya Sawudite.

4. Shar'h Al Aqidat Al Wasitwiyat cya Sheykh Muhamad Ibun Abdul Rahman Ibun Qassim gifite paje 279, icapwa rya kabiri 1428H-2008 , cyacapwe na Maktabat Al Malik Fah'd, Riyadh- Arabiya Sawudite.

5. A-Tan'bihati A-Saniyat Alal Aqidati Al Wasitwiyat cya Fadwiilat Sheykh Abdul Aziz A-Naswir A-rashiid, gifite paje 259, icapwa rya gatanu 1426H-2005 cyacapwe na Daru A-Rashiid, Riyadh- Arabiya Sawudite, na Daru Al Awaswim-Alexandriya-Egypt.

6. Shar'h Al Aqidat Al Wasitwiyat cya Fadwiilat Sheykh Muhamad Ibun Swaleh Al Uthayimin kiri mu mizingo (Vol) 2, icapwa rya kane 1435H-2014 cyacapwe na Daru Ibun Al Djawuziy linash'ri wa Tawuzii-i, Damam Arabiya Sawudite.

7. Al MILALI WA NIHAL gikorerwa ubwunganizi na Abi Al Fat'hi Muhamad Ibun Abdulkarim A-Shah'rastani, cyakosowe na Abi Muhamad Muhamad Ibun Fariid, gifite vol (4), cyacapwe mu mwaka wa 2003, gicapwa na Al Maktabat A-Taw'fiqiyat, Cairo-Misiri.

8. AL FARQU BAYNA AL FIRAQ cyanditswe na Abdul Qahir Ibun Twahir Ibun Muhamad Al Bagh'dadi, gikorerwa ubwunganizi na Madj'dii Fat'hii A-Saydi, gicapwa na Al Maktabat A-Taw'fiqiyat, Cairo-Misiri.

9. MADJ'MALU AQAID A-SHIAT FII MIZANI AHLI SUNAT WAL DJAMAAT, cyanditswe na Mamduuh Al Har'biy, icapwa rya mbere, umwaka wa 2009, paji 608, cyacapwe na Daru Ibadurahman.

10. Al ADIYAN WAL FIRAQ WAL MADHAHIB AL MUASWIRAT, cyanditswe na Abdul Qadir Shaybat Al Hamdu, icapwa rya kane, paji 262.

11. AL DJAMAATU AL ISLAMIYAT FII DWAW-U AL KITABU WA SUNAT BI FAHMI SALAFI AL UMAT, cyanditswe na Abi Usamat Saliim Ibu Abdul hilaliy A-Salafiyu Al Ath'riyu, paji 688, gicapwa mu mwaka wa 2004, mu icapiro rya Daru Al Imam Ahmad Cairo Misiri.

12. Twakoresheje murandasi, twifashisha imbuga nkoranyambaga z'abamenyi batandukanye bagiye basobanura iki gitabo.

# ISHAKIRO

**IGICE CYA MBERE: GIHAMYA ZIGARAGAZA AMAZINA Y'IMANA IBISINGIZO, IBIGWI N'IBIRANGA ALLAH MURI QUR'AN NTAGATIFU.....33**

Gihamya zigaragaza ko amazina y'Imana n'ibisingizo byayo biri hagati yo guhakana amazina n'ibisingizo bifite inenge, no guhamya ibyuzuye bizira inenge. ---------------------------------------------------------------------------34

Gihamya zihurije hamwe ukuba Allah ari hejuru y'ibiremwa bye, ndetse no kuba ari bugufi yabyo, kandi ko yahozeho ndetse azanahoraho. -----------41

Kuba Allah afite ubumenyi bwa buri icyo ari cyo cyose mu biremwa bye, nta kimwisoba. ------------------------------------------------------------------44

Gushimangira ko Allah Nyirubutagatifu yumva kandi anareba. ------------49

Gushimangira ubushake bwa Allah Nyirubutagatifu--------------------------51

Gushimangira ko Allah akunda, ndetse ko akunda abakunzi be bijyanye n'icyubahiro cye. ---------------------------------------------------------------58

Gushimangira ko Allah Nyirubutagatifu buhebuje arangwa n'impuhwe n'imbabazi.-----------------------------------------------------------------------68

Imvugo muri Qur'an zigaragaza ukwishimira kwa Allah, uburakari bwe, kwanga kwe, ndetse ko ibyo biri mu bimuranga. -----------------------------74

Gihamya muri Qur'an zigaragaza ko Allah azaza bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe, kugira ngo acire abagaragu be imanza. ----------------81

Gihamya za Qur'an zigaragaza ko Allah afite uburanga. ---------------------85

Gihamya muri Qur'an zishimangira ko Allah afite amaboko abiri. ---------87

Gihamya za Qur'an zishimangira ko Allah afite amaso abiri. ----------------92

Gihamya zishimangira kumva no kureba bya Allah Nyirubutagatifu. -----96

Gihamya zishimangira ko Allah Nyirubutagatifu ariwe uhebuje mu kuburizamo imigambi mibisha [y'inkozi z'ibibi, n'abagambanyi], ndetse akaba Nyir'ibihano bikomeye. ----------------------------------------------- 102

Gihamya zishimangira ko Allah arangwa no kugira imbabazi, impuhwe, icyubahiro ndetse n'ubushobozi.---------------------------------------------- 105

Gihamya zishimangira ko Allah afite amazina (ahebuje mu bwiza) kandi ko ntacyo agereranywa nacyo. ---------------------------------------------------- 109

Gihamya zihakana ko Allah hari icyo abangikanye nacyo. ----------------- 116

Gihamya zishimangira ko Allah ari hejuru ya Arshi ye --------------------- 124

Gihamya zishimangira ko Allah ari hejuru y'ibiremwa bye. ---------------- 130

Imirongo ya Qur'an ishimangira ko Allah ari kumwe n'ibiremwa bye. --- 134

Gihamya zigaragaza ko Allah avuga. ----------------------------------------- 141

Gihamya zishimangira ko Qur'an yamanuwe iturutse kwa Allah. -------- 149

Gihamya zishimangira ko ku munsi w'imperuka abemeramana bazareba Umuremyi wabo (Allah) imbonankubone. ------------------------------------ 153

**IGICE CYA KABIRI: GIHAMYA ZIGARAGAZA AMAZINA Y'IMANA IBISINGIZO, IBIGWI N'IBIRANGA ALLAH MU MVUGO Z'INTUMWA Y'IMANA (IMANA IYIHE AMAHORO N'IMIGISHA)................................ 159**

Gihamya zishimangira ukumanuka kwa Allah ku kirere cy'isi bijyanye n'ubuhambare bwe. ---------------------------------------------------------- 163

Gihamya zishimangira ko Allah yishima ndetse akanaseka bijyanye n'ubuhambare bwe. ---------------------------------------------------------- 165

Gihamya zishimangira ko Allah atangara ndetse akanaseka bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe. ---------------------------------------- 167

Gihamya zishimangira ko Allah afite ukuguru n'ikirenge bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe. ---------------------------------------- 168

Gihamya zishimangira ko Allah ahamagara, agira ijwi, ndetse anavuga bijyanye n'icyubahiro cye n'ubuhambare bwe. ------------------------------ 171

Gihamya zishimangira ko Allah ari hejuru y'ibiremwa bye akanaba hejuru ya Ar'shi ye.------------------------------------------------------------------ 174

Gihamya zishimangira ko Allah ari kumwe n'ibiremwa bye kandi ko bidakuraho kuba ari hejuru ya Ar'shi ye. ------------------------------------ 181

Gihamya zishimangira ko ku munsi w'imperuka abemeramana bazareba Nyagasani wabo (Allah) imbonankubone. ------------------------------------ 190

Kugaragaza uko abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ah'lu Sunat) bafata izi mvugo z'Intumwa y'Imana zishimangira ibisingizo, ibigwi n'ibiranga Allah.------------------------------------------------------ 192

Kugaragaza urwego abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ah'lu Sunat wal Djama-at)* bariho ugeraranyije n'andi matsinda. ------------- 194

Ni itegeko kwemera ko Allah ari hejuru ya Ar'shi ye kandi akaba ari hejuru y'ibiremwa bye ndetse akanaba ari kumwe n'ibiremwa bye, kandi ko nta kuvuguruzanya kuri hagati yabyo.---------------------------------- 204

Kugaragaza ikiri ngombwa mu kwemera ko Allah ari hejuru kandi ko ari kumwe n'ibiremwa bye bijyanye n'icyubahiro n'ubuhambare bye, n'ibisobanuro by'uko ari hejuru, na gihamya zibigaragaza. ------------- 209

Ni itegeko kwemera ko Allah ari bugufi )yegereye( ibiremwa bye kandi ko ibyo bitanyuranyije no kuba ari hejuru ya byose.------------------------- 212

Kwemera ko Qur'an ari amagambo ya Allah by'ukuri ni itegeko.------- 216

Abemeramana kwemera ko bazareba umuremyi wabo (Allah) ku munsi w'imperuka, n'aho bazamubonera ni itegeko.------------------------------ 227

Ibikubiye mu kwemera umunsi w'imperuka ---------------------------------- 230

1: Harimo kwemera ibibera mu mva.--------------------------------------- 230

2: Imperuka nkuru n'ibizayiranga:------------------------------------------ 237

Ibizaba ku munsi w'imperuka. -------------------------------------------- 243

Ikidendezi (Haw'dwi) cy'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) n'aho giherereye ndetse n'imiterere yacyo. ----------------- 255

Ibisobanuro bya *Swiratwa*, aho iherereye, n'uburyo abantu bazayinyuraho. ------------------------------------------------------------- 259

Q*an'twarat* (ikiraro) kiri hagati y'ijuru n'umuriro. ---------------------- 263

Umuntu wa mbere uzasaba gufungurirwa umuryango w'ijuru, n'uwa mbere uzaryinjiramo, hamwe no gutakambira abantu kw'Intumwa y'Imana Muhamad (Imana iyihe amahoro n'imigisha). ----------------- 265

Kuvanwa mu muriro kwa bamwe mu banyabyaha kubera impuhwe za Allah badatakambiwe, n'uburyo ijuru rizaba ari rigari ku bazaba baririmo.---------- 273

Kwemera igeno no kugaragaza ibirikubiyemo.---------- 277

Ibisobanuro birambuye by'inzego zigize igeno.---------- 280

A. Urwego rwa mbere n'ibirugize. ---------- 280

B. Urwego rwa kabiri n'ibirugize.---------- 288

Kuba nta kuvuguruzanya kuri hagati y'ibyo Allah yagennye hamwe n'ibyo yategetse, cyangwa ngo kube hagati y'uko yagennye ukubaho kw'ibyaha kandi akaba abyanga.---------- 293

Kuba nta kuvuguruzanya kuri hagati y'ibyo Allah yagennye hamwe no kuba abantu ari bo bitiririrwa by'ukuri ibikorwa bakora, kandi ko ibyo bikorwa babikora ku mahitamo yabo.---------- 299

Ukwemera kwa nyako n'itegeko rirebana n'Umuyisilamu wakoze icyaha gikuru (kitari ibangikanyamana). ---------- 306

Icyo tugomba abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ndetse no kuvuga ibigwi n'ibyiza byabaranze. - 317

Agaciro k'abasangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) n'uburyo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat wal Djamaat) babafata, no kugaragaza uburyo barutanwa hagati yabo. ---------- 325

Itegeko rireba ushyira Ally imbere y'abandi basigire bane b'Intumwa y'Imana (*Al Khulafa-u*) ku buyobozi. ---------- 342

Agaciro abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu sunat wal Djama-at*) baha abantu bo mu muryango w'Intumwa y'Imana.------- 345

Agaciro abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) baha abagore b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha).---------- 351

Kwitandukanya kw'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana n'ibyo abanyabihimbano bavuga ku basangirangendo b'Intumwa y'Imana ndetse no ku bantu bo mu muryango we.---------- 357

Uburyo abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana *(Ahlu Sunat wal Djamaat)* bemeramo ibijyanye n'ibitangaza by'abakunzi ba Allah (Awuliya-u). ------------------------------------------------------------------ 369

Icyigwa: kigisha ibiranga abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (Ahlu Sunat Wal Djama'at) n'impamvu biswe gutyo. ------------------- 374

Icyigwa: Mumisingi y'imyemerere y'abagendera ku migenzo y'Intumwa (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) harimo kubwiriza ibyiza no kubuza ibibi. 387

Abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) bahamagarira abantu kurangwa n'imico myiza ihebuje ndetse no kurangwa n'ibikorwa byiza. ------------------------------------------------ 394

Inzira y'abagendera ku migenzo y'Intumwa y'Imana (*Ahlu Sunat wal Djama-at*) ni idini y'Ubuyisilamu. ---------------------------------------- 401